# UBUTUMWA BWATORANYIJWE 3



ELLEN G. WHITE

# SELECTED MESSAGES

FROM THE WRITINGS OF ELLEN G. WHITE

BOOK THREE

Review and Herald Publishing Association
Washington. D.C

Copyright © 1980 by the Trustees of the Ellen G. White Publications

Safeliz

Izina ry'Igitabo: Ubutumwa Bwatoranyijwe, Igitabo cya 3

Abatunganyije Igitabo: Editorial Safeliz SL Copyright: Rwanda Union Mission of SDAs

Produced by Editorial Safeliz for the Rwanda Union Mission of SDAs Editorial Safeliz S.L.

Pradillo 6, Pol Ind La Mina 27880 Colmenar Viejo, Madrid, Spain www.safelizbibles.com admin@safeliz.com

Cyasobanuwe mu Kinyarwanda n'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi mu Rwanda.

BP.367

Kigali -Rwanda

©2022 Itorero ry' Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi mu Rwanda

Nyakanga 2022: Igitabo cya mbere

ISBN: 978-84-7208-889-4

YACAPWE MU BUSHINWA IMP12

## IBIRIMO:


UBUTUMWA BWAGENEWE UMUSOMYI ........ 14

UMUGABANE WA I ........ 16

ITORERO ........ 16

IJAMBO RY'IBANZE ........ 16

IGICE CYA 1 ........ 17

ITORERO NI IKI? ........ 17

IGICE CYA 2 ........ 20

UBUMWE MU ITORERO ........ 20

MUGABE IGITERO MWUNZE UBUMWE ........ 20

IGICE CYA 3 ........ 22

GUKORERA MU BWIGENGE ........ 22

KUVA KU KWIZERA ........ 22

IMBARAGA ZIVA MU GUKORA IBYAGIWEHO INAMA ........ 22

MUJYE INAMA KANDI MUGERERANYE IMIGAMBI MUFITE ........ 22

IMIKORERE MU ITANGIRA RY'UMURIMO ........ 23

UBWIGENGE, NI UBUHENDANYI BWA SATANI ........ 23

GAHUNDA Y'IMIYOBORERE INOZE NI INGENZI ........ 24

UMUGABANE WA II ........ 25

AMAHAME YO GUHUMEKWA ........ 25

IJAMBO RY'IBANZE ........ 25

IGICE CYA 4 ........ 26

IJAMBO RY'IMANA NI RYO NYAMBERE ........ 26

IGICE CYA 5 ........ 29

IBYABAYEHO MU GUHABWA AMAYEREKWA ........ 29

IGICE CYA 6 ........ 33

ISHUSHO NTO Z'UBURYO UMUCYO WAJE KURI ELLEN WHITE ........ 33

IGICE CYA 7 ........ 38

KUMENYESHA ABANDI UBUTUMWA IMANA YAHISHUYE ........ 38

IGICE CYA 8 ........ 47

IKIBAZO CYO GUKORERWAMO N'IBITEKEREZO BY'ABANDI ........ 47

IGICE CYA 9 ........ 51

GUSOBANURA IMYUMVIRE YA ELLEN WHITE N'IJAMBO RY'IMANA ........ 51

MBESE NI IGITEKEREZO CYA ELLEN WHITE? 51
IGICE CYA 10 53
IBYEREKEYE KUBA INTUMWA YAHUMEKEWE 53
NYUMA Y'URUPFU RWA ELLEN WHITE 56
IGICE CYA 11 57
KWAKIRA UBUTUMWA 57
INGERO EBYIRI ZIFATIKA 60
UMUGABANE WA III 63
GUTEGURA IBITABO BYA ELLEN G. WHITE 63
IJAMBO RY'IBANZE 63
IGICE CYA 12 64
ABAHANGA MU NDIMI BAFASHIJE MU MURIMO WA ELLEN G. WHITE 64
IGICE CYA 13 68
IBIHAMYA BY'ITORERO 68
ELLEN WHITE YIFUZAGA KO URURIMI RUKORESHWA MU BURYO BUTUNGANYE 70
INZANDIKO ZO GUFASHA ABANDI 70
IGICE CYA 14 71
INTAMBWE Z'IBANZE MU NO MU KWANDIKA NO GUSOHORA INKURU Y'INTAMBARA IKOMEYE 71
IYEREKWA RY'INTAMBARA IKOMEYE RYO MU 1858 71
IMPANO ZA MWUKA, UMUZINGO WA GATATU N'UWA KANE 72
IGICE CYA 15 73
INKURU Y'IBYABAYE KURI ELLEN WHITE UBWO YANDIKAGA IBY'IMIBEREHO YA KRISTO MU 1876"[23] 73
IGICE CYA 16 77
KWANDIKA INKURU Y'INTAMBARA IKOMEYE MU BURYO BURAMBUYE 77
INGERI Y'INTAMBARA IKOMEYE YO MU MWAKA WA 1888 78
IGICE CYA 17 81
IBYO ELLEN WHITE YANYUZEMO ARI GUTEGURA IGITABO CY'UWIFUZWA IBIHE BYOSE 81
GUHANGANA N'IBYANENGWAGA KU GITABO CY'UWIFUZWA IBIHE BYOSE 83
IGICE CYA 18 85
INYUNGANIZI ZATANZWE UBWO ELLEN WHITE YARI KU MURIMO WO KWANDIKA URWUNGE RW'IBITABO BIVUGA KU NTAMBARA IRI HAGATI Y'ICYIZA N'IKIBI 85
UMUSARURO W'AMAYEREKWA YAGIZE MU MIBEREHO YE 85
KONGERA GUTUNGANYA INTAMBARA IKOMEYE MU MWAKA WA 1911 86

UMWANDITSI ARASOBANURA IBYATUNGANYIJWE N'IMPAMVU YABITEYE Sanitarium, Cal., Ku Wa 25, Nyakanga, 1911 ..... 86
UMUGABANE WA IV ..... 88
KWIGIRA UMUNTU KWA KRISTO ..... 88
IJAMBO RY'IBANZE ..... 88
IGICE CYA 19 ..... 89
KWIGIRA UMUNTU KWA KRISTO ..... 89
KUZURA K'UBUMUNTU BWA KRISTO ..... 89
KRISTO YARAMANUTSE AJYA KU RWEGO RW'INYOKOMUNTU YACUMUYE ..... 89
MBESE BYASHOBOKAGA KO KRISTO YATSINDWA N'IKIGERAGEZO? ..... 90
IMANA YOHEREJE UTAGIRA ICYAHA NGO AZE MURI IYI SI ..... 92
UMUNTU NTIYAREMANWE KAMERE Y'ICYAHA ..... 92
YISHYIZEHO UBURWAYI BW'ABANDI ATAGIZEMO URUHARE ..... 93
KUTAGIRA ICYAHA KWA YESU KWAKANGARANYIJE SATANI ..... 93
KAMERE YACU YA MUNTU YACUMUYE YAHUJWE N'UBUMANA BWA KRISTO ..... 93
YAGERAGEJWE NK'UKO ABANA B'IMANA BAGERAGEZWA MURI IKI GIHE ..... 93
ICYO KWIGIRA UMUNTU KWA KRISTO BISOHOZA ..... 93
SATANI YAVUGAGA KO UMUNTU ADASHOBORA KUBAHIRIZA AMATEGEKO Y'IMANA ..... 94
UBUSOBANURO NYABWO BWO KWIGIRA UMUNTU KWA KRISTO ..... 97
UMUGABANE WA V: AMAHAME Y'AGAKIZA ..... 99
IJAMBO RY'IBANZE ..... 99
IGICE CYA 20 ..... 100
AMAHAME Y'AGAKIZA NK'UKO AVUGWA NA ELLEN WHITE MU ITANGIRA RY'UMURIMO WE ..... 100
INGINGO Z'IBANZE ZAGARAGAJWE MU NTEKO NKURU RUSANGE YO MU 1883 ..... 102
IGICE CYA 21 ..... 107
IBYO Ellen G. WHITE YATANGAJE KU NAMA YABEREYE | MINNEAPOLIS ..... 107
AMAGAMBO AGARAGAZA IMVANO Y'IBYABEREYE MU NAMA ..... 107
AMASEZERANO Y'AGAHOZO UGERERANYIJE N'AMASHUSHO YIJIMYE ..... 111
AMAGAMBO YA ELLEN WHITE KU MUNSI USOZA INAMA (Yandikiwe umwe mu bagize umuryango we, taliki ya 4 Ugushyingo, 1888) ..... 120
IBICE BIBIRI BYAKUWE MU BIBWIRIZWA BYABWIRIJWE I MINNEAPOLIS48 ..... 121
AMEZI ATATU NYUMA Y'INAMA Y'I MINNEAPOLIS ..... 122
UKO UBUTUMWA BWO GUTSINDISHIRIZWA KUBWO KWIZERA BWAKIRIWE AHAKORERWA UMURIMO ..... 122

HAKENEWE IMVUGO IKWIRIYE ISOBANURA GUKIRANUKA KUBWO KWIZERA ... 124
IGICE CYA 22 ... 129
GUSHIMANGIRA INSANGANYAMATSIKO Y'AGAKIZA- 1890-1908 ... 129
UMUGABANE WA VI ... 138
Uburezi-ISHURI RY'ITORERO NA KAMINUZA Z'ISI ... 138
IJAMBO RY'IBANZE ... 138
IGICE CYA 23 ... 140
KURARIKIRWA KUGIRA ISHURI RY'ITORERO[51] ... 140
IGICE CYA 24 ... 143
INAMA YEREKEYE IMYAKA Y'UBUKURE YO GUTANGIRA ISHURI ... 143
RAPORO Y'IKIGANIRO ... 143
ISHURI RY'INSHUKE RY'I BATTLE CREEK ... 145
UMUCYO NAHAWE KURI "IZI NGINGO" ... 145
UBUREZI ABANA BAKENEYE ... 146
GUSHYIRAHO IGENAMIKORERE ... 147
IKIBAZO CYEREKEYE ISHURI RY'INSHUKE ... 148
MBESE ISHURI RISHOBORA GUHUSHA INTEGO? ... 149
ISHURI RY'INTANGARUGERO ... 149
IGICE CYA 25 ... 151
AMAHAME RUSANGE NGENDERWAHO ... 151
AHANTU HOSE HARI ITORERO ... 151
SI IMIGANI Y'ABANTU AHUBWO NI IJAMBO RY'IMANA ... 151
NTA MUGAMBI WO KWIGANA MU BUREZI ... 151
UBUSOBANURO BW'UBUREZI NYAKURI ... 151
INDANGAGACIRO ZO MU MASHURI YO MU BUSUWISI ZIKWIRIYE GUSHIMIRWA ... 151
IGICE CYA 26 ... 153
KUJYA MURI KOLEJI NA KAMINUZA BY'ISI ... 153
AKAGA GATERWA NO GUTEGA AMATWI ABANTU B'IBIRANGIRIRE BO KU ISI ... 153
ABANYESHURI B'ABADIVENTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI ... 154
KUBIBA IMBUTO Z'UKURI MU NTEKEREZO NO MU MITIMA ... 154
UMUGABANE WA VII ... 156
AMAHAME NGENDERWAHO ... 156
IJAMBO RY'IBANZE ... 156

**IGICE CYA 27** ........ 157
**UMUCO WO KUGIRA URUGWIRO** ........ 157
**IGICE CYA 28** ........ 160
**IMYAMBARO N'IMIRIMBO** ........ 160
**IMIGISHA IKOMOKA KU KWAMBARA IMYAMBARO IKWIRIYE** ........ 160
**AMAHAME MAZIMA NGENDERWAHO** ........ 160
**UMUDENDEZO N'UBUTWARI BYO GUKORA IBIKWIYE** ........ 161
**GUTUNGANYA UBUSHOBOZI BWO KUGIRA ICYO UKUNDA** ........ 161
**KWIYOROSHYA MU MYAMBARIRE** ........ 161
**TURAGANA HE** ........ 163
**"INARINJYE, INARINJYE, INARINJYE IGOMBA KUGABURIRWA"** ........ 164
**IMYAMBARO ABAGABURA B'ABADIVENTISITE BAMBARA** ........ 165
**KU BIJYANA NO KUGIRA IKIBAZO CY'IMYAMBARIRE IGIPIMO** ........ 167
**IGICE CYA 29** ........ 170
**ISABATO: AMAHAME NGENDERWAHO MU KUBAHIRIZA İSABATO** ........ 170
**AMASABATO MAKE N'UMURYANGO WA ELLEN WHITE** ........ 173
**IGICE CYA 30** ........ 177
**GUHINDURANYA INYIFATO Mu GUSENGA BIRAKWIRIYE** ........ 177
**UMUGABANE WA VIII: IVUGURURA MU BY'UBUZIMA** ........ 180
**IJAMBO RY'IBANZE** ........ 180
**IGICE CYA 31** ........ 181
**AMAYEREKWA YAHAMAGARIYE ABANTU AMAVUGURURA MBERE** ........ 181
**GUKANGURIRWA GUTEKEREZA IBY'ITABI, ICYAYI N'IKAWA MU MWAKA WA 1848 NA 1851** ........ 181
**AMAHAME Y'INGENZI YAHISHUWE MU MWAKA WA 1854** ........ 181
**IGICE CYA 32** ........ 183
**IYEREKWA RYABAYE MU 1863 RIVUGA KU IVUGURURA MU BY'UBUZIMA** ........ 183
**IBIBAZO BIKOMEYE BISUBIZWA** ........ 183
**UKO NAHISHURIWE IVUGURURA MU MYAMBARIRE** ........ 184
**ISANO IYEREKWA RIFITANYE N'INYANDIKO N'IMIKORERE** ........ 185
**INYANDIKO YO KU YA 6 KAMENA IVUGA KU BUZIMA, UMUNSI W'IYEREKWA"** ........ 185
**KWIGA INYANDIKO IVUGA KU IVUGURURA MU BY'UBUZIMA KWABAYEHO MU 1867** ........ 186
**KWANDIKA UDASHINGIYE KU BITABO CYANGWA KU BITEKEREZO BY'ABANDI** ........ 187
**IGICE CYA 33** ........ 189

IMIKORESHEREZE IKWIRIYE Y'IBIHAMYA BIVUGA KU IVUGURURA MU BY'UBUZIMA"[73] ... 189
KWIRINDA UBUHEZANGUNI ... 189
GUTWARA IBINTU MU RUGERO NO KWIGENGESERA BIRAKENEWE ... 190
AKAGA K'IMIRYANGO ELLEN G. WHITE YERETSWE ... 190
AMAVUTA Y'INKA, INYAMA, NA FOROMAJE ... 191
ICYAYI, IKAWA, ITABI N'INZOGA ... 191
INGORANE MU BY'UMWUKA NO KU MUBIRI ZITERWA NO GUKABYA Mu GUHAZA IPFA ... 193
IMPINDUKA ZATEWE NO KURYA INYAMA ... 193
GUSHAKA IBYIZA MU NYURABWENGE KWARANGIRITSE ... 193
UBUZIMA BW'IBY'UMWUKA BUSHYIRWA MU KAGA ... 193
UBUZIMA BUFATIKA BUFITANYE ISANO N'UBUZIMA BW'IBY'IDINI ... 194
AKAGA GATERWA NO GUKERENSA KU BUSHAKE ... 194
MBESE TURI ABA NDE? ... 194
IMBOGAMIZI KU GUTERA IMBERE MU BY'UBWENGE NO KWEZWA K'UBUGINGO ... 194
IGICE CYA 35 ... 196
KWIGISHA IVUGURURA MU BY'UBUZIMA MU MURYANGO ... 196
KUTABUSANYA KW'ABABYEYI N'ABANA IGIHE BARI KU MEZA ... 196
GUHATIRA ABANA KURYA BAKARENZA URUGERO ... 196
KUDASHYIRAHO ITEGEKO NA RIMWE ... 196
IGICE CYA 36 ... 198
ELLEN WHITE NO GUSENGERA ABARWAYI ... 198
ISENGESHO RYOROHEJE RIVUYE KU MUTIMA RIGOMBA GUHEREKEZA KUVURWA ... 198
UMUGABANE WA IX: INAMA ZATANZWE KU NGINGO ZITARI ZIMWE ... 199
IJAMBO RY'IBANZE ... 199
IGICE CYA 37 ... 200
ABADIVENTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI NO KUBURANA MU NKIKO ... 200
ABAJYANAMA BABI ... 200
INAMA YAHAWE UMWIZERA WAKANGISHAGA KUJYA KUREGA MU NKIKO ... 201
ABERA BAZACIRA AB'ISI URUBANZA ... 202
ABUNGANIZI MU MATEGEKO N'ABANYALAWODOKIYA ... 202
URUBANZA RWAREZWE ICAPIRO ... 202
UMURIMO W'IMANA UHAKURA IGIKOMERE ... 203
IGICE CYA 38 ... 205

UBUMENYI BUHANITSE N'IBYAHISHUWE ..... 205
IMBUTO ZERA KU GUSHIDIKANYA..... 205
IMANA UMUHANZI N'UMUREMYI ..... 208
IGICE CYA 39 ..... 210
IBIBAZO BYEREKEYE ABAKIJIJWE ..... 210
MBESE ABANA B'ABABYEYI BATIZERA BAZAKIZWA?74 ..... 210
MBESE ABAZABA BAZUTSE BAZAMENYANA? ..... 211
IGICE CYA 40 ..... 213
IKIBAZO CY'UMURONGO W'IMINSI ..... 213
ISABATO YAHANGIWE ISI YIBURUNGUSHUYE ..... 213
IKIBAZO CY'AMATALIKI ..... 213
IGICE CYA 41 ..... 215
MBESE INZIBUTSO ZIRAKWIRIYE? ..... 215
INZIBUTSO ZITWIBUTSA AMATEKA YACU ..... 215
GUHAMAGARIRWA KWIBUKA IMINSI YA KERA..... 215
IGICE CYA 42 ..... 216
GUTIZA INSENGERO ZACU ANDI MATORERO ..... 216
IGICE CYA 43 ..... 217
KUMVA NTA BYIRINGIRO..... 217
ELLEN WHITE YIGEZE KWIYUMVAMO ATAKAJE IBYIRINGIRO ..... 217
INAMA YAHAWE UMUKOBWA WARI WATAKAJE IBYIRINGIRO..... 217
REBA HIRYA Y'UMWIJIMA ..... 218
IGICE CYA 44 ..... 220
UMUCYO WIHARIYE WATANZWE KU GUTUNGANYA UBUSITANI ..... 220
ELLEN G. WHITE YATANZE AMABWIRIZA AJYANA NO GUTERA IBITI BYERA IMBUTO ..... 220
GUTERA UMUTI WICA UDUKOKO MU BITI BY'IMBUTO ..... 220
IGICE CYA 45 ..... 221
INAMA ZIKWIRIYE ZATANZWE KU KWIFOTOZA NO GUSENGA IBIGIRWAMANA ..... 221
IGICE CYA 46 ..... 222
UMUZIKI N'INDIRIMBO N'UMUYOBOZI WABYO ..... 222
KURIRIMBA BYIRUKANA INGABO Z'UMWIJIMA..... 222
UMWUKA W'AB'ISI MU BIJYANA N'INDIRIMBO ..... 222
IGICE CYA 47 ..... 225

MUKORERE MU MWUKA Wo GUSENGA ........ 225
IMYANZURO MYINSHI CYANE ........ 225
IGICE CYA 48 ........ 226
ABAHANUZI BO MURI BIBILIYA BANDIKIYE IGIHE CYACU ........ 226
UBUTUNZI BUGENEWE AB'IGISEKURU GIHERUKA ........ 226
IGICE CYA 49 ........ 227
MBESE ABANTU BOSE BAGIRA IMPANO YO GUHANURA? ........ 227
IGICE CYA 50 ........ 228
GUPFOBYA ABAVUGABUTUMWA BATUBANJIRIJE MU MURIMO ........ 228
KUGIRA UMUCYO MWINSHI BITANGA INSHINGANO IRUSHIJEHO GUKOMERA ........ 230
IGICE CYA 51 ........ 232
IBITERO KURI ELLEN WHITE N'UMURIMO WE ........ 232
MBESE DUKWIRIYE GUCECEKA? ........ 232
KURWANYA IBINYOMA NO KUBIKOSORA ........ 232
URUPAPURO RW'ITORERO RUKWIYE KUVUGA ........ 233
(Ubutumwa bwandikiwe uwari ushinzwe kunoza inyandiko mu 1883) ........ 233
IGICE CYA 52 ........ 235
UBUZIRANENGE N'AGAKIZA ........ 235
KWIVUGA UBUZIRANENGE[78] ........ 235
MUREKE IMANA ABE ARI YO IBIVUGA, SI ABANTU ........ 236
NTIBISHOBOKA KUGEZA UBWO UYU MUBIRI WOKOJWE IKIBI UZAHINDURWA ........ 236
IGIHE INTAMBARA IZABA IRANGIYE ........ 237
IBYIRINGIRO BY'AGAKIZA MURI IKI GIHE ........ 237
NTUKUKE UMUTIMA, IBYIRINGIRO BYAWE BIRI MURI KRISTO ........ 237
IGICE CYA 53 ........ 238
MWIGE IBIHAMYA ........ 238
UMUCYO UZACIRAHO ITEKA ABADAHITAMO KWIGA NO KUMVIRA ........ 238
ELLEN G. WHITE AHABWA KURARIKIRA ABANTU KWIGA IBIHAMYA ........ 238
KWIYIGISHA KWAGOMBYE GUSUBIZA IBIBAZO ........ 238
MWISOMERE IBIHAMYA UBWANYU ........ 238
IBIHAMYA NI UBURINZI BWACU ........ 239
UMUGABANE WA X ........ 240
GUHURA N'UBWAKA ........ 240

**IJAMBO RY'IBANZE** .......... 240
**IGICE CYA 54** .......... 241
**IKIBAZO CYA MACKIN** .......... 241
**RAPORO Y'IKIGANIRO** .......... 241
**UWITEKA YATANZE UMUCYO** .......... 249
**URUNDI RUGERO KU GUFATWA N'ABADAYIMONI** .......... 250
**UMUGABANE WA XI:** .......... 251
**IBIZABA MU MINSI Y'IMPERUKA** .......... 251
**IJAMBO RY'IBANZE** .......... 251
**IGICE CYA 55** .......... 253
**AMASOMO YIGIWE MU GUHURA N'AKAGA KATEWE N'ITEGEKO RY'ICYUMWERU MU MYAKA IHERUKA YA 1880 NO MU MYAKA IBANZA YA 1890** .......... 253
**IBYIRINGIRO IGIHE IBICU BYABUDIKAGA MU MWAKA WA 1884** .......... 253
**AMERIKA ISHOBORA GUHINDUKA AHANTU H'AMAKUBA ARUTA ANDI YOSE** .......... 256
**ISHUSHO YO HAMBERE IGARAGAZA UBUREMERE BW'ISABATO[83]** .......... 256
**INAMA IREBANA N'IBIBAZO BY'ITEGEKO RY'ICYUMWERU** .......... 260
**IGICE CYA 56** .......... 266
**IGIHE TWEGEREJE IMPERUKA** .......... 266
**UBUTUMWA BUYOBYA BUZEMERWA NA BENSHI** .......... 266
**GUSHIKAMA KUTARI UBUTAGONDWA** .......... 267
**ABADIVENTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI BASUBIYE INYUMA BAZIFATANYA N'ABATIZERA** .......... 268
**UBUHANGA BWAHIMBWE NA SEKIBI** .......... 269
**SATANI N'ABAMARAYIKA BE BIVANGA N'ABAHAKANYI** .......... 269
**UMURIMO W'ABIGISHA BIGENGA** .......... 269
**ABAMARAYIKA BABI BAZAKORERA HAGATI MURI TWE MU ISHUSHO Y'ABIZERA** .......... 270
**UBUHAKANYI BUZADUTUNGURA** .......... 271
**ABAHAKANYI BAZAKORESHA KUGUSHA ABANTU IKINYA** .......... 271
**"MUFATANYE, MUFATANYE"** .......... 271
**IGICE CYA 57** .......... 273
**URUGAMBA RUKOMEYE RUHERUKA** .......... 273
**AMAKUBA ARI IMBERE** .......... 273
**ITEGEKO RY'IBIHUGU RIZATERA ABANTU KWICA AMATEGEKO Y'IMANA** .......... 274
**ISI MU BWIGOMEKE** .......... 274

ABANA BENSHI BAZASINZIRA ..... 276
URUGAMBA RUHERUKA RUZABA RUGUFI ARIKO RUTEYE UBWOBA ..... 276
NIBABARENGANYA MUZAHUNGIRE AHANDI HANTU ..... 277
GUTOTEZWA KW'ABANTU BAZIRA KWIZERA IMANA NI UBURYO IMANA IKORESHA IZANA BENSHI KU KURI ..... 277
KRISTO AHAGAZE MU RUHANDE RW'ABERA BARENGANYWA ..... 277
ABACURUZI BAKOMEYE N'IBIKOMANGOMA BAZAHITAMO URUHANDE BAHAGARARAMO ..... 278
BURI MUNTU AZABA MU NGABO ZA KRISTO CYANGWA MUZA SATANI ..... 279
KRISTO YIVANGA N'INGABO ZE MU RUGAMBA RUHERUKA ..... 280
UBUGINGO BWACU NO KWITEGURA GUHERUKA ..... 281
IPICA IKORA KU MUTIMA Y'IBIGIYE KUBAHO ..... 282

# UBUTUMWA BWAGENEWE UMUSOMYI

*Icapwa ry'Ubutumwa Bwatoranyijwe igitabo cya mbere n'icya kabiri mu mwaka wa 1958 ryatanze amahirwe yo kwakira inama z'ingirakamaro zigenewe itorero kuva igihe Ellen White yandikiye Ibihamya by'Itorero umugabane wa 9 mu mwaka wa 1909. Ubutumwa buri mu gitabo cya mbere n'icya kabiri bukubiyemo inyandiko ziboneka mu binyamakuru n'utu dutabo: Úrwibutso n'Integuza, (Review and Herald) Umwigisha w'Abasore (The Youth's Instructor), n'Ibimenyetso by'ibihe (Signs of the Times). Burimo kandi ubutumwa bwavuye mu nyandiko z'ibyigisho bitacapwe, mu nyandiko Ellen White yandikishije intoki no mu mabaruwa yagiye yandikira abantu. Ibi byongeye kwandikwa nk'igitabo cyuzuye cyangwa nk'umugabane bitewe n'akamaro byagombaga kugira mu guha abantu inama mu buryo bwihariye. Ingingo zerekeye guhishurirwa, akamero ka Kristo no gutsindishirizwa n'ubuntu kubwo kwizera zashyigikiwe n'inama zitandukanye uko ibihe byagiye biha ibindi. Ibi bitabo bifite ubutumwa bw'ingenzi bwerekeye ubwaka, udutsiko tw'abantu twagiye dushaka kwitandukanya n'itorero ndetse n'imikoreshereze y'ibyifashishwa mu kuvura indwara. Ibi bitabo byabaye ingirakamaro cyane maze byuzuza ubutumwa bwo mu Bihamya by'Itorero n'ibindi bitabo bitanga inama zihariye.*[3UB11]

Mu myaka isaga makumyabiri ishize, inyandiko za Ellen White zo mu Rwibutso n'Integuza (Review and Herald) no mu Bimenyetso by'Ibihe (Signs of the Times) zongeye gucapwa nk'ibitabo, maze bitanga ubutunzi bw'inyandiko z'agaciro zitari zisanzwe ziriho muri rusange. Muri iyi myaka isaga makumyabiri ishize, ubushakashatsi ku nyandiko Ellen White yandikishije intoki ndetse no ku nzandiko yanditse bwatumye haboneka ubundi butumwa bw'ingenzi cyane. Zimwe muri izo nyandiko zacapwe ari ingingo imwe yasohotse mu kinyamakuru cyavugaga urwibutso rw'Abadiventisiti (Adventist Review), naho izindi zabaye umwe mu migabane ikoreshwa mu kwiga no gucukumbura bikorwa n'itsinda ryiga ku mahame amwe n'amwe ndetse n'ibibazo bigaragara mu miyoborere y'itorero ryacu. [3UB11]

Ubushakashatsi bwakozwe n'abanyeshuri bo muri kaminuza bwashishikarije abantu kwita ku mvugo nyinshi Ellen White yahisemo gukoresha zashoboraga [3UB11] kugira umumaro ku buryo burenze zimwe mu nama zari zaramaze gucapwa. Inyigo icukumbuye neza kandi yitondewe yerekeye ubutumwa bwo mu minsi y'imperuka na yo yatumye habaho gusobanukirwa kwimbitse ku buryo Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi bazahora babuzirikana. Indi nyigo ikomeye yakozwe mu myaka mike ishize yibanze ku kibazo cyo guhishurirwa ndetse n'uburyo ibitabo bya Ellen White byateguwe, yatumye hakusanywa imvugo ze zitandukanye. Zimwe zishobora kugaragara nk'izidasanzwe zicapwe naho izindi zikaba zimenyerewe. [3UB12]

Igitabo cya gatatu cy'Ubutumwa Bwatoranyijwe cyakomotse mu guhuriza hamwe inama zose zavuye muri ubwo bushakashatsi. Kwandika iki gitabo bijyanye n'icyifuzo cya Ellen White cy'uko mu myaka yari kuzakurikira urupfu rwe mu bitabo bye byaba ibyari byaracapwe cyangwa ibitari byaracapwe hagombaga kuzava ubutumwa bwari kuzafasha itorero uko ryari kugenda rikura. Kugeza mu mwaka wa 1938 izi nyandiko zari zibitswe mu ishyinguranyandiko ryari rifatanye n'ibiro by'ahitwa Elmshaven hafi y'urugo Ellen White yari atuyemo i California. Kuva icyo gihe, izo nyandiko zabitswe mu ishyinguranyandiko ry'Ikigo gishinzwe kurinda inyandiko za Ellen G. White (White Estate) ku cyicaro gikuru cy'Inteko Nkuru Rusange y'Itorero i Washington, D.C. Cyari icyifuzo cya Ellen White ko inyandiko yandikishije intoki ze ndetse n'inzandiko byari kuzafasha itorero mu buryo bukomeye. Kuri iyi ngingo mu mwaka wa 1905 yaranditse ati: [3UB12]

"Ndasabwa mfashijwe n'Imana kwandika inzandiko zizaba ubufasha bw'ingirakamaro atari kubo nandikiye gusa ahubwo no ku bandi bantu benshi bazazikenera." -Letter 79, 1905. [3UB12]

Inyandiko zakoreshejwe muri iki gitabo zakusanyijwe hatanzwe uburenganzira n'ubuyobozi by'Abashinzwe kurinda Inyandiko za Ellen White, kandi ibyo byakorewe mu biro by'ikigo gishinzwe kurinda inyandiko za Ellen White i Washington, D.C. kandi bikorwa n'itsinda ry'abakozi bahoraho. [3UB12]

Umusomyi azabona ko hari itandukaniro ku miterere y'imyandikire kuva ku mugabane umwe ujya ku wundi ndetse no hagati mu migabane imwe n'imwe. Kuri buri mugabane hakoreshejwe imyandikire ijyanye n'ubutumwa buhari. Ubu buryo ni na bwo bwakurikijwe mu myandikire y'ibindi bitabo bibiri byabanjirije ikingiki. Imvano y'ubutumwa bwose yagiye igaragazwa neza. Henshi na henshi igaragaza itariki ubwo butumwa bwanditsweho cyangwa igihe bwacapiwe bwa mbere. [3UB12]

Itsinda ry'abantu bateguye iki gitabo bakoze uko bashoboye ngo aho bishoboka kose bagaragaze neza inyandiko y'umwimerere kugira ngo umusomyi arusheho gusobanukirwa. Hari aho kugaragaza igihe n'ahantu ubutumwa bwatangiwe ari ingenzi cyane ariko andi mateka akaba nta kintu cy'ingirakamaro yakongera kuri ubwo butumwa. Izi nyandiko ni [3UB12] umwihariko ku bashinzwe kurinda inyandiko za Ellen White gusa. Ukuri ni ukuri kandi inshuro nyinshi ntihaba hakenewe ubundi busobanuro bwo kugushyigikira. [3UB13]

Aho biri ngombwa cyangwa no mu zindi ngero, ubutumwa bwanditswe bufite izina ry'umuntu bwandikiwe. Aho kugaragaza izina bidashobora guhungabanya icyizere cy'uwandikiwe ryarekewe mu nyandiko. Ahenshi inyuguti zakoreshejwe nk'amazina. Hagatangizwa A bigakomeza nk'uko inyuguti zikurikirana. Nta sano iri hagati y'inyuguti yakoreshejwe n'izina ry'uwandikiwe. [3UB13]

Icyifuzo cy'Abashinzwe kurinda inyandiko za Ellen White ni uko iki gitabo kigizwe n'ubutumwa bw'ingenzi n'inama cyaba ingirakamaro mu buryo bw'umwihariko kandi kikaba n'isoko y'umugisha no gusubizwamo intege ku bagize Itorero. [3UB13]

*Inama y'Abashinzwe Kurinda Inyandiko za Ellen White*

# UMUGABANE WA I

# ITORERO

## IJAMBO RY'IBANZE

Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi ryahoze ari isanga n'ingoyi n'umutima wa Ellen White. Inshuro nyinshi cyane mu mibereho ye, ijuru ryamuhaye ubutumwa bwo gusubizamo intege, kugira inama, kumenyesha, guhamya ndetse no gukosora. Aya mayerekwa yose yayahawe kugira ngo ayobore kandi arinde abasigaye bubahiriza Isabato y'Imana nk'umuntu ku giti cye cyangwa nk'itorero. [3UB15]

Igihe itorero ryari ryibasiwe, Ellen G. White yaravuze ati: "Nzi ko Uwiteka akunda itorero rye (Ubutumwa Bwatoranyijwe 2, p. 76; [2016]). Ellen White yongeye kwandika agira ati: "Nubwo Itorero rya Kristo ryaba irinyantege nke rite kandi rikabasha kugira inenge, niryo kintu cyonyine ku isi Kristo yitaho bihebuje." Testimonies to Ministers, p. 15. [3UB15]

Ellen White yakundaga itorero cyane. Imibereho ye yose yayeguriye kwitangira imikorere, ubusugire n'intsinzi by'itorero. [3UB15]

Mbega ukuntu ari ingenzi kuba iki gitabo cy'Ubutumwa Bwatoranyijwe gitangizwa n'ubusobanuro bw'itorero nk'uko byakuwe mu rwandiko rw'inama yandikiye umuyobozi wakoreraga hanze ya Amerika y'Amajyaruguru. Uru rwandiko rukurikirwa n'izindi nama zihamagarira itorero kugira ubumwe kuko ubwo bumwe butera imbaraga ndetse yihanangiririza abagize itorero kwirinda kwirema ibice kuko bica intege ibikorwa byo gukiza abazimiye muri iyi si yangiritse. [3UB15]

*Abashinzwe Kurinda Inyandiko za Ellen White*

# IGICE CYA 1

## ITORERO NI IKI?

Imbaraga ihindura ya Kristo igomba kumvikanira mu isi binyuze mu bana be bamwizera. Umuntu wese wemeye Kristo na we agomba kugaragaza iyo mbaraga yatanze umusaruro ikamugeza ku guhinduka binyuze mu bo Imana yakoresheje. Umurimo wacu wose muri iyi si ugomba gukorwa mu bwuzuzanye, urukundo n'ubumwe. Urugero Kristo yatanze nirwo rugomba guhora imbere yacu tukarukurikiza bityo tukagera ikirenge mu cye. [3UB17]

Ubumwe ni zo mbaraga kandi Imana ishaka ko uku kuri guhishurirwa abagize umubiri wa Kristo bose. Bose bagomba kuba umwe mu rukundo, ubugwaneza no kwiyoroshya. Abakristo bari mu muryango w'abizera ku bw'umugambi wo guhuriza hamwe no kwamamaza inkuru nziza nk'uko Kristo yabikoraga. Bakwiriye kugaragarizanya ubwuzu no kubahana. Buri mpano ifite aho ikwiriye gukoreshwa kandi ikwiriye kugengwa n'Umwuka Wera.

-

Itorero ni Umuryango wa Gikristo Washyiriweho Abawugize. umuryango wa Gikristo uriho ku bw'abawugize kugira ngo buri munyamuryango yishimire ubufasha bw'ubuntu n'impano by'abandi ndetse n'uburyo Imana ibakoresha uko impano n'ubushobozi byabo bitandukanye. Itorero rihurijwe hamwe mu isano yera yo gushyira hamwe kugira ngo ku bwo gufashwa na mugenzi we buri mukristo yunguke. Abakristo bose bakwiriye guhurizwa hamwe ku isezerano ry'urukundo n'ubugwaneza. Amahame n'ubuntu bya Gikristo by'umuryango mugari w'abizera bihurizwa hamwe kugira ngo haboneke imbaraga zo gukora umurimo w'ubugwaneza. Buri mukristo akwiriye kuronka kandi agasubizwamo intege n'ibikorwa bya bagenzi be kugira ngo impano itagaragara kuri umwe iboneke ku buryo busaze kuri mugenzi we. Bose bakwiriye kuba umwe kugira ngo ibyo bibere igihamya isi, abamarayika ndetse n'abantu. [3UB17]

Isezerano ryo kuba umwe mu bagize itorero ni uko buri mukristo agera ikirenge mu cya Kristo ngo bemere kuba abagaragu be kandi bamwigireho kuko ari umugwaneza kandi yoroheje mu mutima. Mu gukora ibi, Kristo yaravuze ati: "Mwemere kuba abagaragu banjye munyigireho, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima, namwe muzabona uburuhukiro [3UB17] mu mitima yanyu, kuko kunkorera kutaruhije, n'umutwaro wanjye utaremereye." (Matayo 11:29, 30). [3UB18]

Abemera kwikorera umutwaro wa Kristo bazagira ubumwe. Bazagira impuhwe n'ubugwaneza kandi kubwo gukuzwa na Mwuka Wera bazaharanira kugaragariza abandi impuhwe n'urukundo kuko bazumva ko ari byo bibakwiriye. Umunyantegenke kandi udafite ubunararibonye nubwo afite intege nke ashobora gukomezwa n'abamurusha ibyiringiro kandi bafite ubunararibonye bukomeye. Nubwo yaba ari uworoheje muri bo ni ibuye rikwiriye kurabagirana ku nyubako. Ni urugingo rw'ingirakamaro ku mubiri wa Kristo, we mutwe kandi muri we haboneka ubwiza buhebuje bwo mu mico ye ku buryo Umukiza atagira isoni zo kumwita mwene se. [3UB18]

**Kuba Ingirakamaro Byongerwa n'Ubumwe mu Itorero.** - Kuki abakristo bahurizwa mu itorero? Kuko muri ubu buryo Kristo yifuza kongera umumaro wabo mu isi kandi agakomeza imibereho yabo ngo bakore ibyiza. Mu itorero hakwiriye gukomezwa ihame ririnda uburenganzira bwa buri wese kandi rigateza imbere ubufatanye. Ntabwo Imana yagennye ko ibitekerezo

by'umuntu umwe n'ubushishozi bwe ari byo biyobora. Ntabwo yagennye kandi ko umuntu umwe ayobora, agakora iteganyabikorwa ndetse agatekerereza abandi hatabayeho gusengana ubwitonzi bikozwe n'umubiri wose kugira ngo byose bikorwe mu buryo bwiza kandi butarangwa no kubusanya. [3UB18]

Abakristo bakwiriye kurabagirana nk'umucyo ku isi. Umurwa uri ku mpinga y'umusozi ntubasha kwihisha. Itorero ryitandukanyije n'iby'ab'isi kandi rishikamye ijuru riribona nk'igikoresho gikomeye ku isi yose. Abagize itorero bararikirwa kwitandukanya n'isi maze bakiyegurira gukorera Shebuja umwe, ari we Yesu Kristo. Bagomba kwereka isi ko bahisemo Kristo nk'umuyobozi wabo. Itorero rigomba kuba nk'uko Imana yabiteganyije rigahagararira umuryango w'Imana mu yindi si. -Letter 26,1900. [3UB18]

## Imana Ifite Umubiri Ufite Gahunda

Mujye mwitondera abahagurukana umutwaro uremereye wo kwamagana itorero barishinja ibibi. Abatoranyijwe bahagaze bashikamye kandi bahanganye n'umuraba wo kurwanywa n'ab'isi kandi bagaharanira kwerereza amategeko y'Imana yasiribanzwe bakamenya ko ari ayera kandi bakayubaha ni bo mucyo nyakuri w'isi. [3UB18]

Ndababwira bavandimwe, Imana ifite umubiri utunganye izakoreramo urimo ibikenewe byose kandi biri kuri gahunda. Uyu mubiri ushobora kubamo benshi bameze nka Yuda, hashobora kubamo abahubuka nka Petero bashobora kumwihakana baramutse bahuye n'ibigeragezo. Hashobora kubamo abantu bameze nka Yohana Yesu yakundaga ariko akagira ishyaka ryashoboraga kuvutsa abantu ubuzima ubwo yifuzaga [3UB18] guhamagara umuriro ngo uve mu ijuru ubatwike kugira ngo yihorere ku gitutsi bari batutse Kristo n'ukuri kwe. Nyamara, Umwigisha mukuru ashaka kubagira inama kugira ngo bakosore izo ngeso mbi. N'uyu munsi, Kristo aracyakorera itorero rye uwo murimo. Abereka akaga kabategereje kandi akabaha ubutumwa bugenewe Lawodokiya. [3UB19]

Kristo abereka ko ukwikunda kose, ukwishyira hejuru kose, ukwihimbaza kose, ukutizera kose n'urwikekwe rwose bishobora gutuma binangira bakanga ukuri nuko bakajya kure y'umucyo nyakuri. Ibyo bizana akaga. Keretse ibi byaha byihanwe, naho ubundi abishimira kubikora bazasigara mu mwijima nk'uko byagendekeye ishyanga ry'Abayuda. Mureke umutima wa buri mukristo wese ushishikarire gusubiza isengesho rya Kristo. Mureke buri mutima uzirikane iryo sengesho, mu gusaba no kwinginga kugira bose babe umwe nk'uko na Kristo ari umwe na Se nuko dukore kugeza ku iherezo. [3UB19]

Aho gukoresha intwaro z'urugamba ku bw'ikuzo ryacu, nimureke zikoreshwe mu kurwanya abanzi b'Imana n'ukuri. Reka umutima wawe uzirikane isengesho rya Kristo yasenze agira ati: "Data Wera, ubarindire mu izina ryawe wampaye, ngo babe umwe, nk'uko natwe turi umwe" (Yohana 17:11). [3UB19]

**Icyo Isengesho rya Kristo Ryari Rigendereye.** Isengesho Kristo yasenze ntabwo ryari ryerekejе ku bari abigishwa be bo muri icyo gihe gusa, ahubwo yasabiraga abari kuzamwizera bose binyuze mu magambo y'abigishwa be ndetse no kugeza ku mperuka y'isi. Yesu yari hafi gutanga ubugingo bwe kugira ngo azane ubugingo no kudapfa. Igihe Kristo yari mu mibabaro, yangwa n'abantu buri munsi, yitegereje itorero rye mu gihe cy'imyaka ibihumbi bibiri yari kuzakurikiraho ririho mu minsi ya nyuma, mbere y'umusozo w'amateka y'iyi si.

Kuva uwo munsi Uwiteka yari afite itorero, kugeza mu bintu byagiye bibaho bihinduka uko igihe cyagiye gisimbura ikindi kugeza ubu. Bibiliya itwereka itorero ry'icyitegererezo. Abarigize bagomba kunga ubumwe hagati yabo ndetse bakanagirana ubumwe n'Imana. Iyo abakristo bunze ubumwe na Kristo we muzabibu w'ukuri, umusaruro uvamo ni uko baba umwe na Kristo, bakuzura imbabazi, impuhwe n'urukundo. [3UB19]

**Abacira Itorero Urubanza**. Igihe umuntu uwo ariwe wese yitandukanyije n'itsinda rigari rifite gahunda ry'ubwoko bw'Imana bukomeza amategeko yayo, iyo atangiye gupimira itorero ku minzani ye ya kimuntu maze agatangira gucira urubanza abarigize, icyo gihe muzamenye ko Imana itamuyoboye. Aba yataye umurongo ari mu nzira itari ukuri. [3UB19]

Abagabo n'abagore bahora bahaguruka bakabura amahwemo kandi ntibatuze, baba bashaka kuzana udushya no gukora ibintu bitangaje. Satani agenzura neza amahirwe abonye yo kubaha icyo bamukorera. Imana yahaye umuntu wese inshingano ye. [3UB19]

**Gusubizamo Intege aho Gusenya.** - Mu itorero hari uburyo n'amahirwe byo gufasha abagiye gupfa, ndetse no gutera ishyaka abagize itorero aho gusenya itorero rigacikamo ibice. Mu itorero hari amahirwe menshi cyane yo kugendera mu nzira za Kristo. Niba umutima wuzuye ishyaka ryo kugera ku kwezwa n'ubutungane byimbitse, ngaho gendera muri uwo murongo ufite kwicisha bugufi kose n'ubwitange bwose. Itorero rikeneye umwete n'ihishurwa by'abantu bahumeka umwuka mvajuru kugira ngo batume itorero rigira ubuzima nubwo urukungu rwaba mu ngano... [3UB20]

Ndihanangiriza abizera bose kwiga kugira ifuhe ry'iby'Imana mu mibereho yanyu. Nibitagenda bityo, Satani azigarurira imitima yanyu maze ayikure ku Mana, bityo muzanyerera mutabizi mwinjire mu ruhande rw'abakorera Satani mutigeze mutahura ko mwahinduye umutware, bityo mwisange mu butware bushukana bw'umunyagitugu. [3UB20]

Nk'itorero dukwiriye kuba maso cyane, kandi nk'abakozi bakorana n'Imana tugakorera abayobagurika bari hagati muri twe. Twahawe intwaro z'umwuka, zikomeye ngo zisenye igihome cy'umwanzi. Ntidukwiriye gusakuza duhinda nk'inkuba twibasira ingabo z'itorero rya Kristo, kuko Satani ari gukora ibyo ashoboye byose muri urwo rwego. Kandi mwebwe abavuga ko muri abasigaye b'umwandu w'Imana ntibyakabaye byiza bigaragaye ko mufasha Satani, mugira uwo mwamagana, muregana kandi mucirirana imanza. Mushake uko musubiza abantu mo intege aho gusenya, guca intege no kurimbura. - Manuscript 21, 1893. (The Review and Herald, Nov. 8, 1956). [3UB20]

# IGICE CYA 2

# UBUMWE MU ITORERO

## MUGABE IGITERO MWUNZE UBUMWE

Ubuhamya bwa buri muntu wese wizera ukuri bugomba kuba bumwe. Ibyo mutandukaniraho bito byose bibyutsa umwuka wo gushyamirana muri bene data, ni ibikoresho Satani yifashisha kugira ngo ateshure intekerezo z'abantu ku ngingo ikomeye kandi ikwiriye gutinywa iri imbere yacu. Amahoro nyakuri azaza mu bwoko bw'Imana ubwo binyuze mu guhuriza hamwe, kugira ishyaka no gusenga bubikuye ku mutima hazabaho guhungabanya amahoro y'icyitiriro ariho ku rwego rukomeye. Ubu hari umurimo witondewe cyane ugomba gukorwa. Iki ni igihe cyo kugaragaza ibyangombwa mwujuje nk'abasirikari. Nimutyo ubwoko bw'Imana bugabe igitero ku banzi b'Imana n'ukuri no gukiranuka bushyize hamwe. [3UB21]

Igihe Mwuka Wera yasukwaga ku itorero ry'intumwa, "Abizeye bose bahuzaga umutima n'inama, kandi nta n'umwe wagiraga ubwiko ku kintu, ahubwo byose barabisangiraga" (Ibyakozwe n'Intumwa 4:32). Umwuka wa Kristo wabagize umwe. Iyi ni imbuto yo kuguma muri Kristo... [3UB21]

Dukeneye kumurikirwa n'ijuru. Buri muntu araharanira kuba uw'imbere, nyamara kugeza igihe Imana izagira icyo ikorera ubwoko bwayo, ntabwo buzabona ko kwiyegurira Imana ari byo bwugamo rukumbi bw'umuntu uwo ari we wese. Ubuntu buhindura imitima y'abantu bwa Kristo buzabageza ku bumwe butigeze bugerwaho kuko abiyeguriye Kristo burundu bazabana amahoro nta kubusanya. Umwuka Wera azarema ubumwe. - Letter 25b, 1892. [3UB21]

### Ubumwe ni Ihame Shingiro Ryacu

Isengesho Kristo yasenze Se riboneka mu gice cya cumi na karindwi cy'ubutumwa bwiza bwanditswe na Yohana rigomba kuba ihameshingiro ry'itorero ryacu. Ritwereka ko kudahuza kwacu no kwirema ibice bidahesha Imana icyubahiro. Soma icyo gice cyose, umurongo ku murongo. -Manuscript 12, 1899. [3UB21]

### Nta Kwirema Ibice

Nta nama cyangwa se amabwiriza biboneka mu Ijambo ry'Imana byahawe abizera ubutumwa bwa marayika wa gatatu ngo bibatere kwibwira ko bashobora kwitandukanya n'abandi. Imigambi iva mu ntekerezo zitejejwe ni yo ibasha gushishikariza abantu kwirema ibice. Ubucakura bw'abantu bushobora kugaragara nk'ukuri mu maso yabo, ariko si ukuri cyangwa gukiranuka. "Uwo ni we mahoro yacu, kuko yahinduye twebwe ababiri kuba umwe, akuyeho ubwanzi ari bwo rusika rwari hagati yacu, rutugabanya, amaze gukuzaho amategeko y'iby'imihango umubiri we, kugira ngo ba babiri abaremmemo umuntu umwe mushya muri we, ngo azane amahoro atyo; kandi ngo bombi, abagire umubiri umwe, abungishe n'Imana umusaraba, awicishije bwa bwanzi." (Abefeso 2: 14-16). [3UB22]

Kristo ni we pfundo mu murunga w'izahabu uhuriza abakristo hamwe mu Mana. Nta kwitandukanya gukwiriye kubaho muri iki gihe gikomeye cyo kugeragezwa. Ubwoko bw'Imana ni "ubwoko bumwe n'abera, ndetse [ni] abo mu nzu y'Imana; kuko [bubatswe] ku rufatiro

rw'intumwa n'abahanuzi, ariko Kristo ni we buye rikomeza imfuruka. Muri we inzu yose iteranijwe neza, irakura, ngo ibe urusengero rwera mu Mwami Yesu." (19-21). Abana b'Imana bagize itsinda rimwe muri Kristo, kandi berekana umusaraba wa Kristo nk'ipfundo bahuriraho. Abizera bose ni umwe muri Kristo. [3UB22]

Amarangamutima ya muntu azabatera gufata umurimo mu biganza byabo, bityo ibyo bitume inyubako itaringanira. Kubw'ibyo rero, Imana ikoresha impano zitandukanye kugira ngo inyubako ibe iringaniye rwose. Nta kuri na kumwe gukwiriye guhishwa cyangwa ngo guteshwe agaciro. Imana ntishobora guhabwa icyubahiro keretse gusa inyubako "iteranijwe neza kandi igakura ngo ibe urusengero rwera mu Mwami Imana." Icyigisho gikomeye kirumvikana ahangaha, kandi abasonukiwe n'ukuri kugenewe iki gihe bagomba kwitondera uko bumva n'uko bubaka kandi bakigisha abandi kukugenderamo. - Manuscript 109, 1899. [3UB22]

## Icyo Ijuru Ryemera

"Ndababwira ukuri yuko ibyo muzahambira mu isi bizaba bihambiriwe no mu ijuru, kandi ibyo muzahambura mu isi bizaba bihambuwe mu ijuru." (Matayo 18:18). Iyo ibyo Kristo yategetse byose bishyizwe mu bikorwa mu mwuka nyakuri wa Gikristo, icyo gihe cyonyine ni bwo ijuru ryemera icyemezo itorero ryafashe, kubera ko abarigize baba bafite wa mutima wari muri Kristo, kandi bakaba bakora nk'ibyo yakora nawe abaye ari ku isi. -Letter 1c,1890. [3UB22]

# IGICE CYA 3

# GUKORERA MU BWIGENGE

## KUVA KU KWIZERA

Imana iri kwigisha, kuyobora no gufasha ubwoko bwayo, kugira ngo nabwo bubashe kwigisha, kuyobora no gufasha abandi. Nk'uko byabayeho mu ishyanga rya Isirayeli ya kera, mu basigaye bo muri iyi minsi iheruka hazabaho abashaka kugenda bitandukanyije n'abandi, badashaka kumvira inyigisho za Mwuka w'Imana, kandi batazigera batega amatwi inama n'impuguro bahabwa. Mureke abo bantu bamenye ko Imana ifite itorero ku isi, itorero yahaye ububasha. Abantu bazashaka gukurikiza imyumvire yabo bwite, basuzugure inama no gucyahwa; ariko ubwo bazaba bakora batyo, bazava ku kwizera maze hakurikireho amakuba no kurimbuka K'ubugingo. Ubu abishyira hamwe kugira ngo bashyigikire kandi bubake ukuri kw'Imana baragenda bajya mu ruhande rumwe kandi bahagaze bahuje umutima, intekerezo n'ijwi ngo barwanirire ukuri. -Letter 104, 1894. [3UB23]

## IMBARAGA ZIVA MU GUKORA IBYAGIWEHO INAMA

Imana ishaka ko abantu bose bafite uruhare mu murimo wayo batangira ubuhamya mu mibereho yabo bakagaragaza ukwera k'ukuri. Iherezo rya byose riri bugufi, kandi iki ni igihe Satani azakoresha imbaraga zidasanzwe kugira ngo arangaze intekerezo z'abantu kandi azitandukanye n'ingingo z'ingirakamaro zagombye gukururira ubwenge bw'umuntu wese gukora umurimo adakebakeba. [3UB23]

Ingabo ntizishobora kugira icyo zikora ngo zigere ku ntsinzi igihe imitwe itandukanye izigize idakora ibyo yumvikanyeho. Buri musirikare aramutse akoze atitaye ku byo abandi bakora, bidatinze izo ngabo zavurungana. Aho kugira ngo imbaraga zihurizwe hamwe bivuye mu murimo uhuriweho na bose, izo mbaraga zapfira ubusa mu gukoresha umuhati utarangwamo gahunda kandi w'imburamumaro. Kristo yasengeye ko abigishwa be baba umwe na We, nk'uko na we ari umwe na Se. [3UB23]

Indangagaciro nziza izo arizo zose umuntu ashobora kugira, ntizamubashisha kuba umusirikare mwiza aramutse akora yitandukanyije n'abandi. Rimwe na rimwe hari ibyiza bishobora gukorwa ariko akenshi umusaruro uba uw'agaciro gake, ndetse akenshi iherezo ryerekana amahano yakozwe kurusha ibyiza. Abakora ari ba nyamwigendaho bigaragaza nk'abakora ikintu runaka, bakireherezaho abantu, bakigaragaza nk'abahanga hanyuma bakagenda. Bose bagomba gukurura bagana mu cyerekezo kimwe kugira ngo bakore umurimo utanga umusaruro... [3UB24]

Imana ishaka umurimo w'ingabo zayo zihuje umutima, kandi kugira ngo ibi bishoboke mu itorero, kwitegeka ni ingenzi; kandi abantu bakwiriye gushyira uku kwitegeka mu bikorwa. -Letter 11a, 1886. [3UB24]

## MUJYE INAMA KANDI MUGERERANYE IMIGAMBI MUFITE

Mu mbaraga zose n'ahantu hose ukuri kwamamazwa haba hakenewe ibitekerezo bitandukanye, impano zitandukanye, imigambi itandukanye ndetse n'uburyo butandukanye byo gukora umurimo

abantu bahuje umutima. Bose bakwiriye kumva ko kujya inama no gusengera hamwe ari ngombwa. Kristo yaravuze ati: "Kandi ndababwira yuko ababiri muri mwe nibahuza umutima mu isi wo kugira icyo basaba cyose, bazagikorerwa na Data wo mu ijuru." (Matayo 18:19). Nta mukozi umwe uba ufite ubwenge bukenewe bwose. Hakwiriye kubaho kugereranya ingamba no kujya inama. Nta muntu umwe ukwiriye kumva ko yihagije ku buryo yakora umurimo wenyine ahantu aho ariho hose adafite abafasha. [3UB24]

Umuntu umwe ashobora kugira ubuhanga mu cyerekezo kimwe, ariko agatsindwa rwose ku ngingo zimwe na zimwe z'ingenzi. Ibi bituma umurimo we udatungana. Bene uyu muntu aba akeneye ubuhanga n'impano by'undi muntu kugira ngo bihurizwe hamwe n'imbaraga ze. Bose bakwiriye kutabusanya rwose mu murimo. Baramutse bakoranye gusa n'ababona ibintu nk'uko nabo babibona kandi bakaba abakurikiza imigambi yabo gusa, amaherezo bazatsindwa. Umurimo uzapfapfana kubera ko nta n'umwe muri aba bakozi wigiye mu ishuri rya Kristo ribabashisha kumurikira Imana umuntu wese amaze gutunganyirizwa rwose muri Kristo Yesu. Bose bakwiriye guhora biyungura. Bakwiriye kudacikwa n'amahirwe yose babonye kandi bakayakoresha neza kugeza ubwo baba batunganirijwe rwose gukora umurimo wabo ukomeye kandi w'icyubahiro. [3UB24]

Ariko Imana yashize impano zitandukanye mu itorero ryayo. Zose ni iz'igiciro mu mwanya wazo kandi zose zikwiriye kugira uruhare mu gutunganya abera. [3UB24]

Iri ni itegeko ry'Imana kandi niba abantu bashaka gutsinda bakwiriye gukora bakurikije amategeko Imana yatanze n'uburyo byayo. Imana izemera gusa umuhati uva mu bushake no ku mitima yicíshije bugufi, itarangwa n'ibyo umuntu umwe yibwira ubwe cyangwa ngo irangwe no kwikunda. -Letter 66, 1886. [3UB24]

## IMIKORERE MU ITANGIRA RY'UMURIMO

Ubwo umurimo wari utaraguka, umugabo wanjye yakundaga kujya inama n'abagabo bari bafite ibitekerezo bizima. Icyo gihe umurimo wari muto ugereranyije n'iki gihe, ariko ntiyumvaga ko ashoboye kuwucunga wenyine. Yatoranyaga abajyanama mu babaga bafite inshingano mu bice byose by'umurimo. Kandi nyuma yo kujya inama bari kumwe, abo bagabo basubiraga gukora umurimo wabo biyumvamo inshingano irushijeho gukomera yo guteza umurimo imbere mu byerekezo bitunganye, bakajya kuwerereza, kuwutunganya no kuwukomeza kugira ngo umurimo w'Imana ubashe kujya mbere mu mbaraga. -Manuscript 43,1901. [3UB25]

## UBWIGENGE, NI UBUHENDANYI BWA SATANI

Ni ubuhendanyi bw'umwanzi ku muntu wese utekereza ko ashobora kwitandukanya n'inzego Imana yashyizeho maze agakora ukwe yigenga, mu byo yita ubwenge bwe, ngo abe yagera ku ntsinzi. Nubwo ashobora kwishyeshya yibwira ko akora umurimo w'Imana, amaherezo ntazagubwa neza. Turi umubiri umwe, kandi buri rugingo rugomba komatana n'umubiri, buri muntu agakora uko ubushobozi bwe bungana. -Letter 104, 1894. [3UB25]

Si ikimenyetso cyiza kuba abantu batunga ubumwe n'abavandimwe babo mu kwizera, ahubwo bagahitamo gukora bonyine, igihe batazinjiza bagenzi babo mu murimo wabo bitewe n'uko badahuje nabo ibitekerezo. Abantu nibikorera umutwaro wa Kristo, ntibazashobora kwitandukanya. Bazikorera umutwaro we kandi bazahuriza hamwe nawe. -Manuscript 56, 1898. [3UB25]

Mu gihe twegereza akaga gaheruka, aho gutekereza ko gahunda no kutabusanya mu mikorere bidakenewe cyane, twagombye kurushaho kugira gahunda ndetse kurusha uko byari bisanzwe. Umurimo wacu wose ukwiriye gukorwa hashingiwe ku ngamba zisobanutse neza. [3UB25]

Nakiriye umucyo uva ku Uwiteka ko hakwiriye kubaho ubuyobozi bw'ingabo [z'Uwiteka] bwuje ubwenge muri iki gihe kurusha uko byabaye mu gihe icyo aricyo cyose cy'amateka yacu. - Letter 27a, 1892. [3UB25]

## GAHUNDA Y'IMIYOBORERE INOZE NI INGENZI

Yooo! Mbega uburyo Satani yanezerwa aramutse ageze ku ntego ye mu muhati akoresha ngo yinjire muri iri shyanga, maze azane akaduruvayo mu murimo mu gihe gahunda y'imiyoborere inoze ari ingenzi, kandi iyi gahunda izaba imbaraga ikomeye cyane yo gukumira abahagurukana ibitekerezo bipfuye no kwamagana ibivugwa bidashyigikiwe n'Ijambo ry'Imana! Dushaka ko imirongo tugenderaho itava kuri gahunda, kugira ngo hatazabaho gusenya imikorere y'ubuyobozi na gahunda yubatswe biciye mu murimo wakoranwe ubwenge n'ubwitonzi. Nta burenganzira [3UB25] cyangwa ubudendezo bikwiriye guhabwa abatagendera kuri gahunda bifuza kugenga uko umurimo wakorwa muri iki gihe. [3UB26]

Abantu bamwe bagiye bazana igitekerezo cy'uko ubwo twegereje iherezo ry'ibihe, buri mwana w'Imana wese azakora yigenga kandi yitandukanyije n'inzego z'imikorere iyo ari yo yose y'iby'idini. Ariko Uwiteka yambwirije ko muri uyu murimo nta kintu nk'icyo cy'uko umuntu wese yakora yigenga gikwiriye kubaho. Inyenyeri zose zo mu kirere zifite amategeko azigenga, buri nyenyeri itera indi kubahiriza ubushake bw'Imana, maze zose zigahuriza hamwe kumvira amategeko agenga imikorere yazo. Ni yo mpamvu, kugira ngo umurimo w'Imana ubashe gutera imbere, uguwe neza kandi utajegajega, ubwoko bw'Imana bugomba gukubira hamwe. -(May 30, 1909). Testimonies, vol. 9, pp. 257, 258. [3UB26]

# UMUGABANE WA II

# AMAHAME YO GUHUMEKWA

### IJAMBO RY'IBANZE

Ibyiringiro dufitiye ibitugeraho ari ubutumwa bwahumetswe n'Imana, bishingiye ku kwizera Imana n'ljambo ryayo kwacu. Binashingiye ku murimo wemeza Umwuka Wera akorera mu mitima yacu. Ibyiringiro byacu binashingiye ku kwitegereza ubuhanuzi bwasohoye n'uburi gusohora ndetse n'imbuto y'ubwo butumwa mu mibereho yacu n'iy'abandi. Umumaro inama zagize mu iterambere n'umurimo by'itorero uduha ikindi gihamya ko izo nama zikomoka ku mbaraga idasanzwe. [3UB27]

Kumenya bimwe mu bigize guhumekerwa ndetse n'ihishurwa bifasha mu gusigasira ibyo byiringiro dufite. Ibyo bishobora kuboneka mu mvugo zakoreshejwe n'abanditsi bahumekewe n'Imana ubwabo. Ayo magambo asigasira ibyiringiro byacu aboneka muri Bibiliya no mu nyandiko za Ellen G. White. Ijambo ry'ibanze umwanditsi yahaye igitabo cye cyitwa Intambara Ikomeye ryagize uruhare rukomeye cyane ku kuntu dusobanukirwa uburyo yahumekewe n'Imana. [3UB27]

Uko ibihe byagiye bisimburana Abashinzwe Kurinda Inyandiko za Ellen White bashyize ahagaragara ubutumwa buvuye mu nyandiko ze zacapwe n'izitaracapwa zivuga kungingo yo guhishuririrwa no guhumekerwa. Ubwo butumwa bwagiye bukoreshwa kenshi, hamwe n'inyandiko zitigeze zicapwa ubu biri muri uyu mugabane ufite umutwe uvuga ngo: "Amahame yo Guhumekerwa." [3UB27]

Nk'uko byagenze ku banditsi ba Bibiliya, Ellen White avuga ku mayerekwa yahawe mu buryo butagenderewe. Asobanura gusa mu magambo make uko umucyo wamugezeho, ndetse n'uko yahawe ubutumwa. Aho yagiye avuga ku mayerekwa ye bisa n'ibitunguranye bigaragara mu nyandiko zitandukanye kandi bikaboneka mu mirongo mike, ubu noneho noneho ku nshuro ya mbere ubwo butumwa bwasonzoranyirijwe muri iki gitabo. [3UB27]

*Abashinzwe Kurinda Inyandiko za Ellen White. 27*

# IGICE CYA 4

## IJAMBO RY'IMANA NI RYO NYAMBERE

**Isano iri Hagati ya Bibiliya n'Inyandiko za Ellen G. White nk'uko Igaragara mu Gitabo cye cya Mbere.** - Ncuti musomyi, nkuragije Ijambo ry'Imana ngo abe ari ryo rigenga ukwizera kwawe n'ibyo ukora. Tuzacirwa urubanza n'iryo Jambo. Muri iri Jambo ni ho Imana yasezeraniye ko "mu minsi ya nyuma" izatanga amayerekwa, atari ayo kuba umugenga mushya wo kwizera, ahubwo ari ukugira ngo ubwoko bw'Imana bukomezwe kandi abatandukira ukuri kwa Bibiliya bakosorwe. Uko ni ko Imana yagenjereje Petero igihe yari igiye kumwohereza kubwiriza Abanyamahanga. - A Sketch of the Christian Experience and Views of Ellen G. White, p. 64 (1851). (Inyandiko z'Ibanze; 2018, p. 81). [3UB28]

**Inyandiko za Ellen White Ntizisimbura Ijambo ry'Imana.** - Uwiteka ashaka ko mwiga Bibiliya zanyu. Nta wundi mucyo w'inyongera yatanze wo gusimbura Ijambo rye. Uyu mucyo ni uwo kugarura abaguye mu rujijo ku Ijambo rye, kuko iyo iri jambo ririwe kandi rikagogorwa, rimera nk'amaraso y'ubugingo mu mitima. Nibiba bityo, imirimo myiza izagaragara imeze nk'umucyo urabagiranira mu mwijima. - Letter 130, 1901. [3UB28]

**Mushakire Ibihamya muri Bibiliya.** -Mu murimo mukorera mu ruhame ntimukagire ishingiro ibyo umuvandimwe wanyu Ellen White yanditse kandi ngo mubisubiremo nk'ijambo rifite ubutware ryo gushyigikiza uruhande muhagazemo. Gukora ibi ntibizongera icyizere abantu bafitiye ibihamya. Mutange ibihamya byanyu byumvikana kandi bishimikiriye mubikuye mu Ijambo ry'Imana. Ijambo ngo, "Ni ko Uwiteka avuga" ni cyo gihamya gikomeye kurusha ibindi mushobora guha abantu. Mureke ntihazagire uwigishwa guhanga amaso mushiki wanyu Ellen White, nibigishwe kureba ku Mana y'inyembaraga iha impuguro mushiki wanyu Ellen White. - Letter 11, 1894.

**Mubanze Amahame ya Bibiliya, Ibihamya Bibone Gukurikiraho.** -Inshingano yanjye ya mbere ni ukuvuga amahame ya Bibiliya. Hanyuma uretse ko haba hari ubugorozi budakebakeba kandi buvuye ku mutima [3UB28] bwakozwe n'abantu nigeze kwerekwa ibyabo, ubwo nibwo mba ngomba kubyifashisha ubwanjye. - Letter 69, 1896. [3UB29]

**Umurimo wa Ellen White Ntuhabanye n'uw'Abahanuzi bo muri Bibiliya.** -Mu bihe bya kera Imana yavuganiraga n'abantu bayo mu kanwa kabahanuzi n'intumwa. Muri iyi minsi, ivuganira nabo mu bihamya bya Mwuka wayo. Ntabwo higeze kubaho igihe Imana yigishije ubwoko bwayo ibishimikiriye kuruta uko muri iki gihe ibwigisha ibyerekeye ubushake bwayo n'inzira yifuza ko bugenderamo. - Testimonies, Vol.5, p. 661. [3UB29]

**Ibyanditswe Byera n'Umwuka w'Ubuhanuzi Bifite Isoko Imwe.** - Mwuka Wera ni we sōko ry'Ibyanditswe Byera n'Umwuka w'Ubuhanuzi. Ibyanditswe Byera n'Umwuka w'Ubuhanuzi ntibigomba gusobekwa no guhindurwa kugira ngo bisobanure icyo umuntu ashaka ko bisobanura, cyangwa ngo bisohoze ibitekerezo by'umuntu n'amarangamutima ye, no guteza imbere imigambi y'umuntu. - Letter 92, 1900. [3UB29]

**Isano Inyandiko za Ellen White zifitanye na Bibiliya. Umucyo muto.** Bibiliya yumvirwa gake cyane, bityo rero Uwiteka yatanze umucyo muto kugira ngo ayobore abagabo n'abagore ku mucyo munini. - The Review and Herald, Jan. 20, 1903. (Colporteur Ministry, p.125). [3UB29]

-

**Ibihamya Byageragereshejwe Bibiliya.** Ntabwo Mwuka yatangiwe (kandi nta nubwo ashobora gutangirwa) kugira ngo asimbure Bibiliya; kubera ko Ibyanditswe bisobanura byeruye ko Ijambo ry'Imana ari ryo rugero ngenderwaho inyigisho zose n'ibibaho byose bigomba gupimirwaho Yesaya aravuga ati: "Nimusange amategeko y'Imana n'ibiyihamya. Nibatavuga ibihwanye n'iryo Jambo nta museke uzabatambikira" (Yesaya 8:20). -Intambara Ikomeye, p. 11. [3UB29]

**Umugambi w'Ibihamya si Ugutanga Umucyo Mushya.** - Mwene data J. ashobora guteza urujijo ashaka kugaragaza ko umucyo Imana yatanze mu Ibihamya ari inyongera ku Ijambo ry Imana, ariko muri ubwo buryo agaragaza ibintu mu mucyo utari ukuri. Muri ubu buryo, Imana yabonye ko bikwiriye kugeza ubwenge bw'ubwoko bwayo ku Ijambo ryayo, kandi ngo ibahe gusobanukirwa birushijeho. [3UB29]

Ijambo ry'Imana ririhagije kugira ngo rimurikire intekerezo zijijwe kurusha izindi, kandi rishobora gusobanukira abifuza kurisobanukírwa. Nubwo ibyo byose bimeze bityo, abantu bamwe bavuga ko biga ljambo ry'Imana usanga barangwa n'imibereho ihabanye rwose n'inyigisho zaryo zumvikana neza. Ni yo mpamvu, kugira ngo abagabo n'abagore be kugira urwitwazo, Imana itanga ibihamya byumvikana neza kandi byahuranyije, bibagarura ku Ijambo ryayo birengagije gukurikiza. [3UB29]

Ijambo ry'Imana rikungahaye ku mahame rusange agamije kurema imyitwarire itunganye mu mibereho, ndetse ryuzuyemo n'ibihamya byaba ibya rusange cyangwa iby'umuntu ku giti cye, byashyiriweho gukangurira[3UB29] intekerezo zabo kwita kuri ayo mahame mu buryo bwihariye. - *Testimonies, Vol. 5, pp. 663, 664.* [3UB30]

**Ibihamya Byashyiriweho Gutanga Amasomo Yeruye Ava mu Ijambo ry'Imana**. Imana yagaragarije mu Byanditswe Byera amasomo y'ibifatika agomba kuyobora imibereho n'imyitwarire by'abantu bose. Nyamara nubwo yatanze ingingo nto zose zisobanutse neza ku byerekeye imico yacu, ibiganiro byacu ndetse n'imyitwarire, nyamara amasomo yigishije yarasuzuguwe kandi arirengagizwa ku rwego rwo hejuru. Nubwo Imana yatanze impuguro mu Ijambo ryayo, yahaye ubwoko bwayo n'ibihamya byihariye, ntiyabibahera kuba ihishurirwa rishya, ahubwo ari ukugira ngo ishyire imbere yacu amasomo yumvikana neza y'ljambo ryayo kugira ngo amakosa akosorwe, kugira ngo inzira y'ukuri igaragazwe bityo he kugira umuntu n'umwe ugira urwitwazo. - Letter 63,1893. (Reba Testimonies, Vol. 5, p.665.) [3UB30]

**Ellen White Yatumye Ukuri n'Ikinyoma Bisobanuka Neza.** - Muri cya gihe [nyuma yo kutabona ibyari byitezwe mu mwaka wa 1844], ibinyoma byagiye bitwibasira bikurikiranye; abagabura n'abaganga bagiye bazana imyizerere mishya. Twarondoraga mu Byanditswe Byera kandi dusenga cyane, nuko Mwuka Wera akatumenyesha ukuri. Rimwe na rimwe amajoro yose yegurirwaga gushakashaka mu Byanditswe Byera no gusaba Imana twinginga ngo ituyobore. Amatsinda y'abagabo n'abagore bamaramaje yarateranaga ku bw'uyu mugambi. Imbaraga y'Imana yanzagaho, maze nkabashishwa gusobanura neza ukuri kandi nkerekana n'ikinyoma. [3UB30]

Ubwo ingingo zigize kwizera kwacu zashimangirwaga muri ubwo buryo, ibirenge bwacu byashyirwaga ku rufatiro rukomeye. Igihe twagaragarizwaga ukuri na Mwuka w'Imana, twemeraga ukuri ingingo ku ngingo. Najyanwaga mu iyerekwa maze ngahabwa ubusobanuro. Nahawe ibyitegererezo by'ibyo mu ijuru n'iby'ubuturo bwera ku buryo twagejejwe aho umucyo

warabagiranaga kuri twe mu mirasire imurika cyane kandi yihariye. - Gospel Workers, p.302. [3UB30]

**Gukosora Amakosa no Kwerekana Ukuri Neza.** Nanditse ibintu byinshi muri ajenda' nagendanaga mu ngendo zanjye zose, kandi ibyo bintu byagombaga gushyirwa imbere y'abantu igihe byari kuba ari ngombwa, nubwo nta wundi murongo nanditse. Nshaka ko ibikwiriye gushyirwa ahagaragara bihajya, kuko Uwiteka yampaye umucyo mwinshi nifuza ko abantu bamenya, kubera ko hari impuguro Uwiteka yampaye zigenewe ubwoko bwe. Ni umucyo bagomba kugira umurongo ku murongo, [3UB30]

---

*1 Nubwo Ellen White yari afite ajenda ya buri munsi yandikagamo ibyerekeye ubuhamya bwe, ntabwo iyi ari yo yakomojeho muri iki gice. Inyinshi mu nyandiko ze zigaragara mu bitabo bye yanditse mbere zanditswe mu bitabo by'imirongo. Bimwe muri byo bifite umutwe uvuga ngo "Ajenda" nk'uko byakoreshejwe ahangaha. Iyi mvugo yakoreshejwe mu Ibihamya ashaka kuvuga inyandiko ze zandikishijwe intoki ze. (Reba mu lbihamya (Testimonies, vol.8, p.206), aho avuga ati. "Ibi nabibonye muri ajenda yanjye hashize umwaka umwe." Birumvikana ko dukurikije ibikurikiraho yavugaga ibihamya ubwabyo).*

---

itegeko ku itegeko, aha bike n'ibindi bike hariya. Ibi noneho bigomba kumenyeshwa abantu, kubera ko byatangiwe gukosora ibinyoma bikurura abantu ndetse no kugaragaza neza ukuri uko ari ko. Uwiteka yahishuye ibintu byinshi byerekana ukuri agira iti: "Iyi ni yo nzira abe ari yo munyuramo." - Letter 117, 1910. [3UB31]

**Ibihamya Ntibivuguruza Bibiliya na Gato.** - Bibiliya igomba kubabera umujyanama. Muyigane kandi mwige n'ibihamya Imana yatanze kubera ko bitavuguza Ijambo ryayo na gato. - Letter 106,1907. [3UB31]

Niba Ibihamya bivuga ibitandukanye n'iri jambo ry'Imana, mubireke. Kristo na Beliyali ntibashobora kunga ubumwe. - Testimonies, Vol.5, p.691. [3UB31]

**Kubyo Kwifashisha Amagambo yo mu Nyandiko za Ellen White**. - Ni gute Uwiteka ashobora guha umugisha abagaragaza umwuka wa "ntacyo bimbwiye," umwuka ubayobora mu kugenda banyuranyije n'umucyo Imana yabahaye? Nyamara ntabwo mbasaba gufata amagambo yanjye. Nimushyire Ellen White ku ruhande rumwe. Ntimukongere gukoresha amagambo yanjye igihe cyose mukiriho kugeza ubwo muzaba mushobora kumvira Bibiliya. Nimugira Bibiliya ibyokurya byanyu, umutsima wanyu n'ibyokunywa byanyu, kandi nimugira amahame yayo ishingiro ry'imico yanyu, nibwo muzamenya neza uko mwakwakira inama iva ku Mana. Ndereza ljambo ry'Imana imbere yanyu uyu munsi. Ntimugasubiremo ibyo navuze ngo muvuge muti: "Mushiki wacu White yavuze ibi" cyangwa ngo "Mushiki wacu Ellen White yavuze biriya." Mushake ibyo Úwiteka Imana ya Isirayeli avuga, maze mukore ibyo ategeka. - Manuscript 43,1901. (Mu mbwirwaruhame yabwiye abayobozi b'itorero ijoro ryabanjirije ifungurwa ry'inama y'Inteko Nkuru Rusange mu 1901.) [3UB31]

---

*2 Ellen White yari yahuye n'abayobozi b'itorero nk'itsinda bwa mbere mu myaka icumi yari ishize. Ibintu byari byarasubiye inyuma cyane haba mu Nteko Nkuru Rusange ndetse no mu kigo cyacu cya Battle Creek. Ibihamya bikangurira abantu gusubira ku mahame ya Bibiliya byari byarigishijwe mu magambo gusa ariko nta mpinduka nziza zifatika zari zarabayeho.*

*Abenshi mu ntumwa zari zije mu nama y'Inteko Nkuru Rusange yari gutangira mu gitondo cy'umunsi wari gukurikiraho, batekerezaga ko hari hakwiriye kubaho impinduka. Ellen White yacyashye abayobozi bibigo nuko ahamagarira abari bitabiriye iyo nama kongera gutunganya imiyoborere y'Inteko Nkuru Rusange. Wari umutwaro we kubamenyesha ko impinduka zari gushingira ku mahame ya Bibiliya aho kuba amagambo ya Ellen White. Muri iyi mbwir waruhame yaravuze ati:*

*"Imana yambwiye ko ubuhamya bwanjye bukwiriye gutangirwa muri iyi nama kandi ko ntakwiriye gutuma abantu babwizera. Umurimo wanjye ni ukwereka abantu ukuri. Kandi abishimira umucyo mvajuru bazakira ukuri." Manuscript 43,1901.*

*Inama yari kumuzaho nk'intumwa y'Imana kandi yagombaga kwitonderwa. Nyamara, umurimo ushimikiriye wagombaga gukorwa ugashingira ku mahame yatanzwe mu jambo ry'Imana. - Abakusanyije Inyandiko.*

---

## IGICE CYA 5

## IBYABAYEHO MU GUHABWA AMAYEREKWA

**Iyerekwa rya Mbere.** - Igihe nasengeraga ku gicaniro cy'umuryango, Umwuka Wera yanjeho. Inyandiko z'Ibanze; 2018, p.35. [3UB32]

Uko twari abagore batanu twari dupfukamye bucece ku gicaniro cy'umuryango. Ubwo twasengaga, imbaraga y'Imana yanjeho kuruta uko byari byarigeze bimbaho. Nari meze nk'ukikijwe n'umucyo kandi numvise nzamurwa hejuru kandi hejuru cyane y'iyi si. Icyo gihe, neretswe imibereho y'abizera bategereje kugaruka kwa Yesu, nerekwa kugaruka kwa Kristo n'ingororano zizahabwa abakiranutsi. - Testimonies, vol.5, pp. 654, 655. [3UB32]

**Kuvuga Uko Byagenze.** Ubwo umucyo wo kurabagirana k'ubwiza bw'Imana wazaga kuri jye bwa mbere, batekereje ko napfuye, baranyitegereza kandi bamara umwanya munini batakamba ndetse basenga. Ariko kuri jye ryari ijuru, bwari ubugingo hanyuma isi iramburwa imbere yanjye maze mbona umwijima wari umeze nk'igicucu cy'urupfu. [3UB32]

Mbese ibyo byari bishatse kuvuga iki? Sinashoboraga kubona umucyo. Hanyuma nabonye urumuri rw'umucyo muto cyane nuko nongera kubona urundi ruto cyane, maze uwo mucyo ugenda wiyongera, uba mwinshi ndetse urakura cyane urakomera kugeza ubwo uhindutse umucyo w'isi. Uwo mucyo wari abizera Yesu Kristo... [3UB32]

Sinigeze ntekereza ko nari kugaruka ku isi ukundi. Ubwo umwuka wongeraga kugaruka mu mubiri wanjye, sinashoboraga kugira icyo numva. Ibintu byose byari umwijima. Umucyo n'ubwiza amaso yanjye yari yabonye byari byaganje umucyo usanzwe kandi ibyo byamaze amasaha menshi. Nyuma yaho, buhoro buhoro natangiye kubona umucyo maze mbaza aho nari ndi. Nyir'inzu yarasubije ati: "Uri hano mu nzu yanjye." [3UB32]

"Ngo iki, ahangaha? Njyewe ndi ahangaha? Mbese ntabyo muzi?" Hanyuma byose bikangarukira. Ese uru ni urugo rwanjye? Mbese nagarutse ahangaha? Yooo, kuremererwa n'umutwaro byaje mu bugingo bwanjye. - Manuscript 16,1894. [3UB33]

**Kwibagirwa iby'Isi Burundu.** Igihe Uwiteka abonye ko bikwiriye gutanga iyerekwa, njyanwa imbere ya Yesu n'abamarayika maze nkibagirwa ibyo ku isi byose burundu. Nta handi harenze aho nshobora kubona uretse aho marayika anyoboye. Rimwe na rimwe intekerezo zanjye zerekezwa ku bibera ku isi. [3UB33]

Inshuro nyinshi njyanwa kure mu gihe cy'ahazaza nkerekwa ibizaba. Hanyuma nanone nkerekwa ibintu nk'uko byabayeho mu gihe cyashize. - Spiritual Gifts, Vol.2, p. 292 (1860). [3UB33]

**Rimwe na Rimwe Yahawe Amayerekwa Yumva.** Ku wa Gatandatu w'Isabato, taliki ya 20 Werurwe, nabyutse mu rukerera hafi saa cyenda n'igice. Ubwo nari ndi kwandika ku gice cya cumi na gatanu cy'ubutumwa bwiza bwanditswe na Yohana, mu buryo butunguranye amahoro ahebuje yaje muri jye. Icyumba cyose nari ndimo cyari kimeze nk'icyuzuwe n'ikirere cy'ijuru. Icyumba

cyanjye cyasaga n'icyuzuyemo ukwera n'ubutungane. Narambitse ikaramu yanjye hasi maze nditegura ntegereza icyo Mwuka yari agiye kumbwira. Nta muntu nabonye. Nta jwi numvise, umurinzi uvuye mu ijuru yasaga n'undi iruhande; numvise ko nari ndi imbere ya Yesu. [3UB33]

Akanwa kanjye ntigashobora gusobanura amahoro ahebuje n'umucyo byari mu cyumba cyanjye. Nari nzengurutswe n'ikirere cyera kandi kizira inenge, maze intekerezo zanjye n'ubwenge byerekwa ibintu bitangaje kandi by'agaciro gakomeye. Umurongo w'ibikorwa wanshyizwe imbere nk'aho uwari kumwe nanjye utaraboneshwaga amaso ari kuvugana nanjye. Ibyo nari ndi kwandika nabaye nk'ubyibagiwe maze imbere yanjye haza indi ngingo. Imbaraga nyinshi no gutangara byasaga n'ibinyuzuye ubwo ibyo nerekwaga byinjiraga mu ntekerezo zanjye. - Manuscript 12c,1896. [3UB33]

**Irindi Yerekwa Nagize Ndi Kwandika.** Nabyutse kare ku wa Gatanu saa munani za mugitondo, kandi nari mpugiye cyane mu kwandika ku Muzabibu w'Ukuri, ubwo numvaga mu cyumba cyanjye hari nk'undi ukijemo, nk'uko byari byarambayeho inshuro nyinshi mbere y'icyo gihe, maze nibagirwa ibyo nari ndimo byose. Nasaga n'uri imbere ya Yesu. Yari ari kumbwira ibyo nagombaga guhugurirwa. Ibintu byose byarumvikanaga neza ku buryo nta kujijwa kwari kumbaho. [3UB33]

---

*3 lyi ni yo mpamvu Ellen White adakunda kuvuga uko yumvaga amerewe mu gihe na nyuma yiyerekwa rye. Yibandaga ku mayerekwa yaboneshaga amaso ye nk'ibihamya by'uko kwigaragaza nk'uko yabikoze mu 1906 ubwo yavugaga ku buhamya bw'umuhamagaro n'umurimo bye. Reba amagambo asoza iki gice.*

---

Nari ngiye gufasha uwo natekerezaga ko ntakwiriye guhamagarirwa kuba nakumva ntatekanye kubwo kongera kumufasha. Sinashoboraga gusobanukirwa icyo byari bisobanuye, ariko nahise mfata icyemezo cyo kutagerageza kubitekerezaho, ahubwo ngakurikiza amabwiriza mpawe. Nta jambo ryumvikana mu matwi yanjye nigeze numva, ahubwo numvaga ijwi rimbwirira mu ntekerezo zanjye. Naravuze nti: "Mwami, ndakora ibyo untegetse." - Letter 36, 1896. [3UB34]

**Kwerekwa Ibitangaje Ari Kwandika cyangwa ari Kuvuga.** - Ntabwo mpabwa ubufasha budasanzwe igihe mpagaze imbere y'iteraniro rinini gusa; ahubwo n'igihe ndi kwandika n'ikaramu yanjye, nerekwa ibintu bitangaje byo mu gihe cyashize, iby'iki gihe n'iby'ahazaza. - Letter 86, 1906. [3UB34]

**Ellen White Ntiyashoboraga Kugenga Amayerekwa.** -Biramutse bivuzwe ko nigeze nifuza ko nahabwa iyerekwa igihe ndishakiye byaba ari ikinyoma gikomeye. Muri ibi nta n'igicucu cy'ukuri kirimo. Sinigeze mvuga ko nashoboraga kujya mu iyerekwa ku bushake bwanjye, kubera ko ibi bidashoboka. Namaze imyaka myinshi nibwira ko ndamutse nshoboye kugira amahitamo kandi bigashimisha n'Imana, ibyiza ni uko nakwipfira aho kugira ngo njye mu iyerekwa, kubera ko iyerekwa ryose rimpa inshingano ikomeye yo gutanga ibihamya byo gucyaha n'imiburo, kandi ibyo iteka numvaga bitamereye neza, kuko bintera umubabaro wo mu mutima udashobora gusobanurwa. Sinigeze nifuza umwanya mfite, nyamara kandi sinahangara kurwanya Umwuka w'Imana kandi ngo nshake umwanya woroheje. [3UB34]

Umwuka w'Imana yanjeho mu bihe bitandukanye, ndi ahantu hatandukanye ndetse no ku mu bihe bitandukanye. Umugabo wanjye ntiyigeze agira ububasha kuri uko kwigaragaza kwa Mwuka w'Imana. Inshuro nyinshi ubwo nagiraga amayerekwa yabaga yagiye ahantu ha kure. - Letter 2, 1874. [3UB34]

**Sinatinyutse Gushidikanya.** - Ibyo bintu byose byaremereye umutima wanjye cyane, maze muri urwo rujijo rimwe na rimwe nkageragereshwa gushidikanya kubyo nanyuzemo. Igitondo kimwe ubwo nari mu masengesho y'umuryango, imbaraga y'Imana yatangiye kunzaho, maze muri njye haza igitekerezo cy'uko byaba ari uguhangwaho birimo guta ubwenge bituma nyirwanya. Ako kanya nahise mpinduka ikiragi... Nyuma y'ibyo, sinongeye guhangara gushidikanya imbaraga z'Imana cyangwa ngo ngire n'akanya gato ndwanya imbaraga y'Imana kabone n'ubwo abandi bagira uko bantekereza. Inyandiko z'Ibanze, p. 42. [2018]. [3UB34]

---

*4 Umukuru J. N. Loughborough yavuze ko iyerekwa rya nyuma ryaherekejwe no guhinduka kw'ibigaragara ryabereye ku kibuga cy'ingando cy'i Portland muri Oregon mu 1884. Yari ahibereye kandi ibi yabivuzeho mu kiganiro yatanze ku wa 20, Mutarama, 1893 ubwo yavugaga ku "Kwiga Ibihamya" mu nama y'Inteko Nkuru Rusange yabereye i Battle Creek. Reba muri General Conference Bulletin, 1893, pp. 19, 20. Abakusanyije Inyandiko.*

---

**Ellen White Avuga Ibihamya by'Umuhamagaro n'Umurimo we.** -Muri iyi si yacu hari umwuka wo kwizera n'umwuka wo kutizera. Mu minsi ya nyuma, abantu bamwe bazareka ukwizera, bumvire imyuka iyobya n'inyigisho zabadayimoni. Twiteze ko abanga gukurikiza ibyo Kristo ashaka bazahinduka imbaraga imurwanya; ariko ntidukwiriye gutekereza ko ibi hari icyo bizadutwara. Tugomba kwibuka ko abari ku ruhande rwacu baruta kure abaturwanya. Ibi ni byo byiringiro byanjye, imbaraga n'ubushobozi byanjye. Nizera Imana. Nzi uwo nizeye. Nizera ubutumwa Imana yahaye itorero ryayo ryasigaye. Kuva nkiri umwana nahuye na byinshi, nongere ngo nahuye na byinshi byakomereje ukwizera mfite mu murimo Imana yampamagariye gukora. [3UB35]

**Kubashishwa Kwandika**. - Mu minsi ibanza y'umurimo nkorera mu ruhame, Uwiteka yarambwiye ati: "Andika, andika ibyo uhishurirwa." Igihe ubu butumwa bwangeragaho, sinashoboraga gukomeza ikiganza cyanjye. Uburyo impagarike yanjye yari imerewe bwatumye ntashobora kwandika. Ariko jambo ryagarutse rivuga riti: "Andika ibintu uhishurirwa." Narumviye, maze bidatinze mbasha kwandika impapuro zagiye zikurikirana mu buryo bunyoroheye. Ni nde wambwiye ibyo nandika? Ni nde wakomeje ikiganza cyanjye cy'iburyo agatuma mbasha kwandikisha ikaramu? Ni Uwiteka wabikoze. [3UB35]

Nitugirana n'Umwami wacu umubano utunganye, kandi tukamwiyegurira burundu, tuzabona imbaraga y'Imana ikora ibitangaza mu magambo no mu bikorwa. [3UB35]

**Amayerekwa Yashimangiye Imyanzuro Yavuye mu Kwiga Bibiliya**. - Mu minsi ya mbere yo guhabwa ubutumwa, igihe twari tukiri bake, twigaga dushimikiriye kugira ngo twumve ubusobanuro bw'Ibyanditswe byinshi. Rimwe na rimwe byasaga n'aho nta busobanuro bushoboye gutangwa. Intekerezo zanjye zasaga n'izidashoboye rwose gusobanukirwa n'ljambo ry'Imana; ariko igihe bene Data babaga bateraniye hamwe kwiga Ijambo ry'Imana bageraga ku ngingo batashoboraga kurengaho ngo babe batera indi ntambwe, maze noneho bakitabaza gusenga bashimikiriye, Mwuka w'Imana yazaga kuri jye nuko nkajya mu iyerekwa maze ngasobanurirwa isano ibyo Byanditswe bifitanye n'ibindi Byanditswe. Ibi byambayeho inshuro nyinshi cyane. Uko ni ko ingingo nyinshi z'ukuri k'ubutumwa bwa marayika wa gatatu zashimangiwe ingingo ku yindi. [3UB35]

Mbese mutekereza ko uko nizera ubu butumwa bizigera bidohoka? Mbese mutekereza ko naceceka igihe mbona imbaraga zikoreshwa mu gusenya inkingi z'urufatiro rwo kwizera kwacu? Nshikamye muri uku kuri uko nshoboye kose mu mbaraga zanjye nk'umuntu. Sinshobora

kwibagirwa ibyo nanyuzemo. Imana yashimangirishije ukwizera kwanjye ibihamya byinshi bigaragaza imbaraga zayo. [3UB35]

Umucyo nakiriye narawanditse, kandi umwinshi muri wo ubu urabagirana uturuka mu nyandiko zacapwe. Mu bitabo byanjye bicapwe harimo ubutumwa butabusanya n'inyigisho nigisha muri iki gihe. [3UB36]

**Ntiyahumekaga Ubwo Yabaga Ari mu Iyerekwa.** - Zimwe mu mpuguro ziboneka muri izi mpapuro zatanzwe mu bihe bidasanzwe kugira ngo zihamye imbaraga y'Imana ikora ibitangaza ngo ishimangire ukuri kwayo. Rimwe na rimwe ubwo nabaga ndi mu iyerekwa, inshuti zanjye zaranyegeraga zikavuga ziti: "Kuki? Ntabwo ahumeka!" Ubwo bashyiraga indorerwamo ku munwa wanjye, babonaga ko nta byuya na bike byagaragaraga ku kirahuri. Igihe nta kimenyetso cyo guhumeka nagaragazaga nibwo nakomeje kuvuga ku bintu biri kunyuzwa imbere yanjye mbyerekwa. Ubwo butumwa nabuherewe gukomeza ukwizera kw'abantu bose, kugira ngo muri iyi minsi iheruka tubashe kwiringira Umwuka w'Ubuhanuzi. [3UB36]

**Ijwi Ryakomeje Kurindwa mu Buryo bw'Igitangaza.** - Ndashimira Imana ko yandindiye ijwi kuko mu buto bwanjye abaganga n'inshuti bavuze ko ryari kuzaceceka mu mezi atatu. Imana nyir'ijuru yabonye ko nari nkeneye kunyura mu bihe by'ibigeragezo kugira ngo ntegurirwe umurimo yashakaga ko nkora. [3UB36]

Mu myaka mirongo itanu ishize ukwizera mfitiye intsinzi ikomeye y'ubutumwa bwa marayika wa gatatu n'ibindi byose bibwerekeye, kwakomejwe n'ibyo nanyuzemo bitangaje. Iyi ni yo mpamvu mfite ubwuzu bwo kubona ibitabo byanjye bicapwa kandi bigakwirakwizwa mu ndimi nyinshi. Nzi ko umucyo uri muri ibi bitabo ari umucyo w'ijuru. [3UB36]

**Mwige Impuguro.** - Ndabasaba ngo mwige impuguro ziboneka muri ibi bitabo. Intumwa Yohana yari igeze mu zabukuru yarabwiwe ngo: "Nuko wandike ibyo ubonye n'ibiriho, n'ibiri bukurikireho hanyuma" (Ibyahishuwe 1:19). Uwiteka yantegetse kwandika ibyo nahishuriwe. Ibi narabíkoze none ubu biri mu bitabo bicapwe.... [3UB36]

Mu buyobe buri kugenda bukwira isi yose, mureke duharanire guhagarara dushikamye ku rufatiro rw'ukuri kw'iteka ryose. Mureke twambare intwaro zose z'Imana; kubera ko tubwirwa ko muri iki gihe Satani ubwe azakorera ibitangaza imbere y'abantu. Ubwo tubona ibi bintu, tugomba kuba twiteguye gutsinda imbaraga yabyo y'ubushukanyi. Ikintu cyose umwanzi agaragaza nk'ukuri ntigikwiriye kudukurura; kubera ko dukwiriye kugendera munsi y'amabwiriza y'Umuhanzi ukomeye w'ukuri kose. The Review and Herald, June 14,1906. [3UB36]

# IGICE CYA 6

## ISHUSHO NTO Z'UBURYO UMUCYO WAJE KURI ELLEN WHITE

**Mu Iyerekwa rya Mbere Nasaga n'uri Kugira Uruhare mu Biri Kuba**. -Igihe nasengeraga ku gicaniro cy'umuryango, Umwuka Wera yanjeho, maze mera nk'uzamuwe hejuru, nkuwe ku isi y'umwijima. Mpindukirira kureba abategereje kugaruka kwa Yesu bari ku isi; ariko sinababona maze ijwi rirambwira riti: "Ongera urebe, kandi urebe hejuru biruseho hato." Numvise ibyo nubura amaso, mbona inzira igororotse kandi ifunganye iturutse ku isi. Ako kayira ni ko abategereje banyuragamo berekeza mu murwa wari ku iherezo ry'iyo nzira. Inyandiko z'Ibanze, p.35. [2018] [3UB37]

**Kwiterereza Uruhererekane rw'Ibintu Rwagutswe**. -Amurikiwe na Mwuka Muziranenge, umwanditsi w'iki gitabo yahishuriwe urugamba rw'intambara iri hagati y'icyiza n'ikibi imaze igihe kandi igikomeje. Mu bihe binyuranye nagiye nemererwa kwitegereza imigendekere y'iyo ntambara ikomeye ishyamiranyije Kristo, Umwami w'ubugingo kandi akaba Inkomoko y'agakiza kacu na Satani, umugenga w'ikibi, isoko y'icyaha kandi akaba uwa mbere wagomeye amategeko y'Imana azira inenge. -Intambara Ikomeye, p.13. [3UB37]

**Marayika Asobanura Iyerekwa.** -Taliki ya 16 Mata, 1906, ubwo nari i Loma Linda muri California, imbere yanjye hanyujije iyerekwa ritangaje. Mu iyerekwa rya nijoro, ubwo nari mpagaze ahirengeye aho nashoboraga kwitegereza amazu anyeganyezwa nk'urubungo igihe ruhungabanywa n'umuyaga. Inyubako nini n'intoya zagwaga ku butaka. Ahantu hagenewe kwishimisha, inzu ziberamo ibitaramo, amahoteri n'inzu zabakire [3U B37] zaranyeganyejwe kandi zararindimutse zihinduka ibirundo by'amatongo. Abantu benshi batakaje ubuzima bwabo, kandi ikirere cyari cyuzuye imiborogo y'abakomeretse n'abatashwe n'ubwoba bwinshi... Sinshobora kubona amagambo yo gusobanura ububi bw'ibyanyujijwe imbere. Byasaga naho ukwihangana kw'Imana kwari kwashize, kandi umunsi w'urubanza ukaba wari usohoye. [3UB38]

Ibyanyujijwe imbere byari biteye ubwoba, kandi ibyakoze ku ntekerezo zanjye bikomeye ni amabwiriza nahawe afitanye isano nabyo. Marayika wari umpagaze iruhande yavuze ko ubutware bw'ikirenge bw'Imana ndetse no kwera kw'amategeko yayo bigomba guhishurirwa abinangira bakanga kubaha Umwami w'abami. Abahitamo gukomeza kutaba indahemuka, kubw'ubuntu bagomba kugerwaho n'amateka [y'Imana], kugira ngo niba bishoboka bakangukire gusobanukirwa n'ubunyacyaha bwo mu migirire yabo. - Testimonies, Vol. 9, pp.92, 93. [3UB38]

**Ishusho Ikora ku Mutima Yerekeye Umuryango.** - Marayika w'Imana yarambwiye ati: "Nkurikira." Nasaga n'uri mu cyumba mu nyubako isa nabi, kandi muri yo harimo abasore benshi bakinaga amakarita. Basaga n'abatwawe cyane n'ibinezeza bari bahugiyemo kandi bari bahuze cyane ku buryo basaga n'abatabona ko hari umuntu wari winjiye mu cyumba. Hari abakobwa b'inkumi bitegerezaga ba bakinnyi, kandi amagambo y'ikinyabupfura gike niyo yari yiganje aho hantu. Muri icyo cyumba hari umwuka no gutwarwa byari byabigaruriye kandi imiterere yabyo ntiyari iyo kweza no kuzahura intekerezo cyangwa ngo biheshe imico agaciro... [3UB38]

Narabajije nti: "Aba ni bande kandi iri yerekwa risobanura iki?" [3UB38]

Narabwiwe ngo, "Tegereza."... [3UB38]

Nuko ngira ibindi nerekwa. Hariho abantu bari kunywa uburozi, kandi amagambo n'ibikorwa baterwaga n'ubwo burozi byari byiza ku buryo byarimo ibitekerezo bidakebakeba, imyumvire iboneye mu bijyana n'ubucuruzi, imico iboneye ndetse no kuzahura abari aho... [3UB38]

Nongeye kubaza nti: "Aba ni bande?" [3UB38]

Igisubizo cyaraje ngo: "Aba ni bamwe mu bagize umuryango uri gusura. Umwanzi w'imitima, kandi akaba umwanzi ukomeye w'Imana n'abantu, umutware w'ibinyabubasha n'ibinyabushobozi, akaba n'umutware utegeka iyi si y'umwijima ni we uraba ayoboye muri uyu muryango iri joro. Satani n'abadayimoni be bateje ibishuko aba bantu b'impezamajyo kugira ngo babarimbure. Letter 1, 1893. [3UB38]

**Kwerekwa Ibintu nk'Ibiri Kuba Muri uwo** Mwanya. - Noneho nabonye umucyo, cyane cyane mu gihe cy'ijoro, maze biba nk'aho ibintu byose biri kuba, maze ndabyitegereza, mera nk'aho ndi kumva ikiganiro. Nahatiwe guhaguruka ngo nsanganire uwo mucyo. - Manuscript 105, 1907. [3UB38]

**Amayerekwa y'Uburyo bw'Imvugoshusho.** Nakweretswe umeze nk'umugaba mukuru w'ingabo, wicaye ku ifarashi kandi wari ufite ibendera. Umuntu yaje akwaka iryo bendera ryari ryanditseho ngo: "Amategeko y'Imana no kwizera kwa Yesu," maze iryo bendera riribatirwa mu mukungugu. Nabonye ukikijwe n'abantu bari bari kuguhuza n'isi. - Letter 239, 1903. [3UB39]

Imwe mu mirimo yakorewe [abantu b'ibicibwa] igaragazwa imeze nk'abantu bari gusunika amabuye manini bayerekeza mu mpinga y'umusozi bakoresheje imbaraga nyinshi. Ubwo bendaga kuyageza mu mpinga y'umusozi, ya mabuye yarongeraga akabatembana agasubira mu manga. Abo bagabo bashoboye kugeza amabuye make cyane mu mpinga y'umusozi. Mbega imbaraga cyangwa ikiguzi byasabye mu murimo wakorewe abantu b'insuzugurwa kugira ngo bayoborwe ku guhagarara bagatsinda irari ry'inda n'ibyifuzo bibi! - Letter 232, 1899. [3UB39]

**Yabashishijwe Gusobanukirwa Amayerekwa y'Uburyo bw'Imvugoshusho.** -Ubwenge n'inyurabwenge byanjye biracyakora neza. Ibyo Uwiteka anyereka mu mvugoshusho, ambashisha kubisobanukirwa. - Letter 28, 1907. [3UB39]

**Yaburiwe Akaga Kari Kibasiye Umuganga**. Mu iyerekwa nagize mu ijoro ryakeye nakubonye uri kwandika. Haje umuntu maze arebera inyuma y'ibitugu bwawe aravuga ati: "Wowe, nshuti yanjye, uri mu kaga."..." [3UB39]

Reka nkubwire ibyo nabonye ubwo nari ndi muri Okilandi (Oakland). Abamarayika bambaye ibishura byiza bameze nk'abamarayika b'umucyo bari bashagaye Dogiteri A. aho yajyaga hose, kandi bakamutera kuvuga amagambo y'ubwibone no kwishyira hejuru kandi yari igitutsi ku Mana. [3UB39]

Nyuma gato y'inama yabereye Oakland, mu ijoro Uwiteka yanyujije imbere ibyabaga, muri byo Satani yari yambaye mu buryo bureshya amaso bwiyoberanyije, kandi yagendaga yakajije umurego yegereye Dogiteri A. Nabonye kandi numva byinshi. Buri joro nacaga bugufi mfite intimba mu mutima ubwo nabonaga Satani ari kuvugana n'umuvandimwe wacu. -Letter 220, 1903. [3UB39]

**Byahishuwe mu Murabyo w'Umucyo.** - Hari ikibazo kibazwa ngo: Ni gute mushiki wacu Ellen White ajya amenya ibyerekeye ibibazo ajya avugaho ashize amanga, akabivuga nk'ufite ububasha bwo kuvuga ibyo bintu? Mvuga ntyo kubera ko ibyo mvuga biba birasa mu ntekerezo zanjye igihe mpagaritse umutima bikaza birneze nk'umurabyo uvuye mu gicu cyijimye mu gihe cy'umugaru ukaze. Ibintu bimwe neretswe mu myaka yashize ntibyagumye mu ntekerezo zanjye, ariko igihe

impuguro zatanzwe icyo gihe zikenewe, ndetse rimwe na rimwe iyo mpagaze imbere y'iteraniro ry'abantu, bya bintu mbyibuka vuba vuba kandi byumvikana neza, bimeze [3UB39] nk'umucyo w'umurabyo, bikagarura mu ntekerezo za mpuguro n'umuburo byihariye. Icyo gihe sinshobora guceceka ibyo nibutse, atari uko nagize iyerekwa rishya, ahubwo ari uko ibyo neretswe mu myaka myinshi yashize byagarutse mu ntekerezo zanjye bimpata. - Manuscript 33, 1911. [3UB40]

**Ibyabereye mu Cyumba Cyakirirwamo Abaje mu Ivuriro.** - Mu nzozi zanjye nari ahitwa,……… nuko mbwirwa n'Umuyobozi wanjye kwita ku kintu cyose numvise no kwitegereza ibyo nabonaga byose. Nari ahantu hihereréye aho nta muntu washoboraga kumbona, ariko jye nashoboraga kwitegereza ibintu byose byaberaga mu cyumba. Abantu bari bari kuvugana nawe iby'ibyo bagomba kwishyura, nuko numva mucyocyorana ku bijyanye n'amafaranga menshi bishyuzwaga ku icumbi, icyumba no kwivuza. Nakumvise uvuga mu ijwi rikomeye wanga kugabanya amafaranga basabwaga kwishyura. Natangajwe n'uko igiciro cyari hejuru cyane. [3UB40]

Wari umeze nk'umutware ugenga iby'aho byose. Nabonye ko isura imikorere yawe yasigaga mu ntekerezo z'abari bari kwishyura itari isura nziza ku kigo. Numvise bamwe muri bene so mukorana bakwinginga, bakubwira ko ibyo ukora atari iby'ubwenge kandi birimo akarengane, ariko wari winangiye nk'ibuye wanga kuvirira imikorere yawe. Wavugaga ko mu byo ukora ari kubw'inyungu z'ikigo. Ariko nabonye abantu bava kuri iryo vuriro batanyuzwe. - Letter 30, 1887. [3UB40]

-

**Yerekwa Ibikorwa by'Ubuhchesi n'Ubusambanyi.** Ubwo nari ku mugabane w'Uburayi ibyabereye i ....... byaje mu maso yanjye. Ijwi ryarambwiye riti: "Nkurikira, ndakwereka ibyaha bikorwa n'abari mu myanya y'ubuyobozi." Nanyuze mu byumba bitandukanye, nuko ndakubona, wowe murinzi ku nkike z'i Siyoni, wari wahuje urugwiro n'umugore w'undi mugabo, ugambanira inshingano zera wahawe, kandi wongera kubamba Umwami wawe. Mbese wazirikanaga ko hari Uwakwitegerezaga, Uwera warebaga umurimo mubi wakoraga, akareba ibikorwa byawe kandi yumvaga amagambo yawe, kandi ibyo byose bikaba byanditswe mu bitabo byo mu ijuru? [3UB40]

Uwo mugore yari akwicaye ku bibero; uri kumusoma kandi na we ari kugusoma. Ibindí bikorwa byabayeho byo gutwarwa, indoro n'imyitwarire bikangura irari, byashyizwe imbere yanjye, nuko bituma umutima wanjye utengurwa. Amaboko yawe wari warazengurukije mu rukenyerero rwe, kandi gutwarwa kwagaragaraga kwari gufite imbaraga igusha ubwenge ikinya. Nuko igitambaro gikurwaho, maze nkwerekwa uryamanye na.. mugitanda. Umuyobozi wanjye yarambwiye ati: "Igicumuro, ubusambanyi."- Letter 16,1888. [3UB40]

---

*5 Avuga ku buryo umucyo wazaga kuri Ellen White, umuhungu we W.C. White yavuze amagambo akurikira yaje kwemezwa na Ellen White ubwe. Yaravuze ati: "Ibyo yanditse ni ubusobanuro by'amashusho yeretswe n'umucyo ndetse n'andi mayerekwa yahawe yerekeye ibikorwa by'abantu n'ingaruka ibyo bikorwa bigira ku murimo w'Imana wo gukiza abantu. Harimo ibitekerezo by'igihe cyashije, iby'iki gihe n'ibyahazaza bifite aho bihuriye n'uyu murimo." (W. C. W. Oct.30.1911). Abakusanyije Inyandiko.*

---

**Ubutumwa Bwagereranyijwe n'Imbuto Zitangwa.** - Neretswe umurimo wawe mu buryo bw'imvugoshusho. Wari ushyiriye iteraniro ry'abantu imbuto nziza zari zuzuye isahani. Nyamara ubwo wabahaga izo mbuto, wavuze amagambo akakaye cyane, kandi imyitwarire yawe yari mibi ku buryo nta muntu n'umwe wari kwemera izo mbuto. Hanyuma haje Undi asanga rya teraniro ry'abantu, maze abaha za mbuto. Ubwo yavuga uburyo izo mbuto ari izo kwifuzwa, amagambo ye n'imyitwarire ye byari byuje urugwiro kandi bishimishije ku buryo ya sahani yasigayemo ubusa. Letter 164,1902. [3UB41]

**Ufite Ubutware Yatanze Inama ku Byerekeye aho Kubaka Ivuriro.** - Ijoro rimwe nari mu nama hamwe na bene data baganira ibyerekeye ivuriro mu mujyi wa Los Angeles. Umwe muri bene data yavuze ibyiza byo kubaka ivuriro muri uwo mujyi. Hanyuma, Umwe Nyir'ubutware yarahagurutse maze avuga kuri icyo kibazo mu buryo bwumvikana neza kandi bufite imbaraga. - Letter 40, 1902. [3UB41]

**Amayerekwa Ahabanye; Kugaragaza Umuhati mu Murimo w'Ivugabutumwa.** Nasaga n'uri mu iteraniro rinini. Umwe mu bayobozi yavuganaga n'iyo mbaga y'abantu, kandi imbere ye hari harambuye ikarita y'isi. Yavuze ko iyo karita igaragaza uruzabibu rw'Imana rwagombaga guhingirwa. Ubwo umucyo uturutse mu ijuru wamurikiraga umuntu uwo ari we wese, uwo na we yagombaga kumurikiraabandi. Amatara yagombaga gucanwa ahantu hose, kandi andi matara yagombaga gucanwa akongejwe kuri ayo yakaga... [3UB41]

Nabonye imirasire y'umucyo irasira mu mijyi no mu midugudu, ndetse n'ahirengeye ko ku isi no mu bibaya. Ijambo ry'Imana ryarumviwe kandi nk'umusaruro wavuyemo muri buri mujyi na buri mudugudu habayemo ibimenyetso by'urwibutso byerekana Imana. Ukuri kwayo kwamamajwe ku isi yose. [3UB41]

Hanyuma ya karita yakuweho maze isimbuzwa indi. Kuri yo hamurikaga umucyo uturutse ahantu hake gusa. Ahandi hantu hose ku isi hari hacuze umwijima, uretse ahantu hamwe na hamwe. Umuyobozi wacu yaravuze ati: "Uyu mwijima ni ingaruka z'uko abantu bikurikirira inzira zabo bwite. Bimitse amatwara mabi barazwe n'abo bakomokaho ndetse n'ibibi bimenyereje ubwabo. Kujya impaka, gushaka amakosa ku bandi no kuregana ni byo bagize umurimo w'ingenzi mu mibereho yabo. Imitima yabo ntitunganiye Imana. Batwikije umucyo wabo intonga. - Testimonies, vol.9, pp. 28, 29. [3UB41]

**Kwiga Ijambo ry'Imana n'Ubumenyi Budasanzwe.** Mbese ubu naguma mu bujiji, mu gushidikanya kw'ibitekerezo no mu buhumyi mu by'umwuka nk'uko byari bimeze mu itangira ry'iyi mibereho, kandi mfite umucyo nahawe binyuze mu kwiga ijambo ry'Imana, n'ubumenyi budasanzwe nahawe bwerekeye ibintu byihariye birangwa mu bwoko [3UB41] bw'Imana mu byagiye bibaho byose n'urwego rwose byagiye bigeraho? Mbese bene data bazavuga ko mushiki wabo Ellen White yabaye umunyeshuri w'umuswa ku buryo imyumvire ye muri iki cyerekezo itarutwa n'uko yari imeze mbere y'uko yinjira mu ishuri rya Kristo kugira ngo atozwe kandi atunganyirizwe gukora umurimo udasanzwe? Mbese ntabwo nsobanukiwe neza ibyerekeye inshingano n'akaga by'ubwoko bw'Imana kurusha abantu batigeze babyerekwa? - Testimonies, vol.5, p. 686. [3UB42]

**Mwuka Wera Yamurikiye Ubwenge n'Umutima bya Ellen White.** - Imana yampaye ubunararibonye bugaragara kandi bukomeye bwerekeye umurimo wayo; kandi mushobora guhamirizwa neza ko igihe cyose nkiriho ntazahwema kuvuga ijwi ry'imbuzi uko Mwuka w'Imana azajya angenderera, abantu babyumva cyangwa batabyumva. Nta bwenge budasanzwe nifitemo; ahubwo ndi igikoresho mu biganza bw'Uwiteka gusa kugira ngo nkore umurimo yampamagariye. Impuguro natanze haba mu nyandiko cyangwa nkoresheje ijwi zagiye ziba imvugo igaragaza umucyo Imana yampaye. Nagerageje kubagezaho amahame Mwuka w'Imana yamaze imyaka myinshi acengeza mu bwenge bwanjye kandi akayandika ku mutima wanjye. [3UB42]

None rero bene data, ndabinginga ngo mwe kwitambika hagati yanjye n'abantu, kandi ngo muyobye umucyo Imana ishaka ko wabageraho. Kubwo kujora kwanyu, ntimukambure Ibihamya ingingo yose ibirimo, imbaraga zose bifite n'ububasha bwabyo. Ntimugatekereze ko mushobora kubisesengura kugira ngo bihuze n'ibitekerezo byanyu bwite muvuga ko Imana yabahaye

ububasha bwo gutandukanya umucyo mvajuru n'imvugo y'ubwenge bwa kimuntu busanzwe. Niba Ibihamya bitavuga ibihuje n'Ijambo ry'Imana, nimubireke. - Testimonies, vol.5, p. 691. [3UB42]

**Iyerekwa Ryerekeye aho Kubaka Uruganda ruto rw'Ibyokurya**. - Mu iyerekwa rya nijoro, neretswe aya mahame yerekeye icyifuzo cyo gushinga uruganda rw'imigati i Loma Linda. Neretswe inyubako nini yakorerwagamo ibyokurya by'amoko atandukanye. Ndetse hafi y'urwo ruganda rw'imigati hari amazu mato. Ubwo nari mpagaze iruhande, numvise urusaku rw'amajwi y'abantu bajyaga impaka ku murimo wakorwaga. Nta guhuza kwari hagati y'abakozi, bityo umuvurungano niwo wari uhibereye. [3UB42]

Hanyuma nabonye mwene data Burden aje ansanga. Mu maso he hari hacuze igihunya kubw'umubabaro nagahinda yari afite ubwo yashishikariraga kujya inama n'abakozi kugira ngo atume hagati yabo haba guhuza. Iyo pica yongeye kugaruka nuko mwene data Burden ajya ava kenshi ku murimo we nk'umucungamutungo w'ivuriro kugira ngo ajye gukemura ayo macakubiri... [3UB42]

---

*6 Icyitonderwa: lyi ni imigambi yo kugena ahagombaga kubakwa uruganda ruto rw'imigati muri metero nkeya uva ku nyubako y'ivuriro.*

---

Noneho, nabonye abarwayi bahagaze ku mbuga nziza z'ivuriro. Bari bumvise impaka zari zabaye hagati y'abakozi. Abarwayi ntibabashije kumbona, ariko jye nashoboraga kubabona no kubumva, kandi amagambo yabo yangeraga mu matwi. Bavugaga amagambo y'akababaro kubw'uko uruganda ruto rw'ibyokurya rwajyaga kubakwa kuri izo mbuga nziza, ahantu hegereye cyane ikigo gikorerwamo imirimo yo kwita ku barwayi. Bamwe bari bazinutswe rwose... [3UB43]

Hanyuma, hari Uwagaragaye muri ibyo byabaga, nuko aravuga ati: "Ibi byose byanyujijwe imbere y'amaso yawe nk'icyigisho kugira ngo urebe umusaruro uva mu gushyira imigambi imwe mu bikorwa... [3UB43]

Noneho ibintu byose byarahindutse. Inyubako y'uruganda rw'imigati ntiyari aho twari twarateganyije, ahubwo yari iri hafi y'inyubako z'ivuriro, ku muhanda ugana ku nzira y'igare ry'umwotsi. Yari inyubako yoroheje, kandi hakorerwaga umurimo muto. Igitekerezo cy'ubucuruzi cyari cyaribagiranye, kandi mu mwanya wacyo imbaraga ihindura y'iby'umwuka ni yo yari iganje aho hantu. -Letter 140, 1906. [3UB43]

# IGICE CYA 7

## KUMENYESHA ABANDI UBUTUMWA IMANA YAHISHUYE

**Amabwiriza Ellen White Yahawe**. Ubwo Mwuka w'Imana yampishuriraga ukuri gukomeye kw'ljambo ryayo ndetse n'ibyabaye mu bihe byahise n'ibizaba mu bihe bizaza, nararikiwe kumenyesha abandi ibyo neretswe mbwirwa kwerekana amateka yaranze intambara ikomeye mu bihe byahise ariko by'umwihariko nkayagaragaza nerekana intambara yihutira kutwegera yo mu bihe bizaza. -Intambara Ikomeye, p. 14. [3UB44]

-

Kuva mu itangira ry'umurimo wanjye... Nahamagariwe gutanga ubuhamya bwumvikana kandi bwahuranyije, bwo gucyaha ibibi, no kutagira uwo mbererekera. - Testimonies, vol. 5, p. 678. [3UB44]

**Gutanga Ubuhamya -Afashijwe na Mwuka w'Imana.** Nyuma yo kuva mu iyerekwa ntabwo mpita nibuka ibyo nabonye byose, kandi ibyo neretswe simbisobanukirwa neza kugeza igihe mbyandikiye. Iyo nanditse ni bwo bingaruka imbere nk'uko nabibonye mu iyerekwa, maze noneho nkandika mu mudendezo. Rimwe na rimwe ibyo neretswe biranyihisha kugeza igihe ngerejwe imbere y'itsinda rirebwa na rya yerekwa, ubwo nibwo ibyo nabonye bigaruka mu ntekerezo zanjye bifite imbaraga nyinshi. [3UB44]

Nishingikiriza ku Mwuka w'Uwiteka haba mu gutekerereza abantu ibyo neretswe cyangwa kubyandika kimwe no guhabwa iyerekwa ubwaryo. Ntibyanshobokera kwiyibutsa ibyo neretswe keretse Uwiteka abigaruye imbere yanjye mu gihe abona ko bikwiriye ko mbivuga cyangwa mbyandika. - Spiritual Gifts, vol.2, pp. 292,293. [3UB44]

**Ellen White Yagombaga Guhatwa na Mwuka Wera.** Mu mbaraga zanjye sinshobora gukora umurimo cyangwa ngo nywutangire. Ngomba gukoreshwa na Mwuka w'Imana. Sinshobora kwandika keretse Mwuka Wera amfashije. Rimwe na rimwe simba nshobora kugira icyo nandika rwose. Hanyuma, nanone njya nkangurwa nka saa tanu, saa sita cyangwa [3UB44] saa saba; maze nkabasha kwandika vuba vuba nk'uko ikiganza cyanjye gishobora kwandika. - Letter 11, 1903. [3UB45]

**Iyo Ikaramu Iri mu Kiganza.** - Iyo ngifata ikaramu mu kiganza cyanjye, ntabwo mba nkiri mu mwijima wo kutamenya ibyo nandika. Biba byumvikana cyane nk'aho ari ijwi riri kuvugana nanjye. "Nzakwigisha nkwereke inzira unyura, nzakugira inama." "Uhore umwemera mu migendere yawe yose, nawe azajya akuyobora inzira unyuramo." (Zaburi 32:8; Imigani 3:6). - Manuscript 89, 1900. [3UB45]

Mpugiye cyane mu kwandika. Mu gitondo kare na nijoro mba nandika ibyo Uwiteka aba yampishuriye. Umutwaro mfite mu murimo wanjye ni ugutegurira ishyanga kuzahagarara ku munsi w'Uwiteka. - Letter 371, 1907. (Byacapwe mu gitabo ibyo kwandika no kohereza ibihamya by 'Itorero [Writing and Sending Out of the Testimonies to the Church, p. 15]) [3UB45]

**Ukuri k'Ubutumwa bwe.** - Mvuga ibyo nabonye kandi nzi ko ari ukuri. - Letter 4,1896. [3UB45]

Ku byerekeye umurimo wanjye, mvuga ibyo Uwiteka ampa. Kandi mu magambo mbabwira sinshobora gutinyuka kuvuga ko Uwiteka atari we wanteye kuvuga ibyo nababwiye muri cya kiganiro cyose twagiranye. - Letter 18d,1890. [3UB45]

Nandika ibyo Uwiteka kwandika byose. - Letter 52,1906. [3UB45]

**Ubuhamya Butangwa mu Magambo ye.** - Nubwo nishingikiriza kuri Mwuka w'Uwiteka mu kwandika ibitekerezo byanjye nk'uko mbihabwa, ariko na none amagambo nkoresha mu gusobanura ibyo neretswe ni ayanjye bwite, keretse gusa iyo ari amagambo nabwiwe na marayika, kandi iteka bene ayo magambo nyashyira mu dukubo. - Review and Herald, Oct. 8, 1867. [3UB45]

**Ngomba Kwandika Ibyo Bintu Inshuro Nyinshi.** - Nagiye nandikana ubudahemuka imiburo Imana yampaye. Yagiye icapwa mu bitabo, ariko sinshobora gutuza. Ngomba kwandika ubwo butumwa inshuro nyinshi. Ntabwo nsaba kuruhurwa. Igihe cyose Uwiteka akimpaye kubaho, ngomba gukomeza gutanga ubu butumwa bw'ingenzi. - Manuscript 21, 1910. [3UB45]

## Uko Ellen White Yari Asobanukiwe Inyandiko Ze -

a. Ibihamya: Abasoma ibihamya babyitondeye nk'uko byari bimeze mu minsi ya mbere, ntibazahangayika bibaza inkomoko yabyo. Ibitabo byinshi byanditswe kubw'ubufasha bwa Mwuka w'Imana, bifite igihamya gihoraho cyerekana imiterere y'ibihamya. - Letter 225,1906. (Byacapwe mu Butumwa Bwatoranyijwe, Igitabo cya 1, p. 56). [3UB45]

---

*7 Inama y'Inteko Nkuru Rusange yize ku guhishurirwa: "Twizera ko umucyo Imana yahaye abagaragu bayo ari iyerekwa ry'ibitekerezo bityo bikwiriye kumenyeshwa abandi kandi (nubwo atari buri gihe) iryo yerekwa riruta amagambo ubwayo ashobora gukoreshwa mu kurisobanura. Imyanzuro y'Inteko Nkuru Rusange, Review and Herald, Nov.27,1883.*

---

b. Ibitabo bivuga ku Ntambara Hagati ya Kristo na Satani: Ellen White si we nkomoko y'ibi bitabo. Ibi bitabo bikubiyemo impuguro n'imiburo Imana yagiye imuha mu gihe cy'umurimo yakoze mu buzima bwe. Birimo umucyo w'igiciro cyinshi kandi w'ihumure Imana yahaye umuja wayo ku bw'ubuntu bwayo ngo ugezwe ku batuye isi. - Colporteur Ministry, p. 125. [3UB46]

c. Ingingo Zisohoka mu Zindi Nyandiko: Ntabwo nandika ingingo imwe runaka ngo ibe ari iyo kugaragaza ibitekerezo byanjye bwite. Ni ibyo Imana iba yampaye mu iyerekwa - bikaba ari imirasire y'agaciro kenshi y'umucyo umurika uturuka ku ntebe ya cyami. -Testimonies, vol.5, p.67. [3UB46]

d. Inzandiko (ibihamya): Nabyutse saa cyenda za mu gitondo kugira ngo mbandikire nshitse intege kandi mpinda umushyitsi. Imana yari iri kuvugira mu kibumbano cyayo. Mushobora kuvuga ko ubu butumwa bwari urwandiko rusanzwe. Yego rwari urwandiko, ariko rwanditswe biturutse kuri Mwuka w'Imana kugira ngo mbamenyeshe ibyo nari neretswe. Muri izi nzandiko nandika, no mu bihamya ntanga, mbandikira ibyo Uwiteka yanyeretse. -Testimonies, vol.5, p. 67. [3UB46]

e. Ibiganiro: Umukuru G. A. Irwin yari afite agatabo gato yari yanditsemo ibibazo bikomeye yazanye ngo abimbaze, kandi niba hari umucyo mfite kuri izo ngingo, nywandika kubw'inyungu z'abantu bacu, atari muri Amerika gusa ahubwo n'abo muri iki gihugu [Ositaraliya]. - Letter 96, 1899. [3UB46]

f. Igihe nta Mucyo Yabaga Afite. Nta mucyo mfite kuri iyi ngingo [y'abazaba bagize abantu ibihumbi ijana na mirongo ine na bine].. Nyamuneka nimumbwirire bene data ko nta kintu

neretswe cyerekeye ibyo bandikaho, kandi ko ibyo nshobora kubashyira imbere ari ibyo neretswe gusa. - Byakuwe mu rwandiko uwitwa C.C. Crisler yandikiye E. E. Andross, ku wa 8, Ukuboza, 1914. (Rwakuwe mu bubiko rw'Inyandiko za Ellen White, *nimero 164).* [3UB46]

Nta burenganzira mfite bwo kwandikira bene data mbamenyesha ibyerekeye umurimo uzakora mu gihe kiri imbere ... Nta mabwiriza nahawe yerekeye aho ukwiriye kujya... Uwiteka nampa amabwiriza yumvikana neza akwerekeye, nzayakugezaho; ariko sinatinyuka kwiha inshingano Uwiteka atampaye gukora. - Letter 96, 1909. [3UB46]

**Ibyo Imana Yabaga Yerekanye Byasubirirwagamo Abantu nk'Uko Biri**. Nshaka ko inyuguti yose n'umutwe w'amagambo wose biva mu mbaraga nkoresha nandika bisubiramo neza ibyo Uwiteka yanyeretse, kandi nkabigaragaza neza uko nshoboye kose. -Letter 325, 1905. [3UB46]

**Mwuka Wera Atanga Amagambo Akwiriye.** - Ineza y'Imana kuri jye irakomeye cyane. Ndahimbaza izina ry'Uwiteka kuko intekerezo zanjye zisobanukirwa neza ingingo zivugwa na Bibiliya. Mwuka w'Imana akorera mu ntekerezo zanjye maze akampa amagambo akwiriye ngomba gukoresha [3UB46] mvuga ukuri. Ikindi kandi, mpabwa imbaraga zikomeye iyo mpagaze imbere y'iteraniro rinini. - Letter 90, 1907. [3UB47]

**Ubufasha bwa Mwuka Wera mu Guhitamo Amagambo Akwiriye.** - Ndi kugerageza gushaka amagambo n'imvugo yakoreshejwe mu kuvuga kuri iyi ngingo, kandi iyo nshidikanyije akanya gato mbuze ibyo nandika, amagambo akwiriye aza mu ntekerezo zanjye. - Letter 123, 1904. [3UB47]

Iyo nabaga nandika ibi bitabo by'agaciro kenshi, iyo nagiraga gushidikanya, ijambo nyakuri nabaga nkeneye ngo mvuge igitekerezo nshaka nararihabwaga. - Letter 265, 1907. [3UB47]

**Guhitamo Amagambo mu Bwitonzi.** -Mpangayikishwa cyane no gukoresha amagambo adashobora guha umuntu uwo ari we wese icyuho cyo gushyigikira ibitekerezo by'ubuyobe. Ngomba gukoresha amagambo atazumvikana nabi cyangwa ngo akoreshwe asobanura ibihabanye n'ibyo yandikiwe gusobanura. - Manuscript 126, 1905. [3UB47]

**Nta Nteruro n'Imwe y'Ubuyobe. -** Ubu ndi kugenzura ibyo nanditse muri ajenda zanjye ndetse na za kopi z'inzandiko nanditse mu myaka myinshi ishize... Mfite ibyo nkwiriye kongera kwandika by'agaciro kenshi kugira ngo mbishyikirize abantu biri mu gitabo cy'ibihamya. Nubwo nshoboye gukora uyu murimo, nzirikana ko abantu bashobora kuba bafite ibintu bibibutsa amateka yahise, kugira ngo babashe kubona ko mu byo nanditse harimo umurunga umwe ugororotse w'ukuri, utarimo umurongo n'umwe w'ubuyobe. Nahawe amabwiriza avuga ko ku bantu bose ibi bigomba kuba urwandiko ruzima ku bijyanye no kwizera kwanjye. - Letter 329a, 1905. [3UB47]

**Bwa Mbere Nandika Ingingo Rusange, Hanyuma Ngatanga Ingero Zifatika.** Mu iyerekwa, nakuwe mu cyumba cy'abarwayi kimwe njyanwa mu kindi aho Dogiteri B. yari umuganga. Rimwe na rimwe nagiye mbabazwa no kutagira ubushobozi gukomeye. Nta bumenyi buhagije yari afite bwo gusobanukirwa icyasabwaga kuri ubwo burwayi n'icyari ingenzi cyane mu guhangana n'indwara. [3UB47]

Nuko ufite ubutware wari waragiye ambwiriza icyo nkora kenshi yaravuze ati: "Musore, ntabwo uri umunyeshuri witondera ibyo akora. Uca ibintu hejuru. Ugomba kwiga ubyitayeho cyane, kandi ugakoresha amahirwe ufite, ukiga biruseho; kandi amasomo wiga ugomba kuyiga ubihugukiye. Ugenda umeze nk'utazi ibyo akora. Ni ikintu gikomeye cyane kugira ubuzima bw'abantu mu biganza byawe, aho ikosa ryose wakora cyangwa ukwirengagiza gusesengura byimbitse kose

wagira bishobora kuvutsa ubuzima abagombaga kubaho. Aka kaga gashobora kugabanywa ari uko umuganga afite ubumenyi bwimbitse ku buryo bwo kuvura abarwayi." [3UB47]

Sinigeze nkwandikira ibi, ariko nabivuze byose muri rusange ntabiguhererejeho. Ntekereza ko ukwiriye kumenya ibi bintu, ukamenya ko umucyo wahawe abakora mu ivuriro nawe ukureba ku bintu bimwe. Nkubwira mu mwuka w'urukundo nkunda ubugingo bwawe, kandi nifuza ko wagera ku ntego zawe nk'umuganga. Ugomba kunywera ku isoko y'ubumenyi ukimbika mbere y'uko witegura kuba nyambere cyangwa ugakora wenyine mu kigo cyita ku barwayi. - Letter 7, 1887. [3UB48]

**Nta Gusigiriza Ikibazo.** - Mu iyerekwa mperutse kugira ibyawe byaje imbere yanjye... Nkurikije ibyo neretswe wica itegeko rya karindwi. None se ni gute umutima wawe wakumva ugendana rwose n'ljambo ry'Imana rigizwe n'ukuri kugutsinda kuri buri ngingo? Niba warashutswe ukagwa muri ubu bupfapfa utabishaka, ibyo byakwihanganirwa, ariko si ko byagenze. Waraburiwe. Waracyashywe kandi wagiriwe inama... [3UB48]

Umutima wanjye urahagaze... Ntabwo nzasigiriza ikibazo cyawe. Uri ahantu hateye ubwoba kandi ukeneye guhinduka rwose. - Letter 52, 1876. [3UB48]

**Ntabwo Iyerekwa Rihora Ari Umwihariko.** - Nandika ibi kubera ko ntahangara kubiceceka. Uri kure yo gukora iby'ubushake bw'Imana, uri kure ya Yesu, ndetse kure y'ijuru. Ntabwo bintangaza kubona Imana itarahiriye imirimo yawe. Ushobora kwibaza uti: "Imana ntiyahaye Ellen White iyerekwa ryerekeye ikibazo cyanjye, none se kuki yandika ibyo yandika?" [3UB48]

Nabonye iby'abandi bantu bameze nkawe basuzugura inshingano zabo. Nabonye byinshi mu byo wakoze mu gihe cyashize. Kandi iyo ninjiye mu muryango nkabona bakora ibyo Imana yatanzeho umuburo ndetse ikabiciraho iteka, ngira agahinda kenshi n'umubabaro, naba nareretswe ibyaha byihariye cyangwa nkerekwa ibyaha by'undi muntu wirengagije inshingano nk'izo. Nzi neza ibyo mvuga. Nshishikajwe cyane n'iki kibazo. Kubw'ibyo rero, kubwa Kristo ndakubwira nti: 'Gira bwangu ugaruke ku rufatiro nyakuri, kandi witegure kurwana urwo rugamba. - Letter 52, 1886. [3UB48]

**Inama zo mu Bihamya Zishingiye ku Mayerekwa Menshi.** -Imana yampaye ubuhamya bwo gucyaha ababyeyi bafata abana babo nk'uko mufata umwana wanyu muto. - Letter 1, 1877. [3UB48]

Ariko iki kibazo cyangejejwe imbere kiri hamwe n'ibindi aho abantu bavugaga ko bafitiye Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi ubutumwa bwinshi bumeze butyo. Kubw'ibyo rero, ijambo nababwiye ryari iri ngo: "Ntimukabizere." Letter 16, 1893. (Byavuzwe no mu Butumwa Bwatoranyijwe, Igitabo cya 2, p.70). [3UB48]

**Gutanga Ubuhamya Butitezwe**. - Ku Isabato mu gitondo kare, nagiye mu materaniro maze Uwiteka ampa ubuhamya bwari bugenewe abari mu materaniro, kandi bwose sinari mbwiteze. Narabubabwiye bwose, mbereka ko Uwiteka yohereje abagabura yatoranyije akabaha n'ubutumwa kandi [3UB48] ubwo butumwa bazanye nibwo bwari uburyo Imana yari yahisemo gukoresha kugira ngo ibagereho. Ariko bumvise bafite umudendezo wo kutabufata bwose uko buri no guhindura ubusa Ijambo ry'Imana... Nababwira ko kuba narahangaye kubibabwira ntyo habayeho gutangara gukomeye. - Letter 19, 1884. [3UB49]

**Gucyaha Abantu Yagaba ari Inshingano Idashimishije Ellen White.** Iyo nagombaga kujya mu nama y'Inteko Nkuru Rusange byababaga ngombwa ko mpatirwa gufata ibyemezo byababaga bitoroheye abantu bamwe. Gukora uyu murimo birambabaza cyane, kandi bintwara igihe kirekire kugira ngo nkire igikomere nterwa no gukora bene uwo murimo. - Letter 17, 1903. [3UB49]

**Umurimo Wahamijwe n'Ubutumwa Bwavuzwe mu Magambo ndetse n'Ubwanditswe**. - Ubutumwa Imana yampaye bwagejejwe ku bwoko bwayo binyuze mu magambo yasohokaga mu kanwa kanjye no mu nyandiko. Íbi byombi byatumye umurimo wanjye urushako kwemerwa. [3UB49]

Nabwirijwe ko kubw'imbaraga ze zitagira akagero, Uwiteka yarinze ukuboko kw'iburyo kw'intumwa Ye mu gihe gisaga imyaka mirongo itanu kugira ngo ukuri kwandikwe nk'uko ambwiriza kukwandika ngo gusohoke mu nyandiko zisohoka buri gihe no mu bitabo. - Letter 136, 1906. [3UB49]

**Rimwe na Rimwe Ntiyashoboraga Kuvuga Niba Iyerekwa ari iry'Igihe Cyashize cyangwa iry'Ahazaza.** - Nagiye mpatwa na Mwuka w'Uwiteka ngo mburire abantu bacu ku byerekeye ubucuti budakwiriye bwari hagati y'abagabo n'abagore bashatse. Aya marangamutima y'urukundo rw'agahararo yagaragaye muri misiyoni yo mu mujyi wa mbere y'uko uhagera. Nakubonye uri kumwe n'abandi nawe witwara utyo. Sinshobora kuvuga niba ari mu gihe cyashize cyangwa niba ari mu gihe kizaza, kubera ko akenshi nerekwa ibintu mbere cyane y'uko bibaho. Letter 17, 1891. [3UB49]

Kwerekwa Umurimo nk'Uwamaze Gukorwa. - Namaze igihe ntekereza uburyo, nyuma y'aho dutangiriye umurimo w'ivuriro i Battle Creek, mu iyerekwa nabonye inyubako z'iryo vuriro zuzuye zose kandi ziteguye gukorerwamo. Uwiteka yanyigishije uko umurimo wagombaga gukorwa muri izi nyubako kugira ngo uwo murimo utere abarwayi impinduka iganisha ku gakiza. [3UB49]

Ibi byose nabyeretswe nk'ibiriho, ariko ubwo nakangukaga, nasanze umurimo utarakorwa, nsanga nta nyubako zazamuwe. [3UB49]

Ikindi gihe neretswe inyubako nini iri kuzamurwa ku kibanza ivuriro rya Battle Creek ryaje kubakwaho nyuma yaho. Bene data bari bahagaritse umutima cyane bibaza uwari gufata izo nshingano zo gukurikirana uwo murimo. Nararize cyane. Nuko hagati yacu hahagarara Ufite ububasha maze aravuga ati: "Ntabwo igihe kiragera. Ntabwo mwiteguye gushora [3UB49] umutungo mu kuzamura iriya nyubako, cyangwa kwitegura uko izacungwa mu gihe kizaza." [3UB50]

Muri icyo gihe [nerekwaga ibyo], umusingi w'ivuriro wari warubatswe. Ariko twari dukeneye kwiga isomo ryo gutegereza. - Letter 135, 1903. [3UB50]

**Pawulo Yeretswe Akaga Kajyaga Kuzabaho**. Pawulo yari intumwa yahishuriwe, nyamara igihe cyose Imana ntiyamuhishuriraga uko ubwoko bwayo bumerewe. Ababaga bashishikajwe no kugubwa neza kw'itorero, kandi bakabona ibibi bigenda biryinjiramo, bamubwiye icyo kibazo, kandi ahereye ku mucyo yari yarahawe mbere y'icyo gihe yari yiteguye kumenya imiterere nyakuri y'ibyo byadukaga. Kubera ko Uwiteka atari yaramuhaye ihishurirwa rishya kubw'icyo gihe cyihariye, abifuzaga umucyo bakomeje ntibirengagije ubutumwa bwe ngo babufate nk'urwandiko rusanzwe. Ashwi da. Uwiteka yari yaramweretse ibibazo n'ingorane byajyaga kuvuka mu matorero, kugira ngo igihe byari kuvuka azabashe kumenya uko abyitwaramo. -Testimonies, Vol. 5, p. 65. [3UB50]

**Ubu Noneho Ellen White Yashoboraga Kuvuga.** - Iki gitondo nagiye mu nama yari yatumiwemo abantu bake batoranyijwe kugira ngo baganire ku bibazo bimwe bari bandikiwe basabwa gutekereza no gutanga inama kuri izo ngingo. Nashoboraga kuvuga kuri zimwe muri izo ngingo kubera ko inshuro nyinshi ndetse n'ahantu hatandukanye nagiye nerekwa ibintu byinshi... Ubwo abavandimwe banjye basomaga ingingo z'ingenzi zabaga ziri mu nzandiko, namenyaga icyo

nabivugaho; kubera ko inshuro nyinshi neretswe ibyerekeye iki kibazo ndetse n'ibijyanye na filidi y'amajyepfo. Ntabwo nigeze numva mfite umudendezo wo kwandika kuri iyi ngingo kugeza ubu... Umucyo Imana yampaye ibihe bitandukanye wari uw'uko filidi y'amajyepfo (ahari umubare munini w'abantu b'amoko atandukanye) itashoboraga gukorwamo umurimo hifashishijwe uburyo bumwe n'ubukoreshwa mu zindi filidi. - Letter 73, 1895. (Byacapwe muri Southern Work, p.72) [3UB50]

**Iyo Igihe Gisohoye Rwose.** - Ubu sinshobora kwandika byinshi, nubwo hari ibintu byinshi cyane nzandika ubwo nzamenya ko igihe gikwiriye gisohoye rwose ngo mbyandike. - Letter 124, 1902. [3UB50]

**Ubutumwa Bwasubitswe Umwaka Wose.** Ubwo nari mu nama yabereye i Melbourne, Uwiteka yaramfashije kandi ampa umugisha mu buryo bukomeye cyane. Mbere yo kwinjira mu nama, narakoze cyane. Natangaga ibihamya bwanjye byihariye nari naranditse mu mwaka wa mbere yaho, ariko nkaba ntariyumvishaga neza ko nabyohereza. Natekereje ku magambo Kristo yari yaravuze agira ati: "Ndacyafite ibyo kubabwira byinshi, ariko ubu ntimubasha kubyihanganira." (Yohana 16:12). Ubwo nari maze gufunga ubwo butumwa ngo mbwohereze numvise ijwi rimbwira riti, "Igihe ntikiragera, igihe ntikiragera, ntabwo bazakira ubuhamya bwawe." - *Letter 39, 1893.* [3UB50]

**Iteka Amayerekwa Ntahita Yumvikana Neza.** Igihe kimwe ubwo twaganiraga ku byo unyuramo mu murimo wawe, warambajije uti: "Mbese wambwiye ibintu byose?" Nta kindi nashoboraga kuvuga muri urya mwanya. Akenshi hari ibyo nerekwa maze simbashe guhita mbisobanukirwa ryose, ariko nyuma y'igihe runaka nkabisobanukirwa binyuze mu kongera kwerekwa bya bintu ntari narahise nsobanukirwa, kandi noneho nkabibona mu buryo butuma ubusobanuro bwabyo bwumvikana kandi nta kwibeshya kurimo. - Letter 329, 1904. [3UB51]

**Ibyo Nanditse Byasaga n'aho Ari Bishya.** Nijoro nakanguwe mu bitotsi, maze nandika muri ajenda yanjye ibintu byinshi byasaga n'aho ari bishya kuri njye igihe nasomaga, kimwe no ku muntu uwo ari wese ubyumva. Iyo ntabona iyo nyandiko yanditswe mu mukono wanjye sinari gutekereza ko ari njye wayandikishije ikaramu yanjye. - Letter 118,1898. [3UB51]

**Inyandiko za Kera Zibonekera Igihe.** Mfite inyandiko nyinshi z'ingirakamaro nandikiye i Koranibonge muri Ositaraliya [Cooranbong; Australia] ku italiki ya 20, Ukuboza 1896, kandi muri iki gihe ni zo zikenewe. Ndazandukura uyu munsi, kandi nibishoboka ndazohereza mu butumwa bwa nimugoroba. Nari naribagiwe aho izo nyandiko zandikishijwe intoki ziri, ariko muri iki gitondo hari ikirundo cy'inyandiko cyakuruye ibitekerezo byanjye, ku buryo ubwo **nagicukumburaga natangajwe no gusanga ari zo nyandiko nifuzaga. - Letter 262, 1907. [3UB51]**

**Intekerezo Zigomba Gutegurwa mu Buryo bw'Umwuka.** - Sinigeze ngerageza kwanga kumenyesha abantu bacu inama yose Imana yampaga [ngo mbagezeho], ariko rimwe na rimwe byabaye ngombwa ko nzisubika kubera amabwiriza nabaga nahawe ngo: "Ubungubu ntibakwihanganira kuzumva." Ndetse n'ukuri ubwako mu mwuzuro wako ntigushobora kubwirwa abantu badafite umwiteguro mu by'umwuka ngo babe babwakira. Mfite byinshi ngomba kuvuga, ariko ukurikije kutitanga kugaragara muri iki gihe ku bantu ubu butumwa bureba, ntibashobora kubwihanganira. -Letter 55, 1894.

**Impamvu Pawulo Atavugaga Byose.** Intumwa ikomeye (Pawulo) yagize amayerekwa menshi. Uwiteka yamweretse ibintu byinshi umuntu adafitiye uburenganzira bwo kuvuga. Kuki atashoboraga kubwira abizera Kristo ibyo yabaga yeretswe? Ni ukubera ko bari kugoreka ukuri

gukomeye bari kubwirwa. Ntabwo bari gusobanukirwa uku kuri. Nyamara kandi ibintu byose Pawulo yeretswe byahaga umurongo ubutumwa Imana yamuhaye ngo abugeze ku matorero. - Letter 161, 1903. [3UB51]

Ellen White Ntavuga ko Yahawe Umucyo Udasanzwe Urebana n'Inyandiko z'iby' Imibereho ye Bwite. - Mu gutegura igitabo gikurikiraho cyitwa Impano z'Umwuka, umuzingo wa kabiri uvugwamo iby'imibereho yanjye bwite [Spiritual Gifts, vol. 2], nakoze umurimo ukomeye wahuye n'imbogamizi zitoroshye, kuko akenshi nagiye nshingira kubyo nibuka [3UB51] byambayeho, kandi nta nyandiko nari narabitse kugeza mu myaka mike yari ishize. Inshuro nyinshi nagiye nohereza inyandiko zandikijwe íkaramu inshuti zanjye zari zihari ubwo bimwe mu byo mvuga byabayeho byababaga kugira ngo bazigenzure mbere y'uko zicapwa. Narabyitondeye cyane, kandi nabihaga umwanya munini, mparanira kwandika ingingo zoroheje zivuga ibyabayeho nk'uko byabaye neza mu buryo bushoboka bwose. [3UB52]

Nyamara iyo nandikaga nkagera ku matariki, nafashwaga cyane n'inzandiko nyinshi nagiye nandika. (Ijambo ry'ibanze mu gitabo cy'Impano z'Umwuka [Preface to Spiritual Gifts, vol.2]). [3UB52]

Ndasaba abantu mu buryo budasanzwe ko nibabona amagambo arimo ikosa muri iki gitabo bazajya bamenyesha bakiribona. Ikosora ryacyo rizaba rirangiye ahagana itariki ya 1, Ukwakira. Bityo rero, muzanyohereze aho mwabonye ikosa mbere y'icyo gihe. (Spiritual Gifts, Appendix). [3UB52]

**Itandukaniro Hagati y'Ingingo Zisanzwe n'Izerekeye Iyobokamana. -** Ariko hari ibihe bimwe ibintu bisanzwe bigomba kuvugwa, ibitekerezo bisanzwe bikaba mu bwenge, amabaruwa asanzwe akandikwa n'amakuru yahererekanyijwe ava ku mukozi umwe ajya ku wundi agatangwa. Ntabwo amagambo nkayo n'amakuru nk'ayo atangwa kubwo guhumeka kwihariye kwa Mwuka w'Imana. Rimwe na rimwe hari ibibazo bibazwa bidafitanye isano na hato n'iby'iyobokamana, kandi ibyo bibazo bigomba gusubizwa. Tuganira ku byerekeranye n'inzu n'ibibanza, ubucuruzi bugomba gukorwa, ahantu hagomba kubakwa ibigo byacu, ibyiza n'ibibi byabyo. Manuscript 107, 1909. (Byacapwe no mu Butumwa Bwatoranyijwe, Igitabo cya 1, p.44 [2016]). [3UB52]

**Ingingo Yagaragajwe. -** Nta butumwa nabonye bumbwira ko mwene data Caza muri Ositaraliya. Oya. Kubw'ibyo rero, ntabwo mvuga ko nzi ko aha ari abantu ukwiriye kuza. Ariko ni amahirwe mfite yo kugaragaza ibyifuzo byanjye nubwo ntabivuga nk'utegeka. [3UB52]

Nyamara, sinshaka ko uza ahangaha kubera ko mbiguhatiye. Nifuza ko usenga Uwiteka ushyizeho umwete, hanyuma ugakurikira aho azakuyobora. Nshaka ko uzaza ari uko Imana ivuze iti, Ngwino, ntuzigere uza mbere y'uko ibyemera. [3UB52]

Nyamara kandi, ni amahirwe yanjye ko mvuga ubukene bw'umurimo w'Imana hano muri Ositaraliya. Ositaraliya si igihugu cyanjye ariko ni intara y'Uwiteka. Igihugu ni icy'Imana; ndetse n'abantu bagituye ni abayo. Hari umurimo ukwiriye gukorwa ahangaha kandi niba atari wowe uzawukora nzumva ko wagiye gukorera mu kandi karere. - Letter 129, 1897. (Byakuwe mu rwandiko rwavugaga ku gukenera kubaka ivuriro muri Ositaraliya n'uburyo uyu mugabo yashoboraga kujya gutangiza uwo mushinga.) [3UB52]

**Amakuru Yamenye Aturutse ku Bari Bayazi. -** Amakuru natanze ku byerekeranye n'umubare w'ibyumba by'ivuriro rya Paradise Valley ntabwo ari uguhishurirwa kwavuye ku Uwiteka ahubwo ni igitekerezo cy'umuntu. Ntabwo nigeze mpishurirwa umubare nyawo w'ibyumba biri mu mavuriro yacu ayo ari yo yose; kandi ibyo nagiye menya kuri ayo mavuriro nabimenye binyuze

mu kubaza abantu bashoboraga kuba babizi. Mu magambo yanjye, igihe mvuga ku ngingo zisanzwe nk'izi, nta kintu na kimwe gikwiye gutera abantu kwizera ko ibyo namenye byavuye mu iyerekwa rikomotse ku Uwiteka kandi ko mbivuga nk'uko biri.- Manuscript 107,1909. (Byavuzweho mu Butumwa Bwatoranyijwe, Igitabo cya 1, pp. 42,43.) [3UB53]

**Ubwoko Bubiri bw'Inzandiko**. Bana banjye nkunda [Edson na Emma]: Nari mfite ibintu byinshi ngomba kwandika, kandi nagize akazi katanyoroheye. Umutima wanjye urashikamye, kandi niringiye Uwiteka. Nta na rimwe tugomba gushidikanya, ahubwo tugomba kugira ibyiringiro. [3UB53]

Muri iki gitondo nabonye urwandiko rwanyu munsi y'urugi rwanjye. Nashimishijwe no kumenya amakuru yanyu. Ejo hashize nabandikiye urwandiko ruvuga ku ngingo zisanzwe, cyangwa ku buzima bwa buri munsi. Uru rwandiko ndarubohereza uyu munsi. Nanditse urwandiko rurerure rwerekeye ingingo mwavuzeho mu rwandiko mwanyohereje, kandi narutanze ngo rwandukurwe. Urwo rwandiko ndarubohereza vuba bidatinze... [3UB53]

Nshingiye kumpuguro Uwiteka yampaye uko ibihe byagiye bisimburana, nzi ko hakwiriye kubaho abakozi bakora umurimo w'ivugabutumwa rishingiye ku buvuzi bagendagenda hose mu mijyi no mu midugudu mito. Abakora uyu murimo bazabona umusaruro w'imitima mu bakomeye ndetse no mu boroheje. - Letter 202, 1903. [3UB53]

**Urwandiko Ruvuga ku Ngingo Zisanzwe.** Bana nkunda Edson na Emma. -Hashize igihe kirekire ntabandikira. Nashimishwa cyane no kubasura mu rugo rwanyu. Willie yambwiye ko anejejwe cyane n'uko mumerewe. Maze igihe kirekire nta makuru yanyu numva. Nashimishwa cyane no kubona urwandiko rubaturutseho nubwo yaba imirongo mike. Kandi mwibuke ko igihe cyose mwakwifuza kudusura ngo tubagire inama ku murimo wanyu no ku bitabo turi kugerageza kwandika, nzanezezwa cyane no kubabona. [3UB53]

Bisa n'aho hashize igihe kirekire cyane Willie adusize. Yagiye tariki yanyuma ya Kamena none ubu turi tariki 10 Nzeri. Ntazaba ahari mu gihe kingana n'icyumweru. - Letter 201, 1903.

**Uko Ellen White Yatekerezaga Ibintu.** Washimangiye igitekerezo cyawe kivuye ku myumvire yawe -uvuga ko ari icyo kwizerwa kurusha icya Ellen White? Mbese wigeze uzirikana ko Ellen White yagiye ahura b'ibibazo nk'ibyo mu murimo yakoreye Imana mu mibereho ye, kandi ko ibibazo nk'icyo cyawe ndetse n'ibindi byinshi bitandukanye byanyuze imbere ye [3UB53] bigomba kuba byaratumye agira ubushobozi bwo kumenya icyiza n'ikibi muri ibyo bintu? Mbese imyumvire yatojwe n'Imana mu gihe kirenze imyaka mirongo itanu ishobora guhinyurwa uyigereranyije n'iy'abantu batigeze batozwa cyangwa bahabwe uburere muri ubwo buryo? Ndakwinginze zirikana ibi bintu. - Letter 115, 1895. [3UB54]

**Ntiyatinyukaga Kuvuga nta Mucyo Udasanzwe Yahawe**. - Akenshi njya nisanga ahantu ntashobora guhangara kuvuga nemeza cyangwa mpakana ibyifuzonama ngezwaho; kubera ko hari akaga k'uko amagambo yose navuga yatangazwa nk'aho ari ikintu nahawe n'Uwiteka. Ntabwo biba binkwiriye ko buri gihe ngaragaza uko mbona ibintu; kubera ko rimwe na rimwe iyo umuntu ushaka gushyira umugambi we mu bikorwa, afata ijambo ryose ryamushyigikira nshobora kuvuga akaryita umucyo wihariye uvuye ku Uwiteka. Nzajya nigengesera mu byo nkora byose. - Letter 162, 1907, p. 2. [3UB54]

> **Icyitonderwa:** Uretse ingingo zo mu buzima busanzwe cyangwa aho avuga ku mibereho ye bwite, ubundi ibyo Ellen White yashyiraga imbere y'abantu byababaga bishingiye ku mayerekwa yahawe, yaba yarakoresheje ijambo ngo, "Nabonye" cyangwa atararikoresheje.

Mu gihe cye kimwe no mu gihe cyacu, Ellen White ntiyacaga umurongo utandukanya ibitabo n'inzandiko ndetse n'ibindi, ahubwo yatandukanyaga ibyera n'ibintu bisanzwe. Nta muntu ukwiriye kuba mu rujijo. [3UB54]

Mu bitabo byababaga byandikiwe kuzasomwa n'abantu bose muri rusange, Ellen White yirinze gukoresha imvugo nka "Nabonye" cyangwa "Neretswe" kugira ngo intekerezo z'abasomyi batamenyereye iby'imibereho ye n'umurimo we badateshuka ku butumwa atanga ubwabwo. Mu bitabo bye bitanu bivuga ku ntambara iri hagati y'icyiza n'ikibi, umuntu ashobora gushaka ariya magambo ngo "neretswe" cyangwa "nabonye" ntayabone. Ariko mu ijambo ry'ibanze ry'Intambara Ikomeye, ari cyo gitabo cye cya mbere muri ibyo bitanu cyasohotse mbere mu mwaka wa 1888, ndetse n'ahandi, agaragaza ko yabonye ibintu biba kandi ko "yategetswe kumenyesha abandi ibyo yahishuriwe." Soma ibitabo Kugana Yesu, Abahirwa ni Ba Nde, Imigani ya Kristo, Uburezi na Rengera Ubuzima. Ellen White yaranditse ati: "Umuvandimwe wanyu Ellen White si we nkomoko y'ibi bitabo." [3UB54]

# IGICE CYA 8

## IKIBAZO CYO GUKORERWAMO N'IBITEKEREZO BY'ABANDI

**"Ni Nde Wabibwiye Ellen White?"** - Abasuzuguye ubutumwa bw'imbuzi batakaje imbaraga zabo. Mu kwiyiringira kwabo bamwe batinyutse gutera umugongo ibyo bari bazi ko ari ukuri, maze bakabaza bati: "Ni nde wabibwiye Ellen White?" Aya magambo agaragaza igipimo cyo kwizera n'ibyiringiro bafitiye umurimo Imana yampaye gukora. Imbere yabo bahafite umusaruro w'umurimo Imana yanshinze gukora, kandi niba uyu musaruro utagira icyo ubemeza, nta magambo abibumvisha cyangwa guhishurirwa kuzabaho bizabahindura. Ingaruka zizakurikiraho ni uko Imana izongera kuvuga ibacira urubanza nk'uko yavuze mbere hose. - Review and Herald, May 19, 1903, p. 8. [3UB55]

**Mbese hari umuntu wamubwiye ibi bintu?** - Abantu benshi biteguye kubaza bati: "Ni nde wabwiye Ellen White ibi bintu?" Nanjye barabimbajije bati: "Mbese hari uwakubwiye ibi bintu?" Narabasubije nti: "Yego, yego, marayika w'Imana ni we wavuganye nanjye." Nyamara icyo baba bashaka kubaza ni iki ngo: "Mbese bene data na bashaki bacu baba barashyize ahagaragara amakosa yabo?" Mu gihe kizaza, sinzatesha agaciro ibihamya Imana yampaye kugira ngo ntange ibisobanuro ngerageza gutuma abafite intekerezo zo hasi banyurwa. Ahubwo nzafata ibibazo nk'ibyo byose nk'igitutsi batuka Mwuka w'Imana. Imana yabonye ko bikwiriye maze inshyira mu mwanya itashyizemo undi uwo ariwe wese mu bo dufatanyije urugamba. Yampaye imitwaro yo gucyaha abantu itigeze yikoreza undi uwo ariwe wese. - Testimonies, Vol.3, pp. 314, 315. [3UB55]

**Hari Uwabibwiye Ellen White.** Na n'ubu kutizera kugaragarira mu magambo nk'aya ngo: "Ni nde wandikiye Ellen White ibi bintu?" Nyamara, nta muntu nzi ubizi nk'uko biri kandi nta muntu washoboraga kwandika ibyo atazi ko bibaho. Hari uwavuganye nanjye. Uwo ntahimba ibitariho, ntaca urwa kibera cyangwa ngo akabye ikibazo icyo aricyo cyose. -Special Instruction Relating to the Review and Herald Office and the Work in Battle Creek, p.16. [3UB56]

**Si uwo Kwiringirwa Niba Yaragenderaga ku Bitekerezo by'abandi.** - Mutekereza ko hari abantu bakorera mu ntekerezo zanjye. Ndamutse meze ntyo sinaba nkwiriye kuragizwa umurimo w'Imana. - Letter 16,1893. [3UB56]

**Ellen White Ntiyasomye Inzandiko cyangwa Izindi Ngingo Zanditswe n'Abandi.** -Ushobora kunenga kubera ko ntasomye inyandiko zawe nyinshi. Ntazo nasomye, ndetse sinigeze nsoma inzandiko Dogiteri Kellogg yohereje. Nari mfite ubutumwa bwo gucyaha gukomeye bwari bugenewe inzu y'icapiro, kandi nari nzi ko ninsoma ubutumwa nohererejwe, nyuma yaho ubwo ibihamya byajyaga gusohoka, wowe na Dogiteri Kellogg mwari kugwa mu gishuko cyo kuvuga ngo: "Nitwe twamuteye kugira biriya bitekerezo." - Letter 301, 1905. [3UB56]

Sinigeze ngira umuco wo gusoma inyandiko yose ivuga ku by'imyizerere nk'uko zasohokaga mu kinyamakuru cy' Urwibutso n'Integuza kugira ngo intekerezo zanjye zitakira ibitekerezo by'undi muntu wese, kandi ngo hatagira umugabane muto w'inyigisho z'undi muntu ugirana isano iyo ari yo yose n'ibyo nandika. -Letter 37, 1887. [3UB56]

**Ikibazo Cyibajijwe mu Itangira ry'Umurimo.** - Mbese utekereza ko byari kugenda bite iyo ibyo wagiye uvuga kenshi biza kugira icyo bihindura ku mayerekwa Imana impa? Bigenze bityo, amayerekwa yaba ari ubusa... Ibyo wowe n'undi uwo ari wese yavuze ni ubusa rwose. Imana ni yo

yafashe ikibazo mu biganza byayo... Íbyo wavuze, mugenzi wanjye D, ntiyigeze aba inyuma y'ibyo navuze na gato. Igitekerezo cyanjye ntaho gihuriye n'ibyo Imana yanyeretse mu iyerekwa. - Letter 6, 1851. [3UB56]

**Gucyaha Ntikwaturutse ku Mabwire**. Nakiriye urwandiko rwawe kandi ndakora uko nshoboye ngo ndusubize. Uvuga ko wakiriye ibihamya, ariko uvuga ko utakiriye umugabane wabyo uvuga ibyerekeye ubushukanyi. Nyamara, muvandimwe ni ukuri, kandi nta hantu amabwire ahuriye n'uku gucyaha. Letter 28,1888. [3UB56]

**Kugerageza Kuyobora Ellen White.** Mwene data E avuga ko byashimisha abantu ndamutse mvuze bike ku byerekeye inshingano maze nkavuga byinshi ku rukundo rwa Yesu. Nyamara, nifuza kuvuga uko Umwuka w'Uwiteka azantera kuvuga. Uwiteka azi neza ibyo aba bantu be bakeneye. Ku gicamunsi cyo ku Isabato ku wa 17, Ukwakira, nigishije igice cya Yesaya 58. Sinigeze nkikira ukuri. -Manuscript 26, 1885. [3UB56]

**Nkoreshwa n'Umujyanama Ukomeye**. - Hari abantu bavuga bati: "Hari ujya agenga inyandiko ze." Icyo kirego ndacyemera. Ni Umujyanama ukomeye, wa wundi ujya unyereka uko ibintu bimeze. - Letter 52, 1906. [3UB57]

**Impamvu Rimwe na Rimwe Ibibazo Byababajijwe.** - Nabwiwe n'umuntu umwe waje kunyaturira yihana ko bari baratwawe no gushidikanya no kutizera ibihamya babitewe n'amagambo babwiwe na mushiki wacu F Ikintu kimwe yavuze ni uko ngo ibihamya mbwira abantu bihariye mba nabibwiwe n'abandi maze nkabibagezaho, nkavuga ko ari ubutumwa buvuye ku Mana. Mbese mushiki wacu uwo azi ko mu kuvuga ibyo aba ampinduye indyarya n'umubeshyi? ... [3UB57]

Urugero rumwe rwatanzwe na mushiki wacu F. Yavuze ko ari we wambwiye ibyerekeye umuryango wa mwene data G. maze ngo icyaje gukurikiraho yumvise, ni uko yaje kumva mvuga ibyo we ubwe yambwiye ngo nkabivuga nk'ibyo Uwiteka yanyeretse. [3UB57]

Mureke mbisobanure. Akenshi nerekwa imiryango n'abantu ku giti cyabo, kandi iyo ngize amahirwe yo guhura n'abagera muri iyo miryango, mbabaza uko umuryango uhagaze ngamije kumenya neza niba abagabura cyangwa abantu muri rusange bazi ibibi biwuberamo. [3UB57]

Uku ni ko byagenze ku birebana n'umuryango wa mwene data G. Nashakaga kumenya niba hari ukuri gushyigikira ibihamya. Ariko amakuru nahawe si yo mvano y'ibihamya, nubwo abantu bareba hafi kandi bashukitse bashobora kubisobanura batyo. - Letter 17, 1887. [3UB57]

**Ni Nde Wabwiye Pawulo na Ellen White?** - Iyo hatanzwe ubuhamya buturutse ku Uwiteka bugenewe abayobagurika akenshi ikibazo kiravuka kibaza ngo: Ni nde wabibwiye Ellen White? Ibi bigomba kuba ari nabyo byabayeho mu gihe cya Pawulo, kubera ko hashoboraga kuba hari abantu bari bashishikajwe n'itorero bityo bakageza ku ntumwa Pawulo (umugabura wari warashyizweho n'Imana) ingorane abagize itorero bari barimo kandi izo ngorane zari zibasiye kugubwa neza kw'itorero. Hari igihe cyo kuvuga n'igihe cyo kuceceka. Birumvikana, hari igikwiriye gukorwa kandi umugabura washyizweho n'Imana ntagomba kunanirwa mu murimo we wo gukosora ibyo bibi. Icyo gihe ibyo bibi byari bihari kandi Pawulo yagombaga kubirwanya... [3UB57]

Tuzi ko Imana yari yareretse Pawulo uko amatorero yari ahagaze. Imana yari yaramuhaye umucyo n'ubwenge ku byerekeye gahunda yagombaga gukurikizwa mu matorero. Yari yaramubwiye ibibi byajyaga kwaduka mu matorero kandi byajyaga gukosorwa ndetse bikarwanywa hakurikijwe uburemere bwayo. Imana yari yarahishuriye Pawulo ukwera, ubwitange no gukiranuka byari

bikwiriye kurindirwa mu itorero, kandi yari azi ko ibyajyaga kwaduka bihabanye n'ibyo byagombaga kurwanywa hashingiwe ku mucyo Imana yari yaramuhaye. [3UB57]

**Kuki Ibibazo Bibazwa.** Iyo hari ibibazo byerekeye itorero bije mu ntekerezo zanjye, rimwe na rimwe umucyo uturutse mu ijuru urarasa maze ukampishurira ingingo zihariye Imana yampishuriye kuri ibyo bibazo, kandi iyo hari umutwaro uremereye umutima wanjye ku byerekeye amatorero yihariye, imiryango cyangwa abantu ku giti cyabo, akenshi nibaza uko ibintu bimeze mu itorero, maze ikibazo cyose nkacyandika uko cyakabaye mbere y'uko ngera kuri iryo torero. [3UB58]

Ariko mba nshaka ukuri ko gushyigikira ibihamya, kandi numva mfite umutwaro wo kumenya uburyo nakwerekana umucyo Imana iba yampaye. Iyo hari ubuyobe bwagiye bumunga itorero mu buryo bugaragara, hakaba hari ingero ziteye ku buryo zayobya itorero cyangwa zikaricogoza mu kwizera kandi zigashimangira kutizera, ubwo nibwo umurimo uba ukwiriye gukorwa utagomba kugarukira ku miryango mu ibanga cyangwa ku bantu ku giti cyabo gusa, ahubwo ugomba kugera imbere y'itorero ryose kugira ngo uhagarike icyo kibi kandi ngo uwo murimo urase umucyo mu ntekerezo z'abantu bariganyijwe n'imirimo y'ubushukanyi no kugoreka. [3UB58]

Byongeye kandi, ubwo nari imbere y'abantu, kuri njye harashe umucyo Imana yampaye mu gihe cyashize ku byerekeye abantu bari bari imbere yanjye, maze Umwuka w'Uwiteka ampatira kugira icyo mvuga. Ubu nibwo buryo nakoreshejwemo, nabonaga ibintu byinshi, kandi mbere y'uko ibyo nabonye mbishyira ahagaragara, mba nshaka kumenya niba ibyo nabonye hari abandi bantu babizi; kandi niba ijambo bafite mu bantu rigamije gukomeretsa itorero muri rusange. Rimwe na rimwe hari ibibazo bibazwa kandi rimwe na rimwe uko bibazwa ni ko kugena uburyo umuntu abikemura, kwaba kubikemurira imbere y'abantu benshi cyangwa se bake, cyangwa se imbere y'abantu ubwabo. [3UB58]

Iyo ikibazo giteye ku buryo gishobora gukemurirwa mu muhezo, kandi abandi bakaba badakeneye kukimenya, mba nifuza cyane gukora ibyo nshoboye byose kugira ngo nkosore abantu kandi icyo kibazo ne kugitangariza abantu bose. - Letter 17, 1887. [3UB58]

**Mpagarara Jyenyine, Jyenyine Rwose.** Hari icyo nshaka kuvuga. Uwiteka nagira ingingo iyo ariyo yose cyangwa impuguro ampa, kandi nkaba mfite ubutumwa ngomba gutanga bwerekeye iyo ngingo, ubwo ni bwo iyo ngingo nzayimenyesha abantu nshingiye ku bushobozi Imana yampaye, maze mvuge ibivuye ku Mana n'ibyo ishaka mu buryo bwumvikana neza mu bushobozi bwanjye bwose nk'umuntu. Kandi nyobowe ndetse ngengwa na Mwuka Wera nzavuga ibintu byose byanyujijwe imbere ngo mbimenyeshe abandi. Ku byerekeye ingingo zikomeye cyane nahawe, nta muntu nigeze mpa uburenganzira bwo kugenzura na gato umurimo Uwiteka yampaye ngo nkore, yaba umugabo cyangwa umugore. [3UB58]

Kuva mu myaka makumyabiri n'umwe ishize, ubwo urupfu rwantwaraga umugabo wanjye; sinigeze ngira igitekerezo na gito cyo kongera [3UB58] gushyingirwa. Ni ukubera iki? Si uko Imana yabimbujije. Oya rwose. Ahubwo ni uko guhagarara jyenyine byari byiza cyane kuri jye, kugira ngo hatagira umuntu ubabarana na jye mu gusohoza umurimo Imana yampamagariye gukora. Nanone kandi, nta muntu ufite uburenganzira bwo kumpata mu buryo ubwo ari bwo bwose ku birebana n'inshingano yanjye n'umurimo wanjye mu gutanga ubuhamya bwanjye bwo gukomeza abantu no kubacyaha. [3UB59]

Umugabo wanjye ntiyigeze anyitambika imbere ngo ambuze gukora uyu murimo nubwo yamfashaga kandi akankomeza ndetse akangaragariza impuhwe. Kunzirikana kwe, amasengesho yansabiraga n'amarira yariraga kubwanjye narabikumbuye cyane, nongere ngo cyane rwose. Nta

muntu ushobora kumva ibi nk'uko mbyumva. Ariko ngomba gukora umurimo wanjye. Nta mbaraga z'umwana w'umuntu zikwiriye kugenekereza na gato ko nari gukoreshwa n'ibitekerezo by'abandi mu gukora umurimo Imana yampaye wo kugeza ibihamya byanjye ku bantu Imana yari yampaye ubutumwa bwo gucyaha cyangwa gukomeza ngo mbubagezeho. [3UB59]

Muri iki kibazo nabaye njyenyine rwose, mba mu ngorane zose n'ibigeragezo byose bifitanye isano n'uyu murimo. Imana yonyine ni yo yashoboraga kumfasha. Umurimo wa nyuma ngomba gukorera muri iyi si uzarangira vuba bidatinze. Niba bishoboka, ngomba kuvuga neruye mu buryo butagira uwo butera urujijo ngo anyumve nabi. [3UB59]

Nta muntu n'umwe mfite ku isi uzashyira mu ntekerezo zanjye ubutumwa ubwo aribwo bwose cyangwa ngo agire inshingano ampa. Reka ubu nkubwire mwene data F, niba Imana impaye umutwaro [w'ubutumwa] bukureba cyangwa undi muntu uwo ari we wese, uzabubona mu nzira no mu buryo Imana yabumpayemo. -Manuscript 227, 1902. [3UB59]

# IGICE CYA 9

# GUSOBANURA IMYUMVIRE YA ELLEN WHITE N'IJAMBO RY'IMANA

## MBESE NI IGITEKEREZO CYA ELLEN WHITE?

**Umwanya w'Uruhare rwa Muntu n'Uruhare rw'Imana.** Inshuro nyinshi mu byo nanyuzemo, nagiye mpamagarirwa guhangana n'amatwara y'itsinda rimwe ry'abantu bazirikanaga ko ibihamya byaturukaga ku Mana, ariko bagafata ko iyi ngingo runaka n'iriya ari igitekerezo bwite n'imyumvire bya Ellen White. Ibi bikwiriye abantu badakunda gucyahwa no gukosorwa, kandi bakaba ba bandi babona uburyo bwo gusobanura itandukaniro riri hagati y'ibyavuye ku muntu n'ibyavuye ku Mana igihe gusa ibitekerezo byabo bihinyuwe. [3UB60]

Iyo ibitekerezo byashinze imizi cyangwa ibitekerezo byihariye bya bamwe bihinyuwe bitewe n'uko bicyashywe n'ibihamya, bahita bagira umutwaro wo kugaragaza neza uruhande bahagazemo bajora ibihamya, bagasobanura ibiva mu myumvire ya kimuntu ya Ellen White n'ibyaba ari ijambo ry'Uwiteka. Ikintu cyose gishyigikira ibitekerezo biziritseho bagifata ko gikomoka mu ijuru, naho ibihamya (ibitekerezo bya Ellen White) bikosora amakosa yabo bikaba ibya muntu. Kubw'iyo migenzereze yabo, bahindura ubusa inama iva ku Mana. - Manuscript 16, 1889. [3UB60]

**Guhakana Ibihamya mu Buryo Butagaragara neza.** - Wavuze ibintu uko wabibonaga, uvuga ko ubutumwa bwa Ellen White bwose budakomoka ku Mana, ko ahubwo umugabane umwe wabwo ari ibitekerezo bye bwite cyangwa imyumvire ye, bitaruka uby'undi muntu wese. Uyu ni umwe mu mitego ya Satani wo kukuremamo gushidikanya kugira ngo ashuke ubugingo bwawe ndetse n'ubw'abandi bazahangara guca umurongo [3UB60] bakavuga ko umugabane w'ubutumwa ubanezeza ukomoka ku Mana naho uwerekana kandi ugacyaha amakosa yabo ari ibitekerezo bwite bya Ellen White. Muri ubu buryo rero, mu buryo butagaragara neza wanze ubutumwa bwose Imana yari yarakohereje ngo mu rukundo rwayo rwuje ibambe n'imbabazi igukize kurimbuka mu by'imico mbonera.... [3UB61]

Inyuma yanjye hari Uwiteka, We watanze ubutumwa wanga ubu, ukabuhinyura kandi ukabusuzugura. Mu kugerageza Imana wononnye intekerezo zawe kandi urujijo n'ubuhumyi by intekerezo ni byo byabaye umusaruro. Letter 16, 1888. [3UB61]

**Iki Si Igitekerezo Cyanjye Bwite**. Nyuma y'uko nkwandikira urwandiko rurerure umukuru H yasuzuguye akarufata nk'inyandiko isanzwe ivuga ibitekerezo byanjye bwite, ubwo nari mu materaniro makuru muri California y'amajyepfo, Uwiteka yampaye umudendezo maze nandika ibyo nkora. Nta kindi natinyuka kuvuga ubu kugira ngo ntarengera nkavuga ibirenze ibyo Mwuka w'Uwiteka yanyemereye. [3UB61]

Ubwo Porofeseri I yazaga, namubajije ibibazo bike bikomeye ikigamijwe cyane ari ukugira ngo menye uko afata ibintu aho kugira ngo mbone amakuru gusa. Nabonye ko ingorane zari zaje. Iyo umukuru H n'abifatanyije na we baba barahagaze mu mucyo, baba baramenye ijwi ry'umuburo no gucyaha; nyamara aryita umurimo w'umuntu nuko akaryirengagiza. Mu minsi iri imbere bidatinze, azifuza kuba atarigeze akora umurimo ari gukora ubu. Ari kuboha urushundura arwizengurutsa ku buryo adashobora kuruca ngo aruvemo bimworoheye. Iki si igitekerezo cyanjye bwite. [3UB61]

Ni irihe jwi muzemera ko ari ijwi ry'Imana? Mbese Uwiteka afite imbaraga zingana iki mu bubiko bwe zo gukosora amakosa yanyu no kubereka ibyo mukora nk'uko biri? Ni izihe mbaraga afite zo

gukoreshereza mu itorero? Kubw'imigirire yanyu, wafunze inzira yose Uwiteka yari kunyuramo ngo abagereho. Mbese muragira ngo Uwiteka azazura uwapfuye abe ari we ubabwira? [3UB61]

Mu bihamya nohereje i Battle Creek, nabahaye umucyo Imana yampaye. Ntabwo nigeze mbabwira igitekerezo cyangwa imyumvire byanjye bwite. Mfite byinshi nahawe nkwiriye kwandika ku buryo ntatandukira ngo nkoreshe ibitekerezo byanjye bwite. Muri gukora ibyo Abisirayeli bakoze inshuro nyinshi. Aho kugira ngo mwihane imbere y'Imana, muhinyura amagambo yayo, maze mukavuga ko imiburo yose no gucyaha mugezwaho bikomoka ku ntumwa Uwiteka yabatumyeho. - Testimonies for Battle Creek Church, pp. 50-58 (1882). [3UB61]

Mureke mvuge ibindi mu bitekerezo. Si intekerezo zanjye bwite ahubwo ni ijambo ry'uwiteka. - *Letter 84, 1899. (Quoted in Counsels to Writers and Editors, p. 122).* [3UB61]

**Satani Azafasha Abumva Bagomba Kuvangura**. Mfite umurimo wanjye nkwiriye gukora kugira ngo ndwanye imyumvire ipfuye y'abibwira ko bashobora kuvuga ibiri ubuhamya bwavuye ku Mana n'ibyaba ari umurimo w'umuntu. Abakoze uyu murimo nibakomeza muri iyi nzira, ingabo za Satani zizabatoranya... [3UB62]

Abantu bafashije abandi kumva ko bafite umudendezo wo kuvangura mu Bihamya bakerekanamo ibyavuye ku Mana n'ibyaba ari amagambo atarahumetswe ya Ellen White, bazasanga ko bari bari gufasha umwanzi Satani mu murimo we w'ubushukanyi. Nyamuneka nimusome Ibihamya. [Testimonies No. 33, p.211 [Testimonies, vol.5, 682], ahavuga "Uburyo bwo Kwakira Ubutumwa bwo Gucyahwa." - Letter 28, 1906. [3UB62]

**Imana Yabageraho Ite?** - Ni izihe mbaraga z'ikirenga Uwiteka afite ngo agere ku birengagije imiburo ye no gucyaha kwe, kandi bakaba baravuze ko ibihamya by Umwuka w'Imana nta yindi soko ihanitse bikomokaho uretse ubwenge bwa muntu? Mbese mwebwe mwakoze ibi, ni iki mushobora guha Imana mu rubanza nk'urwitwazo rw'uko mwateye umugongo ibihamya Imana yabahaye byerekenaga ko yari iri mu murimo wayo? - Testimonies to Ministers, p. 466. [3UB62]

# IGICE CYA 10

## IBYEREKEYE KUBA INTUMWA YAHUMEKEWE

**Ubuhamya bw'Ibyabayeho nk'Uko Intumwa y'Imana Yabuvuze.** - Nabaye intumwa y'Uwiteka mu gihe cy'imyaka igera kuri mirongo itanu, kandi igihe cyose nzaba nkiriho nzakomeza kuvuga ubutumwa Imana intuma ku bwoko bwayo. Nta cyubahiro niha. Mu bwangavu bwanjye, Uwiteka yangize intumwa ye kugira ngo mbwire ubwoko bwe ibihamya byo kubukomeza, mbugezeho umuburo no gucyaha. Namaze imyaka mírongo itandatu mvugana n'intumwa zo mu ijuru, kandi nahoraga niga byinshi byerekeye ijuru, kandi nkiga ibyerekeye uburyo Imana ihora ikoresha kugira ngo ikure abantu mu buyobe bw'inzira zabo ubwabo ibageze mu mucyo wayo. [3UB63]

Imitima y'abantu benshi yarafashijwe kubera ko bizeye ko ubutumwa nahawe bwoherejwe kubw'imbabazi Imana yagiriye abayobye. Igihe nabonaga ababaga bakeneye ubundi buhamya butandukanye bw'imibereho ya Gikristo, narabubabwiye kubw'ibyiza byabo byo muri iki gihe n'iby'iteka ryose. Igihe cyose Uwiteka akimpaye kubaho, nzakora umurimo wanjye nkiranutse nubwo abagabo cyangwa abagore batakumva, ntibakire ndetse ntibanumvire ubu butumwa. Umurimo wanjye nawuhawe mu buryo bwumvikana ngo nywukore, kandi ninumvira nzagirirwa ubuntu. [3UB63]

Nkunda Imana. Nkunda Yesu Kristo, Umwana w'Imana kandi numva nshishikajwe cyane n'ubugingo bw'umuntu wese uvuga ko ari umwana w'Imana. Niyemeje kuba igisonga gikiranuka igihe cyose Imana izaba ikimpaye kubaho. Sinzatsindwa kandi sinzacogora. [3UB63]

Nyamara maze amezi menshi ubugingo bwanjye buri mu mubabaro ukomeye uterwa no kubona abantu bakiriye inyigisho z'ubuhendanyi bwa Satani kandi bakaba bazigisha abandi, batanga ubusobanuro bashobora [3UB63]

---

*8 Yavugaga ku nyigisho zivuga ko Imana ari imbaraga n'amategeko bikorera mu isanzure.*

---

gutekereza bwose mu nzira zitandukanye kugira ngo basenye kwizera ubutumwa bwiza bwagenewe ab'iki gisekuru giheruka, kandi ntibizere umurimo udasanzwe Imana yampaye ngo nkore. Nzi neza ko Imana ari yo yampaye uyu murimo, kandi sinicuza ibyo nakoze. [3UB64]

Mu byo myuramo, mpora mpabwa igihamya cy'imbaraga y'Imana ikora ibitangaza kandi inkomeza haba ku mubiri no mu bugingo bwanjye, kuko uyu mubiri n'ubugingo bwanjye nabyeguriye Uwiteka. Ntabwo ndí uwanjye ngo nigenge. Naguzwe igiciro cyinshi kandi mfite ibyo byiringiro by'ibyo Uwiteka ankorera kugira ngo nsobanukirwe ubuntu bwe buheranije... [3UB64]

Kuki nakwiganyira? Inshuro nyinshi cyane Uwiteka yankijije uburwayi, yarankomeje mu buryo butangaje kugira ngo ntagira gushidikanya na hato. Mfite ibihamya byinshi bidashidikanywaho by'imigisha yayo yihariye yampaye kugira ngo ntashobora guhangara gushidikanya na gato. Imana impa umudendezo wo kuvugira ukuri kwayo imbere y'iteraniro ry'abantu benshi. Ntabwo mpabwa ubufasha budasanzwe iyo ndi imbere y'iteraniro rinini gusa ahubwo n'igihe nkoresha ikaramu yanjye, mbona amayerekwa ahebuje y'ibihe bya kera, ibihe turimo n'ibihe by'ahazaza. - Letter 86, 1906. [3UB64]

**Nahawe Ururimi n'Amagambo yo Kuvuga.** Mu magambo y'agaciro kenshi atera ibyiringiro Imana yampaye ku byerekeye umurimo wanjye, nta yambereye ay'igiciro kuruta aya avuga ko aho nzajya hose azajya ampa ururimi n'amagambo yo kuvuga. Ahantu hari uguhangana gukomeye cyane, ururimi rwose rwaracecekeshejwe. Nabwiye ubutumwa bweruye abantu bacu ndetse n'imbaga y'abantu, kandi amagambo yanjye yakiriwe nk'avuye ku Uwiteka. - Letter 84, 1909. [3UB64]

**Ubutumwa bwa Ellen White Ntibwahindagurikaga Uko Imyaka Yashiraga Indi Igataha.** - Iteraniro ryo ku wa mbere w'Isabato ryitabiriwe n'abantu benshi bi Battle Creek. Bateze amatwi ku rwego ruhanitse. Muri iri teraniro nagize amahirwe yo guhamya nshize amanga ko ibitekerezo byanjye bitari byarahindutse. Umugisha w'Uwiteka wageze kuri benshi mu bumvise amagambo yahavugiwe. Naravuze nti: "Mushobora kumva mufite ubwuzu bwo kumenya ibyo Ellen White yizera. Mwamwumvise avuga inshuro nyinshi... Aracyafite umurimo wo gukorera Shebuja nk'uwo yari afite ubwo yavuganaga n'abantu b'i Battle Creek mu myaka yashize. Amasomo ahabwa aracyayakomora kuri wa Mwigisha. Amabwiriza yahawe ni aya ngo, 'Andika ubutumwa nguhaye, kugira ngo abantu babumenye? Ubwo butumwa bwagiye bwandikwa nk'uko Imana yabumpaye." -Letter 39, 1905. [3UB64]

Icyizere Ellen White Yari Afitiye Inkomoko Mvajuru y'Amahishurirwa Ye. -Mbega intambara ngomba kurwana! Bene data basa n'abamfata nk'aho hari ibirindiro mpagararamo bitari ngombwa. Ntibabona ko Imana mu bwenge bwayo hari ibyo yampishuriye umuntu adashobora kuvuguruza cyangwa ngo abijyeho impaka abe yagera ku ntego ye. Nta kintu na kimwe [3UB64] gishobora guhanagura ibyo neretswe kandi bikandikwa ku mutima wanjye. Ukurwanya kose no gupfobya bikorwa kugira ngo bihindure ubusa ibihamya byanjye nta kindi bikora uretse ko kubw'imbaraga z'Umwuka w'Imana bimpatira gusubiramo nkomeje ibyo navuze, kandi ngahagarara ku mucyo nahishuriwe mu mbaraga zose z'ubushobozi Imana yampaye. -Manuscript 25, 1890. [3UB65]

**Guhangana n'Akaga mu Buryo Bwiza.** - Satani azakomeza kuzana inyigisho ze z'ibinyoma no kuvuga ko ibyo yibwira ari ukuri. Imyuka iyobya iri ku murimo. Nkwiriye guhangana nakaga mu buryo bwiza, nkanga uburenganzira umuntu uwo ari we wese yakwiha bwo gukoresha inyandiko zanjye ngo asohoze umugambi wa Satani wo kwikururiraho no kuriganya ubwoko bw'Imana. Imana yarinze ubugingo bwanjye kugira ngo nzabashe gutanga ibihamya nahawe, ngo mpamye ibyo Imana ihamya kandi mvuguruze ukwigaragaza kose kw'inyigisho z'uburiganya bwa Satani. Mu nyigisho z'ubuyobe mu by'umwuka ikintu kimwe kizajya gikurikira ikindi kugira ngo Satani ayobye n'intore niba bishoboka. - Manuscript 126, 1905. [3UB65]

**Nta Guhungabanywa n'Abamurwanya.** Nshobora kurwanywa bikomeye, ariko ibyo ntibizahindura na gato umugambi wanjye cyangwa umurimo wanjye. Twagiye duhura na bene ibi bibazo inshuro nyinshi. Uwiteka yampaye ubutumwa ubwo nari mfite imyaka cumi n'irindwi gusa ... Ubutumwa Uwiteka yampaye ngo mvuge bwari mu murongo ugororotse uva ku mucyo ujya ku wundi, bwerekeza mu ijuru kandi bukomeza buva ku kuri bugana ku kundi kuri kwisumbuyeho. - Manuscript 29, 1897. [3UB65]

**Nta Gusaba Kwitwa "Umuhanuzikazi**." - Mu iteraniro ryabereye i Battle Creek ku wa 2, Ukwakira, 1904 navuze ko ntiyita umuhanuzikazi. Abantu bamwe batangajwe n'iyi mvugo. Nifuza gutanga ubusobanuro ku byo muyibazaho byinshi. Abandi banyise umuhanuzikazi ariko sinigeze nemera kwitwa iryo zina. Nabonye ko atari inshingano yanjye kuvuga uwo ndi we. Akenshi abantu bavuga ko ari abahanuzi muri iyi minsi bagwabiza umurimo wa Kristo. [3UB65]

Umurimo wanjye uruta icyo iryo zina risobanura. Mbona ko ndi intumwa yahawe ubutumwa bw'Imana bugenewe abantu bayo. -Letter 55,1905. (Byavuzweho no mu Butumwa Bwatoranyijwe, Igitabo cya 1, pp.38, 39). [3UB65]

Umurimo w'Umuhanuzi n'Ibindi. -Nahawe ubutumwa ko ntakwiriye guterwa ubwoba n'abantu barwanya umurimo wanjye banenga imiterere yawo. Bashishikazwa no kwibaza ibibazo by'uburyarya bibaza niba nkora umurimo w'umuhanuzi. Inshingano yanjye ni umurimo w'umuhanuzi ariko nturangirira aho. Umurimo wanjye urenze cyane ibyo ibitekerezo by'ababiba imbuto zo kutizera bashobora gusobanukirwa. Letter 244,1906. [3UB65]

---

*9 Abari bashyigikiye inyigisho zavugaga ko Imana ari imbaraga n'amategeko bikorera mu isanzure bakoreshaga inyandiko za Ellen White kugira ngo bashyigikire ibitekerezo byabo by'ibinyoma.*

---

(Amagambo yabwiwe abakuru b'itorero bo ku rusengero rwa Battle Creek, reba Ubutumwa Bwatoranyijwe, Igitabo cya 1, pp.38, 39). [3UB66]

**Nta Kwiyogeza.** Umutima wanjye ubabazwa cyane n'uko bene data J na K bafashe icyemezo bafite... Mushobora ku baza muti: "Mbese ibyo byagutwara iki?" Kaba agahinda gusa, ndetse ni agahinda k'umutima nagira aho kugira amahoro, ikiruhuko gitunganye no kwiringira Yesu. Sinshobora kuvuga n'amagambo icumi yo kwishyigikira, gushyigikira inshingano mfite ndetse n'umurimo wanjye. Sinshobora gushaka uko ntanga igihamya cyo gushyigikira umurimo wanjye. "Muzabamenyera ku mbuto zabo." (Matayo 7:20).- Letter 14, 1897. [3UB66]

**Kurekera Ingaruka mu Biganza by'Imana.** -Rimwe na rimwe ngira umutwaro nijoro. Mbyuka mu buriri bwanjye maze nkagendagenda mu cyumba, nsenga Imana ngo imfashe kwihanganira uwo mutwaro, kandi ntacyo mvuga ngo ntere abantu kwizera ko ubutumwa Imana yampaye ari ukuri. Iyo nshoboye gushyira uyu mutwaro ku Uwiteka, mba mfite umudendezo rwose. Numva mfite amahoro ntabasha gusobanura. Numva nzamuwe nk'aho nteruwe mu maboko y'iteka maze amahoro n'ibyishimo bikuzura umutima wanjye. [3UB66]

Inshuro nyinshi cyane nibutswa ko ntakwiri ye kugerageza gukuraho urujijo, kuvuguruza ukwizera, amarangamutima no kutizera bigaragara. Ntabwo ngomba gucogora, ahubwo ngomba kuvuga amagambo y’ Uwiteka mfite ubutware, hanyuma ingaruka zizakurikiraho nkazimuharira. [3UB66]

Mbwirizwa n'Umuganga Ukomeye kuvuga jambo Uwiteka ampa nubwo abantu baryumva cyangwa ntibaryumve. Mbwirwa ko nta cyo nkwiriye gukora ku ngaruka zikurikiraho, nkabwirwa ko Imana, Uwiteka Yehova ubwe azandindira mu mahoro asesuye ninguma mu rukundo rwe kandi ngakora umurimo yampaye. - Letter 146, 1902. [3UB66]

**Sinzatura Ibyaha Bizwi na ba Nyirubwite Gusa.** - Bene so cyangwa se benshi muri bo ntibazi ibyo wowe ubwawe uzi kandi Uwiteka nawe akaba abizi... Niyemeje ko ntazatura ibyaha by'abavuga ko bizera ukuri, ahubwo ibyo nzabibaharira abe aribo babyatura ubwabo. -Letter 113, 1893. [3UB66]

**Ellen White Yungukiraga mu Butumwa Butangwa.** - Nkumbura kubwira amateraniro y'abantu benshi kuko nzi ko ubutumwa mbabwira atari ubwanjye ahubwo ari ubwo Uwiteka ashyira mu bwenge bwanjye kugira ngo mbuvuge. Iyo mpagaze imbere y'abantu mbabwira ubutumwa, ntabwo mba ndi njyenyine. Iyo ndi imbere y'abantu bisa n'aho imbere yanjye haza ibintu by'igiciro cyinshi byo mu butu mwa bwiza maze nkitabira ubwo butumwa bwiza kandi nkarya kuri iryo

Jambo nk'undi muntu wese uteze amatwi. Ibibwirizwa bimbera byiza kuko igihe cyose mbumbuye akanwa kanjye ngo mbwire abantu, mpabwa ubusobanuro bushya. [3UB67]

Sinshobora na gato gushidikanya umurimo wanjye kuko nanjye nitabira guhabwa ku mahirwe atangwa kandi ngaburirwa ndetse nkongerwamo imbaraga, kuko nzi ko nahamagariwe guhabwa ku buntu bwa Kristo. Igihe cyose mbwiye abantu ukuri, kandi nkabararikira kwita ku bugingo buhoraho Kristo yatumye bishoboka ko twakira, nunguka cyane kimwe n'abo mba mbwira, nkavumbura ibintu bitangaje ku buntu bw'Imana, urukundo rwayo n'imbaraga zayo igaragariza ubwoko bwayo, binyuze mu gutsindishirizwa no kwiyunga n'Imana. - Manuscript 174, 1903. [3UB67]

**Amahirwe yo Kuba Intumwa y'Imana.** -Ndashima cyane kuko Uwiteka yampaye amahirwe yo kuba intumwa ye yo kumenyesha abandi ukuri kw'igiciro cyinshi. - Letter 80, 1911. [3UB67]

## NYUMA Y'URUPFU RWA ELLEN WHITE

**Inyandiko za Ellen White zakomeje guhamya.** - Ngomba kwandika ibi bihamya ku mpapuro kugira ngo ninsinzirira muri Yesu, ubuhamya bw'ukuri buzakomeze gutangwa. - Letter 116, 1905. [3UB67]

**Kuvuga Kugeza ku Mperuka.** - Muri ibi bihe biheruka, umucyo uhagije wagejejwe ku bantu bacu. Ubuzima bwanjye bwakomeza kubaho cyangwa ntibubeho, inyandiko zanjye zizakomeza kuvuga, kandi umurimo wazo uzakomeza igihe cyose isi izaba ikiriho. Inyandiko zanjye zibitswe mu bubiko mu biro, ndetse nubwo naba ntakiriho, aya magambo nahawe n'Uwiteka azakomeza kubaho no kuvugana n'abantu. Letter 371, 1907. (Byacapwe muri Butumwa Bwatoranyijwe, [2016], Igitabo cya 1. p. 63). [3UB67]

**Ubutumwa Bwagombaga Kugira Imbaraga Ikomeye Cyane Nyuma y'Urupfu rw'Umuhanuzi**. Mu bigaragarira amaso, iteka ryose nagiye mba nk'ikibindi kimenetse; nyamara mu myaka yanjye y'izabukuru Uwiteka akomeje kungenderera kubw'Umwuka Wera kugira ngo nandike ibitabo by'ingirakamaro cyane bitigeze bigera imbere y'amatorero ndetse n'isi yose. Uwiteka ari guhamya ibyo ashobora gukorera mu bikoresho by'ibinyantegenke. Ubuzima akindindiye nzabumukoreshereza mu kumuhesha ikuzo. Kandi ubwo Uwiteka azabona ko binkwiriye kuruhuka, ubutumwa bwe buzarushaho kugira imbaraga nyinshi kurusha uko byari biri igihe igikoresho cyoroshye yakoresheje ngo butangwe cyari kikiriho. - Manuscript 122, 1903. [3UB67]

# IGICE CYA 11

# KWAKIRA UBUTUMWA

**Ubutumwa bwo Gukomezwa, Umuburo no Gucyaha.** -Maze imyaka mirongo itanu ndi intumwa y'Uwiteka, kandi igihe cyose nzaba nkiriho nzakomeza gutwara ubutumwa Imana impa ngo mbugeze ku bwoko bwayo. Siniyogeza. Mu buto bwanjye Uwiteka yangize intumwa ye ngo menyeshe ubwoko bwe ibihamya byo kubukomeza, umuburo no gucyaha. Maze imyaka mirongo itandatu mvugana n'intumwa mvajuru, kandi nahoraga niga ibyerekeye ijuru, n'ibijyana n'uburyo Imana ihora ikora ubudacogora kugira ngo ikure imitima y'abantu mu buyobe bw'inzira zabo maze ibageze mu mucyo wayo w'itangaza. - Letter 86, 1906. [3UB68]

**Bamwe Bakira Ubutumwa Abandi Bakabwanga.** Mfite umurimo ngomba gukorera abazafashwa nubwo umucyo bahabwa waba udahuza n'ibitekerezo byabo. Bazamenya umucyo uva ku Mana kubera ko bafite imbuto z'umurimo Uwiteka yashimye gukorera mu gikoresho cye gicishije bugufi mu myaka mirongo ine n'itanu ishize. Bazirikana ko uyu ari umurimo w'Imana, bityo rero bafite ubushake bwo gukosorwa mu bitekerezo byabo no guhindura imigenzereze yabo. [3UB68]

Nyamara, abazatsimbarara kandi bagakomera ku bitekerezo byabo bwite, ndetse bitewe n'uko bakosowe bagafata umwanzuro ko Ellen White yoshywa [n'abandi] kugira imikorere runaka ihabanye n'ibitekerezo byabo ... bene abo ntibashobora kugira icyo bunguka. Izo nshuti sinazifata nk'ingirakamaro aho rukomeye, ariko cyane cyane mu gihe cy'amakuba. Ubu noneho mumenye ibiri mu bitekerezo byanjye. Sinshaka gukorana umurimo w'Imana ngwaguza. Nshaka kumenya uko inshingano iteye maze ngakora ntabusanya n'Umwuka w'Imana. -Letter 3, 1889. [3UB68]

**Urwandiko rwa Ellen White, Ubutumwa Buva ku Mana.** - Umbaza niba Uwiteka yarampaye rwa rwandiko ngo ndugushyikirize. Ndakubwira ko yarumpaye rwose. Imana Uwera wa Isirayeli ntazakorana n'ibyaha byawe. Ubwo butumwa bwatanzwe n'Imana. Niba guhera igihe bwa butumwa bwatangiwe waragize imyumvire mishya ku cyo icyaha ari cyo, [3UB68] kandi niba warahindutse by'ukuri, ukaba umwana w'Imana aho kuba uwica amategeko yayo; nta muntu n'umwe bizanezeza kundusha. -Letter 95, 1893. [3UB69]

**Ukuri kw'Ibihamya Byemewe ku Mugaragaro**. -Nigishije abantu [i Bloomfield muri Leta ya California] ku gicamunsi, mbabwira ko ari ngombwa ko inenge zo mu mico yabo zikurwaho kugira ngo bazabashe guhagarara imbere y'Umwana w'Imana ubwo azaza nta nenge ibarangwaho. Muri ayo materaniro abantu bakozweho cyane. Nabwiye abantu benshi ku giti cyabo, mbereka ibibi nari narеretswe byabarangwagaho. Bose bafashe icyemezo kandi abenshi batuye ibyaha byabo barira kandi bahamya ko ibyo ibihamya byavuze ari ukuri. -Letter 7, 1873. [3UB69]

**Gusobanura mu Mucyo w'Ibyo Basanzwe Bibwira.** - Hari abantu benshi basobanura ibyo nandika bakurikije umucyo w'ibitekerezo basanzwe bibwira. Muzi icyo ibi bisobanuye. Ingaruka ntakuka ni amacakubiri mu myumvire ndetse no kugira ibitekerezo bihabanye. [3UB69]

Uburyo bwo kwandika ngo numvwe n'abo menyesha ubutumwa bw'ingenzi ni ikibazo ntashobora gukemura. Ariko nzihatira kwandika bike bikwiriye. Dushingiye ku buryo abantu banduza imitekerereze y'abandi, abantu badasobanukirwa neza bashobora gutera abandi kumva ibintu nabi bitewe n'ubusobanuro baha ingingo ziva mu byo mba nanditse. Umuntu umwe asobanukirwa ibyo

nanditse nk'uko atekereza ko ari ko byagombye kumera akurikije ibitekerezo bye. Undi nawe ashyira ibye ku byo nanditse maze umusaruro ukaba urujijo. - Letter 96, 1899." [3UB69]

**Kwemera Igice.** -Uretse amajoro make, mu mezi menshi ashize sinabashije gusinzira nyuma ya saa saba z'ijoro. Nagiye nisanga ndi kuganira nawe ndetse n'abandi, nguhendahenda nk'uko umubyeyi yabigirira umwana we... [3UB69]

Nk'uko nari niteze ko ari ko bizakugendekera, nta gushidikanya watunguwe cyane no kubona nkwandikiye mu buryo bweruye kandi budakebakebа. Ariko, ibi ngomba kubikora, kuko nagizwe igisonga cy'ubuntu bwa Kristo, kandi uyu murimo ngomba kuwukorera Imana. Ushobora kumva unyuzwe n'uko uri. Ushobora no guhakana ibyo neretswe birebana n'imibereho yawe. Bamwe bari gukora batyo muri iyi minsi... [3UB69]

Iyi ni yo mpamvu iteka abagabo n'abagore batabona amakosa no kwibeshya byabo n'igihe baba babyeretswe. Bavuga ko bizera ibihamya bagezwaho kugeza ubwo babonye ubutumwa bubabwira ko bagomba guhindura imigambi yabo n'uburyo bakora, kandi ko inyubako y'imico yabo nayo igomba guhinduka, nibitaba ibyo ishuheri n'umugaru bizayitembana bihereye mu rufatiro rwayo. Nyuma y'ibyo, umwanzi abashukisha kwitsindishiriza. [3UB69]

Sinshidikanya ko nyuma yo gusoma ubu butumwa uragwa mu mutego wo kuvuga utí: "Ibi si ko bimeze. Ntabwo meze nk'uko nagaragajwe [3UB69] ahangaha. Hari umuntu wujuje ibitekerezo bya Ellen White imyanda myinshi yerekeye imibereho yanjye." Nyamara ndagira ngo nkubwire mu izína ry'Úwiteka ko amagambo y'iyi nyandiko yavuye ku Mana. Bityo rero, nuhitamo kureka ibyo bintu, uraba werekanye urugero rwo kwizera ufitiye umurimo Uwiteka yahaye umugaragu we ngo akore. -Letter 13, 1902. [3UB70]

**Bimwe mu Bihamya Biciraho Iteka Ibyo Abantu Bararikira.** -Hari abiyita abizera bamwe bemera ibice bimwe by'ibihamya ko ari bwo butumwa bw'Imana ari nako banga ibice bimwe byabyo biciraho iteka ibyo bararikira. Bene aba bantu bari gukora ibihabanye n'ibyabaha kugubwa neza ndetse no kugubwa neza kw'Itorero. Birakwiye ko tugendera mu mucyo tugifite umucyo. -Manuscript 71, 1908. [3UB70]

**Gukinisha Ubutumwa**. - Akenshi na kenshi ntabwo mba niteze kuvuga ibyo njya mvuga iyo mvugira imbere y'iteraniro ry'abantu. Igihe ibonye ko ari ngombwa kubw'inyungu z'imitima y'abantu, Imana ishobora kumpa amagambo yo gucyaha, ay'umuburo cyangwa ayo gukomeza. Nzavuga bene ayo magambo, kandi ashobora kunyuranya n'inzira za bene data nkunda kandi nubaha mu kuri. [3UB70]

Niteze ko abatizera bazagoreka kandi bakakira nabi ayo magambo, kandi ibyo ntibintungura. Ariko kubona bene data bazi iby'inshingano n'umurimo byanjye bakinisha ubutumwa Imana impa ngo ngeze ku bantu, bitera agahinda Umwuka wayo. [3UB70]

Binca intege kubona abantu bitoranyiriza ibice bimwe by'ibihamya bibanezeza maze bakabyubakiraho kugira ngo bashyigikire imigenzereze yabo kandi bagaragaze ko uwo mugabane bawemera ko ari ijwi ry'Imana. Ariko igihe ibindi bihamya bicyaha imigirire yabo, igihe havuzwe amagambo adahuje n'ibitekerezo n'imyumvire yabo, basuzugura umurimo w'Imana bakavuga ngo, "Yooo, ibi ntitubyemera. Ibi ni igitekerezo bwite cya Ellen White gusa, kandi ntikiruta igitekerezo cyanjye cyangwa icy'undi muntu uwo ari we wese." -Letter 3, 1889. [3UB70]

**Gushakashaka Amagambo yo Kubakiraho Ubusobanuro bwa Muntu.** -Nzirikana cyane rwose ko ndi umuntu upfa, kandi ko ngomba kurinda imbaraga z'impagarike yanjye y'umubiri, iz'ubwenge n'iz'imico mbonera. Guhora mpindagura aho nabaga bitewe n'ingendo nakoraga,

ndetse no gufata inshingano yo kwigisha mu ruhame aho najyaga hose, byarampagije cyane, hakiyongeraho inyandiko nagiye ntegura amanywa n'ijoro nk'uko Uwiteka yakoreye mu ntekerezo zanjye kubw'Umwuka we Wera. [3UB70]

Kandi iyo mbonye ibimenyetso byerekana ko ubwo butumwa buzatwarwa mu myumvire ya kimuntu n'abantu bamwe bazabwakira, iyo mbonye ko bari gushakishanya ubwuzu amagambo amwe nanditse bashobora gushyiraho ubusobanuro bwabo bwa kimuntu kugira ngo bashyigikire ibyo bemera kandi babonere ubusobanuro imigenzereze yabo iyo ntekereje ibyo bintu, ntabwo bintera umwete cyane wo gukomeza kwandika. [3UB70]

Bamwe muri abo bantu bacyahwa, baharanira ko ijambo ryashyigikira amagambo yabo bwite. Kugoreka, kuryarya, gusobanura no gukoresha nabi Ijambo [ry'Imana] biratangaje cyane! Abantu bihuriza hamwe muri uyu murimo. Ibyo umuntu umwe adatekereza, undi arabimubwira. - Letter 172, 1906. [3UB71]

**Kugoreka Ibyanditswe Byera n'Ibihamya.** - Akenshi abantu bumvaga nabi ibyigisho Kristo yigishaga bidatewe n'uko atabisobanuraga mu buryo bwumvikana neza, ahubwo byaterwaga n'uko intekerezo z'Abayuda zabaga zuzuye urwikekwe kimwe n'intekerezo z'abantu benshi muri iki gihe bavuga ko bizera. Bitewe n'uko Kristo atifatanyije n'Abanditsi n'Abafarisayo, baramwanze, baramurwanya kandi bashaka uko bahinyura umuhati yakoreshaga no guhindura ubusa amagambo ye. [3UB71]

Kuki abantu batazabona ukuri kandi ngo bakugenderemo? Abantu benshi biga Ibyanditswe Byera kugira ngo bashimangire ko ibitekerezo byabo ari ukuri. Bahindura ubusobanuro bw'Ijambo ry'Imana kugira ngo risanishwe n'imyumvire yabo. Ibyo banabikora ku bihamya Imana ibohereza. Bavuga igice cy'interuro, maze ikindi gice bakagisiga kandi iyo bakivuga ari cyo cyajyaga kugaragaza ko imitekerereze yabo ikocamye. Imana ihanganye ku rugamba n'abagoreka Ibyanditswe, bagatuma bihuza n'ibitekerezo byabo byababayemo karande. - Manuscript 22, 1890. [3UB71]

**Amagambo Agoretswe kandi Yumvikana Uko Atari.** - Bisa n'ibidashoboka ko abantu babonye umucyo bakanga kuwugenderamo basobanukirwa ubutumwa bwanjye. Ibyo nshobora kuvugira mu biganiro nihereranye n'abantu bishobora gusubirwamo ku buryo babitera gusobanura ibihabanye rwose n'ibyo byajyaga kuba bisobanura iyo abateze amatwi baza kuba bejejwe mu mitima no mu mwuka. Ntinya no kuvugana n'inshuti zanjye, kubera ko nyuma numva bavuga ngo, 'Ellen White yavuze ibi cyangwa yavuze biriya. [3UB71]

Amagambo yanjye aragorekwa kandi agasobanurwa uko atari ku buryo maze kugera ku mwanzuro w'uko Uwiteka yifuza ko ndeka kujya mu materaniro manini kandi nkanga kugira uwo tuganira twiherereye. Ibyo mvuga bisubirwamo mu mucyo ugoretswe ku buryo usanga kuri njye bimbereye bishya kandi bidasanzwe. Biba bivanzwe n'amagambo yavuzwe n'abantu kugira ngo bashyigikire inyigisho zabo bwite. - Letter 139, 1900. [3UB71]

**Kuva Kera Hari Ijwi Ryumvikaniraga Muri Twe.** -Turaguhamagarira guhagarara mu ruhande rw'Uwiteka, kandi ugakora uruhare rwawe nk'umugaragu w'indahemuka w'ubwami. Zirikana impano yashyizwe mu itorero kugira ngo iyobore ubwoko bw'Imana mu minsi iheruka amateka y'isi. Kuva mu itangiriro, itorero ry'Imana ryagiye rigira impano y'ubuhanuzi hagati muri ryo nk'ijwi rizima ribereyeho gutanga inama, gucyaha no guhugura. [3UB71]

Ubu tugeze mu minsi iheruka y'umurimo w'ubutumwa bwa marayika wa gatatu, aho Satani azakorana imbaraga nyinshi bitewe n'uko azi ko afite igihe gito. Muri icyo gihe kandi, binyuze mu

mpano z'Umwuka Wera, tuzabona ibikorwa by'uburyo bwinshi bizagaragara mu isukwa rya Mwuka Wera. Iki ni igihe cy'imvura y'itumba. -Letter 230, 1908. [3UB72]

**Uruzitiro rw'Uburinzi Rwasenywe.** - Umwanzi yakoresheje imbaraga ze mu buryo yitondeye kugira ngo akure abantu bacu ku kwizera Ibihamya, kandi iyo aya makosa akozwe bavuga ko ibyo bavuga babihamisha Bibiliya, ariko basobanura nabi Ibyanditswe Byera. Bavuga amagambo yo kwiyemera nk'uko umukuru Canright yabikoze, bityo bakoresha nabi ubuhanuzi n'Ibyanditse Byera kugira ngo bahamye ibinyoma. Kandi iyo abantu bamaze gukora umurimo wabo wo kugwabiza icyizere amatorero yacu yari afitiye Ibihamya, basenya uruzitiro rw'uburinzi ku buryo kutizera ukuri biba gikwira, maze ntihabe hakiriho ijwi ryarangurura ngo rihagarike imbaraga z'ikinyoma. [3UB72]

Ibi bimeze uko Satani yabiteguye, kandi abamaze igihe bategurira abantu inzira yo kutumvira imiburo no gucyaha by'ibihamya by Umwuka w'Imana bazabona ko urwunge rw'ibinyoma byinshi by'ubwoko bwose rututumba. Bazavuga ko Ibyanditswe ari byo gihamya cyabo, ariko ibinyoma bya Satani by'ubwoko bwose ni byo bizaganza. - Letter 109, 1890. [3UB72]

**Mwirinde Uburiganya Bushukana bwa Satani.** Abantu bashobora gucura imigambi igenda ikurikirana, kandi umwanzi azashaka uko yayobya imitima ngo ive mu kuri, ariko abantu bose bizera ko Uwiteka yavugiye muri Ellen White, kandi ko yamuhaye ubutumwa, bazakingirwa uburiganya bwinshi buzaduka muri iyi minsi y'imperuka. -Letter 50, 1906. [3UB72]

**Si Jye Mugambanira Ahubwo ni Uwiteka.** Nagerageje gukora inshingano yanjye kuri mwe ndetse no ku Mwami Yesu uwo nkorera kandi nkaba nkunda umurimo we. Ibihamya nabagejejeho mu by'ukuri nabihawe n'Uwiteka. Mbabajwe no kuba mwaranze umucyo mwahawe... [3UB72]

Mbese muri kugambanira Umwami wanyu kubera ko mu mbabazi ze zikomeye yaberetse aho muhagaze mu by'umwuka? Azi imigambi yose y'umutima. Nta na kimwe ahishwa. Ntabwo ari njye mugambanira. Si jye murakarira mutyo. Ahubwo ni Uwiteka wampaye ubutumwa ngomba kubagezaho. - Letter 66, 1897. [3UB72]

**Kureka Kwizera Ibihamya.** Hari ikintu kimwe cy'ukuri: Abo Badiventisiti b'Umunsi wa Karindwi bahagarara munsi y'ibendera rya Satani bazabanza kureka kwizera imiburo n'ubutumwa bwo gucyaha biri mu Bihamya by Umwuka w'Imana. [3UB72]

Guhamagarirwa kwitanga bikomeye n'umurimo wera cyane biri gukorwa, kandi bizakomeza gukorwa. -Letter 156, 1903. [3UB72]

## INGERO EBYIRI ZIFATIKA

1**. Ibihamya Bigenewe Abantu ku Giti Cyabo Bwakiranwe Ishimwe.** -Twagarutse kuwa 12, Ukuboza 1892. Ku mugoroba w'umunsi wakurikiyeho, mwene data Folukehedi (Faulkhead) yarampamagaye ngo duhure.10 Umutwaro w'ikibazo cye wari mu bitekerezo byanjye. Namubwiye ko we n'umugore we nari mbafitiye ubutumwa nari narateguye kenshi kubohereza, ariko nkaba nari narabujijwe n'Umwuka w'Imana kubikora. Namusabye gushaka igihe cyo kubonana na bo. [3UB73]

Yaransubije ati: "Nshimishijwe n'uko utanyohererje ubutumwa bwanditse; nahitamo kwakira ubutumwa umbwije akanwa kawe. Iyo buza mu bundi buryo, sintekereza ko hari icyiza bwari kumarira." Yongeyeho kubaza ati: "Kuki utambwira ubwo butumwa aka kanya?" Naravuze nti: "Mbese ushobora gusigara ukabwumva?" Yansubije ko arasigara akabwumva. [3UB73]

Nari naniwe cyane kubera ko uwo munsi nari nagiye mu bikorwa byo gusoza umwaka w'amashuri; ariko noneho nabyutse aho nari ndyamye ku buriri nuko musomera [ubwo butumwa] mu gihe cy'amasaha atatu. Umutima we waroroshye, yazengaga amarira mu maso, kandi igihe narangizaga kumusomera bwa butumwa yaravuze ati: "Nemeye ijambo ryose wambwiye, ibi byose ni ibyanjye." [3UB73]

Ibyinshi mu byo nari namusomeye byari byerekeye ibiro by' Ikinyamakuru cy'Ijwi rya Ositaraliya [Australian Echo Office] ndetse n'abari bashinzwe gucunga ibyo biro kuva mu itangira ry'icyo kinyamakuru. Uwiteka yanampishuriye umubano wari hagati ya mwene data Folukehedi (Faulkhead) n'abo mu muryango ukorera mu ibanga witwa "Free Masons," kandi namubwiye neruye ko nadaca umurunga wose umwomatanya n'ayo mashyirahamwe akorera mu ibanga azabura ubugingo bwe. [3UB73]

Yaravuze ati: "Nemeye umucyo Uwiteka yanyohererereje ikunyujijeho. Ndagira icyo mbikoraho. Ndi umunyamuryango w'icyiciro cyayo cy'amacumbi atanu kandi ngenzura andi macumbi atatu. Ni jye ucunga ibikorwa byabo by'ubucuruzi. Kuva ubungubu sinzongera kujya mu nama zabo, kandi nzahagarika umubano w'ubucuruzi nari mfitanye nabo mu gihe gito cyihuse gishoboka." [3UB73]

Namusubiriyemo amagambo yerekeye ayo mashyirahamwe nk'uko nari nayabwiwe n'umuyobozi wanjye. Namweretse ikimenyetso nyakuri cyari cyatanzwe n'umuyobozi wanjye, maze ndavuga nti: "Sinashobora kurondora ibyo nahawe byose." Mwene data Folukehedi (Faulkhead) yabwiye umukuru Daniells n'abandi bantu ko namweretse ikimenyetso cyihariye cyari kizwi gusa n'abo ku rwego rwo hejuru cyane muri rya shyirahamwe ry'udutsiko tw'umwijima rya "Masons" yari yarinjiyemo. Yavuze ko ntari nzi icyo kimenyetso, kandi ko ntari nzi ko ndi kumwereka icyo kimenyetso ntabizi. [3UB73]

---

*10 Reba Ubutumwa Bwatoranyijwe, Igitabo cya 2, pp. 142-158 ku butumwa bwahawe N. D. Faulkhead. 73*

---

Iki cyari igihamya kidasanzwe kuri we ko Uwiteka yari ari gukorera muri jye kugira ngo akize ubugingo bwe. -Letter 46,1892. [3UB74]

**2. Mwene Data Umwe n'Umushyitsi ku Kibuga cy'Ingando**. - Nafashe bamwe muri bene data mbajyana ku ruhande mu ihema ryacu [mu materaniro makuru yaberaga ahitwa i Milton muri Washington] nuko mbasomera ubutumwa nari naranditse mu myaka itatu yari ishize bwari bwerekeye imigirire yabo. Bari barahigiye Inteko Nkuru Rusange imihigo yo gutanga umutungo wo gushyigikira umurimo ariko bari barisubiyeho. Nabasomeye ibihamya byahuranyije, byumvikana neza kandi birasa ku ntego, ariko aha niho hari akaga (bari barumvise ko bitari ngombwa ko bizera Ibihamya]. Mwene data I yari yarabaye umwe mu bagize Ishyaka rya Marion (Marion Party)" ubwo yabaga ahitwa i Laport muri Leta ya Iowa, kandi kugira uko ukorera aba bantu byari iyobera. Nta mugabura cyangwa ubutumwa bwe bubahaga ngo babirutishe imyumvire yabo bwite. Uburyo bwo kugira icyo ubabwira ngo bakumve ni bwo bwari ikibazo. Icyo twashoboraga ni ugusenga gusa, kandi tukabagenzereza nk'aho bizera ijambo ryose ry'ibihamya, ariko kandi tukigengesera cyane nk'aho turi gukorera abatizera... [3UB74]

Mu gitondo cya kare ku Isabato yo ku wa 7 Kamena, 1884; nagiye mu materaniro maze Uwiteka ampa amagambo y'ibihamya abareba mu buryo butaziguye, kandi yose sinari nyiteze. Narayababwiye yose, mbereka ko Uwiteka yohereje abagabura yatoranyije akabaha ubutumwa kandi ko ubutumwa bazanye bwari uburyo Imana yari yaratoranyije kugira ngo ibagereho,

nyamara bakaba barumvise bafite umudendezo wo kubufata uduce uduce no guhindura ubusa Ijambo ry'Imana... [3UB74]

Ku Isabato, ku wa 14 Kamena. Twagize amateraniro azahora yibukwa. Ku Isabato mbere ya saa sita, mwene data [J. N.] Lofuborufu (Loughborough) yarigishije. Nigishije nyuma ya saa sita. Uwiteka yaramfashije. Noneho ndabahamagara ngo baze imbere. Abantu mirongo itatu na batanu muri bo bitabye irarika baraza. Abenshi muri bo bari abagabo n'abagore bakiri bato ndetse n'abakecuru n'abasaza. Twagize amateraniro y'agahozo. Abantu bamwe bari bararetse ukuri bagarutse bihana kandi batura ibyaha byabo. Abandi benshi muri bo bwari ubwa mbere batangiye uru rugendo. Uwiteka ubwe yari ahibereye. Ibi byabaye nko kumenagura urwikekwe kandi ibihamya byoroshya imitima byaratanzwe. Twafashe akaruhuko nuko turongera turatangira maze umurimo mwiza urakomeza ... [3UB74]

Ku wa Gatandatu nyuma ya saa sita, nasomye ubutumwa bw'ingenzi nari naranditse mu myaka itatu yari ishize. Úbu butumwa bwakiriwe nk'ubuturutse ku Mana. Abantu bemeye ibihamya babikuye ku mutima kandi kwatura kwabaye ukw'agaciro gakomeye ku bari barakoze ibibi. -Letter 19, 1884. [3UB74]

---

*11 Umuryango wadutse muri Marion, muri Leta ya Iowa, muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika ahagana mu myaka ya 1860.*

# UMUGABANE WA III

# GUTEGURA IBITABO BYA ELLEN G. WHITE

### IJAMBO RY'IBANZE

Igihe kinini cy'ubuzima bwa Ellen White yakimaze ategura ibitabo byarimo ubutumwa Imana yamuhaye ngo abugeze ku bwoko bwayo kandi rimwe na rimwe bwari bugenewe abantu muri rusange. Ububiko bw'inyandiko bw'Ikigo Gishinzwe Kwita ku Nyandiko za Ellen G. White kirimo inyandiko nke z'amagambo yavuze atanga amakuru arambuye kuri uyu murimo. Nyamara, abandi bakoranye na we bagize byinshi bawandikaho. Ariko kandi, inyandiko ze nkeya zitwinjiza mu mutima w'umurimo we. Ahangaha tugiye kwerekana zimwe mu nyandiko ze zerekeye gutegura no gusohora Ibihamya by Itorero ndetse na bimwe mu bitabo bye bigaragaza inkuru y'urugamba ruri hagati y'icyiza n'ikibi, by'umwihariko, Intambara Ikomeye n'Uwifuzwa Ibihe Byose. [3UB75]

Kubera ko inyandiko za mbere zerekeye ingingo zitandukanye zigize inkuru y'intambara hagati y'icyiza n'ikibi zagiye zandikwa ku buryo burambuye inshuro ebyiri cyangwa eshatu, ntibishoboka ko twerekana mu buryo bwahuranyije uko ibikorwa byagiye bikurikirana mu murimo wa Ellen White wo kwerekana ibyagiye biba mu muri iyi ntambara imaze imyaka myinshi cyane. Birakwiriye kuzirikana kandi ko Ellen White yafataga imigabane yose y'iyi nkuru nk'umugabane umwe mu nkuru ivuga intambara ikomeye, haba mu mateka avugwa mu Isezerano rya Kera, mu Isezerano Rishya, cyangwa amateka ya nyuma yo kwandika Bibiliya. [3UB75]

Inyandiko zivuga ku bafasha be mu gutegura inyandiko ze na zo ziragaragara, kandi nizo zigize igice gitangira uyu mugabane tugezemo. Ikindi gice kigaragaza umurimo we wo kwandika ku mibereho ya Kristo aho yafashijwe n'umukobwa w'umuvandimwe we mu mwaka wa 1876 ndetse n'uwitwa Marian Davis mu myaka ya 1890. [3UB75]

William, umuhungu wa Ellen White yakoranaga nawe bya hafi cyane mu gutegura no gusohora ibitabo bye nyuma y'umwaka wa 1881, ari nawo [3UB75] mwaka umugabo we James White yapfuyemo. Inshuro nyinshi William yanditse ahereye ku bumenyi bwimbitse yari afite ku murimo nyina yakoraga mu gutegura ibitabo. -*Abashinzwe kurinda Inyandiko za Ellen* White. [3UB75]

# IGICE CYA 12

## ABAHANGA MU NDIMI BAFASHIJE MU MURIMO WA ELLEN G. WHITE

**James White n'Abandi Baramufashije**. Igihe umugabo wanjye yari akiriho, yakoraga ari umufasha n'umujyanama mu kohereza ubutumwa nahabwaga. Twakoraga ingendo nyinshi cyane. Rimwe na rimwe nahabwaga umucyo ari nijoro, ubundi bikaba ari ku manywa ndi imbere y'iteraniro rinini. Ubwo nabaga mfite igihe n'imbaraga byo gukora umurimo, ni jye ubwanjye wiyandikiraga amabwiriza nahererwaga mu iyerekwa ntacyo mpinduye. Nyuma yaho twasuzumiraga hamwe ibyo nanditse, umugabo wanjye agakosora amakosa y'ikibonezamvugo kandi agakuramo amagambo adakeneye gusubirwamo. Iyo ibyo byabaga birangiye, ubwo butumwa bwandukurwaga mu bwitonzi bukohererezwa abo bugenewe cyangwa ku icapiro. [3UB77]

Uko umurimo wakuraga, hari abandi bamfashaga mu gutegura inyandiko zagombaga gushyirwa ahagaragara. Nyuma y'urupfu rw'umugabo wanjye, hari abafasha b'abizerwa bansanze, bakoraga ubudacogora umurimo wo kwandukura ibihamya no gutegura ingingo. zagombaga gushyikirizwa abasomyi. [3UB77]

Ariko inkuru zagendaga zikwirakwizwa ko uwo ari we wese mu bamfashaga yari afite uburenganzira bwo kugira icyo yongeraho cyangwa agahindura ubusobanuro bw'ubutumwa nandikaga. Izo nkuru ntabwo ari ukuri. - Letter 225, 1906, byasohowe mu icapiro mu gice kivuga Kwandika no Kohereza Ibihamya by Itorero, mu gitabo Ubutumwa Bwatoranyijwe, Igitabo cya 1, p. 57. [3UB77]

**Ellen White Yiyumvamo ko Adashoboye mu Mwaka wa 1873.** - Muri iki gitondo nasuzumye inyandiko zanjye ntakebakeba. Umugabo wanjye afite intege nke cyane ku buryo atabasha kumfasha kuzitegura ngo zijye mu icapiro, bityo rero nta kindí nazikoraho muri iki gihe. Ntabwo ndi intiti yajambuye mu mashuri. Sinshobora kwitegurira inyandiko zanjye ngo zijye mu icapiro. Sinzongera kwandika kugeza igihe nzaba nshoboye kuzitegurira. Si inshingano yanjye kunaniza abandi kubw'inyandiko z'intoki nandika. - Manuscript 3, 1873. (Diary Jan. 10,1873.) [3UB78]

**Ellen White Yiyemeje Guteza Imbere Ubushobozi bwe bwo Kwandika.** - Mu ijoro ryakeye twaruhutse neza. Igitondo cy'iyi Sabato kiramutse ari ikibunda. Ibitekerezo byanjye byiyunguye ibyemezo bidasanzwe. Ndi gutekereza ko ngomba kureka inyandiko yanjye nagiye nishimira cyane, maze nkareba ko ntashobora guhinduka intiti yajambuye. Sindi impuguke mu kibonezamvugo. Nyamara, Uwiteka namfasha, ku myaka yanjye mirongo ine n'itanu nzagerageza kuba intiti yajambuye mu buhanga bw'ikibonezamvugo. Imana izamfasha. Nizeye ko izabikora. - Manuscript 3, 1873. (Diary Jan.11,1873). [3UB78]

**Kwiyumvamo ko Adashoboye mu Mwaka wa 1894.** -Ubu noneho nkwiriye kureka iyi ngingo yanditswe mu buryo budatunganye rwose ku buryo ntinya ko muzasobanura nabi ibyo nyumva mpangayikishijwe no kuvuga mu buryo bweruye. Yooo, iyaba Imana yatyazaga imyumvire yanjye kuko jye nta wundi ndi we keretse umwanditsi woroheje, kandi sinshobora gukoresha ikaramu cyangwa ijwi ngo nsobanure amayobera y'Imana akomeye kandi yimbitse. Mwisengere kandi na jye munsabire. -Letter 67, 1894. [3UB78]

**Guhakana Ibyavugwaga ko Hari Impinduka Ziba mu Nyandiko.** -Nk'uko mwabibonye abandukura inyandiko zanjye ntibahindura imvugo yanjye. Ikomeza kuba nk'uko mba nayanditse... [3UB78]

Umurimo wanjye wagiye ahagaragara guhera mu 1845. Kuva icyo gihe nagiye nkoresha ikaramu n'ijwi. Uko najyaga mbwira abandi iby'umucyo nahawe, umucyo usumbyeho wanzagaho. Mfite umucyo mwinshi usumbyeho werekeye Ibyanditswe byo mu Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya nkwiriye kumenyesha abantu bacu. - Letter 61a, 1900. [3UB78]

**Gusoma bwa Nyuma Inyandiko Zose Zicapwe n'Izitaracapwa.** Ndacyafite umurava nk'uko byahoze. Nta gutentebuka na guke kungaragaraho. Nshoboye gukora cyane, nandika kandi nkavuga nk'uko nabikoraga mu myaka yashize. [3UB78]

Nsoma ibyandukurwa byose kugira ngo ndebe ko ikintu cyose kiri uko cyagombye kumera. Nsoma igitabo cyose mbere y'uko kijyanwa mu icapiro. Bityo rero, murabona ko igihe cyanjye cyose mba mpuze. Uretse kwandika, njya mpamagarirwa kujya kwigisha amatorero atandukanye no kwitabira [3UB78] amateraniro [cyangwa inama] y'ingirakamaro. Sinari gushobora gukora uyu murimo iyo Uwiteka atamfasha. - Letter 133, 1902. [3UB79]

*Umurimo wa Marian Davis*

**Umukobwa witwa Davis, Umufasha w'Indahemuka.** - Marian Davis yabanye nanjye mu myaka ijya kugera kuri makumyabiri n'itanu. Yari umukozi wanjye uyobora abandi mu murimo wo gutunganya ibyagombaga gusohoka mu bitabo byanjye. Iteka ryose yishimiraga izi nyandiko nk'umutungo wera uri mu biganza bye, kandi akenshi yambwiraga ihumure n'umugisha yaboneye mu gukora uyu murimo. Yambwiraga ko gukora uyu murimo ari byo magara mazima ye ndetse n'ubuzima kuri we. Iteka ryose inyandiko yabaga ashyizwe mu biganza yazifatanga nk'izera. Nzamukumbura cyane. Mbese ni nde uzajya mu mwanya we? – Manuscript 146, 1904. [3UB79]

**Marian ni we Untunganyiriza Ibitabo**. Umurimo wa Marian kandi unatandukanye n'iy'abandi. Ni we untunganyiriza ibitabo. Fanny Bolton12 ntiyigeze ambera umukozi untunganyiriza ibitabo. Ese ibitabo byanjye bikorwa bite? Marian ntashyiramo ibitekerezo bye ngo akunde amenyekane. [3UB79]

Marian akora umurimo we muri ubu buryo: Afata ingingo mba nanditse zisohoka mu binyamakuru bitandukanye maze akazishyira mu bitabo bitanditsemo. Ikindi kandi, afite za kopi z'amabaruwa yose nandika. Mu gutegura igice kiba kirajya mu gitabo, Marian yibuka ko hari ikintu nigeze kwandika kuri iyo ngingo idasanzwe gishobora gutuma ibyo nanditse birushaho kumvikanamo uburemere. Atangira gushaka ibyo nigeze kwandika, kandi iyo abibonye, areba niba kizatuma icyo gice kirushaho kumvikana neza, maze akabyongeraho. [3UB79]

Ntabwo Marian ari we wandika ibitabo, ahubwo ni ibyanjye akusanya bikuwe mu nyandiko zanjye zose. Marian afite byinshi akuramo ibikwiriye gushyirwa mu gitabo, kandi ubushobozi bwe bwo gutondeka inyandiko z'ibitabo ni ubw'agaciro gakomeye kuri njye. Ibyo bindinda gusoma nsubiramo ibintu byinshi kuko nta mwanya mba mfite wo kubikora. [3UB79]

Bityo rero, murumvako Marian ari umufasha w'ingenzi cyane kuri njye mu gutunganya ibitabo byanjye. Fanny Bolton ntacyo yashoboraga gukora kuri uyu murimo. Marian yagiye amusomera ibice by'ibitabo nuko rimwe na rimwe Fanny akamuha íbitekerezo by'uko byashyirwa kuri gahunda. [3UB79]

Iri ni ryo tandukaniro riri hagati y'abo bakozi. Nk'uko nabivuze, Fanny yabujijwe bidasubirwaho kuba yahindura amagambo yanjye akayasimbuza aye. Nk'uko ayo magambo aba yavuzwe n'intumwa zo mu ijuru, ayo magambo ni ayo kwitonderwa nubwo yaba avuganywe ukwiyoroshya. Kandi ngerageza kwandika ibyo bitekerezo mu mvugo yoroheje ku buryo [3UB79]

---

*12 Fanny Bolton yari umwanditsi w'ikinyamakuru. Ubwo yari amaze guhinduka Umudiventisiti w'umunsi wa Karindwi yinjijwe mu murimó wo kunoza inyandiko za Ellen White maze nyuma y'aho gato aramuherekeza bajyana muri Australia.*

---

n'umwana muto ashobora gusobanukirwa ijambo ryose rivuzwe. Amagambo y'undi muntu ntiyatanga ubutumwa bwanjye nk'uko bikwiriye. [3UB80]

Ibyo nabyanditse ntyo uko byakabaye kugira ngo mubisobanukirwe. Fanny ashobora kuvuga ko yakoze ibitabo byanjye, ariko nta byo yakoze. Uyu wari umurimo wa Marian kandi ibyo yakoze birenze cyane umurimo uwo ariwo wose Fanny yankoreye. - Letter 61a, 1900. [3UB80]

**Kwigengesera kwa Marian Ubwo Hategurwaga Igitabo cy'Abakurambere n'Abahanuzi mu 1889.** Willie [W. C. White]13 ahora mu nama mu gitondo cya kare na nimugoroba, ategura kandi ashyiraho ingamba z'uburyo umurimo warushaho gukorwa neza kandi ukagera ku ntego mu murimo w'Imana. Tumubona ku meza gusa. [3UB80]

Marian amushakira utubazo duto bigaragara ko ashobora gukemura ubwe. Marian abura kwihangana nuko akihutira kumushaka, kandi Willie uba unaniwe atyo aba agomba kwikomeza maze akiyumanganya uko ashoboye kose. Naganiriye na Marian maze mubwira ko we ubwe akwiriye kujya akemura ibibazo byinshi yagiye ashyira Willie. [3UB80]

Ibitekerezo bya Marian biba ku ngingo yose ndetse n'aho ihuriye n'izindi, naho ibitekerezo bya Willie byagiye bihura n'ingingo zikomeye zitandukanye kugeza ubwo ubwonko bwe bunanirwa ntibukore neza bityo intekerezo ze ntizibe ziteguye rwose kwita kuri utwo tuntu duto. Marian agomba kwikorera umutwaro w'ibyo bibazo nk'umugabane w'umurimo we, kandi ntabishyire Willie cyangwa ngo atume bimuhangayikisha. Rimwe na rimwe, njya ntekereza ko Marian azatwica twembi mu buryo budakwiriye bitewe n'utuntu duto nawe aba ashobora gukemura aho kutuzana imbere yacu. Marian aba ashaka ko tureba impinduka yose nto yakorwa ku ijambo. - Letter 64a, 1889. [3UB80]

**Imirimo ya Marian y'Ubudahemuka Yahawe Agaciro Gakomeye.** -Ndashimira cyane ubufasha bw'umuvandimwe wacu Marian Davis mu gutegura ibitabo byanjye. Akusanya inyandiko azikuye muri ajenda zanjye, mu nzandiko nanditse ndetse no mu ngingo zirambuye nanditse zasohowe mu binyamakuru. Ndashimira byimazeyo umurimo we w'ubudahemuka. Twabanye mu myaka makumyabiri n'itanu, kandi yahoraga agwiza ubushobozi bwo gukora umurimo wo gutondeka no kwegeranya inyandiko zanjye. -Letter 9, 1903. [3UB80]

**Twarakoranye, Nongere ngo Twarakoranye.** Marian, umufasha wanjye wari indahemuka n'umunyakuri mu murimo we nk'uko urushinge rwa dira ruhora rwerekana amajyaruguru, agiye gupfa... [3UB80]

---

*13 William C. White, umuhungu wa Ellen White yari umuyobozi w'Inteko Nkuru Rusange muri icyo gihe.*

*14 Aya magambo yanditswe ku wa 24, Nzeri, 1904. Marian Davis yapfuye ku wa 25, Ukwakira, 1904 kandi ashyingurwa í St. Helena muri California. Abakusanyije Inyandiko*

---

Ejo nzajya i Battle Creek. Nyamara umutima wanjye urazirikana cyane umukobwa ugiye gupfa wankoreye mu myaka makumyabiri n'itanu ishize. Twarahoranaga mu murimo, kandi muri wo ntitwabusanyaga rwose. Ndetse ubwo yabaga ari kwegeranya inyandiko nto n'imitwe y'inyandiko zirambuye by'agaciro kenshi byabaga byasohotse mu binyamakuru no mu bitabo maze akabinyereka, yarambwiraga ati: "Ubu rero, aha hari ikintu kihabura [gikenewej. Ntabwo nabasha kucyongeraho." Narabyitegerezaga neza maze mu kanya gato nkabasha koko kubona akarongo kaburaho. [3UB81]

Twarakoranye, nongere ngo twakoranye neza ibihe byose nta kubusanya rwose. Dore agiye gupfa. Kandi biturutse ku kwitangira umurimo. Yafataga uburemere bw'umurimo nk'ukuri kandi jye na we twawinjiranyemo umuhati kugira ngo haboneke igika cyose kijya mu mwanya wacyo ukwiriye, kandi cyerekane umumaro wacyo. -Manuscript 95, 1904. [3UB81]

# IGICE CYA 13

## IBIHAMYA BY'ITORERO

**Iyerekwa ryo mu 1855 Ryacapwe mu Bihamya Umuzingo wa Mbere.**15 -Kuwa 20, Ugushyingo, 1855, ubwo narimo nsenga, Mwuka w'Uwiteka yanjeho mu buryo butunguranye kandi mu mbaraga nyinshi, maze njyanwa mu iyerekwa. Nabonye ko Mwuka w'Imana yagendaga akurwa mu itorero. -Testimonies, Vol.1, p.113. [3UB82]

**Ibihamya Byoherejwe n'Umwanditsi Atagize Icyo Ahindura.** -Noherereje abavandimwe dusangiye kwizera bo muri Leta zitandukanye kopi zigera ku ijana na mirongo itanu z'Ibihamya by 'Itorero. Bishobora kuboneka munyandikiye aho ndi i Battle Creek muri Michigan. Nzashimishwa no kumva amakuru y'abantu babyakiriye. Abashaka gutera umwete umurimo wo gukwirakwiza bene ibi bihamya bashobora kubikora batanga ubufasha bwabo mu kubicapa. -Review and Herald, Dec. 18, 1855. [3UB82]

**Urwunge rw'Udutabo Cumi tw'Ibihamya bya Mbere Rusohorwa mu 1864.** Mu myaka icyenda ishize, kuva mu 1855 kugeza mu 1864, nanditse udutabo duto icumi twari dufite umutwe uvuga ngo: Ibihamya by Itorero. Utwo dutabo twaracapwe kandi dukwirakwizwa mu bizera b'Ábadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi. Ubwo icapisha rya mbere ry'utwo dutabo hafi ya twose ryari rishize, kandi hakaba hari umubare munini w'abasaba ibindi bitabo, byatekerejwe ko bikwiriye kongera kuducapa nk'uko bigaragara mu mpapuro zikurikira, hagakurwamo ingingo zirebana n'aho byandikiwe gusa kandi zivuga iby'umuntu ku giti cye, maze hagatangwa imigabane ifatika yakenerwa kandi ikagirira umumaro abantu muri rusange. Ibyinshi mu byanditswe mu Bihamya nimero ya 4 bishobora kuboneka mu muzingo[3UB82]

---

*15 Gucapa iyerekwa ryo ku wa 20, Ukuboza, 1855 n'iryo ku wa 27, Gicurasi, 1856 mu nyandiko ya paji cumi nesheshatu maze ayo mapaji akitwa "Ibihamya by Itorero" byakozwe hagendewe ku buhamya by'abari bahibereye ubwo aya mayerekwa yaberaga mu rusengero rwa Battle Creek nk'uko bigaragazwa kuri buri nyandiko: "Twebwe ababishyizeho umukono, nkabahamya babyiboneye n'amaso yacu ubwo iri yerekwa ryabaga, tubonye ko bikwiriye cyane ko ubu butumwa bwacapwa ku bw'inyungu zabagize itorero kubera ukuri kw'ingenzi n'imiburo birigize. Byashyizweho umukono na Joseph Bates, J. H. Waggoner, G. W. Amadon, M. E. Cornell, J. Hart, Uriah Smith." Testimonies for the Church (No. 1,1855], p.8. "Ku bera bari hirya no hino ku isi, iri yerekwa mubonye ryatanzwe hari abantu bagera mu ijana. Bene data na bashiki bacu bari bari mu nzu yo gusengeramo ku buryo iri yerekwa ryahaye intekerezo zabo ubuhamya bukomeye. Kuva icyo gihe iri yerekwa ryagiye risomwa mu rusengero rwa Battle Creek bityo abarigize bakaba barahamije bidasubir waho ko ricapwa ku bw'inyungu y'abera bo hirya no hino ku isi. Byashyizweho umukono na Cyrenius Smith na J. P. Kellogg." Testimonies for the Church [No. 2, 1856 ed.]*

---

wa kabiri w'igitabo kivuga iby'Impano za Mwuka (Spiritual Gifts), ni yo mpamvu bitari muri iki gitabo. -Spiritual Gifts, Vol. 4a, p. 2.[16] [3UB83]

**Ibihamya Byerekeye Abantu ku Giti Cyabo Byaracapwe.** - Kubera ko umuburo n'impuguro bitangwa mu bihamya bireba abantu mu buryo bw'umwihariko bifite uburemere bumwe no ku bandi bantu benshi batigeze bavugwa by'umwihariko muri ubu buryo, kubw'inyungu z'itorero nabaye nk'ugira inshingano yo gucapa ibihamya by'abantu ku giti cyabo... [3UB83]

Nta bundi buryo bwiza nzi bwakoreshwa mu kugaragaza ibitekerezo byanjye byerekeye akaga namakosa by'abantu muri rusange, ndetse n'inshingano y'abantu bose bakunda Imana kandi bagakomeza amategeko yayo keretse gutanga ibi bihamya. Birashoboka ko nta bundi buryo bwahuranyije kandi bufite imbaraga bwakoreshwa mu kuvuga ibyo Uwiteka yanyeretse. [3UB83]

Mu iyerekwa nagize ku wa 12, Kamena 1868, neretswe ibyashyigikiye mu buryo bwuzuye imikorere yanjye yo gucapa ibihamya byahawe abantu ku giti cyabo: "Iyo Uwiteka agaragaje ibikorwa by'abantu runaka, kandi akerekana ibibi byabo, abandi batagaragajwe mu iyerekwa bakunze kubisuzugura bakibwira ko bo bari mu kuri, cyangwa se bakenda kubifata batyo. Igihe umuntu runaka acyashwe kubera ikibi cyihariye yakoze, abavandimwe be baba bakwiriye kwisuzumana ubwitonzi ngo barebe aho batsinzwe, n'aho nabo bakoze icyaha nk'icye." - Testimonies, Vol. 5, pp. 658, 659. [3UB83]

**Kunoza Ibihamya Byacapwe mu 1884.** -Muvandimwe Smith: uyu munsi nakwandikiye urwandiko ariko amakuru yangezeho avuye i Battle Creek ko umurimo uri gukorwa ku Bihamya utemewe.[17] [3UB83]

---

*16 Kubera ubusabe bw'abantu benshi, inyandiko za mbere icumi z'Ibihamya zongeye gucapwa mu 1874 mu gitabo cyuzuye ndetse hanacapwa icyigisho cya 11 kugeza ku cya 20. Abakusanyije Inyandiko. 17 Aha haravugwa ku murimo wakorwaga kugira ngo hashyirwe mu bikorwa imyanzuro y'Inama y'Inteko Nkuru Rusange yo ku wa 16, Ugushyingo, 1883 ku ngingo zikurikira:*

*32. Ubwo rero; Imwe mu mizingo y'ibitabo by Ibihamya by Itorero yacapwe iri hanze ku buryo nta bitabo biri mu biro, Kubera ko hakenewe byihutirwa irindi capwa ry'iyi mizingo, twemeje ko hongera gucapwa iyi mizingo hagacapwa imizingo ine nuko buri muzingo ukaba ugizwe na paji magana arindwi cyangwa magana inani.*

*33. Hemejwe ko: Byinshi muri ibi bihamya byanditswe mu bihe bigoye aho umwanditsi yari ahangayikishijwe cyane n'umurimo wo gusesengura imyandikire y'ururimi yemewe nuko bicapwa muri iyo hutihuti bituma hagira amakosa y'imyandikire amwe n'amwe adakosorwa. Kandi kuko twese twizera ko umucyo Imana yahaye abagaragu bayo ari uwo kumurikira ibitekerezo byabo nuko bakamamaza ibyo bitekerezo ko atari amagambo ubwayo (keretse igihe bibaye ngombwa) akoreshwa mu gusobanura ibyo bitekerezo, twemeje ko: iyi mizingo yongera gucapwa, ayo makosa y'imyandikire agakosorwa ngo ibitaragenze neza nk'uko byavuzwe hejuru bikosorwe uko bishoboka kose ariko hatagize uhindura igitekerezo.*

*34. Twemeje ko abari muri iyi nama batoranya abantu batanu nk'itsinda rishinzwe kongera gucapa iyi mizingo hashingiwe ku mabwiriza n'imyanzuro twavuze hejuru. Review and Herald, Nov, 27, 1883. Itsinda ry'abantu ryari rishinzwe kongera gucapa imizingo y'ibihamya nk'uko byavuzwe mu ngingo ya 34 ryatangajwe mu buryo bukurikira. Abagize inama bahaye umuyobozi w'Inteko Nkuru Rusange ububasha bwo guhitamo abantu bane bari kumufasha gukora uyu murimo. Abo ni W. C. White, Uriah Smith, J. H. Waggoner, S. N. Haskell, George 1. Butler. Review and Herald, Nov, 27, 1883. Ibid. Umurimo washyikirijwe Ellen White nuko arawemeza. Urwandiko Ellen White yandikiye umukuru Smith ruhamya ko yari yiteguye cyane kwemera imikosorere yakozwe kuruta iyo muri Battle Creek. Umusaruro wabaye Ibihamya dufite ubu, umuzingo wa mbere kugeza ku wa kane nk'uko byacapwe mu mwaka wa 1885. Abakusanyije Inyandiko.*

---

Nshaka kugira ibibazo bimwe mvuga ngo ubikoreho ibyo ubona bikunogeye. Ya magambo wumvise mvuga mbere ko mu myaka yashize neretswe ko tudakwiriye gutinza icapwa ry'umucyo w'ingenzi nahawe bitewe n'uko ntashoboraga gutegura neza izi nyandiko. Rimwe na rimwe umugabo wanjye yabaga arwaye cyane, bityo ntashobore kumpa ubufasha nari mukeneyeho kandi nawe aba yarabumpaye iyo aza kuba afite amagara mazima. Ku bw'iyi mpamvu, natindije umurimo wo kugaragariza abantu ibyo naherewe mu iyerekwa. [3UB84]

Nyamara neretswe ko nkwiriye gukoresha uburyo bwiza cyane bushoboka ngashyira imbere y'abantu umucyo nakiriye; hanyuma igihe mbonye umucyo urushijeho gukomera, kandi ngakoresha impano Imana yampaye, nari kugira ubushobozi bwiyongereye bwo gukoresha nandika kandi mvuga. Nagombaga kunoza ikintu cyose uko nshoboye kugira ngo kibe gitunganye kugira ngo cyemerwe n'abahanga. [3UB84]

Uko bishoboka kose, inenge yose ikwiriye gukurwa mu nyandiko zacu zose. Kubera ko ukuri gukwiriye gutangazwa ndetse kukamamazwa hose, dukwiriye kwitonda uko dushoboye kose tukanoza ibitabo bicapwa. [3UB84]

Ku byerekeye igitabo cyitwa "Amateka y'Isabatos cya mwene data Andrews, nabonye ko yakereje cyane igitabo cye. Ibindi bitabo birimo ubuyobe byasakaraga hose maze bigafunga inzira ku buryo igihe abantu bazabonera ibibivuguruza bazagira urwikekwe. Nabonye ko kubw'ibyo twari guhomba byinshi. Nyuma y'uko icapisha rya mbere rya kiriya gitabo ryari rishize, yagombaga

guhita agira ibyo anoza; ariko yashatse kwivuna cyane ngo akigeze ku rwego rutunganye bihambaye. Uku gutinda ntikwari mu mugambi w'Imana. [3UB84]

## ELLEN WHITE YIFUZAGA KO URURIMI RUKORESHWA MU BURYO BUTUNGANYE

Ubungubu rero, mwene data Smith, nagiye ngenzurana ubwitonzi kandi njora umurimo wakozwe ku Bihamya, kandi mbona ibintu bike ntekereza ko bikwiriye gukosorwa mu nyandiko wagejejweho ndetse n'ibindi byagejejwe ku Nteko Nkuru Rusange mu Ugushyingo, 1883. Nyamara, uko ndushijeho kugenzurana iyi nyandiko ubushishozi, mbonamo ibintu bike cyane bishobora guteza impagarara. Aho imvugo yakoreshejwe itanoze cyane, nshaka ko hakosorwa kandi ikibonezamvugo kikubahirizwa nk'uko nizera ko ari ko bikwiriye gukorwa kuri buri ngingo aho bishoboka hatabayeho kwica ubusobanuro. Uyu murimo warakerewe kandi ibi ntibinshimishije... [3UB84]

Nakoresheje ibitekerezo byanjye nibaza ku kibazo cy'ibihamya byasubiwemo. Twarabigenzuye tubijorana ubushishozi. Ntabwo mbona ibintu uko bene data babibona. Ntekereza ko impinduka zakozwe zizanoza igitabo. Niba abanzi bacu bakigenza uko bashaka, mureke babikore... [3UB84]



Ntekereza ko ikintu cyose kizashyirwa ahagaragara kizajorwa, kikagorekwa, ndetse kigirweho impaka ariko dukwiriye gukomeza tujya mbere dufite intekerezo zumvikana, dukora ibyo dushoboye gukora maze ingaruka zabyo tukaziharira Imana. Ntitugomba gufata igihe kirekire tudindiza umurimo. [3UB85]

Bavandimwe, ni iki mwifuza ko gikorwa? Sinshaka ko uyu murimo ukomeza kudindira rwose. Nshaka ko hagira igikorwa ndetse gikorwe nonaha. -Letter 11,1884. (Byandikiwe i Healdburg muri California ku wa 19, Gashyantare, 1884.) [3UB85]

**Umurimo wa Ellen White wo Gutoranya Inyandiko zo Gushyira mu Bihamya.** Ngomba gutoranya ingingo z'ingenzi cyane zigomba kwandikwa mu Bihamya (umuzingo wa 6) hanyuma nkagenzura ko ikintu cyose cyateguriwe kubijyamo, ndetse nkibera umusesenguzi w'inyandiko zanjye; kubera ko ntifuza ko hari ibintu bimwe bicapwa nubwo ari ukuri rwose; kubera ntinya ko abantu bamwe bashobora kubyifashisha bagakomeretsa abandi. [3UB85]

Nyuma yo gutegura inyandiko ishyirwa mu Bihamya, ngomba gusoma ingingo yose. Ngomba kuzisomera ubwanjye kubera ko bisa n'aho ntihanganira rwose kwirangira kw'ijwi mu gusoma cyangwa kuririmba. [3UB85]

Ngerageza kugaragaza amahame rusange, kandi iyo mbonye interuro ntinya ko ishobora guha umuntu urwitwazo rwo kugira uwo akomeretsa, numva mfite umudendezo usesuye wo kuyizigama nubwo yaba iri mu kuri rwose. -Letter 32, 1901. [3UB85]

## INZANDIKO ZO GUFASHA ABANDI

Umugambi w'uko Inzandiko Zikoreshwa. -Kubwo gufashwa n'Imana ubu nshishikariye kwandika inzandiko zizaba ubufasha bw'ingirakamaro atari ku bo zandikiwe gusa, ahubwo no ku bandi benshi bazikeneye. -Letter 79, 1905. [3UB85]

# IGICE CYA 14

# INTAMBWE Z'IBANZE MU NO MU KWANDIKA NO GUSOHORA INKURU Y'INTAMBARA IKOMEYE

## IYEREKWA RY'INTAMBARA IKOMEYE RYO MU 1858

**Iyerekwa ryo ku wa 14, Werurwe, 1858.** Muri iri yerekwa ryabereye mu gashyamba kuwitwa Lovett, nongeye kwerekwa hafi y'ibintu byose mu byo nari narabonye mu myaka icumi yari ishize byerekeye intambara ikomeye, kandi neretswe ko ngomba kubyandika. Neretswe ko nkwiriye guhangana n'imbaraga z'umwijima, kubera ko Satani yajyaga gukoresha umwete mwinshi kugira ngo ambere imbogamizi, ariko abamarayika b'Imana ntibari kuzansiga muri iyo ntambara, kandi ngomba gushyira ibyiringiro byanjye mu Mana. - Spiritual Gifts, Vol. 2, p. 270. (Life Sketches, p. 162.) [3UB86]

**Igitero cya Satani**. -Ku wa kabiri w'Isabato twatangiye urugendo rwacu twerekeza mu rugo... Ubwo twari mu modoka twagendaga dutegura ingamba zacu zo kwandika no gusohora igitabo cyitwa Intambara Ikomeye tukigera mu rugo. Icyo gihe nari merewe neza nk'uko byari bisanzwe. Ubwo igare ry'umwotsi ryari rigeze ahitwa i Jackson, twagiye gusura mwene data Palmer. Twamaze umwanya muto mu nzu, nuko ubwo nari ndi kuganira na [3UB86]

---

*19 Ellen White n'umugabo we babaga i Battle Creek muri Michigan. Bari bafite amateraniro hamwe n'abizera mu gashyamba k'uwitwa Lovett muri Leta ya Ohio. Iri yerekwa ryakomojweho yarihawe ubwo yari yitabiriye umuhango wo gushyingura wari wayobowe n'umugabo we ku wa mbere w'Isabato nyuma ya saa sita tariki ya 14, Werurwe, 1858. Abakusanyije Inyandiko.*

---

mwene data Palmer ururimi ruragobwa nanirwa kuvuga ibyo nifuzaga kuvuga. Nuko rusa n'urubaye runini kandi rugwa ikinya. Ubukonje budasanzwe bwafashe umutima wanjye, bwahuranya mu mutwe maze buramanuka buca mu ruhande rwanjye rw'iburyo bw'impagarike y'umubiri wanjye. Namaze akanya nagagaye nta cyo numva; ariko nakanguwe n'ijwi ry'isengesho rivuye ku mutima. Nagerageje gukoresha amaboko n'amaguru byo mu ruhande rw'ibumoso ariko ntacyo byashoboraga gukora rwose. Namaze igihe gito numva nta cyizere cyo kubaho mfite. - Spiritual Gifts, Vol. 2, p. 271. [3UB87]

**Kwandika Inkuru y'Intambara Ikomeye.** Namaze ibyumweru byinshi ntashobora kumva ikintu gitsikamiye ukuboko kwanjye, ndetse n'amazi y'ubutita asutswe ku mutwe wanjye. Ubwo nageragezaga guhaguruka ngo ntambuke, akenshi naragwaguzaga, ndetse rimwe na rimwe nkagwa hasi. Muri ibyo bihe ni bwo natangiye kwandika Intambara Ikomeye. Bigitangira nashoboraga kwandika urupapuro rumwe ku munsi, nuko nkaruhuka iminsi itatu, ariko uko nakomezaga kujya mbere nandika, imbaraga zariyongereye. Kugwa ikinya k'umutwe wanjye ntacyo bwatwaye ubwenge bwanjye, kandi mbere y'uko nsoza icyo gitabo, [cy'Impano z'Umwuka, igitabo cya 1120, ingaruka z'icyo kibazo nari nagize zarashize burundu. -Spiritual Gifts, Vol. 2, p. 272. [3UB87]

**Neretswe Amayeri ya Satani yo Kuburizamo Igitabo. -** Ubwo nari mu nama i Battle Creek muri Kamena, 1858, nagize iyerekwa. Muri iryo yerekwa, nabonye ko mu gitero gitunguranye Satani yangabyeho ubwo nari Jackson, yari agambiriye kunyica kugira ngo aburizemo igitabo nari ngiye kwandika. Nyamara, abamarayika b'Imana boherejwe kuntabara ngo banyarure mu ngaruka z'igitero cya Satani. Mu bindi bintu nabonye, neretswe ko nzagira umugisha w'amagara mazima

biruse uko nari nsanzwe merewe Satani atarangabaho igitero cy'i Jackson. - Spiritual Gifts, Vol. 2, p. 272. [3UB87]

## IMPANO ZA MWUKA, UMUZINGO WA GATATU N'UWA KANE

**Kwandika Amateka y'Isezerano rya Kera (1863-1864).** - Nyuma y'uko tuvuye mu burasirazuba [ku wa 21, Ukuboza, 1863], natangiye kwandika Impano za Mwuka umuzingo wa gatatu nizeye ko nzabona igitabo gifite ingano nashoboraga gufatanya n'ibihamya byari gufasha mu kurema [Impano za Mwuka] umuzingo wa kane. Ubwo nandikaga, igitekerezo [3UB87]

---

*20 Ibwiriza ryerekeye icapwa ry'igitabo cy'Impano za Mwuka- Intambara Ikomeye hagati ya Kristo Abamarayika be na Satani n'Abadayimoni be ndetse n'urutonde rw'ibice byacyo byatanzwe na James White mu kinyamakuru cy'Urwibutso n'Integuza (Review and Herald, September 9, 1858) ku mpapuro ebyiri zisoza.*

*"Impano za Mwaka*

*Iki ni igitabo cya paji 224 cyanditswe na Ellen White gifite ijambo ry'ibanze ku byerekeye guhoraho kw'impano za Mwuka ryanditswe na Mwene data R. F. Cornell.*

*"Igitabo cy'Impano za Mwuka cyangwa Intambara Ikomeye cyamaze koherezwa ku bantu bose bagitumije. Nihagira utakibonera ku gihe abitumenyeshe."*

*Igitabo cyateguranwe umurava kandi gikorwamo ingeri ebyiri cyangwa zirenzeho.*

---

cyaje imbere yanjye ubwo nabonaga ko bidashoboka gushyira ibyo nashakaga kwandika byose [ku mateka y'Isezerano rya Kera] mu mpapuro nke nk'uko nari narabiteganyije mbere. Narabisobanukiwe maze umuzingo wa gatatu urangira ufite paji 304. [3UB88]

Hanyuma, natangiye kwandika umuzingo wa kane, ariko mbere y'uko ndangiza umurimo wanjye, ubwo nari ndi gutegura ingingo ivuga ku buzima ngo nyohereze abacapyi, naje guhamagarirwa kujya i Monterey. Twagiyeyo bityo sinabasha kurangirizayo uwo murimo nk'uko twari tubyiteze. Byabaye ngombwa ko ngaruka kurangiza ya ngingo yo kohererereza abacapyi... [3UB88]

Nanditse mu gihe kirenga umwaka ntatezuka. Muri rusange natangiraga kwandika saa moya z'igitondo ngakomeza kugeza saa moya z'ijoro, hanyuma nkareka kwandika ngo nsome nkosora impapuro zigiye gucapwa.21 - Manuscript 7, 1867. [3UB88]

**Iriburiro ry'Umwanditsi Ryagaragaje Inkomoko y'Iyerekwa. -** Mu kwandika umuzingo muto wa gatatu ngo nywushyikirize abantu, nahumurizwaga n'uko nemeraga ko Uwiteka yari yarangize igikoresho cye cyoroheje ngo ncane imirasire y'umucyo uhebuje ku byabaye mu gihe cyashize. Amateka yera yerekeye abantu bera babayeho mu gihe cya kera avugwa mu nshamake.... [3UB88]

Kuva naragaragarijwe mu iyerekwa ibihamya bikomeye byo kwizera bifitanye isano n'amateka y'abakurambere bera; ni nako kandi nabonye igihamya cy'ingenzi ko Imana itigeze ikerensa icyaha cy'ubuhakanyi. Narushijeho kwemera kurusha mbere hose ko kwirengagiza cyangwa kugusuzugura uku kuri ku bushake bikozwe n'abantu bamwe bakuzi neza ari inkingi zikomeye zo kutiringirwa. Niba ibyo nanditse kuri izi ngingo hari uwo bizafasha, mureke Imana ibihimbarizwe. [3UB88]

Ubwo natangiraga kwandika, nari niringiye ko byose bishyirwa muri uyu muzingo, ariko nsabwa guhagarika iby'amateka y'Abaheburayo, ngatangira inkuru za Sawuli, Dawidi, Salomo n'abandi, maze mu wundi muzingo nkandika ku ngingo y'ubuzima." -Spiritual Gifts, Vol. 3, pp. 5, 6 (E. G. W. Preface) [3UB88]

---

*21 Gucapa ibitabo muri iki gihe byakorwaga buhoro buhoro icyigisho ku cyigisho. Ubwo umurimo wo kwandikisha intoki wari ugikomeje, kwandikisha imashini byari byaratangiye nuko gucapa bigatangira. mbere y'uko kwandikisha intoki birangira. Bityo rero, kwandika no gusoma inyandiko zigiye gucapwa byakorwaga mu gihe kimwe. Abakusanyije Inyandiko.*

*22 Igitabo cy'impano za Mwuka, umuzingo wa 4 cyacapwe mu mwaka wa 1864. Kurushaho gusobanura ijambo ry'ibanze byagaragaye mu Umwuka w'Ubuhanuzi, umuzingo wa 1, 1870 no mu Abakurambere n'Abahanuzi (1890). Abakusanyije Inyandiko.*

---

# IGICE CYA 15

## INKURU Y'IBYABAYE KURI ELLEN WHITE UBWO YANDIKAGA IBY'IMIBEREHO YA KRISTO MU 1876"[23]

Ku wa 25, Werurwe, 1876. Jye na Mary Clough[24] tuzakora uko dushoboye kose ngo umurimo w'inyandiko zanjye ujye mbere. Ku bwanjye nta mucyo na mba mbona umurika kuri Michigan.25 Muri uyu mwaka ndiyumvamo ko umurimo wanjye ari ukwandika. Ngomba kwiheza, nkaguma ahangaha kandi sinkwiriye kwemerera ibyo nibwira cyangwa ibyo nemezwa n'abandi ko bihungabanya umwanzuro nafashe wo guhugira ku murimo wanjye kugeza urangiye. Imana izamfasha niba nyizeye. - Letter 63, 1876. (Urwandiko rwandikiwe James White ku wa 25, Werurwe, 1876.) [3UB89]

Ku wa 4. - Mata. Mu minsi ishize twagiye twakira abashyitsi hafi ya buri munsi, ariko ngerageza kwibanda ku murimo wanjye wo kwandika, kandi[3UB89]

---

*23 Byacapwe mu gitabo cy'Umwuka w'Ubuhanuzi (The Spirit of Prophesy, vol. 2), yandika ku mibereyo ya Kristo kuva ku ivuka rye kugeza ku kwinjirana intsinzi muri Yerusalemu. 14 Mary Clough ni umukobwa Ellen G. White yari abereye nyina wabo. Yari uw'umuvandimwe we witwaga Caroline. Yari umukristo w'indahemuka nubwo atari Umudivendisiti w'Umunsi wa Karindwi. Yabaye umufasha wa Ellen White mu gutegura inyandiko ze igihe kirekire. Mu gihe cy'ingendo za Ellen White n'umugabo we, yakoraga nk'ushinzwe kumenyekanisha ibikorwa byabo kandi akandika byigisho byasohokaga mu binyamakuru by'umwihariko ibyerekeye ibibwirizwa bya Ellen White wimbwirwaruhame zerekeye kwirinda (kwitungira amagara mazima). Abakusanyije inyandiko. 15 Ku wa 22, Werurwe, James White yavuye i Oakland aho bari barubatse urugo nuko yitabira inama Inteko Nkuru Rusange i Battle Creek muri Michigan. We n'umugore we batandukanye igihe kingana Kiminsi mirongo itandatu n'itandatu kugeza ubwo bongeye guhurira mu materaniro makuru yabereye Kansas ku wa 27, Gicurasi. Muri iyi minsi yandikiraga umugabo we hafi ya buri munsi ndetse rimwe na rimwe akandikira n'abandi. Abakusanyije inyandiko.*

---

buri munsi ngakora uko nshoboye. Buri munsi nshobora kwandika kimwe cya kabiri cy'umunsi... [3UB90]

Mary ari mu biro naho jyewe ndi mu cyumba cyo hejuru ndi kwandika... [3UB90]

Nagize umudendezo uhagije wo gusenga no gushyikirana n'Imana bihebuje mu masaha ya nijoro na mu gitondo cya kare nkangutse. Ndi kurushaho kugwiza imbaraga, ariko nkabona ko kwivunisha uko ari ko kose kungiraho ingaruka zikomeye ku buryo bitwara igihe ngo nongere gusubizwamo intege. Niringiye Imana. Mfite icyizere ko Imana izamfasha mu muhati nkoresha ngo mbashe kumenyekanisha ukuri n'umucyo yampaye ngo mbigeze ku bwoko bwayo. - Letter 3, 1876. [3UB90]

Ku wa 7, Mata. -Ingingo z'ibyigisho by'agahebuzo zaje mu ntekerezo zanjye. Nizera Imana kandi imfasha kubyandika. Maze gusiga Mary ho impapuro makumyabiri n'enye. Akora neza umurimo wo kwandukura ibyo nandika. Bizaba bisaba ko hari inshingano yumvikana neza isaba ko mpamagarirwa kuva muri uyu murimo nkajya mu materaniro makuru. Nshaka kuvuga ko nshaka gukora uko nshoboye ngo ndangize ibyo ndi kwandika ku gitabo kimwe mbere y'uko njya ahandi hantu. [3UB90]

... Abo mu Burasirazuba ntibazambona mu gihe cy'umwaka wose keretse ninumva Imana impamagariye kujyayo. Imana yampaye umurimo wanjye kandi nzawukora niba nshobora guhabwa umudendezo. -Letter 4, 1876. [3UB90]

Ku wa 8, Mata. -Mfite umudendezo wo kwandika kandi ninginga Imana buri munsi ngo ingire inama kandi ngo nuzuzwe Mwuka wayo. Iyo ibyo birangiye, nizera ko nzabona ubufasha, imbaraga n'ubuntu bimbashisha gukora iby'ubushake bw'Imana... [3UB90]

Sinigeze mbona amahirwe yo kwandika nkaya mu mibereho yanjye ni yo mpamvu ngiye kuyakoresha neza uko nshoboye... [3UB90]

Mbese bizagenda bite abakuru [J. H.] Waggoner na [J. N.] Loughborough nibasomerwa inyandiko yanjye nandikisha inkoti? Niba hari ijambo ryerekeye ingingo z'amahameshingiro ritumvikana nk'uko bikwiriye, Waggoner azarigaragaza (Waggoner). - Letter 4a, 1876. [3UB90]

Ku wa 8, Mata. -Umugabo wanjye yanyandikiye ko nshobora kubona ubutumire bwo kwitabira inama y'Inteko Nkuru Rusange, ariko sinshobora guhaguruka ngo mve mu byo nizera ko ariyo nshingano yanjye muri ibi bihe. Muri iki gihe mfite umurimo udasanzwe wo kwandika ibyo Uwiteka yanyeretse... [3UB90]

---

*26 Ubwo umukuru J. H. Waggoner yahindukaga Umudiventisiti w'Umunsi wa Karindwi yari umwanditsi ukosora ikinyamakuru kandí agakora mu icapiro. -Abakusanyije Inyandiko.*

---

Mfite umurimo nkwiriye gukora wambereye umutwaro uremereye umutima wanjye. Uburyo uyu murimo ukomeye nta wundi ubizi uretse Imana yonyine. [3UB91]

Byongeye kandi, mu gihe mpugiye muri uyu murimo, nkeneye umwanya wo guturisha intekerezo zanjye zigatekana. Sinshaka ibintera guhagarika umutima cyangwa ngo negerane n'abantu bacu bazarangaza intekerezo zanjye. Uyu ni umurimo ukomeye, kandi mpora ntakira Imana buri munsi ngo impe Mwuka wayo amfashe gukora uyu murimo neza. -Letter 40, 1876. (Urwandiko yandikiwe uwitwa Lucinda Hall, kuwa 8, Mata, 1876). [3UB91]

Ku wa 14, Mata.- Bingaragarira ko inyandiko zanjye ari ingirakamaro, ariko jye ndi umunyantegenke rwose, kandi sinshoboye gukorana uyu murimo gukiranuka. Nagiye ninginga Imana ngo inyuzuze Mwuka wayo Wera, ngo nomatanywe n'ijuru bityo uyu murimo ukorwe neza. Sinshobora gukora uyu murimo ntafite umugisha udasanzwe w'Imana. -Letter 7, 1876, *P. 2.* [3UB91]

Ku wa 16, Mata. - Uyu munsi nanditse impapuro nyinshi. Mary na we ari gukora cyane ankurikiye. Ashimishwa cyane n'ingingo zimwe. Iyo amaze kwandukura ibyo mba nandikishe intoki arabinzanira, akabinsomera. Uyu munsi yanyeretse ikirundo cy'impapuro zandikishijwe intoki yari yateguye.27[3UB91]

Ndumva mfite umudendezo n'amahoro cyane. Ndumva urukundo ruhebuje rwa Kristo rusabye mu mutima wanjye. Iyo mbibonye binshisha bugufi maze Yesu agashyirwa hejuru imbere yanjye. Yooo, mbega uburyo nkumbuye wa mushyikirano no kubana na Yesu bituzamura tukajya hejuru y'ibintu byo mu mibereho yacu bishira. Mba mfite ubwuzu bwo kumva nkiranukiye Imana no kugira Mwuka wayo uhora ampamiriza ko ndi umwana w'Imana rwose. -Letter 8, 1876. [3UB91]

Ku wa 18, Mata. -Twagiye mu mujyi wa San Francisco mu ijoro ryo ku wa mbere w'Isabato. Nigishije iteraniro rinini ry'abantu bo hanze babikunze. Nigishije icyigisho cy'imigati n'amafi Yesu yagaburiye abantu bagera ku bihumbi icumi kuby'imbaraga ze zikora ibitangaza, ... bakomezaga

guteranya ibyo byokurya nyuma y'uko Umukiza ahaye umugisha ibyo byokurya byari bike. Nigishije kandi ku nkuru ya Kristo agendesha amaguru hejuru y'inyanja, n'Abayuda bamusaba ikimenyetso ko ari Umwana w'Imana. Umuturanyi wari uturiye urusengero hafi y'ubusitani rusange nawe yari ahari. Nizeye ko izina rye ari Cragg. Abantu bose bari bateze amatwi bahugutse bampanze amaso kandi bamwe banabihamisha amajwi yabo... [3UB91]

---

*27 Kugeza iki gihe inyandiko zose zari ku mpapuro zandikishije intoki. Abandika n'imashini ntibigeze bakora umurimo wa Ellen White kugeza mu mwaka wa 1883 ubwo hari hashize imyaka ibiri umugabo we apfuye. Abakusanyije inyandiko.*

---

Nashimishwa no guhurira mu materaniro makuru n'abavandimwe dusangiye kwizera. Bene uwo murimo ni wo nishimira kuruta kuba jyenyine nandika. Nyamara, ibi byasenya umurimo wanjye kandi bigatuma imigambi yanjye yo gusohora ibitabo byanjye itagerwaho kubera ko ntabasha kubikora byombi (gukora ingendo no kwandika). Iki gihe gisa n'aho ari yo mahirwe yanjye y'igiciro cyinshi. Mary ari kumwe na jye kandi ni we mwanditsi wandikisha imashini uhebuje nigeze ngira. Andi mahirwe nk'aya ashobora kutaba ayanjye. -Letter 9, 1879. [3UB92]

Ku wa 21, Mata. - Narangije icyigisho kirekire kivuga ku bitangaza byinshi; kandi kingana n'impapuro mirongo itanu. Tumaze gutegura impapuro ijana na mirongo itanu kuva aho ugendeye. Twumva tunyuzwe cyane n'ibyo twateguye. -Letter 12, 1876. [3UB92]

Ku wa 24, Mata. - Mary yansomeye ibyigisho bibiri. Icyigisho kimwe ni icyerekeye imigati n'amafi, Kristo agendera hejuru y'amazi kandi akabwira abamuteze amatwi ko ari Umutsima w'ubugingo, ari nabyo byateye bamwe mu bigishwa be kumuvaho. Iki kigizwe na paji mirongo itanu kandi kirimo ingingo nyinshi. Ntekereza ko ari cyo cyigisho cy'agahozo kurusha ibindi nanditse. Mary ashimishijwe cyane no kucyandika. Atekereza ko ari icy'agaciro gakomeye cyane. Iki cyigisho kiranyuze rwose. [3UB92]

Ikindi cyigisho cyerekeye Kristo ajya mu murima w'ingano, agesa amahundo ndetse anakiza umuntu unyunyutse ukuboko. Gifite paji cumi nebyiri. Mfashijwe na Mary maze nkabasha gusohora ibi byigisho biteye ubwuzu bitya, navuga nti: "Mwami, noneho urasezerere umuja wawe amahoro." Izi nyandiko ni zo nshyizeho umutima muri uyu mwanya... [3UB92]

Umutima n'intekerezo byanjye biri muri uyu murimo, kandi Uwiteka azanshyigikira mu kuwusohoza. Nizeye ko Uwiteka azampa amagara mazima. Narabimusabye kandi azasubiza isengesho ryanjye. [3UB92]

Nkunda Uwiteka. Nkunda umurimo we. Nkunda ubwoko bwe. Numva mfite amahoro ahebuje ndetse ntuje mu mutima. Bisa n'aho nta kintu cyatera urujijo intekerezo zanjye kandi kikazirangaza, kandi nubwo ntekereza cyane ntyo, sinshobora kubuzwa amahoro n'ikintu icyo ari cyo cyose hatabayeho kunanizwa cyane. - Letter 13, 1876. [3UB92]

Ku wa 25, Mata. - Sinshobora guharira umurimo wanjye wo kwandika kimwe cya kabiri cy'amasaha y'umunsi, nubwo rimwe na rimwe umutwe wanjye undya maze bikaba ngombwa ko nduhuka, nkaryama, nkaba mpagaritse gutekereza cyane, hanyuma nkongera gufata umwanya wo kwandika igihe mba nshobora kubikora nta mbogamizi mfite. Sinshobora guhutiraho. Uyu murimo ugomba gukorwa witondewe, buhoro buhoro kandi ugakorwa neza uko bikwiriye. Ingingo z'ibyigisho twateguye zakiriwe neza. Ziranshimisha. -Letter 14, 1876. [3UB92]

Ku wa 27, Mata. -Uyu munsi nanditse paje cumi n'eshanu. Mary Clough arakora cyane ankurikiye. Uyu munsi yandukuye paje cumi n'eshanu, kandi ni umurimo mwiza kandi mugari yakoze mu munsi umwe... ntabwo nigeze ngira amahirwe nk'aya mu buzima bwanjye. Nzayakoresha neza kurushaho. Kuva wagenda tumaze kwandika paji zigera kuri magana abiri, kandi zose zarandukuwe ndetse ziteguye gucapwa... [3UB93]

Numva nta cyo ndi cyo ariko Yesu ni byose kuri jye. Ni We gukiranuka kwanjye, ubwenge bwanjye n'imbaraga zanjye. - Letter 16a, 1876. [3UB93]

Ku wa 5, Gicurasi. - Nanditse birenze uko bisanzwe, kandi ibyo byari bimpagije rwose. Sinshobora kandi sinkwiriye kwandika igihe kirenze kimwe cya kabiri cy'umunsi, ariko nkomeje kurenga imbibi nkirengera ingaruka zabyo. Amanywa n'ijoro intekerezo zanjye ziba ziri ku ngingo z'ibyigisho nandika. Mfite ibyiringiro bikomeye mu isengesho. Uwiteka aranyumva kandi nizeye agakiza ke. Niringiye imbaraga ze. Mu mbaraga ze nzabasha gusoza inyandiko zanjye. Nishingikirije cyane ku kuboko kwe mfite ibyiringiro bidacogora... [3UB93]

Mfite ibyigisho by'ingirakamaro bivuga ku gitabo cy'umuhanuzi Yeremiya bizasohoka mu kinyamakuru gitaha cy' Ibimenyetso by 'Ibihe. Mwuka w'Imana ni we wakanguriye intekerezo zanjye kubikora. Nongeye kwibutswa iyerekwa nagize mu myaka cumi n'itandatu ishize. Nabonye ko hari ingingo y'ingirakamaro igomba kugaragara iri gukoreshwa ku bwoko bw'Imana. Ibi byerekezaga ku bihamya Imana yari yarampaye ngo ntange mu rwego rwo gucyaha ikibi. -Letter 21, 1876. [3UB93]

*Ku wa 11, Gicurasi*. Nimbona inyandiko zanjye z'[Umwuka w'Ubuhanuzi, umuzingo wa 2] zimaze kwandikwa ku mpapuro, umugabane w'umurimo wanjye uzaba urangiye noneho nzumva nduhutse. *-Letter 24, 1876.* [3UB93]

*Ku wa 19, Ukwakira.* - Twafashe icyemezo cy'uko abakora umurimo wo gucapa [bo ku biro by'Urwibutso n'Integuza byari i Battle Creek] bakomereza ku gitabo cyanjye aho kujyana ibi bitabo mu bibaya nanone. Umugabane umwe w'iki gitabo uri hano wamaze gucapwa. Ntitwifuza ko ibi bitabo byandikwa ku bikoresho byatuma hari ikidahindurwamo,28 kubera ko tudashaka gutegereza ko binozwa cyane ahubwo dushaka ko hacapwa ingeri ya mbere kandi igatangira kuboneka ku isoko. Ubwo ni bwo dushobora gufata umwanya tugakorera ingeri irushijeho kunoga kuri Pacific Coast bityo tukandika mu buryo budatuma hari ibyakosorwa. Ubwo ni bwo ubuzima bwa so n'uwanjye buzandikwa kandi bugacapwa mu biro by'icapiro rya Pacific. Ariko twashyize mu gaciro uko dushoboye kose maze dutekereza ko ibyiza ari uko twaguma ahangaha [ i Battle Creek] kugeza mu kwezi k'Ukuboza nuko tukarangiza iyi ngeri... [3UB93]

---

*28 Paji ntizari kwandikwa mu buryo butambitse ahubwo zanditswe mu buryo buhagaze ku buryo byari gufasha abantu kugira impinduka bazikoraho aho byari kuba ngombwa.*

---

Ku wa 26, Ukwakira. -Tugeze aho umurimo utatworoheye kandi usaba kwihuta kugira ngo dusohore umuzingo wa kabiri w' Umwuka w'Ubuhanuzi. Hari inyandiko eshatu nshya zamaze gucapwa. Nituguma hano [i Battle Creek] mu byumweru bine, tuzarangiza gutunganya iki gitabo bityo umutwaro uremereye wo guhagarikwa umutima nacyo uve mu ntekerezo zanjye.29 - Letter 46, 1876. (Yandikiwe W. C. White n'umugore we, ku wa 26, Ukwakira, 1876). [3UB94]

---

*29 Igitabo Cyamamajwe. - Umuzingo wa kabiri w'Unwuka w'Ubuhanuzi, wanditswe na madame Ellen G. White, mu minsi mike uzaba urangiye. Iki gitabo ni inyandiko ikora ku mutima isesengura ibyo kuza kwa Kristo kuri iyi si, ubuzima bwe, inyigisho ze n'ibitangaza bye, kandi inshuti za madame Ellen G. White zizagifata nk'igitabo cy'agaciro katagerwa. Gishobora kugezwa ku bantu binyuze gusa mu kucyohereza mu iposita kugeza*

*ku bunane bw'uyu mwaka, kandi hejuru y'ibyo abazakigura bazajya bagabanyirizwaho kimwe cya kane (25%) cy'igiciro cyacyo gisanzwe. Review and Herald, Nov. 9,*

*1876.*

*Icyo Gitabo Cyashimwe na Uriah Smith, wakosoraga ikinyamakuru cy'Urwibutso n'Integuza. -Twiteguye kuvuga iby'iki gitabo ubu cyamaze gushyirwa ahagaragara, ko ari umuzingo uhebuje indi yigeze isohoka muri ibi biro. Ni umuzingo uvuga ku mugabane w'intambara ikomeye hagati ya Kristo na Satani iboneka mu buzima n'umurimo, mu nyigisho n'ibitangaza bya Kristo kuri iyi si. Abantu benshi bagiye bashishikarira kwandika iby'ubuzima bwa Kristo; ariko inyandiko zabo iyo uzigereranyije n'iki gitabo, zisa nk'aho ari imyambaro y'inyuma ku mubiri. Tubivuze neza, ubu dufite isura y'imbere y'umurimo utangaje w'Imana muri iki gihe. Kandi niba umusomyi afite umutima ushobora gukorwaho, akagira amarangamutima akorwaho ndetse n'imitekerereze ishobora kwakira ukugaragazwa neza kw'ibintu byabayeho bikora ku mutima, ndetse akagira umutima wo kunywa ku masomo y'ubutungane, kwizera n'urukundo barebeye ku rugero rw'ijuru Kristo yatanze, uwo muntu muri iki gitabo azasangamo amakuru azakoresha ubwo bushobozi bwose afite. Ariko igihebuje byose ni isura nziza idahanagurika iki gitabo gisiga mu ntekerezo z'abagisoma. Iki gitabo cyagombye gúkwirakwizwa hose hakoreshejwe inzira zose. Review and Herald, Nov. 30, 1876.*

---

## IGICE CYA 16

# KWANDIKA INKURU Y'INTAMBARA IKOMEYE MU BURYO BURAMBUYE

*Gutegura Inyandiko y'Intoki y'Umwuka w'Ubuhanuzi, Umuzingo wa 4,30 Integuza y'Intambara Ikomeye*

Kwiyumvamo Ubwuzu Bwinshi mu Gihe Nandika (Ku wa 19, Gashyantare, 1884). - Buri munsi nandika hagati ya paji cumi n'eshanu na makumyabiri. Ubungubu bigeze saa tanu zuzuye kandi maze kwandika paji cumi n'enye y'inyandiko y'ikaramu y'umuzingo wa kane ndetse na paji zirindwi z'inzandiko zigenewe abantu batandukanye. Nkomeje gushimira Imana ku bw'ineza yayo yuje imbabazi... [3UB95]

Uko nandika ku gitabo cyanjye numva mfite ubwuzu bwinshi. Nshaka ko kirangira vuba cyane hashoboka kubera ko abantu bacu bagikeneye cyane. Uwiteka nampa amagara mazima nk'uko yagiye abinkorera, nzakirangiza mu kwezi gutaha. Kuryama nijoro byarananiye kubera ko mba ntekereza ku bintu bikomeye byenda kubaho. Igihe kirekire cyo gusinzira njya mbona ni amasaha atatu cyangwa rimwe na rimwe akaba atanu. Intekerezo zanjye zibuze amahwemo cyane ku buryo ntashobora kuruhuka. Numva ko ngomba kwandika, nkandika, wongereho uti, nkandika kandi nta gukererwa. [3UB95]

---

*30 Kubera ko mu ntekerezo za Ellen White inyandiko zose zivuga ku ntambara imaze gihe kirekire zari umugabane w'inkuru y'intambara ikomeye, iki gice cyibanda ku mugabane w'inkuru y'ibyabaye nyuma y'uko Bibiliya yandikwa nk'uko biboneka mu Mwuka w'Ubuhanuzi, umuzingo wa 4 wasohotse mu mwaka wa 1884 no mu gitabo cy'Intambara Ikomeye cyasohotse mu mwaka wa 1888. Inyandiko irambuye y'imibereho ya Kristo yagombaga kujya mu Uwijuzwa Ibihe Byose ni yo iravugwa mu gice gikurikiraho. -Abakusanyije Inyandiko.*

---

Ibintu bikomeye biri imbere yacu, kandi dushaka guhamagara abantu ngo bave mu kayubi barimo bityo bitegure uriya munsi. Ibintu by'iteka ryose bihora biza mu iyerekwa ryanjye amanywa na nijoro. Ibintu by'isi by'igihe gito bihanagurika mu maso yanjye. Ubungubu ntidukwiriye kurekura icyizere cyacu, ahubwo tugire ibyiringiro birajegajega, ndetse birenze ibyo twigeze tugira. Kugeza ubu Uwiteka yaradufashije, kandi azakomeza kudufasha kugeza ku iherezo. Tuzajya tureba ku nkingi z'urwibutso, ari zo bimenyetso bitwibutsa ibyo Uwiteka yadukoreye kugira ngo biduhumurize kandi bidukize ukuboko k'umurimbuzi. -Letter Ǐla, 1884. [3UB96]

**Amateka Yahishuwe mu Mayerekwa mu Bihe Bitandukanye.** Amurikiwe na Mwuka Muziranenge, umwanditsi w'iki gitabo yahishuriwe urugamba rw'intambara iri hagati y'icyiza n'ikibi imaze igihe kandi igikomeje. Mu bihe binyuranye nagiye nemererwa kwitegereza imigendekere yiyo ntambara ikomeye ishyamiranyije Kristo, Umwami w'ubugingo kandi akaba Inkomoko y'agakiza kacu na Satani, umugenga w'ikibi, isoko y'icyaha kandi akaba uwa mbere wagomeye amategeko y'Imana azira inenge. - Intambara Ikomeye, p. 13. [3UB96]

**Amayerekwa y'Igihe Cyahize n'Ikizaza mu Gihe Nandika.** - Igihe ndi kwandikisha ikaramu yanjye, mpishurirwa ibintu bitangaje byo mu gihe cyashize, iby'iki gihe ndetse n'iby'ahazaza. - Letter 86,1906. [3UB96]

**Amateka y'Ubugorozi Yahishuriwe mu Iyerekwa.** - Ibendera ry'umutware w'isinagogi ya Satani ryashyizwe hejuru, maze ikinyoma gisa nk'igikora umwiyereko kubw'intsinzi gifite, maze binyuze mu buntu bagiriwe n'Imana, abagorozi barwana urugamba n'ingabo z'umwijima kandi bararutsinda. Nagiye nerekwa ibyagiye biba mu mateka y'abagorozi. Nzi neza ko Umwami Yesu n'abamarayika be bagiye bitegerezanya ubwuzu bwinshi urugamba rwo kurwanya imbaraga za Satani wahurije hamwe ingabo ze nabantu b'abagome afite umugambi wo kuzimya umucyo mvajuru, umuriro w'ubwami bw'Imana. Ku bwa Kristo bababajwe no gukwenwa, barasuzugurwa, ndetse bangwa n'abantu batari bazi Imana. Bahinduwe urw'amenyo kandi baratotezwa kugeza n'ubwo bicwa, bitewe n'uko batashoboraga gutatira ukwizera kwabo. -Letter 48, 1894. [3UB96]

**Ibyeretswe Ellen White mu Myaka Myinshi Mbere y'uko Asura Uburayi mu Myaka ya 1885-1887**. Mu myaka myinshi ishize, neretswe umurimo w'ubutumwa bwa mbere muri ibi bihugu: Suwede n'ibindi bihugu byo mu majyaruguru. Kandi neretswe ibyajyaga kubaho bisa rwose n'ibyavuzwe haruguru [kubwiriza abana mu gihugu cya Suwede]. -Ellen G. White, Historical Sketches of the Foreign Missions of the Seventh-day Adventists (Basel, 1886), p.108. [3UB96]

**Igice Kivuga ku Gihe cy'Amakuba.** -Twasomye icyigisho cyerekeye igihe cy'amakuba. Mwene data Smith atekereza ko iki gice kidakwiriye [3UB96] gusigara kidashyizwe muri uyu muzingo wa kane. Avuga ko nta nteruro n'imwe ikirimo idakenewe. Ibi bigaragaza ko cyamukoze ku mutima cyane bityo natekereje ko ari ngombwa kukwandikira mvuga kuri iyi ngingo. Nasomye icyo gice kandi mbona cyifitemo imbaraga zitangaje. Mbona ko nta mpamvu n'imwe yatuma tukivana mu gitabo kizagurishwa muri rusange no ku batizera.1 - Letter 59, 1884. [3UB97]

## INGERI Y'INTAMBARA IKOMEYE YO MU MWAKA WA 1888

**Umurimo Utangirira ku Kwandika Igitabo cy'Intambara Ikomeye mu Buryo Burambuye.** Basel mu Busuwisi, ku wa 11 Kamena, 1886. Ntekereza ko mwifuza kugira amakuru amwe y'umuryango wacu mumenya. Ubu turi abantu icumi. W. C. W. [White] na Mary na Ella bameze neza. Sarah McEnterfer ameze neza kandi ahugiye cyane mu kwandika inzandiko musomeye ndetse akanazandikisha imashini. Ubuzima bwa Marian Davis bumeze uko busanzwe. Ahugiye ku muzingo wa kane w'Intambara Ikomeye. -Manuscript 20, 1886. [3UB97]

**Gutegekwa Kwerekana Ibyabayeho Kera n'iby'Ahazaza.** Ubwo Mwuka w'Imana yampishuriraga ukuri gukomeye kw'ljambo ryayo ndetse n'ibyabaye mu bihe byahise n'ibizaba mu bihe bizaza, nararikiwe kumenyesha abandi ibyo neretswe -mbwirwa kwerekana amateka yaranze intambara ikomeye mu bihe byahise ariko by'umwihariko nkayagaragaza nerekana intambara yihutira kutwegera yo mu bihe bizaza. Mu guharanira kugera kuri uwo mugambi, nihatiye gutoranya no kwegeranya ibintu byabaye mu mateka y'itorero mbikora mu buryo bwo kugaragaza guhishurwa kukuri gukomeye isi yagiye ihabwa mu bihe bitandukanye, kwagiye kubyutsa

umujinya wa Satani ndetse n'urwango rw'itorero ryiziritse ku gukunda iby'isi, kandi kwakomeje kugaragazwa n'ubuhamya bw'abantu "bemeye guhara amagara yabo ntibatinya no gupfa." Intambara Ikomeye, p.14. [3UB97]

**Ibyo Yongeye Kwerekwa Ari Kwandika.** -Ubwo nandikaga inyandiko y'intoki y'igitabo cy'Intambara Ikomeye, kenshi nabaga nzi ko ndi kumwe n'abamarayika b'Imana. Kandi inshuro nyinshi uruhererekane rw'ibintu nabaga ndi kwandikaho nongeraga kurubona bundi bushya mu mayerekwa ya nijoro, ku buryo byababaga ari bishya kandi mbibona neza mu ntekerezo zanjye. -Letter 56, 1911. [3UB97]

**Kwerekwa ibyo Kugaruka kwa Kristo.** Ijuru ryarakingutse kandi rirongera rirakingwa, kandi ryari mu muvurungano." "Imisozi yanyeganyeze nk'uko urubingo ruhungabanywa n'umuyaga, kandi ikajugunya ibítare hirya no hino. Inyanja yabiraga nk'inkono, kandi yajugunyaga amabuye ku [3UB97]

---

*31 Iki gitabo cyacapwe n'icapiro ryitwa Pacific Press muri Nzeri, 1884 kandi cyitwa Intambara Ikomeye, umuzingo wa 4. Uyu muzingo mwifuje cyane noncho urahari kandi twizeye ko uzasubiza ibirenze ibyifuzo byanyu mwari muwutegerezanyije. Twarawusomye kandi turawusesengura dusanga ufite ibyigisho biteye ubwuzu kuruta uko twabitekerezaga. Signs of Times, Oct. 2, 1884. Abakusanyije inyandiko.*

---

butaka. Maze ubwo Imana yavugaga umunsi n'isaha byo kugaruka kwa Yesu, kandi igaha ubwoko bwayo isezerano rihoraho iteka, Imana yavuze interuro imwe maze iraceceka mu gihe amagambo yasesekaraga ku isi... [3UB98]

Nta kintu nzi na gito cyerekeye igihe cyavuzwe n'ijwi ry'Imana. Numvise isaha itangazwa, ariko ubwo nari mvuye mu iyerekwa sinibukaga iyo saha. Ibintu nk'ibyo bitangaje byanciye imbere ku buryo nta mvugo ikwiriye yo kubirondora. Byose byari ibintu by'ukuri kandi bifatika kuri jye kuko ubwo ibyo byarangiraga hagaragaye igicu kinini cy'umweru, kuri cyo hari hicaye Umwana w'umuntu. Letter 38, 1888. (Byacapwe mu Butumwa Bwatoranyijwe, Igitabo cya 1, p. 87). [3UB98]

**Gusoma no Gukosora Ibyanditswe ku Mpapuro Umurimo wa Nyuma ku Gitabo.** - Nasomye inyandiko y'ikaramu y'ibice bitatu biheruka. Nabonye gusa ko byose bitunganye rwose kandi biteye ubwuzu mu buryo bukomeye. Nshimishijwe n'uko wohereje izi paji kandi ndifuza kubona igitabo, ndetse nkabona igitabo cya mbere munyoherereje kivuye mu icapiro. [3UB98]

Isabato ishize yabaye igihe kinejeje rwose kandi gihebuje. Nigishije kuri bimwe mu bivugwa byasesenguwe muri ibi bice biheruka kandi mu materaniro habayeho gukorwa ku mutima cyane. - Letter 57, 1884. [3UB98]

**Intambwe Zatewe ngo Kibe Igitabo Gihebuje**. Mu gutegura iki gitabo, hakoreshejwe abakozi bashoboye kandi hashowemo amafaranga menshi kugira ngo uyu muzingo ushyirwe imbere y'abatuye isi wanditswe mu buryo bwiza buhebuje uko byashoboka kose... [3UB98]

Uwiteka ni we wankanguriye kwandika iki gitabo kugira ngo gikwirakwizwe mu bice byose by'isi mu buryo bwihuse kubera ko imiburo ikirimo ari ingirakamaro mu gutegura ishyanga rizahagarara mu munsi w'Uwiteka. -Manuscript 24, 1891. [3UB98]

**Ibyo Ellen White Yanyuzemo Ubwo Yandikaga Intambara Ikomeye.** - Nahatiwe na Mwuka w'Uwiteka kwandika kiriya gitabo, kandi ubwo nacyandikaga numvise umutima wanjye uremerewe n'umutwaro ukomeye. Nari nzi ko igihe cyari gito kandi ko ibyari bigiye kutugeraho vuba bidatinze amaherezo byajyaga kuza bitunguranye cyane kandi byihuta, nk'uko byagaragajwe

mu magambo y'Ibyanditswe Byera ngo: "Kuko ubwanyu muzi neza yuko umunsi w'Umwami wacu uzaza nk'uko umujura aza nijoro" (1Abatesalonike 5: 2). [3UB98]

Uwiteka yanshyize imbere ibintu byihutirwa cyane muri iki gihe kandi bigenda bikagera mu gihe kizaza. Nabwiwe aya magambo ntegekwa ngo: "Andika mu gitabo ibintu wabonye n'ibyo wumvise, kandi ucyohereze abantu bose; kuko igihe kiri bugufi ubwo amateka azisubiramo." Nagiye nkangurwa saa saba, saa munani cyangwa saa cyenda z'ijoro mfite ingingo runaka yakoze cyane ku ntekerezo zanjye nk'ivuzwe n'ijwi ry'Imana. [3UB98] Neretswe ko benshi mu bantu bacu bari basinziriye mu byaha byabo, kandi nubwo bavugaga ko ari Abakristo, bajyaga kurimbuka keretse gusa baramutse bahindutse. [3UB99]

Ubwo ukuri kwanyuzwaga imbere yanjye mu mirongo yumvikana neza, nagerageje kugeza imbere y'abandi ubutumwa bukomeye bwakoze ku mutima wanjye, kugira ngo buri wese abashe kumva ko akwiriye kwigirira ubunararibonye bwe ku giti mu byerekeye iyobokamana, akimenyera Umukiza ubwe, agaharanira ubwe kugera ku kwihana, kwizera, urukundo, ibyiringiro no kwera. [3UB99]

Nahamirijwe ko nta gihe cyo gutakaza kikiriho. Gucyaha n'imiburo bigomba gutangwa; amatorero yacu agomba gukangurwa, kandi akigishwa kugira ngo aburire abantu bose ashobora kugeraho maze atangaze ko inkota ije kandi ko umujinya w'Imana uzasukwa ku isi yasayishije mu bibi utagitinze. Neretswe ko abantu benshi bazumva umuburo. Intekerezo zabo zari kuzategurirwa gusobanukirwa neza n'ibintu uwo muburo ubereka. [3UB99]

Neretswe ko igihe cyanjye kirekire nagihariye kuvugana n'abantu kandi byari ingenzi cyane ko nirundurira mu kwandika ingingo z'ingenzi zo gushyira mu muzingo wa kane. Neretswe ko umuburo ugomba kugenda ukagera aho intumwa nzima itashoboraga kujya, kandi wari gukangurira abantu benshi kwita ku bintu bikomeye bigomba kubaho mu bikorwa bisoza by'amateka y'iyi si. [3UB99]

Ubwo nahishurirwaga imibereho y'itorero n'isi muri rusange, kandi nkitegereza ibiteye ubwoba byari imbere yacu, naratangaye cyane; kandi ijoro ku rindi ubwo abandi bantu bose babaga basinziriye, nandikaga ibyo Imana yanyeretse. Neretswe inyigisho z'ubuyobe zajyaga kwaduka, nerekwa ibinyoma byari guhabwa intebe, kandi nerekwa imbaraga ya Satani ikora ibitangaza (abiyita Kristo bajyaga kwaduka) yari kuzayobya umugabane munini w'abavuga ko bizera Imana, ndetse byaba bishoboka ikayobya n'intore. [3UB99]

Mbese uyu ni umurimo w'Imana? Nzi ko ari wo, kandi abantu bacu bahamya ko bawizera. Umuburo n'inyigisho byo muri iki gitabo bikenewe n'abantu bose bavuga ko bizera ukuri kugenewe iki gihe. -Letter 1, 1890. [3UB99]

---

*32 Kubwa Ellen White, ingeri y'Intambara Ikomeye yo mu mwaka wa 1888 yari icyitwa Umuzingo wa 4 mu kugaragaza inkuru y'intambara ikomeye kandi akenshi ni ko yayitaga. Abakusanyije Inyandiko.*

## IGICE CYA 17

## IBYO ELLEN WHITE YANYUZEMO ARI GUTEGURA IGITABO CY'UWIFUZWA IBIHE BYOSE

*Inyandiko Zavuye mu Nzandiko no mu Gatabo Kandikwamo Ibikorwa bya buri Munsi33*

*Ku wa 15, Nyakanga, 1892.* - Muri iki cyumweru nabashishijwe gutangira kwandika ku buzima bwa Kristo. Mbega uburyo numva ntashyitse kandi ntashoboye kuvuga ibintu bigurumana mu mutima wanjye byerekeye umurimo wa Kristo! Natinyutse kwinjira muri uyu murimo bingoye cyane. Urimo ibintu byinshi cyane. Mbese nzavuga iki, kandi ni iki nzareka? Ndara amajoro ninginga Uwiteka ngo Mwuka Wera angenderere kandi ambeho... [3UB100]

Ngendera imbere y'Imana mpinda umushyitsi. Sinzi uko navuga cyangwa ngo nandikishe ikaramu ingingo yagutse ivuga iby'igitambo gihongerera ibyaha. Ntabwo nzi uburyo nakwandika ibyigisho birambuye mu mbaraga nzima nk'uko bica imbere yanjye. Mpindishwa umushyitsi n'ubwoba ntinya ko kubw'amagambo yanjye yoroheje nshobora gupfobya inama ikomeye y'agakiza. Nicisha bugufi mu mutima ntangaye no mu cyubahiro gikomeye imbere y'Imana maze nkavuga nti: "Mbese ni nde ukwiriye gukora ibi bintu?" -Letter 40, 1892. [3UB100]

---

*33 Ajenda*

---

*Ku wa 23, Gicurasi, 1893.* Muri iki gitondo hari ikibunda n'imvura. Nanditse ku buzima bwa Kristo kuva saa kumi z'igitondo. Iyaba Mwuka Wera yabaga kuri jye kugira ngo ikaramu yanjye yandike amagambo azamenyesha abandi umucyo Uwiteka yashimye kumpa mu mbabazi n'urukundo bye bikomeye. - Manuscript 80, 1893. [3UB101]

*Ku wa 2, Nyakanga, 1893.* - Buri munsi nandika ku buzima bwa Kristo. Igice kimwe gikangurira intekerezo zanjye kwandika ku zindi ngingo ku buryo mfite ibitabo bitandukanye ndi kwandikaho. Mpa Linden ukiri muto inyandiko mba nandikishije ikaramu ngo azinjyanire bitewe n'uko ntinya ko zishobora gutakara, kandi nifuza gukoresha umwanya uruseho nandika ku ngingo zimwe. -Letter 132, 1893. (Byandikiwe i New Zealand). [3UB101]

*Ku wa 15, Kamena, 1893*. Mpangayikishijwe no gusohora igitabo kivuga ku buzima bwa Kristo. Marian Davis anyereka ibice n'ibyigisho nkwiriye kwandikaho njye mbona mu by'ukuri bidakeneye kwandikwaho. Nkeneye undi mucyo kuri byo. Ibi sinzigera mbyinjiramo keretse Mwuka w'Uwiteka nanyobora. Inyubako y'umunara n'intambara z'abami ntibiremerera intekerezo zanjye, ahubwo ingingo zivuga ku buzima Kristo, imico ye igaragaza Data wa twese ndetse n'imigani y'ingenzi dukwiriye gusobanukirwa twese kandi tugashyira mu bikorwa ibiyirimo, ibyo ni byo nzatindaho. Letter 131, 1893. [3UB101]

*Ku wa 7, Nyakanga, 1893.* Nagiye nkwandikira ubutumwa bwose twumvise ku byagiye muri... [Amerika], kandi ubwo mwene data Linden yagendaga, nakoherereje urwandiko n'inyandiko y'intoki... harimo ibintu bimwe bivuga ku buzima bwa Kristo... Ibivuga ku buzima bwa Kristo bishobora gukoreshwa nk'ingingo zirambuye zandikwa ku kinyamakuru. -Letter 133, 1893. [3UB101]

*Mu mpera zumwaka wa 1894*. -Byemerejwe mu nama ko nandika ku buzima bwa Kristo; ariko se ni gute nabikora kurusha uko nabikoze mu gihe cyashize? Ndemerewe n'ibibazo ndetse n'uko mu by'ukuri ibintu bimeze hirya no hino... [3UB101]

Nanditse bike cyane ku buzima bwa Kristo, kandi byagiye biba ngombwa kenshi ko nzana Marian ngo amfashe ntitaye ku murimo wo k wandika ku buzima bwa Kristo yagombaga gukora mu bihe bigoye, agakusanya ibyo akura mu nyandiko zanjye zose agira ibyo akura aha n'ibindi hariya, murongo neza uko ashoboye kose. Ariko ubungubu ari gukora neza, iyaba gusa nashoboraga kumva nisanzuye kugira ngo intekerezo zanjye zose nzerekeze ku murimo. Marian yigishijwe kandi atozwa gukora uyu murimo; kandi nk'uko nagiye ntekereza inshuro nyinshi mbere hose, ubu ntekereza ko Imana nibishaka, nyuma yo gusoza uru rwandiko nzabasha kwandika ku buzima bwa Kristo. -Letter 55, 1894. [3UB101]

Ku wa 25, Ukwakira 1894. Marian ari gukora umurimo umugoye cyane bikabije. Mbona umwanya muto cyane wo kwandika ku buzima bwa [3UB101] Kristo. Ndi kwakira inzandiko ubudatuza zisaba gusubizwa, kandi sinatinyuka gusuzugura ibibazo by'ingenzi mba namenyeshejwe. Byongeye kandi, hari namatorero ngomba gusura. Hari ibihamya byihariye ngomba kwandika n'ibindi bintu byinshi binkenera bikandushya ndetse bikantwara igihe cyanjye. Marian yakirana ubwuzu urwandiko rwose nandikira abandi kugira ngo ashakemo interuro ashobora gukoresha mu kwandika ku buzima bwa Kristo. Yagiye akusanya inyandiko yose yerekeye ibyigisho Kristo yigishije abigishwa be abikuye aho yashoboraga kubona hose. Amateraniro makuru nasoza, kuko ari amateraniro y'ingenzi cyane, nzashaka ahantu njya kugira ngo mbone uko mpugira ku murimo wo kwandika ku buzima bwa Kristo... [3UB102]

Mu matorero hari byinshi bigomba gukorwa, kandi sinashobora gukora uruhare rwanjye mu kongera abagira ubwuzu bwo gusanga Umukiza kandi ngo nkore n'undi murimo mbona ko ari ngombwa bitananije cyane ku buryo ntashobora kwegurira imbaraga zanjye mu kwandika iby'ubuzima bwa Kristo. Mpagarikishwa umutima cyane no kwibaza inshingano yanjye iyo ari yo... [3UB102]

Nafashe icyemezo cyo guharira igihe cyanjye cyose umurimo wo kwandika ibigomba kujya mu bitabo bikwiriye gutegurwa vuba bidatinze. Nifuza kwandika ku buzima bwa Kristo, ku kwirinda kwa Gikristo [Rengera Ubuzima], no gutegura Ibihamya nimero ya 34 [umuzingo wa 6] kubera ko bikenewe cyane. Bizansaba kutongera kwandika cyane ingingo zijya mu binyamakuru, maze muri uyu mwaka ndeke he kugira inyandiko y'ikiganza cyanjye isohoka mu Urwibutso n'Integuza, Ibimenyetso by'ibihe, ndetse n'ibindi binyamakuru. [3UB102]

Ibyigisho byose bisohoka biriho umukono w'ikaramu yanjye ni bishyashya. Birambabaje kuba nta bundi bufasha bwo kunoza imyandikire mfite. Úbu bufasha ndabukeneye cyane. Fanny [Bolton] yagombye kumfasha cyane mu murimo wo kwandika iki gitabo iyaba atari afite ingingo nyinshi agomba gutegurira gucapwa mu binyamakuru, ndetse n'inzandiko n'ibihamya byinshi agomba kunoza ngo bihuze n'ibyo nshaka ndetse n'ubukene bw'abantu. [3UB102]

Ntacyo bimaze kwiringira ko hari ubufasha Marian Davis azatanga kugeza igihe igitabo kivuga ku buzima bwa Kristo kizarangirira. Byambera byiza mbonye undi mukozi w'umuhanga ushobora kwizerwa agashingwa umurimo wo gutegura ibigomba kujyanwa mu icapiro. Bene uwo mukozi yaba ari uw'igiciro kuri jye. Ariko ikibazo ni iki, "Mbese umukozi nk'uwo namukura he?" Inshuro nyinshi ubwonko bwanjye buba bunaniwe. Nandika paji nyinshi mbere y'uko mfata amafunguro ya mugitondo. Mbyuka saa munani z'ijoro, saa cyenda cyangwa saa kumi... [3UB102]

Muzi ko insanganyamatsiko yanjye ari ubuzima bwa Kristo naba mvugira ku ruhimbi cyangwa ahihererey, naba nkoresha ijwi cyangwa [3UB102] nandika. Kugeza ubu, hafi y'ibintu byose nanditse kuri iyi nsanganyamatsiko nabyanditswe mu masaha abandi baba basinziriye. -Letter 41, 1895. [3UB103]

Ku wa 6, Kamena, 1896. Ni inshuro nke cyane ntinyuka kwerekana ibyera kandi byo ku rwego ruhanitse mu byerekeye ijuru. Akenshi nshyira ikaramu yanjye hasi maze nkavuga nti: "Ntibishoboka, ntibishobokera abantu bapfa kwakira ukuri kw'iteka ryose n'amahame yera kandi yimbitse, ndetse no kuvuga umumaro wabyo uhoraho." Mpagarara nk'utagira icyo azi kandi w'impezamajyo. Imbaraga ikomeye y'ibitekerezo yigarurira impagarike yanjye yose maze ngashyira ikaramu hasi nkavuga nti: "Ooo, Mwami, ndi umuntu upfa, ndi umunyantegenke, ndoroheje kandi ndi umuswa; sinshobora kubona imvugo yo gusobanura ibyo umpishurira byera kandi bikomeye. [3UB103]

Amagambo yanjye asa nadakwiriye. Mbura ibyiringiro byo kwambara ukuri Imana yamenyekanishije kwerekeye agakiza kayo gakomeye, ukuri gukubiyemo uburyo butagabanije Imana yitaga ku Mwana w'ikinege w'Imana Ihoraho. Ukuri kuzahoraho ibihe byose kugeza iteka ryose, umugambi ukomeye wo gucungura umuntu wasabye byinshi kubw'agakiza Kinyokomuntu, gushyira imbere y'abantu ubugingo buhwanye n'ubugingo bw'Imana ubwayo bene uku kuri kuruzuye, kurimbitse kandi kurera cyane ku buryo amagambo y'umuntu cyangwa ikaramu ye bidashobora kugusobanura uko bikwiriye. - Manuscript 23, 1896. [3UB103]

Ku wa 29, Nyakanga, 1897. - Nabyutse saa munani n'igice z'ijoro maze nsenga Imana mu izina rya Yesu. Mfite imbaraga nke z'umubiri; ndababara umutwe kandi ijisho ryanjye ry'ibumoso rirambabaza. Igihe nandika ku buzima bwa Kristo numva hari imbaraga impata. Nibagirwa guhumeka nk'uko bikwiriye. Sinshobora kwihanganira ugukomera kw'imbaraga zinzaho igihe ntekereza ku mibabaro Kristo yagiriye muri iyi si yacu. -Manuscript 70, 1897. [3UB103]

Ku wa 16, Nyakanga, 1896. -Inyandiko y'ikaramu ivuga iby" "Ubuzima bwa Kristo" iri hafi koherezwa muri Amerika.34 Iyi nyandiko izitabwaho n'icapiro rya Pacific Press. Nakoresheje abakozi benshi mu gutegura iki gitabo, cyane cyane Davis kandi ibi byantwaye ibihumbi bitatu by'amadolari. Andi madolari ibihumbi bitatu azakenerwa mu kugiteguramo ibitabo bibiri bizakwirakwizwa hirya no hino ku isi. Twizera ko bizagurishwa cyane. Nakoresheje igihe gito kuri ibyo bitabo kubera ko kuvuga nigisha, kwandika ingingo zisohoka mu binyamakuru ndetse no kwandika ibihamya byihariye byo guhangana no gutsimbura ibibi bigenda byaduka bituma mpuga cyane. Letter 114, 1896. [3UB103]

---

*34 Ibitandukanye n'ibyo yari yiteze, byasabye gutegereza kugeza mu itangira ry'umwaka wa 1898 ngo inyandiko irangire yoherezwe mu icapiro rya Pacific Press. Iyo nyandiko yagiye yoherezwa icyigisho ku cyigisho kuko amayerekwa mashya yatumaga haboneka ibindi byo kongera muri iyo nyandiko nubwo yabaga isa nk'iyarangiye. Abakusanyije inyandiko.*

---

## GUHANGANA N'IBYANENGWAGA KU GITABO CY'UWIFUZWA IBIHE BYOSE

Ku wa 20, Kamena, 1900. Edisonis, nakiriye urwandiko rwawe. Ku byerekeye igitabo cy'Uwifuzwa Ibihe Byose, igihe uzajya uhura n'abafite ibyo bakijora nk'uko ari ko bizakomeza kuba, ntukite na gato kucyo bita ko ari ikosa rikirimo, ahubwo ujye ugishyigikira, uvuge ibyiza byacyo. Igitabo cy'Uwifuzwa Ibihe Byose cyagakwiriye kuba cyaranganyije umubyimba n'ibitabo bibiri byabanje [Abakurambere n'Abahanuzi n' Intambara Ikomeye] iyo bitaba ubusabe bwa

mwene data O. wari umukozi mukuru wakira ibitekerezo by'abantu na komande by'abagishaka. Ibyo uvugal ku mugereka wacyo ni cyo kibazo cya mbere twumvise kijyana n'imiterere y'iki gitabo. Abantu benshi bavuze ku bufasha bukomeye bakuye mu mugereka w'iki gitabo. Niba abantu bafite urwikekwe ku kintu icyo aricyo cyose cyerereza Isabato, uko kurwanya iyo ngingo byerekana ubwayo ko ari ingenzi kugira ngo yemeze imitima. [3UB104]

Nimureke twirinde. Mureke twe kwemera ko ijora ry'umuntu uwo ariwe wese riducengezamo ibitekerezo byivuguruza. Nimureke abajora babeshweho n'umurimo wabo wo kunenga. Ntibashobora kuvuga bashyigikira imigisha ihebuje dufite badashyizeho kujora kugira ngo hagire ibinengwa. Mureke mu gihe abandi baba banenga twe twiyigishe kogeza ibyiza. Iteka abavugira mu byongorero bazabona inenge, ariko mureke twe kubabazwa n'umuntu uregana. Nimureke gushyiraho cyangwa kuvuga ingorane umuntu umwe cyangwa undi wese yazana kugira ngo abuze abantu amahwemo cyangwa abatere guhagarika umutima twe kubifata nk'umuco mwiza. - Letter 87, 1900. [3UB104]

---

*35 James Edson White yandikiye nyina ku wa 11, Gicurasi, 1900 amubwira ibinengwa ku ngan ishusho, igiciro n'ibishushanyo byari mu gitabo cy'Uwifuzwa Ibihe Byose. Yanavuze ku byanditswe mu mu ka wo mu ngeri ya mbere. Yarabajije ati: "Ni uwuhe mumaro wo kwinjira mu myizerre y'abandi nk'uko byakozwe mu mugereka w'iki gitabo?" Yagaragaje ko ibyanditswe muri uwo mugeeks byatumye ababwiririshabutumwa ibitabo bahura n'ingorane mu kukigurisha.*

# IGICE CYA 18

# INYUNGANIZI ZATANZWE UBWO ELLEN WHITE YARI KU MURIMO WO KWANDIKA URWUNGE RW'IBITABO BIVUGA KU NTAMBARA IRI HAGATI Y'ICYIZA N'IKIBI

## UMUSARURO W'AMAYEREKWA YAGIZE MU MIBEREHO YE

Mu myaka mirongo ine n'itanu ishize ndi muri uyu murimo, neretswe iby'ubuzima, imico n'amateka by'abakurambere n'abahanuzi bagiye bazanira abantu ubutumwa buvuye ku Mana, kandi Satani nawe atangira kubavugaho ibibi, cyangwa se agahagurutsa kutavuga rumwe mu bitekerezo cyangwa agateshurira abantu mu wundi muyoboro kugira ngo abantu be kugerwaho n'ibyiza Uwiteka yagombaga kubasesekazaho... [3UB105]

Uko iminsi yahitaga indi igataha, mu ntekerezo zanjye nagiye mbona ishusho nyayo y'uburyo abagorozi bafatwaga, n'uburyo gutandukana guto cyane kw'ibitekerezo kwasaga n'uguteza urujijo. Uko ni ko byagenze Yesu [3UB105] agambanirwa, mu rubanza rwe no mu ibambwa rye. Ibi byose byanyujijwe mu maso ingingo ku yindi. - Letter 14, 1889. [3UB106]

***Ijora Ryubaka Ryarashimwe (1885)***

Mubwire [Marian Davis] ko hashize umunota umwe nsomye inzandiko yanditse agaragaza ibikwiriye kunozwa mu ngingo zigomba kujya mu muzingo wa mbere [Abakurambere n'Abahanuzi]. Ndamushimiye. Mubwire ko afite inama nziza ku byerekeye uko Sedekiya yanogowemo amaso. Ibindi bikwiriye kwandikwa neza ni íbyerekeye urutare, ubwo amazi yatembaga n'ibijyanye na byo. Ntekereza ko nshobora kwandika izo ngingo nkazumvikanisha mu buryo bwuzuye. - Letter 38, 1885. [3UB106]

***Ibitabo Byashatswe ngo Ibikorwa Bishyirwe kuri Gahunda***

Nyamuneka Willie, Edson na Emma nkunda, nimureke twegere Imana. Mureke buri munsi tubeho nk'uko twakwifuza kuba twarabayeho igihe urubanza ruzaba rushinzwe maze ibitabo bikabumburwa, n'igihe buri muntu wese azagororerwa ibikwiriye ibyo yakoze... Bwira Mary anshakire ibitabo bimwe by'amateka ya Bibiliya birampa uko nkurikiranya ibintu. Nta na kimwe mfite kandi nta na kimwe nabona mu isomero riri aha [I Basel, mu Busuwisi]. -Letter 38,1885, p. 8. [3UB106]

***Mwuka Wera Yashyize Ukuri mu Mutima wa Ellen White***

Ni bangahe basomye Abakurambere n'Abahanuzi, Intambara Ikomeye n'Uwifuzwa Ibihe Byose bitonze? Ndifuriza abantu bose gusobanukirwa ko ibyiringiro mfitiye umucyo Imana yampaye bishikamye kubera ko nzi ko imbaraga z'Umwuka Wera zagaragaje ukuri mu buryo bwagutse kandi zikakubahisha ubwo yavugaga ati: "Iyi ni yo nzira, abe ari yo ukurikira." Mu bitabo byanjye, ukuri kuragaragara kandi kurinzwe n'ijambo ngo: "Ni ko Uwiteka avuga." [3UB106]

Mwuka Wera yashyize uku kuri mu mutima no mu ntekerezo zanjye mu buryo butabasha guhanagurwa nk'uko amategeko y'Imana yanditswe n'urutoki rwayo ku bisate by'amabuye ubu biri mu isanduku [y'Isezerano] bigomba kuzashyirwa ahagaragara 'kuri wa munsi ukomeye ubwo ikibi cyose, n'ubuhanga buyobya byazanwe na se w'ibinyoma bizacirwa urubanza. -Letter 90, 1906. (Colporteur Ministry, p. 126.) [3UB106]

## KONGERA GUTUNGANYA INTAMBARA IKOMEYE MU MWAKA WA 1911

## UMWANDITSI ARASOBANURA IBYATUNGANYIJWE N'IMPAMVU YABITEYE Sanitarium, Cal., Ku Wa 25, Nyakanga, 1911

**Mwene data nkunda [F.M.] Wilcox:**

Mu minsi mike ishize nakiriye igitabo cy'ingeri nshya y'Intambara Ikomeye giherutse gucapirwa mu icapiro rya Mountain View, ndetse n'ikindi cyacapiwe i Washington. Iki gitabo kiranshimishije. Namaze amasaha menshi nsoma ibyanditswe ku mpapuro zacyo kandi ndabona ko inzu z'icapiro zakoze umurimo mwiza. [3UB107]

Igitabo cy'Intambara Ikomeye ngikunda kurusha ifeza n'izahabu, kandi nifuza cyane ko cyagera ku bantu. Mu gihe nandikaga Intambara Ikomeye, akenshi numvaga abamarayika b'Imana bari iruhande rwanjye. Kandi akenshi ibyo nabaga ndi kwandikaho nongeraga kubibona bundi bushya mu mayerekwa ya nijoro, ku buryo byababaga byumvikana kandi ari bishyashya mu ntekerezo zanjye. [3UB107]

Mu minsi mike ishize byabaye ngombwa ko iki gitabo cyongera gutunganywa kubera ko ibikoresho cyari cyanditsweho byangiritse cyane. Byantwaye umutungo mwinshi kugira ngo ibi bikorwe, ariko sinitotomba; kubera ko icyo byaba byaratwaye cyose, iyo ndebye iyi ngeri nshya numva nyuzwe cyane. [3UB107]

Ejo hashize, nasomye ibyo W. C. White aherutse kwandikira abakora umurimo wo kwamamaza no kugeza ku bantu ibitabo ndetse n'abayobozi bo ku nzu zacu z'ibitabo ababwira ibyerekeye iyi ngeri isohotse vuba y'Intambara Ikomeye, kandi ntekereza ko yagaragaje iyo ngingo mu buryo butunganye kandi bwiza.[36][3UB107]

Ubwo namenyaga ko igitabo cy'Intambara Ikomeye kigomba kongera gutunganywa, niyemeje ko dukwiriye kugenzurana ubwitonzi ikintu cyose, kugira ngo turebe ko ukuri kose kugikubiyemo kwanditswe mu buryo bwiza cyane bushoboka kugira ngo twemeze abo tutizera kimwe ko Uwiteka yanyoboye kandi akankomeza ubwo nandikaga impapuro z'icyo gitabo. [3UB107]

Umusaruro w'igenzura ryitondewe ryakozwe n'abakozi bacu b'inararibonye kurusha abandi wabaye uw'uko hagombaga kubaho impinduka zimwe na zimwe mu myandikire. Izi mpinduka nazigenzuranye [3UB107]

---

*36 Mu gutunganya igitabo cy'Uwifuzwa Ibihe Byose, izo nyandiko zakoreshejwe mu kugena uruhererekane rw'ibikorwa. Ubwo Marian Davis yandikiraga umuyobozi w'icapiro rya Pacific Press ku wa 23, Ugushyingo, 1896 yaravuze ati, "Mu kwandika uruhererekane rw'ibice twakurikije igitabo cya Andrews cyitwa Harmony nk'uko yanabikoze no mu cyitwa Life of Christ. Afatwa nk'umuyobozi mwiza cyane kandi inyandiko ze zikoreshwa n'abanditsi bakomeye. Nta wundi tuzi watondetse inyandiko ze kumurusha. Igitabo cya Samuel J. Andrews cyitwa The Life of Our Lord Upon the Earth cyacapwe bwa mbere mu mwaka wa 1861. Ingeri yo mu mwaka wa 1891 yari mu isomero rya Ellen White. Abakusanyije Inyandiko,*

---

ubushishozi, kandi ndazemeza. Ndashima cyane kuko ubuzima bwanjye bwarinzwe kandi nkaba mfite imbaraga no gusobanukirwa mu ntekerezo kuri iki gitabo ndetse no ku bindi. [3UB108]

Ubwo nateguraga igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa, Imana yujuje umutima wanjye amahoro ahebuje. Iki gitabo kizajya ahagaragara vuba bidatinze. Ubwo iki gitabo kizaba gitunganye ku buryo cyacapwa, Uwiteka nashima ko nduhuka, nzavuga nti, "Amena kandi amena." Uwiteka nanyongerera iminsi yo kubaho, nzakomeza nandike kandi ntange ubuhamya bwanjye mu

materaniro y'abantu benshi uko Uwiteka azampa imbaraga kandi akanyobora... [3UB108] (Byashyizweho umukono) na Ellen G. White,

- Letter 56,1911.

# UMUGABANE WA IV

# KWIGIRA UMUNTU KWA KRISTO

## IJAMBO RY'IBANZE

Inama y'agakiza, ari nayo mu ipfundo ryayo dusangamo Kwigira umuntu kwa Kristo, ni insanganyamatsiko tutabasha kureba ubu ngo tuyisesengure irangire, kandi ni yo izaba icyigwa cy'ibanze mu myaka izakurikirana y'ibihe bidashira. Inshuro nyinshi mu myaka Ellen G. White yamaze, mu bibwiriza yabwirije, mu nzandiko yanditse, mu ngingo zajyaga zisohola kenshi yagiye yandika ndetse no mu bitabo bye, yagiye avuga kuri iyi ngingo ifite umwihariko ukomeye ivuga uko Imana n'umuntu bahurijwe hamwe bakaba umwe. Ibi bigaragara by'umwihariko mu gitabo Uwifuzwa Ibihe Byose. [3UB109]

Amagambo atari make atanga umucyo kuri iyi ngingo aboneka mu kinyamakuru yanditse cyitwa Umwigisha w'Abasore (The Youth's Instructor). Ibice bimwe by'ayo magambo ndetse n'ibyakuwe mu nyandiko zindi byamaze gusohorwa mu gitabo "Ubutumwa Bwatoranyijwe", igitabo cya 1, Igice cya 33 kugeza icya 41, mu gitabo cya gahunda y'amasengesho ya buri gitondo cyasohotse mu mwaka wa 1965 cyavugaga ngo "Kugira ngo Menye Kristo"; ndetse n'izindi nyandiko za Ellen G. White ziboneka mu bitabo by'ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi, umuzingo wa gatanu n'uwa karindwi." [3UB109]

Nyamara, uko ibihe byagiye bisimburana hari izindi ngingo zatoranyijwe zagiye ziza ziturutse mu byavuzwe byanditswe bidapfa kuboneka ahantu hose. Inyinshi muri izo zashyizwe hamwe muri uyu mugabane w'iki gitabo uvuga "Kwigira umuntu kwa Kristo." [3UB109]

Mu gihe twiga uku kuri kw'agahozo kandi kutagerwa, tuributswa aya magambo yavuzwe na Ellen G. White agira ati: "Kwigira umuntu kwa Kristo kwahoze ari ubwiru kandi kuzakomeza kuba ubwiru." -Letter 8, [3UB109]

---

*37 That I May Know Him*

*38 The SDA Bible Commentary, volume 5, pp. 1126-1131; Vol. 7a. pp.443-456.*

---

1895 (Biri mu Busobanuro bwa Bibiliya bw'itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi [The SDA Bible Commentary, vol. 5, p.1129]). [3UB110]

Ariko uku kuri gukomeye ni ukwacu mu gihe dushobora kukwakira kubwo kwizera. - *Abashinzwe Kurinda Inyandiko za Ellen G. White.* [3UB110]

# IGICE CYA 19

# KWIGIRA UMUNTU KWA KRISTO

## KUZURA K'UBUMUNTU BWA KRISTO

Ntabwo dushobora gusobanukirwa uburyo Kristo yahindutse umwana muto w'uruhinja rw'intege nke. Yashoboraga kuba yaraje mu isi afite ubwiza bwari kuba buhabanye n'ubw'abana b'abantu. Mu maso he hashoboraga kuba hararabagiranaga nk'umucyo, kandi igihagararo cye cyashoboraga kuba cyari kirekire ndetse gifite n'ubwiza buhebuje. Yashoboraga kuba yaraje mu buryo bwajyaga kureshya abamurebaga; ariko ubwo si bwo buryo Ímana yateguye ko Kristo yagombaga kuza mu bantu. [3UB111]

Yagombaga gusa n'abo mu muryango wa muntu ndetse n'abo mu bwoko bw'Abayuda. Ibyari bigize uko yagaragaraga byagombaga gusa n'iby'abandi bantu, kandi ntiyagombaga kugira ubwiza bw'umuntu uteye ku buryo abandi bantu bazajya bamutunga agatoki berekana ko atandukanye n'abandi. Yagombaga kuza ari umwe mu bagize umuryango wa muntu, kandi agahagarara nk'umuntu imbere y'ijuru n'isi. Yari yaraje ngo ajye mu mwanya wa muntu, ngo yitange mu mwanya wa muntu kandi ngo yishyure umwenda abanyabyaha bagombaga kwishyura. Yagombaga kurangwa n'ubuzima bwera ku isi, kandi akerekana ko Šatani yari yaravuze ibinyoma igihe yavugaga ko umuryango wa muntu ari uwe by'iteka, kandi ko Imana idashobora kuvuvunura abantu mu biganza bye. [3UB111]

Abantu babanje kubona Kristo ari uruhinja, ndetse nk'umwana ... [3UB111]

Uko turushaho gutekereza uko Kristo yahindutse uruhinja hano ku isi, ni ko birushaho kudutangaza. Bishoboka bite ko uruhinja rw'intege nke rwari ruryamishijwe mu muvure i Betelehemu rwaba ari Umwana w'Imana wavuye mu ijuru? Nubwo tudashobora kubisobanukirwa, dushobora kwizera ko Uwaremye isi n'indi mibumbe, yahindutse uruhinja rw'intege nke ku bwacu. Nubwo yari Ukomeye kuruta abamarayika bose, nubwo yari ku rwego rumwe rwo gukomera n'urwa Data wa twese ku ntebe y'ubwami mu ijuru, yahindutse umwe natwe. Muri We, Imana n'umuntu bahindutse [3UB111] umwe, kandi muri uko kuri ni ho tubona ibyiringiro by'inyokomuntu yaguye. Iyo twitegereje Kristo yambaye umubiri, tubona Imana yigize umuntu kandi tukamubonamo kurabagirana k'ubwiza bw'Imana, ari ko kwigaragaza kw'ishusho y'Imana Data. -Signs of Times, Nov. 21, 1895. [3UB112]

## KRISTO YARAMANUTSE AJYA KU RWEGO RW'INYOKOMUNTU YACUMUYE

Kristo yatanze igitambo kitagerwa. Yatanze ubugingo bwe ku bwacu. Ubugingo bwe bw'ubumana yabwikoreje ingaruka zo kwica amategeko y'Imana. Yarambitse ikamba rye ry'ubwami, maze aca bugufi rwose, intambwe ku ntambwe aramanuka ajya ku rwego rw'inyokomuntu yacumuye. [3UB112]

Avuye muri Yorodani, Yesu yajyanywe mu butayu bw'ibigeragezo."Amaze iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine atarya, abona gusonza. Umushukanyi aramwegera aramubwira ati: "Niba uri Umwana w'Imana, bwira aya mabuye ahinduke imitsima." (Matayo 4:2,3). [3UB112]

Kristo yari arembejwe n'inzara bikomeye cyane, kandi iki kigeragezo cyari gikomeye cyane. Ariko yagombaga gutangirira umurimo wo gucungura umuntu aho kurimbuka kwatangiriye. Adamu yari yaratsinzwe n'ipfa ry'inda, bityo Kristo nawe yagombaga gutsindira aho. Imbaraga zari muri we zari ziturutse kuri Data wa twese, ariko Kristo ntiyagombaga kuzikoreshereza ubwe. Hamwe na cya gihe kirekire yamaze atarya, mu byamubayeho harimo imbaraga n'ububasha bishobora gutangwa n'Imana yonyine. Yahanganye n'umwanzi kandi amutsinda ari mu mbaraga z'ijambo ngo, "Uku ni ko Uwiteka avuga." "Handitswe ngo 'Umuntu ntatungwa n'umutsima gusa, ahubwo atungwa n'amagambo yose ava mu kanwa k'Imana." (Umur. 4) [3UB112]

Izi mbaraga yahawe ni amahirwe ashobora guhabwa abari ku isi bose bageragezwa. Ibyabaye kuri Kristo byamubayeho kubw'inyungu zacu. Urugero yatanze mu gutsinda ipfa ry'inda rwerekana inzira abazaba abayoboke be bose bashaka gutsinda bakwiriye kunyuramo. [3UB112]

Kristo yababazwaga nk'uko abagize umuryango wa mwene muntu bose bababazwa n'ikigeragezo; ariko ntibyari ubushake bw'Imana ko Kristo yakoresha imbaraga ze z'ubumana kubw'inyungu ze bwite. Iyo ataba uduhagarariye, ubuziranenge bwa Kristo ntibuba bwaratumye agerwaho n'uwo mubabaro wose ukomeye utyo, ariko ubwo buziranenge bwe ni bwo bwatumye yumva uburemere bwo kwibasirwa n'ibitero bya Satani. Umubabaro wose ari nawo ngaruka z'icyaha wasutswe ku Mwana w'Imana utaracumuye. Satani yari ari gukomeretsa agatsinsino ka Kristo, ariko intimba yose Kristo yihanganiye, umubabaro wose n'agahinda kose yagize, byari biri gusohoza umugambi ukomeye wo gucungurwa kwa muntu. Imibyimba yose Kristo yatewe n'umwanzi yayisubizaga uyimuteye. Kristo yamenaguraga umutwe w'inzoka. -The Youth Instructor, Dec. 21, 1899. [3UB112]

## MBESE BYASHOBOKAGA KO KRISTO YATSINDWA N'IKIGERAGEZO?

Mu rwandiko wanditse uvuga ku bigeragezo bya Kristo, uravuga uti: kwibaza ni iki: "Niba yari umwe n'Imana ntiyashoboraga gucumura.... Ikibazo untera kwibaza ni iki: Mu rugamba rukomeye Umwami wacu yagiriye mu butayu, ari munsi y'ububasha bwa Satani n'abamarayika be nk'uko byagaragaraga, mbese muri kamere ye ya kimuntu yashoboraga gutsindwa n'ibigeragezo? [3UB113]

Ndagerageza gusubiza iki kibazo cy'ingenzi: Nk'Imana ntiyashoboraga kugeragezwa: ariko nk'umuntu yashoboraga kugeragezwa, kandi ndakubwira nkomeje ko yashoboraga gutsindwa n'ibigeragezo. Kamere ye ya muntu yararemwe; ndetse ntiyari ifite n'imbaraga nk'iz'abamarayika. Yari kamere ya kimuntu, isa rwose n'iyacu. Yari ari kunyura ku rubuga Adamu yatsindiweho. Icyo gihe Kristo yari ahantu yashoboraga gukuraho gutsindwa gukojeje isoni no gucumura kwabaye kuri Adamu, ubwo Kristo yambaye ubumuntu yashoboraga kwihanganira ikigeragezo mu mwanya w'inyokomuntu yacumuye. [3UB113]

**Kristo Yari Afite Umubiri n'Umutima by'umuntu** - Yari afite umubiri n'intekerezo bya muntu. Kristo yari amagufa nk'ayacu n'umubiri nk'uwacu. Akimara kwinjira mu isi, yashoboraga guhura n'ubukene. Yashoboraga guhura n'ibicantege n'ibigeragezo mu rugo aho yavukiye, hagati ya bene se. Ntabwo yari akikijwe n'ibiremwa byera kandi byuje urukundo nk'uko byari bimeze mu bikari byo mu ijuru. Ahubwo yari akikijwe n'ingorane. Yaje muri iyi si yacu kugira ngo akomeze kurangwa n'imico yera kandi izira icyaha, no kuvuguruza ikinyoma cya Satani cyavugaga ko abantu batashobora kubahiriza amategeko y'Imana. Kristo yaje kubaho yubahiriza amategeko ari muri kamere ye ya kimuntu mu buryo bumwe n'ubwo abantu bose bashobora kubaho bakurikiza amategeko muri kamere yabo ya kimuntu baramutse bakoze nk'uko Kristo yakoraga. Ni we wateye

abera ba kera kwandika kubw'inyungu za muntu bagira bati: "Ahubwo yisunge imbaraga zanjye abone kuzura nanjye, ndetse niyuzure nanjye" (Yesaya 27:5). [3UB113]

Ibihagije byose byaratanzwe kugira ngo umuntu upfa kandi wacumuye abashe kungwa n'Imana, bityo binyuze muri ya Sōko yabashishije Kristo kunesha yambaye kamere muntu, umuntu nawe abashe guhagarara ashikamye imbere y'ikigeragezo cyose nk'uko Kristo yabigenje. Yashoboraga kugira intege nke kameremuntu ishobora kugira. Yahumekaga umwuka nk uwo duhumeka. Yahagaze kandi agenda mu isi natwe dutuyeho kandi dufitiye igihamya nyakuri cy'uko icyo gihe isi yishimiraga cyane ubuntu no gukiranuka kurusha uko bimeze ubu. [3UB113]

**Ibyari Bigize Kristo Bishobora Kuba Ibyacu.** - Turamutse tubishatse, natwe dufite amahirwe yo kugira ibyarangaga Kristo byo ku rwego ruhanitse, kandi binyuze mu byo yaduteganyirije, dushobora kwakira iyo [3UB113] migisha ikaba iyacu ndetse tukabasha gukuza icyiza muri twe mu mwanya w'ikibi. Dufite inyurabwenge, umutimanama, ubwonko, ubushake n'urukundo - ibyaranga umuntu wese ashobora kugira. Binyuze mu byo twateganyirijwe ubwo Imana n'Umwana w'Imana batangaga isezerano ryo gutabara umuntu bakamukura mu bubata bwa Satani, igikenewe cyose cyaratanzwe kugira ngo kameremuntu ibashe kunga ubumwe ka kamere y'Imana. Muri kamere iteye ityo ni ho Umukiza wacu yageragerejwe. Yashoboraga kuba yaratsinzwe n'ibyongorerano by'ibinyoma bya Satani nk'uko byagendekeye Adamu, ariko dukwiriye kuramya no gusingiza Umwana w'intama w'Imana ko atigeze na rimwe yemera gutsindwa n'igishuko na gito. [3UB114]

**Kamere Ebyiri Zahurijwe muri** Kristo - Binyuze mu kugabana kuri kamere y'ubumana, natwe dushobora guhagarara dutunganye, twera kandi tuzira ikizinga cyose. Ntabwo Ubutatu bugize Imana imwe bwahindutse umuntu, kandi n'umuntu nawe ntiyahindutse Imana kubwo guhuzwa kw'izo kamere zombi. Kristo ntiyari afite kamere yo kugoma kuranga icyaha, kononekara no gucumura twe dufite, kubera ko iyo biba bityo ntiyashoboraga kuba igitambo kizira inenge. - Manuscript 94, 1893. [3UB114]

**Ukuri Kurebana n'Ibishuko Kristo Yahuye na Byo.** - Igihe umuyoboke wa Kristo ahuye n'ikigeragezo n'ibimuhagarika umutima, ntabwo agomba gucika intege. Nubwo atabona ibyo yari yiteze kubona byose, ntabwo agomba kureka ibyiringiro bye. Igihe asumbirijwe n'umwanzi, akwiriye kwibuka ubuzima bw'ibigeragezo n'ibicantege Umukiza yanyuzemo. Ingabo zo mu ijuru zagobokaga Kristo mu byo yabaga akeneye, nyamara ibi ntibyatumye ubuzima bw'Umukiza bubura kurangwamo intambara n'ibigeragezo. Yageragejwe mu buryo bwose nkatwe, keretse ko atigeze akora icyaha. Ubwoko bwe nibukurikiza iki cyitegererezo, buzuzuzwa Umwuka Wera, kandi abamarayika bo mu ijuru bazabugoboka. [3UB114]

Ibigeragezo Kristo yahuye nabyo byari ibigeragezo bikomeye cyane mu buryo bufatika. NK'umuntu wari ufite umudendezo, yashyizwe aho yagombaga guhitamo. Yari afite umudendezo usesuye wo kwemera gukurikiza ibishuko bya Satani agakora ibinyuranye n'imigambi y'Imana. Iyo bitaba bimeze bityo, ntabwo biba byarashobokaga ko yacumura, bityo rero ntabwo aba yarageragejwe mu buryo bwose nk'ubwo bene muntu bageragezwamo. [3UB114]

Ibishuko bya Kristo n'imibabaro yabigiriyemo byari biri ku rugero rw'imico ye ihebuje kandi izira icyaha. Ariko igihe cyose yabaga ari mu makuba, Kristo yahangaga Se amaso. "Yararwanye kugeza ubwo amena amaraso" muri ya saha ubwo yagiraga ubwoba atinya urupfu. Ubwo yapfukamaga i Getsemane, afite intimba mu mutima, ibitonyanga by amaraso byaguye biva mu twenge two ku mubiri we, maze bitosa ubutaka. Yasenganye umubabaro mwinshi n'amarira, kandi

mu byo yatinyaga yarumviswe. Imana yamwongereye imbaraga kandi izaha [3UB114]imbaraga n'abantu bose bazicisha bugufi, bakishyira mu biganza by'Imana ikomeza isezerano. [3UB115]

Ku musaraba, Kristo yamenye imbaraga iteye ubwoba y'ibishuko bya Satani kurenza uko undi muntu wese yayimenya, ariko umutima we wagiriye impuhwe n'imbabazi igisambo cyapfaga, cyari cyarafatiwe mu mutego n'umwanzi Satani. - The Youth's Instructor, Oct. 26, 1899. [3UB115]

Umutima wa Kristo wahuranyijwe n'uburibwe butyaye cyane kurenza ubwatewe n'imisumari bateye mu biganza no mu birenge bye. Yari ari kwikorera ibyaha by'isi yose, yihanganira igihano cyari icyacu ari cyo mujinya w'Imana igirira gucumura. Ikigeragezo cye cyari gikubiyemo igishuko gikomeye cyane cyo gutekereza ko Imana yamutereranye. Ubugingo bwe bwashenguwe n'uburemere bw'umwijima ukomeye wari ugamije ko yagamburura akareka gukiranuka kwe muri uwo mubabaro wari uteye ubwoba. [3UB115]

Ikigeragezo nticyaba ari ikigeragezo keretse gusa igihe bishoboka ko umuntu yatsindwa nacyo. Umuntu arwana n'ikigeragezo iyo hariho imbaraga iri kumuhatira gukora ikintu kibi; kandi kubera ko aba azi ko ashobora kugikora, kubwo kwizera arwana yishingikirije ku mbaraga y'Imana. Ayo ni yo makuba Kristo yanyuzemo. -The Youth's Instructor, July 20, 1899. [3UB115]

**Dushobora Kunesha nk'uko Kristo Yanesheje**. Urukundo n'ubutabera bw'Imana, ndetse no kudahinduka kw'amategeko yayo ntibyagaragarijwe mu mibereho y'Umukiza kuruta uko byagaragarijwe mu rupfu rwe. Yambaye kamere ya muntu n'intege nke zayo, n'ibiyigize ndetse n'ibishuko ihura nabyo... "Yageragejwe mu buryo bwose nkatwe" (Abaheburayo 4:15). Nta mbaraga ubwe yikoreshereje umuntu adashobora gukoresha. Nk'umuntu, yahuye n'ibigeragezo, kandi yatsindiye mu mbaraga Imana yamuhaye. Aduha urugero rwo kumvira kuzira amakemwa. Yagenye ko natwe dushobora kuba abaragwa kamere y'Imana, kandi adusezeranira ko dushobora kunesha nk'uko nawe yanesheje. Ubuzima bwe buhamya ko dufashijwe na ya mbaraga mvajuru Kristo yahawe, bishoboka ko umuntu nawe yakumvira amategeko y'Imana. -Manuscript 141, 1901. [3UB115]

## IMANA YOHEREJE UTAGIRA ICYAHA NGO AZE MURI IYI SI

Imana yadukoreye ikintu gihebuje yashoboraga gukora igihe yohereza Umuziranenge akava mu ijuru aje kwereka iyi si yazahajwe n'icyaha uko abakijijwe bagomba kumera mu mico yabo - bakarangwa n'imico iboneye, yera kandi izira ikizinga, bafite Kristo muri bo. Mu Mwana wayo, yohereje ishusho y'uko abakijijwe bagomba kumera, kandi isaba abantu kubaka imico ihuje n'uko ishaka ko twamera. -Letter 58, 1906. [3UB115]

## UMUNTU NTIYAREMANWE KAMERE Y'ICYAHA

Mu nama zo mu ijuru Imana yaravuze iti: "Tureme umuntu agire ishusho yacu ase natwe.... Imana irema umuntu ngo agire ishusho yayo, afite ishusho y'Imana ni ko yamuremye" (Itang. 1:26,27). Uwiteka yaremye ububasha bw'imicombonera ya muntu ndetse n'imbaraga z'umubiri we. Byose byari ishusho yayo bwite itarangwamo icyaha. Imana yahaye umuntu imico imugize yera, maze imushyira mu busitani yari yaratganyirijwe. Icyaha cyonyine ni cyo cyashoboraga kurimbura ibyo Imana Ishoborabyose yaremesheje ukuboko kwayo. -The Youth's Instructor, July 20, 1899. [3UB116]

## YISHYIZEHO UBURWAYI BW'ABANDI ATAGIZEMO URUHARE

Kristo wenyine ni we wari ushoboye kwikorera imibabaro y'umuryango wa mwene muntu wose. "Yababaranye nabo mu mibabaro yabo." Ntabwo yigeze agira indwara mu mubiri we, ariko yishyizeho uburwayi bw'abandi. Igihe inyokomuntu yababazwaga yamusangaga, We wari inziramuze yabaye ubabarana nabo... [3UB116]

Mu buzima bwe hano ku isi, Kristo yakujije imico itunganye rwose, yumviye amategeko ya Se mu buryo buzira amakemwa. Mu kuza ku isi yambaye umubiri w'umuntu, mu gutwarwa n'amategeko kwe, mu guhishurira abantu ko yishyizeho indwara zabo, imibabaro yabo n'intimba yabo, ntabwo yigeze ahinduka umunyabyaha. Ari imbere y'Abafarisayo yashoboraga kuvuga ati: "Ni nde muri mwe unshinja akanyemeza icyaha?" Nta kizinga na kimwe cy'icyaha cyabonetse kuri We. Imbere y'isi, yari Umwana w'intama w'Imana uzira inenge. -The Youth's Instructor, Dec. 29,

1898. [3UB116]

## KUTAGIRA ICYAHA KWA YESU KWAKANGARANYIJE SATANI

Kristo, Umucunguzi w'isi, ntabwo yari ahantu ibyari bimukikije byari bitunganye rwose ngo bimutere gukomeza kurangwa n'ubuzima bwera n'imicombonera izira ikizinga, nyamara nyiyigeze yanduzwa. Ntabwo yari aho atashukwa. Satani yari yarasheze kandi akora ubudatuza mu muhati we kugira ngo ashuke kandi atsinde Umwana w'Imana akoresheje imitego ye. Kristo ni wenyine wabaye ku isi utarigeze arangwaho n'ikizinga cy'icyaha. Yari atunganye kandi azira inenge. Kuba kuri iyi si harashoboraga kubaho Utarangwaho ikizinga cy'icyaha, byababaje cyane nyirabayazana w'icyaha, bityo nta buryo Satani atagerageje ngo atsinde Kristo akoreheje imbaraga z'ubushukanyi bwe. Ariko Umukiza wacu yishingikirije kuri Se wo mu ijuru amubera isoko y'ubwenge n'imbaraga zo kurwanya no gutsinda umushukanyi. Umwuka wa Se wo mu ijuru ni wo wakoreshaga ubugingo bwe. Nta cyaha yagiraga. Kubonera n'ubutungane ni byo byarangaga ubuzima bwe. - The Youth's Instructor, February, 1873. [3UB116]

## KAMERE YACU YA MUNTU YACUMUYE YAHUJWE N'UBUMANA BWA KRISTO

Nubwo nta kizinga cy'icyaha yari afite mu mico ye, ariko yaciye bugufi cyane afatanya kamere yacu ya kimuntu yacumuye n'ubumana bwe. Muri uko gufata ubumuntu, yubahishije ikiremwamuntu. Kubwo gufata kamere yacu yacumuye, yerekanye icyo iyo kamere ihinduka binyuze mu kwemera icyo yayiteganyirije cyonyine no guhinduka umuragwa wa kamere y'Imana.

-*Letter 81, 1896.* [3UB117]

## YAGERAGEJWE NK'UKO ABANA B'IMANA BAGERAGEZWA MURI IKI GIHE

Hari ushobora gutekereza ko bitewe n'uko Kristo yari Umwana w'Imana yaba atageragejwe nk'uko abana b'Imana bageragezwa muri iki gihe. Ibyanditswe Byera bivuga ko yageragejwe mu buryo bwose nkatwe. - The Youth's Instructor, April, 1873." [3UB117]

## ICYO KWIGIRA UMUNTU KWA KRISTO BISOHOZA

Uwiteka ntiyaremye umuntu ngo azacungurwe, ahubwo yamuremeye kugira ishusho Ye. Ariko bitewe n'icyaha umuntu yatakaje ishusho y'Imana. Binyuze mu gucungurwa k'umuntu konyine ni ho Imana ishobora gusohoza umugambi imufitiye imugira umwana w'Imana. [3UB117]

"Icyakora abamwemeye bose bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana. Abo ntibabyawe n'amaraso cyangwa n'ubushake bw'umubiri, cyangwa n'ubushake bw'umugabo, ahubwo babyawe n'Imana. Jambo uwo yabaye umuntu abana natwe (tubona ubwiza bwe busa n'ubw'Umwana w'ikinege wa Se), yuzuye ubuntu n'ukuri... Kandi ibimwuzuye akaba ari byo twahaweho twese, ni ubuntu bukurikira ubundi" (Yohana 1:12-16). [3UB117]

Bitewe n'incungu yatangiwe, kubwo guhitamo kwe no kumvira kwe, umuntu ashobora gusohoza umugambi w'Imana, kandi binyuze mu buntu butangwa n'Imana, ashobora kugira ishusho yayo yari yarahawe katanga ka mbere akaza kuyitakaza kubera gucumura... [3UB117]

**Kumvira kwa Kristo Ntigutandukanye n'Ukwacu.** -Umwigisha mukuru yaje muri iyi si yacu atazanywe no guhongerera icyaha gusa ahubwo yari aje no kuba umwigisha haba mu mategeko no mu rugero yatangaga. Yaje kwereka umuntu uburyo yakubahiriza amategeko mu bumuntu, kugira ngo umuntu ye kugira urwitwazo rwo gukurikiza imyumvire ye bwite irangwamo ibizinga. Tubona kumvira kwa Kristo. Ubuzima ntibwarangwagamo icyaha. Uko yumviye mu buzima bwe bwose ni ikinegu ku kutumvira kw'inyokomuntu. Kumvira kwa Kristo ntigukwiriye kwirengangizwa ngo gufatwe ko gutandukanye no kumvira asaba buri muntu wese ku giti cye. Kristo yatweretse ko bishoboka ko abantu bose bakumvira amategeko y'Imana... [3UB117]

Umurimo Kristo yakoze si umurimo atari ashyizeho umutima we wose. Ntabwo Kristo yaje gukora ibyo yishakiye ahubwo yaje gukora ibyo uwamutumye ashaka. Yesu aravuga ati: "Mugere ikirenge mu cyanjye nk'Umwana wumvira Se muri byose. Mujye mwumvira mudakebakeba. Mugomba kumvira nk'abakorana n'Umwana w'Imana. Kenshintimuzabona inzira mucamo igaragara neza; ariko icyo gihe muzasabe Imana, bityo izabaha ubwenge n'ubutwari no kwizera bibabashisha kujya mbere, ibibazo byose mubiharire Imana." Uko bishoboka kose dukeneye gusobanukirwa kamere muntu nyakuri y'Umukiza wacu. Ubumuntu n'ubumana byari bihurijwe muri Kristo, kandi byombi byari byuzuye. [3UB118]

Nk'Umwana w'Imana, Umukiza wacu yafashe isano nyakuri ya muntu. Turi abahungu n'abakobwa b'Imana. Kugira ngo tumenye uko dukwiriye kwitwara kubw'ibyo, tugomba gukurikira Kristo aho atuyobora hose. Yaranzwe n'imibereho izira amakemwa mu myaka mirongo itatu, agera ku rwego rw'ubutungane ruhanitse kurusha izindi. Kubw'ibyo, mureke umuntu nubwo atari imbonera yiringire Imana, ye kuvuga ati: "Iyaba ntari meze ntya nakorera Imana," ahubwo nasange Imana ayikorere uko bikwiriye…Kristo aravuga ati: "Iyo kamere narayicunguye" "Icyakora abamwemeye bose bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana" (Yohana 1:12). Ntabwo mwateshejwe agaciro, ahubwo mwarazamuwe, muhabwa icyubahiro kandi mutunganywa na Jye. Mushobora kubonera ubuhungiro muri jye. Mushobora kubona intsinzi kandi mukarushishwaho kunesha mu izina ryanjye." - Letter 69, 1897. [3UB118]

## SATANI YAVUGAGA KO UMUNTU ADASHOBORA KUBAHIRIZA AMATEGEKO Y'IMANA

Umucunguzi w'isi yanyuze ku rubuga Adamu yatsindiweho akagwa bitewe no kutumvira amategeko Uwiteka yari yamuhaye; kandi Umwana w'Imana w'ikinege yaje kuri iyi si yacu nk'umuntu, kugira ngo agaragarize isi ko abantu bashobora gukurikiza amategeko y'Imana. Nyuma yo kutumvira kwa Adamu, Satani umumarayika waguye, yari yaravuze ko nta muntu washobora gukurikiza amategeko y'Imana. Satani yavugaga ko yitegekera inyokomuntu yose. [3UB118]

Umwana w'Imana yishyize mu cyimbo cy'umunyabyaha, maze anyura ku rubuga Adamu yatsindiweho akagwa, kandi ahangana n'ikigeragezo mu butayu. Cyari ikigeragezo gikomeye inkubwe ijana kurenza icyo inyokomuntu yari guhura nacyo cyangwa izigera ihura nacyo. Yesu

yatsinze ibishuko bya Satani mu buryo nk'ubwo umuntu wese ugeragezwa ashobora gutsindiramo, abwira Satani ibyanditswe byahumetswe n'Imana avuga ati: "Handitswe ngo." [3UB118]

**Inyokomuntu Ishobora Gukurikiza Amategeko y'Imana kubw'Imbaraga Mvajuru.** Kristo nk'umuntu, yatsinze ibigeragezo bya Satani. Umuntu wese ashobora kunesha nk'uko Kristo yanesheje. Yicishije [3UB118] bugufi kubwacu. Yageragejwe mu buryo bwose nkatwe. Yakuyeho gutsindwa gukojeje isoni no gucumura kwabaye kuri Adamu, kandi yaranesheje. Bityo rero, ibyo bihamiriza amasi yose ataracumuye n'inyokomuntu yacumuye ko umuntu ashobora kubahiriza amategeko y'Imana binyuze mu mbaraga z'Imana ahabwa n'ijuru. Yesu Umwana w'Imana yicishije bugufi kubwacu, yihanganira ikigeragezo kubwacu, atsinda kubwacu kugira ngo atwereke uko tubasha kunesha. Muri ubwo buryo yahuje inyungu ze n'umuntu binyuze mu komatanywa n'imirunga ikomeye cyane, kandi yatanze ibyiringiro nyakuri ko tutazageragezwa ibirenze ibyo dushobora, kuko hamwe n'ibitugerageza izaducira icyanzu. [3UB119]

**Mwuka Wera Atubashisha Kunesha.** - Mwuka Wera yasezeranywe ko azabana n'abazaba bari gukirana ngo bagere ku ntsinzi, akigaragaza mu bubasha bukomeye, agaha umuntu imbaraga ndengakamere, kandi akigisha umuswa iby'ubwiru bw'ubwami bw'Imana. Kuba Mwuka Wera agomba kuba umufasha ukomeye ni isezerano ry'agahozo dufite. Byari kutumarira iki iyo Umwana w'Imana w'ikinege aza kuba yaricishije bugufi, akihanganira ibigeragezo by'umwanzi gica, kandi agakirana nawe mu buzima bwose yamaze ku isi, Umukiranutsi agapfira abakiranir wa kugira ngo inyokomuntu ye kurimbuka, ariko Mwuka Wera ntabe yaratanzwe ngo abe umufasha utabura, uhoraho kandi uhembura kugira ngo ibyo Umucunguzi w'isi yakoze bigire impinduka bizana muri twe? [3UB119]

Mwuka Wera watanzwe yabashishije abigishwa be n'intumwa ze guharagara bashikamye bagahangana n'uburyo bwose bwo gusenga ibigirwamana kandi ngo baheshe ikuzo Uwiteka wenyine. Ni nde uretse Yesu Kristo (kubwe n'imbaraga ze z'ubumana), wayoboye ikaramu y'abanditsi b'amateka bera kugira ngo isi ibashe kugezwaho inyandiko y'agaciro irimo ibyo Yesu Kristo yavuze n'ibyo yakoze? [3UB119]

Mwuka Wera wasezeranywe, uwo yajyaga kohereza nyuma yo kuzamuka ajya kwa Se, akora ubudatuza kugira ngo arehereze intekerezo z'abantu gutumbira igitambo gikomeye cyo ku musaraba w'i Kaluvali, no kwereka neza abatuye isi urukundo Imana ikunda umuntu no gusobanurira umutima witanze ibintu by'agaciro kenshi biboneka mu Byanditswe Byera, ndetse no gukingurira abari mu mwijima bakabona imyambi irabagírana ya Zuba ryo Gukiranuka, bakabona n'ukuri kwateye imitima yabo kugurumanira muri bo bitewe no gukangukira kumenya ukuri kw'iteka ryose. [3UB119]

Ni nde uretse Mwuka Wera wereka umuntu urugero rukwiriye rwo gukiranuka kandi akemeza umuntu ibyaha, ndetse akamutera kugira agahinda ko mu buryo bw'Imana gatera kwihana kuticuzwa, kandi agatera umuntu kwizera Kristo wenyine ushobora gukiza abantu icyaha cyose. [3UB119]

Ni nde wundi uretse Mwuka Wera ushobora gukorana n'intekerezo za muntu agahindura imico ye binyuze mu kumutera kuzinukwa iby'isi [3UB119] by'igihe gito kandi bibora, maze akuzuza mu bugingo icyifuzo gikomeye abwereka umurage utazabora, akereka umuntu iby'iteka ryose bitangirika, kandi akarema bushya, agatunganya ndetse akeza ibikoresho-bantu kugira ngo babashe guhinduka abo mu muryango wa cyami, abana b'Umwami wo mu ijuru.... [3UB120]

**Kristo nk'umuntu Yanesheje Icyaha**. - Gucumura kw'ababyeyi bacu ba mbere kwaciye umurunga w'izahabu wo kumvira Imana kudakebakeba k'ubushake bwa muntu. Ntabwo kumvira

kongeye kuba icyangombwa umuntu atagomba guteshukaho. Abantu bikurikirira ibyo bitekerereza, ari byo Uwiteka yavuze ku baturage bo mu isi ya kera ko bari babi kandi bakomezaga gukora ibibi. Umwami Yesu aravuga ati: "Nubahirije amategeko ya Data." Ate? Nk'umuntu. Yaravuze ati: "Dore nzanywe no gukora ibyo ushaka, Mana." Ku birego Abayuda bamuregaga, yahagaze ashikamye mu mico ye itunganye, ikiranuka, kandi yera maze akababaza ati: "Ni ndé muri mwe unshinja icyaha" (Yohana 8:46). [3UB120]

**Urugero Rwacu n'Igitambo Cyacu cy'Icyaha.** Umucunguzi w'isi ntiyaje kuba igitambo cy'icyaha gusa ahubwo yaje no kubera umuntu urugero mu bintu byose, aba umuntu uzira inenge. Yari Umwigisha isi itari yarigeze ibona cyangwa ngo yumve mbere yaho. Yavugaga nk'ufite ubutware, nyamara kandi yateraga abantu bose kumugirira icyizere. [3UB120]

Aravuga ati: "Mwese abarushye n'abaremerewe, nimuze munsange ndabaruhura. Mwemere kuba abagaragu banjye munyigireho, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima, namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu, kuko kunkorera kutaruhije, n'umutwaro wanjye utaremereye" (Matayo 11:28-30). [3UB120]

Kubw'amagambo ye, urugero rwe mu buzima bufatika, Umwana w'ikinege w'Imana ihoraho yadusigiye icyitegererezo cyumvikana neza tugomba gukurikiza. Akoresheje amagambo ye, yatwigishije kumvira Imana, kandi kubw'imigirire ye yatweretse uko dushobora kumvira Imana. [3UB120]

Ntabwo Kristo yatanze amategeko asobanutse neza gusa yerekana uburyo dushobora guhinduka abana bumvira ahubwo mu buzima bwe bwite no mu mico ye yanatweretse uburyo bwo gukora ibyo bintu bitunganye kandi byemerwa n'Imana. Bityo rero, nta rwitwazo rw'impamvu tutakora ibyo bintu bishimishije mu maso y'Imana. [3UB120]

**Kristo Yahinyuje Ibyo Satani Yavugaga.** - Dukwiriye guhora iteka dushima kuko Yesu akoresheje ibihamya bifatika yatweretse ko umuntu ashobora kubahiriza amategeko y'Imana, bityo rero yavuguruje ibinyoma Satani yavugaga ko umuntu adashora kuyubahiriza. Umwigisha Ukomeye yaje kuri iyi si yacu kugira ngo ahagararire ikiremwamuntu, bityo arakizahura kandi acyejesha kumvira kwe kwera yumvira amategeko yose y'Imana. Yerekanye ko kubaho umuntu yumvira mu buzima bwe bwose bishoboka. Muri ubwo buryo nk'uko Data wa twese yatanze Umwana we, [3UB120] Kristo aha isi abantu batoranyijwe kandi bamuharariye kugira ngo bagaragarize mu mibereho yabo ubuzima Yesu Kristo nawe yabayeho. [3UB121]

**Nk'Umuntu Nyakuri, Yatsinze Ikigeragezo**. Ntabwo dukwiriye gufata kumvira kwa Kristo ubwako nk'ikintu yabashije kugeraho mu buryo bwihariye abibashishijwe na kamere ye y'ubumana, kubera ko yahagaze imbere y'Imana nk'uhagarariye umuntu kandi yageragejwe nk'insimbura y'umuntu n'umwishingizi we. Iyo Kristo aza kugira imbaraga zidasanzwe umuntu nawe adafite amahirwe yo kugira, Satani aba yaraboneye urwaho kuri iyi ngingo. Umurimo wa Kristo wari uwo gufata ibyo Satani yavugaga maze akabikuramo kuba avuga ko ari we witegekera umuntu, kandi Kristo yashoboraga gukora ibyo biciye gusa mu nzira yajemo -akaza ari umuntu, akageragezwa nk'umuntu, kandi akumvira nk'umuntu.... [3UB121]

Muzirikane ko gutsinda kwa Kristo no kumvira kwe ari uk'umuntu nyakuri. Mu myanzuro dufata, dukora amakosa menshi bitewe n'imyumvire yacu irimo ubuyobe ku birebana na kameremuntu y'Umukiza wacu. Iyo duhaye kameremuntu ye imbaraga umuntu atashobora kugira mu rugamba arwanamo na Satani, tuba dusenye ukuzura k'ubumuntu bwe. Ubuntu n'imbaraga ze duhabwa abiha abantu bose bamwakira kubwo kwizera. Kumvira kwa Kristo yumviye Se kwari ukumvira kumwe n'ugusabwa umuntu. [3UB121]

Umuntu ntashobora gutsinda ibishuko bya Satani adafite imbaraga z'Imana zihujwe n'icyo gikoresho cyayo [umuntu]. Ni nako byari bimeze kuri Yesu Kristo, yashoboraga kugundira imbaraga mvajuru. Ntabwo yaje kuri iyi si yacu kugira ngo atange kumvira nk'ukw'Imana nto yaba yumvira Imana nkuru, ahubwo yaje nk'umuntu kugira ngo yumvire Amategeko Yera y'Imana, kandi atubera urugero muri ubu buryo. [3UB121]

**Yesu Yerekanye ibyo Umuntu Ashobora Gukora.** - Umwami Yesu yaje kuri iyi si yacu, atari ukugira ngo ahishure ibyo Imana ishobora gukora, ahubwo kwari uguhishura ibyo umuntu ashobora gukora binyuze mu kwizera imbaraga z'Imana zimufasha mu makuba yose. Kubwo kwizera, umuntu agomba kuba usangiye kamere n'Imana, kandi agatsinda igishuko cyose kimwibasira. Noneho rero, Uwiteka asaba ko, binyuze mu kwizera Yesu Kristo, umuhungu n'umukobwa wese wa Adamu yamukorera ari muri kamere muntu dufite ubu. [3UB121]

Umwami Yesu yatinze iteme ry'umworera icyaha cyazanye. Yahuje isi n'ijuru, ahuza umuntu ugira iherezo n'Imana ihoraho iteka ryose. Yesu, Umucunguzi w'isi yashoboraga gukurikiza amategeko y'Imana gusa mu buryo bumwe n'ubwo inyokomuntu ishobora kuyakurikiza. "Ibyo ni byo byatumye aduha ibyo yasezeranije by'igiciro cyinshi, bikomeye cyane kugira ngo bibatere gufatanya na kamere y'Imana, mumaze guhunga no gukira kononekara kwazanywe mu isi no kwifuza" (2Petero 1:4). [3UB121]

Tugomba gukurikiza urugero rwa Kristo, tuzirikana mu bwenge bwacu ubumuntu bwe n'uko ari Umwana w'Imana. Ntabwo mu butayu Imana ari yo yageragejwe, kandi Imana si yo yihanganiye kuvuguruzwa n'abanyabyaha igihe bamuhinyuraga. Umwami ukomeye wo mu ijuru ni we wahindutse umuntu - yicisha bugufi ajya ku rwego rwa kameremuntu yacu. [3UB122]

**Uko Tugomba Gukorera Imana**. Ntabwo tugomba gukorera Imana nk'aho tutari abantu, ahubwo tugomba kuyikorera muri kamere dufite yacunguwe n'Umwana w'Imana. Binyuze mu gukiranuka kwa Kristo tuzahagarara imbere y'Imana tubabariwe, kandi tumeze nk'aho tutigeze ducumura. Ntabwo tuzigera tubona imbaraga na mba igihe tuzajya twita kubyo twakora iyaba twari turi abamarayika. Mu kwizera, tugomba guhindukira tugatumbira Yesu Kristo, kandi tukerekana urukundo dukunda Imana tubinyujije mu kumvira amategeko yayo. Yesu "yageragejwe mu buryo bwose nkatwe, keretse ko atigeze acumura." Yesu aravuga ati: "Munkurikire." "Umuntu nashaka kunkurikira yiyange, yikorere umusaraba we, ankurikire (Matayo 16:24)." -Manuscript 1, 1892. [3UB122]

## UBUSOBANURO NYABWO BWO KWIGIRA UMUNTU KWA KRISTO

Kristo yambaye ubumuntu, kandi atanga ubugingo bwe ho igitambo, kugira ngo kubwo guhinduka usangiye kamere n'Imana, umuntu abashe kubona ubugingo buhoraho. Ntabwo Kristo yari Igitambo gusa, ahubwo yari n'Umutambyi utamba igitambo. Yaravuze ati: "Umutsima nzatanga kubw'abari mu isi kugira ngo babone ubugingo, ni umubiri wanjye" (Yohana 6:51). Yesu ntiyarangwagaho icyaha na mba. Yitangiye abantu bari barigurishije bakiha Satani binyuze mu kwica amategeko y'Imana. Yatanze ubugingo bwe ku bugingo bw'umuryango wa muntu, maze kubw'ibyo umuntu ahinduka ubutunzi bwa Kristo yicunguriye. [3UB122]

Kristo yaravuze ati: "Igituma Data ankunda ni uko ntanga ubugingo bwanjye ngo mbusubirane. Nta wubunyaka, ahubwo mbutanga ku bushake bwanjye. Nshobora kubutanga kandi nshobora kubusubirana, kuko iryo ari ryo tegeko nategetswe na Data." (Yohana 10:17, 18). [3UB122]

"Ibihembo by'ibyaha ni urupfu" (Abaroma 6:23). Mbere y'uko Adamu acumura, Imana yaramubwiye iti: "umunsi wakiriyeho no gupfa uzapfa" (Itangiriro 2:27). "Niwica amategeko yanjye, igihano cyawe kizaba urupfu nta kabuza." Kubwo kutumvira amategeko y'Imana, Adamu yatakaje ubugingo bwe. [3UB122]

Mbere yo gucumura kwe, nta ngaruka z'umuvumo Adamu yabonaga. Igihe yibasirwaga n'umushukanyi, nta ngaruka n'imwe y'icyaha yari imuriho. Yari yararemwe atunganye haba mu ntekerezo no mu bikorwa. Ariko yemeye gukora icyaha, maze aragwa ava ku rwego ruhanitse kandi rwera yariho. [3UB122]

**Mu Ishusho y'umubiri w'Icyaha.** -Kristo, Adamu wa kabiri, yaje mu ishusho y'umubiri w'icyaha. Mu kigwi cy'umuntu, yagezweho n'umubabaro, araremererwa, arasonza kandi agira inyota. Yarageragejwe, ariko ntiyigeze akora icyaha. Nta kizinga cy'icyaha cyari kuri we. Yaravuze ati: "Nitondeye amategeko ya Data [mu buzima bwanjye ku isi]" (Yohana 15:10). Yari afite imbaraga zitagira iherezo kubera ko yumviraga ubushake bwa se mu buryo buzira amakemwa. Adamu wa kabiri yatsinze igipimo cy'igishuko n'ikigeragezo kugira ngo abashe guhinduka Umutware Nyir'inyokomuntu yose. - Manuscript 99, 1903. [3UB123]

# UMUGABANE WA V: AMAHAME Y'AGAKIZA

## IJAMBO RY'IBANZE

Amahame y'ibanze ku byerekeranye n'agakiza agaragazwa mu buryo bumwe cyangwa ubundi hafi muri buri gitabo cyose cya Ellen White ndetse no mu binyamakuru byinshi yagiye yandika. Inyigisho za Bibiliya n'ibiganiro byabereye i Meneyapolisi (Minneapolis) mu mwaka wa 1888 mu Nteko Nkuru Rusange y'itorero byari byibanze cyane ku mahame y'agakiza ku bwo kwizera tubonera muri Kristo gusa, kwari ukuri kutitaweho na benshi mu bagabura n'abakorerabushake. Igitabo Ubutumwa Bwatoranyijwe, umuzingo wa 1, mu mugabane wacyo uvuga "Kristo Gukiranuka kwacu" (guhera ku gice cya 54 kugeza icya 63), gishimangira cyane ibyabereye i Minneapolis. Mbega uko Ellen White yanejejwe no kumva uko kuri kw'ibanze kwerekeye gutsindishirizwa ku bwo kwizera gushyirwa ahagaragara muri iyo nama, n'uko yafatanyije n'abandi mu kugeza ubwo butumwa bunejeje ku matorero atandukanye! Nyamara, nubwo uko kuri kwagaragariraga mu bibwirizwa bye no munyandiko ze yagiye atanga mu myaka myinshi, yabikoraga mu buryo bwitondewe. Ibi bigaragazwa neza mu nyandiko ze nyinshi zigize igitabo cya Ellen G. White cyitwa Kwizera n'imirimo (Faith and Works), kigizwe n'ibiganiro n'inkuru yatanze kuva mu mwaka wa 1881 kugeza mu 1902. [3UB124]

Iki gice kigizwe n'ingingo eshatu zigaragaza ukuri kw'ingenzi ku byerekeye kwizera n'imirimo. Ingingo ya mbere itinda ku magambo yavuzwe na Ellen White kuva mu mwaka wa 1850 kugeza mu 1888 yerekana mu buryo busobanutse uko yagaragazaga mu buryo bwitondewe ibyerekeye gutsindishirizwa ku bwo kwizera. Ingingo ya gatatu yerekana uko ibyo yagiye avuga bigiye umujyo umwe, bikagaragaza ubumwe bwagaragaraga munyigisho ze igihe cyose yamaze akora umurimo. Hongewemo amagambo make gusa kugirango atwibutse iby'umurimo we mu kugaragaza uko kuri kw'ingenzi, ari ko mutima w'ubutumwa bwiza. Ingingo ya kabiri, igizwe n'amateka, itwereka ibyabereye mu Nteko Nkuru Rusange yabereye i [3UB124] Minneapolis n'uruhare Ellen White yagize kuri ibyo byabaye, mu myaka yakurikiye iyo nama yaberere i Minneapolis. Iyi ngingo itangirana n'amagambo atubwira amateka ye mu buryo bwagutse. Abashinzwe Kurinda Inyandiko za Ellen G. White [3UB125]

# IGICE CYA 20

## AMAHAME Y'AGAKIZA NK'UKO AVUGWA NA ELLEN WHITE MU ITANGIRA RY'UMURIMO WE

**Tera Umugongo Inarijye Uhange Yesu Amaso** -1850. Malayika yaravuze ati: "Mwizere Imana." Nabonye ko benshi bananirwa kugira kwizera. Kwizera biroroheje cyane, reba ikirenze uko kwizera. Satani yagerageje kuriganya bamwe mu bana b'Imana, maze abatera kwihangaho amaso ngo bagire ikintu cy'agaciro bibonamo. Nabonye ko bagomba bagomba gukura amaso yabo ku narijye, bagahanga amaso yabo ku gaciro ka Yesu, ndetse bakiyegurira imbabazi ze nk'impezamajyo zitagize icyo zimariye, kandi kubwo kwizera akaba ari we bakuraho imbaraga n'ibibatunga. Letter 8, 1850. [3UB126]

Ishingikirize kubyo Yesu Yakoze Gusa-1862. -Buri wese mu bagize umuryango akwiye kuzirikana ko afite icyo akwiriye gukora ngo ahangane n'umwanzi wacu ukomeye, kandi kubw'amasengesho avuye ku mutima no kwizera kudacogora buri wese akwiriye kwishingirikiriza ku byakozwe n'amaraso ya Yesu Kristo, kandi agasaba imbaraga ze zikiza. Hari igihe imbaraga z'umwijima zigota ubugingo bwacu zikatubuza kureba Yesu, rimwe na rimwe bikadusaba gutegerereza mu bwihebe no gutangara kugeza igihe igihu gitamuruwe. Ibyo bihe akenshi birababaza. Ibyirigiro bisa n'ibiyoyoka, maze kwiheba kukadusaba. Mu bihe nk'ibi bibabaje dukwiriye kwiga kwiringira no kwishingikiriza gusa ku mpongano yacu, maze muri uko kwiyumvamo ko turi impezamajyo zidafite gifasha, tukishingikiriza [3UB126] gusa ku Mukiza wacu wabambwe akazuka. Ntituzigera tuzimira igihe tuzaba dukora dutyo- Ntibishoboka na mba.-Testimonies for the Church 1:309, 310 (1862). [3UB127]

**Ukuri Kugomba Kweza Ubugingo-1869**.-Musaza wacu na mushiki wacu P. bafite umurimo bagomba gukora ngo batunganye umuryango wabo n'imitima yabo... Ntabwo musaza wacu P. yigeze abona cyangwa ngo yumve ko Mwuka w'Imana ari ngombwa mu mutima kugira ngo azane impinduka mu bugingo, mu magambo ndetse no mu bikorwa. Imibereho y'iby'idini ya musaza wacu P. yahindutse iy'umuhango cyane. [3UB127]

Yabonye kandi yemeye amahame yerekeranye n'ukuri, ariko ntiyigeze yimenyera umurimo wihariye wo kwereshwa ukuri. Inarijye yakomeje kumugiraho imbaraga. Iyo hagiraga amagambo avugirwa mu materaniro kandi akaba adahuje n'uko abibona, yarayacyahaga, atabikoranye urukundo no kwicisha bugufi, ahubwo mu buhubutsi, kandi akabikorana amagambo akakaye. Iyi mvugo ntikwiriye gukoreshwa n'Umukristo wese, by'umwiriko wa wundi ugikeneye kugira ubunararibonye bwisumbuyeho, kandi akaba agifite byinshi byo gukosora mu mibereho ye. -Manuscript 2, 1869. [3UB127]

**Imbuto Zikomoka ku Kwezwa Nyakuri-1874**. Mwakomeje kugundira ibitekerezo byo kwezwa n'ubutungane bidaturutse kuri ya mpamvu nyakuri ibyara urubuto nyarwo. Kwezwa si umirimo w'inyuma. Ntabwo bishingiye ku gusenga no kwingingwa bibera mu materaniro, ahubwo kwigarurira ubugingo bwose, kugaha isura nshya amagambo n'ibikorwa, ndetse kugahindura n'imico.... [3UB127]

Hasa naho hariho imyanya y'ingenzi igomba gukorwamo n'abantu bejejwe by'ukuri, bafite umwuka warangaga Umwami wacu. Bakeneye kandi kunesha inarijye kugirango umurimo n'imbaraga byabo bitangizwa n'inenge zo mu mico ya bo. -Manuscript 6, 1874. [3UB127]

**Imico Yatunganyijwe Yagaragajwe na Enoki na Eliya-1874.** - Abantu bake muri buri gisekuru kuva kuri Adamu bagiye bahangana n'ubucakura bwose bwa Satani, maze bahagarara nk'intwari zigaragaza icyo umuntu ashobora gukora ndetse n'icyo ashobora kuba cyo-Kristo akorana n'imbaraga z'umuntu, maze akamufasha gutsinda imbaraga za Satani. Enoki na Eliya ni ibyitegererezo butunganye by'icyo abantu bashoboraga kuba cyo binyuze mu kwizera Yesu Kristo baramutse babishatse. Satani yarahungabanye cyane bitewe n'uko abo bagabo b'intwari kandi bera batandujwe no kononekara mu mico mbonera kwari kubazengurutse, ahubwo baranzwe n'imico yo gukiranuka iboneye, kandi bakagaragara ko bakwiriye kwimurirwa mu ijuru. Kubera ko bari barahagaze mu mbaraga z'imicombonera bakabaho batunganye kandi bakiranutse, bakanesha ibigeragezo bya Satani, byatumye Satani adashobora kubashyira munsi y'ubutware bw'urupfu. Satani yari yarashimishijwe n'uko yabashije gutsindisha Mose ibigeragezo bye, kandi ko yabashije kwanduza imico ye [3UB127] yari icyitegererezo kandi amutera gukora icyaha cyo guhagarara imbere y'Abisirayeli akiha icyubahiro cyari gikwiriye guhabwa Imana. The Review and Herald, March 3, 1874. [3UB128]

**Kwizera n'Imirimo mu Gakiza-1878.** Imirimo yanyu yose myiza ntishobora kubahesha agakiza; ariko nubwo bimeze bityo ntimushobora gukizwa mudafite imirimo myiza. Kwitanga kose gukozwe ku bwa Kristo kuzabahesha ingororano y'iteka. -The Review and Herald, March 21, 1878. [3UB128]

**Kwiringira Kristo ni Ingenzi-1879.** -Wakundaga Kristo, nubwo kwizera kwawe kwagiye kugira intege nke kandi n'ibitekerezo byawe bikagwa mu rujijo. Ariko Yesu Kristo ni Umukiza wawe. Agukiza bidatewe nuko utunganye, ahubwo kuko umukeneye, kandi nubwo udatunganye ukaba warakomeje kumwiringira. Mwana wanjye nkunda, Yesu aragukunda. Ushobora kuririmba uti: "Mu gicucu cy'intebe yawe y'ubwami ni ho twibera tukaba amahoro; Ukuboko kwawe konyine kurahagije, Kandi uburinzi bwacu burashinganye."-Letter 46, 1879. [3UB128]

**Imirimo yo Gukiranuka Ipimirwa mu Rubanza-1881.** -Rimwe na rimwe abapasitoro cyangwa ababwiriza babwira abantu ko nta cyo bagomba gukora uretse kwizea gusa; bakavuga ko Yesu yabirangije byose, kandi ko imirimo yabo ari ubusa. Nyamara Ijambo ry'Imana rivuga ryeruye ko mu rubanza umunzani uzaraturwa neza nta 'kwibeshya, kandi imyanzuro izashingira ku bizaba bigaragajwe. [3UB128]

Umuntu umwe ahinduka umuyobozi w'imidugudu icumi, undi itanu, undi ibiri, buri wese ahembwa hakurikijwe uko yakoresheje neza impano yaragijwe. Imihati tugira mu mirimo yo gukiranuka, haba kubwacu no kubwagakiza kabandi, izagira icyo ikora gikomeye ku ngororano tuzahabwa.-The Review and Herald, Oct. 25, 1881. [3UB128]

**Ibyiringiro bya Ellen White byari muri Kristo Gusa-1881. -**Mu byago mperutse kugira byo gupfusha inshuti magara, neretswe ubuturo bw'iteka ryose mbwegereye cyane. Uko byangaragariraga, najyanywe imbere y'intebe yera ya cyami, kandi nitegereje imibereho yanjye nk'uko izahagaragara. Ntacyo nabonye nakwirata, ntacyo mfite gikwiye nazana imbere y'iyo ntebe. [3UB128]

Naratatse nti: "Mana yanjye, sinkwiriye, sinkwiriye kugirirwa imbabazi na nke." Ibyiringiro byanjye rukumbi biri mu Mukiza wabambwe kandi akazuka. Nishingikirije ku byakozwe n'amaraso ya Kristo. Yesu azakiza rwose abamwiringira. - The Review and Herald Nov. 1, 1881. [3UB128]

**Haranira Gutungana kw'Imico-1882.** -Ntituzasanganira Umwami wacu mu mahoro, keretse gusa nituba tudafite ikizinga mu bugingo bwacu. Tugomba kugira ishusho itunganye ya Kristo.

Igitekerezo cyose kigomba kugandukira ubushake bwa Kristo. Nk'uko intumwa ikomeye yabivuze tugomba kuba abantu "bashyitse bageze ku rugero rushyitse rw'igihagararo [3UB128] cya Kristo." Ntituzigera tugera kuri iki gisabwa tudakoresheje umwete udacogora. Niba dushaka kugera ku kubonera kw'imico ya Gikristo, tugomba kumaramaza buri munsi tukarwanya ikibi kigaragara inyuma n'icyaha kiri imbere muri twe. -The Review and Herald, May 30, 1882. [3UB129]

## INGINGO Z'IBANZE ZAGARAGAJWE MU NTEKO NKURU RUSANGE YO MU 1883

**IRIBURIRO**: Mu nama y'Inteko Nkuru Rusange yabereye i Battle Creek, muri Leta ya Michigan mu mwaka wa 1883, Ellen White yahaye ibiganiro abagabura mu bitondo cumi na bitatu bikurikirana, kandi ku Isabato isoza aha ikiganiro abari bitabiriye inama bose. Mu mwaka wakurikiycho, ikinyamakuru Urwibutso n'Integuza rwasohoye ibyo biganiro byose. Muri bine muri ibyo biganiro yagaragaje amahame yo gukiranuka kubwo kwizera nk'uko agaragazwa mu bice bigiye gukurikiraho [muri iki gitabo]. Ikiganiro kirambuye cyavugaga ngo: "Kristo Gukiranuka kwacu", nicyo cyabaye urufunguzo rw'ayo materaniro, cyasohotse bwa mbere mu gitabo kivuga Abakozi Babwiriza Ubutumwa bwiza", cyongera gusohoka mu gitabo Ubutumwa Bwatoranyijwe, Umugabane wa 1, Igice cya 54, nanone gisohoka no mu gitabo Kwizera n'Imirimo- Abakusanyije inyandiko... [3UB129]

**Ku wa Gatandatu, Ugushyingo 9, 1883-Reba kuri Yesu.** - Muri iki gitongo habaye umwuka wo gusengana umwete ngo Uwiteka yihishurire muri twe mu mbaraga. Umutima wanjye by'umwihariko wazamuwe igihe twasengaga, maze Imana irumva iduha umugisha. Twumvise ubuhamya bwa benshi bari bacitse intege, biyumvagamo ko badakwiriye rwose ku buryo Imana yabakoresha mu murimo wayo. Iyo yari imvugo yo kutizera. [3UB129]

Nagerageje kwerekeza iyo mitima kuri Yesu, We buhungiro bwacu, Umufasha utabura kuboneka igihe cyose tumukeneye. Ntajya aduhana kubera ibyaha byacu. Dushobora gukora amakosa kandi tugatera Umwuka We agahinda, ariko iyo twihannye, tukamugarukira n'umutima umenetse, ntazatwirukana na hato... [3UB129]

**Ku Isabato, Ugushyingo 10, 1883-Ngwino Uko Uri**. -Numvise ubuhamya nk'ubu ngo: "Simfite umucyo nifuza; Nta byiringiro mfite ko Imana yanyemera." Ubuhamya nk'ubu nta kindi bugaragaza uretse kutizera n'umwijima. [3UB129]

Mbese witeze ko Imana izakwemera kubera ibyiza byawe, kandi ko ugomba kubanza kwitandukanya n'icyaha mbere y'uko wiringira imbaraga zayo zikiza? Niba uru ari rwo rugamba ruri mu mutima wawe, ndatinya ko wazabura imbaraga, maze amaherezo ugacika intege. Nk'uko inzoka y'umuringa yamanitswe mu butayu, ni ko na Kristo yamanitswe ngo yireherezeho abantu bose. Abarebye ku nzoka bose, kuko ari bwo buryo[3UB129]

---

*39 Gospel Workers, Edition 1893, p. 411*

*40 Faith and Works, 35-39.*

---

Imana yari yateganyije, barakize. Ni ko bimeze no mu bunyacyaha bwacu n'ubukene bwacu, tugomba "kureba maze tukabaho." [3UB130]

Iyo tumenye ko turi impezamajyo tudafite Kristo, ntitugomba kwiheba; tugomba kwishingikiriza ku byakozwe n'Umukiza wabambwe akazuka. Yewe mutima ukennye urembejwe n'ibyaha, kandi

ukaba wihebye, reba maze ubeho. Yesu yarabisezeranye, ko azakiza abo bose baza bamusanga. Reka tumusange twature ibyaha byacu, maze twere imbuto zikwiriye abihannye. [3UB130]

Yesu ni Umukiza wacu uyu munsi. Aradusabira ari Ahera cyane ho mu buturo bwera bwo mu ijuru, kandi azatubabarira ibyaha byacu. Hari itandukaniro rikomeye cyane ribaho mu by'umwuka kuri twe twaba twishingikirije ku Mana nta gushidikanya, tukayishingikirizaho nk'urufatiro nyakuri; cyangwa se tukaba dushaka ugukiranuka runaka muri twe mbere yuko dusanga Imana. Ikureho amaso maze uyahange Ntama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi. Gushidikanya ni icyaha. Kutizera urwego ruto kwaba kuriho rwose, iyo kugundiriwe mu mutima, gutera inkomanga y'icyaha mu bugingo, kandí kukazana umwijima ukomeye no gucika intege…[3UB130]

Abantu bamwe basa n'abiyumvamo ko bagomba kugira igihe cyo kugira ibyo batunganya kandi ko bagomba kwereka Imana ko hari impinduka bakoze muri bo maze bakabone kuyisaba umugisha. Nyamara n'ubu iyo mitima ishobora gusaba Imana umugisha. Bagomba kugira ubuntu bw'Imana, kandi umwuka wa Kristo akababafasha mu ntege nke zabo, nibitaba bityo ntibashobora kugira imico ya Gikristo. Yesu akunda ko tumusanga uko turi: turi abanyabyaha, impezamajyo zitishoboye. Tuvuga ko turi abana b'umucyo, tutari abana b'ijoro cyangwa b'umwijima; none kuki twaba abatizera?- The Review and Herald, April 22, 1884. [3UB130]

**Ku wa Kane, Ugushyingo 14, 1883-Iyobokama Nyakuri Risobanuye Gukurikiza Ubushake bw'Imana.** -Abantu bamwe bihanzeho amaso aho kuyahanga kuri Kristo. Ariko benedata, mukeneye kwambara gukiranuka kwa Kristo. Niba mwiringira gukiranuka kwanyu, muri abanyantegenke bikabije; kubera ko muhanganye n'imyambi ya Satani, kandi nubwo ubu mwishimira amahirwe menshi mufite, muzagira intambara zikomeye mugomba kurwana. Murakonje cyane. Umurimo uzitirwa n'uko mudafite rwa rukundo rwagurumanaga mu mutima wa Yesu. Mufite kwizera guke cyane. Mwitega kubona bike, maze kubw'ibyo mukabona bike; kandi munyurwa na bike cyane mwagezeho. Mushobora kwishuka ubwanyu, kandi mukanyurwa n'ishusho yo kwera. Ibi ntaho bizabageza. [3UB130]

Mugomba kugira kwizera kuzima mu mitima yanyu; ukuri kugomba kubwirizanywa imbaraga iturutse mu ijuru. Muzagera ku bantu ari uko gusa Yesu akoreye mu mihati yanyu. Isooko irafunguye; dushobora guhemburwa, maze tukabona uko duhembura abandi. Niba imitima yanyu [3UB130] yarahembuwe n'ukuri gukomeye kandi gusobanutse mubwiriza, ubukonje bw'umutima, kutagira gahunda no kutagira ibyo mwitaho bizayoyoka, kandi abandi bazagerwaho n'imbaraga z'umuhati no kudacogora byanyu. [3UB131]

Iyobokamana nyakuri ntiritandukana no kugendana n'ubushake bw'Imana, no kumvira ibyo yategetse byose; biduhesha ubuzima bw'iby'umwuka, bikadutera kubarwaho gukiranuka kwa Kristo, bigatera gukoresha neza mu buryo bunejeje ubushobozi bw'umutima n'ubwenge. Ubukungu buheranije, ikuzo n'umunezero by'ubugingo buhoraho, tubihabwa hakurikije ibisabwa byoroheje cyane ngo impano itagira akagero igezwe ku mutindi n'umunyabyaha ruharwa. Turasabwa kumvira no kwizera gusa. Kandi amategeko yayo ntabwo aruhije; kumvira ibyo idusaba ni ingenzi ndetse no ku munezero wacu muri ubu buzima. - The Review and Herald, May 27, 1884. [3UB131]

**Kuwa Kabiri, Ugushyingo 19, 1883-Mumwitegereze Maze Mubeho.** -Ni bangahe bari gukora umurimo ushishikaje wo kugendera mu nzira ifunganye yo kwera no gutungana? Kuri benshi amahoro n'ikiruhuko bibonerwa muri iyi nzira ihiriwe bisa n'ibibari kure n'ubu nk'uko byari bibamereye mu minsi ya kera. Bashakira kure ikiri hafi yabo, ibyo Yesu yashyize ahabona babifata nk'ibitumvikana. Ni we "nzira, ukuri n'ubugingo." Ínama y'agakiza yagaragajwe neza mu Ijambo

ry'Imana; nyamara ubwenge bw'isi ni bwo bwatwaye ibitekerezo by'abantu, naho ubwenge bwo gukiranuka kwa Kristo bwitabwaho gake cyane. Kandi imitima yagombaga kuruhukira mu rukundo rwa Yesu, yakomeje gushidikanya, ikomeza kwirushya muri byinshi. [3UB131]

Ubuhamya bwatangiwe hano ntibugaragaza kwizera gukomeye. Kwizera ko Yesu azababarira abandi si ikintu gikomeye, ariko kugira ngo umuntu ubwe agaragaze kwizera kuzima bisa n'aho bidashoboka. Ariko, benedata nkunda, bimaze iki kugaragaza gushidikanya ku bushake Kristo afite bwo kubemera? Ndatinya ko mwaba mwishingikirije cyane ku marangamutima y'uko mwiyumva maze mukayagira icyangombwa gishingirwaho. Mutakaza byinshi binyuze muri iyo migirire; ntabwo muri guca intege imitima yanyu gusa, ahubwo muraca intege n'imitima y'ababahanze amaso. [3UB131]

Mugomba kwiringira Yesu ubwanyu, amasezerano y'Imana mukayagira ayanyu, bitabaye bityo mwashobora mute kwigisha abandi kugira ibyiringiro bicishije make kandi byera muri Yo? Mwiyumvamo ko mwirengagije inshingano, kandi ko mutasenze nk'uko mwagombaga kubikora. [3UB131]

Mugaragara nk'abari kure ya Yesu, kandi mugatekereza ko yabaretse; ariko nimwe mwitandukanyije na We. Ategereje ko muhindukira. Umutima ushenjaguritse azawakira. N'akanwa ke yatwijeje ko yiteguye guha Mwuka Wera abamumusabye kuruta uko ababyeyi baba biteguye guha abana babo ibyiza. [3UB131]

Twakomerekejwe kandi twanduzwa n'icyaha; none se twakora iki ngo dukire ibibembe byacyo? Igihe bikigushobokera kubikora, boneza urusengero rw'umutima wawe urukuremo kwandura kose, hanyuma urebe kuri "Ntama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi" (Yohana 1:29). [3UB132]

Niba usobanukiwe n'ubukene bwawe, ntugatakaze imbaraga zawe mu gutinda kuri ubwo bukene cyangwa kubabazwa na bwo, ahubwo reba maze ubeho. Yesu ni we Mukiza wacu wenyine. Nubwo miliyoni nyinshi z'abakeneye gukizwa bazanga imbabazi atanga, ariko nta n'umwe mu biringira ibyo yakoze azareka ngo arimbuke. [3UB132]

Kuki wanga kuza kuri Yesu ngo aguhe uburuhukiro n'amahoro? Uyu munsi ushobora kubona umugisha. Satani akubwira ko uri impezamajyo, kandi ntacyo wakwimarira. Ni ukuri; uri impezamajyo. Ariko mwereke Yesu, maze umubwire uti: "Mfite Umukiza. Ndamwiringira, kandi ntabwo azatuma nkorwa n'isoni. Neshereza mu izina rye. Ni we gukiranuka kwanjye, kandi ni ikamba ryanjye ry'umunezero." Ntihagire rero umuntu n'umwe uri aha wumva ko ibye byarangire nta garuriro bifite, kuko atari ko bimeze. [3UB132]

Bishobora kukugaragarira ko uri umunyabyaha, kandi ko ibyawe byarangiye; ariko ibyo ni byo bituma ukeneye Umukiza. Niba ufite ibyaha ugomba kwatura, witindiganya upfusha igihe ubusa. Iki ni igihe gikomeye cyane. "Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu, no kutwezaho gukiranirwa kose" (1 Yohana 1 :9). Abafite inzara n'inyota byo gukiranuka bazahazwa; kuko Yesu yabisezeranye. Mbega Umukiza dufite! Amaboko ye aramburiye kutwakira, kandi umutima we wuje urukundo witeguye kuduha umugisha. The Review and Herald, July 1, 1884. [3UB132]

**Kwezwa Gupfuye-1885.**-Hari umugabo, ni umugabura utari Umudiventisiti w'umunsi wa karindwi, izina rye ni Brown, ubanza mumuzi." Uwo mugabo yavugaga ko yera. Yaravugaga ati: "Igitekerezo kivuga kwihana ntikiri muri Bibiliya." Yakomeje agira ati: "Iyo hagize umuntu unsanga akambwira ko yizera Yesu, ako kanya mpita mujyana mu itorero, yaba yarabatijwe

cyangwa se atarabatijwe; kandi ibyo nabikoreye abantu benshi." Uwo mugabo akomeza agira ati: "Kandi maze imyaka itandatu ntakora icyaha." [3UB132]

Yakomeje avuga ati: "Ubwo kandi muri ubu bwato harimo abantu bamwe bizera ko twezwa no [gukomeza] amategeko. Muri ubu bwato harimo umugore wigisha ibyo, izina rye ni White." [3UB132]

---

*41 Ellen White, yavuganaga n'abizera b'Itorero ry'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi i Santa Rosa, California, taliki ya 7 Werurwe, 1885, abaganirira ku byabaye mu bwato yarimo mu mwaka wari ushize, ubwo yari mu rugendo ava Portland, Oregon, yerekeza San Francisco, California.-Abakusanyije inyandiko.*

---

Ibyo narabyumvise, maze ntera intambwe ndamwegera ndamubwira nti: "Umukuru Brown, ba wihanganye gato. Sinshobora kwemera ko ayo magambo agenda gutyo gusa. Madamu White ntiyigeze avuga ikintu nk'icyo mu nyandiko ze izo ari zo zose, kandi ntiyigeze avuga ikintu nk'icyo, kubera ko tutizera ko amategeko hari umuntu yeza. [3UB133]

"Twizera ko tugomba kubahiriza amategeko, nibitaba ibyo ntituzakirizwa mu bwami bwo mu ijuru. Nta wica amategeko ushobora gukirizwa mu bwami bw'ubwiza. Ntabwo amategeko ari yo agira uwo yeza, kandi nta n'ubwo adukiza. Ahubwo ayo mategeko arahagarara akarangurura cyane ati: 'Mwihane muhindukire, ibyaha byanyu bihanagurwe. Iyo bibaye bityo, umunyabyaha asanga Yesu, maze igihe asezeranye ko azumvira ibyo amategeko asaba, Yesu amuhanaguraho ibizinga by'icyaha maze akamuha umudendezo, ndetse akamuha imbaraga zikomotse ku Mana."-Manuscript 5, 1885. [3UB133]

**Umudendezo Utera Kwica Amategeko ni Ikinyoma-1886**. Muzumva abantu basakuza bati: "Izere gusa." Satani yarizeraga kandi agahinda umushyitsi. Tugomba kugira kwizera gukoreshwa n'urukundo kandi kukeza umutima. Hari igitekerezo cyabaye gikwira ko Kristo yaturangirije byose, kandi ko dushobora gukomeza gucumura amategeko y'Imana ntituzabibazwe. Iki ni ikinyoma gikomeye umwanzi yahimbye. Tugomba kwiyemeza ko tutazica amategeko y'Imana uko byagenda kose, kandi tugakomeza kumera dutyo mu buryo bw'umwuka kugira ngo tubashe kwigisha abandi iby'umwuka. -Manuscript 44, 1886. [3UB133]

**Kugira Imbaraga zo Gukora Ibyiza Binyuze muri Yesu-1886.** - Kristo yari azi ko umuntu adashobora kunesha atamufashije. Kubw'ibyo rero, Yesu yemeye kwiyambura ikanzu ye ya cyami, maze ubumana bwe abwambika ubumuntu kugira ngo tube abatunzi. Yaje kuri iyi si, arababara, kandi azi kubabarana natwe no kudufasha ngo tuneshe. Yaje kuzanira umuntu imbaraga zimubashisha gukora icyiza, kandi ntiyifuza ko umuntu yiyumvamo ko ntacyo yakora, kuko buri wese afite umurimo agomba gukora ubwe, kandi binyuze mu byo Yesu yakoze dushobora kunesha icyaha n'umubi. -Manuscript 46, 1886. [3UB133]

**Iyobokamana ryo Gushimisha Abantu Rikerensa Icyaha-1887.** - "Nzabaha n'umutima mushya, mbashyiremo umwuka mushya." Nizera n'umutima wanjye wose ko Mwuka w'Imana ari kugenda akurwa mu isi, kandi ko abahawe umucyo mwinshi n'amahirwe menshi ntibabikoreshe ari bo bazabanza kurekwa. Bateye Mwuka w'Imana agahinda arigendera. Ibikorwa bya Satani muri gihe ari gukorera mu mitima, mu matorero no mu mahanga byagombye gutangaza umuntu wese wiga ubuhanuzi. Imperuka iri hafi. Amatorero yacu akwiye guhaguruka. Mureke imbaraga ihindura y'Imana yumvikane mu mitima y'abizera buri wese ku giti cye, bityo tuzabona gukora gukomeye kwa Mwuka w'Imana. Kubabarirwa ibyaha gusa si byo byonyine twazaniwe n'urupfu rwa Yesu. Yatanze igitambo [3UB133] kitagira akagero atari ukugirango icyaha gikurweho gusa, ari no

kugirango kamere muntu yongere kuzahurwa, yongere kugirwa nziza, yongere kubakwa ikuwe mu musaka, igirwe ikwiriye kuzaba imbere y'Imana... [3UB134]

Kristo ni We rwego Yakobo yeretswe rushinze ku isi rukagera hejuru mu ijuru. Ibi byerekana uburyo bwo gukiza umuntu bwaringanyijwe. Tugomba kuruzamuka ingazi ku ngazi. Niba hari uzakizwa muri twe, bizaterwa nuko yakomeje kwizirika kuri Kristo nk'uko tubigenza ku ngazi z'urwego. Ku mwizera, Kristo amuhindukira ubwenge no gukiranuka, kwezwa no gucungurwa... [3UB134]

Hazaba kugwa kumwe gukomeye ku bantu batekereza ko bahagaze bashikamye kubera ko bafite ukuri; nyamara bakaba batagufite nk'uko kuri muri Yesu. Kurangara kw'akanya gato gushobora kugusha ubugingo mu kurimbuka gukomeye. Icyaha kimwe kiyobora ku kindi, maze icya kabiri kigategurira inzira icya gatatu bityo bityo. Nk'intumwa z'Imana ziringirwa, tugomba kuyisaba ubudahwema kugira ngo turindwe n'imbaraga zayo. Niduteshuka gato ku nshingano yacu, tuzaba turi mu kaga ko gukurikira inzira y'icyaha igana mu irimbukiro. Hari ibyiringiro kuri buri wese muri twe, ariko biboneka mu nzira imwe gusa: ni kubwo kwizirika kuri Kristo, no gukoresha imbaraga zose ngo tugere ku kubonera kw'imico Ye. [3UB134]

Iri yobokamana ryo gushimisha abantu rikerensa icyaha kandi buri gihe rigatinda ku rukundo Imana ikunda umunyabyaha, rishishikariza umunyabyaha kwizera ko Imana izamukiza nubwo akomeza kwivuruguta mu cyaha kandi azi neza ko ari icyaha. Uku ni ko benshi mu bavuga ko bizera ukuri kw'iki gihe bakora. Ukuri gutandukanywa n'uko babayeho, ni yo mpamvu kutakigira imbaraga yemeza kandi igahindura ubugingo. Hagomba kubaho gukoresha buri mutsi wose n'umwuka ndetse n'imikaya yose ngo twitandukanye n'isi, imigenzo yayo, imigenzereze yayo ndetse n'ibigezweho byayo..." [3UB134]

Nimuzibukira icyaha kandi mukarangwa no kwizera kuzima, ubutunzi bw'imigisha yo mu ijuru buzaba ubwanyu. -Letter 53, 1887. [3UB134]

**Kugaruka kwa Yesu Gushyira Iherezo ku kwitegura K'Umutima**-1888. Ikanzu y'imico yawe igomba kumeswa mu isoko yafunguriwe kweza imyanda yose kugeza ubwo itagifite ikizinga. Agaciro kawe k'imico kazapimirwa mu minzani yo mu buturo bwera, kandi nugaragara ko udashyitse, uzazimira by'iteka ryose. Gusharira kose n'ububi bwose bigomba gukurwa mu mico yawe mbere yuko Yesu agaruka; kuko nagaruka, imyiteguro y'umutima wose izashyirwaho iherezo. [3UB134]

Niba mutarazibukiriye igomwa ryanyu, ishyari n'urwango mugirirana, ntimushobora kwinjira mu bwami bw'Imana. Kuko ibyo ni byo gusa mwajyanayo; nyamara nta kintu giteye gitya kizarangwa mu isi izaza. Nta kindi kizabayo uretse urukundo, ibyishimo no guhuriza hamwe. Abantu bamwe bazaba bafite amakamba arabagirana kurusha ay'abandi, ariko nta [3UB134] bitekerezo by'ishyari bizarangwa mu mitima y'abacunguwe. Buri wese azaba anyuzwe rwose, kuko buri wese azagororerwa ibikwiriye ibyo yakoze. -The Signs of the Times, Feb. 10, 1888. [3UB135]

# IGICE CYA 21

# IBYO Ellen G. WHITE YATANGAJE KU NAMA YABEREYE | MINNEAPOLIS

## AMAGAMBO AGARAGAZA IMVANO Y'IBYABEREYE MU NAMA

Iki gice kigaragaza amagambo yateguwe na Ellen White ibyumweru bike nyuma y'isoza ry'inama y'Inteko Nkuru yo mu 1888. Yasubije amaso inyuma ku byabaye hanyuma asobanura ibyahabereye. Inama zabereye i Minneapolis zagiye zumvikana neza uko amezi yagendaga ahita, kandi amagambo ya Ellen White atanga umucyo uruseho kandi afite akamaro. Incamake igaragaza amateka y'ibyahebereye irahari. [3UB136]

Inama y'Inteko Nkuru Rusange yabereye i Minneapolis yaranzwe no kwiga Bibiliya no kungurana ibitekerezo ku mategeko avugwa mu rwandiko rw'Abagalatiya ndetse no gukiranuka kwa Kristo kwakirwa kubwo kwizera. [3UB136]

Iyi nama yitabiriwe n'abantu mirongo icyenda n'umwe bari boherejwe guhagararira abandi, yabereye i Minneapolis, muri Leta ya Minnesota, kuva taliki ya 17 Ukwakira igeza ku ya 4 Ugushyingo, ibera mu rusengero twari tumaze kuzuza. Nkuko bimenyerewe, hari n'umubare munini w'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi batoherejwe guhagararira abandi. Inama yabanjirijwe n'ibyigisho byerekeranye n'umurimo byamaze iminsi irindwi, guhera ku italiki ya 10 Ukwakira kugeza ku italiki ya 16 z'uko kwezi. Ibyigisho bisesengura Bibiliya byatangiriye muri bya byigisho byavugaga ku murimo w'Itorero mu ngingo zimwe byakomeje kwigishwa no mu Nama y'Inteko Nkuru Rusange, bigafata isaha imwe yagenewe kwiga Bibiliya. [3UB136]

Ellen White yari ahari kandi aboneka muri ibyo byigisho byavugaga ku murimo kimwe no mu Nama yamaze iminsi cumi n'icyenda. Inama ubwayo [3UB136] yari imeze nk'uko bisanzwe, ariko irimo ibintu by'ingirakamaro. Twakiraga raporo kandi hakabaho inama z'ibyiciro bitandukanye, nk'Ishuri ryo ku Isabato, Ubuzima no Kwirinda, Inyandiko n'Ibwirizabutumwa, nazo zarakozwe. Ibyerekezo bitandukanye by'umurimo w'ivugabutumwa byahawe abagabura, hashyirwaho za gahunda zo guteza imbere umurimo, abakozi baratorwa, na za komite zitandukanye zishyirwaho. [3UB137]

W. C. White watugejejeho incamake yanditswe y'ibyagezweho n'ibitekerezo, kandi iminsi ibiri mbere y'uko inama irangira yandikiye umwe mu bagabura bagenzi bacu wari muri Leta z'amajyepfo amagambo akurikira: [3UB137]

"Turi hafi gusoza indi Nama y'Inteko Nkuru Rusange, kandi mu minsi mike intumwa zihagarariye abizera zizaba zamaze gutandukana zasubiye aho zikorera umurimo, bityo tube dutangiye undi mwaka w'umurimo. [3UB137]

"Iyi nama yari inejeje cyane, kandi nubwo itaranzwemo amahoro no kumvikana nk'uko byari bisanzwe, ariko bishoboka ko ari yo nama y'ingirakamaro kuruta izo twigeze kugira, kuko hari amahame y'ingenzi yashyizwe ahagaragara, imyanzuro imwe n'imwe igafatwa, kandi ikazaba iyagaciro gaheranije, kuko ishobora kuzagira uruhare mu murimo w'igihe kizaza. Benshi bavuye muri iyi nama biyemeje kwiga Bibiliya kuruta uko bari basanzwe babikora, kandi ibi bizabyara kubwiriza mu buryo busobanutse kurushaho. [3UB137]

"Nk'uko wabibonye ntagushidikanya mu kinyamakuru cy'Inteko Nkuru Rusange intambwe nyinshi zijya mbere zatewe mu murimo w'ivugabutumwa rikorerwa mu bindi bihugu, kandi hari n'ibintu byiza byagezweho ngo biteze imbere umurimo ukorerwa mu Majyepfo".- Ibaruwa W. C. White yandikiye Smith Sharp, yandikirwa Minneapolis, muri Leta ya Minnesota, Ugushyingo 2, 1888. [3UB137]

Bizagaragara ko muri raporo yakozwe ku byagezweho, Umukuru White yavuze ibyo kubura kw' "amahoro no guhuza kwari gusanzwe kugaragara" mu biganiro byacu by'Inama y'Inteko Nkuru Rusange. Aha yerekezaga ku mpaka zerekeranye n'inyigisho z'iyobokamana zatumye Inama yabaye mu 1888 itandukana n'izindi zakozwe n'Inteko Nkuru Rusange mu mateka y'Abadiventisiti. [3UB137]

Izi mpaka zatangiriye muri bya byigisho byerekeranye n'umurimo byamaze icyumweru cyose. Icyo gihe ukurikije ibyari biteganyijwe kuri gahunda, ingingo zivuga iby'amami icumi, ubumana bwa Kristo, gukira Kuruguma rwica, no gutsindishirizwa n'ubuntu kubwo kwizera zagombaga kuganirwaho. Impaka zerekeranye n'amami icumi zari zikomeye cyane kandi zatwaye igihe kinini. Izindi ngingo zari ziteganyijwe zagiye zigizwa inyuma. Ibyigisho biri hafi gusozwa, Umukuru E. J. Waggoner, umuyobozi wungirije w'ikinyamakuru Ibimenyetso by'Ibihe [The Signs of the Times], [3UB137]



yatangiye irindi tsinda ry'ibyigisho ku mategeko avugwa mu rwandiko cy'Abagalatiya, byaje kwinjira mu cyigisho cye cyerekeranye no kwizera kumukristo no gukiranuka kwa Kristo. Ibi bikaba byarakomereje no mu cyumweru cya mbere cy'Inama y'Inteko Nkuru Rusange. [3UB138]

Iritsinda ry'ibyigisho, by'umwihariko ibyakoraga ku ngingo y'amategeko avugwa mu rwandiko rw'Abagalatiya yatezaga ibice mu bantu, ni ryo ryakongeje impaka zakurikiyeho. Nta nyandiko yerekerenye n'izo mpaka yanditswe, ariko inyandiko z'umwe cyangwa babiri mu bari bahagarariye abandi, ibyanditswe na Ellen White, n'ibyakusanyijwe bikuwe muri benshi byagaragaje uko izo mpaka zari zikomeye ndetse n'ingaruka mbi cyane zaturutse ku nyifato ya benshi mu bari abayobozi b'ibirangirire mu itorero. [3UB138]

Ndetse na mbere yuko intuma zihagarariye abandi ziteranira i Minneapolis hari harabaye impaka kuri za ngingo fatizo z'iyobokamana mu myaka myinshi. Kandi mu mitima ya bamwe hari haramaze kubakwamo imico yo kurwanya no kwanga ubutumwa bw'imiburo no gucyaha bwaturukaga kuri Ellen White. Ellen White yabonye hakiri kare imyifatire idasanzwe yuzuye umwuka wo guhangana yagaragarizwaga na bamwe mu bagabura bakomeye. [3UB138]

Ubwo E. J. Waggoner yayoboraga ikiganiro cyo gusesengura iby'amategeko avugwa mu rwandiko rw'Abagalatiya nagakiza kubwo kwizera, umwuka w'impaka ni wo wiganje muri bamwe bari bari muri ibyo biganiro. Ibyo byahungabanyije cyane Ellen White. Nubwo atari yiteguye kumvikana n'Umukuru Waggoner ku ngingo zose zari mu biganiro yatanze ku mategeko avugwa mu rwandiko rw'Abagalatiya, umutima we wasusurukijwe n'uburyo bugaragara Waggoner yasobanuraga mu buryo bwumvikana neza iby'amahame yo gutsindishirizwa n'ubuntu kubwo kwizera ndetse no gukiranuka duhabwa binyuze mu kwizera Kristo. Mu nama y'i Minneapolis, Ellen White yavuze inshuro makumyabiri, ariko by'umwihariko mu materaniro y'abagabura yabaga karekare mugitondo aho Ellen White yasabaga ko habaho kwiga Bibiliya bagiye ibitekerezo. Ellen White ubwe ntiyigeze avuga ku ngingo yo gukiranuka kubwo kwizera. [3UB138]

Inyifato abantu bagaragaje kuri uku kuri kw'ingenzi zabaye uruvange. Mu Nama y'Inteko Nkuru Rusange yabaye mu 1893, A. T. Jones, avuga ku buryo ukuri kwavugiwe i Minneapolis kwakiriwe, yaravuze ati: "Nzi ko bamwe bakwakiriye; naho abandi barakwanga kose. Nawe ni ko ubizi. Abandi na bo bagerageje guhagarara hagati, kandi uko ni ko bakomeje kumera."-The General Conference Bulletin, 1893, 185. [3UB138]

Inshuro nyinshi impaka zarakomeraga. Abantu bamwe, kubwo gutinya ko uko gushimangira [izo nyigisho] gushya kwari guca intege uruhande rukomeye itorero rihagazeho ku ngingo y'amategeko y'Imana, by'umwihariko ukuri kw'Isabato, barwanyije ubutumwa bwo gukiranuka kubwo kwizera bivuye inyuma. Nta myanzuro yafashwe n'inama kuri iyi [3UB138] ngingo cyangwa ku yindi ngingo iyo ari yo yose yaganiriweho mu kwiga Bibiliya. [3UB139]

Mu ibaruwa Ellen White yanditse ubwo Inama y'Inteko Nkuru Rusange yasozwaga (ni ibaruwa igaragara muri iki gice), yaravuze ati: "Ubutwari bwanjye no kwizera byabaye byiza", nubwo byanyuze mu "ntambara ijya kuba nk'itakumvikana", kandi ubwo yabonaga inama ijya gusoza, yashyize ahagaragara ibyo yemeraga avuga ko "iyo nama izavamo ikintu cyiza cyane" (Letter 82,1888). Ibyumweru bike nyuma yaho hari amagambo yanditse asubiza amaso inyuma ku byabereye mu Nama y'Inteko Nkuru yabereye i Minneapolis, kandi umugabane munini w'ayo magambo ari muri iki gice. [3UB139]

Mu byumweru n'amezi byakurikiye iyo Nama kurwanywa gukomeye kwagaragaye i Battle Creek, ahari icyicaro gikuru cy'itorero kandi hakabarizwa bitatu mu bigo bikomeye by'itorero. Ellen White ntiyabonekaga kenshi i Battle Creek, yabaga yagiye mu murimo ashyiriye amatorero ubutumwa. Kenshi yakoranaga n'abakuru Jones na Waggoner kuko bose uko ari batatu bari bahugiye mu kwigisha ukuri kw'agaciro kenshi K'ubutumwa bwiza. Yayoboye amateraniro y'ingirakamaro kandi yagize umusaruro y'abagabura bacu muri Mutarama, 1889, ahitwa Safu Lankasiteri (South Lancaster), aho benshi muri bo baboneye "umugisha bikomeye." Amakuru y'uko byagenze turayasanga muri iki gice. [3UB139]

Ububiko bw'inyandiko za Ellen G. White burimo imbwirwaruhame ifite imbaraga yatanze ku mahame y'ibanze y'agakiza kubwo kwizera nk'uko yatangiwe mu materaniro makuru yabereye Ottawa, muri Leta ya Kansas, muri Gicurasi 11, 1889. Iyi mbwirwaruhame ndetse n'ibyo yanditse ku kuntu abantu bayakiriye bigaragara mu gitabo cya E G. White kivuga ibyo Kwizera n'Imirimo (Faith and Works, pp. 63-84). [3UB139]

Habaye intsinzi i Chicago, i Denver, Colorado, aho mu materaniro makuru yabaye muri Nzeri, 1889, Ellen White yaganirije abakozi ku bukene mu byerekeranye n'ubusobanuro nyakuri bwo gukiranuka kubwo kwizera. Ibyavugiwe i Denver turabisanga muri iki gice. [3UB139]

Igihe yari mu Nama y'Inteko Nkuru Rusange yateranye mu 1889, umwaka umwe nyuma y'iyabereye i Minneapolis, Ellen White yaravuze ati: [3UB139]

"Dufite amateraniro [inama] arushijeho kuba meza cyane. Umwuka wari waranze iteraniro ry'i Minneapolis ntawe uboneka hano. Byose biragenda bisimburana neza. Hari intumwa nyinshi mu iteraniro. Iteraniro ryacu rya saa kumi n'imwe za mu gitondo rifite abantu benshi kandi amateraniro ni meza. Ubuhamya bwose numvise bwari ubuhamya bwubaka. Bavuga ko umwaka ushize wabaye umwaka uhebuje iyindi mu buzima bwabo; umucyo waka uturuka mu Ijambo ry'Imana warumvikanye kandi wari usobanutse-gutsindishirizwa ku bwo kwizera, Kristo gukiranuka kwacu. Ibyo twabonye kandi twumvise byaradushimishije [3UB139] cyane.»-*Manuscript 10, 1889 (Byasohotse mu Ubutumwa Bwatoranyijwe, Vol.1, p. 416).* [3UB140]

Ku italiki ya 3 Gashyantare, 1890, ubwo gatangagaga ikiganiro ku murimo agiha abagabura bari bateraniye i Battle Creek, yabasubiriyemo ibyo yagiye ahura nabyo mu murimo yakoze mu 1889. Amagambo yavuze akoze umugabane w'ingenzi w'iri riburiro: [3UB140]

"Twagendaga tunyura ahantu hatandukanye haberaga amateraniro ku buryo nashoboraga guhagararana n'intumwa z'Imana nari nzi ko ari intumwa zayo koko: ni abo nari nzi ko bafite ubutumwa bugenewe ubwoko bwayo. Ubutumwa natanze bwari buhuje neza n'ubutumwa bari batwaye. Icyo twabonye ni iki? [3UB140]

"Twabonye imbaraga yigaragaza muri ubwo butumwa. Aho twakoreye hose (kandi bamwe bazi uko twakoze bikomeye) ntekereza ko cyari icyumweru cyose, twagendaga karekare mugitondo na nimugoroba tugiye i Chicago, kugirango ibi bitekerezo tubigeze ku mitima ya benedata. [3UB140]

"Umwanzi yakoze umwaka wose ngo arimbure ibyo bitekerezo-byose uko byakabaye. Byari bikomeye cyane guhindura ibitekerezo byabo bya kera. Batekerezagako bakwiriye kwiringira gukiranuka kwabo, bakiringira imirimo yabo, bagakomeza kwitegaho amakiriro, ntibagire gukiranuka kwa Kristo ukwabo, ngo bagutuze mu bugingo bwabo, no mu mico yabo. Aho twahakoreye icyumweru kimwe... Icyumweru kimwe cyarangiye nta kuruhuka, maze imbaraga z'Imana, zimeze nk'umuraba ukomeye, zigaragara mu iteraniro ryari aho. Reka mbabwire, abantu bagombaga kubohorwa; bagombaga kwerekwa Ntama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi. [3UB140]

"Kandi aho i Safu Lankasiteri (South Lancaster), imbaraga zikomeye za Mwuka w'Imana zari zihari. Bamwe mu bari hano bari bari muri ayo materaniro. Imana yagaragaje icyubahiro cyayo, kandi buri munyeshuri wo mu Kigo cy'amashuri yagejejwe ku muryango yagombaga kwihaniraho; Mwuka w'Imana yakoreraga aho hantu. [3UB140]

"Kandi uko [ni ko byari bimeze] aho twajyaga hose. Aho twajyaga hose twabonaga Mwuka w'Imana akora. [3UB140]

"Mbese mutekereza ko, nka ba babembe icumi, nari guceceka, maze sinshyire ijwi ryanjye hejuru ndirimba gukiranuka kw'Imana ngo nyisingize kandí nyihimbaze? Ngerageza kubereka gukirakuna kw'Imana, ngo mubone ibihamya nk'ibyo nabonye: ariko mbona amagambo asa n'aho aheze mu kirere cyambaye ubusa; none ibyo bizageza ryari? Bizageza ryari abafite uruhare rukomeye muri uyu murimo bakomeza kurwanya Imana? Bizageza ryari abantu bari aha bakomeza kubashyigikira mu gukora batyo? Benedeta, nimuve mu nzira. Nimukure amaboko yanyu ku nkuge y'Imana, [3UB140] maze mureke Umwuka w'Imana yinjire yikorere umurimo mu mbaraga ikomeye."-Manuscript 9, 1890. [3UB141]

Mwite ku magambo avuye ku mutima ushengutse yo mu gika dusoje. Nubwo kwakirwa k'ubutumwa bw'agakiza kubwo kwizera kwarwanyijwe na bamwe bari mu mu Nama y'Inteko Nkuru i Minneapolis kandi kukaza kwemerwa n'abandi mu minsi yakurikiyeho, kurwanya ubwo butumwa kwakomeje gukura vuba mu mutima w'umurimo. Nk'uko Ellen White abivuga, uko abizera b'itorero babwakiraga mu duce tunyuranye, byari bitandukanye. Kurwanya ubwo butumwa kumaramaje kwakozwe na bamwe mu bakoreraga ku cyicaro Gikuru cy'itorero kwadindije bikomeye umurimo Umwami Imana yari agambiriye ko ukwiriye kurangizwa. [3UB141

Ubwo umwaka wa 1890 wari ugiye kurangira, ibi Ellen White yabyanditseho agira ati: "Urwikekwe n'ibitekerezo byaganje i Minneapolis ntaho byagiye rwose; imbuto zahabibiwe mu mitima ziteguye kumera no kwera imbuto" (Testimonies to Ministers, p.467). [3UB141

Mu bijyana n'ibi kandi yaranditse ati: "Bamwe ntibashoboye gutandukanya izahabu itunganye n'inkamba."" Kandi_yongeyeho ati: "Iyobokamana nyakuri, ari ryo yobokamana ryonyine rya Bibiliya, ryigisha kubabarirwa binyuze mu byo Úmukiza wabambwe akazuka yakoze kandi rigashyigikira gukiranuka kubwo kwizera Umwana w'Imana, ryacishijwe bugufi, rirarwanywa, rirasuzugurwa kandi rirangwa."-Testimonies to Ministers and Gospel Workers, p.468. [3UB141

Mu gitabo cye yise Guca mu Makuba Ukagera ku Ntsinzi, Umukuru A. V. Olson yavuze ku mateka kandi asesengura impinduka nziza zagiye ziba gahoro gahoro mu myaka itanu cyangwa itandatu nyuma y'inama yabereye i Minneapolis. [3UB141

Nubwo byari bimeze gutyo, habayeho kudindiza umajyambere y'umurimo w'Imana mu buryo bubabaje. Ellen White ibyo yari abizi kandi hari igihe yagiye abivuga, kenshi mu magambo asa n'atunguranye. Nyamara, nta gihe yigeze avuga cyangwa ngo atangaze ko abayobozi b'itorero banze ku mugaragaro ubutumwa bw'agaciro kenshi bwahawe Inteko Nkuru Rusange mu 1888. Ibiramambu, ku italiki ya 19 Ukuboza, 1892, nyuma y'imyaka ine iyo nama ikomeye ibaye, mu ibaruwa yoherereje avuga ati: "Benedata nkunda bo mu Nteko Nkuru Rusange," yavuze amagambo arangwa n'intsinzi agira ati: [3UB141

"Iyo nongeye kureba amateka y'ibyatubayeho, maze guca muri buri ntambwe yose yo kujya mbere kugeza uko tumeze ubungubu, nshobora kuvuga nti: "Imana ihimbazwe!" Iyo nitegereje ibyo Uwiteka yakoze byose, nuzura gutangara cyane no kugirira icyizere Kristo, Umuyobozi wacu. Nta [3UB141]

---

*43Soma Testimonies to Ministers and Gospel Workers, p. 363.*

*44Testimonies to Ministers, 467.*

*45Through Crisis to Victory.*

---

kintu na kimwe cy'ahazaza tugomba gutinya, keretse turamutse twibagiwe uburyo Uwiteka yatuyoboye, n'ibyo yatwigishirije mu mateka y'ibyatubayeho mu gihe cyashize. Úbu noneho turi ubwoko bukomeye, niba tuzashyira ibyiringiro byacu mu Mwami; kubera ko dufite ukuri gukomeye kw'ijambo ry'Imana. Dufite ikintu cyose gikwiriye kudutera gushima."-The General Conference Bulletin, 1893, 24 (Life Sketches, 196; Testimonies to Ministers and Gospel Workers, 31). [3UB142]

Nanone kandi, mu 1907 yaranditse ati: "Itorero rigomba kwiyongera mu mikorer kandi rikagura imbibe zaryo... Nubwo habaho gutsindwa gukomeye mu muhati wo kugumana ikituranga kidutandukanya n'abandi, nk'Abakristo bemera Bibiliya twakomeje kujya tunesha."-Letter 170, 1907 (Ubutumwa Bwatoranyijwe 2016, Vol. 2, p. 450). [3UB142]

Dutangiye igice kivuga amateka cy'uyu mugabane twifashishije aya makuru y'ibyabayeho. -Abakusanyije inyandiko. [3UB142]

## AMASEZERANO Y'AGAHOZO UGERERANYIJE N'AMASHUSHO YIJIMYE

Kubwo kwizera nahangaye kwambuka Imisozi y'Ibiharabuge mfite umugambi wo kwitabira Inama y'Inteko Nkuru Rusange yabereye i Minneapolis.... [3UB142]

Aho Minneapolis twateranye n'inteko nini y'abagabura bahagarariye abandi. Bigitangira mu nama nahabonye umwuka wanteye guhangayika. Havugirwaga ibibwirizwa bitahaga abantu ifunguro bari bakeneye cyane. Ipica yijimye kandi icuze igihunya yashyizwe imbere yabo ngo ibe mu

bwenge bwabo bajye bayibuka. Ibi ntibyashoboraga kuzana umucyo n'umudendezo w'iby'umwuka, ahubwo byagombaga kuzana gucika intege. [3UB142]

Ku gicamunsi cyo ku Isabato [Ukwakira 13, 1888], numvise mpatwa na Mwuka w'Imana ngo menyeshe abari bitabiriye inama urukundo Imana igaragariza ubwoko bwayo. Umutima ntiwagombaga kwemererwa gutinda cyane ku ngingo zisa n'aho zitera ibibazo zijyanye no kwizera kwacu. Kubwo kwizera, Ijambo ry'Imana rishobora kugereranywa n'ubusitani bwuzuye indabo z'amaroza, amarebe n'izindi, dushobora kurikuramo amasezerano y'agahozo Imana yatanze, tukayagira ay'imitima yacu, kandi tukagira ubutwari (rwose tukishimira mu Mana), bitabaye ibyo dushobora gukomeza guhanga intekerezo zacu ku mahwa n'ibitovu maze tukikomeretsa bikomeye kandi tukitotombera ubuzima bugoye dufite. [3UB142]

Imana ntinezezwa no kubona ubwoko bwayo bumanika amapica yijimye kandi ababaje mu ntekerezo zabo. Yifuza ko buri muntu asoroma indabyo nziza z'amaroza, amarebe n'izindi, mu cyumba cy'intekerezo zabo hakamanikwamo amasezerano y'agahozo y'Imana yumbura mu busitani bw'Imana. Imana ishaka ko twatinda kuri ayo masezerano, ibyumviro byacu bigatyazwa kandi bikabonezwa, tukayakira mu mwuzuro wa yo, [3UB142] tukavuga iby'ibyishimo byadushyizwe imbere. Ishaka ko tuba mu isi, ariko tutari ab'isi, urukundo rwacu rugakomera ku bintu bizahoraho iteka ryose. Yifuza ko twajya tuganira ku byo yateguriye abayikunda. Ibi bizakurura intekerezo zacu, bikangure ibyiringiro byacu n'ibyo dutegereje, kandi bikomereze imitima yacu kwihanganira intambara n'ibirushya by'ubu bizima. Uko dutinda kuri ibyo Imana izakomeza kwizera n'ubushizi bw'amanga bwacu. Izakuraho inyegamo maze turabukwe umurage w'abera. [3UB143]

Uko nagaragazaga ubugwaneza, urukundo, n'imbabazi bya Data wo mu ijuru, niyumvishemo ko Mwuka w'Imana atari kuri jye gusa ko ahubwo yari no ku bwoko bwe. Umucyo, umudendezo n'umugisha byageze ku bari bateze amatwi maze bakirana umutima ukunze amagambo yavugwaga. Amateraniro yo gusabana yakurikiyeho yabaye igihamya cy'uko Ijambo ry'Imana ryabonye icyicaro mu mitima y'abari bateze amatwi. Benshi batanze ubuhamya ko uwo munsi ari wo ubanejeje kurusha indi mu buzima bwabo, kandi koko cyari igihe cy'agahozo, kuko twamenye ko Umwami Yesu yari muri ayo materaniro kugira ngo aduhe umugisha. Nari nzi ko guhishurwa kudasanzwe kwa Mwuka w'Imana kwari gufite umugambi, wari uwo gukuraho gushidikanya, gusubiza inyuma umuraba wo kutizera wari waramaze kwinjira mu mitima no mu ntekerezo bya benshi ku byerekeye Ellen White n'umurimo Imana yari yaramuhaye gukora. [3UB143]

**Benshi Barahembuwe, Ariko si Bose**. Iki cyari igihe cy'ihembura ku bantu benshi, ariko hari bamwe ritagezeho. Ubwo bari bakimara kubona ko Ellen White atemeranya n'ibitekerezo byabo byose kandi ngo ahuze n'ibyifuzo n'imyanzuro yagombaga gutorerwa muri iyo nama, igihamya bari bahawe cyagize agaciro gake kuri bamwe nk'uko byagenze ku bumvise amagambo Kristo yigishirije ab'Inazareti mu isinagogi. Imitima yabo [abari bateze amatwi i Nazareti] yakozweho na Mwuka w'Imana. Bumvise nk'aho Imana ivugana na bo binyuze mu Mwana wayo. Babonye, kandi biyumvamo imbaraga ya Mwuka w'Imana kandi bose babaye abahamya b'amagambo yuzuye ubuntu yavaga mu kanwa ke. Ariko Satani yari iruhande rwabo no kutizera kwe maze bemera guhinyura no gushidikanya, bityo bikurikirwa no kutizera. Bazimije Mwuka w'Imana. Mu burakari bwabo baba baratembagaje Yesu ku manga y'umusozi iyo Imana itamutabara ngo adahungabanywa n'umujinya wa bo. Iyo Satani amaze kwigarurira umutima ahindura abasazi n'abadayimoni abagaragaraga nk'abantu b'ibitangarirwa. Urwikekwe, ubwibone, no kwinangira ni byo bisigara bigenzura umutima w'umuntu. [3UB143]

**Ellen White Ajya Inama na Bamwe mu Bayobozi**. -Nari narigeze kwakira ibaruwa ndende iturutse ku mukuru Butler, kandi nayisomanye ubwitonzi. Natangajwe n'ibyari byanditswemo. Nabuze uko nifata kubw'iyo baruwa, ariko kuko ibitekerezo byari biri muri iyo baruwa byari bimeze nk'ibyakoreshaga kandi bigatwara basaza banjye b'abagabura, nahamagaye [3UB143]

---

*46 Umuyobozi w'Inteko Nkuru Rusange yari yaragumye i Battle Creek kubera uburwayi.*

---

bake muri bo tujyana mu cyumba cyo hejuru maze mbasomera iyo baruwa. Nta n'umwe muri bo wagaragaraje ko atangajwe n'ibyari biri muri iyo baruwa, ndetse benshi bavuze ko bari bazi ko ibyo ari byo bitekerezo by'umukuru Butler, kubera ko bari baramwumvise avuga ibintu nk'ibyo. [3UB144]

Ubwo nahise nsobanura ibintu byinshi. Navuze ko ibyo nari nzi ari inzira itunganye kandi ikiranuka ikwiriye gukurikizwa, umuntu umwe ku wundi, mu murimo wo gucukumbura Ibyanditswe. Nari nzi ko itsinda riri imbere yanjye ritabonaga ibintu byose mu mucyo nyakuri, bityo ibyo byatumve mvuga ibintu byinshi. Ibyo navuze byose byashyize ahagaragara amahame atunganye agomba gukurikizwa, ariko natunyaga ko amagambo yanjye ntacyo yakoze ku mitima yabo. Bumvaga ibintu mu buryo bwabo, maze umucyo nababwiye ko nahawe wababereye nk'imigani itagira agaciro. [3UB144]

**Irarika Ryatangiwe mu Materaniro ya Mugitondo**. --Numvaga mbabaye cyane mu mutima bitewe n'uko ibintu byari bimeze. Byatumye ndarika benedata n'abavandimwe banjye mbinginga igihe bari bateranye mu materaniro ya mugitondo, maze mbahendahendera dukwiriye gufata icyo gihe tukakigira umwanya ukwiriye kutwungura, tugafatanyiriza hamwe kurondora mu Byanditswe dufite imitima icishijwe bugufi. Nabasabye ko nta mudendezo uri buhabe wo kuvuga ku bintu bumva badasobanukiwe neza. [3UB144]

Bose bari bakeneye kwigira amasomo mu ishuri rya Kristo. Yesu yarararitse ati: "Mwese abarushye n'abaremerewe, nimuze munsange, ndabaruhura. Mwemere kuba abagaragu banjye, munyigireho; kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima; namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu: kuko kunkorera kutaruhije, n'umutwaro wanjye utaremereye" (Matayo 11:28-30). Niba buri munsi twiga amasomo yo kwicisha bugufino kwiyoroshya mu mutima, ntihazabaho amarangamutima nk'ayagaragaye muri aya materaniro. [3UB144]

Hari ibitekerezo bitandukanye ku ngingo zimwe na zimwe, ariko se ibyo byaba impamvu z'amarangamutima akakaye? Mbese igomwa no kunegurana no gutekereza ibibi, gukekeranya kubi, urwango n'ishyari bikwiye kwimikwa mu mitima? Ibi byose ni ibibi gusa gusa. Ubufasha bwacu buri mu Mana yonyine. Nimutyo dufate igihe gihagije dusenga kandi turondora mu Byanditswe n'umutima utunganye (umutima uhangayikishijwe no kwiga ndetse wifuza gukosorwa no kuvanwa mu kwishuka ku ngingo yose twaba twibeshyaho. Niba Yesu ari muri twe kandi imitima yacu ikoroshywa n'urukundo rwe, tuzagira inama ihebuje kuruta izo twigeze kwitabira." [3UB144]

**Inama Yakozwemo byinshi kandi y'Ingirakamaro.** -Hari byinshi byagombaga gukorwa. Umurimo wari waragutse. Misiyoni nshya zari zarafunguwe kandi amatorero mashya arahangwa. Abantu bose bari bakwiriye guhiriza hamwe bakagishanya inama nta wishisha [3UB144] nk'abavandimwe bari ku murimo mu murima munini ugomba gusarurwa, bose bagakora bashishikaye mu mashami atandukanye y'umurimo, kandi nta bwikanyize bagashaka uburyo umurimo w'Imana wakorwa mu buryo bunoze kurushaho. Nk'abitabiriye inama, niba harigeze

kubaho igihe twigeze gukenera ubuntu bwihariye no kumurikirwa na Mwuka w'Imana, ni muri iyi nama. Hari imbaraga ituruka ikuzimu igakoresha ingaga runaka kugira ngo zizane impinduka mu itegekonshinga n'amategeko by'igihugu cyacu, kandi izo mpinduka zizashyire mu bubata umutimanama w'abantu bose bakomeza Isabato ivugwa na Bibiliya, kandi isobanurwa mu buryo bwumvikana neza mu itegeko rya kane ko ari umunsi wa karindwi. [3UB145]

Igihe cyarageze aho buri wese yagombye kuba ari gukora inshingano ye uko ashoboye kose kugira ngo ashyire hejuru kandi ashyigikire amategeko y'Imana imbere y'ab'ishyanga ryacu ubwabo ndetse n'imbere y'ab'isi, agakoresha ubushobozi bwe bwose n'impano zose yahawe. Abantu benshi bagizwe impumyi, kandi bayobejwe n'abavuga ko ari abagabura b'ubutumwa bwiza, kandi batera benshi kubatekereza ko bari gukorera Imana umurimo mwiza nyamara bari gukora umurimo wa Satani. [3UB145]]

**Ingamba Karundura za Satani.** -Ubu, Satani yakoresheje inama ashaka uko yacecekesha ikaramu n'ijwi by'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi. Aramutse ashoboye kubarangaza no guteshura imbaraga zabo mu cyerekezo kugira ngo abace intege kandi abacemo ibice, ibyo yifuza byaba bigezweho. [3UB145]

Satani yakoze umurimo we agera ku ntego ku rwego runaka. Habayeho gutandukana mu bitekerezo, kandi habaho kwirema ibice. Habayeho ishyari no gukekeranya ibibi bikabije. Habayeho amagambo menshi atejejwe, amagambo yo kuninura, n'imvugo zitandukanye. Intekerezo zabantu bakagombye kuba ku murimo bawirunduriyemo n'umutima n'ubugingo bwabo bwose, biteguriwe gukorera Imana ibikomeye cyane mu gihe nk'iki, zihugiranye mu bintu by'agaciro gake. Kubera ko ibitekerezo bya bamwe bidahamanya neza n'ibyabo bwite kuri buri ngingo ijyanye n'imyizerere ikubiyemo ibitekerezo byoroheje n'inyigisho zidatera ibibazo bikomeye, ikibazo gikomeye cy'umudendezo w'iby'idini ku gihugu, ubu kikaba kirebana n'ibintu byinshi cyane, usanga kuri benshi gihabwa agaciro gake. [3UB145]

Satani yagiye akora ibintu mu buryo bwe; ariko Imana yahagurukije abantu kandi ibaha ubutumwa bukomeye bagomba gushyira ubwoko bwayo, ngo bukangurire abantu b'abanyambaraga kwitegura urugamba, ngo bitegure umunsi w'Imana. Ubu butumwa Satani yashatse kubuhindura ubusa, maze igihe ijwi ryose n'ikaramu byakagombye kuba byarashyizwe ku murimo mu buryo bukomeye ngo bihagarike ibikorwa n'imbaraga bya Satani, habonekaga kwitandukanya; habagaho guhabana mu bitekerezo. Ubu ntibwari uburyo bwo gukora kw'Imana rwose. [3UB145]

**Amategeko mu Rwandiko rw'Abagalatiya ni Ingingo Imwe Yatandukanyije Abantu.** -Muri iyi nama ingingo ivuga ku mategeko mu Bagalatiya yazanywe imbere y'abagabura. Iyi ngingo kandi yari yarazanywe mu nama mu myaka itatu yari ishize.... [3UB146]

Tuzi ko iyo abantu bose baza mu Byanditswe bafite imitima yigaruriwe kandi igengwa n'imbaraga ya Mwuka w'Imana, hari kubaho gusuzumana Ibyanditswe umutima utuje, utarimo urwikekwe no kwishyira hejuru mu bitekerezo. Umucyo uturutse ku Uwiteka wari kumurika ku Ijambo rye kandi ukuri kuba kwarahishuwe. Ariko hagombaga kubaho umwete mu gusenga n'ubwitange ndetse no kwihangana cyane, kugirango isengesho Yesu yasengeye abigishwa be ngo babe umwe nk'uko na we ari umwe na Se ribone gusubizwa. Isengesho rivuye ku mutima nta buryarya rizumvikana kandi Imana izarisubiza. Mwuka Wera azakangura imbaraga z'ibitekerezo kandi hazabaho kurebana imbona nkubone. "Guhishurirwa amagambo yawe kuzana umucyo, guha abaswa ubwenge" (Zaburi 119:130). [3UB146]

**Icyigisho ku Gutsindishirizwa no Gukiranuka kwa Kristo.** Umukuru E. J. Waggoner yahawe amahirwe yo kuvuga yisanzuye no kugaragaza ibitekerezo bye gutsindishirizwa no kwizera ndetse

no gukiranuka kwa Kristo n'isano bifitanye n'amategeko. Uyu ntabwo wari umucyo mushya, ahubwo wari umucyo usanzwe washyizwe mu mwanya ugomba kubamo mu butumwa bwa malayika wa gatatu.... Mbese ubwo butumwa buhatse iki? Yohana yabonye abantu. Aravuga ati: "Aho ni ho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana, bakagira kwizera nk'ukwa Yesu" (Ibyahishuwe 14:12). Aba bantu Yohana yababonye mbere yuko abona Umwana w'umuntu "afite umuhoro utyaye mu ntoki ze" (Umurongo wa 14). [3UB146]

Kwizera kwa Yesu kwarirengagijwe, ntikwitabwaho kandi kwafashwe mu buryo budafashije. Ntikwahawe umwanya ukomeye kwahishuriwemo Yohana. Kwizera Kristo ko ari we byiringiro rukumbi by'umunyabyaha kwarirengagijwe bikomeye, bitari mu bibwirizwa bitangwa gusa ahubwo no mu mibereho y'iby'idini ya benshi mu bavuga ko bizera ubutumwa bwa malayika wa gatatu. [3UB146]

**Ukuri Ellen White Yigishije Guhera mu 1844.** Muri iyi nama natanze ubuhamya yuko umucyo w'agaciro kenshi cyane wagiye umurika uturuka mu Byanditswe igihe hatangwaga icyigisho ku ngingo ikomeye ku isano gukiranuka kwa Kristo gufitanye n'amategeko, kukaba gukwiriye guhozwa imbere y'umunyabyaha nk'ibyiringiro bye rukumbi by'agakiza. Uyu ntiwari umucyo mushya kuri jye, kuko wangezeho uturutse ku butware bwo hejuru mu myaka mirongo ine n'ine ishize, kandi nawugejeje ku bantu bacu nkoresheje ikaramu n'ijwi mu bihamya by'Umwuka w'Imana. Nyamara bake gusa ni bo babyitayeho bemera ibihamya byatanzwe kuri iyi ngingo. Hagiye habaho kandi ibintu bike cyane bivugwa ndetse byandikwa [3UB146] kuri iki kibazo gikomeye. Ibibwirizwa bya bamwe byavugwa mu buryo bw'ukuri ko ari nk'ituro rya Kayini-Ituro ritagira Kristo. [3UB147]

**Ubwiru bw'Ubumana**. Urugero rugereshwa imico ni itegeko rya cyami. Amategeko ni yo gikoresho gitahura icyaha. Amategeko ni yo amenyekanisha icyaha. Ariko umunyabyaha ahora yegerezwa Yesu kubwo kwigaragaza gutangaje k'urukundo rwa Yesu rwatumye yicisha bugufi agapfa urupfu rukojeje isoni rwo ku musaraba. Mbega icyigisho gitangaje! Abamalayika bihatiye kandi bifuje cyane gusesengura ngo basobanukirwe ubwo bwiru butangaje. Iki ni icyigisho gishobora kugora ubwenge bwa muntu buhanitse cyane, kubona uburyo umuntu, wacumuye, washutswe na Satani, uhora ari mu ruhande rwa Satani ku birebana n'iki kibazo ashobora guhinduka agasa n'Umwana w'Imana itarondorwa. Kubwo gukiranuka kwa Kristo umuntu ahabwa, umuntu azasa na Kristo, kandi Imana izakunda umuntu (wacumuye ariko akanacungurwa)-nk'uko yakunze Umwana wayo. Bisome mu magambo ahoraho y'inyandiko zera. [3UB147]

**Ubu ni ubwiru bw'ubumana**. Iyi pica ifite agaciro gahanitse cyane ku buryo ikwiriye gushyirwa mu kibwirizwa cyose, igashyirwa mu bwenge bwacu, igahora ivugwa n'iminwa y'abantu, ikamenywa n'abantu bamaze gusogongera kandi bamenye ko Uwiteka ari mwiza, igahora itekerezwaho, kandi ikaba ishingiro ry'ikibwirizwa cyose. Hagiye habaho inyigisho zumagaye zigishijwe nyamara kandi imitima isonzeye umutsima w'ubugingo. Uko si ko kubwiriza gukenewe cyangwa kubwiriza Imana yo mu ijuru izemera, kuko kutarangwamo Kristo. Ishusho y'ubumana ya Kristo igomba guhozwa imbere y'abantu. Ni we Malayika uhagaze mu izuba ryo mu ijuru. Nta gicucu kimugaragaraho. Kristo agomba kwererezwa imbere y'abantu, yifubitse imico y'Imana, yitwikiriye icyubahiro cy'ubumana kandi asa n'Imana itarondoreka. Iyo iyo shusho ishyizwe imbere y'abantu, ibyo umuntu yirata yagezeho bita agaciro. Uko umuntu arushaho kumwitegereza, uko arushaho kwiga imibereho ya Kristo, inyigisho ze n'imico ye itunganye, ni ko azarushaho kubona ko icyaha ari kibi cyane kandi ko ari icyo kwangwa urunuka. [3UB147]

Kubwo kumwitegereza, nta kindi umuntu akora uretse kunyurwa no kurushaho kureherezwa kuri Yesu, akarushaho kumukunda kandi akarushaho kwifuza gusa nawe kugeza ubwo agira ishusho n'umutima wari muri Kristo. Uwo muntu agendana n'Imana nk'uko Henoki yagenze. Umutima we wuzuramo gutekereza ibya Yesu. Amuhindukira Inshuti magara. [3UB147]

**Iga ibya Yesu we Cyitegererezo cyacu.** "Ni cyo gituma bene Data bera, mwebwe abafatanije guhamagarwa kuva mu ijuru mukwiriye gutekereza Yesu, ari we ntumwa n'umutambyi mukuru w'ibyo twizera fukabyatura" (Abaheburayo 3:1). Iga ibya Yesu. Iga imico ye, umuco ku wundi. Ni we Cyitegererezo cyacu dusabwa kwigana mu mibereho yacu no mu mico yacu, bitabaye ibyo ntituzashobora guhagararira Yesu, ahubwo [3UB147] tuzereka isi isura Ye itari ukuri. Ntukagire umuntu uwo ariwe wese wigana, kuberako abantu bafite inenge mu byo bamenyereye, mu mvugo, mu migirire no mu mico. Nshyize imbere yanyu Umuntu witwa Yesu Kristo. Mugomba kumwimenyera buri muntú kú giti cye nk'Umukiza wanyu mbere yuko mwiga ibye nk'icyitegererezo cyanyu n'urugero rwanyu. [3UB148]

Pawulo yaravuze ati: "Erega ubutumwa bwiza ntibunkoza isoni: kuko ari imbaraga y'Imana ihesha uwizera wese gukizwa, uhereye ku Muyuda ukageza ku Mugiriki, kuko muri bwo ari namo gukiranuka kuva ku Mana guhishurirwa, guheshwa no kwizera kugakomezwa na ko, nk'uko byanditswe ngo "Ukiranuka azabeshwaho no kwizera.... kuko bigaragara ko bazi Imana, Imana ikaba ari yo ubwayo yabahishuriye ubwo bwenge" (Abaroma 1:16-19). [3UB148]

**Kwishimira ko Imitima Yakanguwe na Mwuka w'Imana**. Twiyumvisemo mu buryo bwimbitse kandi butangaje ko dushimiye Imana cyane kubera ko abantu bakangurwaga na Mwuka w'Imana kugira ngo barebe Kristo mu nyandiko zera nzima kandi ngo bamugaragaze mu isi, kandi atari mu magambo gusa. Babona ibyo Ibyanditswe bisaba ko abantu bose bavuga ko ari abayoboke ba Kristo bagomba kugera ikirenge mu cye, bakuzura Mwuka we, kandi bakereka ab'isi Yesu Kristo, waje kuri iyi si ngo ahagararire Data wa twese. [3UB148]

Iyo duhagarariye Kristo tuba duhagarariye Imana kuri iyi si yacu. "Ariko umuntu wese utagira Umwuka wa Kristo ntaba ari uwe" (Abaroma 8:9). Nimutyo twibaze tuti: Mbese mu itorero n'imbere y'ab'isi tugaragaza imico ya Yesu Kristo? Dusabwa kwiga twimbitse kurushaho tukarondora mu Byanditswe. Gushyira gukiranuka kwa Kristo mu mategeko mu buryo busobanutse neza bihishura Imana mu mico yayo nyakuri kandi bigahishura ko amategeko ko yera, akiranuka, kandi ari meza, ari ayo kubahwa rwose iyo yitegerejwe nk'uko ari by'ukuri.

Iyaba benedata b'abagabura bose baragiye bahurira hamwe bakiga Bibiliya zabo, bafite umwuka wa Kristo, bakubahana, kandi bafite urugwiro nyakuri rwa Gikristo, Umwami Uwiteka aba yarababereye umwigisha. Ariko Uwiteka ntiyabonye amahirwe yo gukora ku mitimą Satani yari afiteho ubutware bukomeye. Ikintu cyose kidahuje n'imitekerereze yabo n'imyumvire ya kimuntu **kizagaragara mu gicucu n'umwijima.... [3UB148]**

**Umwuka wa Benshi Waremereye Ellen White**. -Umutwaro nari mfite mu nama wari uwo kwerekana Yesu n'urukundo rwe imbere ya benedata kubera ko nabonye ibihamya bigaragara ko benshi batari bafite umwuka wa Kristo. Nakomeje kugira amahoro mu mutima wanjye, nkomeza kuwuhanga ku Mana, kandi nababajwe no kubona ko umwuka utandukanye wari warabonye akito muri benedata b'abagabura, kandi uwo mwuka mubi wari uri gusembura ingando. Nari nzi ko hari ubuhumyi bugaragara buri mu mitima ya benshi, ku buryo batashoboraga kumenya aho Mwuka w'Imana [3UB148] ari ndetse n'ibigize imibereho nyakuri ya Gikristo. Kandi kuzirikana ko abo bantu bari abashinzwe kurinda umukumbi w'Imana byarababazaga cyane. Nta kwizera nyakuri

bari bafite, bari bamanuye amaboko kubera ko batari bayazamuranye amasengesho avuye ku mutima! [3UB149]

Bamwe bumvaga badakeneye gusenga. Bumvaga ko imitekerereze yabo bwite ihagije, kandi ntibiyumvishaga ko umwanzi w'ibyiza byose ayoboye imyumvire yabo. Bari bameze nk'abasirikare bagiye ku rugamba nta ntwaro zo kuranisha bafite. Mbese byadutangaza kubona ibibwirizwa bitararangwagamo umwuka, kuba amazi abeshaho y'ubugingo yaranze gutemba aca mu miyoboro yazibye, kandi umucyo wo mu ijuru ukaba utarashoboye kwinjira mu gihu kibuditse cy'akazuyazi no gukiranirwa? [3UB149]

Nashoboye gusinzira ariko amasaha make. Amasaha ya mugitondo yose nabaga nandika, kenshi ngahaguruka saa munani na saa cyenda z'igitondo, kandi nkaruhura intekerezo zanjye nandika ku ngingo zanyujijwe imbere yanjye. Umutima wanjye wababazwaga no kubona umwuka wayoboraga bamwe muri benedata b'abagabura, kandi uwo mwuka wasaga n'ugenda wanduza abandi. Havuzwe byinshi. [3UB149]

**Kugaragaza Ukuri Ellen White Yashoboraga Gushyigikira.** -Igihe navugira imbere ya benedata ko bwari ubwa mbere nari numvise ibitekerezo by'umukuru E. J. Waggoner, bamwe ntibizeye ibyo mbabwiye. Navuze ko numvise ukuri kw'agahano kwavugwaga ku buryo nakwakiranye umutima wanjye wose. None se iyo hataba uko kuri gukomeye kandi kw'icyubahiro, gukiranuka kwa Kristo n'igitambo gihagije yatanze ku bw'umuntu, biba byaracengejwe mu mutima wanjye na Mwuka w'Imana mu buryo butangaje? Mbese iyi ngingo ntiba yaravuzwe kenshi mu bihamy? Igihe Imana yahaga benedata umutwaro wo kwamamaza ubu butumwa numvise nshimye Imana mu buryo butavugwa, kubera ko nari nzi ko ari bwo butumwa bukwiranye n'iki gihe. [3UB149]

Ubutumwa bwa malayika wa gatatu ni ugutangazwa kw'amategeko y'Imana no kwizera kwa Yesu Kristo. Amategeko y'Imana yaratangajwe, ariko kwizera kwa Yesu Kristo ntikwatangajwe n'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi ku rwego rumwe n'urw'amategeko, ngo amategeko n'ubutumwa bwiza bigendane. Sinshobora kubona ururimi nakoresha mvuga iby'iyi ngingo mu buryo bwuzuye. [3UB149]

"Kwizera kwa Yesu." Kuvugwaho, ariko ntikwasobanutse. Ni iki kigize kwizera kwa Yesu kigaragara mu butumwa bwa malayika wa gatatu? Yesu yahindutse uwikorera ibyaha byacu kugira ngo ahinduke Umukiza wacu ubabarira ibyaha. Yagiriwe ibyo twagombaga kugirirwa. Yaje kuri iyi si yacu maze afata ibyaha byacu kugira ngo twakire gukiranuka kwe. Kandi kwizera ubushobozi bwa Kristo bwo kudukiza mu buryo bwagutse kandi bwuzuye ndetse buheranije ni ko kwizera kwa Yesu. [3UB149]

Umutekano rukumbi w'Abisirayeli wari amaraso yari ku nkomanizo z'imiryango. Imana yaravuze iti: "Nanjye ubwo nzabona ayo maraso nzabanyuraho, nta cyago kizababaho ngo kibarimbure" (Kuva 12:13). Ubundi buryo bwose bwo kubahesha umutekano ntacyo bwashoboraga kugeraho. Nta kindi uretse amaraso yari asize ku nkomanizo z'umuryango yashoboraga gufunga inzira ngo malayika murimbuzi atinjira. Agakiza k'umunyabyaha kari mu maraso ya Yesu Kristo honyine, yo atwezaho ibyaha byacu byose. Umuntu wize cyane ashobora kugira ubumenyi bwinshi, ashobora kujya impaka zijyanye n'ingingo z'iyobokamana, ashobora kuba igitangaza kandi akubahwa n'abantu, ndetse agafatwa ko atunze ubwenge rwose, nyamara, keretse gusa afite ubwenge bukiza bwo kumenya Kristo wamubambiwe, kandi kubwo kwizera agasingira gukiranuka kwa Kristo, nibitaba ibyo yarazimiye. Kristo “ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba

ye ni yo adukirisha" (Yesaya 53:5). Ibyiringiro byacu rukumbi bya none n'indirimbo tuzaririmba iteka ryose ni ibi ngo: "Twakijijwe n'amaraso ya Yesu Kristo." [3UB150]

**Guhangana n'Urwikekwe n'Ibirego by'Ibinyoma.** -Igihe navugaga ukwizera kwanjye neruye hari benshi batanyumvise maze bakwiza inkuru ko Ellen White yahindutse; ko yahinduwe n'umuhungu we W. C. White ndetse n'umukuru A. T. Jones. Kuba ayo magambo yari aturutse mu kanwa k'abari bamaze imyaka myinshi banzi, abantu bari barakuranye no kwamamazwa kubutumwa bwa malayika wa gatatu kandi bakaba barubahwaga kubwo kwiringirwa ndetse no kwizerwa by'abantu bacu, nta gushidikanya ibyo byagombaga gutera impinduka. [3UB150]

Nahindutse uwo kuganirwaho no kunengwa, nyamara nta n'umwe muri benedata wigeze ansanga ngo agire icyo ambaza cyangwa ngo agire ubusobanuro ansaba. Twagerageje uko dushoboye kose ngo dusaba benedata b'abagabura ngo duhurire mu nzu yaberagamo inama tujye mu cyumba cyumba kitarimo ibintu maze dufatanyirize hamwe gusenga, ariko ntitwabashije kubigeraho keretse kabiri cyangwa se gatatu gusa. Bahisemo kwigira mu byumba byabo no kugira ibyabo biganiro n'amasengesho yabo ukwabo. Byagaragaraga ko nta yandi mahirwe ahari yo gukuraho urwikekwe rwari rwarashinze imizi kandi rukomeye, nta mahirwe yo kuvanaho imyumvire mibi bari bafite kuri njye, umuhungu wanjye, na J. Waggoner ndetse na A. T. Jones. [3UB150]

Nagerageje gushyiramo izindi mbaraga. Mugitondo nanditse kare ibyo nagombaga kugeza imbere ya benedata, kugirango amagambo yaniye atazavugwa uko atari. Umubare uringaniye w'abayobozi bari bahari, kandi nababajwe n'uko umubare munini batari bazanywe muri iyo nama, kuko bamwe mu bari bahari, nk'uko nabibonye, batangiye kubonana ibintu undi mucyo utandukanye, kandi n'abandi benshi baba barungutse iyo bahambwa amahirwe yo gutega amatwi ibyo bavugaga. Ariko ntacyo bamenye kandi [3UB150] ntibungukiye mu bisobanuro nabahaye bijyanye n'iri jambo risobanutse ngo: "Ni ko Uwiteka avuga." [3UB151]

Icyo gihe nabajijwe ibibazo. Barabajije bati: "Mushiki wacu White, mbese utekereza ko nk'ubwoko bwayo Imana yaba idufitiye undi mucyo mushya kandi urushijeho?" Narasubije nti: "Mwinshi kandi bidashidikanywaho. Ntabwo mbitekereza gusa, ahubwo nshobora kubivuga nshize amanga. Nzi ko hari ukuri kw'agahano tuzahishurirwa niba turi ubwoko bugomba guhagarara mu minsi yo kwitegura Imana." [3UB151]

**Ellen White Ashishikariza Abantu Kwigana Ibitekerezo Byagutse.** - Nabajijwe niba ntekereza ko ibyavuzwe byageze ku ntego, nyuma y'uko Mwenedata Waggoner yari amaze gutangaza ibitekerezo bye ku mategeko avugwa mu Bagalatiya. Narasubije nti: "Reka da. Dukeneye ko twese twita ku mbande zombi z'ikibazo". Ariko navuze ko umwuka nabonye wigaragaza mu nama utari usobanutse. Nakomeje gutsindagira ko hakenewe umwuka mwiza, umwuka nk'uwa Kristo, nk'uwagaragajwe n'Umukuru E. J. Waggoner mugihe cyose yatangaga ibitekerezo bye: kandi ibi ntibyagombaga kuvugwaho mu buryo bwo kujya impaka. Ímpamvu nshimangira ko byagombaga kuganirwaho mu mwuka nk'uwa Kristo ni uko nta guhangana kwagombaga kugirirwa benedata tutumva ibintu kimwe. Nk'uko Umukuru E. J. Waggoner yitwaye nk'Umukristo wicisha bugufi ni ko n'abandi bakagombye kwitwara, bagatanga ibitekerezo byabo ku ruhande baherereyemo kuri icyo kibazo mu buryo busobanutse neza... [3UB151]

**Ikibazo cy'Amategeko yo mu Bagalatiya si Ngombwa**-Havuzwe amagomba akurikira ngo: "Niba uko dusobanukiwe n'amategeko avugwa mu Bagalatiya atari ukuri, ubwo ntabwo dufite ubutumwa bwa marayika wa gatatu. Úbwo rero dukwiye kureka igitekerezo cyacu. Ntacyo twaba dusigaranye mu kwizera kwacu." [3UB151]

Naravuze nti: "Benedata, iki ni cyo nakomeje kubabwira. Iyi mvugo ntabwo ari ukuri. Ni imvugo idasobanutse rwose kandi ikabya. Íyaba yari ivugiwe mu biganiro mpaka kuri iki kibazo nari kwiyumvamo ko ari inshingano yanjye kubivugira imbere y'abahateraniye, kandi babyumva cyangwa bakabyihanganira nari kubabwira ko iyo mvugo atari ukuri. [3UB151]

Ikibazo kuri iyi ngingo si ikibazo cy'ingenzi cyane kandi si uko cyari gikwiye gufatwa. Akamaro n'uburemere byahawe iyi ngingo byarakabirijwe, kandi kubw'iyi mpamvu- mu kumva nabi n'ibitekerezo bipfuye-tubona umwuka wiganje muri iyi nama atari nk'uwa Kristo. Bene uyu mwuka ntitwakagombye kuwubona wigaragaza muri benedata. Hari umwuka wa Gifarisayo wari ugiye kuza muri twe kandi ngomba kuzamura ijwi ryanjye nkawurwanya igihe cyose waba ugaragaye. [3UB151]

Nashoboraga kubona ko hari ubukene bukomeye mu kumenya kuvangura no gutekereza neza. Neretswe kenshi akaga gaturuka kuri ibyo. Guhabana mu bitekerezo kwagaragagariraga abizera n'abatizera. Ibyo [3UB151] byatumye mu mutima wanjye niyumvisha ko bahuye n'impinduka zikomeye cyane. Ibyo byagaragaye imbere yanjye ubwo nari ku mugabane w'i Burayi, mu buryo bw'amashusho n'ibimenyetso, ariko ubusobanuro nabuhawe hanyuma ku buryo ntaheze mu mwijima ku byerekeye uko amatorero yacu na benedata mu murimo bahagaze.... [3UB152]

Nasubiye mu cyumba cyanjye nibaza icyo nagombaga gukora cyiza kurushaho. Amasaha menshi muri iryo joro nayamaze mu masengesho nsengera ibyerekeranye n'amategeko avugwa mu Bagalatiya. Ibyo byari ikintu cyoroshye cyane. Ku ngingo yose ijyanye na "Ni ko Uwiteka avuga", umutima wanjye washoboraga kuvuga, Amena, nanone Amena. Ariko umwuka wayoboraga benedata wari utandukanye n'umwuka wa Kristo, utandukanye n'umwuka wagombaga kugaragarira hagati yabo, ibyo byateye umutima wanjye agahinda. [3UB152]

Mu materaniro yo mugitondo cyakurikiyeho twakoranye n'abayobozi. Nari mfite ibintu bisobanutse nagombaga kubwira benedata, kandi ibyo sinashoboraga guhangara kubiceceka. Umunyu warakayutse, izahabu nziza ihinduka inkamba. Umwijima w'iby'umwuka wari utwikiriye abantu kandi benshi bagaragaje ko bayobowe n'imbaraga iturutse hasi, kuko ibyavuyemo byari ibikwiriye kugaragara igihe batayobowe no kumurikirwa n'Umwuka w'Imana. [3UB152]

Mbega inyandiko z'amateka zarimo zandikwa na marayika! Umusemburo wari waramaze kugaragaza umurimo wawo ukomeye, kandi irobe ryari rimaze kubyimba. Nari nzi ko mfitiye benedata ubutumwa bwo gucyaha no kubaburira. Umutima wanjye wari uremerewe n'agahinda. Kubwira benedata ibyo byaranshavuzaga cyane kuruta uko byababazaga abo byabwirwaga. Kubw'ubuntu bw'Imana niyumvishemo imbaraga z'Imana zimpatira guhagarara imbere ya benedata mu murimo, ngahagarara mu izina ry'Imana, nizeye kandi nsengera ko yahumura amaso ahumye. Narakomejwe maze mvuga amagambo umunyamabanga wanjye yari yanditse mu ncamake. -Manuscript 24, 1888. [3UB152]

**Minneapolis Urubuga rwo Kugeragerezwaho**. Imana yari iri kugerageza no kureba ubwoko bwayo bwari bwarahawe umucyo mwinshi, ngo irebe niba nibuhura n'ikigeragezo bushobora kuzawugenderamo cyangwa bukawutera umugongo, kuko bake gusa ari bo bari basobanukiwe n'umwuka ubakoresha kugeza igihe ibintu bizahinduka ibyo kugerageza umwuka ubatera kwihutira gukora. Muri benshi umutima wa kamere ni wo mbaraga ibayobora, nyamara kandi ntibatekereza ko ubwibone n'urwikekwe byahawe icyicaro nk'abashyitsi bakunzwe cyane, kandi bigakorera mu magambo no mu bikorwa birwanya umucyo n'ukuri. Benedata bari bafite imyanya ikomeye mu murimo no mu gukorera Imana bagombaga kuba bomatanye cyane na Soko y'umucyo wose kugira ngo batazita umucyo umwijima kandi umwijima bakawita umucyo... [3UB152]

**Gukiranuka kubwo Kwizera Ntibitesha Agaciro Amategeko**- Gukomera kuri Kristo nk'isoko yacu yonyine y'imbaraga zacu, kugaragaza urukundo rwe rutagira akagero rwo kuba yarikoreye ibyaha by'abantu bikamubarwaho no gukiranuka kwe umuntu abarwaho, nta na rimwe bikuraho amategeko cyangwa ngo biyateshe agaciro. Ahubwo, biyashyira aho umucyo nyakuri uyamurikaho ukayahesha ikuzo. Ibi bikorwa binyuze mu mucyo wagaragariye ku musaraba w'i Kaluvari. Amategeko arashyitse kandi yuzuye mu nama ikomeye y'agakiza, nk'uko byagaragarijwe gusa mu mucyo urabagiranira mu Mukiza wabambwe akazuka. Ibi kandi bishobora kumvikana gusa mu buryo bw'umwuka. Bibyutsa mu mutima w'uwitegereza ukwizera gushyushye, ibyiringiro, n'umunezero w'uko Kristo ari we gukiranuka kwe. Ibi byishimo iby'ababandi gusa bakunda kandi bakitondera amagambo ya Yesu, ari na yo magambo y'Imana. [3UB153]

Iyo benedata baba bari mu mucyo amagambo Uwiteka yampaye ngo mbashyikirize yari kubona igisubizo mu mitima y'abo Imana yadushinze. Ubwo nabonaga ko imitima y'abo nifuzaga kutanyuranya na bo yari ifungiranywe n'urwikekwe no kutizera, natekereje ko byambera byiza mbaretse. Umugambi wanjye wari uwo kuza i Minneapolis kuwa mbere w'icyumweru.... [3UB153]

Nifuzaga gutekereza nitonze, ngasenga, [kugirango mbashe kumenya] uburyo tugomba gukoramo tugaragariza abantu ingingo yerekeranye n'icyaha no guhongerera mu mucyo wa Bibiliya. Bari bakeneye cyane impuguro nk'iyi kugirango babashe kugeza umucyo ku bandi kandi bagire amahirwe anejeje yo kuba abakozi bakorana n'Imana mu kwegeranya no kuzana mu rugo umukumbi wo mu bushyo bwayo. Mbega imbaraga tugomba kugira ziturutse ku Mana kugira ngo imitima yabaye ubutita, ifite gusa iyobokama rishingiye ku mategeko, ibashe kubona ibintu bihebuje yahawe ari byo: Kristo no gukiranuka kwe! Ubutumwa butanga ubugingo bwari bukenewe kugira ngo buhe ubugingo amagufwa yumye. -Manuscript 24, 1888. [3UB153]

## AMAGAMBO YA ELLEN WHITE KU MUNSI USOZA INAMA (Yandikiwe umwe mu bagize umuryango we, taliki ya 4 Ugushyingo, 1888)

Imana yacu [Inama y'Inteko Nkuru Rusange yabereye i Minneapolis] irasoje. Ku Isabato iheruka natanze ikiganiro cyanjye cya nyuma. Uko byagaragaraga bwari ubwa mbere hagaragaye impinduka zikomeye mu iteraniro. Nabahamagariye kuza imbere tugasenga nubwo urusengero rwari rwuzuye abantu cyane. Umubare utari muto waje imbere. Imana yampaye umwuka wo kwinginga maze umugisha wayo unzaho. Sinigeze nsohoka ngo mve mu nama muri iki gitondo. Yari inama isaba imbaraga nyinshi kuri Willie, kandi nagombaga kwitegereza ingingo yose kugirango [3UB153] hatababamo intambwe iterwa cyangwa imyanzuro ifatwa, bikazatera impagarara mu murimo mu minsi izaza. [3UB154]

Navuze hafi inshuro makumyabiri mfite ubwisanzure buhagije kandi twizeye ko muri iyi nama hazavamo icyiza gikomeye. Ntituzi ahazaza, ariko turumva ko Yesu ahagaze ku ruhembe rw'imbere, kubw'ibyo ntituzarohama. Ubutwari bwanjye no kwizera kwanjye byakomeje kuba byiza kandi ntibyantengushye, nubwo twahuye n'intambara ikomeye cyane kandi itumvikana kuruta izo twigeze guhura na zo mu bantu bacu. Ibi ntibyashobora gusobanurwa n'ikaramu keretse nanditse amapaji menshi, wongere ngo menshi. Ni cyo cyatumye ntirushya nkora uwo murimo. [3UB154]

Umukuru Olsenni agiye kuba umuyobozi w'Inteko Nkuru Rusange kandi mwenedata Dan Jones, ukomoka i Kansas, azajya amufasha. Umukuru Haskell azakomeza gukora iyo nshingano kugeza igihe Olsen azava mu Burayi. Ntabwo nshobora kuvuga icyo ahazaza haduhishiye, ariko tuzaguma

i Battle Creek hafi ibyumweru bine maze tubone ubuhamya tuzahita dushyira ahagaragara tudatíndiganyije. Nibwo tuzakomeza kureba uko ibintu bigenda hagati mu murimo. Twamaramaje ibyo dushoboye kose twubaha Imana ngo dufashe abantu bacu mu bihe byihutirwa nk'ibi. [3UB154]

Intekerezo z'umuntu urwaye zagiye ububasha bugenga Komite y 'Inteko Nkuru Rusange kandi abagabura bagiye baba igicucu no kwirangira kw'ijwi ry'umukuru Butler igihe cyose ari bizima kandi bikanaba byiza ku murimo. Igomwa, gukeka ibibi, n'ishyari byagiye bikora nk'umusemburo kugeza ubwo irobe ryose risemburiwe... [3UB154]

Uyu munsi, kuwa mbere w'iminsi irindwi, sinabonetse mu nama, ariko nagombaga gusuura cyane. Ndashimira Imana kubw'imbaraga n'ubwisanzure n'ububasha bwa Mwuka wayo yampaye mugutanga ubuhamya bwanjye, nubwo bwagize imbaraga nke ku mitima ya benshi kuruta ikindi gihe cyose cyabanje mu mateka yanjye. Satani yagaragaraga nk'ufite imbaraga zo gukoma mu nkokora umurimo wanjye ku rwego ruhanitse, ariko mpindishwa umushyitsi no gutekereza ibyari kuba muri iyi nama iyo tutahaba. Imana iba yarakoze mu bundi buryo ngo iburizemo umwuka wazanywe mu nama, ufite imbaraga zashoboraga gutegeka abantu. Ariko ntabwo twaciwe intege. Twiringiye Imana ya Isirayeli. Ukuri kuzanesha kandi ndavuga kuneshesha ukuri. [3UB154]

Turatekereza kuri mwese muri imuhira kandi twanezezwa no kubana namwe, ariko ibyo ibyifuzo si byo tugomba kurebaho. Imana ni yo Muyobozi wacu, reka abe ari yo iyobora uko ibintu bigenda natwe tuzakurikira inzira ituyoboyemo. -Letter 82, 1888. [3UB154]

---

*47 Igihe George I. Butler atari ahari, ari we muyobozi w'Inteko Nkuru Rusange, umukuru Haskell ni we wayoboraga imirimo y'Inteko Nkuru Rusange. Nyuma gato y'uko inama yari isoje, W. C. White yasabwe gukora nk'uyoboye inzibacyuho y'Inteko Nkuru Rusange, ibyo yabikoze hafi amezi atandatu.*

---

## IBICE BIBIRI BYAKUWE MU BIBWIRIZWA BYABWIRIJWE I MINNEAPOLIS48

Ubu rero icyo dushaka kwerekana ni ukumenya uko twatera imbere mu bugingo bukomoka ku Mana. Twumva inzitwazo nyinshi: Sinashobora kubaho gutya cyangwa gutyo. [3UB155]

Uba ushatse gusobanura iki iyo uvuze uti gutya cyangwa gutyo? Uba ushaka kuvuga ko igitambo cyatangiwe i Kaluvari kubw'inyokomuntu yaguye ari igitambo kidatunganye, yuko nta buntu buhagije cyangwa imbaraga twahawe idukura mu kwangirika kwa kamere yacu' n'ibyo irarikira, yuko tutahawe Umukiza uko yakabaye? [3UB155]

Cyangwa urashaka kushyira umugayo ku Mana? Ni byo, uravuga uti: 'cyari icyaha cya Adamu. Uravuga uti: 'ibyo sinkwiye kubiryozwa, sinabigizemo uruhare kandi sinjye ubazwa ibyo kugwa. Dore ibyo kamere yanjye irarikira muri jye, kandi sinkwiye kubigayirwa niba nkoze ibyo kamere yanjye ibogamiyemo? None ni nde ukwiye kubigayirwa? Mbese ni Imana? [3UB155]

Kuki Imana yemereye Satani kugira ububasha kuri kamere muntu? Ibi ni ibirego biregwa Imana yo mu ijuru, kandi izaguha akanya, niba ubishaka, ngo ugaragaze ibirego byawe uyirega. Nayo kandi izahita izana ibirego uregwa ugeze mu rukiko rw'imanza rwayo. *-Manuscript 8, 1888, Oct. 20*, 1888. [3UB155]

Iyo Imana ibasha kuba yahindura amategeko yayo kugira ngo isange umuntu mu buzima bwe bwo kugwa, ntibyari kuba ngombwa ko Kristo aza kuri iyi si. Kubera ko amategeko adahinduka kandi atashoboraga guhinduka, Imana yohereje umwana wayo w'ikinege kugira ngo apfire ubwoko

bwacumuye. Áriko se Umukiza yaba yarishyizeho igicumuro cy'abantu maze akababaraho gukiranuka kwe kugira ngo bakomeze kwica amategeko ya Yehova? Oya, oya! Kristo yaje kubera ko bitashobokaga ko umuntu yakomeza amategeko mu mbaraga ze. Yaje kumuzanira imbaraga zo kubaha amabwiriza y'amategeko. Bityo umunyabyaha, wihana ibicumuro bye, ashobora gusanga Imana akavuga ati: "Data, ndagusaba ngo umbabarire binyuze mu gaciro k'ibyakozwe n'Umukiza wabambwe akazuka." Imana izakira abantu bose bayisanga mu izina rya Yesu. -Manuscript 17, 1888, Sunday, October 21, 1888. [3UB155]

## AMEZI ATATU NYUMA Y'INAMA Y'I MINNEAPOLIS

Iyo Dukoze Ibyo Dushoboye Byose. -Reka dushimire Imana ko igihe kitararenga ngo amakosa yose akosorwe. Kristo yitegereza umwuka dufite, kandi iyo abonye twikorera umutwaro wacu mu kwizera, gukiranuka kwe [3UB155]

---

*48 Ellen White yavuze inshuro makumyabiri i Minneapolis, ariko ntabwo yahinjiye igihe hatangwaga ibyigisho ku gutsindishirizwa n'ubuntu kubwo kwizera. Ahubwo, yakoranye umwete ngo ayobore abagabo n'abagore bafungurire imitima yabo ukuri gushingiye kuri Bibiliya.*

---

kuzuye kuduhongerera ku tutashoboye kugeraho. Iyo dukoze uko dushoboye kose, ahinduka gukiranuka kwacu. Uko gukiranuka kwakira buri murasire wose w'umucyo Imana itwoherereza kugira ngo duhinduke umucyo w'abari mu isi. Letter 22, 1889. (Byasohotse mu Butumwa Bwatoranyijwe, 2016, Vol.1, pp. 423,424) [3UB156]

## UKO UBUTUMWA BWO GUTSINDISHIRIZWA KUBWO KWIZERA BWAKIRIWE AHAKORERWA UMURIMO

Amateraniro adasanzwe yatangiriye ahitwa South Lancaster kuwa Gatandatu, taliki ya 11 Mutarama [1889]. Twanejejwe no kubona urusengero rwuzuye abari baje kwakira ibyiza byakomokaga muri ayo materaniro..... Intumwa zihagarariye abandi zari zihari ziturutse muri Leta ya Maine, iya Connecticut n'iya Massachusetts, n'izindi. Twabonye ko hari umurimo ugomba gukorwa kugirango ibintu bishyirwe mu buryo, ibyo imbaraga z'umuntu zose zitabasha kugeraho hatabayeho gufashwa n'Ímana. Imitima yacu yashishikariye kwinginga Imana ngo igire icyo idukorera... [3UB156]

Twiyumvisemo umutwaro w'abajyanaga ubutumwa bw'ukuri babushyiriye abandi, kugirango badakinga imitima yabo maze imirasire y'agahano y'umucyo uturutse mu ijuru Imana yabohereje ntubone uko winjira. Yesu yaranezerewe igihe abamukurikira bakiraga ubutumwa bwe bw'ukuri.... [3UB156]

Ku Isabato ku gicamunsi, imitima ya benshi yakozweho, kandi benshi bagaburiwe umutsima umanuka uva mu ijúru. Nyuma y'icyigisho twanejejwe n'iteraniro ry'agahano ryo gusabana. Imana yaratwegereye, yemeza imitima iby'ubukene bwayo bukomeye bw'ubuntu bwayo n'urukundo rwayo. Twumvise uburyo byari ngombwa kugaragaza Kristo nk'Umukiza utari kure yacu, ahubwo ugeze hafi. Igihe Mwuka yatangiraga gukora ku mitima y'abantu, imbuzo zagaragariraga mu kwihana no gukosora ibifutamye. Mu materaniro yose, uko abantu bumvaga bashaka kwegera Imana, beraga imbuto zíkwiriye abihannye babikoresheje kwaturirana aho baba barahemukiranye mu magambo cyangwa mu bikorwa.... [3UB156]

Hari abantu benshi, ndetse no mu bagabura, babonye ukuri nk'uko kuri muri Yesu mu mucyo utandukanye n'uko bakubonaga mbere. Babonye Umukiza nk'Umukiza ubabarira ibyaha, kandi babona ukuri nk'ukweza ubugingo. "Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose."... [3UB156]

---

*49 Iri ryari irya mbere mu materaniro Ellen White yabonetsemo atanga ubutumwa bwo gutsindishirizwa kubwo kwizera ahakorerwaga umurimo mu gihe cyakurikiye Inama yabereye i Minneapolis. Mu mwaka wa 1889 Ellen White yagiye ayobora mu gikorwa cyo kugeza ubutumwa ku matorero. Bimwe mu bibwirizwa bye byaratangajwe, nka kimwe cyatangiwe ahitwa Ottawa, Kansas, taliki ya 11 Gicurasi. Iki kibwirizwa cyasohotse mu gitabo kivuga kwizera n'imirimo, (Faith and Works, pp. 63-79).*

---

**Benshi Bafite Imyumvire Igoretswe.** -Hari abantu benshi bagaragara nk'abumva ko bafite umurimo ukomeye bagomba kwikorera mbere y'uko basanga Yesu ngo abahe agakiza. Bagaragara ko batekereza ko Yesu agomba kuza bageze ku musozo w'urugamba barwana, akabaha ubufasha ashyira akadomo ku murimo bakože mu buzima bwabo. Biragaragara ko bibakomereye gusobanukirwa ko Kristo ari Umukiza uhagije, ushobora gukiza rwose abagerezwa Imana na We. Batakobwa kubona ko Yesu We ubwe ari "inzira, n'ukuri, n'ubugingo." Igihe twishingikirije kuri Yesu buri wese ku giti cye, twizera tudashidikanya, twizera ko amaraso ye ashobora rwose kutwezaho ibyaha byose, tuzagira amahoro mu kwizera ko Imana ibasha gusohoza rwose ibyo yasezeranye.... [3UB157]

**Ubutumwa Nyabwo Bwatanzwe**. Uko benedata ba bashiki bacu bakinguriraga imitima yabo kwakira umucyo, bakiriye ubwenge burushijeho ku byerekeranye n'icyo kwizera ari cyo. Imana yari iyagaciro; kandi yari yiteguye gukomeza ubwoko bwayo. Amateraniro yarakomeje arenga icyumweru nk'uko byari byemejwe mbere. Ishuri riba rihagaritswe, maze abantu bose bihatira gushaka Imana. Umukuru Jones yaturutse i Boston, kandi yari yakoranye umwete kubw'abantu b'Imana, yigisha kabiri cyangwa gatatu ku munsi. Umukumbi wagaburiwe ifunguro ritunga ubugingo. Ubutumwa nyakuri Imana yoherereje ubwoko bwayo muri iki gihe bwatangiwe mu byigisho. Amateraniro yarakomeje kuva mugitondo kare kugeza mu gicuku, kandi umusaruro wavuyemo wari ushimishije. [3UB157]

Abanyeshuri n'abarimu bose bagabanye bihagije umugisha w'Imana. Ubuhamya rusange bwatanzwe n'abari mu materaniro ni uko bagize ubunararibonye batari baragize mbere hose. Banyuzwe n'umunezero wabo ko Kristo yababariye ibyaha byabo. Imitima yabo yari yuzuye gushima no gusingiza Imana. Amahoro yari yatashye mu mitima yabo. Bakundaga umuntu wese, kandi bumvaga ko bashobora kuruhukira mu Rukundo rw'Imana. [3UB157]

Sinigeze mbona umurimo w'ububyutse ujya imbere nko muri ubu buryo bunoze butyo kandi ntugaragaremo gutwarwa kudakwiriye. [3UB157]

Hari benshi bemeje ko uko gucukumbura ukuri byashyirwaga ahagaragara, bemejwe mu mucyo w'amategeko ko ari abanyabyaha. Bari barakomeje kwishingikiriza ku gukiranuka kwabo. Nyamara ubu bakubonye kumeze nk'ubushwambagara bufite ibizinga ukugereranyije no gukiranuka kwa Kristo ko konyine kwemerwa n'Imana.

Nubwo batari abanyabyaha bihandagaje, bibonye nk'impezamajyo kandi bangiritse mu mitima. Bari barimitse ibigirwamana mu mwanya wa Data wo mu ijuru. Bari barakomeje gukirana no kureka ibyaha, ariko bakomeza kwiringira imbaraga zabo. Tugomba gusanga Yesu uko turi, tukatura ibyaha byacu, kandi tugatura imitima yacu y'akahebwe ku Mukiza wacu wuje impuhwe. -The Review and Herald, March 5, 1889. [3UB157]

## HAKENEWE IMVUGO IKWIRIYE ISOBANURA GUKIRANUKA KUBWO KWIZERA

Naratumiwe kugira ngo ngire amagambo mbwira abagabura turi mu ihema ryari rigenewe abagabura.50 Twavuganye na bamwe kuri gahunda nziza yakorwa ngo abantu bigishwe kuri iyi ngingo bahereye kuby'idini mu muryango. [3UB158]

Abantu benshi bagaragara ko ntacyo basobanukiwe ku bigize kwizera. Benshi bavuga iby'umwijima no gucika intege. Narababajije nti: "Mbese amaso yanyu muyahanze kuri Yesu? Mbese muramwitegereza, we Zuba ryo Gukiranuka? Mukeneye gusobanurira amatorero ibyerekeranye no kwizera no kwishingikiriza rwose ku gukiranuka kwa Kristo. Mu biganiro mugira no mu masengesho yanyu mutinda gake cyane kuri Kristo, ku Rukundo rwe rutagira akagero, ku gitambo cye gikomeye yatanze ku bwacu, ku buryo Satani yijimishije ibitekerezo mwakagombye kuba mufite kandi mugomba kugira kuri Kristo. Mu kurushaho kwegera Yesu Kristo nk'Umucunguzi wacu, tugomba kwiringira gake ibya muntu ku byerekeranye n'ubufasha bw'iby'umwuka. Tugomba gutinda kandi tumaramaje ku mico yo mu ijuru ya Yesu Kristo; tugomba kuvuga iby'urukundo rwe, tugomba kuvuga no kuririmba imbabazi ze, kandi tukamugira Umukiza wacu bwite. Übwo tuba tubaye umwe na Kristo. Dukunda ibyo Kristo akunda, twanga icyaha, icyo Kristo yanga. Ibi bintu ni byo tugomba kaganiraho, tukanabitindaho." [3UB158]

Naganirije abagabura. Muyobore abantu intambwe ku ntambwe, mutinde cyane ku kuba Kristo ahagije kugeza ubwo, kubwo kwizera kuzima, babona Yesu nk'uko ari-bamubona wese wese, ko ari Umukiza ubabarira ibyaha, wa wundi ushobora kubabarira ibicumuro byacu byose. Ni kubwo kumwitegereza duhindurirwa gusa na we. Uku ni ukuri kugenewe iki gihe. Twavuze iby'amategeko. Ibyo ni ukuri. Ariko ni gake twerereje Kristo nk'umukiza ubabarira ibyaha. [3UB158]

Tugomba guhoza imbere y'ubwenge bwacu Umukiza ubabarira ibyaha. Ariko tugomba kumugaragaza mu mwanya we nyakuri-nk'uwaje gupfa kugira ngo yogeze kandi yubahishe amategeko y'Imana, kandi atsindishirize umunyabyaha wishingikiriza ku byakozwe n'amaraso y'Umukiza wabambwe akazuka. Ibi ntibyagaragajwe neza. [3UB158]

Ubutumwa bukiza ubugingo, ari bwo butumwa bwa marayika wa gatatu, ni bwo butumwa bugomba kubwirwa abari mu isi. Amategeko y'Imana no kwizera Yesu byombi ni ingenzi, ni ingenzi cyane, kandi bigomba guhabwa imbaraga n'ububasha bingana. Umugabane wa mbere w'ubu butumwa ni wo wibanzweho cyane, naho umugabane wa nyuma uvugwaho gake. Kwizera kwa Yesu [kwizera Yesu) ntabwo kwasobanutse. Tugomba kukuganiraho, tugomba kubaho uko kuvuga, tugomba gusenga tugusaba, [3UB158]

---

*50 Inama yahawe abagabura mu materaniro makuru yabereye i Colorado, Nzeri 13, 1889, hatangwa ibyigisho ku gukiranuka kubwo kwizera.*

---

tukigisha abantu gushyira uyu mugabane w'ubutumwa mu buzima bwo mu miryango yabo. "Mugire wa mutima wari muri Kristo Yesu" (Abafilipi 2:5). [3UB159]

**Ibiganiro Byuzuye Kristo Birakenewe**. Hari ibiganiro byose, bikakaye kandi bitagira Kristo, kandi muri ibyo biganiro Yesu yavugwaga gake. Umutima w'umubwiriza ntiwigaruriwe kandi ngo woroshywe n'urukundo rwa Yesu. Yibanda ku nyigisho zumagaye. Nta bikomeye zikora ku bazumva. Umubwiriza ntiyejejwe n'amavuta ava mu ijuru, none yabasha ate kunyeganyeza imitima y'abantu? Dukeneye kwihana no guhinduka: ni byo rwose, umubwiriza agomba

guhinduka. Yesu agomba kwererezwa imbere y'abantu, kandi na bo bakararikirwa "Kureba bakabaho." [3UB159]

Kuki iminwa yacu yicecekeye ku ngingo yerekeranye no gukiranuka kwa Kristo n'urukundo rwe akunda abari mu isi? Kuki tudaha abantu ibyo kubabyutsa no kubakangurira ubugingo bushya? Intumwa Pawulo yari yuzuye gutwarwa no kuramya ubwo yavugaga ati: "Si ugushidikanya, ubwiru bw'ubumana burakomeye cyane: Imana kwerekanwa ifite umubiri, ikagaragara ko ari umukiranutsi mu mwuka, ikabonwa n'abamarayika, ikamamazwa mu banyamahanga, ikizerwa mu isi, ikazamurwa igahabwa ubwiza" (1Timoteyo 3:16). [3UB159]

"Mugire wa mutima wari muri Kristo Yesu. Uwo nubwo yabanje kugira akamero k'Imana, ntiyatekereje yuko guhwana n'Imana ari ikintu cyo kugundirwa, ahubwo yisiga ubusa ajyana akamero k'umugaragu w'imbata, agira ishusho y'umuntu, kandi amaze kuboneka afite ishusho y'umuntu yicisha bugufi, araganduka ntiyanga no gupfa ndetse urupfu rwo ku musaraba.....Ngo amavi yose apfukame mu izina rya Yesu, ari ay'ibyo mu ijuru, cyangwa ay'ibyo mu isi, cyangwa ay'ibyo munsi y'isi, kandi índimi zose zihamye ko Yesu Kristo ari Uwiteka, ngo Imana Data wa twese ihimbazwe." (Abafilipi 2:5-11). [3UB159]

"Ni we waducunguje amaraso ye ngo tubone kubabarirwa ibyaha byacu. Ni na we shusho y'Imana itaboneka, ni we mfura mu byaremwe byose, kuko muri we arimo byose byaremewe, ari ibyo mu ijuru cyangwa ibyo mu isi, ibiboneka n'ibitaboneka, intebe z'ubwami n'ubwami bwose, n'ubutware bwose n'ubushobozi bwose. Ni we wabiremye byose kandi rero ni na we byaremewe. Yabanjirije byose kandi byose bibeshwaho na we" (Abakolosayi 1:14-17). [3UB159]

Iyi ni insanganyamatsiko ikomeye kandi ikomoka mu ijuru yirengagijwe ku rwego rukomeye mu biganiro kubera ko Kristo atigeze aremerwa mu mitima y'abantu. Kandi Satani yakoresheje uburyo bwe ngo bigende gutyo, kugira ngo Kristo ataba ingingo yo gutekerezwaho no guhimbaza. Iri zina, rikomeye cyane, kandi ry'ingenzi, rikwiriye kuba ku rurimi rwose. [3UB159]

"Iryo nahindukiye umubwiriza nkurikije ubusonga Imana yampaye ku bwanyu, kugira ngo mbwirize abantu ijambo ry'Imana ryose, ari ryo bwa bwiru bwahishwe uhereye kera kose n'ibihe byose, ariko none bukaba [3UB159] bwarahishuriwe abera bayo, abo Imana yishimiye kumenyesha ubutunzi bw'ubwiza bw'ubwo bwiru bwageze mu banyamahanga, ari bwo Kristo uri muri mwe, ari byo byiringiro by'ubwiza. Ni we twamamaza tuburira umuntu wese, tumwigisha ubwenge bwose kugira ngo tumurikire Imana umuntu wese, amaze gutunganirizwa rwose muri Kristo. Icyo ni cyo gituma nkora cyane, ndwanana umwete nk'uko imbaraga ze ziri zinkoreramo cyane (Ábakolosayi 1:25-29). [3UB160]

Aha ni ho hari umurimo w'abagabura bavuga ibya Kristo. Kuko uyu murimo utakozwe, kuko Kristo n'imico ye, amagambo ye, ndetse n'umurimo we bitashyizwe imbere y'abantu, uko amatorero ameze mu by'iyobokamana birarega ababwiriza bayo. Amatorero agiye gupfa kuko abantu batagaragarijwe Kristo uko bikwiye. Nta buzima bw'ibya mwuka buyarangwamo kandi nta bushishozi mu bya mwuka buharangwa. [3UB160]

**Ubwoba Butewe n'Ubutumwa bwo Gukiranuka kubwo Kwizera**. Abigisha abantu ntibimenyereje kugira ubunararibonye buzima bagirana n'Isoko yabo bishingikirizaho ndetse n'Isoko y'imbaraga zabo. Maze igihe Uwiteka ahagurukije abantu akabohereza batwaye ubutumwa bugenewe iki gihe bashyiriye abantu (ubutumwa butari ukuri gushya, ahubwo ari nabwo butumwa Pawulo yigishaga, ubutumwa Yesu nawe ubwe yigishije) bwa butumwa bubagaragarira nk'inyigisho z'inzaduka. Batangira kubwira abantu kubyitondamo-abantu bagiye gupfa kuko batakomejwe no kuba Yesu yarererejwe imbere yabo. [Barabwirwa ngo]: "Mwe kwihuta cyane.

Ibyiza ni uko mwategereza, kandi mwe kwemera ibi bintu kugeza ubwo muzabimenyaho byinshi." Kandi abagabura babwiriza izo nkuru zumagaye zidafite ubuzima mu gihe abantu bakeneye manu nshya. [3UB160]

Imico ya Kristo ni imico itunganye bitagerwa, kandi agomba kwererezwa cyane, kuko ni imbaraga, ni ubushobozi, ni ukwezwa no gukiranuka ku bamwizera bose. Abantu bigeze kugira umwuka wa Gifarisayo, batekereza ko niba bashikamye ku nyigisho nziza za kera, nyamara ntibagire uruhare mu butumwa Imana yohererej ubwoko bwayo, ubwo bumva ko bazaba bari mu mwanya mwiza kandi utekanye. Uko ni ko Abafarisayo ba kera batekerezaga, kandi urugero rwabo rwagombye kubera umuburo abagabura bakava kuri urwo rubuga rwo kumva bihagije. [3UB160]

**Igisha Insanganyamatsiko z'Ubutumwa Bwiza Zizamura Abantu mu by'Umwuka**. Dukeneye imbaraga zo kwisubiraho no kudukomeza mu mwete no kwizera gukomeye. Bityo rero, nitubatizwa na Mwuka Wera, Kristo azaremwa muri twe, we byiringiro by'ubwiza. Ubwo nibwo tuzagaragaza Kristo nk'uwo mu ijuru ukwiye kwizera kwacu n'urukundo rwacu. Tuzaganira ibya Krito, tuzasenga Kristo kandi tuzasaba ibimwerekeye. Tuzasingiza izina rye ryera. Tuzereka abantu ibitangaza bye, kwiyanga kwe, kwitanga kwe, imibabaro ye, no kubambwa kwe, kuzuka kwe no kuzamukana intsinzi kwe. Izi ni zo ngingo z'ubutumwa bwiza zizamura abantu mu by'umwuka, zikabyutsa urukundo n'ishyaka [3UB160] rigurumana mu mutima wa buri wese. Aha ni ho hari ubutunzi bw'ubwenge no kumenya, hakaba isoko idakama. Uko ushishikarira kugera kuri ubu bunararibonye, ni ko ubuzima bwawe buzarushaho kugira agaciro. [3UB161]

Amazi y'ubugingo ashobora kuvomwa muri iryo riba ariko ntiryigera rikama. Abagabura b'ubutumwa bwiza bari kuba abanyambaraga iyo bakomeza gushyira Umwami Yesu Kristo imbere yabo kandi igihe cyabo bakagikoresha biga imico ye myiza. Iyo bakora batyo, nta buhakanyi bwari kubaho, nta n'umwe wari gutandukana n'itorero kuko, kubw'ibikorwa byabo byo kwiyandarika, basuzuguje umurimo w'Imana bakoza Yesu isoni ku mugaragaro. Imbaraga za buri mugabura wese w'ubutumwa bwiza zakagombye kuba zarakoreshejwe mu kwigisha amatorero y'abizera kwakira Kristo kubwo kwizera nk'Umukiza wabo ku giti cyabo, bakamugira mu bugingo bwabo kandi bakamugira Icyitegererezo, ngo bigire kuri Yesu, bizere Yesu, kandi berereze Yesu. Umugabura na we ubwe yagombye kwibanda ku mico ya Kristo. Yagombye gutekereza ukuri, kandi agatekereza byimbitse ku bwiru bwo gucungurwa, by'umwihariko ku murimo wa Kristo wo kuduhongerera muri iki gihe. [3UB161]

**Ibande Cyane ku Kwigira Umuntu kwa Kristo no Guhongerera kwe**. -Niba Kristo ari byose kandi akaba muri buri wese muri twe, kuki mu matorero hatariho kwibanda cyane kwigira umuntu kwe ndetse n'igitambo cye cyo kuduhongerera bidatindwaho? Kuki imitima n'indimi bidakoreshwa mu gusingiza Umucunguzi? Ibi ni byo imbaraga z'abacunguwe zizakora mu bihe bizira iherezo. [3UB161]

Twe ubwacu dukeneye kugirana n'Imana umubano uhoraho kugira ngo tubone uko twigisha ibya Yesu. Nibwo tuzashobora gutanga ubunararibonye buzima bwacu bwite bw'uwo Kristo ari we kuri twe haba mu ngiro no mu kwizera. Twakiriye Kristo kandi kubw'umuhati mvajuru dushobora kuvuga iby'imbaraga iturimo. Abantu bagomba kureherezwa kuri Kristo. Gukiza kwe ni ko kugomba gushyirwa hejuru. [3UB161]

Abigishwa nyakuri, nibaba bicaye ku birenge bya Yesu, bazavumbura amabuye y'agaciro y'ukuri kwavuzwe n'Umukiza wacu, kandi bazasobanukirwa n'icyo avuze ndetse n'agaciro kayo. Kandi icy'ingenzi kurushaho, uko bazaca bugufi bakigishwa, gusobanukirwa kwabo kuzaguka maze

bavumbure ibintu bitangaje byo mu mategeko ye, kuko Kristo yabigaragaje mu mirongo isobanutse kandi igaragara neza. [3UB161]

Inyigisho y'ubuntu n'agakiza muri Yesu Kristo ni ubwiru ku mugabane munini w'abafite amazina yabo mu bitabo by'itorero. Iyaba Kristo yari ku isi yigisha abantu be, yabagayira ko batinda gusobanukirwa. Yabwira abo batinda kumva n'abo badasobanukirwa ati: "Nabahaye ukuri kurebana n'agakiza kanyu, ariko ntimutekereza agaciro gufite." [3UB161]

Yooo, iyaba abagabura bacu babwiriza abantu n'amatorero bavugwagaho ngo, "Maze abungura ubwenge ngo basobanukirwe n'ibyanditswe!" (Luka [3UB161] 24:45). Ndababwira mfite kubaha Imana yuko kugeza ubu, ukuri kwa Bibiliya kwerekeranye n'inama ikomeye y'agakiza kwasobanutse gake. Ukuri kuzakomeza guhishurwe, kwaguke, kandi gutere imbere, kuko gukomoka mu ijuru, kimwe n'Uwo gukomokaho. [3UB162]

**Uko Yesu Yigishaga Abantu**-Yesu ntiyatangaga ubusobanuro bwose cyangwa ibiganiro birambuye ku nyigisho runaka, ahubwo kenshi yavugaga mu nteruro ngufi, nk'uwabaga abiba imbuto zo mu ijuru z'inyigisho nk'amasaro agomba gutoragurwa n'umukozi usobanukiwe. Inyigisho zo kwizera n'ubuntu yazigaragazaga aho yabaga yigishiriza hose. Oh, kuki abagabura batagaburira amatorero igaburo rizabaha ubuzima bwiza n'imbaraga mu by'umwuka? Umusaruro uzavamo uzaba ubunararibonye bukungahaye mu kumvira Ijambo ry'Imana gushyizwe mu bikorwa. Kuki abagabura bacu badakomeza ibisigaye bigiye gupfa? [3UB162]

Igiheyari hafi gutandukana n'abigishwabe, Yesu yashakagaicyashoboraga kubakomeza cyane kurushaho yashoboraga kubasigira. Yabasezeraniye Umwuka Wera-Umufasha-ngo afatanye n'imbaraga z'umuntu. Ni irihe sezerano ryumvikana gake, risohorezwa itorero gake, nk'isezerano ry'Umwuka Wera? Igihe uyu mugisha (umugisha uzana n'indi migisha yose iwukurikiye) watawe hasi, ingaruka zidasubirwaho ziba amapfa mu by'umwuka. Uyu mugayo ushyirwa ku mubwiriza. Itorero rigomba guhaguruka kandi ntiryongere kunyurwa n'ikime gike cyane kidahagije. [3UB162]

**Ubukene Bwacu bwa Mwuka Wera.** -Oh, kuki abizera b'amatorero yacu bahagarariye aho kongera kubona ayo mahirwe yabo? Ntabwo bo ubwabo biyumvamo ko bakeneye gukoreshwa na Mwuka w'Imana. Nka Mariya, itorero rishobora kuvuga riti: "Bakuyemo Umwami wanjye, nanjye sinzi aho bamushyize" (Yohana 20:13). [3UB162]

Abagabura babwiriza ukuri kw'iki gihe bazemera ko ari ngombwa gukoreshwa na Mwuka w'Imana mu kwemeza icyaha no guhindura imitima, kandi uko gukora kwa Mwuka w'Imana kugomba kuba no mu kubwiriza Ijambo, nyamara ntibiyumvamo akamaro ka Mwuka bihagije ngo babashe kugira ubumenyi bwimbitse kandi bw'ibikorwa bya Mwuka. Ubukene bw'ubuntu n'imbaraga mvajuru y'ukuri ikorera mu mitima yabo bubabuza gusobanukirwa n'iby'umwuka no kugaragaza impamvu ari ngombwa ku itorero. Nuko bakagenda inzira yose bacumbagira, bakaba ingwingiri mu gukuza amajyambere y'iby'umwuka, kuko mu murimo bakora iyobokama ryabo rishingiye ku matekego. Imbaraga y'ubuntu bw'Imana ntiyumvikana nk'ihame rizima kandi rya ngombwa. [3UB162]

Oh, iyaba bose bashoboraga kubona ibi maze bakakira ubutumwa Imana yabahaye! Imana yahagurukije abagaragu bayo ngo bigishe ukuri kwirengagijwe, kandi kukaba kwaratabwe munsi y'ibishingwe by'imihango, kubera ko gusaba kwerereza umusaraba. Kugomba kuvanwa aho kwatabwe kugasubizwa mu mwanya w'ukuri kugenewe iki gihe. Ibyo gusaba bigomba [3UB162] gushimangirwa, kandi kugahabwa umwanya wako mu butumwa bwa marayika wa gatatu. [3UB163]

Mureke abagabura bakorera Kristo bategeke kwiyiriza ubusa, bahamagaze iteraniro ryera, bashake Uwiteka bigishoboka ko abonwa. Nimwumwambaze igihe mukirambaraye munsi y'umusaraba w'i Kaluvari. Nimwiyambure ubwibone bwanyu bwose kandi nk'abarinzi bahagarariye amatorero, muririre hagati y'umuryango w'urusengero n'igicaniro, maze muboroge muti: "Uwiteka we, kiza ubwoko bwawe, [3UB163]

Ntureke ab'umwandu wawe bashinyagurirwa. Dukuremo ibyo ushaka, ariko ntudukureho Umwuka wawe Wera, turi ubwoko bwawe." Musenge, ni ukuri, musengere gusukirwa Umwuka w'Imana! -Manuscript 27, 1889. [3UB163]

# IGICE CYA 22

## GUSHIMANGIRA INSANGANYAMATSIKO Y'AGAKIZA- 1890-1908

**Guteganyirizwa Agakiza**. -Kwicuza, kubabaza umubiri, kwatura ibyaha guhoraho nyamara nta kwihana kuvuye ku mutima kubayeho; kwiyiriza ubusa, iminsi mikuru n'amateraniro, n'ibyo twubahiriza bigaragara inyuma bidaherekejwe no kwitanga nyakuri-ibi byose nta gaciro byaba bifite. Igitambo cya Kristo kirahagije; yatanze ituro rishyitse kandi rihagije ku Mana; kandi imihati y'umuntu utishingikirije ku byakozwe na Kristo, nta gaciro ifite. Ntidusuzuguza Imana gusa iyo tugendeye muri iyo nzira ahubwo tunangiza kuba ingirakamaro kwacu kwa none n'uko mu gihe kizaza. Kutanyurwa n'agaciro K'igitambo cya Kristo, bigira ingaruka mbi; byijimisha ibyo twirigiraga, maze bigatuma tudashyikira amahirwe yacu; bituyobora ku kwakira inyigisho zipfuye kandi ziteza akaga zerekeranye n'agakiza twahawe kaguzwe igiciro kitagira akagero. Inama y'agakiza ntiyumvikana nk'aho ari uburyo imbaraga mvajuru zigera ku muntu kugira ngo imihati ya muntu ibashe kugera ku ntsinzi rwose. [3UB164]

Kubabarirwa mu buryo Kristo ababariramo, ntabwo ari ukubabarirwa gusa, ahubwo ni uguhindurwa mushya mu mwuka w'umutima wacu. Uwiteka aravuga ati: "Nzabaha n'umutima mushya." Ishusho ya Kristo igomba kwandikwa mu bwenge bwose, mu mutima wose, ndetse n'ubugingo bwose. Intumwa Pawulo iravuga iti: "Nyamara twebwe dufite gutekereza kwa Kristo" (1Abakorinto 2:16). Hatabayeho igikorwa cyo guhinduka gushobora kubaho gusa binyuze mu mbaraga z'Imana, kubogamira mu cyaha twavukanye bigumana mu mutima imbaraga zabyo, bigakora iminyururu mishya, bigatera ububata budashobora gucibwa n'imbaraga z'umuntu. Ariko abantu ntibashobora kwinjirana mu ijuru n'ibyo bakunda [3UB164] bya kera, ibyo barangamira, ibigirwamana byabo n'inyigisho zabo. Ijuru ntiryababera ahantu h'umunezero; kuko ikintu cyaho cyose cyabusanya n'ibyo bakunda, n'ibyo barangamira, kandi mu buryo bubabaje kigahangana n'imico bavukanye ndetse n'iyo banduye ya kamere yabo. [3UB165]

Umunezero ni umusaruro uturuka mu kwera no guhuza n'ubushake bw'Imana. Abazaba abera mu ijuru bagomba kubanza kuba abera hano ku isi; kuko igihe tuzava kuri iyi si, tuzagendana n'imico yacu, kandi ibi bizaba ari ukugendana na bimwe mu biranga ijuru tuzaba twarahawe binyuze mu gukiranuka kwa Kristo. - Review and Herald, Aug. 19, 1890. [3UB165]

**Gutsindishirizwa no Kwezwa Bigerwaho Binyuze mu Kwizera-1890.** -Iyo binyuze mu kwihana no kwizera twemeye Kristo nk'Umukiza wacu, Uwiteka atubabarira ibyaha byacu, maze agakuraho igihano cyari kigenewe uwacumuye ku mategeko. Ubwo umunyabyaha agahagarara imbere y'Imana nk'umuntu ukiranuka; akemerwa n'ijuru, kandi binyuze muri Mwuka agasabana na Data wa twese n'Umwana. [3UB165]

Icyo gihe kandi haba hasigaye undi murimo ugomba gukorwa, kandi uwo ni umurimo ukomeza. Ubugingo bugomba kwereshwa ukuri. Kandi ibyo nabyo bikorwa binyuze mu kwizera. Kubera ko ari kubw'ubuntu bwa Kristo gusa twakira kubwo kwizera, imico ishobora guhinduka. [3UB165]

Ni ingenzi ko dusobanukirwa neza n'imiterere yo kwizera. Hari benshi bizera ko Kristo ari Umukiza w'abari mu isi, bakizera ko ubutumwa bwiza ari ukuri kandi ko buhishura inama y'agakiza, ariko bakaba badafite kwizera gukiza. Bemejwe ukuri mu bwenge bwabo, ariko ibyo ntibihagije. Kugira ngo atsindishirizwe, umunyabyaha agomba kugira kwa kwizera gufata ibyo

Kristo yakoze kukabigira ibye mu bugingo bwe. Dusoma ko abadayimoni na bo "bizera, ndetse bagahinda umushyitsi," ariko uko kwizera kwabo ntikubazanira gutsindishirizwa, kimwe n'uko kwizera kw'abemera ukuri kwa Bibiliya gusa mu bwenge bwabo bitabazanira inyungu z'agakiza. Bene uko kwizera ntigushyikira ingingo y'ingenzi cyane, kuko uko kuri kudakora ku mutima cyangwa ngo guhindure imico. [3UB165]

Mu kwizera nyakuri, kandi gukiza, harimo kwiringira Imana, binyuze mu kwizera igitambo gikomeye cy'impongano cyatanzwe n'Umwana w'Imana i Kaluvari. Muri Kristo niho gusa uwizera watsindishirijwe abonera ibyiringiro bye n'umurengezi. Kwizera gushobora kubaho nta byiringiro, ariko gushikama gukomotse mu kwiringira ntigushobora kubaho kudafite kwizera. Umunyabyaha wese wamaze kumenya imbaraga za Kristo zikiza, azagaragaza uku kwiringira ku rwego ruhanitse uko azajya atera imbere mu bunararibonye. -Signs of the Times, Nov. 3, 1890. [3UB165]

**Guhangana n'Ikigeragezo-1891**.-Abantu benshi basa n'abatekereza ko kutagwa mu kigeragezo ari ibidashoboka, ko nta mbaraga bafite zababashisha kunesha, maze bagacumura ku Mana bakoresheje iminwa yabo, bavuga iby'urucantege no gushidikanya, aho kuvuga kwizera [3UB165] n'ubutwari. Kristo yageragejwe uburyo bwose nka twe, ariko ntiyakora icyaha. Yaravuze ati: "Umutware w'ab'iyi si araza, ariko ntacyo amfiteho." Ibi bisobanuye iki? Bisobanuye ko umutware w'ikibi atashoboraga kubona muri Kristo urubuga yamushukiraho; kandi natwe byadushobokera. - The Review and Herald, May 10, 1891. [3UB166]

**Gutungana Ntikugerwaho kubwo Gusimbuka Rimwe-1891**. Turitegereza hirya y'igihe; turitegereza ahazaza h'iteka ryose. Tugerageza kubaho mu buryo Kristo ashobora kuvuga ati: "Nuko nuko, mugaragu mwiza ukiranuka." Reka buri wese muri twe, abeho muri ubwo buryo. Dushobora gukora amakosa; dushobora kuyoba; ariko Imana ntizaturekera muri ayo makosa. "Icyakora, nihagira umuntu ukora icyaha, dufite Umurengezi kuri Data wa twese, ni we Yesu Kristo ukiranuka." Hari ibyiringiro kuri twe; turi imbata z'ibyiringiro. [3UB166]

Reka dusingire amasezerano akungahaye Imana yatanze. Umurima w'Imana wuzuye amasezerano akungahaye. Oh, nimutyo tuyakusanye; nimutyo tuyagire ayacu; nimutyo twerekane ko twizera Ímana. Nimutyo dufatire Imana ku ijambo ryayo; kandi he kugira umuntu n'umwe muri twe ugaragara ko atiringira Imana cyangwa ngo ayishidikanyeho. [3UB166]

Reka tube Abakristo bakura. Ntidukwiye guhagararira aho. Tugomba kuba turi imbere uyu munsi kuruta uko twari tumeze ejo hashize. Buri munsi twige kurushaho kwiringira, kurushaho kumaramaza mu kwishingikiriza kuri Yesu. Ubwo nibwo tuzakuza amajyambere. Ntiwasimbuka rimwe ngo ushyikire gutungana; kwezwa ni umurimo w'ubuzima bwose.... [3UB166]

Ndibuka mu mwaka wa 1843 umugabo n'umugore we...bari biteguye ko Umukiza agaruka mu 1844, bari bategereje kandi bari maso. Buri munsi bagombaga gusenga Imana; mbere y'uko bifurizanya ijoro ryiza, barabwiranaga bati: "Birashoboka ko Umukiza yagaruka dusinziriye, dushaka kuba twiteguye." Umugabo yagombaga kubaza umugore we niba uwo munsi atavuze ijambo ridahuje n'ukuri ndetse n'ukwizera kwabo, n'umugore na we yagombaga kumubaza atyo. Maze bagaca bugufi imbere y'Imana bakayisaba bavuga ko niba bacumuye mu ntekerezo cyangwa mu magambo cyangwa mu bikorwa yabababarira icyo gicumuro. Ubu dukeneye kwiyoroshya nk'uku. [3UB166]

Murifuza kuba nkabana bato, bizirika ku byakozwe n'Umukiza wabambwe akazuka, maze mukabona gukomezwa. Byagenda bite? Abamarayika b'Imana bazakugota babe nk'inkike y'umuriro. Gukiranuka kwa Kristo, uko usaba, kuzakujya imbere, icyubahiro cy'Imana kizagushorera. Mana eza indimi zacu; Mana eza intekerezo zacu; Mana eza imitima yacu

kugirango twibande ku ngingo z'iby'ijuru, kandi ngo tubashe kugeza ubwo bwenge n'umucyo ku bandi. Hari iterambere rikomeye kuri [3UB166] twe, ariko ntiduhagararire aho. Imana ibafashe gusohoza neza inshingano mufite. -Manuscript 9, 1891. [3UB167]

**Gutsindishirizwa Gusobanurwa-1891.** -Kuri benshi gutsindishirizwa kubwo kwizera ni ubwiru. Umunyabyaha atsindishirizwa n'Imana igihe yihannye ibyaha bye. Areba Yesu ari ku musaraba w'i Kaluvari. Aribaza ati: "Kuki habayeho uyu mubabaro wose?" Ni uko amategeko ya Yehova yishwe. Amategeko y'ingoma y'Imana mu ijuru no ku isi yarishwe, kandi igihano cy'icyaha gitangazwa ko ari urupfu. Ariko "Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho." Oh, mbega urukundo, mbega urukundo rutagira akagero! Kristo, Umwana w'Imana, apfira umunyabyaha ruharwa! [3UB167]

Umunyabyaha abona umwuka w'amategeko y'Imana n'ibyo asaba bihoraho iteka ryose. Abona urukundo rw'Imana mu guteganya inshungu n'ubwishingizi ku munyabyaha ruharwa, kandi iyo nshungu ni Umwe ungana n'Imana. Uko kugaragaza ubuntu bw'Imana mu mpano y'agakiza ku bari mu isi byuzuza umunyabyaha gutangara. Uru rukundo Imana yakunze umuntu rusenya inkuta zose. Umunyabyaha aza ku musaraba washyizwe hagati y'ubumana n'ubumuntu, maze akihana ibyaha byo gucumura kwe, kuko Kristo yakomeje kumwireherezaho. Ntatekereza ko amategeko yamwezaho icyaha, kuko amategeko atifitemo gukiza umunyabyaha wayishe. Areba igitambo cy'impongano nk'ibyiringiro bye rukumbi, binyuze mu kwihana imbere y'Imana-kuko amategeko agenga ubutegetsi bwayo yishwe-no kugira kwizera mu Mwami wacu Yesu Kristo nk'Ushobora kudukiza kandi akezaho umunyabyaha igicumuro cyose. [3UB167]

Umurimo wo guhongerera wa Kristo watangiranye n'uko umuntu yiyumvisemo ikidodo n'umubabaro n'ubutindi, igihe yari amaze gucumura. Amategeko ntiyakuweho ngo umuntu bashe gukizwa maze yongere kunga ubumwe n'Imana. Ahubwo Kristo yiyemeje kumuhindukira umwishingizi n'umucunguzi igihe yahindukaga icyaha kubw'umuntu, kugirango uwo muntu na we ahinduke gukiranuka kw'Imana muri Uwo wabanye na Data wa twese kandi binyuze muri Uwo nyine wabanye na Data wa twese. Abanyabyaha bashobora gutsindishirizwa n'Imana gusa igihe ibababariye ibyaha byabo, igakuraho igihano cyari kibakwiye, maze ikabafata nk'aho ari abakiranutsi koko kandi batigeze bacumura, ikabakira mu mbabazi z'Imana kandi ikabafata nk'abakiranutsi. Batsindishirizwa gusa binyuze mu gukiranuka kwa Kristo babarwaho. Data wa twese yemera Umwana we, maze binyuze mu gitambo cy'impongano cy'Umwana we akemera umunyabyaha. [3UB167]

**Ukwizera Rusange Ntiguhagije**. Ukwizera rusange kwishimirwa na benshi, kandi bakemera ko Ubukristo ari bwo byiringiro rukumbi ku mitima irimbuka. Ariko kwemera ibi mu bwenge ntibihagije ngo bikize ubugingo.... [3UB167]

Ntihakenewe kwizera gusa ahubwo hakenewe no kwiringira Imana. Uku ni ko kwizera nyakuri kwa Aburahamu, kwizera kwera imbuto. "Aburahamu yizeye Imana, bimuhwanirizwa no gukiranuka" (Yakobo 2:23). Igihe Imana yamusabaga gutamba umwana we nk'igitambo ryari rimwe na rya jwi ryavuze rimusaba gusiga igihugu cye akajya mu gihugu Imana izamwereka. Aburahamu yakijijwe no kwizera Kristo rwose nk'uko umunyabyaha akizwa no kwizera Kristo uyu munsi. [3UB168]

Kwizera gutsindishiriza buri gihe kubanza kubyara kwihana nyakuri, maze kukabyara imirimo myiza, ari byo mbuzo z'uko kwizera. Nta kwizera gukiza kudatera kwera imbuto nziza. Ímana yahaye Kristo abari mu isi ngo ahinduke inshungu y'umunyabyaha. Igihe kwizera nyakuri

ibyakozwe n'igitambo cy'impongano cy'agaciro kenshi gushyizwe mu bikorwa, kukatura Kristo nk Umukiza bwite w'umunyabyaha, icyo gihe umunyabyaha aba atsindishirijwe imbere y'Imana, kuko aba ababariwe. [3UB168]

**Uko Twanesha-1891**.-Yohana yerekaga abantu Umwana w'Intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi. Yaravuze ati: "Dore Umwana w'intama w'Imana, ukuraho ibyaha by'abari mu isi." Muri uko "gukuraho" harimo ibintu bikomye. Ikibazo ni iki: "Mbese tuzakomeza gukora icyaha nk'aho ari ikidashoboka kuri twe ngo tuneshe?" Ni gute twabasha kunesha, nk'uko Kristo yanesheje? Kandi ubwo ni bwo buryo rukumbi. Kristo yasenze Se wo mu ijuru. Natwe tubasha gukora dutyo Igihe ushutswe ngo uvuge nabi cyangwa ukore nabi, rwanya Satani maze umubwire uti, 'sinakwegurira ubushake bwanjye ngo bugengwe nawe. Nzisunga imbaraga z'Imana kandi kubw'ubuntu nzanesha. -Manuscript 83, 1891. [3UB168]

**Kristo Atunganya iby'Intege nke Zacu Tutakwibuza Kugira-1891**. -Yesu akunda abana be, ndetse n'igihe bakosheje. Ni aba Yesu kandi tugomba kubafata nk'abaguzwe amaraso ya Yesu Kristo. Icyo bakorewe cyose kidakwiriye cyandikwa mu bitabo nk'aho ari Yesu Kristo gikorewe. Abahozaho ijisho rye, kandi iyo bakoze uko bashoboye kose, bagatabaza Imana ngo ibafashe, bizezwa ko uwo murimo uzemerwa, nubwo udatunganye. [3UB168]

Yesu aratunganye. Gukiranuka kwa Kristo kubabarwaho, kandi azavuga ati: "Nimumwambure iyo myenda y'ibizinga kandi ndakwambika imyambaro myiza cyane." Kristo atunganya iby'intege nke zacu tutakwibuza kugira. Aho Abakristo babaye abiringirwa kuri bagenzi babo, bakaba abanyakuri kandi badahemukira Umuyobozi w'ingabo z'Uwiteka, ntibagambanire icyizere bagiriwe ngo bagitange mu maboko y'umwanzi, bazahindurwa bagire imico ya Kristo. Yesu azatura mu mitima yabo kubwo kwizera. Letter 17a, 1891. (Wabona amagambo asa n'aya mu gitabo kivuga ibyo Kwizera n'Imirimo ("Faith and Works, p. 50). [3UB168]

**Ukimara Gukora Icyaha Hita Uhungira Kuri Kristo-1892.** -Benshi ntibasenga. Bumva baciriweho iteka kubw'icyaha cyabo, maze bagatekereza [3UB168] ko batagomba gusanga Imana mbere yuko bagira icyo bakora ngo bemerwe imbere yayo cyangwa kugeza igihe Imana yibagiriwe ibicumuro byabo. Baravuga bati: "Sinshobora kuzamura amaboko yera imbere y'Imana nta mujinya cyangwa gushidikanya, bityo rero sinshobora kuza." Nuko bagakomeza kuba kure Kristo, kandi bagakomeza gukora icyaha igihe bakora batyo, kuko nta kindi babasha gukora batamufite uretse ikibi. [3UB169]

Ukimara gukora icyaha, ukwiriye guhungira imbere y'intebe y'ubuntu, maze ukabwira Yesu ibikubayeho. Ugomba kumva ufite agahinda kubera icyaha, kuko binyuze mu gucumura waciye intege iby'umwuka muri wowe, wateye agahinda abamarayika bo mu ijuru, maze ukomeretsa kandi ushenjagura umutima wuje impuhwe w'Umucunguzi wawe. Igihe usabye Yesu imbabazi n'umutima umenetse, izere ko yakubabariye. Ntushidikanye imbabazi ze cyangwa ngo wange gukomezwa n'urukundo rwe rutagira akagero. The Bible Echo, Feb. 1, 1892. (Icyigisho cyatangiwe ahitwa Melbourne, muri Australia, Ukuboza 19, 1891.) [3UB169]

**Bigenda Bite Iyo Dukoze Icyaha Nyuma Yuko Twababariwe? - 1892.** Mwuka Wera ni we uduha kwihana. Yesu atwireherezaho binyuze mu gukora kwa Mwuka w'Imana; maze kubwo kwizera amaraso ye, tukezwaho ibyaha: "kandi amaraso ya Yesu Umwana wayo atwezaho ibyaha byose" (1Yohana 1:7). "Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose" Umurongo wa 9. [3UB169]

Ariko dutekereze ko dukoze icyaha nyuma yuko twari twababariwe, mbese dukwiriye kwiheba? -Oya: kuko Yohana yanditse ati: "Bana banjye bato, mbandikiriye ibyo kugira ngo mudakora

icyaha. Icyakora nihagira umuntu ukora icyaha, dufite Umurengezi kuri Data wa twese, ari we Yesu Kristo ukiranuka" (1 Yohana 2:1). Yesu ari mu bikari byo mu ijuru, adusabira kuri Data. Agaragaza amasengesho yacu, akayavanga n'umubavu w'agaciro w'ibyo yakoze, maze amasengesho yacu akemerwa na Data wa twese. Ashyira impumuro nziza mu masengesho yacu, maze Data wa twese akatwumva kuko twasabye ibyo dukeneye koko, maze tugahinduka impumuro y'ubugingo itanga ubugingo ku bandi. [3UB169]

Kristo yaje kubabazwa mu cyimbo cyacu, kugirango aduhe gukiranuka kwe. Hari uburyo bumwe gusa tubasha kuboneramo icyanzu, kandi buboneka gusa mu guhinduka abasangiye na kamere y'Imana. [3UB169]

Nyamara benshi bavuga ko Yesu atari ameze nka twe, ko atari ameze nk'uko tumeze mu isi, ko yari Imana, ko tutabasha kunesha nk'uko yanesheje. Nyamara Pawulo yaranditse ati: "Kandi rero tuzi yuko atari abamarayika yatabaye, keretse urubyaro rwa Aburahamu. Ni cyo cyatumye yari akwiriye gushushanywa na bene Se kuri byose, ngo abe umutambyi mukuru w'imbabazi kandi ukiranuka mu by'Imana, abe n'impongano y'ibyaha by'abantu. Kuko ubwo yababajwe no kugeragezwa ubwe, abasha [3UB169] no gutabara abageragezwa bose" (Abaheburayo 2:16-18). "Kuko tudafite umutambyi mukuru utabasha kubabarana natwe mu ntege nke zacu, ahubwo yageragejwe uburyo bwose nkatwe, keretse yuko atigeze akora icyaha. Nuko rero, twegere intebe y'ubuntu tudatinya, kugira ngo tubabarirwe tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye" (Abaheburayo 4:15,16). Yesu aravuga ati: "Unesha nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe yanjye y'ubwami, nk'uko nanjye nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye" (Ibyahishuwe 3:21). [3UB170]

Yesu yagotesheje abantu ubumuntu bwe; maze imbaraga mu by'umwuka ikagera ku muntu binyuze mu bikorwa bitunganye bya Yesu. Abavuga izina rye binyuze mu buntu bwe bagomba kwiyeza kugirango bageze imbaraga yeza ku bafatanyije na bo bose. -The Review and Herald, March 1, 1892. [3UB170]

**Nta Gihe cyo Kwipfumbata-1892**. -None ubwo tumaze kumva ko ku gakiza twishingikirije burundu kuri Kristo, mbese twipfumbate, maze tuvuge tuti: "Nta cyo mfite nakora; ndakijijwe, Yesu yarangije byose"? Oya, ahubwo tugomba gukora uko dushoboye kose ngo duhinduke abafatanyije na kamere y'Imana. Tugomba guhóra turi maso, dutegereje, dusenga, kandi dukora. [3UB170]

Nyamara dukore ibyo dushoboye byose, ariko ntidushobora kwishyura inshungu y'ubugingo bwacu. Nta cyo tubasha gukora ngo kituzanire kwizera, kuko kwizera ni impano y'Imana; kandi ntidushobora no kugusohoza, kuko Kristo ari we banze ryo kwizera kandi ni nawe ugusohoza rwose. Byose tubikesha Kristo. Kwifuza ubugingo bwiza kurutaho kose tugira bituruka kuri Kristo, kandi ibyo ni igihamya cy'uko Kristo ari kukwireherezaho, kandi ko uri kwitaba imbaraga ze zikureshya. --The Bible Echo, May 15, 1892. [3UB170]

**Kamere ya Kristo Itewe muri Twe-1894.**-Ukuri, ukuri kw'agahano, ni ukuri gufite imbaraga zeza. Kwezwa k'ubugingo bikozwe na Mwuka Wera ni igikorwa cyo gutera kamere ya Kristo mu bumuntu. Ni Ubuntu bwa Yesu Kristo Umwami wacu bugaragarijwe mu mico, kandi ni Ubuntu bwa Kristo buri gukora bugaragazwa mu mirimo myiza. Uko ni ko imico irushaho guhindurwa ikabonera isanishwa n'ishusho ya Kristo mu gukiranuka no kwera. Hari ibisabwa byagutse biri mu kuri mvajuru biva mu murongo umwe bigasingira undi murongo w'imirimo myiza. Ukuri kuvugwa n'ubutumwa bwiza ntabwo gucagaguritse; kurafatanye kukarema umugozi umwe w'amasaro mvajuru, nko mu murimo bwite wa Kristo, kandi nk'umugozi wa zahabu gukomereza mu murimo w'umukristo wose no mu bunararibonye bwe. [3UB170]

Kristo ni we rusobe rwuzuye rw'ukuri. Aravuga ati: "Ni jye nzira, n'ukuri, n'ubugingo." Abizera nyakuri bose bahurijwe muri Kristo, imico yabo irabagiranishwa na Kristo; bose bahurira muri Kristo, kandi ni we bizengurukaho. Ukuri guturuka mu Ijuru bityo kugatunganya kandi kukeza [3UB170] umuntu ubusembwa bwose bwo mu mico mbonera. Kuyobora mu bikorwa by'ubugwaneza, kwitonda, kugwa neza, urukundo rwita ku batishoboye, abihebye, n'abababaye. Uku ni ni ko kubaha amagambo ya Kristo gushyizwe mu bikorwa. -Manuscript 34, 1894. [3UB171]

**Satani Yavugaga ko Yejejwe-1894**. -Satani yavugaga ko yejejwe, kandi yishyize hejuru y'Imana n'igihe yari mu bikari byo mu ijuru. Imbaraga ze zishukana zari zikomeye cyane ku buryo yononnye n'umubare munini w'abamarayika, maze abikururiraho mu nyungu ze zishingiye ku narijye. Igihe yageragezaga Yesu mu butayu yavugaga ko yejejwe, ko yari marayika utunganye uvuye mu bikari byo mu ijuru. Ariko Kristo ntiyashutswe n'uko kwishushanya kwa Satani kandi ni ko n'ababeshejweho n'ijambo ryose riva mu kanwa K'Imana batazashukwa. [3UB171]

Ntabwo Imana izemera ukumvira kudashyitse bigambiriwe. Abavuga ko bera, maze bakiziba amatwi ngo batumva amategeko baba bigaragaje ko ari abana bo kutumvira, bafite umutima wa kamere utumvira amategeko y'Imana, ndetse udashobora kuyumvira. -Manuscript 40, 1894. [3UB171]

**Kwizera n'Imirimo Myiza-1895.** -Kwemerwa n'Imana kwacu gushingiye gusa mu Mwana wayo ikunda, kandi imirimo myiza iza gusa ari imbuto iva ku gukora k'urukundo rwa Kristo rubabarira ibyaha. Ntabwo imirimo myiza itwitirirwa, kandi nta na kimwe duhabwa kubw'imirimo yacu myiza ngo tube twavuga ko ifite uruhare mu gakiza kubugingo bwacu. Agakiza ni impano y'ubuntu Imana iha uwizeye, akayihabwa kubwa Kristo wenyine. Umutima uhangayitse ushobora kubona amahoro binyuze mu kwizera Kristo, kandi amahoro umuntu azagira azaba agendanye n'uko kwizera no kwiringira kwe bingana. Ntashobora kwerekana imirimo ye myiza nk'icyo yashingiraho asaba agakiza k'ubugingo bwe. [3UB171]

Ariko se imirimo myiza nta gaciro kagaragara ifite? Mbese umunyabyaha wigaragura mu byaha buri munsi ntahanwe, arebwa imbere y'Imana kimwe n'undi binyuze mu kwizera Kristo ugerageza gukorera mu bunyangamugayo bwe? Ibyanditswe birasubiza biti: "Turi abo yaremye ituremeye imirimo myiza muri Kristo Yesu, iyo Imana yiteguriye kera kugira ngo tuyigenderemo." [3UB171]

Muri gahunda yagenwe n'Imana, binyuze mu buntu bwayo tudakwiriye, Uwiteka yagennye ko imirimo myiza izagororerwa. Twemerwa binyuze mu byo Kristo yakoze gusa; kandi ibikorwa by'imbabazi, ibikorwa by'urukundo dukora, ni imbuto zo kwizera; kandi biduhindukira umugisha, kuko abantu bazagororerwa hakurikije ibyo bakoze. [3UB171]

Umubabwe uhumura neza w'ibyo Kristo yakoze ni wo utuma imirimo yacu myiza yemerwa n'Imana, kandi ubuntu ni bwo budushoboza gukora imirimo azaheraho atugororera. Imirimo yacu ubwayo ntacyo yifitemo kizima. Igihe tumaze gukora ibyo dushobora gukora byose, tugomba kwibara nk'abagaragu b'imburamumaro. Nta shimwe ridukwiriye riturutse [3UB171] ku Mana. Twakoze gusa ibyo twagombaga gukora, kandi imirimo yacu ntiba yabashije gukorwa mu mbaraga za kamere zacu z'icyaha. [3UB172]

Uwiteka yadusabye kumwegera bityo na we azatwegera; kandi nitumwegera, tuzabona ubuntu budufasha gukora iyo mirimo izagororerwa nagaruka. -The Review and Herald, Jan. 29, 1895. [3UB172]

**Tuzengurutswe n'Ikirere cy'Ijuru-1898.** "Turayikunda, kuko ari yo yabanje kudukunda" (1Yohana 4:19). Guhinduka nyakuri no kwezwa nyakuri bizaba intandaro y'impinduka z'uko

tubona n'uko twumva abandi ndetse n'Imana. "Natwe twamenye kandi twizeye urukundo Imana idukunda. Imana ni urukundo, kandi uguma mu rukundo aguma mu Mana, Imana ikaguma muri we" (Umurongo wa 16). Tugomba gukura mu kwizera. Tugomba kumenya kwezwa na Mwuka Wera. Tugomba gushaka Imana binyuze mu isengesho rivuye ku mutima kugira ngo Mwuka w'Imana akorere muri twe. Bityo rero Imana izahererwa icyubahiro mu rugero rutanzwe n'igikoresho muntu. Tuzaba abakozi bakorana n'Imana. [3UB172]

Kwezwa k'ubugingo, umubiri, ndetse n'umwuka bizatugotesha ikirere cy'ijuru. Niba Imana yaradutoranyije kuva kera kose, ni ukugira ngo tube abera, imitima yacu yejejwemo imirimo ipfuye kugira ngo tubone uko dukorera Imana ihoraho. Ntitugomba na gato guhindura inarijye imana yacu. Imana yaritanze ngo idupfire, kugirango itwezeho gukiranirwa kose. Uwiteka azakomeza gukora uyu murimo wo kudutunganya nitwemera kugengwa nawe. Uyumurimo awukora kubw'ineza yacu no kubw'icyubahiro cy'izina rye. [3UB172]

**Akamaro ko Kwizera Koroheje kandi Kumaramaje.** -Tugomba guha abantu ubuhamya buzima, tukabereka kwiyoroshya ko kwizera. Tugomba gufatira Imana ku ijambo ryayo, kandi tukizera ko izakora nk'uko yavuze. Iyo Imana iduhannye, iduhanira kugirango tube abafatanya na kamere yayo. Biri muri gahunda zayo n'ibyo yagennye byose ko ikomeza kutwezwa buri munsi. Mbese ntituzabona umurimo wacu? Mbese ntituzereka abandi inshingano yabo, ngo tubereke amahirwe bafite yo gukurira mu buntu no mu kumenya Yesu Kristo? [3UB172]

"Icyo Imana ishaka ni iki: ni ukwezwa kwanyu" (1Abatesalonike 4:3). Ntitwamaraniye kugera aho dutanguranwa, ngo duhabwe ingororano zo guhamagara kwacu kwavuye mu ijuru. Inarijye yahawe umwanya munini cyane. Oh, reka umurimo ukorwe uyobowe mu buryo budasanzwe na Mwuka Wera. Imana isaba ko dukoresha imbaraga zose z'ubwenge n'impagarike. Ni ubushake bwe ko dushushanywa na Yo mu byo dushaka, mu myifatire, mu mwuka, no mu mitekerereze yacu. Umurimo wo gukiranuka ntushobora kujya mbere tudakoresheje ukwizera kumaramaje. [3UB172]

Buri munsi gendera munsi y'imbaraga ikomeye y'Imana. Imbuzo zo gukiranuka ni ugutuza n'ibyiringiro bidashidikanywa iteka ryose. Iyo tuba twaragaragaje kwizera Imana gusumbyeho kandi tukaba twariringiye gake [3UB172] ibitekerezo n'ubwenge byacu, Imana iba yarerekaniye imbaraga zayo mu mitima y'abantu mu buryo budasanzwe. Kubwo komatana na Yo, binyuze mu kwizera kuzima, duhabwa amahirwe yo kunezezwa n'ibyiza no kugera ku ntego k'umurimo wayo w'ubuhuza. Bityo rero tubambanwa na Kristo, tugapfana na Kristo, tukazukana na Kristo kugira ngo tugendere mu bugingo bushya turi kumwe na We. -Letter 105, 1898. [3UB173]

**Kwezwa Nyakuri Kurakenewe-1902.** Mu majoro abiri ashize, nabyutse saa yine zuzuye, nari ndemerewe cyane nuko nta mikorere ya Mwuka Wera yarangwaga mu bantu bacu. Narahagurutse ntembera mu cyumba, nsaba Imana ngo yegere ndetse yegere cyane ubwoko bwayo, ibwambike imbaraga kugira ngo bubashe gukorana umurimo wayo imbaraga ngo ubuntu busendereye bwa Kristo buhishurirwe muri bwo .... [3UB173]

Mu kibwirizwa cyo ku Musozi, Kristo yatanze ubusobanuro byo kwezwa nyakuri. Yabayeho ubuzima bwera. Yari isomo rifatika ry'icyo abayoboke be bagomba kuba cyo. Tugomba kubambanwa na Kristo, tugahambanwa na We, hanyuma tugakangurwa n'Umwuka we. Ubwo ni bwo tuba twujujwe ubugingo bwe. [3UB173]

**Umurimo w'Ubuzima Bwose.** -Kwezwa kwacu ni cyo Imana iba yitayeho mu byo idukorera byose. Yadutoranyije uhereye kera kose ngo tube abera. Kristo yitangiye kugira ngo aducungure, ngo binyuze mu kwizera imbaraga ye ikiza ibyaha, tube twuzuriye muri We. Ubwo yaduhaga

Ijambo rye, yari aduhaye umutsima uturutse mu ijuru. Avugako niba turiye umubiri we kandi tukanywa n'amaraso ye, tuzabona ubugingo buhoraho. [3UB173]

Kuki ibi atari byo dutindaho cyane? Kuki tutagira umwete wo kubyumvikanisha mu buryo bworoshye, kandi bifite icyo bisobanuye gikomeye? Kuki Abakristo badafungura amaso yabo ngo barebe umurimo Imana ibasaba gukora? Kwezwa ni umurimo ukomeza w'ubuzima bwose. Uwiteka aravuga ati: "Icyo Imana ishaka ni iki: ni ukwezwa kwanyu" (1Abatesalonike 4:3). Mbese ni ubushake bwawe ko ibyifuzo byawe n'ibyo ubogamiramo byahuzwa n'ubushake bw'Imana? [3UB173]

NK'Abakristo, twasezeranye kumenya no gusohoza inshingano zacu ndetse no kwereka ab'isi ko dufitanye isano ya bugufi n'Imana. Muri ubwo buryo, binyuze mu magambo n'imirimo itunganye by'abigishwa be, Kristo agomba kugaragazwa. [3UB173]

Imana idusaba kumvira amategeko yayo gutunganye, kuko ayo mategeko agaragaza imico yayo. "Mbese none duhinduze ubusa amategeko kwizera? Ntibikabeho! Ahubwo turayakomeza" (Abaroma 3:31). Aya mategeko ni ukwirangira kw'ijwi ry'Imana, ritubwira riti, 'komeza were, yego, komeza were. Mwifuze kuzura k'ubuntu bwa Kristo. Yego rwose, mwifuze cyane (musonzere kandi mugirire inyota) gukiranuka. Isezerano ni iri ngo: "Muzahazwa." Reka imitima yanyu icyifuzo gikomeye cyo guhabwa uko [3UB173] gukiranuka, uko Ijambo ry'Imana rivuga ko umurimo wako ari amahoro, kandi ibiva kuri uko gukiranuka ni ihumure n'ibyiringiro by'iteka ryose. [3UB174]

**Abafatanyije na Kamere y'Imana**. Ni amahirwe yacu kuba abafatanyije na kamere y'Imana, tumaze guhunga kononekara kwazanywe mu isi no kwifuza. Imana yavuze yeruye neza ko idusaba kuba abera; kandi kubera ko ibidusaba, yakoze ibikenewe byose ngo tube abafatanyije na kamere y'Imana. Ubwo nibwo tubasha kugera ku ntsinzi igihe tumaranira gusingira ubugingo buhoraho. Imbaraga zitangwa na Kristo. "Icyakora abamwemeye bose bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana" (Yohana 1:12). [3UB174]

Imana idusaba ko dushushanywa n'ishusho yayo. Kwera ni ukwigaragaza guturutse ku bwoko bwayo kw'imirasire irabagirana y'ubwiza bwayo. Nyamara kugirango ubwo bwiza bugaragazwe, umuntu agomba gukorana n'Imana. Umutima n'ubwenge bigomba gukurwamo ibintu byose biyobora ku kibi. Ijambo ry'Imana rigomba gusomwa kandi rikiganwa umwete kugirango turikuremo imbaraga z'umwuka. Umutsima wo mu ijuru ugomba kuribwa no kugogorwa, kugirango uhinduke umugabane w'ubugingo. Uko ni ko twakira ubugingo buhoraho. Iyo bigenze bityo, habaho gusubizwa kw'isengesho Umukiza yasenze agira ati: "Ubureshe ukuri: ijambo ryawe ni ukuri."-Letter 153, 1902. [3UB174]

**Ibitekerezo n'Imigirire Bigomba Gukurikiza Ijambo ry'Imana**. Hari abantu benshi bavuga ko berejwe Imana, ariko igihe urugero ngenderwaho rwo gukiranuka rubashyizwe imbere bajya mu bicu maze bakagaragaza umwuka werekana ko batagize icyo bazi ku cyo kwezwa bisobanuye. Ntibafite umutima wari muri Kristo; kubera ko abejejwe by'ukuri bazubaha kandi bumvire Ijambo ry'Imana igihe cyose rizaba ribabumburiwe, kandi bazagaragaza icyifuzo gikomeye cyo kumenya ukuri kuri buri ngingo yose y'inyigisho. Amarangamutima yo gutwarwa si igihamya cyo kwezwa. Imvugo ihamya ngo: "Ndakijijwe, ndakijijwe," ntigaragaza ko ubugingo bwakijijwe cyangwa bwejejwe. [3UB174]

Abantu benshi baba batwawe bikomeye babwirwa ko bejejwe, nyamara nta gitekerezo cy'ubwenge bafite cy'icyo iryo jambo risobanuye, kuko batazi Ibyanditswe Byera cyangwa imbaraga y'Imana. Bihimbaza ko bagendana n'ubushake bw'Imana kuko bumva bishimye; ariko iyo bageragejwe, iyo

Ijambo ry'Imana rije kugira icyo rikora ku mibereho yabo, bahagarikira aho gutega amatwi ukuri, bakavuga bati: "Ndejejwe," maze ibyo bigashyira iherezo ku makimbirane. Ntibazigera barondora Ibyanditswe ngo bamenye ukuri icyo ari cyo, bityo bakagaragaza ko bishuka bikomeye. Kwezwa bisobanuye ikirenze gutwarwa kw'amarangamutima. [3UB174]

Gutwarwa si ko kwezwa. Gukurikiza rwose ubushake bwa Data wa twese uri mu ijuru ni byo kwezwa konyine, kandi ubushake bw'Imana bugaragarizwa mu mategeko yayo yera. Kwitondera amategeko yose [3UB174] y'Imana ni ukwezwa. Kuba abana bumvira Ijambo ry'Imana ni ukwezwa. Íjambo ry'Imana rigomba kuba umuyobozi wacu, si amagambo cyangwa ibitekerezo by'abantu. -The Review and Herald, March 25, 1902. [3UB175]

**Kwezwa, Ni Imibereho yo Gukura Gukomeza-1908.** -Nidukomeza guhanga intekerezo zacu kuri Kristo, azadusanga ameze nk'imvura, ameze nk'imvura y'umuhindo n'imvura y'itumba isomya ubutaka. Nka Zuba ryo Gukiranuka, azaturasira afite gukiza mu mababa ye. Tuzarabya nk'uburabyo, tuzahembuka nk'umurima w'ibigori, kandi dutohe nk'umuzabibu. [3UB175]

Kubwo guhora tumuhanze amaso kandi tukigana Kristo nk'Umukiza wacu bwite, tuzakurira muri We muri byose. Kwizera kwacu kuzakura, umutimanama wacu uzezwa. Tuzarushaho guhinduka nka Kristo mu bikorwa byacu byose no mu magambo. Imana ishimwe, kuko tuzizera Ijambo ryayo. "Imbuto z'Umwuka ni urukundo n'ibyishimo n'amahoro, no kwihangana no kugira neza, n'ingeso nziza no gukiranuka, no kugwa neza no kwirinda. Ibimeze bityo nta mategeko abihana."-Letter 106, 1908. [3UB175]

# UMUGABANE WA VI

## Uburezi-ISHURI RY'ITORERO NA KAMINUZA Z'ISI

### IJAMBO RY'IBANZE

Mu mwaka wa 1902, abantu bari batuye ahakikije ivuriro rya St. Helena aho Ellen White yari atuye kuva mu mwaka wa 1901 kugeza ku rupfu rwe bakoreshaga ishuri ryitwaga Crystal Springs ryari rigizwe n'icyumba kimwe. Umwarimu muri iryo shuri yari Umudiventisiti w'Umunsi wa Karindwi wari warabyitangiye witwaga Mr. Anthony. [3UB176]

Mu ntangiriro z'ikinyejana cya 20, Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi mu bice bimwe byo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika batewe umurava cyane n'inama za Ellen White, batangiye gushyiraho ibigo by'amashuri bishingiye ku itorero by'abana bari mu kigero cyo gutangira ishuri. Saa kumi nebyiri z'igitondo cyo ku wa mbere, tariki 14, Nyakanga, 1902, Ellen White yagejeje imbwirwaruhame ku bakozi b'ivuriro ry'itorero abashishikariza gushyiraho ishuri rishingiye ku itorero ndetse abemerera kubaha ku butaka bwe bwari ahitwa Elmshaven ngo bushyigikire uwo mushinga. Amwe mu magambo yavuze ari mu ntangiriro y'uyu mugabane. [3UB176]

Abari bagize itorero ryari kumwe n'ivuriro bemeye igitekerezo cya Ellen White ariko ubwo ishuri ryafunguraga mu ntangiriro z'umuhindo nta cyari cyarateganyirijwe abana bato kuko byari byaratekerejwe ko abari mu kigero kiri munsi y'imyaka umunani cyangwa icumi bagombaga kwigishirizwa mu rugo nk'uko inama Ellen White yari yaratanze mbere zabivuze. [3UB176]

Ababyeyi bose ntibari biteguye gukurikiza inama Ellen White yari yaratanze mu nyandiko ze za mbere maze ibi bituma abana benshi babura uko bigishwa ngo bahabwe uburezi bukwiriye mu myaka y'ubuto bwabo Imwe mu mbogamizi itorero ryahuye na zo ngo riteganyirize abana bato ni imvugo yagarutsweho cyane Ellen White yanditse mu mwaka wa 1872 avuga ko, "Ababyeyi bakwiriye kuba abarimu b'abana babo ubwabo kugeza [3UB176] bagize imyaka umunani cyangwa icumi y'ubukure." -*Testimonies, Vol. 3, p. 137*. [3UB177]

Habayeho ukutumvikana gukomeye mu ntekerezo hagati y'abayobozi b'itorero ndetse n'abizera kuri iki kibazo cy'ingenzi. [3UB177]

Uko ibihe byagiye biha ibindi, abayobozi b'ishuri ry'itorero bashatse uko bavugana na Ellen White mu rugo rwe mu gitondo cyo kuwa gatanu w'Isabato, tariki ya 14, Mutarama, 1904 ngo bungurane ibitekerezo ku ngingo yerekeye imyaka umwana ajya ku ishuri afite ndetse n'inshingano y'itorero ku byerekeye uburezi bw'abana bato. W. C. White yabonye ko iyi yari igiye kuba inama ikomeye yari gushyiraho ingamba zo kugira andi mashuri y'itorero muri ako karere. [3UB177]

Ellen White yabwiwe mbere y'igihe iby'ikibazo bari kunguranaho ibitekerezo ku buryo yari yiteguye kuvuga kuri buri ngingo y'icyo kibazo. Imyanzuro yarafashwe maze irandikwa ndetse ishyirwa mu nyandiko rusange zo mu nzu y'ububiko bw'inyandiko y'i Elmshaven. Nyamara, byagaragaye ko nta nyandiko nk'iyo yanditswe mu nzandiko cyangwa ibindi byigisho Ellen White yasohoraga mu buryo buhoraho. Kuba yari imyanzuro y'inama y'abayobozi b'ishuri byatumye isa n'itakaye mu gihe cy'imyaka myinshi. Mu bushakashatsi bwitondewe bwakozwe mu mwaka wa 1975 ku byigisho byerekeye uburezi bw'abana bato, iyi nyandiko y'iki kiganiro cyamurikiwe n'umucyo yagaragaye ku wa 24, Mata, 1975 bityo yose icapwa mu kinyamakuru Urwibutso

n'Integuza [Review and Herald] cyo ku wa 24, Mata, 1975 (Review and Herald ubu ni Adventist Review). [3UB177]

Inyandiko z'inshamake zo mu mwaka wa 1902 zerekeye ishuri ry'itorero ndetse n'iyo nyandiko y'inama y'abayobozi b'ishuri yo ku wa 24, Mutarama, 1904 bigaragaza mu buryo bwihuse imyaka ikwiriye yo gutangira ishuri ku bana b'ababyeyi b'Abadiventisiti, ziri mu gice cya 23 n'icya 24. [3UB177]

Igice cya 25 gihuriza hamwe inama zitandukanye zifite umutwe ugira uti, Amahame Rusange Ngenderwaho." [3UB177]

Mu mwaka wa 1887, Ellen White yanditse mu Bihamya by'Itorero (Testimonies, Vol. 5, pp.583-584) agira ati: "Baramutse bahawe inama na bene data b'abayobozi, abasore bakomeye bakiri bato bashinze imizi kandi bashikamye mu kwizera bashobora kwinjira muri koleji zikomeye zo mu gihugu cyacu aho bahererwa ubumenyi bwagutse mu byo biga n'ibyo bitegereza, kandi nk'Abavoduwa bakora umurimo mwiza ndetse no mu gihe baba bakurikirana amasomo yabo." Aya magambo yuje imbamutima yasubiwemo inshuro nyinshi mu myaka icumi yakurikiyeho ashimangira amahirwe ibi byari kubyara kugira ngo habeho ubuhamya bwiza mu mashuri y'abatari Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi kandi na none yumvikanagamo inama zari zikenewe icyo gihe. Igice cya 26 gisoza cyerekana izi nama. -Abashinzwe kurinda inyandiko za Ellen White. [3UB177]

# IGICE CYA 23

## KURARIKIRWA KUGIRA ISHURI RY'ITORERO[51]

Nabasezeraniye ko muri iki gitondo ndavuga ku mpamvu ari ngombwa gukura abana bacu mu mashuri asanzwe no ku buryo twababonera ahantu hakwiriye bashobora kwigishirizwa mu buryo nyakuri. Natunguwe cyane n'imyitwarire ya bamwe bahora basubiramo imiburo ivuga ko ababyeyi bakwiriye guhaza imiryango yabo. Aha bakwiriye kuzirikana ibirenze iki gihe turimo bakita ku by'igihe gihoraho. Imico tugira uyu munsi izagena abo tuzaba bo. Tubihisemo, dushobora kubaho imibereho ihuje n'icyo Imana idushakira. [3UB178]

Buri muryango wa Gikristo ubwawo ni itorero. Abagize umuryango bagomba gusa na Kristo mu gikorwa cyose bakora. Umugabo akwiriye gukomeza umushyikirano agirana n'Imana kugira ngo amenye inshingano ye yo gutegurira abagize umuryango we kwakira uburezi no gutozwa bizababafasha mu gihe cy'ahazaza, mu buzima budapfa. Abana be bakwiriye kwigishwa amahame y'ijuru. Ni umutambyi w'urugo rwe ukorera Imana kugira ngo akoreshe ubwo bubasha ku muntu wese ugize umuryango we. Akwiriye kugeza umuryango we ahantu heza hashoboka kugira ngo batazageragereshwa kwisanisha n'imyitwarire ndetse n'imico, ingeso mbi n'amahame agayitse bazahura na byo muri iyi si... [3UB178]

Ababyeyi b'abagore n'abagabo bahawe inshingano yo guha uburezi bwa Gikristo abana baragijwe. Ntibakwiriye na gato gusuzugura abana babo. Nta mpamvu n'imwe ikwiriye gutuma bahuga ngo hagire ikintu na kimwe cyigarurira intekerezo, umwanya n'impano by'abo bana bagakwiriye kuba barayobowe ku Mana nuko bagatwarwa na cyo kugeza ubwo bajya kure y'Imana. Ntibakwiriye kurekura abana babo ngo bisange mu biganza by'abatizera. Bagomba gukora uko bashoboye kose ngo babarinde gutwarwa [3UB178]

---

*51 Umuburo werekeye ishuri ry'itorero ryari gukora ku bw'inyungu z'ivuriro [Deer Park), ku itorero rya California, mu gitondo cyo ku wa kabiri w'Isabato tariki 14, Nyakanga, 1902.*

---

n’umwuka w’ab’isi. Bakwiriye kubatoza kuba abafasha bakorana n'Imana. Abo babyeyi ni ikiganza cy'Imana. Bakwiriye kuba baboneye ndetse n'abana babo kugira ngo bose babe bakwiriye kuba abaragwa b'ubugingo buhoraho mu rugo rwo mu ijuru. Uburezi bw'abana bacu butangirira mu rugo. Umubyeyi w'umugore ni we mwigisha wabo wa mbere. Igihe bamaze kuba bakuru nibwo dukwiriye kubemerera kujya mu mashuri rusange. [3UB179]

**Ishuri Rusange cyangwa Ishuri ry'Itorero?** - Mu myaka myinshi ishize ubwo nari kumwe n'umugabo wanjye ahitwa Oakland (Okilandi) twagiranye ikiganiro n'umwarimu wigishaga mu ishuri rusange atubwira ibyerekeye amashuri rusange yo mu mujyi. Yaravuze ati: "Iyo ababyeyi baba bazi ibyo tuzi ku bibi bikorerwa muri ariya mashuri hari gukongezwa uburakari burwanya ariya mashuri ku buryo mwebwe cyangwa jye tutabasha gutekereza. Urubyiruko rwarangiritse kandi imiryango yabo iri ku rwego ruruta uko abarimu bacu babivuga." Aya magambo yavuzwe mu myaka isaga makumyabiri ishize. Mbese kugeza uyu munsi imibereho yo mu mashuri yacu rusange yagize impinduka nziza? [3UB179]

Ababyeyi b'abagabo n'abagore benshi ntacyo bibabwiye ndetse ntibagira icyo bitaho ku buryo batekereza ko nta tandukaniro riri hagati yo kujyana abana babo mu ishuri ry'itorero cyangwa ishuri rusange. Baravuga bati: "Turi mu isi kandi ntaho twayihungira." Nyamara babyeyi, turamutse tubihisemo dushobora kubona inzira nziza itandukanye n'isi. Dushobora kwirinda

kubona ibibi byinshi byiyongera vuba cyane muri iyi minsi iheruka. Twakwirinda kumva byinshi mu ngeso mbi n'ibyaha biriho uyu munsi. [3UB179]

Icyakorwa cyose gikwiriye gukorwa kugira ngo twebwe n'abana bacu twishyire aho tutazabona ibyaha bikorerwa muri iyi si. Dukwiriye kurindana ubushishozi indoro y'amaso yacu ndetse n'ibyo dutega amatwi kugira ngo izi ngeso mbi zitagera mu ntekerezo zacu. Iyo ikinyamakuru gisohoka buri munsi kigeze mu rugo iwanjye, numva nshaka kugihisha ngo ayo mateshwa n'ubuhendanyi bitagaragara. Bigaragara ko umwanzi ari we musingi w'icapwa ry'ibintu byinshi biboneka mu binyamakuru. Igikorwa cyose cy'icyaha cyerekanwa nk'icyambaye ubusa imbere y'isi. [3UB179]

Umurongo utandukanya abakorera Imana n'abatayikorera ukwiriye guhora uhamye. Itandukaniro hagati y'abizera Imana n'abatayizera rikwiriye gukomera nk'uko umucyo uhabanye n'umwijima. Iyo abantu b'Imana bahamije ko ari urusengero rw'Umwuka Wera, Kristo ubwe akaba muri bo, bamugaragaza mu mwuka, mu magambo ndetse n'ibikorwa kandi bagaragaza badakebakeba ko hari itandukaniro hagati yabo n'abayoboke ba Satani... [3UB179]

**Kurerera Abana mu Mahame ya Bibiliya**. -Bamwe mu bantu b'Imana bemerera abana babo kujya mu mashuri rusange aho bivanga n'abafite imico yabaye akahebwe. Muri aya mashuri, abana babo ntibiga Bibiliya [3UB179] cyangwa amahame yayo. Babyeyi b'Abakristo, mukwiriye gukora ibishoboka byose ngo abana banyu barererwe mu mahame ya Bibiliya kandi ntimukanyurwe no kuba biga Ijambo ry'Imana mu ishuri ry'itorero gusa. Mujye mwigisha abana banyu Ibyanditswe Byera igihe mwicaye, igihe mugiye hanze, igihe mugarutse ndetse n'igihe mutemberana na bo. Mujye mutemberana nabana banyu inshuro nyinshi kuruta uko bisanzwe. Mujye mubaganiriza. Murarikire intekerezo zabo kugendera mu nzira y'ukuri. Uko muzakora ibi, muzabona ko umucyo n'ikuzo by'Imana bizataha ingo zanyu. Ese ni gute mwakwitega kubona imigisha yayo kandi mutigisha abana banyu iby'ukuri? [3UB180]

Nkomoje ku ngingo nke nubwo hari byinshi byerekeye gutoza no kurera abana. Nizeye ko umunsi umwe nsazisobanura mu buryo bwuzuye kuko nakanguriwe ko izi ngingo zigomba kumenyeshwa abantu bacu. Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi bose bakwiriye kugenda mu buryo butandukanye n'ubwo bari bafite niba biringiye ko bemerwa n'Imana mu ngo zabo. [3UB180]

Buri mubyeyi w'indahemuka azumva Shebuja amubwira ati, "Nuko nuko mugaragu mwiza... injira mu munezero wa Shobuja." Imana idufashe kuba abagaragu beza mu bikorwa dukorera bagenzi bacu. Imana iratubwira ngo "tujye tuzirikanana ubwacu, kugira ngo duterane ishyaka ryo gukundana n'iry'imirimo myiza," (Abaheburayo 10:24) tugafashanya ndetse tugakomezanya. [3UB180]

**Ishuri ry'Itorero Rikenewe i Crystal Springs.** Turi hafi kugera mu rugo. Duhagaze ku nkengero z'isi ihoraho. Abahamya ko ari ingirakamaro bagiye kwinjira mu bwami bw'Imana. Nta gihe dufite cyo gupfusha ubusa. Dukwiriye gutangiza umurimo mu buryo nyakuri ahangaha i Crystal Springs. Aha hari abana bacu. Ese turabemerera kwanduzwa n'isi, ibicumuro byayo no kugomera amategeko y'Imana? Ndabaza abafite umugambi wo kohereza abana babo mu mashuri rusange aho bashobora kwandurira. Mbese ni gute mwakwigerezaho mutyo? [3UB180]

Twifuza kubaka ishuri ry'itorero ry'abana bacu. Kubera ibyo duhamagarirwa gukora byinshi, bigaragara ko bitoroshye kubona amafaranga ahagije cyangwa ngo tubone inyungu nyinshi yo kubaka icyumba cy'ishuri gito. Nabwiye abagize komite nyobozi y'ishuri ko nzabaha ubutaka bwo gukoresha mu gihe baba bagiye kubukoresha mu mpamvu z'ishuri. Nizeye ko tuzabona ubushobozi buhagije bwo kubakira abana bacu inyubako aho bakwigishirizwa ijambo ry'Imana, ryo maraso y'ubugingo n'umubiri w'Umwana w'Imana... [3UB180]

Ese nta bushake mufite bwo kubaka ishuri ry'itorero ahantu ijambo ry'Imana rizigishirizwa?... Twizeye ko tuzagira inyubako y'ishuri aho Bibiliya izigishwa, Imana igasengwa kandi abana bakigishwa amahame ya Bibiliya. Twizeye ko umuntu wese uzafatanya natwe aragira ubushake bwo [3UB180] gutanga umugabane we mu kubaka iri shuri. Twizeye ko tuzatoza itsinda rito ry abakozi kuri iki kibaya... [3UB181]

Nta mpamvu n'imwe yagwabiza uyu murimo. Mureke buri muntu akore uruhare rwe rwo gufasha maze dushikame mu mbaraga zitagamburuzwa kugeza iyi nyubako irangiye. Mureke buri muntu agire icyo akora. Bamwe bashobora kubyuka kare nka saa kumi z'igitondo kugira ngo batange ubufasha... [3UB181]

Bavandimwe banjye, ni iki muzakora kugira ngo mufashe mu kubaka ishuri ry'itorero? Twizeye ko kubona inyubako y'ishuri buri wese azabifata nk'iby'agaciro kandi bikaba umugisha. Mureke twese twivumvemo ko tugiye gukora maze tuvuge tuti, "Tuzahaguruka twubake." Buri wese nabigiramo uruhare tugakorera hamwe, bidatinze tuzabona inyubako y'ishuri aho abana bacu bazigishwa inzira y'Imana umunsi ku wundi. Uko duzakora uko dushoboye kose, umugisha w'Imana uzatubaho. Mbese ntituzahaguruka ngo twubake? - Manuscript 100, 1902. [3UB181]

## IGICE CYA 24

## INAMA YEREKEYE IMYAKA Y'UBUKURE YO GUTANGIRA ISHURI

### RAPORO Y'IKIGANIRO

Raporo y'inama yakozwe na komite nyobozi y'ishuri ryo ku rusengero rw'ivuriro yabereye i Elmshaven muri California mu gitondo cyo ku wa gatanu w'Isabato, tariki ya 14, Mutarama, 1904. [3UB182]

Ellen White yavuze atya:

Mu myaka myinshi ishize nahawe umuburo werekeye akamaro ko kwimakaza ubupfura nyakuri mu rugo. Narawanditse kandi nawugejeje ku bandi. Umwe mu mizingo y'inyandiko zanjye zikurikira [Uburezi] uzacapwamo ibyigisho by'inyongera ku byerekeye kurera abana. [3UB182]

Abafata inshingano yo kurera bakwiriye bwa mbere kumenya niba bazashobora gukikiza abana babo impanuro nyakuri. Urugo ni itorero ry'umuryango kandi rukaba ishuri ry'umuryango. Imibereho yo mu rugo ikwiriye kugengwa n'iby'umwuka cyane ku buryo abarugize bose, ababyeyi n'abana bahabwa umugisha kandi bagakomezwa no kubana. Imico mvajuru iratozwa. Abakikijwe n'abafite iyo mico bategurirwa kwinjira mu ishuri ryo mu ijuru. [3UB182]

Abagore bakwiriye kugira ubushobozi bwo kwigisha bana babo bato mu bwenge bigakorwa bakiri mu myaka yabo y'ibanze. Iyaba buri mugore yabashaga gukora ibingibi kandi agashaka umwanya wo kwigisha abana be ibyigisho bakwiriye kwiga mu myaka y'ubuto bwabo, abana bose baguma mu ishuri ry'umuryango kugeza bafite imyaka umunani, icyenda cyangwa icumi. [3UB182]

Nyamara abenshi mu binjira mu nshingano yo gushyingiranwa ntibasobanukirwa n'inshingano zera zizanwa no kuba ababyeyi. Birababaje kuba abenshi nta mbaraga bagira zo gutoza abana ubupfura. Mu ngo nyinshi harangwa ikinyabupfura gike kandi abana bemererwa gukora ibyo bishakiye. Abana nk'abo bayoba inzira kuko nta muntu mu muryango ubasha kubayobora mu kuri. Nta muntu ushobora gukoresha ubuhanga bwose ngo abigishe gufasha ababyeyi babo. Nta muntu ushobora gushyiraho umusingi wo kubakiraho uburere bwabo bw'ahazaza. Mu by'ukuri, abana bakikijwe n'ibikorwa nk'ibyo bigayitse bakwiriye kugirirwa impuhwe. Iyo batabonye uburyo bwo kubona uburere bukwiriye hanze y'umuryango babuzwa amahírwe menshi buri mwana afitiye uburenganzira bwo kwishimira. Uyu ni umucyo nahawe. [3UB183]

Abantu badashoboye kurera abana babo neza ntibakwiriye kuba barafashe inshingano yo kuba ababyeyi. Ese twashingira ku makosa yabo ntitugire umuhati wo gufasha abo bana kugira imico mbonera? Imana ishaka ko duhangana n'ibi bibazo mu bwitonzi. [3UB183]

**Amashuri y'Itorero Agomba Kubangikana n'Amavuriro. -** Mu mavuriro yacu yose hakwiriye kurangwa imikorere yo ku rwego rwo hejuru. Abakwiriye gukorera muri ibi bigo ni abaganga, abayobozi n'abafasha bonyiné bagira gahunda mu ngo zabo. Imico yabana ifite byinshi ibwira abantu batugana muri aya mavuriro. Imana ishaka ko ibyo byigisho biba iby'ivugurura. Ibi birashoboka ariko bisaba kwitonda. Umugabo n'umugore bakwiriye kwita cyane ku burere bwa buri mwana. Ariko muzi uko imiryango y'aha hantu imeze. Abarwayi bazi uko bimeze. Uko nabyeretswe ni uko biteye isoni kuba nta rugero rwiza abana bato bahabwa kandi bibakwiriye. Buri wese muri bo akwiriye gutozwa gukora umurimo w'ingirakamaro. Ababyeyi babwiwe ibyo

bakora. Niba se w'abo bana adashobora kubana na bo, umugore akwiriye kugirwa inama y'uko yabigisha. [3UB183]

Kuva igihe nabereye hano, nahawe umucyo umbwira ko ikintu cy'ingenzi gikwiriye gukorwa ari ukugira ishuri. Nta gitekerezo mfite ko abana bato bazakirwa - abana bato cyane. Nyamara, bizaba byiza cyane kugira iri shuri ry'abana bashobora kwigishwa kandi bakihanganira igitsure umwarimu w'ishuri yabashyiraho. Dukwiriye kugira ishuri hano kuko Ijambo ry'Imana ritakwigishirizwa mu kindi kigo rusange. Mwene data Anthony ucyigishamo ashoboye kuyobora ishuri kandi akigisha abaririmo ijambo ry'Imana mu buryo bwuzuye. Ashoboye kubikora neza. Afite iyo nshingano, bamuhaye akazi kandi nibatamubangamira ibyaba byiza ni uko yagumayo. [3UB183]

**Ibyiza by'Ishuri ku Bana Bato.** - Nyamara ahangaha hari umurimo wo gukorerwa imiryango n'abana bafite imyaka irindwi, umunani n'icumi. Dukwiriye kugira urwego rwo hasi rumeze nk'urwego rwa kabiri aho abana bashobora kwigishirizwa. Bazigira mu ishuri ibyo badakunze kwigira ahandi hatari mu ishuri keretse bahuye n'abandi... [3UB183]

Ubungubu biragaragara ko hari ikibazo cyerekeye aba bana bajya ku ishuri. Nshaka kumenya ibyo buri mubyeyi atekereza, umubyeyi wumva anyuzwe rwose n'abana be nk'uko bari, atabohereje ku ishuri rifite ibyigisho bya Bibiliya mu nyigisho ritanga, rikagira gahunda, ikinyabupfura kandi rikagerageza gushakira abana icyo bakora ngo be gupfusha ubusa igihe cyabo. Nibabisobanukirwa, ntekereza ko nta n'umwe uzagira ibitekerezo birwanya iyi gahunda. [3UB184]

**Uko Nabonye Umuburo w'Ibanze**. Nyamara ubwo numvaga ibitekerezo bihabanye n'icyanjye ibyo ari byo, aho byavugwaga ko abana badakwiriye kujya ku ishuri kugeza bagize imyaka icumi, nashakaga kubabwira ko ubwo nahabwaga uyu mucyo nta shuri ryubahiriza Isabato ryariho mu gihe nabwirwaga ko abana batagombaga kujya ku ishuri batarageza imyaka yabashoboza kwigishwa. Bagomba kwigishirizwa mu rugo kugira ngo bamenye inzira nziza bityo batazayobywa ubwo bazaba bagiye ku ishuri. Ingeso mbi zikorerwa mu mashuri rusange zirenze ukwemera. [3UB184]

Ibyo ni ko biri kandi intekerezo zanjye zakangukiye cyane ibyerekeye iby'igitekerezo kivuga kiti: "Kuki Mushiki wacu White yavuze ibi n'ibi?" Abandi bati: "White yarabivuze none tugiye kubikurikiza." [3UB184]

Imana ishaka ko dukoresha ubwenge yaduhaye kandi ishaka ko dushyira mu gaciro. Ibihe bihindura ibintu kandi bibasha no guhindura isano ibintu bigirana. [3UB184]

**Ishuri ry'Itorero no Gucunga Imiryango Nabi**. Ahangaha hari ivuriro kandi iri vuriro rigomba kugirira umumaro ukomeye abarigana ndetse n'abarikikije. Bityo rero, nibabona abana b'abanyamafuti, bazerera, batagira icyo bakora, bishora mu bibi n'ibindi nk'ibyo bizaba bibabaje ku bantu bifuza kurinda icyubahiro cy'ishuri. Ndavuga mu mucyo Imana yampaye ko niba hari umuryango udafite ubushobozi bwo kurera, gutoza no kuyobora abana bawurimo ngo bagire ikinyabupfura, icyiza ni uko babashyira ahantu hazabasaba kumvira. Mubashyire ahantu bazasabwa kumvira kuko kumvira kuruta ibitambo. Imyitwarire myiza igomba kuranga buri muryango. [3UB184]

Turi kwigishiriza Imana abana bato. None ni ubuhe burezi turi kubaha? Mbese amagambo yacu ni ay'ubupfapfa no kutagira icyo twitaho? Mbese twamenyereye guhinyura? Mbese hariho intonganya n'ubushyamirane kubera ko ababyeyi badafite ububasha bwo kuyobora imiryango? Imana ishaka ko twita ku bintu byose. Buri mubyeyi afite inshingano: Mbese abana banjye

bamerewe bate? Mbese bari he? Mbese bakurikira Imana cyangwa ni Satani? Ibi bintu byose bikwiriye kwitabwaho. [3UB184]

Igitabo kigiye gucapwa kizavuga byinshi byerekeye amahame akomeye agomba gukurikizwa mu kurera abana kuva bakiri impinja zo mu biganza. Umwanzi azakoresha abo bana niba badatojwe kumvira. Niba umubyeyi [3UB184] w'umugore cyangwa uw'umugabo batabikora, umwanzi we arabikora. Ibyo ni ko biri. Umwanzi arabagenza... [3UB185]

Ubu nta byinshi mfite byo kuvuga kuko nifuza gusobanukirwa neza ibyo nkwiriye kuvuga. Nshaka ko ubirwanya avuga ukuntu abana badakwiriye kugira uburezi n'uburere. [3UB185]

## ISHURI RY'INSHUKE RY'I BATTLE CREEK

Dukwiriye gukora nk'ibyo i Battle Creek bakoze. Bantambagije ahantu hose mu kigo cy'imfubyi [Haskell Home] muri Battle Creek. Hari ameza yabo mato, hari abana babo bato kuva ku myaka itanu gukomeza. Bari bari kwigishwa kuri gahunda y'uburezi bw'inshuke: Uburyo bwo gukora n'ubwo kuyobora. Bari bafite ikirundo kinini cy'umucanga w'ubwoko bwiza kandi babigishaga uburyo bwo gukorera hamwe, bakabigisha uko bakora inkuge ya Nowa no gukora inyamaswa zinjiye mu nkuge. Bose bari bahugiye kuri uyu murimo. Bisaba kwigomwa... [3UB185]

Ubungubu, mfitiye icyizere gikomeye imyigishirize y'umuvandimwe wacu Peck ariko nakomeza gukora nk'uko asanzwe akora kandi anyuzwe n'uko ari byo bikwiriye gukorwa, hazakenerwa undi mwarimu. Mbese si ko mubibona namwe? [3UB185]

Mushiki wacu Pecks: Ntekereza ko niba twarakoze umurimo mu buryo buhagije kandi tukaba dufite abandi bana dukeneye ubundi bufasha. [3UB185]

## UMUCYO NAHAWE KURI "IZI NGINGO"

Mushiki wacu White: Ibitekerezo byanjye byatanzwe mu buryo butandukanye, bimwe aha n'ibindi hariya. Narabyanditse ariko si byose. Mfite ibindi byo kwandika. Nshaka kwita ku byo navuze. Bwa mbere, mubisobanukirwe. Uyu ni umucyo nahawe ku byerekeye izi ngingo. [3UB185]

Ahangaha hari abana barusha abandi umuvuduko mu byo bakora. Hari abana benshi bafite imyaka itanu bashobora kwigishirizwa hamwe n'abafite imyaka icumi turamutse dushingiye ku bushobozi, twitaye ku bibazo by'umubyeyi wabo ndetse n'amasomo. [3UB185]

Nonaha, nifuza ko mu gihe abana ba Willie" bakiri ahangaha bakaba bakihatuye bakwiriye kujyanwa mu ishuri. Niba bishobora guhuzwa n'iri shuri hagashyirwaho icyumba cy'inyongera ku nyubako ku bw'aba banyeshuri, buri wese muri twe agomba kwiyumvamo inshingano yo kugitanga. Abagore bifuza kurekera abana babo mu rugo kandi bakaba bafite ubushobozi buhagije bwo kubiyigishiriza nta muntu ubasha kubarwanya. Bashobora kubikora. Nyamara, dukwiriye guteganyiriza abana b'abantu bose bafite aho bahuriye n'uru ruganda ruto rw'ibyokurya [3UB185]

---

*52 Umwe mu bafasha bunganiraga Ellen White mu gutunganya inyandiko wabaye umwarimu mu ishuri ry'itorero.*

*53 Imyaka: Henry na Herbert bari impanga bafite imyaka 7. Grace afite imyaka 3. Muri icyo gihe bose bize muri iryo shuri.*

---

n'ivuriro n'ibindi bikorwa bikorerwa ahangaha kugira ngo babone uko biga. Dukwiriye guharanira ko iryo shuri rigera ku rugero rusumbyeho. [3UB186]

Umukuru C. L. Taylor: Mushiki wacu White, hari ikibazo kimwe nshaka kukubaza ku byerekeye inshingano z'ababyeyi n'isano iri shuri rifitanye n'itorero. Ubungubu, tuvuge ko mfite umuhungu muto. Mfite umwe w'imyaka irindwi. Dushoboye ku rwego ruhagije kumwigisha kuko twahuguriwe uwo murimo. Reka tuvuge ko turetse iyo nshingano, tukamusuzugura nuko akigira aho ashaka. Ese ibyo bihinduka inshingano y'itorero gukora ibyo nari nshoboye gukora iyo mbyemera? Iki ni cyo kibazo. Ese niba ntitaye ku muhungu wanjye mbishoboye kandi mfite uburyo, nzasaba itorero kubinkorera? [3UB186]

Ellen White: Wabitaho. Mbese ubitaho? [3UB186]

Umukuru W. C. White: Ellen White yanze gufata ubuhamya bwawe bw'umwihariko. [3UB186]

Ellen White: Abizera bo ku rusengero ruri aha kuri uyu musozi bakora inshingano zabo. Iri torero rifite aho rihuriye n'abo hanzé yaryo kandi ibyo biriho kugira ngo tubahe ubuhamya. Ikibazo ni iki ngo: Mbese iri torero rishobora kugira aho rihurira n'ishuri? Yego. Niba biri ngombwa mutegure icyumba kitazabahenda cyane, icyumba aba bana bashobora kuzamo bagatozwa kumvira kandi bakagira umwarimu ndetse bagakurira aho bategurirwa kuba mu ishuri ryisumbuye. Ubu iki ni cyo kibazo. [3UB186]

## UBUREZI ABANA BAKENEYE

Mureke mvuge ko aba bana bato bakeneye uburezi, ubwo bazabonera mu ishuri. Bakwiriye kugira ikinyabupfura cyo ku ishuri bafashijwe n'umuntu usobanukiwe n'uburyo bwo kwita ku bana bafite imyitwarire itandukanye. Abo bantu bakwiriye gufasha abana gusobanukirwa n'inshingano zabo hagati yabo ndetse no ku Mana. Bakwiriye kuba barazirikanye mu ntekerezo zabo amahame y'ingenzi akwiriye abo bana kugira ngo abageze ku rwego rusumbyeho ndetse n'ishuri ryisumbuye. [3UB186]

Hari ishuri ryo hejuru twese tugiye kujyamo kandi aba bana batarezwe mu buryo nyakuri ngo bagire imico n'ibitekerezo bizima ndetse no kumvira, nibaza uko bazinjira muri iri shuri ryo hejuru. Mbes kumvira kwabo kuri he? Mbese ibitekerezo by'amahitamo yabo bikwiriye kubagenga biri he? Ndetse n'ibi bintu byose. Ibyo bikwiriye kuba ubuhamya bwabo bwa buri munsi. [3UB186]

Uko umubyeyi w'umugore agenda ntakwiriye kubakankamira ngo avuge ngo, "Muri mu nzira yanjye kandi nifuzaga ko mwakwigendera. Nifuzaga ko mwajya ahandi," cyangwa ngo avuge ibindi nk'ibi. Agomba gufata abana be nk'uko Imana ifata abana bayo bakuru. Imana itwita abana bo mu muryango wayo. Imana ishaka ko twigishwa kandi tugatozwa hakurikijwe amahame y'ljambo ryayo. Imana ishaka ko ubu burezi [3UB186] butangirira ku bana bato. Niba umubyeyi adafite uburyo n'ubuhanga ndetse akaba atazi uko yafasha intekerezo z'abantu agomba kubaha umuntu uzabatoza kumvira, uzarema ibitekerezo byabo ndetse agaha icyerekezo ibyo batekereza. [3UB187]

Mbese ubu mbivuze neza ku buryo mushobora kubisobanukirwa? Mbese Willie, hari ingingo iri mu gitabo ntavuzeho muri uyu mwanya? [3UB187]

W. C. White: Ntabyo nzi. Mama, mbona ko rimwe na rimwe abantu bacu bo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika n'ahandi ku isi bagira ubwaka bashingiye ku mvugo yihariye. [3UB187]

Ubungubu, nshingiye ku byo nize muri Bibiliya ndetse no mu nyandiko zawe nageze ku mwanzuro wo kwizera ko hari ihame riyobora imyitwarire ya buri muntu kandi ko tudashobora gusobanukirwa imyitwarire tudashingiye ku ihame runaka. [3UB187]

Nizera ko muri bimwe mu byo wavuze byateje ukutumvikana nk'ibyerekeye inama zerekeye uko bakoresha amavuta y'inka n'ibyerekeye umwarimu rukumbi umwana akwiriye kugira kugeza afite imyaka umunani cyangwa icumi, byari amahirwe kuri twe kwakira iryo hame. Nizera ko mu gihe twiga ayo masomo dukwiriye kuzirikana ko buri hame Imana iritanga mu mbabazi zayo kandi ikita ku bihe abantu baba bagezemo. [3UB187]

Imana yaravuze iti, "Icyo Imana yateranije hamwe, umuntu ntakagitandukanye" (Mariko 10:9), ariko Kristo yasobanuye ko itegeko ryo gutandukana kw'abashakanye ryatanzwe kuko imitima y'Abisirayeli yari yarinangiye. Kubera ubuhenebere bw'abantu, itegeko ryo gutandukana kw'abashakanye ritari mu mategeko y'umwimerere y'Imana ryaremewe. Nizera ko iri hame rikwiriye gusobanuka dushingiye ku mvugo zumwihariko nk'izo wakoresheje urwanya imikoreshereze y'amavuta y'inka ndetse n'ibyerekeye ko umwana w'imyaka umunani cyangwa icumi nta wundi mwarimu agomba kugira keretse nyina umubyara. [3UB187]

Ubwo wahabwaga iyerekwa ryerekeye amavuta y'inka, weretswe uko ibintu byari bimeze abantu bakoresha amavuta y'inka yuzuye udukoko. Bayakoreshaga bakaranga ndetse bakanayatekesha kandi kuyakoresha byari bibi. Nyamara hanyuma, ubwo abantu bacu bigaga amahame agenga ibintu, babonye ko nubwo amavuta y'inka atari meza cyane adakwiriye kubarwa nk'ibindi bizira. Bityo, iyo bibaye ngombwa barayakoresha. [3UB187]

Natekereje ko iki kibazo cy'ishuri kitahindutse. Umugambi nyamukuru ni uko umubyeyi akwiriye kuba umwigisha umwigisha w'umuhanga nk'uko wabidusobanuriye mu gitondo. Nyamara, nabonye ko ari igihombo gikomeye ku murimo wacu kuva i Maine kugera i California ndetse no kuva i Manitoba ukagera Florida kuko abantu bacu bashobora gufata iyi mvugo ivuga ko umwana nta wundi mwigisha agomba kugira kugeza agize imyaka umunani cyangwa icumi nk'ibabuza amahirwe yo kujyana abana [3UB187] babo mu ishuri. Niba mbisobanukiwe neza, icyo ni cyo kibazo kituri imbere muri iki gitondo. [3UB188]

Igihe bene data bize iki kibazo bashingiye ku nyungu z'umwana ndetse bakanashingira ku gushyira mu gaciro kwa kibyeyi, nk'uko mbibona, basobanukirwa ko hari ubwo kugira amahirwe yo kujya ku ishuri biba byiza kuruta kutabikora. Ariko hari ihame rivuga ko umwana atagira undi mwarimu keretse ababyeyi be kugeza agize imyaka umunani cyangwa icumi y'ubukure. Iryo hame rirabisobanura... [3UB188]

Ellen White: Yego, niba ababyeyi ubwabo batabikora ushobora guhagararira aho. Ahubwo, dukwiriye guteganya kuko hariho ababyeyi benshi batigeze babona ko ari inshingano yabo kwirerera abana... [3UB188]

Nizera ko abantu muri ahangaha mubona ko ari amahirwe mufite yo kugira icyo mukora mu gushyigikira ishuri ry'abandi. Nanjye mfite ubushake bwo kubikora. Ntekereza ko iyo ngingo itari ikwiriye kongera kugaruka. Tuvuga ngo, "igihombo", "igihombo", "igihombo."- Ntacyo bimaze rwose kumva ufite umutwaro wo kugira icyo utanga gito cyane. [3UB188]

## GUSHYIRAHO IGENAMIKORERE

W. C. White: Kuko abana banjye bakomojweho, nifuza kugira icyo mbivugaho. Kuba nashishikajwe n'iki kiganiro ntabwo ari uko abana banjye barebwa n'iyi gahunda. Impamvu yanjye igambiriye umusaruro wava muri iki kiganiro n'uburyo byagira impinduka nziza bizana ku murimo wacu hirya no hino ku isi. Kuva kera kose kugeza magingo aya, impamvu yanjye ku byerekeye iri shuri ntiyigeze iba umwihariko ku bana banjye... [3UB188]

Birazwi cyane ko mushiki wacu Peck afite ubunararibonye bwinshi mu kwigisha kandi ko yakoranye na mama mu gihe kingana n'imyaka ine amufasha gutunganya inyandiko ze bategura igitabo cy'Uburezi. Úbushake bukomeye mfite bwo gushyigikira ishuri si ubw'umuryango wanjye nta n'ubwo ari ubw'itorero rya St. Helena gusa. [3UB188]

Ubushake bwanjye mu gushyigikira iri shuri bushingiye ku mpamvu y'uko bidukwiriye gushyiraho igenamikorere. Intsinzi, ugutsindwa n'imiyoborere by'iri shuri bizagira ingaruka ku murimo w'ishuri ry'itorero muri California ndetse na kure kubera ubunararibonye bw'igihe kirekire bwa mushiki wacu Peck nk'umwarimu n'umurimo wakoranye na we (mama) mu gutegura igitabo cy'Uburezi. Ibi bintu byose ni byo byatumye iri shuri riba nk'umurwa uri ku musozi. [3UB188]

Ubungubu, agahinda kanjye ku byerekeye imiyoborere y'uko dufata abana bato ntikigeze gashingira ku kuba mfite abana batiga ahubwo gashingiye ku kubaka ubuyobozi mbona ko budahwitse. Mbona bikorwa mu buryo bushyira abana bacu mu kaga. [3UB188]

## IKIBAZO CYEREKEYE ISHURI RY'INSHUKE

Binyujijwe mu mashuri y'inshuke, isi iri gukora umurimo ukomeye ureba abana. Mu turere dufitemo ibigo kandi ababyeyi bombi bakaba bafite akazi, bari gushimishwa no kohereza abana babo mu ishuri ry'inshuke. Nabonye ibihamya binyemeza ko mu matorero yacu menshi ishuri ry'inshuke riyobowe neza mu masaha make ku munsi rishobora kuba umugisha ukomeye. Mama, sinigeze mbona mu nyigisho zawe, mu mahame no mu nama wagiriye abantu ahagaragara ingingo ivuguruza iki gitekerezo. Nyamara mu bice byinshi by'igihugu, amategeko y'abayobozi b'ishuri ryacu yishe rwose umuhati uwo ari wo wose wari ugendereye kugira umurimo w'ishuri ry'inshuke ugeza ku bana bacu. [3UB189]

Hari ingero nkeya aho bawuteza imbere. Dogiteri Kellogg awukora mu ishuri rye ry'imfubyi nk'uko mwabibonye kandi mukabishimira ndetse no mu tundi turere bari kubikora. I Berrien Springs bahariye impeshyi y'umwaka ushize igikorwa cyo kuzana umwarimu wo kwigisha inshuke no kwemera ko uwo murimo uhabwa agaciro ariko muri rusange nk'icyenda ku icumi ubu buyobozi bw'abashinzwe ishuri ryacu bubera inkomyi umugabane w'uyu murimo mu buryo bukomeye. [3UB189]

Ellen White: Yego, ahangaha hakwiriye kuba ivugurura muri icyo cyerekezo. [3UB189]

W. C. White: Ndetse n'ubuyobozi bw'iri shuri n'impamvu bagiye bampa buri gihe bigaragaza ko ubuyobozi bushingira ku bwiriza rivuga ko nyina w'umwana akwiriye kuba umwarimu we rukumbi kugeza agize imyaka umunani cyangwa icumi. Kubw'inyungu nziza z'umurimo w'ishuri ryacu, nizera ko byari ingenzi kugira iki kiganiro nk'uko twabikoze muri iki gitondo kandi tukiga ku ihame ibyo bintu bishingiyeho. [3UB189]

Ellen White: Yego, ni byiza ko abantu babisobanukirwa mu buryo nyakuri. Ubu ntuzigera ubona andi mahirwe yo gukoresha mushiki wacu Peck mu gukurikirana abana bato. Hakwiriye kubaho impinduka mu buryo bumwe cyangwa ubundi. [3UB189]

Nko ku byerekeye icyumba, kukigira ni ngomba. Ndibaza ibyaba byiza niba cyahita gifatanywa n'inyubako cyangwa niba byatandukanywa. Kuri jye mbona byaba byiza ibaye inyubako ukwayo. Sinzi ibyaba byiza. Ibyo bishobora kwitabwaho, hakarebwa inyungu n'ingaruka birimo. Ntekereza ko mushiki wacu Peck uturusha kubisobanukirwa yatubwira uko abona byakorwa... [3UB189]

## MBESE ISHURI RISHOBORA GUHUSHA INTEGO?

C. L. Taylor: Ibi twabivuzeho. Ishuri ntirizaba umugisha niriramuka rifashe inshingano ababyeyi ubwabo bakwikorera. Kandi nidukomeza tugashora amafaranga yacu muri iyi nyubako, nta tandukaniro byagaragaza yaba inyubako cyangwa icyumba. Nyamara nidufata inshingano ishobora [3UB189] gukorwa n'ababyeyi ubwo ni nibwo ishuri ry'itorero rizahinduka umuvumo cyangwa ribe imbogamizi aho kuba umugisha. Ibyo ni byo numvise kuva twavuga kuri iyo ngingo... [3UB190]

Mushiki wacu Peck: Mushiki wacu White, iki ni ikibazo nahoze nibaza kuri iyi ngingo ku byerekeye inshingano yacu nkabarimu. Niba ari ukugerageza gufasha ababyeyi kubona inshingano yabo no kuyisohoza cyangwa niba ari ukuyibakuraho tukajyana abana babo mu ishuri. [3UB190]

Ellen White: Niba batarumvise ko ari inshingano yabo babikuye mu bitabo byose, inyandiko n'ubuhamya ushobora kubibabwira kuva uyu munsi kugeza Umwami agarutse kandi ntibigere bumva ko uwo ari umutwaro wabo. Ntacyo bimaze kuvuga ku nshingano kandi tuzi ko batayumva. [3UB190]

## ISHURI RY'INTANGARUGERO

Dushaka kugira ishuri rifite aho rihuriye n'ivuriro. Neretswe ko ahantu hose dufite ivuriro hakwiriye kuba ishuri kandi iryo shuri rikabaho ku buryo riba intangarugero ku bantu bose baza bagana iryo vuriro. Abantu bazaza muri iryo shuri bazareba uko iryo shuri riyoborwa. Ntirikwiriye kuba kure y'ivuriro kugira ngo basobanukirwe ibyaryo. [3UB190]

Mu miyoborere y'ishuri hakwiriye kuba ikinyabupfura ntagereranywa. Mu myigire abanyeshuri ntibagomba kwifata uko bashaka. Bakwiriye kureka imyitwarire yabo bwite bakumvira. Iri ni isomo ritarigwa n'imiryango myinshi. Áriko twumva abavuga ngo, "Yooo, mubareke bakore ibi. Baracyari abana. Baziga nibakura." [3UB190]

Nshaka kubabwira ko igihe umwana nabaga ndera yatangiraga kugaragaza uburakari maze akijugunya hasi, ibi ntiyashoboraga kubikora inshuro irenze imwe. Ntabwo nashoboraga kureka ngo umwanzi akorere muri uwo mwana cyangwa ngo amwigarurire. [3UB190]

Uwiteka ashaka ko dusobanukirwa ibintu. Yavuze ko Aburahamu yayoboye abana be n'umuryango we kandi dukwiriye gusobanukirwa icyo kuyobora bisobanuye ndetse tunakeneye gusobanukirwa uko twakwitangíra umurimo niba turwanya umwanzi. [3UB190]

Yego, sinzi niba hari icyo tumaze kugeraho ugereranyije n'aho twatangiriye. [3UB190]

C. L. Taylor: Ni byo. Ntekereza ko hari aho tumaze kugera. [3UB190]

Ellen White: Nyamara hari ibyavuzwe. [3UB190]

L. M. Brown: Nizeye ko tuzi ibyo dukwiriye gukora. [3UB190]

Mushiki wacu Gotzian: Ibyavuzwe birahagije kugira ngo dutekereze kandi tugire icyo dukora.

[3UB190]

Ellen White: Imana iri kumwe natwe. Yego, birakwiye kuba urugero. Ubu murabona ko hari amavuriro menshi kandi hagomba kubaho ibigo by'amashuri byinshi bibangikanye na yo.

Dukwiriye kuzirikana kandi tukamenye ko hari icyo tugomba gukora kandi icyo ni icyo gukorera abana... [3UB191]

Ishuri ryanyu ni ryo tugiye gufataho urugero. Ntirikwiriye kuba urugero turisanishije n'amashuri y'iki gihe. Ntirigomba kubaho muri ubwo buryo. Ishuri ryanyu rikwiriye kubaho rishingiye ku ntego irenze cyane iz'aya mashuri yandi. Rikwiriye gukora umurimo ufatika. Amasomo agomba gushyirwa mu bikorwa aho kuba amagambo asanzwe. [3UB191]

C. L. Taylor: Nyuzwe cyane n'uko nidutangira kugendera muri icyo cyerekezo tuzabona umucyo nyakuri wigaragaza. - Manuscript 7, 1904. [3UB191]

# IGICE CYA 25

# AMAHAME RUSANGE NGENDERWAHO

## AHANTU HOSE HARI ITORERO

Ahantu hose hari itorero ryaba rinini cyangwa rito hakwiriye kuba ishuri. - Letter 108, 1899. [3UB192]

## SI IMIGANI Y'ABANTU AHUBWO NI IJAMBO RY'IMANA

Kugabura Ijambo ry'Imana ni umugabane mvajuru ubugingo bukeneye kugira ngo bugire iterambere ritunganye mu mbaraga zabwo zose z'iby'umwuka. Mu mashuri yacu yose iri jambo rikwiriye kuba ishingiro ry'uburezi. Niturikurikiza, bizatuma habaho imbaraga zejejwe, ubwenge, ubudahemuka n'ingeso nziza. Si amagambo y'ubwenge bw'isi, si amagambo y'abantu cyangwa imvugo z'ikiremwamuntu ahubwo ni Ijambo ry'Imana. - Manuscript 41a, 1896. [3UB192]

## NTA MUGAMBI WO KWIGANA MU BUREZI

Imana isaba umuntu wese ufata inshingano yo gukora umurimo kugira ubushobozi bushingiye ku buhanga no gutozwa kandi agakoresha ibitekerezo bye mu bwenge akurikije ubunararibonye bw'ubumenyi n'umurimo yakuye mu mashuri. Imana ntiyashyizeho igenamikorere ry'umwihariko ryahuranyije mu burezi. Kubaha Uwiteka ni ryo shingiro ry'ubwenge. Iyo abantu bafite imico itandukanye bafashe inshingano yo kuba abarimu kandi bakagira igenamikorere ry'imyigishirize rishingiye ku bushobozi bwabo, ntibaba bahatirwa kumera nkabarimu bakoze uwo murimo mbere yabo keretse batesheje agaciro ubushobozi bwabo bwite. - Manuscript 170, 1901. [3UB192]

## UBUSOBANURO BW'UBUREZI NYAKURI

Uburezi nyakuri ni ugutegurira umuntu kugira imbaraga z'ubwenge, iz'imico n'umubiri kugira ngo akore inshingano yose inejeje. Uburezi kandi ni ugutoza buri myitwarire n'ibikorwa by'umutima, ubwenge n'ubugingo [3UB192] ngo bikore umurimo w'Imana. Maze kuri uwo muntu ijuru rikavuga riti, "kuko twembi Imana ari yo dukorera namwe mukaba umurima w'Imana n'inzu yayo." (Reba mu 1 Ábakorinto 3: 9). - Letter 189, 1899. [3UB193]

## INDANGAGACIRO ZO MU MASHURI YO MU BUSUWISI ZIKWIRIYE GUSHIMIRWA

Hari byinshi mbona ahangaha mu Busuwisi ntekereza ko ari ingirakamaro kubyigana. Abarimu bo mu mashuri bahora bajyana n'abanyeshuri gukina maze bakabigisha uko bakwishimira ibyo bihe kandi bagakumira umuvundo cyangwa ikibi gishobora kubaho. İri ni itegeko ridahinduka kandi rireba abana bari mu kigero cyo kuva ku myaka itanu kugeza ku myaka cumi n'itanu. [3UB193]

Nk'ingororano yo kwitwara neza no kugira umurava mu byo bakora, abarimu bajyana abanyeshuri babo gutemberana na bo bagakora urugendo rurerure. [byo bikorwa basoje amasomo mbere y'igihe giteganyijwe. Ndabikunda kuko ntekereza ko haba hari amahirwe make y'uko abana bashobora kugwa mu bigeragezo. Abarimu binjira mu bikorwa by'imyitozo ngororamubiri y'abana kandi bakabaha umurongo ngenderwaho. [3UB193]

**Urukundo n'Amategeko Ahamye Adakebakeba**. Sinshobora kurwanya igitekerezo cy'uko abana bakwiriye kwiyumvamo ko bari ahantu hatizewe cyane ku buryo baba bakwiriye guhozwaho ijisho kandi ko batashobora gukora nk'abana. Ariko rero, mureke abarimu bifatanye na bo mu bibashimisha, babe umwe na bo kandi babereke ko bifuza ko bishima. Ibyo bizatera abana kugira icyizere. Bashobora kugenzurwa mu rukundo aho kubaha itegeko rikaze, bagaherekezwa aho bafatira amafunguro ndetse no mu bikorwa bibashimisha. - Letter 42, 1886. [3UB193]

Impano zacu twazitijwe ku bw'icyizere twagiriwe ngo tuzikoreshe kandi zikuzwe no kuzikoresha. Yooo, iyaba ababyeyi basobanukirwaga ko imiryango y'aha ku isi ari igishushanyo cy'imiryango yo mu ijuru. Iyo basobanukirwa n'ubudahemuka bwabo bwo kurinda ingo zabo ingeso mbi yose. Imana yateganyije ko ijuru rishobora kurushaho kutwigaragariza mu miryango yacu kuruta uko tubyishimira uyu munsi. [3UB193]

**Ibintu Bishimishije n'Umurimo Unejeje.** - Kuva bakiri bato abana ni abanyeshuri kandi iyo ibibashimisha bihora imbere yabo mu rugo bazimenyereza ubwuzu bwa Gikristo, ubugwaneza n'urukundo. Intekerezo zabo zubakwa n'ibyo babona n'ibyo bumva kandi ababyeyi baba babiba imbuto izavamo umusaruro mwiza cyangwa uteye agahinda. Niba ababyeyi ari Abakristo ku izina, niba badakora ibyo Ijambo ry'Imana rivuga baba bandika imico yabo ku bana babo aho kubandikaho ibyo Imana ishaka. Abana bifuza ikintu kidasanzwe mu ntekerezo zabo. Ku bw'ubushake bwa Kristo, ababyeyi babona icyo bagaburira imitima y'abana babo iba ifite inzara n'inyota byo kumenya. [3UB193]

Ni kamere y'abana kumva bashaka kugira ibyo bakora kandi ababyeyi nibatabaha inshingano yo gukora, Satani azashaka ikintu bahugiraho bakora ibibi. Bityo rero, mutoze abana banyu gukora umurimo w'ingirakamaro. Mushobora kwambika umurimo wose icyubahiro gituma uzana inyungu kandi ugashyirwa hejuru. [3UB194]

Kuzana Ibyishimo mu Mubano Mugirana n'Abana. - Ntukumve ko ufite inshingano yo gutuma imibereho y'abana bawe iburamo ibyishimo. Kubabara bizihuta. Nk'umwigisha n'umurezi w'abana bawe, kora ku buryo uzana ibyishimo bishoboka byose mu myitozo ubakoresha. Bashishikarize kukugira inshuti bifuza kubana nayo. Nta kabuza uzasanga mu bana bawe kurarikira ibyaha, kwishora mu bibi n'ingeso mbi; ariko nubashishikariza gushaka kubana nawe, ushobora guha icyerekezo cyiza ibyo bakunda n'amarangamutima yabo, kandi ugakumira umubabaro, umushiha no kwigomeka. Tsinda ubwibone bwabo ubabera intangarugero mu bugwaneza no kwiyoroshya mu mutima. [3UB194]

Dukwiriye gukura mu biganiro byacu ijambo ryose rishariye no gucira abandi imanza. Nitureka Kristo akagenga ukwicisha bugufi no kwiyoroshya mu mitima byacu tuzamugaragaza mu mibanire yacu yose tugirana n'abana bacu. Abantu bose bakora ibyo Kristo ashaka ku bwo gukiza imitima y'abantu, Umukiza arababwira ati, "kuko twembi Imana ari yo dukorera namwe mukaba umurima w'Imana n'inzu yayo." - Manuscript 143, 1899. [3UB194]

# IGICE CYA 26

## KUJYA MURI KOLEJI NA KAMINUZA BY'ISI

Byari kuba bitekanye cyane ku rubyiruko ryacu kwinjira muri koleji z'isi iyo baba bihana buri munsi ariko niba bumva bafite uburenganzira bwo kuva mu byizerwa umunsi umwe, uwo munsi Satani azaba yateguye imitego ye. Bazatsindwa kandi bayoborwe mu nzira z'ibinyoma inzira zabuzanyijwe, inzira Imana itashyizeho. [3UB195]

None se Abakristo bitangiye umurimo bazanga kwifatanya n'abatarihana ndetse bifuze kutagirana nabo umushyikirano? Ŏya, bagomba kubana na bo mu isi ariko ntibabe ab'isi kandi ntibafatanye nabo inzira zabo, ntibakururwe na bo ndetse ntibakingurire imitima yabo kwakira imico n'ingeso zabo. Imibanire yabo ikwiriye kuba igamije kuzana abandi kuri Kristo. [3UB195]

**Ingaruka y'Amakosa Asubirwamo.** -Aha hari akaga ku rubyiruko. Ibirangaza muri ibi bigo ni uko inyigisho zivangwa n'amakosa n'uburyarya ku buryo badashobora gutandukanya uburozi bw'amarangamutima buvanze n'iby'ingirakamaro kandi by'agaciro. Hariho icyo kinyoma cyihishe kandi gikora mu buryo abenshi batakibona ariko kiba kiri ku murimo. Ibitekerezo bimwe na bimwe bizanwa n'abarimu kandi bakabisubiramo inshuro nyinshi maze hanyuma intekerezo zigatangira kubyakira no kwisanisha na byo. [3UB195]

Ibi binababaho iyo abanyeshuri biga ibitabo by'abanditsi batizera Imana. Aba bantu bagira ubwenge butyaye kandi ibitekerezo byabo bityaye birigishwa maze intekerezo z'umunyeshuri zikigarurirwa na byo. Abanyeshuri bashimishwa n'ubwo buhanga bw'abanditsi. [3UB195]

Nyamara se aba bantu bakura he imbaraga z'ubwo bwenge? Mbese ubwo butyoza babukura hehe? Babukura ku isoko y'ubwenge bwose. Ariko bavangiye imbaraga zabo nuko bafasha umwanzi gukora umurimo. Mbese ntimuzi ko umwanzi agira uburyarya bwinshi? Abantu benshi bagendera mu nzira za sekibi mu gihe basoma inyandiko z'abanditsi batizera Imana. Satani ni umuhanga kandi benshi bagwa mu mutego wo gukunda inyigisho n'ubuhanga bye. - Manuscript 8b, 1891. [3UB195]

### AKAGA GATERWA NO GUTEGA AMATWI ABANTU B'IBIRANGIRIRE BO KU ISI

Kuri benshi mu rubyiruko hari akaga gakomeye ko gutega amatwi imbwirwaruhame zitangwa n'abantu ab'isi bita ibirangirire. Izi mbwirwaruhame zikunze kuba zuzuyemo ibitekerezo by'ubuhanga buhambaye. Amakosa yabaye gikwira yo muri siyansi nk'uko byitwa mu kinyoma n'amahame azwi cyane mu by'iyobokamana bivangwa n'amagambo n'ubushakashatsi by'ubuhanga ariko ibyo bitesha agaciro amahame ya Bibiliya ndetse bigakangurira abantu kubona ko hari impamvu yo gushidikanya ukuri kw'ijambo ryahumetswe n'Imana. Muri ubu buryo, imbuto zo gushidikanya zibibwa n'abitwa abakomeye n'abahanga b'ibirangirire ariko amazina yabo yanditswe mu bitabo byo mu ijuru nk'abatagira ubwenge kandi ari ibizira ku Mana. Basubiramo ibinyoma Satani yashyize mu kanwa k'inzoka kandi bakigisha urubyiruko mu buyobe. [3UB196]

Ubu ni uburezi umwanzi yishimira. Ni ubupfumu. Intumwa ikomeye yarabajije iti: "Ni nde wabaroze kugira ngo mwe kumvira ukuri?" Abakira kandi bakishimira amarangamutima y'abiyita ibirangirire bari mu kaga kubera ko mu bugenza bw'umwanzi imitekerereze y'amayobera y'aba bigisha b'ibinyoma ishinga imizi mu mitima y'urubyiruko rwacu kandi mu buryo busa n'ubutagaragara barahinduka bakava mu kuri bakajya mu kinyoma. Nyamara guhinduka gukwiriye kubaho mu bundi buryo. Ábasore bacu babonye ibihamya bw'ukuri guhoraho bakwiriye

gushyigikirwa mu mbaraga maze bakabasha kugarura imitima kuri Kristo bayikuye mu mwijima w'ikinyoma. [3UB196]

Abasore bajya muri Ann Arbor bakwiriye kwakira Yesu nk'Umwami n'Umukiza. Nibitaba bityo bazubaka ku musenyi kandi urufatiro rwabo ruzakurwaho. Umwuka wa Kristo ukwiriye kuzahura kandi ukeza ubugingo, kandi urukundo nyakuri tugirira Kristo rukwiriye kubeshwaho no kwizera Imana twicishije bugufi buri munsi. Kristo akwiriye kuba mu byiringiro by'umugisha. Mureke Kristo ahishurirwe mu bo mubana. - Letter 26, 1891. [3UB196]

## ABANYESHURI B'ABADIVENTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI

Abavoduwa binjiraga mu bigo by'amashuri by'isi nk'abanyeshuri. Ntibifataga uko batari ku bigaragara ntibagiraga uwo barangarira ariko babagaho mu kwizera kwabo. Nta hame na rimwe bigeze bica maze bidatinze amahame yabo aramenyekana. Ibi byari bitandukanye cyane n'ibyo abandi banyeshuri bari barabonye bityo batangira kwibaza bati: "Mbese ibi byose bisobanura iki? Ni gute aba bantu badashobora gushukwa ngo bateshuke ku mahame yabo?" Ubwo bitegerezaga neza ibingibi, [3UB196]

---

*54 Kaminuza ya Michigan yari iri muri Ann Arbor, mu ntera igera kuri kilometero 104 mu burasirazuba bwa Battle Creek. Mu mwaka wa 1891 abasore b'Abadiventisiti bashakaga kwiga iby'ubuvuzi bayizemo. Abakusanyije inyandiko.*

---

bumvise basengera mu byumba byabo badasenga Bikira Mariya ahubwo basenga Umukiza babwiraga nk'umuhuza rukumbi hagati y'Imana n'umuntu. Abanyeshuri basanzwe bashishikajwe no gucukumbura nuko inkuru yoroheje y'ukuri nk'uko iri muri Yesu iravugwa maze intekerezo zabo zirayakira. [3UB197]

Iyi nkuru yayivuze mu nama y'uburezi yabaye mu mwaka wa 1891 ibera ahitwa i Harbor Heights [Haba Hayitsi]. Abafite umwuka w'Imana kandi ukuri kukaba kwarashinze imizi mu mitima yabo bakwiriye gushishikarizwa kwinjira muri koleji nuko bakabaho bagendera mu kuri bamenye nk'uko Daniyeli na Pawulo babigenje. Buri wese akwiriye kwiga akareba uburyo bwiza bwakoreshwa ngo ukuri kugezwe mu kigo cy'ishuri, bityo umucyo urabagirane. Nimureke bagaragaze ko bumvira amategeko n'amabwiriza byose by'ikigo. Umusemburo uzatangira gukora, kubera ko dushobora kwishingikiriza cyane ku mbaraga y'Imana yigaragariza mu mibereho y'abana bayo kurusha uko twakwishingikiriza ku magambo yose yavugwa. Nyamara kandi, bashobora gukoresha imvugo yoroheje uko bashoboye kose, bakabwira abababaza iby'amahame yoroheje ya Bibiliya. [3UB197]

## KUBIBA IMBUTO Z'UKURI MU NTEKEREZO NO MU MITIMA

Hari abo bikwiriye ko nyuma yo gukomezwa, gushikama no kwimbika mu kuri binjira muri ibi bigo byo kwigiramo nk'abanyeshuri. Bagomba kuguma mu mahame mazima y'ukuri, bakubahiriza Isabato kandi bagashaka umwanya wo gukorera Shebuja babiba imbuto z'ukuri mu ntekerezo no mu mitima. Mu mbaraga z'Umwuka Wera, izi mbuto zizakura maze zere izindi ku bw'ikuzo ry'Imana kandi umusaruro uzaba uwo gukiza imitima. Abanyeshuri ntibakeneye kujya muri ibi bigo byigirwamo kugira ngo bakunde bamurikirwe kuko n'abarimu ubwabo bakwiriye kuba abigishwa ba Bibiliya. Nta guhangana gushya gukwiriye gutangizwa, nyamara hazatangwa

amahirwe yo kubaza ibibazo ku mahame ya Bibiliya kandi umucyo uzarabagiranira mu ntekerezo za benshi. Umwuka wo gucukumbura uzavuka. [3UB197]

**Imikorere Iteza Agaka Gakomeye**. Ariko mfite igishyika cyo kubabwira ubu buryo bwo gukora; kubera ko hari akaga k'uko abadafitanye umushyikirano n'Imana bazijyana muri ayo mashuri, maze aho kugira ngo bakosore amakosa kandi bakwize umucyo, ahubwo nabo ubwabo bazayobywe. Ariko uyu murimo ugomba gukorwa kandi uzakorwa na ba bandi bayoborwa n'Imana kandi bakigishwa. - Manuscript 22a, 1895. [3UB197]

# UMUGABANE WA VII

# AMAHAME NGENDERWAHO

## IJAMBO RY'IBANZE

Umukristo akwiriye guhora arinda amahame shingiro agenderaho. Ubwo tugenda duhura n'impinduka zo kuba muri iyi si aho indangagaciro ziteshwa agaciro kandi tukabana n'abagize itorero bigereranya na bagenzi babo, amahame yacu twari twarasigasiye ashobora gukurwaho mu buryo busa n'ubutagaragara. [3UB198]

Iyo twitegereje ubutumwa Imana yagiye yoherereza abantu bayo mu gihe cya kera no muri iki gihe cyacu tubona uburyo yabonye ko byari ngombwa gusubiramo inshuro nyinshi ubutumwa bwo gukomeza abantu bayo ngo bagendere mu bushake bwayo. Muri iki gihe cyacu ibi ni ukuri k'umwihariko ku byerekeye gukomeza Ísabato, imyambarire no kwirimbisha ndetse n'ivugurura mu byo kwitungira amagara mazima. Zimwe mu nyigisho z'ingenzi ziri muri uyu murongo ziboneka mu nyandiko no mu nzandiko Ellen White yandikishije ikiganza cye agira abantu inama. Kugeza igihe hacapiwe imizingo ibiri yabanjirije uyu nguyu, izo nyigisho zasohokaga mu kinyamakuru cyitwaga Urwibitso rw'Abadiventisiti (Adventist Review) none ubu ziri muri iki gitabo. Zimwe mu nyigisho zari zaracapwe zongeye gucapwa mu bice bine by'uyu mugabane. [3UB198]

Igice cyerekana itsinda ry'inyigisho zivuga ko "Guhinduranya Inyifato mu Gusenga Bikwiriye" cyabaye ingirakamaro kubera ko abantu bamwe bari kuyobywa ubwo bari gushyira mu bikorwa inama ziboneka mu gitabo kivuga iby'abakozi bagabura ubutumwa bwiza (Gospel Workers, pp. 178, 179) no mu Butumwa Bwatoranyijwe, igitabo cya 2, Igice cya 32, ["Inyifato Ikwiriye mu Gihe cyo Gusenga"], ahari ubutumwa buhamagarira Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi gupfukama mu isengesho nk'ikimenyetso cyo kubaha no kwicisha bugufi. Nubwo inama ihamagarira abizera gupfukama mu gihe cy'isengesho ryo mu ruhame n'igihe umuntu asenga mu rwiherero, inama yumvikana n'urugero bya Ellen White bigaragaza ko gupfukama bitari ngombwa mu bihe byose iyo umutima n'ijwi bizamuwe mu isengesho. Inyigisho ziri muri uyu mugabane zakuwe mu murimo mugari wa Ellen White. - Abashinzwe kurinda inyandiko za Ellen White. [3UB198]

# IGICE CYA 27

## UMUCO WO KUGIRA URUGWIRO

Abakorera Kristo bagomba kuba baboneye, batunganye kandi ari abiringirwa, ndetse bagomba no kuba boroheje mu mutima, ari abanyampuhwe kandi bagira urugwiro. Mu mibanire y'abantu b'abanyarugwiro by'ukuri habamo imbaraga ikurura. Amagambo y'ineza, indoro inejeje n'imyitwarire irangwa n'urugwiro ni iby'agaciro katagereranywa. Kubwo kwirengagiza abandi, Abakristo batagira urugwiro berekana ko batunze ubumwe na Kristo. Ntabwo bishoboka ko umuntu yakunga ubumwe na Kristo ngo ye kurangwa n'urugwiro. [3UB199]

Uko Kristo yari mu buzima bwe kuri iyi si, ni ko Umukristo wese akwiriye kuba. Ni icyitegererezo cyacu atari mu butungane bwe buzira ikizinga gusa ahubwo no mu kwihangana kwe, ubugwaneza bwe no mu myitwarire ye yireherezagaho abantu. Ku byabaga birebana n'ukuri no gusohoza inshingano ye, yabaga ashikamye nk'urutare, ariko kandi akaba umugwaneza ndetse akagira urugwiro. Ubuzima bwe bwari icyitegererezo kizira amakemwa cyerekana urugwiro nyakuri. Yahoranaga indoro yuje ineza akavuga n'ijambo rihumuriza abakene n'abakandamizwaga bose. [3UB199]

Kugera mu muryango runaka kwe kwahazanaga umwuka urushijeho kuba mwiza, kandi ubuzima bwe bwari nk'umusemburo ukorera hagati mu bagize umuryango mugari. Ntawe yagiriraga nabi kandi nta kizinga cyamurangwagaho, yagenderaga hagati y'abantu batagira icyo bitaho, ibihubutsi n'abatagira urugwiro. Yari hagati y'abakoresha b'ikoro b'abariganya, Abasamariya bakiranirwa, abasirikare b'abapagani, rubanda rutagira ikinyabupfura ndetse n'imbaga y'abantu b'uruvange. Aho yageraga hose yahavugiraga ijambo ryuje impuhwe ubwo yabonaga abantu bananiwe kandi basabwa kwikorera imitwaro iremereye. Yafatanyaga nabo kwikorera imitwaro yabo, maze akabasubiriramo ibyo yari yarigiye mu byaremwe byerekeye urukundo, ubugwaneza no kugira neza by'Imana. [3UB199]

Yashakaga kuzuza ibyiringiro ababaga bafite amatwara mabi kurusha abandi kandi batatangaga icyizere cyo guhinduka, akabizeza ko bashobora[3UB199] guhinduka ntibarangweho inenge ndetse ntibabe bagira uwo bagirira nabi, bityo bakagera ku mico ibagaragaza ko ari abana b'Imana. [3UB200]

**Igihe Yakoreraga Abatizera.** - Nubwo yari Umuyuda, Kristo yifatanyaga n'Abasamariya, akarenga ku migenzo ya Gifarisayo y'ishyanga yavukagamo. Imbere y'urwikekwe rwabo, Kristo yemeraga kwakirwa nk'umushyitsi muri abo bantu b'insuzugurwa. Yararaga mu mazu yabo, agasangirira nabo ku meza amwe, akarya ku byokurya byateguwe kandi byagabuwe n'amaboko yabo ndetse yigishirizaga mu nzira zabo, akabagirira neza n'urugwiro bihebuje. [3UB200]

Yesu yicaye ku meza y'abakoresha b'ikoro, yababereye umushyitsi w'icyubahiro, maze kubw'impuhwe n'urugwiro yabagiriraga akerekana ko azirikana agaciro k'ikiremwamuntu; kandi abantu bifuzaga cyane ko yabagirira icyizere akabana nabo. Amagambo ye yageraga ku mitima yabo yabaga ifite inyota yuzuye umugisha kandi afite imbaraga itanga ubugingo. Ímbaraga nshya zakangurwaga muri bo, kandi abo babaga ari ibicibwa mu muryango mugari w'abantu bagakingurirwa amahirwe yo kwakira ubugingo bushya. [3UB200]

**Igihamya Gikomeye Gishyigikira Ubutumwa Bwiza.** - Urukundo rwa Kristo rworoshya umutima kandi rugakura inkamba zose mu matwara y'umuntu. Nimutyo twigire kuri Kristo uko

twahuza kwera no kubonera byo ku rwego ruhanitse n'umucyo nk'uw'izuba wo mu miterere n'imyitwarire. Umukristo w'umugwaneza kandi ugira urugwiro aba igihamya gikomeye kurusha ibindi gishyigikira ubutumwa bwiza. [3UB200]

Imyitwarire ya bamwe bavuga ko ari Abakristo cyane ikunze kutarangwa n'ineza n'urugwiro ku buryo ibyiza byabo bivugwaho nabi. Kuvugisha ukuri kwabo gushobora kudashidikanywaho, kandi kudakebakeba kwabo nako ntigukemangwe. Ariko kuvugisha ukuri no kudakebakeba ntibizahongerera kuba umuntu atarangwa n'ubugwaneza n'urugwiro. Bene abo bantu bakeneye kumenya ko inama y'agakiza ari umugambi wuje imbabazi, wabereyeho kugira ngo woroshye ikintu cyose gikomeye kandi kidatunganye kiri muri kamere muntu. Bakeneye gukuza muri bo rwa rugwiro rwa Gikristo rudakunze kuboneka rutera abantu kugirira neza abandi bose no kubazirikana. Umukristo agomba kurangwa n'imbabazi kandi akaba umunyakuri, akaba umunyampuhwe n'umunyarugwiro, ndetse akagenda atunganye kandi yiringirwa. [3UB200]

Ab'isi biga kuba abanyarugwiro kugira ngo bihindure abantu bashimisha abandi uko bashoboye kose. Biga icyatuma amagambo bavuga n'imyitwarire byabo biba imbaraga ikomeye igira icyo ihindura mu bo bahura nabo. Bakoresha ubumenyi bwabo n'ubushobozi bwabo mu buhanga bwinshi uko bashoboye kose kugira ngo bagere kuri iyo ntego. "Abana b'iyi si ni abanyabwenge mu byo ku ngoma yabo kuruta abana b'umucyo" (Luka 16:8). [3UB200]

Uko muzajya munyura mu buzima, muzahura n'abantu ubuzima butoroheye na gato. Umuruho n'ubukene, kutagira ibyiringiro by'ibyiza mu gihe kizaza, bituma umutwaro wabo urushaho kubaremerera. Kandi iyo hiyongeyeho uburibwe n'uburwayi, umutwaro uraremera birenze ku buryo baba batakibasha kuwikorera. Ábantu baruhijwe kandi bakandamizwa ntibazi aho babonera ihumure. Igihe uhuye na bene abo bantu, shyira umutima wawe wose mu murimo wo kubafasha. Ntabwo ari umugambi w'Imana ko abana bayo baba ba nyamwigendaho ntibite ku bandi. Ibuka ko Kristo yapfiriye abo bantu nk'uko nawe yagupfiriye. Mu byo ubagirira, ba umunyampuhwe kandi ugire n'urugwiro. Ibi bizagukingurira inzira kugira ngo ubafashe, utume bakugirira icyizere, ubatere ibyiringiro n'ubutwari. [3UB201]

**Ubuntu bwa Kristo Buhindura Umuntu uko Yakabaye.** - Intumwa Petero aratwinginga ati: "Ahubwo nk'uko uwabahamagaye ari uwera, abe ari ko namwe muba abera mu ngeso zanyu zose. Kuko byanditswe ngo "Muzabe abera kuko ndi uwera." (1Petero 1:15,16). Ubuntu bwa Kristo buhindura umuntu wese uko yakabaye, uwari umunyamahane bukamutunganya, umunyarugomo agacisha make, uwikanyizaga akagira ubuntu. Ubwo buntu butegeka amarangamutima ye n'ijwi rye. Imikorere yabwo igaragarira mu kinyabupfura n'ineza umuvandimwe agirira mugenzi we, mu magambo y'ineza kandi akomeza ndetse n'ibikorwa bitarangwa no kwikanyiza. Marayika w'Imana aba mu rugo. Ubugingo buhumeka umwuka uhumura neza, ukazamuka ujya ku Mana ari umubavu uhumura neza. [3UB201]

Urukundo rugaragarizwa mu bugwaneza, ubwitonzi no kwihangana. Indoro nayo irahinduka. Amahoro yo mu ijuru arigaragaza. Hagaragara ubugwaneza bwabaye akamenyero, burenze urukundo rwa kimuntu. Ubumuntu buhabwa kuri kamere y'Imana. Kristo yubahishwa no kubonera kw'imico. Iyo izo mpinduka zitunganijwe, abamarayika bahanika indirimbo, maze Imana na Kristo bakishimira abantu batunganyijwe ngo base n'Imana. [3UB201]

**Imivugire Inejeje n'Imvugo Itunganye**. Dukwiriye kwimenyereza kuvuga dukoresheje ijwi rinejeje; tugakoresha imvugo izira amakemwa kandi itunganye, n'amagambo y'ineza n'urugwiro. Amagambo yuje ineza ameze nk'ikime n'ibitonyanga bituje bigwa mu bugingo. Ibyanditswe bivuga kuri Kristo ko ubuntu bwashyirwaga mu kanwa ke kugira ngo "amenye gukomeresha

urushye amagambo." (Yesaya 50:4). Kandi Uwiteka aradutegeka ati: "Ijambo ryanyu rifatanye iteka n'ubuntu bw'Imana risize umunyu, kugira ngo mumenye uko mukwiriye gusubiza umuntu wese." Abakolosayi 4:6. [3UB201]

Abantu bamwe muzahura bazaba batagira ikinyabupfura ndetse nta n'urugwiro, ariko kubera ibyo, wowe ntukabure kugira urugwiro. Umuntu ushaka gusigasira kwiyubaha kwe agomba kwigengesera kugira ngo adakomeretsa kwiyubaha kw'abandi bitari ngombwa. Iri tegeko rikwiriy [3UB201] kubahirizwa bikomeye imbere y'umuntu w'intumva bikomeye kandi w'igihubutsi. [3UB202]

Ntabwo uzi icyo Imana igamije kuzakorera abo bantu bagaragara ko nta cyizere batanga. Mu gihe cyashize Imana yagiye yemera abantu bagaragaraga ko nta cyizere batanga cyangwa se badateye ubwuzu bwo kuba bayikorera umurimo ukomeye. Umwuka w'Imana, ugenderera umutima, yagiye akangura ubushobozi bwose bw'umuntu ngo bukorane imbaraga. Uwiteka yabonaga ko muri ayo mabuye ahanda kandi adaconzwe harimo igikoresho cy'agaciro kizabasha kwihanganira ikigeragezo cy'umugaru n'ubushyuhe bwinshi no gutsikamirwa. Imana ntireba nk'uko umuntu areba. Ńtica urubanza ishingiye ku bigaragara inyuma gusa, ahubwo igenzura umutima, kandi igaca urubanza rutabera. [3UB202]

Nimutyo tube abantu batirebaho, tujye duhora turi maso kugira ngo dukomeze abandi, tuborohereze imitwaro kubw'ibikorwa by'ubugwaneza n'ibiva ku rukundo rutikanyiza tubakorera. Iyo mico yo kuzirikanana iyo itangiriye mu rugo maze ikagera ku bari hirya y'urugo rwanyu, igera kure ikazabyara uruhurirane rw'umunezero mu buzima, kandi kwirengagiza iyo mico bigira uruhare runini mu kumererwa nabi mu buzima. - Manuscript 69, 1902. (Published in Review and Herald, Aug. 20, 1959.) [3UB202]

# IGICE CYA 28

# IMYAMBARO N'IMIRIMBO

## IMIGISHA IKOMOKA KU KWAMBARA IMYAMBARO IKWIRIYE

**Imyambaro Ikwiriye, Idasamaje kandi Iboneye.** Haba mu myambarire cyangwa mu bindi bintu byose, dufite inshingano yo guha Umuremyi wacu icyubahiro. Ntashaka ko imyambaro yacu iba iboneye kandi ituma tugira amagara mazima gusa, ahubwo anashaka ko iba idukwiriye, idozwe neza kandi atari urukozasoni. Uburezi, p.259. [3UB203]

Tugomba guharanira kugaragara neza. Mu mirimo yo mu buturo bwera, Imana yatanze amabwiriza kuri buri kintu cyose cyerekeye imyambaro y'abakoreraga imbere yayo. Bityo rero, twigishwako Imana ifite urugero rukwiriye kureberwaho mu bijyanye n'imyambaro abayikorera bagomba kwambara. Hari amabwiriza asobanutse neza yatanzwe ku bijyanye n'amakanzu ya Aroni, kubera ko imyambaro ye yari ifite icyo ishushanya. Ni nako imyambaro y'abayoboke ba Kristo ikwiriye kuba ifite icyo ishushanya. Mu bintu byose tugomba kuba abantu bahagarariye Kristo. Uko tugaragara ku ruhande urwo ari rwo rwose bikwiriye kurangwa n'isuku, kwicisha bugufi no gutungana. Testimonies, Vol.6, p. 96. [Ibihamya by Torero]. [3UB203]

Binyuze mu byaremwe [indabo z'amoko atandukanye] Kristo agaragaza ubwiza ijuru riha agaciro ubwo ari bwo, akagaragaza umuco wo kudakabya, kwiyoroshya, ubutungane no kwitwara mu buryo bukwiriye bigomba gutuma imyambarire yacu ishimisha Imana. -The Ministry of Healing, p.289. [3UB203]

Muri rusange, imyambaro n'uburyo yambawe bigomba kuba ikirango cyerekana niba uyambaye ari umugabo cyangwa umugore. - The Review and Herald, Jan. 30, 1900. [3UB203]

Tumenya imico y'umuntu dushingiye ku mideli y'imyambaro yambara. Umugore wiyubaha kandi wubaha Imana azarangwa no kwambara [3UB203] imyenda idasamaje. Gukunda ibitunganye no kugira intekerezo zubakitse neza bizagaragarı́ra mu guhitamo kwambara imyambaro yoroheje kandi ikwiriye... Umugore [cyangwa umukobwa] wiyoroshya kandi utagambiriye ikibi mu myambarire no mu myitwarire ye aba agaragaza ko asobanukiwe ko umugore nyamugore arangwa no kugira agaciro mu micombonera. Mbega uburyo kwiyoroshya mu myambarire ari ibintu binezeza cyane kandi bishimishije, bishobora kugereranywa n'uburabyo bwo mu busitani mu bijyane n'ibintu bigaragara neza! -The Review and Herald, Nov. 17, 1904. [3UB204]

## AMAHAME MAZIMA NGENDERWAHO

Ab'isi nibadukana umuderi w'imyambaro urangwa no kwiyoroshya, ukwiriye kandi utabangamiye kugira amagara mazima, ndetse utanyuranyije na Bibiliya, ntabwo kwemera uwo muderi w'umwambaro bizahindura umubano dufitanye n'Imana cyangwa n'isi. Abakristo bakwiriye gukurikira Kristo kandi imyambaro yabo ikaba ihamanya n'Iljambo ry'Imana. Bagomba kwirinda gukabya. Bakwiriye gukurikira inzira igororotse badakebakeba, batitaye ko bashobora gushimwa cyangwa kunengwa, kandi bakwiriye gushikama ku cyiza bitewe n'ibyo gikora. -Testimonies Vol.1, pp.458, 459'[3UB204]

Ndasaba abantu bacu kugendana ubwitonzi n'ubushishozi imbere y'Imana. Mujye mukurikiza imigenzereze mu myambarire igihe ikurikiza amahame agenga ubuzima. Nimutyo bashiki bacu bajye bambara bikwije, nk'uko abenshi muri bo babigenza, bambare imyambaro idozwe mu gitambaro cyiza, kiramba kandi gikwiranye n'iki gihe, kandi ikibazo cy'imyambaro ntikikabe ari cyo cyuzura mu ntekerezo zabo. Bashiki bacu bakwiriye kwambara mu buryo burangwa no kwiyoroshya. Bakwiriye kwambara imyambaro idasamaje, irangwa no kugira isoni no gushishoza badakebakeba. Nimuhe ab'isi icyitegererezo kizima cy'umurimbo w'imbere w'ubuntu bw'Imana buri muri mwe. -Manuscript 167,1897 (Byasohotse mu gitabo kivuga ibyo kurera umwana [Child Guidence, p. 414]). [3UB204]

## UMUDENDEZO N'UBUTWARI BYO GUKORA IBIKWIYE

Abakristo ntibakwiriye kurushywa no kwigira ibishungero bitewe no kwambara mu buryo butandukanye n'ubw'abandi. Ariko nanone iyo mu gukurikiza ibyo bemera nk'inshingano yabo mu bijyanye no kwambara mu buryo budasamaje kandi bubatera kugira amagara mazima bisanze batacyambara ibijyanye n'igihe barimo, ntabwo bakwiriye guhindura imyambarire yabo kugira ngo bakunde base n'ab'isi. Ahubwo niba abatuye isi bose batandukanye nabo, bakwiriye kugaragaza umudendezo ukomeye bafite ndetse n'ubutwari mu mico mbonera. - Testimonies, Vol.1, p.458. [3UB204]

## GUTUNGANYA UBUSHOBOZI BWO KUGIRA ICYO UKUNDA

Ntabwo ukuri gutuma abagabo cyangwa abagore baba abantu badatunganye, cyangwa batagira urugwiro. Ahubwo gufata abantu uko bari mu byaha byabo no mu buzima busuzuguritse, kukabatandukanya [3UB204] n'ab'isi ndetse kugatunganya ubushobozi bwabo bwo kugira ibyo bakunda, nubwo baba basanzwe ari abakene kandi batarize. Kubwo kuyoborwa na Kristo, umurimo wo kubatunganya urakomeza, bakereshwa ukuri. Iyo bahuye n'igishuko cyo kugaragaza n'agace kamwe k'imbaraga ihindura ishobora kujyana abantu kure ya Kristo bakayoboka inzira y'ab'isi, mu bwibone cyangwa imideri igezweho, cyangwa mu kwiyerekana, bavuga amagambo yo kwihagararaho atsinda imbaraga y'umwanzi. Baravuga bati: "Ntabwo ndi uwanjye, naguzwe igiciro. Ndi umwana w'Imana." - Letter 26, 1900. [3UB205]

## KWIYOROSHYA MU MYAMBARIRE

Ubwo nabonaga benshi mu Badiventisite bakomeza Isabato bagenda bisanisha n'ab'isi mu mitekerereze, mu biganiro, no mu myambarire, umutima wanjye wagize agahinda kenshi. Abantu bavuga ko bizera ko bafite ubutumwa buheruka bw'imbabazi bagomba kugeza ku batuye isi nabo bakururwa n'imideri y'isi, kandi bakoresha imbaraga nyinshi mu kuyigana ku rwego rw'uko batekereza ko kwizera kwabo kubemerera gutera iyo ntambwe! Imyambarire y'ab'isi iragaragara cyane mu bantu bacu ku buryo akenshi n'abatizera bavuga bati, "Mu myambarire yabo ntushobora kubatandukanya n'ab'isi." Tuzi ko ibi ari ukuri, nubwo hari benshi batagenza batyo. [3UB205]

Abakurikiza urugero rw'ab'isi ntabwo ari bake. Tubabazwa no kubona uko hari impinduka bari guteza, bagatera abandi gukurikiza urugero rwabo. Iyo mbonye abitirirwa izina rya Kristo bigana imideri y'ab'isi, ntekereza ibintu bikambabaza cyane. Kuba badasa na Kristo bigaragarira abantu bose. Mu murimbo ugaragara inyuma habamo guhishurira ab'isi ndetse n'Abakristo ko umuntu nta

murimbo w'imbere mu mutima afite, ari wo murimbo w'ubugwaneza n'ubwitonzi kandi ari by'igiciro cyinshi mu maso y'Imana.... [3UB205]

**Kugaragaza Uko Umutima Uteye.** Turaburira bashiki bacu b'Abakristo turwanya uburyo bashaka kwambara bakurikije imideri y'isi, bityo bagatera abantu kubarangarira. Inzu y'Imana ihumanywa n'imyambarire y'abagore n'abakobwa muri iki gihe bavuga ko ari Abakristo. Umwambaro w'akataraboneka, kwambara imikufi ya zahabu n'amaherena, ni ikintu kigaragaza intege nke mu ntekerezo n'ubwibone bwo mu mutima. [3UB205]

Kubwo gushaka kujyana n'ibigezweho, abenshi mu rubyiruko rwacu bakoresha umutungo imibereho bafite idashobora gusobanura. Abana bakomoka ku babyeyi bakennye bashaka kwambara nk'abana bavuka ku babyeyi bakize. Ababyeyi bakoresha cyane umutungo wabo, igihe n'imbaraga Imana yabahaye mu kudodesha imyenda cyangwa gusubirishamo imideri y'imyambaro kugira ngo bahaze ubwibone bw'abana babo. Iyaba bashiki bacu bafite umutungo mwinshi bashyiraga ku murongo ibyo batangaho umutungo, ntibawukoreshe bashingiye ku bukungu bafite [3UB205] ahubwo bagashingira ku nshingano bafite ku Mana, nk'ibisonga by'ubwenge by'umutungo baragijwe, urugero rwabo rwakora byinshi mu guhagarika iki kibi kiri muri twe. [3UB206]

**Amayere ya Satani**. - Satani niwe ubyihishe inyuma, ahimba imideri iganisha mu gutagaguza umutungo. Mu gukora imideri yo muri iki gihe, Satani aba afite umugambi azi neza yihaye. Azi ko igihe n'amafaranga bikoreshwa kugira ngo abantu buzuze ibyo imideri igezweho isaba bitazakoreshwa kubw'imigambi ihanitse kandi yera. Igihe cy'agaciro kenshi gitakazwa mu gushaka kujyana n'imideri igezweho ihora ihindagurika kandi itigera inyura abantu. Iyo umuderi umwe ukimara kwaduka, indi mishya ihita ihimbwa, maze kugira ngo abantu badasigara inyuma, ya myambaro ikaba igomba gusubirwaho. Uko ni ko abavuga ko ari Abakristo, bafite imitima yitanze igice bapfusa ubusa igihe cyabo, maze hafi y'imbaraga zabo zose bakazegurira gukorera isi. [3UB206]

Bashiki bacu bahitamo ku bushake bwabo kwikorera uwo mutwaro utari ngombwa. Kimwe cya kabiri cy'imitwaro yabo gituruka mu kugerageza gukurikira ibigezweho; nyamara uwo mutwaro bawemerana ibyishimo bitewe n'uko imideri igezweho ari ikigirwamana baramya. Mu by'ukuri babohewe mu minyururu y'ububata nk'inkoreragahato; nyamara bakavuga ko bafite umudendezo! Ntabwo bazi amahame y'ibanze y'umudendezo. Ntabwo bitekerereza cyangwa ngo bakunde ku bwabo ndetse ntibanafite gushyira mu gaciro kabo bwite. [3UB206]

Satani agera ku ntego ze mu buryo butangaje atwara intekerezo z'abantu zigahora zihugiye mu mideri igezweho y'imyambaro ihora ihindagurika. Azi neza ko igihe intekerezo z'abagore [n'abakobwa] zihora zuzuye ibyifuzo bigurumana byo kujyana n'ibigezweho, bacika intege mu micombonera maze ntibabe bagishobora gukangurirwa kumenya uko mu by'ukuri bahagaze mu by'umwuka. Baba bahindutse ab'isi, badafite Imana ndetse nta n'ibyiringiro. [3UB206]

**Imyenda Myiza, Ikwiye Uyambaye kandi Iramba.** - Ntabwo tubuzanya ubwiza no kubonera mu myambarire. Gukunda ibintu bitunganye mu bijyana n'imyambarire ntibikwiriye gusuzugurwa cyangwa gucirwaho iteka. Nubwo imideri, imirimbo n'imitako bishyirwa mu myambaro bitari ngombwa bikwiriye kurekwa, turashishikariza bashiki bacu kugura imyenda myiza kandi iramba. Nta kintu umuntu yunguka mu kugerageza kuzigama amafaranga binyuze mu kugura imyambaro yo mu mwenda utaramba. Nimutyo imyambaro ibe ikwiye nyirayo kandi iboneye, ariko itarangwa no gukabya kwiyerekana. [3UB206]

Abakobwa bacika ububata bwo gutwarwa n'imideri igezweho mu myambarire bazabera umuryango mugari imitako myiza. Umuntu wiyoroshywa mu myambarire no mu myifatire yerekana ko umukobwa nyakuri arangwa n'agaciro mu micombonera. Manusript 106,1901.

[3UB206] (Byanditswe no mu kinyamakuru cy'Urwibutso n'Integuza "The Review and Herald", March 20, 1958) [3UB207]

Kwizinukwa mu myambarire ni umugabane umwe w'inshingano dufite nk'Abakristo. Kwambara wikwije, kwirinda kwambara ibikomo n'imitako y'amoko yose bihuje rwose no gukurikiza imyizerere yacu. Mbese twaba turi mu mubare w'ababona ubupfapfa bw'ab'isi bugaragarira mu kwirundurira mu gushayisha mu myambarire no gukunda ibinezeza? Niba ari ko biri, dukwiriye kuba muri rya tsinda ry'abantu bazibukira ikintu cyose gishyigikira uwo mwuka mubi wigarurira intekerezo n'imitima by'abantu babaho bitaye ku buzima bw'iyi si gusa kandi batigera batekereza cyangwa ngo bite ku buzima buzaza. -Testimonies, Vol.3, p. 366. [3UB207]

## TURAGANA HE?

Umukobwa umwe wamaze ibyumweru runaka mu bigo byacu ahitwa Battle Creek (Batolo Kiriki) yavuze ko yababajwe cyane n'ibyo yahabonye ndetse n'ibyo yahumvise. Yari yaratekereje ko azahasanga abantu bateye imbere cyane mu kumenya ukuri no mu mibereho y'iby'umwuka kurusha abantu bo mu matorero yari ahanzwe vuba. Yari yiringiye ko azahungukira inyigisho nyinshi yari kuzashyira bagenzi be mu byo kwizera babaga muri Leta ya kure y'aho. Ariko yatunguwe kandi ababazwa no kudaha ibintu agaciro, umwuka w'ab'isi ndetse no kutiyegurira Imana rwose yabonye impande zose. [3UB207]

Mbere y'uko uyu mukobwa yemera ukuri, yari yaragiye yikurikirira imideri igezweho y'ab'isi mu myambarire, kandi yajyaga yambara ibikomo n'indi mitako bihenze cyane. Ariko ubwo yari amaze gufata icyemezo cyo kumvira ijambo ry'Imana, yumvise ko inyigisho zaryo zamusabaga kureka kwambara iyo mitako n'imirimbo by'ikirenga. Yari yarigishijwe ko Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi batambaraga amaherena, ibikomo, imikufi, izahabu, ifeza cyangwa andi mabuye y'agaciro, kandi ko mu myambarire yabo badakurikiza imideri igezweho y'ab'isi. [3UB207]

Igihe yabonaga bene uko gutandukira ukwiyoroshya Bibiliya yigisha mu bavuga ko bizera, yarumiwe. Mbese ntibari bafite Bibiliya imeze nk'iyo yari amaze igihe yiga kandi akaba yaragiye aharanira kubaho nk'uko yigisha? Mbese ibyari byaramubayeho byari ubwaka? Mbese yari yarasobanuye nabi amagambo yavuzwe n'intumwa Pawulo ngo "ntimuzi yuko ubucuti bw'iby'isi butera kwangwa n'Imana? Nuko rero umuntu wese ushaka kuba incuti y'iby'isi, aba yihinduye umwanzi w'Imana?" (Yakobo 4:4). [3UB207]

Umunsi umwe Madame D., wakoraga mu kigo cyacu yari yasuye Mushiki wacu ……mu cyumba cye, maze uwari wasuwe akura imikufi ya zahabu mu gikapu cye, bityo avuga ko ashaka kwikuraho iyo mirimbo maze amafaranga avuyemo akayashyira mu bubiko bw'Uwiteka. Uwo mugore mugenzi we yaravuze ati: "Kuki ushaka kuyigurisha? Njye, ari ibyanjye, nabyambara." Undi yaramusubije ati ngo: "Kuki? Igihe nakiraga [3UB207] ukuri, nigishijwe ko ibi bintu byose bigomba kuzibukirwa. Mu by'ukuri binyuranyije n'inyigisho z'ljambo ry'Imana." Uwo mukobwa yamusubiriyemo amagambo yavuzwe n'intumwa Pawulo na Petero ati: "Kandi n'abagore ni uko ndashaka ko bambara imyambaro ikwiriye, bakagira isoni birinda, kandi batirimbisha kuboha umusatsi, cyangwa izahabu cyangwa imaragarita, cyangwa imyenda y'igiciro cyinshi, ahubwo birimbishishe imirimo y'ingeso nziza nk'uko bikwiriye abagore bavuga yuko bubaha Imana."

"Umurimbo wanyu we kuba uw'inyuma, uwo kuboha umusatsi cyangwa uwo kwambara izahabu cyangwa uwo gukānisha imyenda, ahubwo ube w'imbere uhishwe mu mutima, umurimbo utangirika w'umwuka ufite ubugwaneza n'amahoro ari wo w'igiciro cyinshi mu maso y'Imana." (1Timoteyo 2:9,10; 1 Petero 3:3,4). [3UB208]

Mu kumusubiza, uwo mukobwa yamweretse impeta ya zahabu yari yambaye ku rutoki rwe yari yarahawe n'umuntu utizera, maze avuga ko yatekerezaga ko kwambara iyo mitako ntacyo bitwaye. Yaravuze ati: "Ntabwo turi abantu b'umwihariko cyane nk'uko byari bisanzwe. Abantu bacu bagiye bakabya ku bijyanye n'ibitekerezo byabo ku ngingo y'imyambarire. Abakobwa bakora muri iki kigo bambara amasaha ya zahabu n'imikufi ya zahabu, kandi bambara nk'abandi bantu. Ntabwo ari byiza ko tuba abantu bihariye tukitandukanya n'abandi mu myambarire kuko tutabona uko duhindura abandi cyane."" [3UB208]

**Kwisanisha na Kristo cyangwa n'Isi.** -Turabaza tuti: "Mbese ibi bihuje n'inyigisho za Kristo? Mbese tugomba gukurikiza ijambo ry'Imana cyangwa ni imigenzo y'ab'isi? Mushiki wacu yafashe icyemezo ko kwemera gukurikiza urugero ngenderwaho rwa Bibiliya ari byo bitekanye kurushaho. Mbese muri wa munsi ubwo buri wese azagororerwa ibihwanye n'ibyo yakoze aho madame D. n'abandi bakora nkawe bazashimishwa no kubona umusaruro w'impinduka bateje? [3UB208]

Ijambo ry'Imana rirasobanutse neza. Inyigisho zaryo ntizishobora gufatwa uko zitari. Mbese tuzaryumvira nk'uko twarihawe cyangwa tuzashaka uko twabona uburyo dushobora kuriteshukaho nyamara kandi tukaba dukijijwe? Mbese abantu bose bafite aho bahuriye n'ibigo byacu bashobora kwakira no gukurikiza umucyo ijuru ryatanze, bityo bikabashoboza kugeza uwo mucyo ku bakigendera mu mwijima? [3UB208]

Kwisanisha n'ab'isi ni icyaha kigwabiza ibya mwuka mu bantu bacu, kandi kikabangamira mu buryo bukomeye kuba ingirakamaro kwabo. Kwaba ari ukurushwa n'ubusa kubwira abatuye isi ubutumwa bw'imbuzi nyamara tubuhakanira mu migirire yacu mu buzima bwa buri munsi. - The Review and Herald, March, 28, 1882. [3UB208]

## "INARINJYE, INARINJYE, INARINJYE IGOMBA KUGABURIRWA"

Abafite ibikomo, kandi bakambara izahabu n'imitako, ibyiza ni uko bakuramo ibyo bigirwamana bakabigurisha kabone n'ubwo babigurisha [3UB208] amafaranga make ugereranyije n'ayo babitanzeho, bityo kaba bakoze igikorwa cyo kwiyanga. Igihe ni kigufi cyane ku bury tudakwiriye kugitakaza turimbisha umubiri izahabu cyangwa ifeza, cyanga imyambaro ihenze cyane. Nzi ko hari umurimo mwiza ushobora gukora mu bijyane n'ibi. Yesu, Umugaba w'ingabo zo mu bikari byo mu iju yiyambuye ikamba rye rya cyami n'ikanzu ye, aramanuka ava ku ntebye ya cyami, maze ubumana bwe abwambika ubumuntu, ahinduka umuine ku bwacu kugira ngo binyuze mu bukene bwe tubashe guhabwa ubutun buzahoraho iteka. Nyamara abo Kristo yakoreye icyashoboraga gukora cyose ngo akize abarimbuka kurimbuka kw'iteka ryose bumva bafite ushake buke cyane bwo kwiyima ikintu icyo ari cyose bafitiye ubushobozowo kugura. [3UB209]

Umwami wacu agiye kugaruka vuba kandi araza azan ingororano kugira ngo agororere umuntu wese ibikwiriye ibyo yako. Ngerageza kubwira abantu ko dukoresha amafaranga y'Uwiteka kugirago turangize umurimo w'ingenzi cyane ushobora gukorwa. Binyuze mu kizinukwa no kwitanga, buri wese kú giti cye agakora uruhare rwe ruto, bas bora gukora byinshi bisumbyeho, bityo ayo masoko mato mato azaremangezi itemba yerekeza mu ijuru. [3UB209]

Ni ukuri, bikomereye abantu bose kuba babigiramo urukre. Inarinjye, inarinjye, inarinjye igomba kugaburirwa kandi igakuzwa, no rero mbega uburyo bikomereye abantu bose guhinduka abakozi bakona n'Imana! Yooo, iyaba umwuka wo kwitanga wageraga ku itorero ryose, ityo umuntu wese, yaba uri hafi n'uri kure, akamenya agaciro k'amairanga, bityo akayakoresha bigishoboka, maze akavuga ati: "Ibyawe niby tuguhayeho" (1Ngoma 29:14). Letter 110, 1896. [3UB209]

Nta gihe dufite cyo gutakaza dutekereza kubyo tuzarya, kuyo tuzanywa cyangwa kubyo tuzambara. Mureke tubeho twiyoroheje, jandi dukore twicishije bugufi. Mureke tujye twambara imyambaro idaamaje kandi ikwiye ku buryo bizatuma twakirwa aho tugiye hose. Kwamba imaragarita n'indi mirimbo ndetse n'imyambaro ihenze ntibizaduha i baraga itera abandi guhinduka, ahubwo ikizabibatera ni umurimbo w'u gwaneza no kwicisha bugufi (uva ku kwiyegurira gukorera Imana), niwo uzaduha imbaraga zo gukorana n'Imana. Ubugwaneza no kuzirikana sadukikije ni byo mico y'agaciro kenshi mu maso y'ijuru. Niba mutarigte mwita ku buryo mwakwakira iyo mico, nimubikore ubu kuko nta gihe yo gupfusha ubusa mufite. - Manuscript 83, 1909. [3UB209]

## IMYAMBARO ABAGABURA B'ABADIVENTISITE BAMBARA

"Yuko abanyamahanga ari abaraganwa natwe kandi baba ingingo z'umubiri umwe natwe, abaheshejwe n'ubutumwa bwiza kuzaabana natwe muri Kristo Yesu ibyasezeranijwe. Nanjye nahindutse umub iriza wabwo nk'uko impano y'ubuntu bw'Imana iri, iyo naheshejwe n'imbaraga zayo zinkoreramo" Abefeso 3:6,7. [3UB209]

"Nagizwe umugabura," atari ukugira ngo mbwire abantu ukuri gusa, ahubwo no kugira ngo ngushyire mu bikorwa mu buzima bwanjye... Nyamara si n'ibi byonyine gusa. Hari ibindi bintu bigomba kwitabwaho abantu bamwe bagiye birengagiza ariko bikaba ari ingirakamaro ubirebeye mu mucyo nabyerekewemo.... [3UB210]

Kwitwararika mu myambarire ni ikintu cy'ingezi. Kuri iyi ngingo hagiye habamo icyuho ku bagabura bizera ukuri kugenewe iki gihe. Imyambaro ya bamwe muri bo ntiyabaga itunganye. Ntabwo imyambaro yabo itarangwaga gusa n'uko atari myiza kandi nta gahunda irangwa mu buryo bayambaramo, ndetse no kuba yari ifite ibara rikwiriye kandi ribereye umugabura wa Kristo, ahubwo imyambaro ya bamwe muri bo yagiye igaragara ko isuzuguritse haba ku gucya kwayo n'isuku. Abagabura bamwe bambara ikote ry'ibara rigaragara cyane mu gihe ipantalo yo iba yijimye, cyangwa se ikote rikaba ryijimye naho amapantalo yo afite ibara rigaragara cyane bityo igihe bageze imbere y'abantu ugasanga bambaye ibihabane bidahwitse. Ibyo bintu ubwabyo biba bibwiriza abantu. Umugabura atanga urugero rwa gahunda, bityo ashyira imbere y'abantu ibikwiriye bijyana no kubonera n'ubwiza mu myambarire yabo, cyangwa se akabigisha kutiyitaho no kudakunda ibyiza ba bantu bashobora kugwa mu kaga ko gukurikiza. [3UB210]

**Imyambaro Ikwiriye Kujyanwa ku Ruhimbi. -** Imyambaro y'umukara cyangwa y'ibara ryijimye niyo ahanini ikwiriye umubwiriza uri ku ruhimbi kandi bene iyo myambaro ni yo izasiga isura nziza mu bantu kurusha iyasigwa no kujyanisha uruhurirane rw'amabara abiri cyangwa atatu atandukanye mu myambaro ye. [3UB210]

Nongeye kwerekwa abana ba Isirayeli ba kera, bityo mbona ko Imana yari yaratanze amabwiriza yihariye ku bijyana n'imyenda n'imideri y'imyambaro yagombaga kwambarwa n'abakoreraga imbere yayo (ari bo batambyi). Imana yo mu ijuru, ifite amaboko anyeganyeza isi, idusigasiye kandi ikaduha ubugingo n'ubuzima, yaduhaye igihamya cy'uko ishobora kubahwa cyangwa igasuzugurwa bitewe n'imyambarire y'abakorera imbere yayo. Yahaye Mose amabwiriza yihariye

ku bijyanye n'ikintu cyose gifitanye isano n'umurimo wayo. Yatanze amabwiriza no ku bijyanye n'uko Abisirayeli bagombaga kubaka amazu yabo, kandi inavuga mu buryo bweruye iby imyambaro abagombaga gukora umurimo wayo bagombaga kwambara. Bagombaga kugira gahunda mu kintu cyose... [3UB210]

**Isura Nziza Ikwiriye Kugaragazwa.** - Nta kintu na kimwe gisuzuguritse kandi kidatunganye cyagombaga kugaragara ku bantu bazaga imbere y'Imana bakaboneka imbere y'ukwera kwayo. Mbese kuki byari bimeze bityo? Impamvu y'uko kwigengesera kose yari iyihe? Mbese kwari ukugira ngo abantu bagaragare imbere y'Imana gusa? Mbese kwari ukugira ngo abo bantu bemerwe imbere y'Imana gusa? [3UB210] Impamvu nahawe ni iyi ngo: "Kwari ukugira ngo isura nziza isigare mu bantu." Iyo abantu bakoraga inshingano zera batagaragazaga kwigengesera no kubaha Imana, haba mu myambarire yabo n'imyitwarire yabo, rubanda rwashoboraga gutakaza ikuzo n'icyubahiro bahaga Ímana n'umurimo wayo wera. [3UB211]

Igihe abatambyi bagaragazaga kubaha Imana gukomeye binyuze mu kwigengesera cyane no kwitwararika ubwo bazaga imbere y'Imana, byatumaga abantu bagira igitekerezo gihanitse cyerekeye Imana n'ibyo ibasaba. Byaberekaga ko Imana yera, kandi ko umurimo wayo wera, ndetse ko ikintu cyose gifitanye isano n'umurimo wayo kigomba kuba cyera; ko kitagomba kurangwamo ikintu cyose gihumanye n'umwanda; ndetse ko kwiyanduza kose kugomba gukurwa ku begera Imana. [3UB211]

**Imyambaro y'Umugabura n'Ukuri**. -Nshingiye ku mucyo nahawe, hagiye habaho gukerensa ku bijyanye n'iyi ngingo. Nshaka kuyivugaho nk'uko Pawulo ayigaragaza. Bikorwa mu kuramya ubushake bwa muntu no kutita ku mubiri. Ariko uku kwicisha bugufi ku bushake, uku kuramya ubushake bw'umuntu no kutita ku mubiri, ntabwo ari ko kwicisha bugufi kunezeza ijuru. Uko kwicisha bugufi kuzaba umwihariko kugira ngo gutume igihagararo, ibikorwa n'imyambaro by'abantu bose babwiriza ukuri kwera kw'Imana biba bitunganye kandi bikwiriye rwose, bityo ikintu cyose kitwerekeyeho kizajye kigaragaza imyizerere yacu yera. Imyambaro ubwayo izahamiriza ukuri abatizera. Imyambarire ubwayo izaba ikibwirizwa... [3UB211]

Umubwiriza wambara imyambaro isuzuguritse akenshi akomeretsa abakunda ibyiza kandi bitunganye. Abantu bakora ikosa kuri iyi ngingo bakwiriye gukosora ikosa ryabo kandi bakarushaho kwigengesera. Amaherezo kuzimira kw'abantu bamwe kuzaba gufitanye isano no kwambara nabi k'umugabura. Uko yagaragaraga ukimubona byagize ingaruka mbi ku bantu kubera ko nta buryo na bumwe bashoboraga guhuza uko agaragara n'ubutumwa yigishaga. Imyambaro ye yaramuvuguruzaga; kandi isura yatanze yabaye iy'uko abantu yari ahagarariye ryari itsinda ritagira icyo ryitaho, rititaga ku myambarire yabo, bityo abari bamuteze amatwi ntibashatse kwiyegereza na gato itsinda ry'abantu nk'abo... [3UB211]

**Urwego Umurimow'Umugabura Ugezeho Rureberwaku Myambarire Ye**. Abantu bamwe bakora mu nshingano zera biyambika mu buryo, nibura ku rwego runaka, iyo myambarire yabo isenya impinduka umurimo wabo wari kuzana. Hariho kutagaragaza ibyiza bishimishije kuboneka haba mu bijyana n'amabara no kwambara ibiboneye kandi bikwiye. Mbese ni iyihe sura bene iyo myambarire itanga? Ni iy'uko umurimo abo bantu bakora ufatwa nk'aho utakiri uwera cyangwa ngo ube ufite isumbwe kurusha umurimo usanzwe, nko guhinga mu murima. Kubw'urugero atanga, umugabura [w'ljambo ry'Imana] amanura ibintu byera akabishyira ku rwego rw'ibisanzwe. Isura bene abo babwiriza batanga ntinezeza Imana. Testimonies, Vol.2, pp. 609-614. [3UB211]

## KU BIJYANA NO KUGIRA IKIBAZO CY'IMYAMBARIRE IGIPIMO

Ibaruwa yawe narayakiriye kandi narayisomye... Ingingo ungezaho nyitangeho inama [icyifuzo cyo kugaruka ku ivugurura mu myambarire yashyigikiwe kandi yambarwaga mu myaka ya 1860], ni ingingo ikeneye kwiganwa ubushishozi. Bashiki bacu bahungabanye mu bitekerezo ku bijyana n'ingingo yo gusubukura ivugurura mu myambarire, bari bakwiriye kwigengesera kandi basenga mu ntambwe yose batera. Ubu dufite ibipimo bifite agaciro gakomeye kandi by'ingenzi twahawe bivuye mu ljambo ry'Imana bigenewe iki gihe cyacu kidasanzwe. Iki gipimo ni icy'isi yose. Ntabwo Uwiteka ashaka ko hagira ibipimo ibyo ari byo byose byahimbwe n'abantu byazanwa kugira ngo biteshure intekerezo cyangwa biteze amakimbirane mu kintu icyo ari cyose. [3UB212]

Bishoboka ko abantu bamwe bafite inyota yo kubona itandukaniro mu buryo runaka. Niba bashaka guhangana n'ibikoresho bya Satani, mureke mbere ya byose barebe ko bafite intwaro zose z'Imana. Niba batazifite, bazatsindwa, kandi bikururire ibigeragezo no kubura ibyo biteze nyamara batiteguye guhangana nabyo. Mureke abantu bose bashake Uwiteka bashyizeho umwete, bashake kugirana nawe umubano wimbitse kandi ukungahaye ugomba kugaragarira mu kuba umutima witeguye gukurikira Kristo aho azatuyobora hose. [3UB212]

Kristo aravuga ati: "Umuntu nashaka kunkurikira, yiyange, yikorere umusaraba we ankurikire" (Matayo 16:24). Aya magambo agomba kugenzurwa neza. Umuntu ushaka gukurikira Kristo, agahitamo kugera ikirenge mu cye, muri iyo nzira azasangamo kwiyanga no kwikorera umusaraba. Abantu bose bakurikira Kristo bazasobanukirwa icyo ibyo bisaba. [3UB212]

**Imyambaro Ntikwiriye Kugirwa Ikibazo cy'Igipimo.** - Ubu ibipimo by'Imana bigomba kugaragazwa mu buryo bweruye kandi butakwibeshywaho. Imbere yacu hari imigaru izisukiranya, hari amakimbirane atekerezwaho n'abantu bake cyane. Ubu si ngombwa ko duhinduranya imyambaro yacu mu buryo budasanzwe. Imyambaro y'imideli yoroheje kandi ikwije abantu yambarwa muri iki gihe, kandi ikozwe mu buryo uyambara agira amagara mazima, ntisaba ibikomo n'indi mirimbo kandi iyo myambaro igaragara neza ahantu aho ariho hose. Bityo rero, ibi bintu ntibikwiriye kwinjizwa [muri twe] ngo biteshure intekerezo zacu ku gipimo kiruta ibindi gitanga umwanzuro ku iherezo ry'iteka ryose ry'abatuye isi ari cyo: amategeko y'Imana no kwizera Yesu. [3UB212]

Twegereye iherezo ry'amateka y'iyi si. Muri iki gihe hakenewe ubuhamya bweruye kandi butaziguye nk'uko bwatanzwe mu Ijambo ry'Imana ku bijyanye n'imyambaro yoroheje itarangwaho imitako. Úyu ni wo wagombye kuba umutwaro wacu. Ariko ubu igihe cyaratinze cyo kuba umuntu yagira ubwuzu bwinshi mu kugira iyi ngingo igipimo. Kugira icyifuzo cyo [3UB212] gukurikira Kristo twicishije bugufi rwose, gutegura umutima no kweza imico ntabwo ari umurimo woroshye na hato. Bashiki bacu bakwiriye kumenya neza ko Uwiteka atari we wabateye guhindura ikigeragezo ibyari byaratangiwe kuba umugisha ariko abantu benshi bakaba barabyanze kandi bakabisuzugura nk'aho ari umuvumo. [3UB213]

**Ubugorozi mu Myambarire**. Ubugorozi mu nyambarire bwigeze gushyigikirwa, bwagaragaye ko bubyara amakimbirane kuri buri ntambwe yabwo. Abizera bagize itorero banze gukurikiza iyo myambarire yasigasiraga amagara mazima, maze ibyo bitera amacakubiri no kutumvikana. Kuri bamwe, babonaga ko nta guhuza mu myambarire ndetse ko nta n'ubwiza burangwa mu mitegurire y'iyo myambaro nk'uko bari barabishyizwe imbere mu buryo bweruye. Ibi byavuzweho cyane. Umusaruro waje kuba uw'uko amapantaro ari nayo batumvikanyeho, bayakuye muri iyo myambarire. Umutwaro wo gushyigikira ubugorozi mu myambarire waje kuvaho kubera ko icyari cyatangiwe kubera abantu umugisha cyari gihinduwemo umuvumo. [3UB213]

Nyamara hari ibintu bimwe byatumye ubugorozi mu myambarire buba umugisha udasubirwaho. Kubera ubwo bugorozi, amaherena yari agezweho icyo gihe ntiyashoboye kongera kwambarwa. Amakanzu maremare cyane yagendaga akubura hasi akazamura umwanda wo mu nzira ntiyongeye gushyigikirwa. Ariko undi mudeli w'imyambaro urushijeho guhesha agaciro noneho waje kwemezwa kandi ntiwari ufite ibyatumaga ugirwaho impaka. Imideli y'imyambaro igezweho ishobora kurekwa kandi ikwiriye kurekwa n'abantu bose basoma Ijambo ry'Imana. Igihe gitakazwa mu gushyigikira ubugorozi mu myambarire cyagombye gukoreshwa mu kwiga Ijambo ry'Imana. [3UB213]

Imyambaro y'abantu bacu igomba kuba yoroheje cyane. Ijipo n'udukoti tugufi navuze bishobora kwambarwa - atari uko icyo cyitegererezo ari cyo gikwiriye gukurikizwa nta kindi, ahubwo ni uko umuderi woroheje ari wo wagaragarijwe muri iyo myambarire. Abantu bamwe bibwiye ko icyo cyitegererezo cyatanzwe cyari rwo rugero abantu bose bagomba gukurikiza. Ibyo si ko bimeze. Ariko ikintu cyoroheje rwose nk'iki ni cyo cyakabaye cyiza twagombye gukurikiza. Nta mudeli umwe uzwi w'imyambarire nahawe ngo ube itegeko ntakuka rigomba kuyobora abantu bose mu myambarire... [3UB213]

---

*55 "Ubugorozi mu myambarire" bwashyigikiwe kandi bwakozwe mu myaka ya 1860 bwari bwateguwe n'itsinda ry'abagore b'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi bari kugerageza gutanga imyambarire isigasira amagara mazima, yoroheje idasamaje, itera umuntu kumva amerewe neza ndetse ikeye ihuje n'umucyo Ellen White yari yahawe, kandi uwo mucyo wari ukenewe cyane muri icyo gihe. Ubwo bugorozi bwasabaga kwambara ímyenda idahambiriye umuntu ifashe ku ntugu kandi umusozo wayo wo hasi ukaba ugarukira kuri santimetero hafi 25 uvuye ku butaka. Amaguru yabaga yambitswe umwambaro ujya kumera nk'ipantaro watumaga uwambaye yumva atekanye kandi agasusuruka. Reba igitabo "Story of Our Health Message," pp.112-130. -Abakusanyije inyandiko.*

---

Hakwiriye kwambarwa imyambaro yoroheje. Bavandimwe bagore n'abakobwa, nimugerageze impano yanyu muri iri vugurura ry'ingenzi. [3UB214]

Ubwoko bw'Imana bwose buzahura n'ikigeragezo bushobora kwihanganira. [3UB214]

Kubahiriza Isabato ni ikigeragezo kizagera ku batuye isi bose. Nta kintu dukeneye ko kiza ubu ngo kibere ikigeragezo ubwoko bw'Imana bityo ngo gitume ikigeragezo busanganwe kirushaho kubukomerera. Umwanzi Satani yanezezwa no kuzana ibibazo muri iki gihe kugira ngo arangaze intekerezo z'abantu kandi abashore mu ntambara y'impaka zishingiye ku myambarire. Nimutyo bashiki bacu bajye bambara bikwije, nk'uko abenshi muri bo babigenza, bambare imyenda idozwe mu gitambaro cyiza kiramba, imyenda irangwa no kwiyoroshya kandi ikwiranye n'iki gihe tugezemo, ndetse ikibazo cy'imyambarire ntabe ari cyo cyuzura mu ntekerezo zabo. [3UB214]

**Urugero Abantu Bamwe Bashyiraho.** Hamwe n'umucyo wose w'Ijambo ry'Imana watanzwe, hari abantu batazumvira amabwiriza yayo. Bazakurikiza ibyo bishakiye bibashimisha kandi bakore uko bashaka. Bene abo baha urubyiruko urugero rubi, ndetse n'abakiriye ukuri bakiri bashya bafite akamenyero ko kwigana umuderi mushya wose w'imyambaro bawushyiraho imirimbo itwara igihe n'amafaranga, bityo ugasanga hari itandukaniro rito hagati y'imyambaro yabo n'iy'ab'isi. [3UB214]

Nimutyo bashiki bacu ubwabo bumvire ijambo ry'Imana babikuye ku mutima. Ntimugatangirire umurimo w'ubugorozi cyangwa ivugurura ku bandi mutarabanza kwivugurura ubwanyu; kubera ko nimutiheraho ntacyo muzageraho. Uko bishoboka kose ntimushobora guhindura umutima. Umwuka w'Imana ukorera imbere mu mutima azagaragariza impinduka inyuma. Abantu bahangara gusuzugura amagambo yumvikana neza yahumetswe n'Imana ntibazatega amatwi cyangwa ngo bakire cyangwa ngo bagire icyo bakora ku muhati wose umuntu akoresha kugira ngo abo bantu basenga ibigirwamana batere intambwe yo kwambara imyambaro ibakwije, itariho

imitako, yoroheje, isukuye kandi ikwiye itigera na gato ibagira abantu badasanzwe cyangwa bihariye. Bakomeza kwigaragaza bambara nk'uko ab'isi bambara.... [3UB214]

Igihe cyacu cyose cyo kwakira imbabazi z'Imana ni kigufi cyane, kandi ku isi hazakorwa umurimo muto cyane. Ibipimo by'Imana ubwayo bizaza; ikigeragezo cyayo kizaba gityaye kandi kidasubirwaho. Mureke buri muntu wese yicishe bugufi imbere y'Imana, kandi yitegure ibigiye kuba biri imbere yacu. Letter 19, 1897. [3UB214]

## IGICE CYA 29

## ISABATO: AMAHAME NGENDERWAHO MU KUBAHIRIZA İSABATO

**Isabato, Ikimenyetso Cyereka Ab'isi ko Tuyoboka Imana.** - Yesu yavugiye mu nkingi y'igicu abwira Mose ati: "Kandi ubwire Abisirayeli uti 'Ntimukabure kuziririza amasabato yanjye, kuko ari yo kimenyetso hagati yanjye namwe mu bihe byanyu byose, kugira ngo mumenye yuko ndi Uwiteka ubeza" (Kuva 31:12,13). Isabato ni indahiro Imana yagiriye umuntu ni ikimenyetso cy'isano iri hagati y'Umuremyi n'ibiremwa yiremeye. Kubwo kubahiriza urwibutso rw'irema ry'isi mu minsi itandatu n'ikiruhuko cy'Umuremyi ku munsi wa karindwi, kubwo kweza Isabato nk'uko Imana yabitegetse, Abisirayeli bagombaga kumenyesha abatuye isi ko ari indahemuka ku Mana imwe y'ukuri kandi ihoraho, Umugenga w'isanzure. [3UB215]

Kubwo kubahiriza Isabato y'ukuri, Abakristo bagomba iteka guha abatuye isi igihamya kidashisikanywaho ko bamenye Imana y'ukuri kandi ihoraho itandukanye n'ibigirwamana byose, kuko Umwami w'Isabato ari yo Muremyi w'ijuru n'isi, Yo ishyizwe hejuru y'icyitwa imana cyose. [3UB215]

"Nuko mujye muziririza Isabato kuko ari iyera kuri mwe,... Mu minsi itandatu abe ari mo imirimo ijya ikorwa, ariko uwa karindwi ni Isabato yo kuruhuka yerejwe Uwiteka. Úzagira umurimo akora ku munsi w'Isabato ntakabure kwicwa. Nuko Abisirayeli baziririze Isabato, bajye bayitondera mu bihe byabo byose, ibe isezerano ridakuka. Ni ikimenyetso cy'iteka ryose hagati yanjye n'Abisirayeli, kuko iminsi itandatu ari yo Uwiteka yaremeyemo ijuru n'isi, ku wa karindwi akarorera, akaruhuka." (Kuva 31: 14 -17). - Manuscript 122, 1901. [3UB215]

**Inama Yatanzwe Kera ku Bijyanye n'Isabato n'Abana.** -Inzu y'Imana irahumanywa kandi abana b'abizera bemera Isabato ntibayubahiriza. Biruka ahazengurutse inzu, bagakina, bagasakuza kandi bakagaragariza amatwara mabi yabo mu materaniro abera baba bahuriyemo kugira ngo basingize Imana kandi bayiramye mu mwuka mwiza urangwa no kwera. Ahantu hagombye kuba hera, ahagombye kurangwa no kwera gutuje kandi hakaba gahunda itunganye, kubonera no kwicisha bugufi, hahinduwe Babuloni nyakuri n'ahantu haganje urudubi, akajagari no kutagira gahunda. Ibi birahagije kugira ngo byirukane Imana mu materaniro yacu kandi bikongeze umujinya wayo, bityo ye kuzanezezwa no kujyana n'ingabo za Isirayeli ku rugamba zigiye guhangana n'umwanzi. [3UB216]

Imana ntiyari gutanga intsinzi mu materaniro yabereye- Ahubwo umwanzi wo kwizera kwacu yaratsinze. Ibyo byababaje Imana. Umujinya wayo ukongezwa n'uko inzu yayo yahinduwe nka Babuloni.... [3UB216]

Ikirenze ibintu byose, mwite ku bana banyu ku munsi w'Isabato. Ntimukabemerere kuyica, kubera ko namwe ubwanyu muba muyica igihe mwemerera abana banyu bakagenza batyo. Igihe mwemerera abana banyu bagakina ku munsi w'Isabato, namwe Imana ibafata nk'abishe iryo tegeko. Ntimwubahiriza Isabato yayo. - Manuscript 3, 1854. [3UB216]

**Nta Nduru n'Urudubi Bikwiriye Kubaho.** - Ab'umuryango bose baza ku meza batuje kandi biyubashye. Induru n'amahane ntibikwiriye guhabwa umwanya ku munsi uwo ari wo wose w'icyumweru; ariko ku munsi w'Isabato ho abantu bose bakwiriye gutuza. Nta mategeko atanganwe urusaku akwiriye kumvikana igihe icyo ari cyo cyose; ariko ku munsi w'Isabato ho ntibikwiriye na gato. Uyu ni umunsi wera w'Imana, umunsi yitoranyirije kugira ngo kuri wo

hizihizwe imirimo yayo yo kurema, ni umunsi yejeje kandi iwuha umugisha. - Manuscript 57, 1897. [3UB216]

**Kwishakira Ibinezeza**. Ndabwira abavuga ko ari Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi nti: "Mbese mushobora kuvuga ko mufite ikimenyetso cy'Imana ihoraho? Mbese mwavuga ko mwereshejwe ukuri?" Nk'ishyanga, ntabwo twahaye amategeko y'Imana uburemere bwayo n'agaciro kayo nk'uko twari dukwiriye kubikora. Turi mu kaga ko gukora ibidushimisha ubwacu ku munsi w'Isabato. -Letter 258, 1907. [3UB216]

**Si Umunsi wo Kwishakira Ibinezeza, umunsi wo Kujya Koga cyangwa Gukina Umupira.** - Imana yifuza ko twakwishimira impano zose yatanze. Agace kose, akanyuguti gato kose n'insanganyamatsiko zose bikwiriye guhabwa agaciro mu bushishozi, kandi tugomba kwigengesera tukamenya neza ibyo abandi bakeneye. Ibyo dufite byose bijyana n'ukuri kwa Bibiliya ntibibereyeho inyungu zacu bwite gusa, ahubwo tugomba kubiha no ku bandi, kandi uko kuri kugomba gucengezwa mu bwenge bw'abantu, ndetse amagambo yuje ineza akaba ari yo avugwa kugira ngo ategure inzira ashyireho umuyoboro ukuri kuzanyuramo kukagera ku bandi ari kwinshi. [3UB216]

Ikintu cyose Kristo yakoze mu bitangaza bye cyari ingenzi, kandi cyabereyeho guhishurira abatuye isi ko hariho umurimo ukomeye ugomba gukorwa ku munsi w'Isabato kugira ngo umuntu wababazwaga ahemburwe, ariko imirimo isanzwe yo ntiyagombaga gukorwa. Gushaka ibinezeza, gukina umupira, no koga mu mazi menshi ntibyari ibintu bikenewe byihutirwa, ahubwo kubikora ni ugukora icyaha abantu birengagije umunsi wera wejejwe na Yehova. Ntabwo Kristo yakoreye ibitangaza kugaragaza imbaraga ze, ahubwo iteka yabikoreraga guhangana na Satani mu murimo akora wo kubabaza inyokomuntu. Kristo yaje ku isi yacu kugira ngo akemure ubukene bw'abababazwa, abo Satani yicaga urubozo. - Letter 252,1906. [3UB217]

**Amasahane yo ku Isabato.** - Turasaba abantu bose kutoza amasahane ku Isabato niba ibi bishobora kwirindwa uko bishoboka kose. Imana isuzuguzwa n'umurimo uwo ari wo wose utari ngombwa ukozwe ku munsi wayo wera. Ntabwo ari ibintu bidakwiriye, ahubwo birakwiriye ko amasahane akwiriye kurekwa ntiyozwe kugeza Isabato isoje, niba ibi bishobora kwitwararikwa. - Letter 104, 1901. [3UB217]

**Isabato Umunsi wo Kuramya-** Isabato ya mbere y'icyumweru cyo gusenga wabaye umunsi wo gukorana umwete. Abantu bamwe bavuye ahitwa "Sunnyside" abandi bava ku ishuri, maze amatsinda abiri n'ubwato yoherezwa i Dora Creek ngo ajye gutwara abantu batashoboraga kugendesha amaguru abazane mu materaniro. Abantu bararikiwe kuzana ifunguro ryabo rya ku manywa, kandi bakaza mu materaniro biteguye kuhamara umunsi wose, kandi bitabiriye iryo rarika ari benshi. [3UB217]

Abantu bamwe batangajwe cyane n'uko twakoresheje imbaraga zacu kugira ngo tubazane mu materaniro. Bari barigishijwe ko kubahiriza Isabato bivuze cyane kutagira umurimo ufatika ukoresha umubiri wawe; kandi batekerezaga ko bitewe n'uko twari dufite ishyaka ku birebana no kubahiriza Isabato, twari kuyubahiriza nk'uko inyigisho z'Abafarisayo zivuga. [3UB217]

Twabwiye inshuti zacu ko mu bijyanye no kubahiriza Isabato, twize urugero n'inyigisho za Kristo we wamaraga amasabato menshi akorana umwete akiza abarwayi kandi yigisha; tubabwira ko twizera ko umwe mu bagore twafatanyaga witaga ku muryango wari urwaye yubahiriza Isabato kimwe n'uwari uyoboye itsinda mu ishuri ryo ku Isabato. Twababwiye ko Kristo atashoboraga kunezeza Abafarisayo ku munsi we washyizeho, kandi ko tutari twiteze ko umwete tugira wo

gukorera Uwiteka utabasha kunyura Abafarisayo bo mu gihe cyacu. -The Review and Herald, Oct. 18, 1898. [3UB217]

**Imirimo Yera n'Imirimo Isanzwe.** "Ku munsi w'Isabato, ni bwo abatambyi bakoraga umurimo ukomeye kurenza indi minsi. Umurimo bari gukora kuri uwo munsi ujyanye n'inyungu zabo z'isi wari kuba ari icyaha, [3UB217] nyamara umurimo abatambyi bari barimo ni umurimo w'Imana." -*Uwifuzwa Ibihe Byose, p. 219. [2018]* [3UB218]

**Urugero Rutagereranywa rw'Itorero ryo ku Cyicaro Gikuru.** - Abantu benshi bagiye baremererwa ku bijyanye n'uko itorero rimeze aha hantu.. Aha hari hakenewe cyane kugaragaza urugero ngenderwaho mu bintu byinshi mbere y'uko imbaraga ihindura itunganye kandi ikiza ikwira ikagera ahandi hantu. Igihe ukuri kwigishwaga ahangaha, kwafashe abantu biviriye mu by'isi no mu matorero yandi maze kubahuriza mu itorero; nyamara abantu bose bavuze ko bizera ukuri ntibejejwe na ko... [3UB218]

Imana irahamagara abakozi bo mu murimo wayo ngo bazamure urugero ngenderwaho rukwiriye, kandi berekane uko bitaye kubyo ibasaba bubaha Isabato.... Inyandiko n'ibitabo byoherezwa biturutse aha hantu, kandi abakozi bahaturuka bagiye kwigisha abantu amategeko y'Imana; bityo rero ni iby'agaciro gakomeye cyane ko iri torero rigaragaza imbaraga ihindura itunganye, haba mu mategeko rikurikiza n'urugero ritanga. Urugero ngenderwaho ntirukwiriye kumanurwa cyane ku buryo abemera ukuri bazageza ubwo bica amategeko y'Imana nyamara bavuga ko bayumvura. Icyiza, ndetse icyiza kurutaho, ni uko basigara mu mwijima kugeza ubwo bazabasha kwakira ukuri mu kwera kwako. [3UB218]

**Abantu Bitegereza Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi -** Hariho abantu baba bahanze amaso iri shyanga kugira ngo barebe icyo ukuri kwahinduye ku barigize. Abana b'iyi si ni abanyabwenge mu byo ku ngoma yabo kuruta abana b'umucyo. Iyo ibyo itegeko rya kane risaba bishyizwe imbere yabo, baritegereza kugira ngo barebe uko rifatwa n'abavuga ko baryumvira. Bagenzura imibereho n'imico y'abashimangira iryo tegeko kugira ngo bamenye niba abo bantu bakora ibihuje rwose n'ibyo batura ko bizera. Kandi bishingiye ku bitekerezo bibinjiramo, abantu benshi bareherezwa cyane kwemera ukuri cyangwa kukwanga. Iyaba ab'iri shyanga ry Abadiventisiti b'umunsi wa karindwi babagaho bakurikije urugero ngenderwaho Bibiliya itanga, baba rwose umucyo muri iyi si, bakaba umudugudu wubatswe mu mpinga y'umusozi. -Manuscript 3, 1885. [3UB218]

**Agaciro n'Icyubahiro by' Isabato.** - Ku Isabato, kuwa 10 Kanama 1851, twagize igihe cyiza cy'agahebuzo. Uwiteka yaratugendereye kandi ubwiza bw'Imana bwarabagiranye kuri twe bityo bidutera kwishima no gusingiza Imana kubw'ineza yayo itagira akagero yatugiriye.... Najyanywe mu iyerekwa.... [3UB218]

Nabonye ko twumvaga kandi twasobanukirwagaho gake cyane ku bijyanye n'agaciro k'Isabato, ugereranyije n'ibyo twagombye gusobanukirwa no kumenya ku gaciro n'icyubahiro byayo. Nabonye ko tutari tuzi icyo kuzamuka ukajya ahirengeye h'isi bisobanuye ndetse no kugaburirwa ku murage wa Yakobo. Ariko igihe imvura y'itumba ihembura izagwira

---

*56 Ni ahantu runaka Ellen G. White yavugaga.*

---

[3UB218] iturutse imbere y'Uwiteka n'imbere y'ikuzo ry'imbaraga ze, tuzamenya icyo kugaburirwa ku murage wa Yakobo no kuzamuka ukajya aharengeye h'isi ari cyo. Ubwo ni bwo tuzarushaho kubona Isabato mu gaciro kayo n'icyubahiro cyayo. Ariko ntabwo tuzayibona mu cyubahiro cyayo n'agaciro kayo kose kugeza ubwo ijwi ry'Imana riduhaye isezerano ry'amahoro, kandi amarembo

y'imaragarita ya Yerusalemu Nshya akadukingukira ku mapata yayo arabagirana maze ijwi rinejeje kandi ry'ibyishimo rya Yesu udukunda rikumvikana riryoshye kurusha umuzika mwiza wigeze kumvikana mu matwi y'abantu bapfa ritubwira ngo twinjire. Nabonye ko twari dufite uburenganzira busesuye muri uwo murwa kuko twari twarubahirije amategeko y'Imana, kandi kubwo kuyubahiriza ijuru ryiza ry'agahozo rikaba ari ho iwacu. - Letter 3, 1851. [3UB219]

## AMASABATO MAKE N'UMURYANGO WA ELLEN WHITE

**[Battle Creek, Michigan], Isabato yo kuwa 1 Mutarama, 1859. Ikibwirizwa, Umubatizo n'Imihango Byitabiriwe**. Ni itangira ry'umwaka mushya. Ku Isabato nyuma ya saa sita, Uwiteka yahaye James umudendezo maze abwiriza ku mwiteguro wa ngombwa kugira ngo umuntu abatizwe no kugira ngo ajye ku Ifunguro ry Umwami. Muri iryo teraniro ry'abantu habayemo gukorwa ku mutima cyane. Igihe cy'akaruhuko gato, abantu bose begereye amazi aho abantu barindwi bakurikiriye Umukiza wabo bakinjira mu mazi bakabatizwa. Cyari igihe kirimo imbaraga nyinshi kandi kirimo gukanguka kwimbitse. Abakobwa babiri b'abavandimwe bari bafite imyaka nka cumi n'umwe y'ubukuru barabatijwe. Umwe witwaga Cornelia C., yasengeye mu mazi asaba kurindwa kwanduzwa n'isi. [3UB219]

Mu mugoroba, itorero ryakurikije urugero rw'Umukiza waryo maze abizera bozanya ibirenge, hanyuma bajya ku Ifunguro ry'Umwami. Muri iyo nzu habaye ibyishimo byinshi ndetse no kurira. Aho hantu hari yateye ubwoba ariko kandi huzuye ubwiza kubera ko Uwiteka yari ahari. - Manuscript 5, 1859. [3UB219]

**[Otsego, Michigan] Isabato yo kuwa 8 Mutarama, 1859. Kugendera mu Kagare Gakururwa n'Indogobe Tugiye mu Materaniro no Kuhavugira Amagambo amwe.** - Ni Isabato yera. Reka twubahe Imana kandi tuyihe ikuzo uyu munsi.... twajyanye na mwenedata Leighton mu kagare ke gakururwa n'indogobe twerekeza ahitwa Otsego mu birometero bitandatu. Twasanze inzu yaberagamo amateraniro idashyushye cyane. Abantu bose bari bakonje cyane. Tugomba gufata igihe kugira ngo habanze hashyuhe. Mwenedata Loughborough yabwirije ku nsanganyamatsiko y'urubanza. Arangije jye navuze amagambo make. Nta mwanya munini nabonye. Hanyuma abari mu itorero bahise batanga ubuhamya bwabo. - Manuscript 5, 1859. [3UB219]

**[Battle Creek] ku Isabato, ku wa 5 Werurwe, 1859. Kuguma mu Rugo ngo Ndwaze James White.** - Uyu munsi sinagiye mu materaniro. Umugabo wanjye yari arwaye. Nagumanye nawe kugira ngo mwiteho. Uwiteka yaratugendereye kandi aduha umugisha muri iki gitondo. Nagize kwisanzura kudasanzwe mu isengesho. Mwenedata John Adrews yabwirije kabiri uyu munsi. Ku mugoroba yaje kubana natwe ndetse tumarana ijoro ryose. Twashimishijwe cyane n'uko yadusuye. -Manuscript 5, 1859. [3UB220]

**[Battle Creek] ku Isabato, ku wa 19 Werurwe 1859. Nitabiriye Amateraniro kandi Nafashije Abana.** - Nitabiriye amateraniro mbere ya saa sita. Mwenedata Loughborough yabwirizanyije ubwisanzure bwinshi ku bijyanye no gusinzira kw'abantu bapfuye ndetse n'umurage w'abera. Nyuma ya saa sita natinze mu rugo. Ñasomeye abana banjye [ljambo ry'Imana], nandikira urwandiko mwenedata Newton n'umugore we, mbakomeza mu by'umwuka. Nimugoroba nitabiriye amateraniro yo kozanya ibirenge n'ifunguro ryera. Ntabwo nari mbohotse neza ngo mbe muri iyo gahunda nk'uko nabyifuzaga. -Manuscript 5, 1859. [3UB220]

**[Convis, Michigan] ku Isabato yo ku wa 9 Mata, 1859. Abantu b'i Convis Baranyitegereje kandi Banyitaho.** - Nabyutse kare kare maze dukora urugendo rw'ibirometero bigera kuri 18 ku igare rikururwa twerekeza Convis kujya guterana n'abizera baho. Urwo rugendo rwatwongereraga

imbaraga. Twahamagariwe kunyura mu muryango wa mwenedata Brackett. Baraduherekeje batugeza aho amateraniro yaberaga hari nko ku birometero bitatu uvuye ku rugo rwabo. Itsinda rito ry'abubahiriza Isabato ryari riteraniye mu cyumba kinini cy'ishuri. James yagize umudendezo uhagije wo kubwiriza abantu. Njyewe navuze amagambo make. Amateraniro yarakomeje agera hafi saa munani z'amanywa. Hafi y'abantu bose batangaga ubuhamya ko ukuri kwabagezeho. Nyuma yo gusangira ifunguro ry'umugoroba ubwo amasaha yera yari ari gusoza, twagize igihe cyo guhemburwa dusenga. James yabanje kwigisha abana mbere y'uko dupfukama ngo dusenge. - Manuscript 6, 1859. [3UB220]

**[Battle Creek] ku Isabato yo ku wa 23 Mata, 1859. Amateraniro Nitabiriye n'Itsinda Nafashije.** Abavandimwe Brackett na Lane n'umukobwa wabo, umuvandimwe Scott, na mushiki wacu Smith baje baturutse ahitwa Convis baza mu materaniro i Battle Creek. Twasangiriye

---

*57 Adelia Patten, wamaze imyaka myinshi afasha mu muryango wa White i Battle Creek, mu nkuru yanditse ku "Buzima, Ibyo yanyuzemo n'Uburwayi buherka bwa Henry N. White," wapfuye mu Kuboza 1863, yavuze amagambo akurikira ku bijyanye n'uko Ellen White yafataga abana:*

*Mu myaka myinshi yashize, nyina yajyaga amarana nabo igihe kirekire ku Isabato abasomera ibyo yabaga yatoranyije bijyana n'ingingo ziby'iyobokamana n'ibirebana n'imico mbonera ikwiriye. akabasomera ibyo yabaga amaze igihe gito yanditse byarasohotse mu gatabo kitwaga, "Ibyigwa byo ku Isabato" (Sabbath Readings). Kubasomera mbere y'uko bamenya kwisomera, byababakundishaga gusoma ibintu by'ingirakamaro, kandi igihe babaga batari mu Ishuri ryo ku Isabato no mu materaniro, bamaraga amasaha menshi yo kwinezeza, by'umwihariko amasaha yo ku Isabato, banyura mu bitabo byiza babaga barahawe barebamo ingingo zibashimishije. Appeal to Youth, p.19.*

---

[3UB220] ifunguro rya saa sita iwacu.58 Amateraniro yari ashimishije umunsi wose. Mwenedata Waggoner yabwirije nyuma ya saa sita. Ikibwirizwa cye cyari gikwiriye rwose. Igihe yari afashe akaruhuko, abantu bane barabatijwe ari bo bashiki bacu Hide, Scott na Agnes Irving ndetse na musaza wacu Pratt. Amateraniro twagize nyuma ya saa sita yari anejeje cyane. Umugabo wanjye ntiyari yarigeze yumva abohotse kuri urwo rwego rukomeye. Umwuka w'Uwiteka yari ari muri ayo materaniro. Uwiteka yampaye kwisanzura cyane mu gusenga no kwinginga. Mu mugoroba abantu bitabiriye imihango yo mu nzu y'Uwiteka. Cyari igihe cy'agaciro cyane kandi kinejeje. Ntabwo nashoboye kwitabira mu mugoroba kubera ko nari nananiwe cyane. - Manuscript 6, 1859. [3UB221]

**[Denver] ku Isabato yo ku wa 20 Nyakanga, 1872. Nakoze Urugendo rw'Amaguru, Naranditse, kandi Ndasoma.** - Ni igitondo cyiza bihebuje. Uyu ni umunsi w'ikiruhuko cy'Uwiteka kandi twifuza kubahiriza Isabato ku buryo Imana ibasha kwemera ibyo dukora no ku buryo imitima yacu ubwayo ihemburwa. Twagenze n'amaguru, dushaka ahantu hitaruye mu gashyamba aho twashoboraga gusengera kandi tukahasomera Ijambo ry'Imana, ariko ntaho twabonye. Twamaze umunsi wose tuganira ku nsanganyamatsiko z'iby'umwuka, twandika kandi dusoma. - Manuscript 4,1872. [3UB221]

**[Battle Creek] ku Isabato yo ku wa 12 Mata, 1873. Nakoze Ingendo nyinshi zo Gusura mu Rwego rw'Ivugabutumwa.** Umugabo wanjye yabwirije abantu mbere ya saa sita. Nagumye mu rugo kubera ko numvaga ntashoboye kwitabira amateraniro. Nyuma ya saa sita nitabiriye amateraniro. [3UB221]

Amateraniro asoje nasuye uwitwa Ella Belden. Nagiranye nawe igihe cyiza cyo gusenga. Ndangije nagiye gusura W. Salisbury n'umugore we. Twagiranye n'uwo muryango ibihe byiza cyane byo gusenga. Uyu mugabo n'umugore we bunze amasengesho yabo ku ryanjye. Twese twumvise Uwiteka yaduhaye umugisha. Noneho nahamagaye mwenedata Morse n'umugore we bari bageze mu zabukuru... Nasuye mwenedata Gardner n'umugore we. Yari ari kwegereza iherezo

ry'urugendo rwe. Indwara yari yaramuciye intege cyane. Yanejejwe cyane no kumbona. Twafatanyije

---

*58 Amafunguro yo ku Isabato mu muryango wa White yavuzwe n'umukazana we mu myaka yaje gukurikiraho mu nyandiko yo ku ya 16 Ukwakira 1949 igira iti: Nk'umukazana wa Ellen G. White, nari umwe mu bagize umuryango we mu gihe kirenga umwaka, kandi akenshi nabaga ndi mu rugo rwe ndetse najyanaga nawe mu ngendo mu gihe cy'imyaka isaga makumyabiri. Nabajijwe ibijyanye n'amafunguro yafatwaga ku Isabato mu rugo rwa White. Twakoraga imyiteguro yuzuye uko bishoboka kose ku wa gatandatu (Friday), umunsi wo kwitegura, tugategura amafunguro yo ku Isabato. Ku Isabato, ibyokurya byaba ibya mu gitondo cyangwa ibya saa sita byagaburwaga bishyushye, bigashyushywa ako kanya mbere y'uko biribwa. Imirimo yose itari ngombwa yaririndwaga ku munsi w'Isabato, ariko nta gihe na kimwe Ellen G. White yigeze afata ko gutanga ibyangombwa bisanzwe bituma ubuzima bugenda neza nko gucana umuriro wo gushyushya inzu cyangwa gushyusha ibyokurya bihita biribwa ngo abifate ko ari ukurenga ku buryo bukwiriye bwo kubahiriza Isabato. (Byashyizweho umukono) na Madame W. C. White.*

---

[3UB221] gusenga maze imitima y'abo bantu bari baremerewe irahumurizwa kandi ihabwa umugisha. -Manuscript 6, 1873. [3UB222]

**[Battle Creek] ku Isabato yo kuwa 17, 1873. Nafashe urugendo rw'ibirometero bike, kandi naryamye iminota mike.** Twuriye igare tugenda ibirometero bike tunyura mu ishyamba ry'ibiti by'inganzamarumbo. Twaruhutse hafi isaha yose. Twaryamye iminota mike. . . . Twafashe umwanya wo gusenga mbere y'uko tugaruka mu rugo. Nyuma ya saa sita twagiye mu materaniro. -Manuscript 7, 1873. [3UB222]

**[Washington, Iowa] ku Isabato yo kuwa 21 Kamena, 1873. Nanditse ku Mibabaro ya Kristo.** Wari umunsi w'agahozo nubwo warimo ubushyuhe. Nafashe ibikapu. Numvise merewe neza cyane. Nanditse amapaji cumi n'atanu ku mibabaro ya Kristo. Numvise natwawe rwose nitaye kuri iyo nsanganyamatsiko yanjye. Benedata Wheeler, Hester, na Van Ostrand bagiye mu materaniro. Twari twiteze ko imvura ishobora kugwa. Nahamagaye ab'umuryango duhurira hamwe maze mbasomera ibyo nari nanditse. Byose byari bishimishije. - Manuscript 8, 1873. [3UB222]

**Kuwa Gatandatu, ku wa 12 Nzeri 1873. Naganiriye n'Umuntu Utari Umudiventisiti.** Twageze mu rugo mbere gato y'uko izuba rirenga. Nakiriye inzandiko zivuye kuri benedata Canright, Mary Gaskill na Daniel Bourdeau, zimbwira uko amateraniro makuru yagenze. Igihe twageraga mu rugo twahasanze John Cranson. Twumvise tutabyakiriye neza kuko yari yaje kutureba ku munsi w'Isabato. Ntabwo dukunda kugira abashyitsi bo kuganiriza ku munsi w'Isabato by'umwihariko abashyitsi batubaha Imana cyangwa ngo bubahe n'umunsi wayo wera. -Manuscript 11, 1873. [3UB222]

**[Mu nzira tuva i Colorado tugana i Battle Creek]. Ku Isabato yo ku wa 8 Ugushyingo, 1873.** Twakoze urugendo ku Isabato, ariko twarabyicujije. Twaruhukiye neza mu modoka muri iryo joro. Ntabwo twashakaga gutanga raporo z'imodoka twakoresheje muri iki gitondo, ariko hari ibintu byababaye bijyanye n'umurimo w'Imana byasabaga ko tugera ku biro by'Inteko Nkuru Rusange. Ntabwo twagombaga gutinda. Iyo tuba turi gukora imirimo y'inyungu zacu bwite twari kumva ko twishe itegeko rya kane kubera gukora urugendo nk'urwo ku Isabato. Nta biganiro bindi bisanzwe twaganiriye. Twaharaniye ko intekerezo zacu ziguma mu cyerekezo cyo gutekereza ku Ijambo ry'Imana no kuramya kandi twashimishijwe n'uko Imana yari iri kumwe natwe nubwo twicuzaga cyane kuba byabaye ngombwa ko dukora urugendo ku Isabato. -Manuscript 13,1873. [3UB222]

**[Sydney, N.S.W., Australia] kuwa 4 Gashyantare, 1893. Nabwirije mu gitondo, nyuma ya saa sita nikira mu bwato ndagenda.** Twafashe imodoka nto twerekeza ku rusengero i Sydney, maze mbwiriza ku butumwa buri mu Baheburayo igice cya 11 kivuga ku kwizera. Uwiteka yankomeresheje

---

[3UB222] ubuntu bwe. Numvise nkomejwe cyane kandi mpawe umugisha. Umwuka Wera yari kuri jye. Nahawe imbaraga z'umubiri n'iz'umwuka ku rugero rukomeye... [3UB223]

Nyuma ya saa sita saa munani, twinjiye mu bwato ngo dufate urugendo. Ibikapu byacu byose byari byarabitswe kure kuwa Gatandatu. Twanga cyane gukora urugendo ku Ísabato ariko umurimo ugomba gukorwa tukageza ubutumwa ku batuye isi, kandi dushobora gukomeza kwerekeza intekerezo n'imitima byacu ku Mana ndetse dushobora kwihisha muri Yesu. Igihe tudashoboye gutegeka ibyo bintu, byose tugomba kubiharira Data wo mu ijuru. Niba ibyiringiro byacu biri mu Mana, izadufasha. - Manuscript 76, 1893. [3UB223]

## IGICE CYA 30

## GUHINDURANYA INYIFATO Mu GUSENGA BIRAKWIRIYE

***Ntabwo Dukeneye Gupfukama Igihe Cyose***

Tugomba gusenga ubudasiba, twicishije bugufi mu mwuka w'ubugwaneza no kwiyoroshya. Ntabwo dukwiriye gutegereza kubona umwanya n'igihe byo gupfukama imbere y'Imana. Aho twaba turi hose dushobora gusenga no kuvugana n'Imana. -Letter 342, 1906. [3UB224]

**Nta Hantu Umuntu Adakwiriye Gusengera Igihe icyo Ari cyo Cyose n'Ahantu aho ari ho Hose.** Nta gihe cyangwa ahantu bidakwiriye ko umuntu yabwira Imana ibyifuzo bye... Haba mu mbaga y'abantu mu nzira, kaba mu iguriro, dushobora kubwira Imana ibyifuzo byacu, kandi tugasaba kuyoborwa nayo nk'uko Nehemiya yabikoze ubwo yasabaga ari imbere y'umwami Aritazerusi. -Step to Christ, p. 99. [3UB224]

**Gusabanira n'Imana mu Mitima yacu Igihe Tugenda n'iyo turi Gukora.** -Dushobora kuvugana na Yesu igihe tugenda mu nzira, kandi aravuga ati, 'Ndi iburyo bwawe. Dushobora gusabanira n'Imana mu mitima yacu; kandi tubasha kugendana na Kristo. Igihe duhugiye mu mirimo yacu ya buri munsi, dushobora gusohora icyifuzo kiri mu mutima wacu nta gutwi k'umuntu uwo ari we wese utwumvise; ariko iryo jambo ntirishobora kugenda gutyo bucece, cyangwa ngo ritakare. Nta kintu gishobora kurengera icyifuzo cy'umutima ngo cye gusohoka. Kirazamuka kikarenga

---

*60 Mwenedata D. E. Robinson, umwe mu babaye abanyamabanga ba Ellen G. White guhera mu 1902 kugeza 1915 yaratangaje ati: "Inshuro nyinshi nabaye mu materaniro makuru no mu nama z'Inteko Nkuru Rusange aho mushiki wacu White ubwe yagiye asenga iteraniro ryose rihagaze, ndetse na we ubwe ahagaze." -D. E. Robinson, March 4, 1934.*

---

[3UB224] urusaku rwo mu nzira, ndetse kikarenga n'urusaku rw'imashini nyinshyi zihererekanya mu mirimo. Imana ni yo tuba tubwira, kandi isengesho ryacu rirumvwa. -Gospel Workers, p. 258. [3UB225]

**Ntabwo Gupfukama ari Ngombwa Igihe Cyose.** -Ntabwo iteka ryose ari ngombwa gupfukama kugira ngo usenge. Imenyereze kuvugana n'Umukiza igihe uri wenyine, igihe ugenda mu nzira n'igihe uhugiye mu mirimo ya buri munsi. -The Ministry of Healing, pp. 510, 511. [3UB225]

**Iteraniro Ripfukama Nyuma yo Guhagarara Ryitanga.** - Umwuka w'Uwiteka yanjeho, kandi wagaragariye mu magambo nahawe ngo mvuge. Nabajije abari bari aho abumvise Umwuka w'Imana abahata, kandi bari bafite ubushake bwo kurahirira kugendera mu kuri no kukwigisha abandi, ndetse no gukora kubw'agakiza kabo, ibyo bakabigaragarisha guhagurukira ku birenge byabo. Natunguwe no kubona iteraniro ryose rihaguruka. Noneho nasabye abantu bose gupfukama, maze icyifuzo cyanjye ngitura ijuru kubwabo bantu. Nakozwe ku mutima cyane n'ibyo byari bibaye. Numvise Umwuka w'Imana angenderera bikomeye, kandi nzi ko Uwiteka yampaye ubutumwa bwihariye bugenewe ubwoko bwe muri iki gihe. - The Review and Herald, March 11, 1909. [3UB225]

**Iteraniro Rinini mu Burayi Ryakomeje Kwicara.** "Nahamagaye abifuzaga ko abagaragu b'Imana babasengera kuza imbere. Abantu bose bari barasubiye inyuma, abifuzaga bose kugarukira Uwiteka kandi bakamushakana umwete bashoboraga gukoresha ayo mahirwe kurushaho. Uwo mwanya ibyicaro byinshi byaruzuye kandi iteraniro ryose ryari rishyushye.

Twababwiye ko ibyiza biruseho bashoboraga gukora kwari ukuguma aho bari tugashakira Uwiteka hamwe twatura ibyaha byacu, kandi Uwiteka yari yaravugiye mu ijambo rye ati: "Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose" 1 Yohana 1:9 -Diary, Feb. 20, 1887. (Byasohotse mu Butumwa Bwatoranyijwe, Igitabo cya 1, pp. 169, 170). [3UB225]

**Iteraniro ryose Ryarahagaze kugira ngo Dusenge Isengesho ryo Kwiyegurira Imana.** Nararitse abashakaga kwiyegurira Imana mu isezerano ridakuka, kandi bashaka kuyikorera n'imitima yabo yose ngo bahagurukire ku birenge byabo. Icyumba cyari cyuzuye kandi hafi ya bose barahagurutse. Umubare uhagije w'abantu tudasangiye kwizera wari uhari, kandi bamwe muri abo barahagurutse. Nabaragije Uwiteka mu gusenga, kandi tuzi ko Umwuka w'Imana yigaragaje. Twumvise ko intsinzi yari yabonetse. -Manuscript 30a, 1896. (Byasohotse mu Butumwa Bwatoranyijwe, Ígitabo cya 1, pp.172,173). [3UB225]

**Iteraniro Ryarapfukamye kugira ngo Hasengwe Isengesho ryo Kwiyegurira Imana.**- Mu kurangiza icyigisho, numvise mpatwa n'Umwuka w'Imana mu guhamagara abantu bose bifuza kwiyegurira Uwiteka byimazeyo gutambuka bakaza imbere. Abumvaga ko bakeneye gusengerwa [3UB225] n'abagaragu b'Uwiteka bahamagariwe kubyerekana. Hafi abantu mirongo itatu baje imbere..... [3UB226]

Mbere nari nabanje kugingimiranya, nibaza niba byari byiza cyane kubikora igihe jye n'umuhungu wanjye ari twe twashoboraga gutanga ubufasha ubwo aribwo bwose icyo gihe. Ariko igitekerezo cyaje mu bwenge bwanjye nk'aho ari umuntu uvuganye nanjye kigira kiti: "Mbese ntushobora kwiringira Uwiteka?" Naravuze nti: "Nzabikora, Mwami!" Nubwo icyo gihe umuhungu wanjye yatangajwe cyane nuko mpamagaye ntyo, yaratunguwe, byabaye nko gutungurwa. Sinari narigeze na rimwe mwumva avugana imbaraga ikomeye cyangwa ubwuzu nk'icyo gihe.... [3UB226]

Twarapfukamye ngo dusenge Imana. Umuhungu wanjye niwe wabanje kandi Uwiteka mu by'ukuri yumvise gusenga kwe; kuko mu gusenga yagaragaraga nk'aho ari imbere y'Imana. -The Review and Herald, July 30, 1895. (Byasohotse mu Butumwa Bwatoranyijwe, Igitabo cya 1, p. 171). [3UB226]

**Ku Kigo cy'abakozi cyari Oakland, muri California.** - Ubu noneho turabasaba ngo mugenzure imitima yanyu yose. Abiyemeje kwitandukanya n'igishuko cyose cy'umwanzi, maze bagaharanira guhanga amaso mu ijuru babigaragarishe guhaguruka. [Hafi y'abantu bose bari bari mu iteraniro barahagurutse.] [3UB226]

Twifuza ko buri wese muri mwe yakizwa. Twifuza ko inzugi z'umurwa w'Imana zazabakingukira zikaraga ku mapata yazo arabagirana, kugira ngo mubashe kuwinjiranamo n'amahanga yose yagendeye mu kuri. Aho ni ho tuzasingiriza kandi dushime ndetse duhe ikuzo Kristo na Data wa twese iteka n'iteka ibihe bidashira. Imana idufashe gukiranuka mu murimo wayo mu gihe cy'intambara ikomeye, kandi amaherezo tuzaneshe maze duhabwe ikamba ry'ubugingo buhoraho. [3UB226]

[Gusenga] Data uri mu ijuru, aka kanya nje imbere yawe uko undi, umukene n'indushyi, kandi ni wowe nishingikirijeho. Data, ndagusaba ngo umpe kandi uhe n'aba bantu ubuntu buboneza ímico y'Umukristo, ndetse n'ibindi bakeneye. -The Review and Herald, July 16, 1908. [3UB226]

**Ellen White n'Abari mu Iteraniro Bahaguruka ngo Hasengwe Isengesho ryo Kwiyegurira Imana. -** Ndabaza nti, 'Ubu ni nde uziyemeza akomeje guhabwa uburere buhanitse bukomoka mu ijuru. Ababyiyemeza, mubigaragarishe guhagurukira ku birenge byanyu. [Iteraniro

ryarahagurutse.] Iri ni iteraniro ryose. Imana ibafashe gukomeza indahiro murahiye. Mureke dusenge. [3UB226]

[Gusenga] Data wo mu ijuru, ubu nje imbere yawe uko ndi, umukene, umunyantege nke kandi ntabwo nkwiriye, none ndagusaba gukora ku mitima y'aba bantu bateraniye aha uyu munsi. Nababwiye amagambo yawe, ariko, Mwami Uwiteka, ni wowe wenyine ushobora gutuma ijambo ryawe [3UB226] rigira icyo rikora muri bo. -The Review and Herald, April 8, 1909. (Sermon at Oakland, California, Feb. 8, 1909.) [3UB227]

**Ku Musozo w'Ikibwirizwa cyatanzwe mu Nteko Nkuru Rusange yabereye i Washington, D.C.61 -** Ndasaba ngo Uwiteka abafashe gusigasira uyu murimo birenze uko mwigeze kuwusigasira. Mbese muzabikora? Mbese mushobora guhagurukira ku birenge byanyu ahangaha mugahamya ko Imana ari yo muziringira kandi mukayigiraho umufasha? [Iteraniro ryose ryarahagurutse]. [3UB227]

[Gusenga] Ndagushimye Uwiteka Mana ya Isirayeli. Emera iyi ndahiro y'ubwoko bwawe. Bashyireho Umwuka wawe. Data, reka icyubahiro cyawe kigaragare muri bo. Ubwo bazaba bavuga ijambo ry'ukuri, reka tuzabone agakiza k'Imana. - General Conference Bulletin, May 18, 1909.

---

*61 Umukristo nyakuri akenshi aba ari gusengera ahantu hose haba mu ruhame n'ahiherereye. Asenga agenda mu nzira, igihe ahugiye mu murimo we, ndetse no mu masaha ya nijoro. Ellen White yatanze inama mu magambo yaje kwandikwa mu gitabo "Gospel Workers, p. 178," avuga ko "haba igihe turi gusengera mu ruhame cyangwa twiherereye, dufite amahirwe yo gupfukama imbere y'Uwiteka igihe tumubwira ibyifuzo byacu." Amagambo akurikira yavuzwe kuri iyi ngingo, yandikiwe muri Australia kandi aboneka mu gitabo Ubutumwa Bwatoranyijwe, Igitabo cya 2, p. 251 arabishimangira cyane: "Haba igihe cyo gusengera mu ruhame cyangwa umuntu ari wenyine, dufite inshingano yo gupfukama ku mavi yacu imbere y'Imana igihe tuyibwira ibyo byifuzo byacu. Iki gikorwa cyerekana ko tubeshejweho n'Imana." Ni ikimenyetso kandi cyo kubaha: "Hakwiriye kubaho ubwenge bw'uburyo bwo kwegera Imana mu kwiyoroshya no kuyubaha bijyana n'urukundo rwo kuramya. Kubaha Umuremyi wacu bigenda birushaho kubura, kandi kwirengagiza gukomera kwe n'icyubahiro cye birushaho kwiyongera." -Manuscript 84b, 1897. [Byavuzwe mu Butumwa Bwatoranyijwe, Igitabo cya 2, p.251.] Kuba Ellen White atari agamije kwigisha ko igihe cyose habayeho gahunda yo gusenga tugomba gupfukama bigaragarira neza mu magambo ye n'urugero yatanze. Kuri we, nta gihe ndetse nta n'ahantu hadakwiriye gusengerwa. Umuryango we uhamya ko mu rugo rwe ababaga bari mu cyumba bariramo bagiye gufungura bubikaga imitwe yabo ko batapfukamaga. Ntabwo yari azwiho gupfukama mu gihe cy'isengesho rihesha iteraniro umugisha igihe amateraniro yabaga yitabiriye yabaga ahumuje. Inama ikomeye yo gupfukama isa n'aho yari ifite aho ireba hibanze muri gahunda yo kuramya yaberaga mu nzu y'Imana, mu muryango no muri gahunda yihariye y'umuntu yo gusengera mu rugo iwe. Mu gihe cy'amateraniro yaberaga mu ruhame habagaho ibihe Ellen G. White yahagararaga agasenga. - Abakusanyije Inyandiko*

---

[3UB227]

# UMUGABANE WA VIII: IVUGURURA MU BY'UBUZIMA

## IJAMBO RY'IBANZE

Nubwo hari byinshi mu bitabo Ellen G. White yasohoye bivuga ku buzima n'ivugurura mu by'ubuzima, nta nyandiko n'imwe yanditse yongera gusubira mu mayerekwa yahawe mbere kuri iyi ngingo. Aya mayerekwa yagaragazwa ko yayahawe mu mwaka wa 1848, 1854 na 1863. Ku makuru avuga ko habayeho iyerekwa rivuga ku ngingo zijyana n'ubuzima mu mwaka wa 1848, tugomba kureba amagambo yavuzwe na James White [umugabo wa Ellen G. White] ari mu kinyamakuru cyitwaga Urwibutso n'Iteguza cyasohotse ku ya 8 Ügushyingo 1870, aho avuga ati: [3UB228]

"Hashize imyaka makumyabiri n'ibiri kugeza ubu, icyo gihe ni bwo intekerezo zacu zakanguriwe kumenya ingaruka mbi cyane z'itabi, icyayi n'ikawa, binyuze mu buhamya bwa Madame Ellen White... [3UB228]

"Igihe twari twarageze ku ntsinzi neza tunesha ibyo bintu, n'igihe Uwiteka yabonaga ko dushobora kuwakira nta kibazo, twahawe umucyo urebana n'ibyokurya n'imyambarire." [3UB228]

Inama irambuye ivuga ku isuku n'imirire iboneka mu bihamya byanditswe mu 1854. Amagambo yihariye yavuze ku iyerekwa ryavugaga ku ivugurura mu by'ubuzima ryo ku wa 6 Kamena 1863, atangwa mu bisubizo Ellen G. White yatanze ku bibazo bimwe byari byanditswe mu Rwibutso n'Integuza rwo ku wa 8 Ukwakira, 1867. [3UB228]

Kuzirikana cyane izo ngingo zirambuye kwagiye gukura nk'uko bigaragazwa ahangaha ni byo bitanga impamvu yo gushyira izo ngingo muri iki gitabo, nubwo mu myandikirwe yazo zitagiye zikurikiranywa. [3UB228]

Amagambo yagiye asubirwamo yerekana uburyo Ellen G. White atari yishingikirije ku bandikaga ibijyanye n'ubuzima bo mu gihe cye, ayo magambo afite uburemere atari mu buryo yasobanuraga uko umucyo

---

*62 Iki kinyamakuru ntikiri mu rurimi rw'Ikinyarwanda*

---

[3UB228] urebana n'amavugurura mu by'ubuzima wamugezeho gusa, ahubwo binanyuze mu kwiga inyandiko ze muri rusange. [3UB229]

Mu mwaka wa 1881 inyandiko yavugaga ku gukoresha neza ibihamya ku ivugurura mu by'ubuzima yerekana uko yigengeseraga mu murimo we wo kwigisha amahame y'ubuzima. Abashinzwe kurinda inyandiko za *Ellen G. White.* [3UB229]

# IGICE CYA 31

# AMAYEREKWA YAHAMAGARIYE ABANTU AMAVUGURURA MBERE

## GUKANGURIRWA GUTEKEREZA IBY'ITABI, ICYAYI N'IKAWA MU MWAKA WA 1848 NA 1851

Mu iyerekwa, nabonye ko itabi ari ikimera cyanduye rwose, kandi ko kigomba kuzibukirwa ndetse kikarekwa... Keretse gusa itabi nirirekwa burundu, naho ubundi umujinya w'Imana uzaba ku muntu urikoresha, kandi bene uwo muntu ntashobora gushyirwaho ikimenyetso cy'Imana ihoraho. -Letter 5, 1851. [Mu Rwibutso n'Integuza rwo kuwa 8 Ugushyingo 1870, James White avuga ko iri yerekwa ryabayeho mu ntangiriro z'umwaka wa 1848 nk'uko bigaragara mu ljambo ry'ibanze ry'iki gice). [3UB230]

## AMAHAME Y'INGENZI YAHISHUWE MU MWAKA WA 1854

Icyo gihe nabonye ko mu bubahiriza Isabato harangwamo umwanda.. . Nabonye ko Imana yari iri kwitunganyiriza ishyanga ridasanzwe. Imana izagira ishyanga rizira umwanda kandi ryera ishobora kwishimira. Nabonye ko ingando yabo igomba kubonezwa, bitaba ibyo Imana yari kubanyuraho maze ikabona umwanda wa Isirayeli ndetse ntiyari kujyana n'ingabo za Isirayeli ku rugamba. Yari kubasiga ikabavaho ibabaye, bityo abanzi bacu bajyaga kudutsinda maze tugasigara ducitse intege, dukozwe n'isoni n'ikimwaro. [3UB230]

Nabonye ko Imana itari kwemera umuntu utaboneye, kandi wanduye ngo imufate nk'Umukristo. Igitsure cy'Imana cyari kuri bene uwo muntu. Yesu agomba kwereka Data wa twese imitima yacu, imibiri yacu n'umwuka wacu bizira ikizinga, kandi nitutaba twejejwe mu bugingo, ndetse tuboneye, ntidushobora kugezwa imbere y'Imana tudafite umugayo. [3UB231]

Nabonye ko inzu z'abera zidakwiriye kurangwamo akajagari kandi zigomba kuba ziboneye, ntizirangwemo umwanda n'isuku nke y'uburyo bwose. Nabonye ko inzu y'Imana yahumanyijwe n'uko ababyeyi n'abana babo batagira icyo bitaho, kandi bakarangwa n'umwanda n'akajagari. Nabonye ko ibyo bintu bikwiriye gucyahwa nta guca ku ruhande, kandi niba nta mpinduka zihise zikorwa kuri ibyo bintu muri bamwe mu bavuga ko bizera ukuri, bakwiriye gushyirwa hanze y'ingando [y'ubwoko bw'Imana]... [3UB231]

**Irari ry'Inda n'Ibyokurya Bikwiriye.** Nongeye kubona ko irari ry'inda ritagomba kwemererwa kudutegeka, kandi ko ibyokurya bikungahaye cyane ku ntungamubiri n'amavuta by'umurengera bidakwiriye gutegurwa, kandi ko umutungo ukoreshwa ku guhaza ipfa ry'inda ukwiriye gushyirwa mu mutungo w'Imana. Abiyanga baba biteganyiriza ingororano mu ijuru. Nabonye ko Imana yari iri gutunganya ubwoko bwayo. [3UB231]

Ubwibone n'ibigirwamana bikwiriye kuzibukirwa. Nabonye ko ibyokurya bikungahaye cyane ku ntungamubiri n'amavuta by'umurengera byari biri kurimbura imibiri yari isanzwe ari mitaraga, bigasenya igihagararo n'intekerezo by'abantu, ndetse byari inzira ikomeye yo gupfusa umutungo ubusa. [3UB231]

Nabonye ko abantu benshi bo mu basigaye barwaragurikaga, abo bantu bakaba bariteraga ubwo burwayi binyuze mu gukabya guhaza ipfa ryabo. Niba twifuza kugira ubuzima bwiza, tugomba kwita mu buryo bwihariye ku magara Imana yaduhaye, tukanga irari ry'inda mbi, tukarya ibyokurya bike cyane birimo intungamubiri z'umurengera, tukirira ibyokurya bitarangwamo amavuta akomoka ku matungo.63 Noneho igihe mwicaye ku meza kugira ngo mufungure mushobora gusaba umugisha w'Imana kuba ku mafunguro yanyu mubikuye ku mutima kandi mushobora gukura imbaraga mu byokurya bidakungahaye ku mavuta kandi bitera amagara mazima. Imana izanezezwa no guha umugisha iryo funguro kandi rizagirira umumaro uryakiriye. [3UB231]

Nabonye ko dukwiriye gusenga nk'uko Salomo yasenze agira ati: "Ungaburire ibyokurya binkwiriye" (Imigani 30:8)- kandi igihe dusenze, tujye dushyira mu bikorwa ibyo dusaba. Shaka ibyokurya byuzuye kandi byoroheje kandi by'ingenzi ku buzima, bitarangwamo amavuta akomoka ku matungo. Bene ibyo byokurya bizaba bidukwiriye.

---

*63 Reba Inama ku Mirire n'lbyokurya, pp. 360-362: Amavuta y'Inguruben'lbinure.*

---

[3UB231] Hariho bamwe mu bubahiriza Isabato inda zabo zahindutse imana yabo. Bapfusha ubusa umutungo wabo bagura ibyokurya bikungahaye cyane ku ntungamubiri n'amavuta by'umurengera. Nabonye ko bene abo, niba barakijijwe by'ukuri, batazamenya icyo gutegeka ipfa ari cyo keretse gusa nibazibukira ipfa ryabo maze bakajya barya kugira ngo baheshe Imana icyubahiro. Nyamara hariho bake cyane barira guhesha Imana icyubahiro. [3UB232]

Ni gute abantu bafite umugati n'agasahane kuzuye amavuta yo kuwusiga basaba Imana kuwuha umugisha hanyuma bakawurya bahanze amaso ku cyubahiro cy'Imana? Dutegetswe gukorera ibintu byose guhimbaza Imana. Tugomba kurya no kunywa kubwo gihimbaza Imana. -Manuscript 3, 1854. [3UB232]

# IGICE CYA 32

## IYEREKWA RYABAYE MU 1863 RIVUGA KU IVUGURURA MU BY'UBUZIMA

### IBIBAZO BIKOMEYE BISUBIZWA

Ikibazo Kirebana n'Iyerekwa. - Mbese wakiriye ibyo bitekerezo byawe birebana n'ivugurura mu by'ubuzima mbere y'uko usura Ikigo cy'Ubuvuzi cy'ahitwa Dansville, muri New York, cyangwa ni mbere y'uko ugira ibitabo usoma bivuga kuri iyi ngingo? [3UB233]

***Igisubizo.*** -Hari mu rugo rwa mwenedata A. Hilliard, ahitwa Otsego, muri Michgan, kuya 6 Kamena 1863, ni bwo ingingo ikomeye y'Ivugurura mu by'ubuzima yaje imbere yanjye mu iyerekwa. [3UB233]

Nageze mu kwezi kwa Kanama 1864, ntarasura Dansville. Nahasuye hashize amezi cumi n'ane mpawe icyo gitekerezo cy'ivugurura. Kugeza igihe nandikiye igitabo cya 3 n'icya 4 by' Impano z'Umwuka,64 n'Irarika ku Babyeyi,65 ndetse n'igihe nari naranditse inyinshi mu ngingo esheshatu zasohotse mu kanyamakuru kitwa Uburyo bwo Kubaho,66 nta bitabo nari narigeze nsoma bivuga ku buzima. [3UB233]

Ntabwo nari nzi ko hari inyandiko yasohotse ivuga iby'Amategeko y'Ubuzima, yandikiwe i Dansville, muri New York. Ntabwo nari narigeze numva iby'ibitabo byinshi bivuga ku buzima byanditswe na Dogoteri J. C. Jackson n'ibindi bitabo byandikiwe i Dansville igihe nagiraga igitekerezo navuze haruguru. Kugeza muri Nzeri 1863, ntabwo nari nzi ko bene ibyo

---

*64 Spiritual Gifts*

*65 Appeal to Mothers*

*66 How to Live*

*67 The Laws of Life*

---

[3UB233] bitabo biriho. Igihe twari i Boston, muri Leta ya Massachusetts, umugabo wanjye yabibonye byamamazwa mu kinyamakuru cyitwaga Ijwi ry'Abahanuzi cyandikwaga n'Umukuru J.V. Himes. Umugabo wanjye yatumije ibyo bitabo bituruka i Dansville maze bimusanga ahitwa Topsham, muri Leta ya Maine. Imirimo myinshi yari afite ntiyamwemereye kubicamo ngo asome, kandi kubera ko niyemeje kutabisoma ntararangiza kwandika ibitekerezo byanjye, ibyo bitabo byagumye mu bifuniko byajemo. [3UB234]

Igihe natangiraga kwigisha inshuti zanjye ku nsanganyamatsiko y'ubuzima aho nakoreraga i New England muri Michigan, ndetse no muri Leta ya New York, nkavuga namagana ibiyobyabwenge n'inyama, ariko ngashyigikira ikoreshwa ry'amazi, guhumeka umwuka mwiza, n'indyo ikwiriye, akenshi abantu baransubizaga bati: "Uvuga ibitekerezo bijya gusa rwose n'ibyigishwa mu gitabo kivuga Amategeko y'Ubuzima", ndetse n'ibindi bitabo byanditswe na ba Dogiteri Trall, Jackson, n'abandi. Mbese waba warigeze usoma izo nyandiko n'ibyo bitabo?" [3UB234]

Igisubizo natangagaga ni uko ntigeze mbisoma, kandi nta nubwo nari kuzigera mbisoma kugeza igihe nari kuzarangiriza kwandika ibitekerezo byanjye kugira ngo bitazavugwa ko nahawe umucyo mfite ujyana n'insanganyamatsiko y'ubuzima nywukuye ku baganga atari ku Uwiteka. [3UB234]

Kandi igihe nari maze kwandika ingingo esheshatu nanditse zivuga Ku Buryo bwo Kubaho, ubwo ni bwo nashakishije ibitabo bitandukanye bivuga ku isuku hanyuma nza gutangazwa no kubona bijya kuvuga kimwe rwose n'ibyo Uwiteka yampishuriye. Bityo rero kugira ngo nerekane uburyo bihuje, ndetse no gushyira imbere y'abavandimwe banjye iyi nsanganyamatsiko nk'uko yanditswe n'abanditsi bafite ubushobozi, niyemeje kwandika agatabo kavuga Uburyo bwo Kubaho, aho muri ko nakoresheje cyane amagambo nakuye mu bitabo navuze ko nasomye. [3UB234]

## UKO NAHISHURIWE IVUGURURA MU MYAMBARIRE

***Ikibazo:-*** Mbese ibyo bashiki bacu bakora bambara amakanzu agarukira hafi kuri santimetero makumyabiri nebyiri n'igice (22.5cm) ururutse hasi ku itaka ntibyaba bihabanye n'Ibihamya Nomero ya 11, bivuga ko ayo makanzu akwiriye kugera hepfo gato y'amavi n'intege by'umukobwa cyangwa umugore? [3UB234]

***Igisubizo.*** -Ntabwo nahawe mu bipimo bya santimetero intera ikwiriye uvuye ku mpera z'umwenda ukagera hasi aho umuntu aba akandagiye... Ariko amatsinda atatu y'abagore n'abakobwa yanyuze imbere imyambaro yabo iteye itya ku bijyana n'uburebure bwayo: [3UB234]

Aba mbere bari bambaye amakanzu agezweho maremare, wabonaga abereye umutwaro amaguru, akababuza gutambuka, akagenda akubura

*68 Voice of Prophets.*

*69 Iki gitabo cyavuzweho mu bika byabanje, ku karanga ka 50.*

*70 How to Live*

[3UB234] inzira asakuma imyanda yo mu nzira; kandi ingaruka zabyo nazivuze neza mu buryo bwuzuye. Iri tsinda, ryari ryarabaye imbata z'imideri igezweho, ryagaragaraga rifite intege nke kandi rigwaguza. [3UB235]

Imyambaro y'itsinda rya kabiri ryanyuze imbere yanjye yari imeze nk'uko byari bikwiriye mu mpande nyinshi. Amaguru yari yambitswe neza. Nta mitwaro bari bikoreye bayikorejwe n'umunyagitugu ari we Mideri igezweho, wari warakoreje imitwaro rya tsinda rya mbere. Nyamara bari barageze ku guheza inguni mu kwambara imyenda migufi kugeza ubwo bazinura abantu beza kandi babatera kugira urwikekwe, ndetse ku rugero rukomeye cyane bo ubwabo basenye icyizere n'impinduka bajyaga guteza mu bandi. Uyu ni umuderi n'impinduka ziterwa n' "Imyambarire ya Kinyamerika," yigishwa kandi yambarwa na benshi ku kigo cyacu kiri i Dansville, muri New York. Iyo myambaro ntigera no ku mavi. Ntabwo navuga ko uyu muderi w'imyambaro naweretswe ari mugufi bene kariya kageni. [3UB235]

Itsinda rya gatatu ryanyuze imbere rifite mu maso huje ibinezaneza, kandi ubona babohotse batera intambwe irambuye. Amakanzu yabo yari afite uburebure nk'ubwo nari naravuze ko ari bwo bukwiriye, arangwa no kwiyoroshya kandi agasigasira ubuzima. Igihe cyose babaga batera intambwe bazamuka cyangwa bamanuka, amakanzu yabo yahuhaga umwanda wo mu nzira bacamo. [3UB235]

Nk'uko nabivuze mbere, ntabwo mu iyerekwa nahawe uburebure bw'amakanzu muri za santimetero... [3UB235]

## ISANO IYEREKWA RIFITANYE N'INYANDIKO N'IMIKORERE

Kandi ahangaha nshaka kuvuga ko nubwo mba nishingikirije ku Mwuka w'Uwiteka igihe nandika ibitekerezo byanjye nk'aho ndi kubihabwa, nyamara iyo nsobanura ibyo neretswe nkoresha amagambo yanjye bwite, keretse iyo ari amagambo nabwiwe na marayika, kandi iyo bimeze bityo, iteka nyashyira mu twuguruzo n'utwugarizo. [3UB235]

Igihe nandikaga ku nsanganyamatsiko y'imyambarire, ishusho y'ariya matsinda uko ari atatu yagarutse mu ntekerezo zanjye igaragara neza nk'igihe nayibonaga mu iyerekwa; ariko nasigiwe inshingano yo gusobanura uburebure bw'imyambaro ikwiriye uko nashoboraga kose mu mvugo yanjye bwite, ari nabyo nakoze mvuga ko impera yo hasi y'amakanzu ikwiriye kugera hafi yutugombambari tw'umukobwa cyangwa umugore, aho usanga biba ngombwa ko ayo makanzu ashobora kuba yahuha imyanda yo mu nzira nko mu bihe byo kuzamuka cyangwa kumanuka nigeze kuvuga. [3UB235]

Nanjye nambara amakanzu afite uburebure bwegereza rwose ubwo nabonye kandi mvuga nashima. Abakobwa n'abagore bagenzi banjye bari muri Michgan y'amajyaruguru nabo bayobotse iyo myambarire. Kandi [3UB235] igihe ingingo yavugaga iby'uburebure bw'amakanzu muri za santimetero yavugwaga kugira ngo ahantu hose habeho guhuza inkano ku bijyanye n'uburebure [bw'imyambaro], hazanywe itegeko kandi byaje kugaragara ko uburebure bw'imyambaro yacu bugarukira kuri santimetero ziri hagati ya makumyabiri na makumyabiri neshanu uvuye hasi aho umuntu aba akandagiye. Amwe muri ayo makanzu yari maremare ho gato ku cyitegererezo neretswe, mu gihe andi nayo yari magufi ho gato kuri icyo cyitegererezo. The Review and Herald, Oct. 8, 1867. [3UB236]

## INYANDIKO YO KU YA 6 KAMENA IVUGA KU BUZIMA, UMUNSI W'IYEREKWA"

Nabonye ko mu buryo bwihariye ubu dukwiriye kwita ku buzima Imana yaduhaye, kubera ko umurimo wacu utararangira. Ubuhamya bwacu bugomba gutangwa kandi bukwiriye kugira impinduka buzana. Nabonye ko nari narapfushije ubusa igihe kinini cyane ndetse n'imbaraga ndoda imyambaro, ngabura ibyokurya kandi nganiriza abantu. Nabonye ko imíruho yo mu rugo igomba kurekwa. Gutegura imyambaro ni umutego; hari abandi bashobora kubikora. Ntabwo Imana yampaye imbaraga zo gukora bene uwo murimo. Dukwiriye gusigasira imbaraga zacu kugira ngo zikore mu murimo wayo, kandi igihe bikenewe tugatanga ubuhamya bwacu. Nabonye ko dukwiriye kwigengesera tukitondera uko dukoresha imbaraga zacu bityo ntitwiyikoreze imitwaro abandi bashobora kandi bakwiriye kwikorera. [3UB236]

Nabonye ko dukwiriye gushishikarira kurangwa n'intekerezo zuzuye ibyishimo, ibyiringiro n'amahoro, kubera ko ubuzima bwacu (amagara mazima) bushingiye mu kugenza dutyo. Nabonye ko ari inshingano ya buri wese ko yita cyane ku buzima bwe, ariko by'umwihariko dukwiriye kwerekeza intekerezo zacu ku magara yacu, kandi tugafata igihe tukakigenera kwiyitaho kugira ngo ku rwego runaka tubashe kugarura ubuyanja dukire ingaruka zo gukora birenze urugero no kunaniza cyane ubwonko bwacu. Umurimo Imana idusaba kuyikorera ntuzadutandukanya no kwita ku buzima bwacu. Uko ubuzima bwacu burushaho kuba bumerewe neza, ni ko n'umurimo dukora uzarushaho kuba utunganye rwose. [3UB236]

**Kubahiriza no Kwigisha Amahame y'Ivugurura mu by'Ubuzima.** - Nabonye ko igihe dukoresha imbaraga zacu cyane, tugakora birenze urugero, kandi tukinaniza cyane, hanyuma bikadutera gusuhererwa tukarwara, icyo gihe tuba turi mu kaga ko gufatwa n'indwara nyinshi tukamererwa nabi bikabije. Kwiyitaho ubwacu ntitugomba kubiharira Imana kugira ngo irebe kandi yite ku byo yadusigiye ubwacu ngo tubirinde kandi tubyiteho. Kwica amategeko agenga ubuzima hanyuma tugasaba Imana kwita ku buzima bwacu no kuturinda indwara ntabwo ari byiza kandi ntibishimisha Imana mu gihe turangwa n'imibereho inyuranyije rwose n'amasengesho dusenga. [3UB236]

---

*71 Reba Ibihamya, Vol.3, p.13.*

---

Nabonye ko dufite inshingano yera yo kwita ku buzima bwacu no gukangurira abandi inshingano yabo, nyamara kandi ntabwo tugomba kwikorera umutwaro w'ibibareba ubwabo. Nyamara kandi, dufite inshingano yo kuvuga, tukamagana kutirinda k'uburyo bwose (kutirinda mu gukora imirimo, mu mirire, mu minywere, no mu gukoresha imiti ibamo uburozi), hanyuma tukereka abantu umuti ukomeye Imana yatanze uvura indwara, ugasukura umubiri kandi ukawutera kugubwa neza no kuruhuka ari wo - amazi meza asukuye. [3UB237]

**Inyifato Inejeje kandi Irangwa no Kumererwa neza.** - Nabonye ko umugabo wanjye adakwiriye kwemerera ubwenge bwe gutinda ku bintu bitari byo, ku ruhande rwijimye, ku ruhande rucuze igihumya. Akwiriye kwikuramo ibitekerezo bibabaza n'ingingo zimwe zitera kubabara, bityo akagira akanyamuneza, akishima kandi akamererwa neza, ndetse akwiriye gushikama ku Mana atajegajega kandi akayiringira akanayigirira icyizere ubutanyeganyezwa. Naramuka abashije gutegeka intekerezo ze, ubuzima bwe buzarushaho kumererwa neza. Nabonye ko mu bintu byose umugabo wanjye akwiriye kuruhuka uko ashoboye kose ku munsi w'Isabato, igihe adafite gahunda yo kubwiriza... [3UB237]

Nabonye tudakwiriye guceceka ku bijyanye n'ingingo irebana n'ubuzima ahubwo dukwiriye gukangurira abantu kwita kuri iyi ngingo. - Manuscript1, 1863. [3UB237]

## KWIGA INYANDIKO IVUGA KU IVUGURURA MU BY'UBUZIMA KWABAYEHO MU 1867

Intekerezo zirwaye zirangwa n'imibereho y'uburwayi no kurwaragura, mu gihe umuntu mutaraga, uboneye kandi ufite intekerezo nzima, ufite ubushobozi bw'ubwenge budafite ibibwijimisha, bene uyu azagira imibereho mizima izaba ifite agaciro katagerwa. Umunezero ujyana n'ubuzima bwo gukora neza ni wo uzaba ingororano ya buri munsi kandi iyo ngororano izaba amagara mazima n'ibyishimo. [3UB237]

Natangajwe n'ibintu neretswe mu iyerekwa. Hari ibintu byinshi byaje bihita byinjira mu bitekerezo byanjye bwite. Icyo kibazo cyahoraga mu ntekerezo zanjye ubudatuza. Nakibwiraga abantu bose nagiraga amahirwe yo kuganira nabo. Inyandiko ya mbere y'iyerekwa nagize yari ipfundo ry'ingingoshingiro iri mu gitabo cyitwa [Impano z'Umwuka], umuzingo wa 4 ndetse no mu ngingo esheshatu nanditse mu gatabo kavuga Uko Umuntu Yabaho zifite umutwe uvuga iby" Indwara n'Ibizitera." [3UB237]

Mu buryo butunguranye twahamagariwe kujya gusura ahitwa Allegan muri Michgan tukajya kwitabira imihango yo gushyingura [kuwa 23 Kamena 1863], hanyuma bidatinze dufata urugendo rwerekeza mu burasirazuba [kuwa 18 Kanama], kandi nari mfite umugambi wo gusoza igitabo

cyanjye nandikaga ndi muri urwo rugendo. Ubwo twasuraga amatorero, ibintu neretswe bifitanye isano n'ibibi byari biriho byansabaga [3UB237] hafi y'igihe cyanjye cyose ntari mu materaniro ahubwo ndi kwandikira abo bantu. Mbere y'uko ngaruka mu rugo mvuye mu burasirazuba, nari maze kwandika impapuro zigera kuri magana atanu nzandikira abantu ku giti cyabo ndetse n'amatorero. [3UB238]

Nyuma yo kuva mu burasirazuba [kuya 21 Ukuboza 1863], natangiye kwandika [Impano z'Umwuka] umuzingo wa 3 niteze kugira igitabo kinini kigomba gufatanywa n'ibihamya byafashije gukora igitabo [Impano z'Umwuka], umuzingo wa 4. Ubwo nandikaga, iyo ngingo yafungukiye imbere yanjye maze mbona ko bidashoboka ko ibintu byose ngomba kwandika nabyandika mu mpapuro nke cyane nk'uko nari nabigennye mbere. Iyo ngingo yararambuwe maze umuzingo wa 3 uruzura. Hanyuma naje gutangira umuzingo wa 5,2 ariko mbere y'uko ndangiza umurimo wanjye, igihe nateguraga ingingo ivuga kuby'ubuzima kugira ngo nyohereze abakora umurimo wo gucapa, naje guhamagarirwa kujya ahitwa Monterey. Twagiyeyo, ariko ntitwabashaga kurangiza umurimo waho byihuse nk'uko twari tubyiteze. Byabaye ngombwa ko ngaruka kurangiza ya ngingo ivuga kuby'ubuzima ngo nyohereze abacapyi, kandi twasize dutanze gahunda y'icyumweru cyagombaga gukurikiraho. [3UB238]

Izo ngendo zombi mu gihe cy'ubushyuhe zari nyinshi bihagije ugereranyije n'imbaraga nari mfite. Hafi y'igihe cyose nari naragiye nandika mara umwaka usaga. Muri rusange natangiraga kwandika saa moya za mu gitondo ngakomeza kugeza saa moya z'ijoro, hanyuma ngahagarika kwandika maze nkajya gusoma ngo noze impapuro nanditse. Ubwonko bwanjye bwarakoreshejwe cyane bikabije, kandi namaze ibyumweru bitatu ntabasha gusinzira igihe kirenga amasaha abiri mu ijoro. Nahoraga mbabara umutwe. [3UB238]

Hanyuma nakusanyirije mu muzingo wa 4 ingingo zose z'ingenzi cyane nari naherewe mu iyerekwa zerekeye ubuzima. Nari mfite umugambi wo kuzasohora ikindi gíhamya nashoboraga kuvugiramo mu buryo nisanzuye kurutaho nkavuga ku munezero namakuba birangwa mu buzima bw'urushako. Nasoje umuzingo wa 4 [kuwa 23 Kanama 1864] nzirikana ko ugomba gukwirakwizwa mu bantu. Nazigamye ingingo zimwe z'ingenzi zivuga ibijyanye n'ubuzima kubera ko ntari mfite imbaraga cyangwa igihe byo kuzitegura ngo zijye muri uwo muzingo, kandi ngo ziboneke mu gihe cy'urugendo rwacu rwerekezaga mu Burasirazuba mu mwaka wa 1864. [3UB238]

## KWANDIKA UDASHINGIYE KU BITABO CYANGWA KU BITEKEREZO BY'ABANDI

Ibyo nanditse byerekeye ubuzima ntibyakuwe mu bitabo cyangwa izindi nyandiko. Igihe nabwiraga abandi ibintu nabaga nareretswe, bambazaga ikibazo bati: "Mbese wigeze ubona inyandiko nka, Amategeko y'Ubuzima

---

*72 Umuzingo wa 5 wakomeje uvuga ku mateka yo mu Isezerano rya Kera uhereye igihe cyo kubaka ingoro y'Imana ukageza kuri Salomo. Aya magambo yanditswe kuri paji 119, zikurikiwe n'igice gifite paji 40 gifite umutwe uvuga ngo "Ubuzima."*

---

[3UB238] cyangwa Ikinyamakuru kivuga ibyo Kuvurisha Amazi?" Narababwiye nti, "Oya, izo nyandiko zose nta n'imwe nigeze mbona." Baravuze bati: "Ibyo weretswe bihuje cyane na nyinshi mu nyigisho ziri muri ziriya nyandiko." Naganiriye na Dogoteri Lay nisanzuye ndetse n'abandi benshi ku bintu nari nareretswe bijyanye n'ubuzima. Ntabwo nari narigeze mbona inyandiko ivuga ku by'ubuzima. [3UB239]

Nyuma yo guhabwa iyerekwa, umugabo wanjye yakangukiye kwita ku bibazo bijyanye n'ubuzima. Igihe twari mu rugendo twerekeza mu Burasirazuba yabonye ibitabo ariko ntiyabasha kubisoma. Igitekerezo nari mfite cyari gisobanutse neza, bityo rero ntabwo nashakaga kugira ikindi kintu nsoma ntarasoza neza ibitabo byanjye nandikaga. Ibitekerezo byanjye byanditswe bidashingiye ku bitabo cyangwa ku bitekerezo by'abandi." Manuscript 7, 1867. [3UB239]

## IGICE CYA 33

## IMIKORESHEREZE IKWIRIYE Y'IBIHAMYA BIVUGA KU IVUGURURA MU BY'UBUZIMA"[73]

Nizera rwose ntashidikanya ko iherezo rya byose riri bugufi, kandi imbaraga zose Imana yaduhaye zikwiriye gukoreshwa mu murimo ukoranywe ubwenge cyane kandi uhanitse dukorera Imana. Uwiteka yahagurukije ishyanga arikuye mu b'isi kugira ngo ye kuribonereza gusa kuzaba mu ijuru ritunganye kandi ryera, ahubwo binanyuze mu bwenge azariha, anabategurire kuba abakozi bakorana n'Imana mu gutegura ishyanga rigomba kuzahagarara mu munsi w'Imana. [3UB240]

Umucyo mwinshi watanzwe ku bijyanye n'ivugurura mu by'ubuzima, ariko ni ngombwa ko abantu bose bafata iyi ngingo mu bwitonzi n'ubushishozi bwinshi kandi bakayishyigikirana ubwenge. Mu byagiye bitubaho, twabonye abantu benshi batagiye bigisha ivugurura mu by'ubuzima mu buryo butashyiraga isura nziza cyane mubo bifuzaga ko bakira ibitekerezo byabo. Bibiliya yuzuyemo inama nziza z'ubwenge, ndetse muri yo ibijyana no kurya no kunywa byitabwaho uko bikwiriye. Amahirwe ahebuje andi umuntu ashobora kwishimira ni ayo kugabana kuri kamere y'Imana, kandi kwizera kutubera umurunga uduhuriza mu mubano ukomeye n'Imana kuzarema kandi kugorore intekerezo n'imyitwarire ku buryo tuzahinduka umwe na Kristo. Binyuze mu ipfa ry'inda ritarangwa no kwirinda, nta muntu n'umwe wari ukwiriye gukabya guhaza ipfa rye kugeza

---

*73 Iyi ngingo yandikiwe i Battle Creek muri Michgan, kuwa 23 Werurwe 1881, kandi isohoka mu Rwibutso n'Integuza rwo kuwa 25 Kamena 1959.*

---

[3UB240] ubwo aciye intege imikorere iyo ari yo yose y'umubiri w'umuntu bityo akangiriza ubwenge n'umubiri. Umuntu ni ubutunzi bw'Uwiteka yicunguriye. [3UB241]

Niba twaragabanye kuri kamere y'Imana, tuzabaho dusabana n'Umuremyi wacu kandi duhe agaciro imirimo yose y'Uwiteka yateye Dawidi kuvuga ati: "Maremwe mu buryo buteye ubwoba butangaza" (Zaburi 139:14). Ntabwo ingingo z'imibiri yacu tuzazifata nk'umutungo wacu bwite nk'aho ari twe twaziremye. Ubushobozi bwose Imana yahaye umubiri w'umuntu bugomba guhabwa agaciro. "Ntimuri abanyu ngo mwigenge, kuko mwaguzwe igiciro. Nuko rero mutume imibiri yanyu ihimbaza Imana" (1Abakorinto 6:19, 20). [3UB241]

Ntabwo tugomba gufata nabi n'ubushobozi bumwe bw'ubwenge, ubugingo cyangwa umubiri. Ntabwo dushobora gukoresha uko bidakwiriye na rumwe mu ngingo z'ingenzi z'umubiri w'umuntu ngo tubure guhanwa bitewe no kwica amategeko y'ibyaremwe. Iyo idini ya Bibiliya ishyizwe mu bikorwa mu buzima ituma habaho gukuza ubwenge ku rwego ruhanitse. [3UB241]

Kwirinda kurererezwa kugashyirwa ku rwego ruhanitse mu Ijambo ry'Imana. Iyo twumviye Ijambo ry'Imana dushobora kuzamuka tukagenda turushaho kujya ku rwego ruhanitse. Muri ryo havuzwemo akaga gaterwa no kutirinda. Ibyiza bironkerwa mu kwirinda byashyizwe imbere yacu twese binyuze mu Byanditswe Byera. Ijwi ry'Imana riratubwira riti: "Namwe mube mukiranutse nk'uko So wo mu ijuru akiranuka" (Matayo 5:48). [3UB241]

Urugero rwa Daniyeli twaruherewe ngo twigane ubushishozi kandi tumenye amasomo Imana ishaka ko twigira muri uru rugero twaherewe mu mateka yera. [3UB241]

## KWIRINDA UBUHEZANGUNI

Dushaka kwigisha kwirinda ndetse n'ivugurura mu by'ubuzima dushingiye kuri Bibiliya, kandi dushaka kwigengesera cyane kugira ngo tutajya mu buhezanguni dukorera ubuvugizi ivugurura

mu by'ubuzima mu buryo buhutiyeho. Nimutyo twigengesere twe gutsindira agashami gato kamwe gapfuye mu ivugurura mu by'ubuzima dukurikije ibitekerezo byacu byihariye birangwamo gukabya kandi ngo turisobekemo amatwara akomeye arangwa mu mico yacu ngo ibyo tubigire nkaho ari ijwi ry'Imana, ndetse ducire urubanza abantu bose batabona ibintu nk'uko tubibona. Kwigisha umuntu ngo ave mu kamenyero kabi asanganwe bitwara igihe. [3UB241]

Hari ibibazo byinshi biza biturutse ku bavandimwe bacu mu kwizera bibaza ku bijyanye n'ivugurura mu by'ubuzima. Hari amagambo avugwa ko abantu bamwe bari gufata umucyo watanzwe mu bihamya ku ivugurura mu by'ubuzima maze uwo mucyo bakawugira igipimo [bapimisha abandi]. Batoranya amagambo amwe yavuzwe ku bijyana n'ingingo zimwe zanditswe ku mirire nk'izigirwaho impaka (ni amagambo yanditswe ari umuburo[3UB241] n'amabwiriza byahabwaga abantu runaka binjiraga cyangwa bari barinjiriye mu nzira mbi). Batinda kuri ibyo bintu maze bakabikomeza uko bashoboye kose, maze ya magambo yanditswe bakayacengezamo amatwara yabo yihariye kandi ahinyurwa arangwa mu mico yabo, bityo byose bakabitwara mu mbaraga nyinshi, muri ubwo buryo bakabigira igipimo, kandi bakabijyana aho bitagira ikindi bikora uretse kwangiriza. [3UB242]

## GUTWARA IBINTU MU RUGERO NO KWIGENGESERA BIRAKENEWE

Ubugwaneza no kwiyoroshya byarangaga Kristo birabuze. Gutwara ibintu mu rugero no kwigengesera birakenewe cyane, ariko abantu ntibafite aya matwara yifuzwa aranga imico. Bakeneye ko Imana ibagenderera ikabatunganya. Kandi bene abo bantu bashobora gufata ivugurura mu by'ubuzima maze bakangiriza byinshi baryifashishije bashyira urwikekwe mu ntekerezo z'abantu ku buryo abantu bazagera ubwo biziba amatwi kugira ngo batumva ukuri. [3UB242]

Ivugurura mu by'ubuzima nirikorwa neza, rizaba icyanzu ukuri gushobora gucamo kukagera ku ntsinzi igaragara. Ariko kwigisha ivugurura mu by'ubuzima mu buryo butarangwamo ubwenge, maze iyo nsanganyamatsiko ikagirwa umutwaro ku butumwa, ibyo byateje urwikekwe ku batizera maze biba inkomyi mu nzira igana ku kuri, bisiga isura mu bantu ko turi abahezanguni. Ubu noneho Uwiteka ashaka ko tuba abanyabwenge kandi tugasobanukirwa ubushake bwe. Ntabwo tugomba gutanga icyuho cyo gutera abantu kudufata nk'abahezanguni. Ibi byazatuma abantu bafata nabi ari twe ubwacu ndetse n'ukuri Imana yaduhaye. Binyuze mu gucengeza inarijye [muri uko kuri] ibyo tugomba guhora tugeza ku bandi nk'umugisha bihinduka igisitaza. [3UB242]

Tubona abantu bazajya mu bihamya maze bagatoranyamo amagambo akomeye cyane, maze aho gusesengura cyangwa kureba amateka y'uko ibintu byari bimeze ubwo ayo mabwiriza n'imiburo byatangwaga, ya magambo akomeye bayagire ihame mu kantu kose. Uko ni ko batuma mu ntekerezo z'abantu hazamo isura mbi. Iteka haba hariho abantu baba biteguye kwakira ikintu icyo ari cyo cyose bashobora gukoresha bagashyira abantu ku gipimo gikakaye, kandi bazacengeza ibijyanye n'imico yabo mu mavugurura. Ibi mu itangira bihita bibyutsa kurwanywa n'abo bajyaga gufasha iyo baza gukorana ubushishozi, bagateza impinduka nziza yari gutera abantu kubakurikira. Bazajya ku murimo, maze bibasire abantu. Bazajya bafata ibintu bimwe bakuye mu bihamya maze babitsindagire umuntu wese, bityo bazinure abantu aho kubazana ku kuri. Barema ibice mu bantu mu gihe bagombye kandi bari bakwiriye kuzana amahoro mu bantu. [3UB242]

## AKAGA K'IMIRYANGO ELLEN G. WHITE YERETSWE

Neretswe akaga Kimiryango igira amatwara arangwa n'iruba, aho usanga kamere ya kinyamaswa iganje. Abana babo ntibagombye kwemererwa kurya amagi, kubera ko ibi byokurya (amagi

n'inyama) bigaburira kandi bigatera iruba rya kinyamaswa kugurumana. Kuri bo, ibi bituma bibakomerera cyane gutsinda igishuko cyo kwirundurira mu migenzereze y'icyaha yo kwiyandarika gukorwa hafi y'ahantu hose ku isi muri iki gihe. Iyi migirire ica intege imbaraga z'umubiri, iz'ubwenge n'iz'imicombonera kandi bigafunga inzira igana ku bugingo buhoraho. [3UB243]

Neretswe imiryango imwe nabonye iri mu mibereho ibabaje cyane. Bitewe n'iki cyaha cy'urukozasoni, bari ahantu ukuri kw'Imana kudashobora kubona aho kunyura ngo kugere mu mutima cyangwa mu ntekerezo. lyi migirire iganisha ku bushukanyi, ku kinyoma, ku gutwarwa n'iruba, ndetse no kwangiriza no guhumanya intekerezo z'abandi hatabuzemo n'izabana bato. Ingeso umuntu yatoye kuyitsinda biba bikomeye cyane kuruta gutsinda kurarikira inzoga cyangwa itabi. [3UB243]

Ibyo bibi biganje bityo, byanteye kuvuga amagambo navuze. Ugucyaha kwihariye kwagiye gutangwa mu miburo yahabwaga abandi; bityo bikaza kugera imbere y'indi miryango itari iy'abantu babaga bakosowe kandi bacyashywe. Ariko mureke ibihamya byivugire. Ntihakagire abantu bakusanya amagambo akomeye yavuzwe yahawe abantu bihariye n'imiryango, ngo ibyo bintu babihatire abandi kubera ko bashaka kubikoresha nk'inkoni no kugira ikintu cyo kubakubitisha. Nimutyo abo bantu bagira amashagaga kandi baba bamaramaje bafate Ijambo ry'Imana n'ibihamya kuko ari byo bigaragaza uburyo kwihangana, urukundo n'ubumwe buzira amakemwa ari ngombwa bityo bakorane umwete kandi badacogora. Nibaba bafite imitima yorohejwe kandi igengwa n'ubuntu bwa Kristo, ndetse bakaba bacishijwe bugufi muri bo ubwabo kandi bakaba buzuye ubugwaneza bwa kimuntu, ntabwo bazateza urwikekwe, kandi ntibazateza ibice mu matorero ndetse ngo bayace intege. [3UB243]

## AMAVUTA Y'INKA, INYAMA, NA FOROMAJE

Ikibazo kibaza niba dushobora kurya amavuta y'inka, inyama na foromaje ntikigomba gushyirwa imbere y'umuntu uwo ari wese nk'igipimo, ahubwo tugomba kwigisha kandi tukerekana ibibi by'ibintu abantu bibazaho. Abantu bakusanya ibyo bintu maze bakabishyira ku bandi nk'igipimo ntibazi umurimo bari gukora. Ijambo ry'Imana ryatanze ibipimo ubwoko bwayo bupimirwaho. Kubahiriza itegeko ryera ry'Imana, itegeko ry'Isabato, ni igipimo, kandi ni ikimenyetso hagati y'Imana n'ubwoko bwayo mu bisekuru byabwo bwose iteka ryose. By'iteka ryose, uyu ni wo mutwaro ugize ubutumwa bwa marayika wa gatatu: amategeko y'Imana n'ibihamya bya Yesu Kristo. [3UB243]

## ICYAYI, IKAWA, ITABI N'INZOGA

Tugomba kwerekana ko kunywa icyayi, ikawa, itabi n'inzoga ari ibinezeza by'icyaha. Ntabwo dushobora kubishyira ku rwego rumwe n'inyama, amagi, amavuta y'inka, foromaje ndetse n'ibindi biribwa bishyirwa ku meza. Ibi byo ntibigomba gushyirwa imbere nk'aho ari umutwaro w'umurimo wacu. Nyamara biriya twavuze ahabanza (icyayi, ikawa, itabi, inzoga z'amoko yose na divayi ihiye) ntibigomba no gufatwaho mu rugero, ahubwo bigomba kwirindwa rwose. Ibinyabutabire by'uburozi bubibamo ntibigomba gufatwa kimwe n'amagi, amavuta y'inka na foromaje. [3UB244]

Katanga ka mbere ibyokurya bikomoka ku nyamaswa ntibyari byaragenewe kuba ibiribwa by'umuntu. Dufite ibihamya byose byerekana ko inyama (umubiri) z'inyamaswa (amatungo) zapfuye zateza akaga bitewe n'indwara zigenda ziba gikwira mu isi yose, kandi bitewe n'umuvumo

ugenda urushaho kugwira ari ingaruka z'ingeso mbi n'ibyaha bya muntu. Tugomba kwerekana ukuri. Tugomba kurindwa tubwirwa uburyo bwo gukoresha ubwenge bwacu maze tugahitamo ibiribwa bizabyara amaraso meza cyane kandi bikayarinda ntarangwemo uburwayi. -Manuscript 5,1881. [3UB244]

***Umurimo Utesha Agaciro Ivugurura mu by'Ubuzima***

Hazabaho abantu bamwe batazasiga isura nziza kandi itunganye rwose mu ntekerezo z'abandi. Hazabaho abantu bihambira ku bitekerezo n'imigambi bitagutse, ndetse ntibagire n'igitekerezo na gito ku cyaba kigize ivugurura mu by'ubuzima. Bene abo bazafata ibihamya byahawe abantu bihariye bari bari mu bihe n'imibereho byihariye, maze ibyo bihamya babigire rusange kandi bavuge ko bigomba gukoreshwa ahantu hose, kandi mu kugenza batya bazatesha agaciro umurimo wanjye n'imbaraga y'ibihamya ku ivugurura mu by'ubuzima. -Letter 57, 1886. [3UB244]

**IGICE CYA 34**

# INGORANE MU BY'UMWUKA NO KU MUBIRI ZITERWA NO GUKABYA Mu GUHAZA IPFA

## IMPINDUKA ZATEWE NO KURYA INYAMA

Inyama z'inyamaswa (amatungo) zapfuye ntizari ibyokurya by'umwimerere umuntu yahawe. Umuntu yemerewe kuzirya nyuma y'umwuzure bitewe n'uko ibimera byose byari byaratikiye. Ariko umuvumo umuntu yavumwe ndetse n'isi n'igifite ubugingo cyose wazanye impinduka z'amayobera kandi zitangaje. Uhereye igihe cy'umwuzure, inyokomuntu yagiye igabanya igihe cyayo cyo kurama. Gusigingira mu gihagararo, mu bwenge no mu mico mbonera biragenda birushaho kwiyongera muri iyi minsi iheruka. -Manuscript 3, 1897. [3UB245]

## GUSHAKA IBYIZA MU NYURABWENGE KWARANGIRITSE

Ntabwo muzi akaga ko kurya inyama bitewe n'uko muba muzirarikiye. Kubwo kurya inyama, umuntu aba ashyize mu kanwa ke ibyokurya bikangura ibyifuzo bibi. Amarangamutima atarangwamo kwera yuzura intekerezo, bityo amaso y'umwuka akijimishwa; kubera ko aho kwinezeza kuganisha ari ukwangiriza inyurabwenge n'ubushobozi bwo gukunda ibyiza. Kubwo gushyira ku meza yawe bene ibi byokurya, uba ukora ibinyuranyije n'ubushake bw'Imana. Haba habayeho ibintu bizaganisha umuntu mu gusuzugura amahame yo mu mategeko y'Imana... [3UB245]

Ariko gutsinda imbaraga yo guhengamira ku kibi umuntu yakuye ku babyeyi n'izo we ubwe yamenyereje ntabwo ari ibintu byoroshye. Kamere ifite ubutware kandi ihora irwanira gutsinda. Ariko "unesha" nawe yahawe amasezerano. Uwiteka yerekana inzira itunganye, ariko ntawe ahatira kumvira. Areka abo yahaye umucyo ngo bawakire cyangwa bawuhinyure, ariko imigirire yabo ntibura gukurikirwa n'ingaruka. Igikozwe kigomba kugira ingaruka... [3UB246]

Ababyeyi bafite inshingano irushijeho gukomera yo gukurikiza imigenzereze itunganye mu mirire no mu minywere. Babyeyi, nimushyire imbere y'abana banyu ibyokurya byoroheje kandi bikungahaye ku byo umubiri ukeneye ngo umererwe neza, mwirinde ikintu cyose gikabura umubiri. Ingaruka ibyokurya bigizwe n'inyama bigira ku bana barakazwa n'ubusa si izo kubahindura abana bafite amatwara yo gutuza kandi bihangana, ahubwo baba ibifura, abanyaburakari, kandi ntibihanganire umuntu ubakumira agira ibyo ababuza. Imigirire itunganye iratakara, bityo kwangirika kukarimbura intekerezo, ubugingo n'umubiri. -Manuscript 47,1896. [3UB246]

## UBUZIMA BW'IBY'UMWUKA BUSHYIRWA MU KAGA

Kurya inyama z'amatungo yapfuye byangiriza ubuzima bw'umubiri w'umuntu, kandi abantu bose barya ibyokurya birimo inyama baba bari kongera amatwara yabo ya kinyamaswa kandi baba bari kugabanya ubushobozi bw'ubugingo bwabo bwo gusobanukirwa imbaraga y'ukuri n'uburyo ari ngombwa ko uko kuri kwinjizwa mu mibereho yabo y'ibigaragara. -Letter 54, 1896. [3UB246]

## UBUZIMA BUFATIKA BUFITANYE ISANO N'UBUZIMA BW'IBY'IDINI

Kurya inyama z'inyamaswa zapfuye bigira ingaruka zangiriza ku mibereho y'iby'umwuka. Iyo inyama zigizwe icyokurya cy'ingenzi gihora mu mafunguro, ubushobozi buhanitse bw'umuntu butsikamirwa n'ibyifuzo bibi byo ku rwego rwo hasi. Ibyo bintu ni igitutsi ku Mana, kandi ni intandaro yo gusigingira mu mibereho y'iby'umwuka.... Ibyo dukora byose mu bijyanye n'imirire n'iminywere bikwiriye gukorwa hari umugambi wihariye wo gutunga umubiri, kugira ngo tubashe gukorera Imana duhesha izina ryayo icyubahiro. Umubiri wose ni ubutunzi bw'Imana, bityo rero tugomba kwita cyane ku mibereho myiza y'umubiri wacu kubera ko ubuzima bw'iby'idini bufitanye isano ya bugufi n'ibyo twimenyereza ndetse n'imigenzereze mu by'umubiri. -Letter 69, 1896. [3UB246]

Uwiteka yagiye yigisha ubwoko bwe ko kwirinda kurya inyama biri mu nyungu zabwo mu by'umwuka n'iby'umubiri. Ntabwo ari ngombwa ko ubwoko bwe burya inyama z'inyamaswa zapfuye. - Letter 83, 1901. [3UB246]

## AKAGA GATERWA NO GUKERENSA KU BUSHAKE

Ibyo turya n'ibyo tunywa bigira ingaruka z'ingenzi ku buzima bwacu, kandi Abakristo bakwiriye kuzana akamenyero kabo mu mirire n'iminywere ntikanyuranye n'amategeko agenga ibyaremwe. Tugomba gusobanukirwa inshingano dufite ku Mana muri izi ngingo. Kumvira amategeko y'ubuzima bikwiriye kugirwa ingingo yiganwa umwete; kubera ko gukerensa ku bushake mu bijyanye n'iyi ngingo ari icyaha. Umuntu wese yari akwiriye kumva ko afite inshingano yihariye yo gukurikiza amategeko agenga imibereho igamije amagara mazima. [3UB247]

## MBESE TURI ABA NDE?

Abantu benshi batera ukuri umugongo basembuwe n'uko hari ijambo ry'imbuzi bahawe, maze bakabaza bati: "Mbese ntitwakora ibidushimisha ubwacu?" Mbese mwariremye? Kandi nimwe mwiyishyuriye ikiguzi cyo gucungurwa k'ubugingo bwanyu n'imibiri yanyu? Niba ari ko bimeze, ubwo muri abanyu bwite. Ariko Ijambo ry'Imana riravuga riti: "Mwaguzwe igiciro," "amaraso y'igiciro cyinshi ya Kristo." Ijambo ry'Imana ritubwira ryeruye ko ingeso karemano zacu zigomba kurindwa rwose kandi zigategekwa. "Mwirinde irari ry'umubiri rirwanya ubugingo." Mbese ibi tuzabikora? Ijambo ry'Imana riratunganye rwose, rihindura ubugingo. Nitwumvira amategeko yaryo tudakebakeba, tuzahindurwamo ishusho y'Imana haba ku gihagararo no mu by'umwuka. -Letter 103, 1896. [3UB247]

## IMBOGAMIZI KU GUTERA IMBERE MU BY'UBWENGE NO KWEZWA K'UBUGINGO

Imana isaba ubwoko bwayo guhora bukuza amajyambere. Bukeneye kumenya ko ipfa ry'inda rikabije guhabwa intebe ari yo mbogamizi ikomeye cyane ku gutera imbere mu by'ubwenge no kwezwa k'ubugingo. Nk'ishyanga rifite ibyo twizera byose bijyanye n'ivugurura mu by'ubuzima, turya ibyokurya byinshi. Gukabya mu guhaza ipfa ni yo ntandaro ikomeye cyane y'ubushobozi buke mu mubiri no mu bwenge, kandi ni byo ahanini bigize ipfundo ry'intege nke no gukenyuka. Kutirinda gutangirira ku meza yacu igihe dukora uruvangitirane rudakwiriye rw'ibyokurya.

Mureke umuntu wese ushaka kugira gutungana mu mwuka we azirikane ko muri Kristo hari imbaraga zo gutegeka ipfa. -Manuscript 73, 1908. [3UB247]

Ubwo twegereza iherezo ry'amateka y'iyi si, kwikanyiza, urugomo n'ubugome biraganje nk'uko byari biri mu minsi ya Nowa. Kandi intandaro ni imwe (ni ugusayisha mu guhaza ipfa n'irari). Ívugurura mu byo abantu bagize akamenyero mu buzima rirakenewe ariko by'umwihariko muri iki gihe, kugira ngo ishyanga ribe riteguriwe kugaruka kwa Kristo. Umukiza ubwe aburira itorero agira ati: "Ariko mwirinde, imitima yanyu ye kuremererwa n'ivutu no gusinda n'amaganya y'iyi si, uwo munsi ukazabatungura" (Luka 21:34). [3UB247]

Ivugurura mu birebana n'isuku ni ingingo dukeneye gusobanukirwa kugira ngo tubashe kwitegura ibigiye kubaho bitwegereye. Iri ni ishami rimwe ry'umurimo w'Uwiteka rititaweho nk'uko byari bikwiriye, kandi hari byinshi byatakaye bitewe no gukerensa. Iri vugurura ryagombye guhabwa umwanya w'ingenzi; ntabwo ari ingingo ikwiriye gufatwa mu buryo bworoheje, ngo abantu bayitambukeho nk'aho itari ingenzi, cyangwa ngo ifatwe nk'urw'amenyo. Iyaba abagize itorero bagaragazaga kwita kuri iri vugurura bisumbyeho, imbaraga bafite yo kurehereza abantu gukora icyiza yakwiyongera cyane. [3UB248]

Ku bategereje kugaruka K'Umukiza Yesu Kristo, ku bahamagariwe kuba abakozi bo mu ruzabibu rwe (ku bantu bose bari kwitegura kuzagira umwanya mu ngoma itazahanguka), mbega ukuntu ari ingenzi ko ubwonko bwabo buba butunganye, kandi uko bishoboka kose umubiri nawo ukaba utarangwamo indwara. - Undated Manuscript 9. [3UB248]

# IGICE CYA 35

## KWIGISHA IVUGURURA MU BY'UBUZIMA MU MURYANGO

### KUTABUSANYA KW'ABABYEYI N'ABANA IGIHE BARI KU MEZA

Umurimo wacu muri iki gihe ni umurimo wubashywe kandi usaba ubwitonzi. Ntabwo tugomba kuwuhunga. Hari ubukene bukomeye cyane bwo kwigisha mu byerekezo byinshi. Übukene bumwe bukomeye cyane mufite ni ubwo kumva ko Imana ari yo ikurikirana ibyo mukora. Muri umutungo w'Imana. Abana banyu nabo ni umutungo wayo mugomba kwigisha no gutoza nka bamwe mu bagize umuryango w'Uwiteka bakiri bato, badakwiriye kwifata ko bagomba gusayisha mu tugeso utwo ari two twose kandi nta kintu na kimwe babuzwa. Iyaba namwe mwitegerezaga gahunda nk'iyo yo gutoza ikinyabupfura mubonana abandi mu buryo bacunga abana babo, namwe ubwanyu mwabanenga bikomeye. [3UB249]

Byongeye kandi, ntimugakabye ngo mwicare ku meza ateguyeho amoko menshi y'ibiribwa, ngo kubera ko mubikunda, mubirire imbere y'abana maze mubabwire muti, "Oya, mwebwe ntimushobora kurya ibi. Na biriya nabyo ntimwabirya, byazabagirira nabi," nyamara mwe ubwanyu muri kurya byinshi cyane kuri ibyo bintu muri kubabuza gukoraho. Imyitwarire yanyu muri ibi ikeneye ivugurura n'ihame ry'imigirire ikurikiza. [3UB249]

Ni ubugome ubwanyu muba mukoze kwicara imbere y'ifunguro rya gatatu, maze mukanyurwa no kuvuga no kwinezeza ubwanyu nyamara abana banyu babicaye iruhande ntacyo barya, mu rwego rwo kwerekana ikinyabupfura gihanitse abana banyu bafite gituma mubareka bakabahanga amaso murya ariko ntibigomeke ku butware bwanyu. Nyamara barigomeka. [3UB249]

Ubu baracyari bato, ariko amaherezo gukomeza iyi myitwarire bizahindura ubusa ubutware bwawe. [3UB250]

### GUHATIRA ABANA KURYA BAKARENZA URUGERO

Hanyuma kandi nanone usa n'aho ugira ubwoba iyo abana bawe bari ku meza ugatinya ko batararya bihagije bityo ukabahatira kurya no kunywa. Ntabwo ari ngombwa ko uhangayika na gato kandi ngo werekane umutima uhagaze wagaragaje utinya ko batararya bihagije. Ibifu byabo ni bito bityo rero ntibishobora kujyamo ibyokurya byinshí. Icyiza kirutaho, kubw'iyi mpamvu nimubareke bajye bafata amafunguro atatu aho gufata abiri. Mujya mubareka bakarya ibyokurya byinshi ku ifunguro rimwe. Muri gushyiraho urufatiro rwo kwagura ibifu, kandi ibyo bizabyara kugira ibibazo by'igogorwa ry'ibyokurya. [3UB250]

Kurya no kunywa ibitabakwiriye kuri bo nta bwenge bubirimo. Kandi nanone, menya neza ko wabashyize imbere ibyokurya wifuza ko barya koko. Ibyokurya byujuje ubyangombwa bituma bagira amagara mazima kandi nawe byagutera kugira amagara mazima. Ariko ingano y'ibyokurya bitera kugira amagara mazima ikwiriye kwiganwa ubushishozi kugira ngo mu gifu hatajyamo ubwoko bumwe bwinshi mu ifunguro rimwe. Niba dushaka kwigisha abana bacu amasomo akwiriye, twe ubwacu tugomba kwirinda mu bintu byose. Iyo bamaze gukura icyo ari cyo cyose utitayeho kiragaragara. -Letter 12, 1884. [3UB250]

### KUDASHYIRAHO ITEGEKO NA RIMWE

Nta byokurya bikwiriye kwemerwa kuribwa hagati y'amafunguro yacu. Mu myaka makumyabiri n'itani ishize nagiye mfata amafunguro abiri gusa mu munsi. Njye ubwanjye sinkoresha amavuta

y'inka, ariko bamwe mu bakozi banjye dusangirira ku meza yanjye barayarya. Ntabwo bita ku mata kuko abamerera nabi mu gifu nyamara bashobora kurya amavuta y'inka make. [3UB250]

Ntabwo dushobora gukemura ikibazo cy'imirire dushyiraho itegeko iryo ari ryo ryose. Abantu bamwe bashobora kurya ibishyimbo n'amashaza yumye, ariko kuri njye iyi mirire imerera nabi. Imbera nk'uburozi. Abantu bamwe bagirira ipfa ndetse bagakunda ibintu runaka kandi bikabagwa neza. Abandi nabo ugasanga batabikunda. Bityo rero, abantu bose ntibashobora gushyirirwaho itegeko rimwe. -Manuscript 15, 1889. [3UB250]

## IGICE CYA 36

## ELLEN WHITE NO GUSENGERA ABARWAYI

Abantu bamwe babajije ikibazo kigira kiti: "Mbese Ellen White yigeze akiza abarwayi?" Ndasubiza nti: "Oya, oya; akenshi umuvandimwe wanyu Ellen White yagiye ahamagarirwa gusengera abarwayi, no kubasiga amavuta mu izina ry'Umwami Yesu, kandi ari kumwe n'abo barwayi yagiye abasabira gusohorezwa isezerano rivuga ngo, 'Isengesho ryo kwizera rizakiza umurwayi." Nta mbaraga y'umuntu yakiza umurwayi, ariko binyuze mu isengesho risenganwe kwizera, Umuganga Ukomeye yasohoreje isezerano rye abiyambaje izina rye. Nta mbaraga z'umuntu zishobora kubabarira icyaha cyangwa gukiza umunyabyaha. Nta muntu n'umwe ushobora gukoraibyouretse Kristo wenyine, we muganga w'umunyampuhwe uvura umubiri n'ubugingo. [3UB251]

Akenshi nagiye ngira amahirwe yo gusengana n'abarwayi. Ibi twagombye kubikora kenshi kurenza uko tubikora. Iyaba mu mavuriro n'ibitaro byacu hasengerwa amasengesho asumbyeho dusabira gukira kw'abarwayi, imbaraga ikomeye y'Umuganga Mukuru yagaragara. Abandi bantu benshi bahabwa imbaraga n'umugisha, kandi n'izindi ndwara nyinshi z'ibikatu zakira. [3UB251]

Imbaraga za Kristo zo gukiza indwara zagiye zihishurwa mu bihe byashize mu buryo bugaragara rwose. Mbere y'uko tugira umugisha wo kubaka ibigo abarwayi bashoboraga kugana bakahabonera ubufasha kubw'umubabaro babaga bafite, kubwo kubitaho mu bwitonzi no gusengana umwete twizeye Imana, twabashije gufasha abari barwaye ku buryo byasaga n'aho nta cyizere na gike bari bafite cyo gukira maze babisohokamo amahoro. Muri iki gihe Uwiteka arararikira abarwayi bababazwa kumwizera. Icyo umuntu akeneye giha Imana akito ko gukora. [Mariko 6:1-5].... [3UB251]

## ISENGESHO RYOROHEJE RIVUYE KU MUTIMA RIGOMBA GUHEREKEZA KUVURWA

Mu buvuzi bwose duha abarwayi, dukwiriye gusenga isengesho ryoroheje rivuye ku mutima risaba umugisha wo gukira indwara. Tugomba kwereka abarwayi Umukiza w'umunyampuhwe, kandi tukabereka n'imbaraga afite zo kubabarira ibyaha no gukiza indwara. Bashobora guhemburwa bagakira binyuze mu mbabazi ze zuje ubuntu. Abababazwa nimubereke Umuvugizi wabo uri mu bikari byo mu ijuru. Nimubabwire ko Kristo azakiza abarwayi, nibaramuka bihannye kandi bakareka kwica amategeko y'Imana. Hariho Umukiza uzigaragariza mu mavuriro n'ibitaro byacu kugira ngo akize abazamwiyegurira. Abarwayi bashobora gufatanya namwe mu isengesho, bakatura ibyaha byabo, kandi bakakira imbabazi. [3UB252]

**Kristo ni we Ukiza Indwara.** Ntabwo Ellen White yigeze avuga ko akiza abarwayi. Mu byabaye byose Kristo ni we wagiye ukiza abarwayi, kandi Kristo mu minsi y'umurimo we ku isi ni we wazuye abapfuye. Kristo ni we ukorera ibikomeye byose mu murimo w'abagaragu be. Uyu Kristo ni we ukwiriye kwiringirwa no kwizerwa. Umugisha we uba ku buryo bukoreshwa ngo habeho guhemburwa kubuzima uzazana kugera ku ntsinzi. Kristo yishimira kugaragariza impuhwe ze inyokomuntu ibabazwa. Kristo ni we uha abarwayi gukira, kandi abaganga bagomba kumuha ikuzo kubw'imirimo itangaza yakoze. -Letter 158, 1908. [3UB252]

# UMUGABANE WA IX: INAMA ZATANZWE KU NGINGO ZITARI ZIMWE

## IJAMBO RY'IBANZE

Kubera impamvu imwe cyangwa indi, mu myaka myinshi hari ingingo zitandukanye z'inama Ellen White yatanze zagiye zishyirwa ku ruhembe rw'imbere kandi zasabaga ko tuzitaho. Izo ngingo zihera ku mucyo wagiye utangwa uhereye ku byerekeye gukora uturima tw'imbuto, ukagera ku ngingo ivuga ubuziranenge n'agakiza. Izi ngingo zose zasaga n'aho bikwiriye ko zinjizwa mu gitabo cy'Ubutumwa Bwatoranyijwe. Izi ngingo nizo ziri muri uyu mugabane. [3UB253]

Nubwo inyinshi muri izi ngingo zizaba zinejeje kandi zikagirira umumaro abasomyi hafi ya bose, hariho umwihariko wo kwita ku ngingo nyinshi ziheruka, harimo "Guhinyura Abavugabutumwa bajya ku ruhembe rw'imbere" n' "Ibitero kuri Ellen White no ku Murimo we." Iyo haza kuboneka umwanya wo kwandikamo, hari izindi ngingo ziba zarashyizwe muri uyu mugabane. -Abashinzwe kurinda inyandiko za Ellen White." [3UB253]

# IGICE CYA 37

## ABADIVENTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI NO KUBURANA MU NKIKO

**Kubwira Abatizera Ibibazo Biri mu Itorero**. - Igihe mu itorero havutse impagarara, ntabwo dukwiriye kujya gushakira ubufasha ku banyamategeko n'abacamanza tudahuje kwizera. Ntabwo Imana yifuza ko ibibazo by'itorero tubivugira imbere y'abantu batayubaha. Ntabwo ishaka ko dushakira ubufasha ku bantu batumvira ibyo isaba. Abantu biringira bene abo bajyanama baba berekana ko batizera Imana. Bitewe no kutagira kwizera kwabo, Uwiteka arasuzugurwa bikomeye, kandi imigirire yabo irabakomeretsa ubwabo ku rwego rukomeye. Mu kwitabaza abatizera ngo bakemure ibibazo biri mu itorero, baba bashikurana kandi baconshomerana, bashaka "kumarana" (Abagalatiya 5:15). [3UB254]

Abo bantu baba birengagije inama Imana yatanze, kandi bakora ibintu yababujije gukora. Berekana ko bahisemo isi ngo abe ari yo ibabera umucamanza, kandi amazina yabo mu ijuru yandikwaho ko bifatanyije n'abatizera. Baba bongeye kwibambira Kristo no kumukoreza isoni ku mugaragaro. Mureke bene abo bantu bamenye ko Imana itumva amasengesho yabo. Batuka izina ryayo ryera, bityo izabarekera Satani akomeze ababababaze cyane kugeza ubwo bazabona ubupfapfa bwabo maze bashake Uwiteka biciye mu kwatura icyaha cyabo. [3UB254]

Ibibazo bijyanye n'itorero ntibigomba gusohoka mu mbibi zaryo. Niba Umukristo ahohotewe, akwiriye kubyihanganamo; niba ariganyijwe, [3UB254] ntabwo agomba kwitabaza inkiko. Ahubwo mureke yemere guhomba no kuriganywa. [3UB255]

Imana izakurikirana umwe mu bagize itorero udakwiriye uriganya mugenzi we cyangwa akariganya umurimo w'Imana. Umukristo ntakeneye kurwanira uburenganzira bwe. Imana izikurikiranira umuntu uvogera ubwo burenganzira. "Guhōra ni ukwanjye, ni jye uzitura, ni ko Uwiteka avuga" (Abaroma 12:19). Ibyo bibazo byose birandikwa, kandi Uwiteka abwira abantu bose ko azītura. Azazana umurimo wose mu rubanza. [3UB255]

### ABAJYANAMA BABI

Inyungu z'umurimo w'Imana ntizigomba kuragizwa abantu badafitanye umubano n'ijuru. Abantu batari indahemuka ku Mana ntibashobora kuba abajyanama beza. Ntabwo bafite bwa bwenge buva mu ijuru. Ntabwo bakwiriye kwiringirwa ngo batange ibitekerezo ku ngingo zifitanye isano n'umurimo w'Imana, ingingo zishingiyeho ingaruka n'umusaruro bikomeye. Nidukurikiza ibitekerezo byabo, nta kabuza tuzagera ahantu habi bikomeye, kandi tuzadindiza umurimo w'Imana. [3UB255]

Abatomatanye n'Imana bafatanyijwe n'umwanzi wayo, kandi nubwo bashobora kuba bavugisha ukuri mu nama batanga, ubwabo bihinduye impumyi kandi barishuka. Satani ashyira inama mu ntekerezo zabo n'amagambo mu kanwa kabo bihabanye rwose n'ibyo Imana itekereza ndetse n'ubushake bwayo. Uko ni ko Satani abakoreramo akadushora mu nzira zitari zo. Satani nabishobora, azayobya, agushe abantu mu mutego kandi abarimbure. [3UB255]

Mu bihe bya kera, ku bwoko bw'Imana kwiha abanzi babo no kubabwira ibibuhagaritse umutima cyangwa kugubwa neza bufite cyabaga ari icyaha gikomeye. Mu migirire yo mu gihe cya kera gutambira igitambo ku gicaniro kitari icy'ukuri byabaga ari icyaha. Byabaga kandi ari icyaha gutura umubavu woserejwe ku muriro udakwiriye. [3UB255]

Turi mu kaga ko kuvanga ibyera n'ibintu bisanzwe. Umuriro wera uva ku Mana ni wo ugomba gukoreshwa mu mihati tugira. Igicaniro cy'ukuri ni Kristo; kandi Umwuka Wera ni wo muriro w'ukuri. Uyu ni we soko y'inama tuba dukeneye. Iyo Umwuka Wera wenyine ari we uyoboye umuntu ni ho aba ari umujyanama mwiza. Nituva ku Mana tukayihitaho ndetse n'abo yatoranyije maze tukajya kugishiriza inama ku bicaniro bindi tuzasubizwa nk'uko imirimo yacu iri. [3UB255]

Nimutyo tugaragaze kwiringira kutagira amakemwa tugirira Umuyobozi wacu. Nimutyo dushakire ubwenge mu Isoko y'ubwenge. Mu bintu n'ibihe byose biduhagarika umutima kandi bitugerageza, mureke ubwoko bw'Imana bwemere ko buri gukora ku kintu bwifuza, hanyuma bushyire hamwe mu gusenga Imana, kandi burangwe no kwihangana igihe busaba ubufasha bukeneye. Mu nama zose dukeneye tugomba kuzirikana Imana, [3UB255] kandi igihe tuyigishije inama, tugomba kwizera ko duhawe umugisha twasabye. -Undated Manuscript 112. [3UB256]

## INAMA YAHAWE UMWIZERA WAKANGISHAGA KUJYA KUREGA MU NKIKO

Navuze ko niba uwitwa S yarageze kure hangana hatyo akinjira muri ibyo bintu, igihe wowe S wakwinjira muri rwa rubanza ukarega umuvandimwe R, byazaba ari icyasha ku buzima bwe. Narababaye bitewe n'imikorere yawe muri ibi; nzi neza ko bidakwiriye kandi ko bitazigera bikemura ikibazo kuri wowe no ku rwego ruto. Icyo bikora nta kindi uretse kugaragaza bwa bwenge budaturuka mu ijuru. [3UB256]

Namenyeshejwe ko wagize umugambi wo kujya mu rukiko, ngo ushingiye ko waba warayobejwe n'ibihamya byatanzwe bijyana n'ikibazo cyawe. Hari urwandiko rwangezeho runkangisha ko niba ntazirikanye ko nagushutse [ngo mbisabire imbabazi] ngiye kuregwa mu rukiko. Ubu birangoye cyane kwizera ko wamaramaje ukajya mu ruhande rw'umwanzi utyo n'uburyo uzi neza umurimo nahawe mu buzima bwanjye bwose. [3UB256]

Ibyo nakwandikiye byose n'ijambo ryose ribirimo, byari ukuri. Ntabyo ngomba kwisubiraho. Ibyo nakoze gusa ni ibyo nzi neza ko ari inshingano yanjye kubikora. Intego imwe rukumbi nari mfite mu gusohora mu nyandiko kiriya kibazo ni uko nari niringiye kugukiza. Nta kindi gitekerezo nari mfite uretse icy'impuhwe n'urukundo bivuye ku mutima nari ngufitiye. Nawe ubwawe uzi ko nitaye cyane ku bugingo bwawe... [3UB256]

Nihagira umuntu ushaka kumbera inzitizi muri uyu murimo akoresheje kwitabaza amategeko y'isi, ntabwo nzigera mpanagura n'akanyuguti na kamwe k'ibihamya natanze. Ntabwo umurimo nkora ari uwanjye. Ni umurimo w'Imana yampaye ngo nkore. Ntabwo nigeze nizera ko ushobora gukora ikintu giteye ubwoba gityo cyo kurambura ukuboko kwawe kugira iherezo ukarwanya Imana yo mu ijuru. Niba hari umuntu uwo ari we wese uzakora ibi, ntakabe wowe.... [3UB256]

Ni wowe nshaka kubwira. Ntugashake gukura amafaranga y'indonke mu muntu uwo ari we wese bitewe n'amagambo yavuze atagushyigikira cyangwa se ngo ashyigikire abawe. Iyo ukoze utyo uba wiyangiriza. Niba duhanze Yesu amaso we Banze ryo kwizera kwacu kandi akaba ari we Ugusohoza, tuzabasha gusenga tutí: "Data, utubabarire ibyaha byacu, kuko natwe duharira abarimo imyenda yacu bose." Ntabwo Yesu yigeze yitabaza amategeko ngo amurengere igihe yabaga yashinjwe ibinyoma. Igihe yatukwaga ntawe yasubije; kandi igihe yakangishwa kugirirwa nabi ntiyihimuye. - Letter 38, 1891. [3UB256]

**Icyo Imana Yabwiye Abakristo Batagomba Gukora.** - Nanditse ibintu byinshi ku birebana n'Abakristo bizera ukuri bajyana ibibazo byabo mu nkiko ngo bikemuke. Mu kugenza batyo, mu busobanuro nyabwo bw'ijambo [3UB256] baba baryana kandi baconshomerana, bashaka

"kumarana." Birengagiza inama yahumetswe Imana yatanze, kandi bari imbere y'ubutumwa Imana ibaha, bakora ikintu yababwiye ko batagomba gukora. Bene abo bantu bakwiriye no guhagarika gusenga Imana, kuko itazumva amasengesho yabo. Batuka Yehova, kandi azabareka bahinduke abambari ba Satani kugeza ubwo bazabona ubupfapfa bwabo maze bashake Uwiteka binyuze mu kwatura ibyaha byabo... [3UB257]

**Icyo Kurega mu Nkiko Bihishura.** - Ab'isi buzura n'abizera b'itorero batahindutse. Iyo Imana icyahiye abantu bamwe gushaka kwikurikirira inzira yabo bwite, biringira ab'isi maze ibibazo by'itorero bakabijyana imbere y'ab'isi ngo abe ari bo babifataho umwanzuro. Icyo gihe habaho guhangana n'intonganya, kandi bakongera kwibambira Kristo ndetse bakamukoreza isoni ku mugaragaro. Abo bizera b'itorero bajya kwitabaza inkiko z'isi berekana ko bahisemo isi ngo abe ari yo ibabera umucamanza, kandi amazina yabo yandikwa mu ijuru nkabifatanyije n'abatizera. Mbega uburyo ab'isi bakira amagambo avuzwe n'abantu bagambanira indagizo zera twahawe! [3UB257]

Ntabwo mbere hose Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi bari barigeze binjira muri iki gikorwa cyo kwitabaza inkiko z'abantu nk'uko bikorwa muri iki gihe. Imana yemeye ko ibyo bibaho kugira ngo mwebwe abashutswe mubashe gusobanukirwa n'imbaraga ikoresha abari barabahaye inshingano zikomeye. Mbese abarinzi bashyizweho n'Imana bari hehe? Mbese abantu bazahagarara bafatanye urunana, bahuje imitima, bakomatana n'ukuri kandi bakavuga ukuri kugenewe iki gihe babikuye ku mutima bari hehe? - Manuscript 64, 1898. [3UB257]

## ABERA BAZACIRA AB'ISI URUBANZA

Abera bagomba gucira ab'isi urubanza. None se ubwo bagomba kwishingikiriza ku b'isi no ku banyamategeko y'ab'isi kugira ngo abe ari bo bakemura ibibazo byabo? Ntabo Imana ishaka ko ibibazo byabo babishyira abambari b'umubi ngo abe ari bo babifatira umwanzuro. Nimutyo hagati yacu habemo kugirirana icyizere. - Manuscript 71, 1903. [3UB257]

## ABUNGANIZI MU MATEGEKO N'ABANYALAWODOKIYA

Kwishingikiriza ku bubasha bw'amategeko [y'isi] ni igitutsi ku bakristo; nyamara iki kibi cyinjijwe kandi gihabwa intebe mu bwoko bw'Imana bwatoranyijwe. Amahame agenga ab'isi yagiye yinjizwa ni ruto ni ruto, kugeza ubwo mu mikorere benshi mu bakozi bacu bagenda bahinduka nk Abanyalawodokiya -bitanze igice, bitewe no kwishingikiriza cyane ku bunganizi mu mategeko, ku nyandiko zivuga iby'amategeko n'ibyumvikanyweho n'ab'isi. Iyi miterere y'ibintu itera Imana ishozi. Manuscript 128, 1903. [3UB257]

## URUBANZA RWAREZWE ICAPIRO

"Iyo umuntu wo muri mwe afite icyo apfa na mugenzi we, mbese ahangāra kuburanira ku bakiranirwa ntaburanire ku bera? Ntimuzi yuko abera bazacira ab'isi urubanza? Kandi ubwo ari mwe muzacira ab'isi urubanza, ntimushobora no guca imanza z'ibintu bito hanyuma y'ibindi? Ntimuzi ndetse yuko tuzacira abamarayika urubanza, nkanswe iby'ubu bugingo? Nuko rero niba mufite imanza zo gucibwa zerekeye ku by'ubu bugingo, ni iki gituma mubishyiraho abatagira icyo bahuriyeho n'Itorero ngo abe ari bo bazica? Ibyo mbivugiye kubakoza isoni. Mbese koko nta munyabwenge n'umwe uba muri mwe, wabasha gucira bene Se urubanza? Ahubwo mwene Data akaburana na mwene Data wundi, kandi baburanira ku batizera? Nuko mumaze kubonekaho

icyaha rwose, kuko muburana musubiranamo. Mbese ni iki gituma mudahitamo ahubwo kugirirwa nabi? Ni iki gituma mudahitamo guhuguzwa? Ariko ni mwe ubwanyu mugirirana nabi muhuguzanya, kandi abo mugirira mutyo ni bene Data. Ntimuzi yuko abakiranirwa batazaragwa ubwami bw'Imana?" (1Abakorinto 6:1-9). Abizera b'itorero nibamenya ibi, imikorere yabo izaba iteye ku buryo ishimangira kwizera kwabo. Kubwo kugira imibereho igendera kuri gahunda cyane n'ibiganiro byubahisha Imana, bazagaragaza Kristo. Icyo gihe nta kuregana mu nkiko kuzaba hagati y'abaturanyi cyangwa abavandimwe. [3UB258]

Ndakurarika mu izina rya Kristo guhagarika urubanza watangiye no kutigera ujyana undi mu rukiko. Muri ubwo buryo Imana ikubuza gusuzuguza izina ryayo. Wagiye uhabwa umucyo mwinshi kandi wagize amahirwe menshi, bityo rero ntukwiriye kwifatanya n'ab'isi no gukurikiza imigenzereze yabo. Ibuka ko uko Uwiteka azakugenza kuzaba gushingiye ku cyemezo ufata muri ubu buzima.... [3UB258]

Ndakubwira nkomeje ko niba ufashe icyemezo ufite umugambi wo gufata ubu, ntabwo uzakira ingaruka zacyo. Nuramuka ushyize imbere y'ab'isi ibibi wibwira ko mwene so yagukoreye, ku rundi ruhande ntihazabura kubaho ibintu runaka bizavugwa. Mfite umuburo ngomba kuguha. [3UB258]

Ku bijyana n'ikibazo cy'abo wafatanyije nabo inshingano nyinshi mu Rwibutso n'Integuza, ariko bakaba barahindutse bakaba abanzi b'umurimo, ntabwo uzifuza kumva iteka bazacirwaho ubwo imanza zizashingwa kandi ibitabo bikabumburwa, maze umuntu wese agacirwa urubanza ruhuje n'ibyanditswe mu bitabo. Nshaka kugukiza ngo ureke gukurikira inzira ishobora kuguhuza n'abifatanyije n'abamarayika baguye, bakora ibibi byose bashobora gukorera abakunda Imana, kandi mu ngorane ikomeye bafite, bakaba bari kwiyuha akuya kugira ngo babwirize ukuri kugenewe iki gihe. [3UB258]

**Icapiro Naryo si Shyashya.** - Abo urega bazi neza ko ntemeye uko bakugenjereje, kandi ko nabacyahiye uko batitwaye neza ku kibazo cyawe. Hariho abatarakoze ibintu byubahitse. Ntabwo bakoze nk'uko nabo bari kugenzerezwa. Ariko se kubera ibi, ndetse n'imiburo yatanzwe, wari ukwiriye kwihandagaza ukarwanya impuguro zatanzwe? Ndakwinginga ngowe kwitandukanya n'icyizere bene So bagufitiye kandi ngo witandukanye no kuba wagira uruhare mu murimo wo kwamamaza ubutumwa hifashishijwe gusohora ibitabo. [3UB259]

Njye nahitamo gusangira nawe igihombo wagize aho kugira ngo ukomeze gusunika iki kibazo kugeza ubwo gikomeretsa ubugingo bwawe, bityo ukaba waha Satani akito ko gushyira ikibazo cyawe imbere y'abatizera mu buryo bukojeje isoni cyane, no gutesha agaciro ibiro bishinzwe ivugabutumwa ryifashisha gukwirakwiza ibitabo... [3UB259]

## UMURIMO W'IMANA UHAKURA IGIKOMERE

Kura urwo rubanza mu maboko y'abanyamategeko. Bisa n'ibintera ubwoba cyane gutekereza ko uzakora ibinyuranyije rwose n'ijambo ry'Imana ryumvikana neza, kandi ukazashyira imbere y'ab'isi umurimo wawe mubi cyane wo kurwanya ubwoko bw'Imana bwitondera amategeko yayo. Iyaba iki gikorwa cyawe cyari cyibasiriye abakurenganyije gusa, ingaruka zacyo ntizagera kure cyane; ariko se ntubona ko igikorwa cyawe kizahagurutsa urwikekwe ku bwoko bw'Imana bwose hamwe? Muri ubwo buryo uzaba uteye imibyimba kandi ukomerekeje Kristo binyuze mu bera be, kandi uzatera Satani kwishima bitavugwa bitewe n'uko agukoreyemo agashobora kurwanya ubwoko bw'Imana n'ibigo by'umurimo wayo maze akabyangiriza cyane. - Letter 301, 1905. [3UB259]

## IGICE CYA 38

## UBUMENYI BUHANITSE N'IBYAHISHUWE

"Umupfapfa ajya yibwira ati "Nta Mana iriho." (Zaburi 14:1). Abanyabwenge bahebuje abandi ku isi ntibashobora gusobanukirwa. Niba Imana yihishurira abantu, ibihushurira yitwikiriye ubwiru. Inzira zayo ntizirondoreka. Abantu bashobora guhora bashakashaka kandi biga; nyamara hirya y'ibyo hari ibyo badashobora kurangiza. Babashije gusobanukirwa n'imigambi y'Imana, ubwenge bwayo, urukundo rwayo n'imico yayo mu buryo bwuzuye ntabwo bayizera nk'itagira itangiriro n'iherezo, kandi ngo bayiragize ibyo imitima yabo irangamira. Abantu babashije gusobanukirwa uko Imana iteye byuzuye n'imikorere yayo, ntabwo Imana yaba ikiri Umutware w'ikirenga. [3UB260]

Hariho abantu bavuga ko bavumbuye ibintu bitangaje mu by'ubuhanga buhanitse. Basubiramo ibitekerezo by'abantu b'intiti nk'aho bababafata nk'abadashobora kwibeshya, maze bakigisha ibyasesenguwe bahereye ku buhanga buhanitse (siyanse) bakabyigisha nk'ukuri kudashobora kuvuguruzwa. Ijambo ry'Imana ryatanzwe ngo ribe itara rimurikira ibirenge by'umugenzi unanijwe n'isi, barigeresha icyo gipimo ngenderwaho cyabo maze bakavuga ko ridashyitse. [3UB260]

Ubushakashatsi mu bya siyanse abo bantu birunduriyemo bwababahindukiye umutego. Bwapfukiranye intekerezo zabo, bityo barayoba bajya mu gushidikanya. Bafite ubushobozi bwo gusobanukirwa bufite imbaraga; ariko aho kugira ngo bahange amaso Soko y'ubwenge bwose, bagera ku ntego yo gusigarana udusigazwa tw'ubumenyi bagombye kunguka. Bakujije ubwenge bwabo bwa kimuntu ngo buhangane n'ubwenge bw'Imana ikomeye kandi nyir'ububasha. Kubw'ibyo, bahangaye kujya mu rugamba rwo guhangana nayo. Ijambo ryahumetswe rivuga ko bene abo bantu ari "abapfapfa." [3UB260]

## IMBUTO ZERA KU GUSHIDIKANYA

Imana yemeye ko umucyo mwinshi usesekara ku isi mu bivumburwa mu buhanga buhanitse (siyanse) n'ubugeni. Ariko abavuga ko ari abahanga bahanitse nibigisha kandi bakandika kuri ibyo byigwa bashingiye ku mirebere ya muntu gusa, nta kabuza bazagera ku myanzuro ipfuye. Iyo abanyabwenge bahanitse batayobowe n'Ijambo ry'Imana mu bushakashatsi bwabo, bagwa mu rujijo mu byo bagerageza bacukumbura bashaka isano iri hagati y'ubuhanga buhanitse (siyanse) n'ibyahishuwe. Umuremyi n'imirimo yakoze birenze kure cyane ibyo bashobora gusobanukirwa; kandi kubera ko badashobora gusobanura Umuremyi n'imirimo yakoze bifashishije amategeko karemano yo mu bibaho, amateka ya Bibiliya bayafata nk'adakwiriye kwiringirwa. Abantu bashidikanya uko ibyanditswe mu Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya bikwiriye kwiringirwa, bazatezwa indi ntambwe irenzeho, bagere ubwo bashidikanya ko Imana iriho; kandi kubera ko bazaba barekuye igitsikabwato cyabo, bararekwa maze bagasekura ibitare byo kutizera. [3UB261]

Mose yanditse ayobowe n'Umwuka w'Imana, kandi ihame ngenderwaho ritunganye rishingiye ku kwiga ubutaka n'ibitare bigize isi yacu ntirizigera rigaragaza ko hari ibyo ryavumbuye bidashobora guhuzwa n'ibyo yavuze. Igitekerezo abantu basitaraho, bakavuga ko Imana itaremye igihe yashyiragaho isi, gishyira imbibi ku mbaraga z'Uwera wa Isirayeli. [3UB261]

**Genzuza Siyansi Ijambo ry'Imana.** Iyo abantu benshi basanze badashobora kurondora Umuremyi n'imirimo ye bakoresheje ubumenyi bwabo bwa siyansi budatunganye, bashidikanya ko Imana iriho maze urusobe rw'ibiriho akaba ari rwo baha imbaraga zitarondoreka. Bene abo bantu bamaze gutakaza kwiyoroshya kuranga kwizera bityo mu ntekerezo no mu mwuka wabo

Imana ntibe ikiharangwa. Hakwiriye kubaho kwizera Ijambo Ryera ry'Imana kutanyeganyezwa. Bibiliya ntikwiriye kugenzuzwa igitekerezo gishingiye ku buhanga bw'abantu, ahubwo ubwo buhanga buhanitse (siyansi) ni bwo bugomba gupimishwa iki gipimo ngenderwaho kitibeshya (Ijambo ry'Imana). Iyo Bibiliya ivuze amagambo agaragaza ukuri kuboneka mu byaremwe, ubuhanga buhanitse (siyansi) bushobora kugereranywa n'Ijambo Ryanditswe (Bibiliya), kandi gusobanukirwa ibyo byombi uko bikwiriye, iteka bizahamya ko ari mahwi. Nta kivuguruza ikindi. Ukuri kose kurahuza, kwaba uko mu byaremwe cyangwa se ukwahishuwe. [3UB261]

Ubushakashatsi mu by'ubuhanga buzagaragariza ubwenge bw'abanyabwenge nyakuri imbuga zagutse z'ibitekerezo n'amakuru. Bazabona Imana mu mirimo yakoze, kandi bazayisingiza. Kuri bo, Imana izababera nyambere, kandi ubwenge bwabo buzerekezwa kuri Yo. Abashidikanya kandi bahakana ariko basoma Bibiliya bagamije kuyijora gusa, binyuze mu kwirengagiza bavuga ko babona kuvuguruzanya kudasubirwaho kuri hagati y'ubuhanga buhanitse (siyansi) n'ibyahishuwe. [3UB261]

Ariko igipimo umuntu akoresha arondora Imana ntikizigera gitungana. Ubwenge butamurikiwe n'Umwuka w'Imana buzahora mu mwijima ku bijyanye n'imbaraga z'Imana. [3UB262]

Iby'umwuka bisobanurwa mu buryo bw'umwuka. Abantu badafitanye ubumwe buzima n'Imana bakomwa hirya no hino; bashyira ibitekerezo by'abantu imbere, naho Ijambo ry'Imana bakarishyira inyuma. Bakomera ku byo abantu bahamya, ko gucira icyaha ho iteka binyuranyije na kamere y'Imana igira ubuntu, kandi mu gihe batekereza ku buntu bw'Imana butagerwa, bagerageza kwibagirwa ko hariho n'ubutabera butagira imbibi. [3UB262]

Nitugira ibitekerezo bitunganye ku bijyana n'imbaraga, gukomera n'icyubahiro giheranyije by'Imana ndetse n'intege nke za muntu, ntituzaha agaciro ibitekerezo bishingiye ku bwenge bivugwa n'ingirwabakomeye zo ku isi zidafite na kimwe mu biranga icyubahiro cy'Ijuru mu mico yazo. Nta kintu na gito abantu bagombye gusingirizwa cyangwa kuhererwa ikuzo ko bakoze. Nta mpamvu n'imwe ikwiriye gutuma ibitekerezo by'abanyabwenge byiringirwa mu gihe bagenzura iby'Imana bakoresheje imyumvire yabo yagoramye. Abakorera Imana ni bo bonyine bafite ibitekerezo n'urugero umuntu yakurikiza ntibimuteze ingorane. Umutima wejejwe ukangura kandi ugaha ingufu imbaraga z'ubwenge. Kwizera Imana kuzima gutanga imbaraga; kugatanga gutuza n'ihumure mu mwuka w'umuntu, imbaraga n'imico yubahwa. [3UB262]

**Imana Ishobora Gukora Ibirenze Amategeko Yayo.** - Abahanga mu bya siyansi batekereza ko bifashishije ibitekerezo byabo byagutse bashobora gusobanukirwa ubwenge bw'Imana neza, bagasobanukirwa ibyo yakoze n'ibyo ishobora gukora. Hariho igitekerezo kiganje muri bo ko Imana iboshywe kandi ikumiririrwa n'amategeko yashyizeho ubwayo. Ku ruhande rumwe abantu bahakana kandi bagakerensa kubaho kw'Imana, cyangwa ku rundi ruhande bagatekereza gusobanura ikintu cyose ndetse n'ibyo Umwuka w'Imana akora ku mutima w'umuntu; bityo ntibabe bacyubaha izina ryayo cyangwa ngo batinye imbaraga zayo. Mu gihe baba batekereza ko bari kuronka ikintu cyose bifuza, baba barushywa n'ubusa, kandi bakaba bari gutakaza amahirwe y'agaciro kenshi yo kumenya Imana. Ntabwo bizera iby'ububasha ndengakamere, kandi ntibabona ko Uwahanze amategeko agenga ibyaremwe ashobora gukora ibirenze ayo mategeko. Bahakana ibyo Imana yavuze, kandi bagasuzugura ibyakungura ubugingo bwabo bwite; nyamara kubaho kw'Imana, imico yayo, n'amategeko yayo ni ukuri kudashobora gutsimburwa n'imitekerereze y'abantu bageze ku bintu bihanitse mu by'ubuhanga. [3UB262]

Umwanditsi wahumekewe asobanura imbaraga no gukomera kw'Imana muri ubu buryo: "Ni nde wigeze kugera amazi y'inyanja ku rushyi, akageresha ijuru intambwe z'intoki, akabona indengo

yajyamo umukungugu wo ku isi, agashyira imisozi mu gipimo, n'udusozi akatugera mu minzani? Ni nde wigeze kugenzura Umwuka w'Uwiteka, akamuhugura nk'umugira [3UB262] inama? Ni nde yigeze kugisha inama kandi ni nde wigeze kumwigisha, akamwereka uburyo bwo guca imanza zitabera, akamwigisha ubwenge, akamuha uburyo bwo kwitegereza? Dore amahanga ameze nk'igitonyanga kiri mu kibindi, agereranywa n'umukungugu ufashe ku minzani. Dore aterura ibirwa nk'uterura akantu gato cyane. I Lebanoni ntihaba inkwi zo gucana zihagije, kandi n'inyamaswa zaho ntizashyika kuba igitambo cyoswa. Mu maso ye amahanga yose ni nk'ubusa, kuri we abarwa nk'ubusa ndetse ari hanyuma y'ubusa. Nuko rero Imana mwayihwanya na nde, cyangwa mwayigereranya n'ishusho ki? Dore igishushanyo kibajwe umucuzi abanza kukiyaza, umucuzi w'izahabu akagiteraho izahabu, akagicurira imikufi y'ifeza. Umutindi utabona ituro ringana rityo ashaka igiti kitazabora, maze akishakira umukozi w'umuhanga wo gushinga igishushanyo kibajwe, kitazakuka. Mbese ntimwamenye kandi ntimurakumva? Nta cyo mwabwiwe uhereye mbere na mbere? Uhereye igihe isi yaremewe nta cyo mwasobanuriwe? Iyo ni yo yicaye hejuru ku rusenge rw'ijuru, abaturage bo mu isi bameze nk'ubuzīkira. Ni yo ibamba ijuru nk'inyegamo, ikaribamba nk'ihema ryo kubamo." (Yesaya 40:12-22). [3UB263]

**Imico y'Imana Isobanurwa n'Ibyo Yakoze.** -Urwunge rw'ibyaremwe ni imbaraga, ariko Imana yashyizeho urwo rwunge ni nyir'imbaraga zitagerwa. Ïbyo yakoze bisobanura imico yayo. Abareba imigenzereze yayo bashingiye ku mirimo y'intoki zayo, badashingiye ku bitekerezo by'abakomeye, bazabona ko yigaragariza mu kintu cyose. Babona kumwenyura kwayo mu kurasa kw'izuba, kandi bakabonera urukundo rwayo n'uko yita ku muntu mu mirima ikungahaye yo mu gihe cy'itumba. Ndetse n'imitako irimbishije isi nk'uko igaragara mu bwatsi butoshye, indabo z'agahebuzo z'amoko yose ndetse n'ibiti by'inganzamarumbu kandi by'amoko menshi biboneka mu ishyamba, ibyo byose bihamya uko Imana yacu itwitaho nk'umubyeyi wuje ineza, kandi bikerekana uko yifuza kunezeza abana bayo. [3UB263]

Imbaraga z'Imana ikomeye zizagaragarizwa abayubaha. Numwumve amagambo y'umuhanuzi ugira ati: "Mbese ntiwari wabimenya? Ese nturabyumva? Imana ihoraho, Uwiteka Umuremyi w'impera z'isi ntirambirwa, ntiruha. Ubwenge bwayo ntiburondoreka. Ni yo iha intege abarambiwe, kandi utibashije imwongeramo imbaraga. Abasore b'imigenda bazacogora baruhe, n'abasore bazagwa rwose. Ariko abategereza Uwiteka bazasubizwamo intege nshya, bazatumbagira mu kirere bagurukishe amababa nk'ibisiga, baziruka be kunanirwa, bazagenda be gucogora." (Yesaya 40:28-31). [3UB263]

Mu Ijambo ry'Imana harimo ibibazo byinshi bibazwa abahanga bajambuye byimbitse badashobora gusubiza. Intekerezo zacu zikangurirwa kwita kuri izi ngingo kugira ngo twerekwe ibintu bigaragara no mu bisanzwe byo mu buzima bwa buri munsi abantu bagira iherezo, ndetse n'ubwenge birata, badashobora na gato gusobanukirwa byuzuye. [3UB263]

**Ubuhanga Buhanitse (siyansi) Budufasha Gusobanukirwa Imana. -** Igihe cyose Imana itahawe agaciro kandi ngo yubahwe, gahunda z'ubucurabwenge zose zahimbwe n'umuntu zagiye ziganisha mu rujijo no gukorwa n'isoni. Gutakaza kwizera Imana biteza akaga. Kugubwa neza ntigushobora kuba umugisha ukomeye uhabwa amahanga n'abantu ku giti cyabo igihe baretse kwizera Ijambo ryayo. Mu by'ukuru nta kintu gifite gukomera ubwacyo uretse ikizahoraho iteka. Ukuri, ubutabera, imbabazi, kwera, n'urukundo by'Imana ntibishiraho. Iyo abantu bafite bene iyo mico, bagirana n'Imana umubano wimbitse, kandi baba ari abakandida bo gushyirwa ku rwego rwo hejuru ruhanitse cyane umuntu ashobora kwifuza kugeraho. Ntabwo bazita ku gushimwa n'abantu, kandi bazarenga ibibaca intege, ibibananiza, intambara y'amagambo no kurwanira ubutware. [3UB264]

Umuntu ufite ubugingo bwuzuwe n'Umwuka w'Imana aziga isomo ryo kwiringira kutadohoka. Kubwo kugira Ijambo ry'Imana yandikishije umujyanama n'umuyobozi we, ubuhanga buhanitse (siyansi) buzamufasha gusobanukirwa Imana, ariko ntazishyira hejuru kubera ko mu buhumyi bwe azi ko ari umupfapfa mu byo atekereza ku Mana. -Signs of Times, March 13, 1884. [3UB264]

Amategeko n'amahame y'iyobokamana ni zo ntambwe za mbere mu kunguka ubumenyi, kandi ni zo rufatiro rw'uburezi nyakuri. Ubumenyi n'ubuhanga buhanitse bigomba guhabwa imbaraga n'Umwuka w'Imana kugira ngo bikoreshwe mu migambi myiza ihebuje. Umukristo wenyine ni we ushobora gukoresha ubumenyi uko bikwiriye. Kugira ngo bukundwe mu buryo bwuzuye, ubuhanga buhanitse (siyansi) bugomba kureberwa mu mucyo w'iby'iyobokamana. Nibiba bityo, abantu bose bazaramya Imana yatanze ubuhanga buhanitse." - Manuscript 30, 1896. [3UB264]

## IMANA UMUHANZI N'UMUREMYI

Dukeneye kurushaho kuba imbere y'Imana. Kurinda intekerezo zacu birakenewe. Nta gushidikanya turiho mu bihe by'akaga ko mu minsi ya nyuma. Tugomba kugendera imbere y'Imana twiyoroheje kandi twicishije bugufi cyane; kuko abagenza batyo ari bo bonyiné bazashyirwa hejuru. [3UB264]

Yooo, mbega urugero ruto cyane umuntu ashobora gusobanukirwa gutungana kw'Imana n'uko ibera hose icyarimwe bifatanye n'imbaraga yayo ishoborabyose! Umuntu w'umunyabugeni ahabwa ubwenge n'Imana. Ashobora gusa gukora igihangano cye mu rwego rw'ubugeni ubwo ari bwo bwose kigatungana ahereye ku bikoresho byateguriwe umurimo we mbere hose. Mu bushobozi bwe bufite aho bugarukira ntiyashobora kurema no gukora ibikoresho bye bwite ngo abyifashishe mu mugambi we iyaba Umuhanzi w'Icyatwa atarabayeho mbere ye, akabanza kumuha ibyo agenda anoza mu mitekerereze ye. [3UB264]

Uwiteka Imana itegeka ibintu bikabaho. Ni yo yabaye umuhanzi wa mbere. Ntabwo yishingikiriza ku muntu, ahubwo n'imbabazi nyinshi [3UB264] irarikira umuntu kuyitaho, kandi igakorana nawe mu byo umuntu ahanga bigenda byaguka kandi bihanitse. Iyo bibaye bityo, umuntu afata icyubahiro cyose akacyishyiraho, kandi agatangarirwa na bagenzi be nk'umuntu w'umuhanga uhanitse. Nyamara nta kindi aba ari cyo kirenze kuba umuntu. Nyamara intandaro [y'urwo rwego agezeho] ikibagirana... [3UB265]

Ndatinya ko twese dufite ibitekerezo byoroheje kandi bisanzwe cyane. "Dore ijuru ndetse n'ijuru risumba ayandi nturikwirwamo" (2Ngoma 6:18). Ntihakagire umuntu n'umwe uhangara gushyira imbibi ku mbaraga z'Uwera wa Isirayeli. Hariho ibyo abantu bibwira ndetse n'ibibazo babaza mu byerekeye ibyo Imana yakoze. "Kwetura inkweto zawe kuko aho uhagaze ari ahera." Ni ukuri, abamarayika ni intumwa z'Imana ku isi zikora ibyo ishaka. [3UB265]

**Ubwo Ijwi ryayo Ryavugaga Ibintu Byose Byahagaze Imbere yayo.** Mu kuremwa kw'isi yacu, ntabwo Imana yashingiye ku kintu runaka cyari cyarabanje kubaho. Kuko "ibiboneka bitaremwe mu bigaragara" (Abaheburayo 11:3). Ahubwo ibintu byose, byaba ibifatika cyangwa iby'umwuka, ubwo Uwiteka yavugaga byahagaze imbere yayo kandi ni yo byaremewe. Amajuru n'ingabo zose zo mu yo, isi n'ibintu biyirimo byose, ntabwo ari umurimo w'intoki zayo gusa, ahubwo byabeshejweho n'umwuka wo mu kanwa kayo. [3UB265]

Uwiteka yatanze igihamya cyerekana ko, mu isaha imwe gusa, kubw'imbaraga ze ashobora guhindura ubusa ibyaremwe byose. Ashobora kubika ibintu byose, kandi akarimbura ibyo umuntu yubatse mu buryo bwe butajegajega kandi bukomeye kurusha ubundi. "Yimura imisozi,"

"ikayubikana uburakari bwayo," "itigisa isi ikayikura ahayo, n'inkingi zayo zikanyeganyega." "Inkingi z'ijuru ziranyeganyega, zigatangazwa no gukomera kwayo" "Imisozi iratigita imbere ye, n'udusozi turayenga, kandi isi iterurirwa imbere ye, ni ukuri isi n'abayituye bose." (Yobu 26:11; Nahumu 1:5) Manuscript 127, 1897. [3UB265]

## IGICE CYA 39

## IBIBAZO BYEREKEYE ABAKIJIJWE

### MBESE ABANA B'ABABYEYI BATIZERA BAZAKIZWA?74

Nagiranye ikiganiro n'umukuru [J.G] Matterson ku bijyanye no kwibaza niba abana b'ababyeyi batizera bashobora gukizwa. Namubwiye ko hari umukobwa wari warambajije iki kibazo afite agahinda kenshi, ambwira ko hari abari baramubwiye ko abana bato b'ababyeyi batizera badashobora kuzakizwa. [3UB266]

Iki kibazo dukwiriye kugifata nka kimwe mu bibazo tudafiteho uburenganzira bwo kuvuga uruhande duhagazeho kuri cyo cyangwa ngo dutangeho igitekerezo, dushingiye ku mpamvu yoroheje y'uko mu Ijambo ryayo Imana itagize icyo itubwira kuri iyi ngingo. Iyo Imana itekereza ko ibyo ari ngombwa ko tubimenya, iba yarabitubwiye yeruye. [3UB266]

Ibyo Imana yahishuye ni ibyacu n'abana bacu. Hariho ibintu tudasobanukirwa ubu. Nta nubwo tuzi ibintu byinshi byahishuwe mu buryo bweruye. Igihe izo ngingo zifitanye isano ya bugufi n'imibereho yacu myiza y'iteka ryose zizaba zimaze kwigwa zose, ubwo ni bwo igihe gikwiriye kizaba kigeze ngo tuzirikane zimwe muri izo ngingo abantu bamwe barushya intekerezo zabo batekerezaho bitari ngombwa. [3UB266]

**Abana b'Ababyeyi Batizera.** - Nzi neza ko abantu bamwe banibaza niba abana bato b'ababyeyi bizera bakizwa, bitewe n'uko imico yabo itigeze igenzurwa kandi bose bakaba bagomba kugenzurwa maze imico yabo igahamywa n'igeragezwa. Ikibazo cyibazwa ni iki ngo: "Ni gute abana bato bakorerwa iryo genzura n'igeragezwa?" Nsubiza ko kwizera kw'ababyeyi bizera gutwikira abana babo, nk'igihe Imana yoherezaga amateka yayo ku bana b'impfura b'Abanyegiputa. [3UB266]

---

*74 Reba ingingo ivuga ngo "Abana mu gihe cy'umuzuko Muzuko mu Butumwa Bwatoranyijwe, igitabo cya 2, p.293 (2016).*

---

Ijambo ry'Imana ryageze ku Bisirayeli bari bari mu buretwa ngo bateranyirize abana babo mu nzu zabo kandi basige amaraso y'umwana w'intama bagombaga kuba bishe ku nkomanizo z'imiryango yabo. Ibyo byashushanyaga kuzicwa k'Umwana w'Imana n'akamaro k'amaraso ye yamenwe kubw'agakiza k'umunyabyaha. Cyari ikimenyetso cyerekana ko uwo muryango wemeye Kristo nk'Umucunguzi wasezeranwe. Uwo muryango wabaga urinzwe imbaraga z'umurimbuzi. Ababyeyi bagaragarizaga kwizera kwabo mu kumvira amabwiriza yari yatanzwe nkuko ari ntacyo bahinduyeho, kandi ukwizera kw'ababyeyi kwarabatwikiriye ubwabo ndetse n'abana babo. Bagaragaje ko bizera Yesu, Igitambo gikuru, uwo amaraso ye yashushanywaga mu mwana w'intama wabaga wishwe. Marayika murimbuzi yanyuze ku nzu yose yari ifite iki kimenyetso. Iki ni ikimenyetso cyerekana ko ukwizera kw'ababyeyi kugera ku bana babo kandi kukabatwikira kukabakingira marayika murimbuzi. [3UB267]

Imana yoherereje ijambo ryo guhumuriza ababyeyi b'i Betelehemu bari bapfushije abana ryavugaga ko ba Rasheli bariraga bari kuzabona abana babo bava mu gihugu cyumwanzi. Kristo yateruye abana bato mu maboko ye, abaha umugisha kandi acyaha abigishwa birukanaga ababyeyi babo avuga ati: "Mureke abana bato ntimubabuze kunsanga, kuko abameze batyoubwami bwo mu ijuru ari ubwabo" (Matayo 19:14). [3UB267]

Kristo yahaye umugisha abana ababyeyi babo bakiranuka bamuzaniye. N'ubu azabikora ababyeyi nibaramuka bakoze inshingano yabo bafite ku bana babo, bakabigisha, kandi bakabarera babatoza kubaha no kumvira. Ubwo ni bwo bazatsinda igeragezwa kandi bazumvira ubushake bw'Imana, kubera ko ababyeyi bari mu mwanya w'Imana ku bana babo. [3UB267]

**Abana b'Intumva Bavuka ku Babyeyi b'Abadiventisiti.** -Ababyeyi bamwe bemerera Satani gutegeka abana babo, bityo abana babo bakabaho ntawe ubakoma imbere, ahubwo bemererwa kugira amatwara mabi, ntibifate, bakikanyiza kandi ntibumvire. Abo bana baramutse bapfuye, ntibazajyanwa mu ijuru. Imikorere y'ababyeyi igenda igena imibereho myiza y'ahazaza h'abana babo. Iyo babemereye kuba abana batumvira kandi batitangira, baba bemerera Satani kubitaho akabagenza uko ashaka kandi akabakoreramo ibihuje n'ubutware bwe, bityo abo bana batigeze bigishwa kumvira no kugira imico ishimwa ntibazajyanwa mu ijuru, kubera ko ayo matwara n'imico yabo byabagaragaramo. [3UB267]

Nabwiye mwene data Matteson nti: "Ntabwo dushobora kuvuga niba abana bose b'ababyeyi batizera bazakizwa, kubera ko Imana itatumenyesheje imigambi yayo ku bijyanye n'iki kibazo, kandi ibyiza ni uko iki kibazo twakirekera aho Imana yakigarukirije ahubwo tugatinda ku ngingo zasobanuwe neza mu Ijambo ryayo." [3UB267]

Iyi ni ingingo isaba kwigengesera cyane. Ababyeyi benshi batizera barerana abana babo ubwenge buhambaye kurusha benshi mu bavuga ko [3UB267] ari abana b'Imana. Bashyira imbaraga nyinshi ku bana babo kugira ngo babagire abanyabwenge, babatoze urugwiro, be kwikanyiza no kugira ngo babigishe kumvira, kandi muri ibi abatizera bagaragaza ubwenge bwinshi kurusha ababyeyi bafite umucyo mwinshi w'ukuri nyamara imirimo yabo ntigire aho ihurira na gato no kwizera kwabo. [3UB268]

**Mbese Hazabaho Umubare Runaka?** -Ikindi kibazo twaganiriyeho cyari ikirebana n'intore z'Imana kibaza niba Uwiteka azagira umubare runaka [w'intore ze], kandi igihe uwo mubare uzaba wuzuye igihe cy'imbabazi kikazarangira. Ibi ni ibibazo njye nawe tudafitiye uburenganzira bwo kuvugaho. Umwami Yesu azakira abantu bose bamusanga. Yapfiriye abatubaha Imana kandi umuntu wese uzamusanga, ashobora kuza akamusanga. [3UB268]

Ku ruhande rw'umuntu hari ibyo agombwa gukurikiza, kandi igihe yanze gukurikiza ibisabwa, ntabwo ashobora guhinduka intore y'Imana. Umuntu nabikurikiza, aba ari umwana w'Imana, kandi Kristo avuga ko uwo muntu nakomeza mu gukiranuka, agashikama mu kumvira kwe kandi ntakurwe mu byimbo, ntabwo Kristo azahanagura izina rye mu gitabo cy'ubugingo ahubwo azaturira izina rye imbere ya Se n'imbere y'abamarayika be. Imana yifuza ko dutekereza, tukaganira kandi tukabwira abandi uko kuri kwahishuwe mu buryo bweruye, kandi abantu bose ntibakwiriye kugira icyo bakora kuri izo ngingo zitera gukekeranya bitewe n'uko badafite ibyanditswe byihariye bivuga ku gakiza kubugingo bwacu. -Manuscript 26, 1885. [3UB268]

## MBESE ABAZABA BAZUTSE BAZAMENYANA?

Impano ihebuje izindi Imana yatanze ni Kristo. Ubugingo bwe ni ubwacu kandi yabutanze kubwacu. Yaradupfiriye, kandi yaratuzukiye kugira ngo tuzabashe kuva mu gituro tujyane n'abamarayika bo mu ijuru, tujye guhura n'abo twakundaga kandi tumenye isura yabo, kubera ko gusa na Kristo bidatsembaho ishusho yabo ahubwo biyihinduramo ishusho ye y'ubwiza. Abera bose bafite isano y'umuryango bahuriyeho n'abandi kuri iyi si, mu ijuru bazamenyana.

Igihe tuzaba ducunguwe, tuzasobanukirwa Bibiliya mu busobanuro buhambaye, bwagutse kandi busobanutse neza kurushaho kurenza uko biri ubu. Umwenda ukingiriza uri hagati y'imibereho irangwamo gupla n'ubuzima bwo kudapfa uzatabuka. Tuzareba Imana mu maso. - Letter 79, 1898. [3UB268]

## IGICE CYA 40

## IKIBAZO CY'UMURONGO W'IMINSI

### ISABATO YAHANGIWE ISI YIBURUNGUSHUYE

Imana yaruhutse ku munsi wa karindwi, maze iraweza iwutoranyiriza umuntu ngo ajye awubahiriza mu rwego rwo kubaha umurimo w'irema Imana yakoze irema ijuru n'isi mu minsi itandatu nyayo. Umunsi w'ikiruhuko Imana yawuhaye umugisha kandi iraweza. Iyo abantu bigengesereye cyane mu gushakashaka no gucukumbura kugira ngo barebe ibijyanye n'igihe nyacyo [icyo kiruhuko gifata], tugomba kuvuga tuti: "Imana yahanze Isabato yayo iyishyiriraho isi yiburungushuye; kandi igihe umunsi wa karindwi utugezeho muri iyo si yiburungushuye, igengwa n'izuba ritegeka umunsi, icyo aba ari igihe mu bihugu byose n'ahantu hose ngo bubahirize Isabato. Mu bihugu bimara amezi menshi izuba ritarenga, kandi hagashira n'andi mezi menshi izuba ritarasa, igihe kizabarwa hashingiwe ku makuru yabitswe [uhereye igihe izuba ryaherukaga kurasa no kurenga]... [3UB269]

Uwiteka yemera kumvira kose kwa buri kiremwa yiremeye, hashingiwe ku kuntu ibihe bimeze mu birebana no kurasa no kurenga kw'izuba... Isabato yahangiwe isi yiburungushuye, bityo rero kumvira gusabwa abantu bose bagenda batabusanya rwose n'isi Uwiteka Imana yaremye." -Letter 167, 1900. [3UB269]

### IKIBAZO CY'AMATALIKI

Umuvandimwe T yambwiye ibyawe. Avuga ko hari urujijo ufite ku bijyana n'umurongo ugaragaza umunsi. Ubu rero muvandimwe nkunda, iki kiganiro kivuga ku murongo ugaragaza igihe nta kindi kiri cyo uretse kuba ari ikintu Satani yateguye ngo kibe umutego. Ashaka uko ajijisha ibyumviro by'abantu nk'uko abigenza avuga ati: "Dore, Kristo ari hano, cyangwa se ari hariya." Hazabaho igihimbano cyose n'amayere yose ya [3UB269]

Satani kugira ngo ayobye abantu, ariko jambo riravuga riti: "Ntimuzabyemere. Kuko abiyita Kristo n'abahanuzi b'ibinyoma bazaduka bakora ibimenyetso bikomeye n'ibitangaza, kugira ngo babone uko bayobya n'intore niba bishoboka. Dore mbibabwiye bitaraba. Nuko nibababwira bati, 'Dore ari mu butayu' ntimuzajyeyo, cyangwa bati, 'Dore ari mu kirambi, ntimuzabyemere." (Matayo 24:23-26). [3UB270]

Nta Rujijo ruri ku Isabato yo ku Munsi wa Karindwi. - Ku bijyanye n'Isabato, dufite ijambo ry'Imana ryumvikana (Kuva 31:12-18). [3UB270]

Mbese bishoboka ko habaho kwita cyane ku bubahiriza Isabato, nyamara ntihabe habaho umuntu n'umwe ushobora kuvuga igihe Isabato ibera? Ubwo se abantu bafite ikimenyetso cy'Imana baba bari hehe? Icyo kimenyetso ni ikihe? Ni Isabato y'umunsi wa karindwi Uwiteka yahaye umugisha akaweza, akavuga ko ari uwera, kandi akavuga ibihano bikomeye biterwa no kuyica. [3UB270]

Nta rujijo ruri mu Isabato yo ku munsi wa karindwi. Ni urwibutso rw'Imana rwibutsa umurimo wayo wo kurema. Yashyizweho ngo ibe urwibutso ijuru ryatanze, kugira ngo yubahirizwe nk'ikimenyetso cyo kumvira. Imana yandikishije amategeko yose urutoki rwayo ku bisate bibiri by'amabuye... [3UB270]

Noneho rero muvandimwe wanjye,... nanditse... kugira ngo nkubwire ko tutagomba kugira ibyo twizera na bike bijyanye n'inyigisho ivuga iby'umurongo werekana umunsi. Ni umutego wa Satani

wazanywe n'abakozi be bwite kugira ngo bashyire intekerezo z'abantu mu rujijo. Urabona ukuntu bidashoboka rwose kuba iki kintu cyabaho, kubona isi yose yubahiriza Icyumweru (Sunday) neza, nyamara ubwoko bw'Imana bwasigaye bwo bukaba bwose bwibeshya. Iyi nyigisho ivuga iby'umurongo werekana umunsi yahindura amateka yacu yose yaturanze mu gihe gisaga imyaka mirongo itanu n'itanu ishize, maze ya mateka akaba ari ikinyoma cyuzuye nyamara gifatwa nk'ukuri. Nyamara tuzi aho duhagaze... [3UB270]

**Gushikama ku Bituranga.** - Muvandimwe, reka kwizera kwawe kwe gucogora. Tugomba gushimakama ku bituranga, amategeko y'Imana no kwizera Yesu. Abantu bose bashikama ku byiringiro batangiranye ntibinyeganyege kugeza ku iherezo bazubahiriza Isabato y'umunsi wa karindwi itugeraho iranzwe n'izuba iyo rirenze. Ikinyoma gifatwa nk'ukuri kivuga iby'umurongo uranga umunsi ni umutego Satani yateze ngo ace abantu intege. Nzi neza ibyo ndi kuvugaho. Izere Imana. Wowe murika aho uri, ube ibuye rizima riri ku nyubako y'Imana. [3UB270]

Abana b'Imana bazanesha. Bazatabaruka ari abaneshi ndetse barurishishweho kunesha ibibarwanya n'ibibatoteza byose. Ntutinyc. Kubw'imbaraga z'ukuri kwa Bibiliya n'urukundo rwagaragarijwe mu musaraba kandi rugacengezwa mu mutima n'Umwuka Wera, tuzagera ku [3UB270] ntsinzi. Urugamba rwose ruri imbere yacu ruzingiye ku kubahiriza Isabato y'ukuri ya Yehova.... [3UB271]

Ubu sinshobora kongera kwandika, ariko ndakubwira nti, 'Ntugatege amatwi ubuyobe. Shikama ku ijambo ryumvikana neza rigira riti: "Uku ni ko Uwiteka avuga." Uwiteka azaguhumuriza kandi aguhire, ndetse azaguha ibyishimo mu mutima wawe. Uwiteka ashimirwe ko dufite umucyo urabagirana, kandi tukagira ubutumwa bwumvikana neza kandi bwihariye tugomba gutanga. - Letter 118, 1900. [3UB271]

# IGICE CYA 41

# MBESE INZIBUTSO ZIRAKWIRIYE?

## INZIBUTSO ZITWIBUTSA AMATEKA YACU

Igihe Abisirayeli babonaga intsinzi zikomeye nyuma yo kuva muri Egiputa, hashyizweho inzibutso zerekana izo nstinzi. Ímana ni yo yategetse Mose na Yosuwa gukora ibyo, bakubaha inzibutso. Igihe Abisirayeli bageraga ku ntsinzi idasanzwe banesheje Abafilisitiya, Samweli yashinze ibuye ry'urwibutso maze aryita Ebenezeri, ati: "Uwiteka yaratuzahuye kugeza n'ubu" (1Samweli 7:12). [3UB272]

Yooo, none nk'ubwoko bw'Imana, amabuye yacu y'urwibutso ari he? Mbese inkingi zacu z'urwibutso zicorogoshoweho inyuguti zerekana inkuru ihebuje y'ibyo Imana yadukoreye mu byo twanyuzemo ziri hehe? Mbese dushingiye ku bihe byashize, ntabwo dushobora kureba ku bigeragezo bishya n'amakuba yiyongera (arimo imibabaro, ubukene, no gupfusha) ngo twe kubabara no gucika intege, ahubwo turebe ahashize maze tuvuge tuti: "Uwiteka yaratuzahuye kugeza n'ubu. Nzabitsa uwo Muremyi wo kwizerwa ubugingo bwanjye. Azarinda ikibitsanyo namubikije kugeza kuri urya munsi. Uko iminsi yawe ingana, ni ko intege zawe zizangana." -Manuscript 22, 1889. [3UB272]

## GUHAMAGARIRWA KWIBUKA IMINSI YA KERA

Ibyo Imana yagiriye ubwoko bwayo bikwiriye kujya bisubirwamo kenshi. Mbega ukuntu inshuro nyinshi habayeho inzibutso ziranga inzira zashinzwe n'Uwiteka mu byo yagiye agirira Isirayeli ya kera! Kugira ngo batazibagirwa amateka y'igihe cyashize, Uwiteka yategetse Mose gushyira ibyo byagiye biba mu ndirimbo, kugira ngo ababyeyi bajye babyigisha abana babo. Bagombaga gushyira hamwe izo nzibutso maze bakazishinga ku buryo zigaragara. Hagombaga gukoreshwa umwete wihariye kugira ngo zirindwe, bityo igihe abana bari kuzabaza ibyo bintu ibyo ari byo n'icyo bisobanuye, bagombaga gusubirirwamo inkuru yose y'uko byagenze. Ibitangaza Imana yabakoreye, ineza yayo n'imbabazi zayo byagaragaye mu buryo yitaye ku bwoko bwayo kandi ikaburokora ni ko byahoraga mu [3UB272] bwenge bwabo. Dushishikarizwa "kwibuka iminsi ya kera, uburyo twihanganiraga imibabaro y'intambara nyinshi tumaze kuvirwa n'umucyo" (Abaheburayo 10:32). Ubwoko bwe bwo muri iki gisekuru, Uwiteka yabubereye Imana ikora ibitangaza. Amateka ya kera y'umurimo w'Imana akwiriye kujya asubirirwamo ubwoko bwayo kenshi, baba abato n'abakuze. Dukeneye kujya dusubiramo ineza y'Imana kenshi kandi tukayisingiriza imirimo itangaza yakoze. -Testimonies, Vol. 6, pp. 364, 365. [3UB273]

# IGICE CYA 42

## GUTIZA INSENGERO ZACU ANDI MATORERO

Mu cyumweru gishize ku Isabato ishize, nitabiriye gahunda nari natanze yo kujya kubwiriza mu rusengero mu mujyi wa San Francisco. Twagize amateraniro meza cyane. Hasaga n'ahagaragara icyifuzo gikomeye abantu bashaka gutega amatwi, kandi bitaye cyane ku magambo yavugwaga. [3UB274]

Iyi yari inshuro ya mbere nari mvugiye mu rusengero rw'i San Fransisco uhereye igihe hari harabereye umutingito kandi hakaba n'inkongi y'umuriro. Inyubako yari imeze neza cyane kuruta uko nari niteze kuyisanga. Icyumba kiberamo amateraniro ni kigari, kandi kiratunganyijwe neza. Ku ruhímbi ndetse n'imbere hari hashashwe imiteguro (tapi) itukura. Iyo miteguro yitabwagaho neza kandi igahora igaragara neza. Uruhimbi narwo rwari ruteguye neza. [3UB274]

Njye na sogokuru wawe ni twe twari twarakoze ingamba zo kuzamura iyi nyubako. Abandi bantu bake cyane bifatanyije natwe, maze twese dukorera hamwe uko twari dushoboye kose. [3UB274]

Iyo nyubako yari ifite amadirishya magari arimo ibirahuri by'amabara, kandi byafashaga gutuma igaragara neza. Yorodani yo kubatirizamo yari iteretswe ahantu heza hakwiriye. Inyuma y'uruhimbi hari urukuta rubasha kwikaraga ku mapata bityo rwahava abari mu rusengero bose bakabona ya yorodani. Ntabwo nabona uko ngaragaza gushima kwanjye nshimira uko Uwiteka yarinze iyi nzu nini y'amateraniro mu gihe cy'umutingito n'inkongi y'umuriro. Ibi turabishimira cyane. [3UB274]

Uru rusengero rukodeshwa Abaperisebuteriyani kugira ngo basengeremo ku Cyumweru. Inshuro nyinshi hari ukuntu ibi byatubangamiraga, ariko kubera ko inzu bakoreragamo amateraniro yari yarasenyutse, bumvaga banejejwe cyane n'amahirwe bafite yo gukoresha urusengero rwacu. [3UB274]

Muri bimwe mu byumba byo hasi hakorerwa imirimo y'ivuriro, kandi harimo ibyumba birimo ibyangombwa bihagije byo kuvuriramo abarwayi. Umurimo wagiye ukorerwa ahangaha wabaye umugisha ku bantu benshi, ariko by'umwihariko uhereye igihe inkongi y'umuriro yabaga. -Letter 18a, 1906. [3UB275]

## IGICE CYA 43

## KUMVA NTA BYIRINGIRO

### ELLEN WHITE YIGEZE KWIYUMVAMO ATAKAJE IBYIRINGIRO

Umbaza impamvu ujya ukanguka mu ijoro maze ukumva ugoswe n'umwijima? Nanjye inshuro nyinshi njya numva merewe ntyo; ariko ayo marangamutima yo gutakaza ibyiringiro si igihamya cy'uko Imana yakuretse cyangwa yandetse ... Amarangamutima arangwa n'umwijima w'icuraburindi si igihamya cy'uko amasezerano y'Imana ntacyo avuze. [3UB276]

Ureba ku marangamutima yawe, kandi kubera ko ibyo ubona byose bitarabagirana, utangira kwiyegereza cyane umwambaro w'umubabaro ukawambika ubugingo bwawe. Wirebaho maze ugatekereza ko Imana iri kukureka. Ugomba kureba kuri Kristo... [3UB276]

Iyo dusabanye n'Umukiza wacu, tuba twinjiye ahantu hamahoro... Tugomba guhora dushyira kwizera kwacu mu bikorwa, kandi tukiringira Imana tutitaye ku kuntu amarangamutima yacu yaba ameze kose.. Tugomba kugira akanyamuneza kuko tuzi ko Kristo yanesheje isi. Mu isi tuzagira umubabaro, ariko tuzagira n'amahoro muri Yesu Kristo. Musaza wanjye, reka kwihanga amaso ahubwo urebe kuri Yesu kuko ari we mufasha wawe rukumbi. - Letter 26, 1895. [3UB276]

### INAMA YAHAWE UMUKOBWA WARI WATAKAJE IBYIRINGIRO

Mu mibereho yanjye ya Gikristo nanjye nanyuze ku rubuga uri kunyuraho muri iki gihe. Icyo gihe byasaga n'aho nari mboshye mu minyururu y'ubwihebe. Igihe nari nkiri muto cyane, mfite impaka 12 gusa, namaze amezi menshi ntentebutse. Ariko Uwiteka ntiyandetse ngo ngume muri ubwo buzima. Yankuruje imbabazi ze n'ubuntu bwe maze angeza mu mucyo. Nawe azagufasha. [3UB276]

Reka kwihanga amaso. Ntukitekerezeho cyangwa ngo uvuge ibikwerekeyeho. Ntabwo ushobora kwikiza ubwawe kukw'umurimo wose mwiza ubasha gukora. Ntabwo Umwami Yesu yakugize uwikorera icyaha [3UB276] [cyawe]. Ntabwo yabashije kubona umuntu n'umwe cyangwa umumarayika wakwikorera icyaha [cya muntu]. Aravuga ati: "Mwese abarushye n'abaremerewe nimuze munsange ndabaruhura." Mbese ntiwizera amagambo ya Kristo? Arakubwira ati: "Mwemere kuba abagaragu banjye munyigireho, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima, namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu, kuko kunkorera kutaruhije n'umutwaro wanjye utaremereye" (Matayo 11:28, 29). [3UB277]

Tekereza ku Mukiza. Shyira ibyaha byawe ku Mukiza wikorera ibyaha, byaba ibyo wakoze utabigambiriye n'ibyitumano. Uzi ko ukunda Umwami wawe; bityo rero wihangayikisha ubugingo bwawe bitewe n'uko Satani akubuza amahwemo akoresheje ibinyoma bye. Izere ko Yesu azababarira igicumuro cyawe kandi arakibabarira koko. Yikoreye ibyaha by'isi yose. Yishimira ko umuntu w'umunyantege nke kandi uhagaritse umutima yamusanga maze akamwishingikirizaho. Shaka Imana mu kwizera koroheje uvuga uti, "Ndizeye nkiza kutizera kwanjye." [3UB277]

**Abamarayika Bita ku Bantu Bizera.** - Ntabwo Uwiteka ahita aca abana be bararagira. Arabihanganira. Abamarayika be bita ku muntu wese umwizera kandi akamwiringira. Muri aka

kanya ubwo usoma aya magambo, izere ko Uwiteka akwemera uko uri, nk'ikirara kandi nk'umunyabyaha. Azi neza ko udashobora guhanagura n'icyaha na kimwe; azi ko amaraso ye y'igiciro cyinshi yameneye umunyabyaha ahindura umwana w'Imana umuntu wihebye kandi uhagaritse umutima. [3UB277]

Ijambo ry'Imana rimeze nkakarima kuzuyemo uburabyo bwiza buhumura. Muvandimwe wanjye, mbese ntuzaca uburabyo, ngo uce indabyo z'amaroza n'andi moko menshi y'amasezerano ye? Turiza mu rukundo rwe. Nta rurimi rushobora gusobanura cyangwa ubwenge bugira aho bugarukira bubasha kwiyumvisha gukomera n'ubutunzi by'amasezerano yahawe abantu b'abanyantege nke kandi batengurwa nk'uko umeze. Icyo usabwa gusa ni ukwizera no kwiringira byoroheje; Uwiteka nawe ntajya ananirwa gusohoza uruhare rwe. Kubwo kwizera, egera Umukiza uhebuje wikorera ibyaha, hanyuma kubwo kwizera umwifatanyeho akaramata. Ntuhagarike umutima, kuko kugenza utyo bitazakemura ikibazo na gato. Izere ko Kristo ubwe ari we ucyaha umwanzi, kandi ko umwanzi adashobora kuzongera kugutegeka. Izere ko Satani yacyashywe. Igihe umwanzi agusanze ameze nk'umwuzure, Mwuka w'Uwiteka azakuzamurira ibendera kugira ngo amurwanye. [3UB277]

**Gundira Yesu Ntiwigere Umurekura.** - Nongeye kugutegeka nti, 'Reka kwirebaho. Reba kuri Yesu. Gundira Umunyambaraga ntumurekure. Umwami wacu Yesu yagaragarije urukundo agukunda mu kuba yaratanze ubugingo bwe kugira ngo ukizwe. Bityo rero, ntukwiriye kutiringira urwo rukundo. Ntukarebe ku ruhande rwijimye. Iringire Imana. Kubwo guhanga Yesu amaso we Mukiza wawe ubabarira ibyaha, urahindurwa ugasa nawe. Vuga uti: "Nasabye Umukiza wanjye, yarambatuye, kandi mfite umudendezo [3UB277] rwose. Ndi uw'Umwami wanjye, kandi nawe ni uwanjye. Sinzatinya. Nzi ko mu ntege nke zanjye ankunda, kandi sinzamubabaza kubwo kwerekana kutamwiringira. Nitandukanyije n'umwanzi. Kristo yaciye imigozi yari imboshye, bityo nzasingiza Uwiteka." [3UB278]

Uko niko ushobora kwigisha no gukomeza umutima wawe. Uwiteka agufashe kandi aguhire igihe cyose. Gira umudendezo, ni ukuri gira umudendezo mu Mwami wawe aka kanya. Ishimire umudendezo wawe.- Letter 36, 1900. [3UB278]

## REBA HIRYA Y'UMWIJIMA

Yesu ariho; yarazutse, yarazutse rwose, ni muzima iteka ryose. Ntukumve ko wikoreye umutwaro. Ni ukuri hari umutwaro ukuriho, ariko se ni nde mwikoreranye uwo mutwaro? Nta wundi utari Umucunguzi wawe. Satani azashyira umwijima we mu nzira unyuramo; nta kindi ushobora kwitega uretse icyo. Ariko kandi uwo mwijima yawushyize no mu nzira Kristo yanyuzemo. Ubu rero icyo ugomba gukora ni ukurenza amaso umwijima ukareba ku kurabagirana kwa Kristo... Ntuhange amaso ibicantege; ahubwo utekereze uburyo Yesu ari uw'agaciro kenshi. [3UB278]

Ubwenge bwawe buzagirwa bushya n'Umwuka Wera. Mbese ushobora kwibagirwa ibyo Yesu yagukoreye?... Wikuyeho amaso; maze ibitekerezo byawe byimbitse cyane kandi binejeje bihebuje ubyerekeza ku Mukiza wawe uhebuje, uyrekeza ku kuntu akwitaho, ku byiringiro atanga no ku rukundo rwe. Mbega uburyo ibyo wifuza ari we byerekejweho! [3UB278]

Ibyiringiro byawe byose wabishyize kuri we, kandi ibyo wari witeze byose byari bihujwe nawe. Ni ukuri aracyagukunda; afite umuti wo komora inguma zawe, bityo rero ushobora guturiza muri We... [3UB278]

Umuhumuriza azakubera ibyo wifuza byose. Uzumva usabwe na Mwuka w'Imana, kandi wumve uburemere bw'ubutumwa n'umurimo. Nzi ko Uwiteka ashaka kuguhishurira ibitangaza byo mu mategeko ye. Reka abantu bose bakumenye, ndetse bamenye ko wabanye na Yesu. -Letter 30a, 1892. [3UB278]

**Hanga Amaso Umucyo.** - Ntabwo nzemerera intekerezo zanjye gutinda ku ruhande rurangwamo umwijima. Yesu amfitiye umucyo, ihumure, ibyiringiro n'ibyishimo. Nshaka guhanga amaso umucyo, kugira ngo kurabagirana kwa Zuba ryo Gukiranuka kubashe kurasa mu mutima wanjye, kandi kumurike no ku bandi. Inshingano ya buri Mukristo ni ukurabagirana - agakwiza hose umucyo w'ubuntu Kristo atanga. Imana ishaka ko nyisingiza no mu mubabaro wanjye, nkerekana ko nsobanukiwe ko iri kumwe nanjye. (Abaroma 5:1; 1Yohana 5:11). - Manuscript 19, 1892. [3UB278]

# IGICE CYA 44

# UMUCYO WIHARIYE WATANZWE KU GUTUNGANYA UBUSITANI

## ELLEN G. WHITE YATANZE AMABWIRIZA AJYANA NO GUTERA IBITI BYERA IMBUTO

Igihe twari turi muri Australia, twafashe umugambi wo gucukura imyobo miremire maze tukayuzuzamo ifumbire yari gutuma ubutaka buba bwiza. Ibi twagiye tubikora mu guhinga inyanya, amacunga, indimu, pome n'inzabibu. [3UB279]

Umugabo watugurishije ingemwe za pome yambwiye ko yashimishwa n'uko najya kwitegereza uko bazitera. Icyo gihe namusabye kundeka nkamwereka uko neretswe mu nzozi za nijoro uburyo zikwiriye guterwa. Nasabye umugabo nari nahaye akazi gucukura icyobo kinini, hanyuma agashyiramo itaka ryiza rivanze n'imborera, agakurikizaho amabuye, hejuru yayo akongeraho itaka rivanze n'imborera. Nyuma y'ibyo yashyizeho itaka rigenda rigerekerana n'ifumbire kugeza igihe icyobo cyuzuriye. Nabwiye wa mugabo watunganyaga ingemwe ko nagiye mpinga ntyo mu butaka bw'uruharabuge muri Amerika. Namurarikiye kuzansura igihe izo mbuto zari kuzaba zeze. Yarambwiye ati: "Ntabwo ukeneye ko nkwigisha uko batera ibiti." [3UB279]

Imbuto twahinze zareze cyane. Pome zabaye agahebuzo zifite amabara meza cyane, kandi ni zo zabaye iza mbere mu buryohe ugereranyije n'izo nari narariyeho zose. Twahinze imbuto z'amoko menshi cyane. -Letter 350, 1907. [3UB279]

## GUTERA UMUTI WICA UDUKOKO MU BITI BY'IMBUTO

Hariho abantu bavuga ko nta kintu gikwiriye kwicwa, ndetse n'udukoko. Nta muntu Imana yahaye ubutumwa nk'ubwo ngo abushyire ubwoko bwayo. Birashoboka ko umuntu yakwagura itegeko rivuga ngo, "Ntukice" maze akarigeza aho ariho hose; ariko gukora ibyo ntibihuje n'imitekerereze mizima. Abakora ibyo ntibigiye mu ishuri rya Kristo. [3UB280]

Kubera icyaha iyi si yaravumwe, kandi muri iyi minsi iheruka, udukoko twangiriza tw'ubwoko bwose tuziyongera. Ibyo byonnyi bigomba kwicwa, nibitaba bityo bizatubuza amahoro kandi bitubabaze ndetse bibe byanatwica, cyangwa se bibe byarimbura ibyo twakoze n'imbuto zo mu mirima yacu. Ahantu henshi hari imiswa yangiriza rwose ibikoresho byo mu nzu bikozwe mu biti. Mbese iyo miswa ntikwiriye kwicwa? Ibiti byera imbuto bigomba guterwa umuti wica udukoko kugira ngo udusimba twari kwangiriza imbuto dupfe. Imana yaduhaye uruhare natwe tugomba gukora, kandi uru ruhare tugomba kurukora dukiranuka, maze ibisigaye tukabiharira Uwiteka. [3UB280]

Nta muntu Imana yahaye ubutumwa buvuga ngo, "Ntukice umuswa, cyangwa ikibugu cyangwa ikimonyo." Tugomba kwirinda no kurimbura udukoko n'ibikururanda biteza ingorane kandi byangiriza, kugira ngo twirinde kandi turinde n'ibyacu kwangirika. Kandi nubwo dukora uko dushoboye kose kugira ngo twice ibyo byonnyi, nta kabuza bizakomeza kororoka. -Manuscript 70, 1901. (Review and Herald, Aug. 31, 1961.) [3UB280]

# IGICE CYA 45

## INAMA ZIKWIRIYE ZATANZWE KU KWIFOTOZA NO GUSENGA IBIGIRWAMANA

Ni ikibazo gikomereye abagabo n'abagore kuba baca umurongo ngenderwaho mu bijyanye no kwifotoza. Bamwe bibasiriye amafoto y'ubwoko bwose. Bavuga ko ayo mafoto yose agomba gutwikwa, bagashimangira ko gukora amafoto yose bibuzanywa n'itegeko rya kabiri; ko ibyo ari ibigirwamana. [3UB281]

Ikigirwamana ni ikintu cyose abantu bakunda kandi bakacyiringira mu mwanya wo gukunda no kwiringira Uwiteka Umuremyi wabo. Ikintu icyo ari cyose cyo ku isi abantu bifuza kandi biringira ko gifite ububasha bwo kubafasha no kubagirira neza kibateshura ku Mana, kandi kiba kibahindukiye ikigirwamana. Ikintu cyose kibasaba gugando urukundo rwabo, cyangwa gikura mu bugingo bwabo ruheranyije rw'Imana, cyangwa se kikitambika kugira ngo kibabuze kwizera Imana no kuyigirira icyizere cyose, kiba cyamaze gufata ishusho y'ikigirwamana mu ngoro y'ubugingo bw'umuntu. [3UB281]

Itegeko rya mbere rikomeye riravuga riti: "Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose n'ubwenge bwawe bwose" (Matayo 22:37). Ahangaha ntawemererwa gukura urukundo rwe ku Mana. Mu 1 Yohana 2:15-17 tuhasoma aya magambongo: "Ntimugakunde iby'isi cyangwa ibiri mu isi. Umuntu nakunda iby'isi, gukunda Data wa twese ntikuba kuri muri we, kuko ikiri mu isi cyose ari irari ry'umubiri ari [3UB281] n'irari ry'amaso, cyangwa kwibona ku by'ubugingo bidaturuka kuri Data wa twese, ahubwo bituruka mu isi. Kandi isi irashirana no kwifuza kwayo, ariko ukora ibyo Imana ishaka azahoraho iteka ryose." Noneho níba amafoto akozwe ari kuganisha ku gukura umuntu ku gukunda Imana, kandi akaba asengwa mu mwanya w'Imana, aba yabaye ibigirwamana. Mbese abavuga ko ari abayoboke ba Yesu Kristo baba bararutishije ibyo bintu Imana, kandi baba barabyeguriye urukundo rwabo? Mbese urukundo bakunda ubutunzi rwaba rwarafashe umwanya Kristo yagombye gufata mu mitima yabo? [3UB282]

Mbese abatwitse amafoto yose y'inshuti zabo n'andi mafoto yose bigeze kugira, baba barageze ku rwego ruhanitse rwo kwitanga kubera iki gikorwa bakoze, kandi mu magambo yabo, mu myitwarire no mu bugingo bwabo baba basa n'abahawe icyubahiro kandi bajya ku rwego rwo hejuru, ndetse imitima yabo ikaba irushjeho kurangamira ijuru? Mbese imibereho yabo yaba yarakungahaye kurenza uko byari biri mbere? Mbese barushaho gusenga, kandi baba bizera ko bafite ukwizera kurushijeho gutungana rwose nyuma y'iki gitambo batanze? Mbese baba barazamutse umusozi. Mbese umuriro wera waba waracanwe mu mitima yabo, ukabaha ishyaka rishya no kwiyegurira Imana n'umurimo wayo mu buryo bukomeye kuruta uko byari bimeze mbere? Mbese ikara ryaka rikuwe ku gicaniro cy'ibitambo ryaba ryarakoze ku mitima yabo n'iminwa yabo? Urebye imbuto bera wavuga umurimo bakora uwo ari wo. -Manuscript 50, 1886. [3UB282]

# IGICE CYA 46

# UMUZIKI N'INDIRIMBO N'UMUYOBOZI WABYO

## KURIRIMBA BYIRUKANA INGABO Z'UMWIJIMA

Nabonye ko tugomba kujya duhaguruka buri munsi maze tukaganza ingabo z'umwijima. Imana yacu irakomeye. Nabonye ko kuririmba ikuzo ry 'Imana akenshi byagiye byirukana umwanzi, kandi gusingiza Imana byanesha Satani bikaduha intsinzi. -Manuscript 5, 1850. [3UB283]

## UMWUKA W'AB'ISI MU BIJYANA N'INDIRIMBO

Si byiza ko abakozi b'Uwiteka bagira uruhare mu binezeza by'isi. Bamwe mu bubahiriza Isabato bafata ko kwifatanya n'ab'isi mu bijyana n'indirimbo n'umuziki ntacyo bitwaye. Ariko bene abo ngabo bari ku rubuga ruteza akaga. Uko ni ko Satani ashaka kuyobya abagabo n'abagore, kandi muri ubwo buryo yamaze kwigarurira ubugingo bwabo. Umwanzi akora niruto niruto yigengesereye mu buryo bureshyareshya ku buryo umuntu atakeka amayere ye maze benshi mu bagize iterero bagahinduka abakunda ibinezeza aho gukunda Imana. -Manuscript 82, 1900. [3UB283]

Neretswe ibya mwenedata U, mbona ko azabera itorero umutwaro keretse gusa naramuka agiranye umubano wimbitse n'Imana. Ariyemera cyane. Iyo imigenzereze ye inenzwe yumva akomerekejwe. Iyo atekereje ko hari undi muntu bamurutishije bakamushyira imbere ye, yumva ko bamugiriye nabi... [3UB283]

Mwenedata u azi neza umuziki n'indirimbo, ariko uburere yahawe mu bijyana n'umuziki n'indirimbo buteye ku buryo akwiriye guhagarara imbere y'imbaga kuruta kuba muri gahunda yera yo kuramya Imana. Kuririmba [3UB283] bihwanye rwose no kuramya Imana mu materaniro y'iby'idini, kimwe no kuvuga, kandi akantu kose umuntu akora gatandukanye n'abandi cyangwa kihariye gakurura intekerezo z'abantu kandi karimbura isura idakebakeba kandi yera yagombye gusigara mu bantu ari imbuto ivuye ku ndirimbo zera. Ikintu cyose cy'inzaduka mu kuririmba giteshura abantu mu kudakebakeba no kwera kwa gahunda y'iyobokamana. [3UB284]

**Umuziki Wiyubashye, Wera kandi Ukora ku Mutima.** Gukoresha umubiri ibimenyetso nta kintu kinini byungura. Ikintu cyose gifitanye isano mu buryo ubwo ari bwose no kuramya Imana gikwiriye kuba cyiyubashye, cyera kandi gikora ku mutima. Iyo abagabura bavuga ko bahagarariye Kristo bamugaragaje nabi ku rwego rw'uko bakoresha umubiri wabo nk'abari gukina ikinamico, bagakora ibimenyetso bitiyubashye kandi bitagira gahunda, bidatunganye kandi bidafite injyana, ibyo ntibinezeza Imana. Ibi byose birasetsa kandi bizabyutsa amatsiko y'abantu bifuza kubona ibintu by'inzaduka kandi bitera gusamara, ariko bene ibyo bintu ntibizazamura intekerezo n'imitima by'ababireba. [3UB284]

Ibintu nk'ibyo byavugwa no ku kuririmba. Ugira inyifato itarangwa no kwiha agaciro. Ushyiramo imbaraga zose kandi ukarangurura ijwi ryawe ku rwego rwa nyuma ubasha kugeraho. Usohora amajwi anoze kandi asobetse ntiyumvikane kubera gusakuza cyane akumvikana nk'ay'umuziki gusa kurenza ko ari ayawe. Kwiyerekana nk'uko nagiye mbona mu materaniro yacu rimwe na rimwe ntikurangwa mu bamarayika. Amanota y'indirimbo nkayo atumvikana neza ndetse n'ibimenyetso bikorwa ntibyigera bigaragara mu mutwe w'abaririmbyi w'abamarayika. Ntabwo

kuririmba kwabo kuryana mu matwi. Kuratuje kandi kurimo injyana ndetse kubaho badakoresheje izo mbaraga nyinshi nk'izo nabonye. Ntibaririmba bahata cyangwa ngo bibananize, kandi ngo bibasabe gukoresha imbaraga z'umubiri. [3UB284]

Amarangamutima Ntakorwaho, Umutima nawo Ntutsindwa. Mwenedata U. ntazi umubare w'abantu barangara kandi bazinukwa. Abantu bamwe ntibashobora kwikuramo ibitekerezo bitejejwe rwose n'amarangamutima bidahamye kugira ngo barebe ibintu bidatunganye bikorwa mu kuririmba. Mwenedata U ariyerekana ubwe. Kuririmba kwe ntikugira imbaraga yo kwigarurira umutima no gukora ku marangamutima. Abantu benshi bitabiriye amateraniro kandi bumvise amagambo y'ukuri yavugiwe ku ruhimbi yagiye atsinda imitima yabo kandi akayizahura. Nyamara inshuro nyinshi uburyo kuririmba kwagiye gukorwa ntikwatumye uko gukorwa ku mutima byimbika. Kwitakuma no guhindura umubiri ukundi, isura idashimishije z'imbaraga akoresha yihata, byagiye bigaragara ko bidakwiriye gukorerwa mu nzu y'Imana, byari nk'umukino wo gusetsa ku buryo uko imitima yari yakozweho mu buryo bukomeye byayivuyemo. Abizera ukuri ntibakomeza gutekerezwa nk'uko batekerezwaga mbere yo kuririmba. [3UB284]

**Byose Bigomba Gukorwa nk'Uko Ashaka**. Kumenya uko abantu bafata ikibazo cya mwenedata U. byaragoye. Yabaye nk'umwana utaratojwe ikinyabupfura kandi utararezwe. Igihe imigenzereze ye yakemangwaga, aho kugira ngo uko gucyahwa agufate nk'umugisha, yaretse amarangamutima ye amutwara nk'uko yibwira maze acika intege ntiyagira ikindi kintu yongera gukora. Mu bintu byose iyo atashoboraga gukora uko yishakira, ngo byose abikore mu buryo bwe, ntiyashoboraga kugira icyo afashamo na gito. Ntabwo yitwararitse mu murimo ku buryo ahindura amatwara ye, ahubwo yiyeguriye gutwarwa n'amarangamutima yo kwinangira amutandukanya n'abamarayika beza maze akazana abadayimoni bakamukikiza. Ukuri kw'Imana kwakiriwe mu mutima gutangira kuzana impinduka iboneza kandi yeza ubugingo. [3UB285]

Mwenedata U. Yagiye atekereza ko kuririmba byari ikintu gihebuje ibindi kigomba gukorwa muri iyi si kandi ko afite uburyo bwagutse ndetse bukomeye bwo kuririmba. [3UB285]

Kuririmba kwawe ntigushobora na gato kunezeza korari y'abamarayika. Tekereza nawe uhagaze mu itsinda ry'abamarayika maze ukajya uzamura intugu zawe, ugatsindagira amagambo, ukanyeganyeza umubiri wawe kandi ugahanika ijwi ryawe ryose ukarimarayo. Ni gitaramo ki no kuzuzanya ki byaba muri uko kwiyerekana imbere y'abamarayika? [3UB285]

**Imbaraga z'Umuziki n'Indirimbo.** -Umuziki n'indirimbo bikomoka mu ijuru. Mu muziki n'indirimbo habamo imbaraga ikomeye. Indirimbo yaririmbwaga n'umutwe w'abamarayika ni yo yakoze ku mitima y'abashumba bari bari mu bibaya by'i Betelehemu kandi yirangira ku isi yose. Mu ndirimbo ni ho ibisingizo byacu bizamukira bigana ku Mana yo yuje ubutungane no kutabusanya. Amaherezo abacunguwe bazinjira mu ngororano yo kudapfa bacuranga kandi baririmba indirimbo zo kunesha. [3UB285]

Mu ijwi ry'umuntu harimo ikintu cyera mu buryo bwihariye. Uko ritabusanya n'imbaraga itera ubwuzu n'ibambe ikomoka mu ijuru ririrangwamo bituma rihebuza igicurangisho cya muzika icyo ari cyo cyose. Umuziki w'ijwi ni imwe mu mpano Imana yahaye abantu, kandi ni igikoresho kitagira icyakiruta kandi kitagerereranywa igihe urukundo rw'Imana rusabye mu bugingo. Kuririmbana umwuka no gusobanukirwa [ibyo uririmba] nabyo ni ikintu gikomeye cyiyongera kuri gahunda zo kuramya zibera mu nzu y'Imana. [3UB285]

Mbega uburyo iyi mpano yateshejwe agaciro! Igihe iyi mpano izaba yejejwe kandi itunganijwe izakora ibyiza bikomeye mu gusenya insika z'urwikekwe no kutizera kurimo kwinangira, kandi izaba inzira yo guhindura ubugingo bw'abantu. Ntabwo gusobanukirwa amahame yo kuririmba

bihagije, ahubwo gusobanukirwa no kumenya bigomba kuba byomatanye n'ijuru ku buryo abamarayika bashobora kuririmbira muri twe. [3UB285]

**Amagambo n'Amajwi Atuje kandi meza Yaranizwe.** -Ijwi ryawe ryumvikanye mu rusengero rirangurura cyane, ryabaye amakaraza, riherekejwe n'ibimenyetso ukora bitiyubashye rwose ku buryo amagambo n'amajwi atuje kandi meza cyane, ameze rwose nk'indirimbo ya marayika adashobora kumvikana. Waririmbiye abantu kuruta uko waririmbiye Imana. Ubwo ijwi ryawe ryazamukaga ukarihanika rikaruta ay'abari mu iteraniro yose, watekereje gutangarirwa kwawe wari uri gutera mu bantu. Mu by'ukuri wagiye ugira ibitekerezo bihanitse bijyana no kuririmba kwawe, ku buryo wagiye utekereza ko ukwiriye kujya uhemberwa gukoresha iyi mpano yawe. [3UB286]

Gukunda gusingizwa ni byo byabaye impamvu shingiro y'ibyo ukora m buzima bwawe. Iyi ni impamvu nkene ku Mukristo. Wagiye wifuza guteteshwa no gusingizwa nk'umwana muto. Ufite ibintu byinshi ugomba kurwana nabyo byo muri kamere yawe bwite. Gutsinda intege nke za kamere yawe no kurangwa n'imibereho yo kwiyanga kandi yera byaragukomereye. -Manuscript 5, 1874. [3UB286]

# IGICE CYA 47

## MUKORERE MU MWUKA Wo GUSENGA

Numva mfite icyifuzo gikomeye cy'uko iyi nama y'Inteko Nkuru Rusange [yo mu 1901] yazaba inama iyobowe n'Imana. Iki ni igihe cy'ingenzi, ndetse cy'ingenzi cyane. Hari umurimo ukomeye ugomba gukorwa. Ariko kuba inama yazagenda neza bishingiye kuri twe ndetse buri wese ku giti cye. Dushobora kugira ijuru ahangaha muri iyi nama... [3UB287]

Hari imyanzuro ikomeye ndetse y'ingenzi igomba gufatirwa muri iyi nama, kandi Imana ishaka ko buri wese muri twe ahagarara mu mwanya w'umubano mwiza nayo. Ishaka ko dukora umurimo ukomeye turushaho gusenga cyane maze tukavuga make. Ishaka ko dukingura amadirishya y'imitima yacu yerekeye mu ijuru. Amarembo y'ijuru yuzuyemo umucyo w'ubwiza bw'Imana, kandi Imana izatuma uyu mucyo umurika mu mutima w'umuntu wese uzahagarara mu mwanya w'umubano mwiza n'Imana muri iyi nama. [3UB287]

Abantu bamwe bagiye bavuga ko batekerezaga ko muri iyi nama iminsi myinshi yagombye gukoreshwa mu masengesho dusaba İmana kuduha Umwuka Wera, nk'uko byagenze ku munsi wa Pentekote. Ndifuza kubabwira ko umurimo wagombye kuba uri gukorerwa muri iyi nama ari umugabane umwe w'umurimo w'Imana nk'uko gusenga nawo ari umugabane umwe. Inama yiga ku miterere y'umurimo igomba kuba iyobowe n'Umwuka Wera kimwe n'amateraniro yo gusenga. Hari akaga ko kugira iyobokamana rishingiye ku marangamutima no gutwarwa n'imbaraga kamere nta kwitegeka. Nimutyo ibivugwa n'ibikorwa byose muri iyi nama bibe byera ku buryo intumwa iturutse mu ijuru ishobora kubyemera. Tugomba kurinda mu buryo bwera cyane ibyerekezo bitari bimwe by'umurimo wacu. Buri cyerekezo cyose cy'umurimo ukorerwa hano muri iyi nama gikwiriye kuba gihuje n'amahame y'ijuru. [3UB287]

Imana ishaka ko muhagarara aho ishobora kubahumekeraho Umwuka Wera, aho Kristo ashobora gutura mu mutima. Ishaka ko mu itangira ry'iyi nama muzibukira rwose ikintu icyo ari cyo cyose cyateza guhangana, amakimbirane, kwirema ibice no kwitotomba mwagiye mugira. Icyo dushaka ni ibintu byinshi bikomoka kuri Kristo cyane bityo ntihagire na kimwe kiva ku narinjye. Umukiza aravuga ati: "Ntacyo mubasha gukora mutamfite."... [3UB288]

Tugeze aho Imana igiye kugira icyo ikorera ubwoko bwayo. Yifuza ko ubwoko bwayo bwaba ubwoko buyihagarariye, butandukanye rwose n'abandi bantu muri iyi si yacu. Imana ishaka ko ubwoko bwayo buhagarara aharengeye, kubera ko yatanze ubugingo bwayo kugira ngo ubwoko bwayo bubashe guhagarara aho hantu. Ntimugatume Uwiteka atababonaho icyo yari abitezeho. -Manuscript 29, 1901. [3UB288]

### IMYANZURO MYINSHI CYANE

Imyanzuro myinshi cyane mufata ikeneye kugabanywa hagasigara kimwe cya gatatu cyayo, hakabaho ubushishozi bukomeye ku bijyanye n'imyanzuro ifatwa ikandikwa. -Letter 45, 1899. [3UB288]

Neretswe ko inama twagiye tugira zagiye zikabirizwa kuremererwa n'imyanzuro ifatwa. Kimwe cya cumi cy'ayo cyaba ingirakamaro cyane kurusha ko habaho umubare munini wayo. Ibi bintu

nabivuze neruye, ariko mwakomeje gushimangira ko umwanzuro ukwiriye gushyirwa mu bikorwa. -Letter 22, 1889. [3UB288]

# IGICE CYA 48

## ABAHANUZI BO MURI BIBILIYA BANDIKIYE IGIHE CYACU

Ntabwo Imana yigeze ibura kutuzirikana. Imana ni yo byishimo byacu n'agakiza kacu. Buri wese mu bahanuzi ba kera yavuze bike bijyanye n'igihe cyabo ariko avuga byinshi birebana n'icyacu ku buryo ubuhanuzi bwabo butureba cyane. "Ibyo byabereyeho kutubera akabarore, kandi byandikiwe kuduhugura, twebwe abasohoreweho n'imperuka y'ibihe." (1Abakorinto 10:11). Kandi bahishurirwa yuko batabyiyerekewe ahubwo ko ari mwe babyerekewe. Ibyo none mumaze kubibwirwa n'ababwirije ubutumwa bwiza, babwirijwe n'Umwuka Wera woherejwe ava mu ijuru, kandi ibyo abamarayika babigirira amatsiko bashaka kubirunguruka" (1 Petero 1:12). [3UB289]

Bibiliya ni cyo gitabo mwagiye mwiga. Niko iteye kubera ko ariyo nama y'ukuri y'Imana, kandi ni yo yagiye inyuzwamo imbaraga zera ziyobora abantu isi yigeze igira uhereye ku kuremwa kwayo. Dufite inkuru idukomeza ivuga ko Henoki yagendanye n'Imana. Niba Henoki yaragendanye n'Imana muri cya gihe cy'ubuhenebere cyabanjirije kurimbuka kw'isi 'irimbujwe umwuzure, tugomba guhabwa ubutwari kandi tugaterwa umwete n'urugero rwe ko tudakwiriye kwanduzwa n'isi, ahubwo ko dushobora kugendana n'Imana n'igihe turi hagati y'imbaraga n'amatwara byayo byangiriza. Dushobora kugira wa mutima wari muri Kristo. [3UB289]

### UBUTUNZI BUGENEWE AB'IGISEKURU GIHERUKA

Henoki, uwa karindwi uhereye kuri Adamu, yahoraga ahanura ibyo kuzaza k'Umukiza. Icyo gikorwa gikomeye yagihishuriwe mu nzozi. Nubwo Abeli yapfuye, ahora avuga iby'amaraso ya Kristo yo yonyine ashobora gutuma ituro n'impano byacu biba bitunganye. Bibiliya yashyize hamwe [3UB289] kandi ikusanya ubwo butunzi bwayo ibuteganyirije ab'iki gisekuru giheruka. Ibintu byose bikomeye byabaye n'ibikorwa bikomeye byo mu mateka yo mu Isezerano rya Kera, byagiye byisubiramo kandí biri no kwisubiramo mu itorero muri iyi minsi ya nyuma. Hariho Mose ukivuga, kandi ucyigishiriza kwiyanga mu magambo yavuze yifuza ko yahanagurwa mu Gitabo cy'Ubugingo kubwa bagenzi be, kugira ngo bakizwe. [Binyuze mu nyandiko] Dawidi aracyayobora isengesho asabira itorero kubw'agakiza kabantu kugeza ku mperuka y'isi. Abahanuzi baracyahamya iby'imibabaro ya Kristo ndetse n'ikuzo ryajyaga kuyikurikira. Ukuri kose kwakusanyijwe kwatugaragarijwe muri Bibiliya gufite imbaraga kugira ngo tubashe kungurwa n'inyigisho zako. Tuyoborwa n'uko kuri kose. Mbega abantu twagombye kuba bo ku bantu bahawe uyu murage w'umucyo mwinshi! Imbaraga zisumbyeho zizahabwa abantu bose bazakurikíra umucyo, bagakomatanya imbaraga zihindura zose zo mu gihe cyashize n'umucyo mushya kandi wiyongereye wo muri iki gihe. Kwizera kwabo kuziyongera, kandi gukoreshwe muri iki gihe, gukangure imbaraga n'umwete mwinshi, ndetse binyuze mu kwishingiriza ku Mana izabaha imbaraga zayo ngo baringanize ahataringaniye kandi bohereze umucyo wa Zuba ryo Gukiranuka ugere ku mpera z'isi. [3UB290]

Ubwoko bw'Imana nibwakira impano yayo itagira akagero kandi bukomatanya ikibushishikaje cyose na Yo, buzabona muri iyi minsi ya nyuma Imana yakungahaje isi ku rwego rungana n'urwo gukiranirwa kwagezeho. Ntihakwiriye kubaho ibigirwamana abantu biziritseho, kandi ntidukwiriye gutinya ibizaba, ahubwo nibabitse uwo Muremyi wacu wo kwizerwa ubugingo bwabo. Azarinda icyo yabikijwe. -Letter 74a, 1897. [3UB290]

## IGICE CYA 49

## MBESE ABANTU BOSE BAGIRA IMPANO YO GUHANURA?

Hari amakuru agenda angeraho uko ibihe bigenda bisimburana yerekeye ku magambo avugwa ko yavuzwe na Ellen G. White ariko kuri njye ayo magambo akaba ari mashya, ndetse ayo magambo akaba atabura kuyobya abantu ku birebana n'ibitekerezo byanjye n'inyigisho zanjye nyakuri. Hari umugore, mu rwandiko yoherereje inshuti ze, uvugana ubwuzu bwinshi ku magambo yavuzwe n'umuvandimwe Jones ngo ko Ellen White yabonye ko, niba tugirana n'Imana umubano utunganye, igihe cyageze ubwo abantu bose bashobora kugira impano y'ubuhanuzi ku rwego rumwe n'urw'abari kugira amayerekwa muri iki gihe. [3UB291]

Mbese aya magambo avugwa afite imbaraga akura hehe? Nizera ko uwo mugore atumvise ibyo umuvandimwe Jones yavugaga, kubera kontashobora gutekereza ko yaba yaravuze ariya magambo. Umwanditsi akomeza agira ati: "Mu ijoro ryashize mwene Data Jones yavuze ko ari ko bimeze, ko Imana itazabwira abantu bose ibigendereye kungura buri muntu wese ko ahubwo izavugana na buri muntu kubw'ibimwungura ku giti cye, ndetse ibi bizasohoza ubuhanuzi bwa Daniyeli." Yavuze ko ibi biri kugenda bibaho ahantu henshi. [3UB291]

Yavugaga nk'aho yatekerezaga ko nta muntu n'umwe wari kuzafata umwanya w'imbere nk'uko Ellen G. White yari yarakoze kandi azakomeza gukora. Yavuze kuri Mose nk'icyitegererezo. Mose yari umuyobozi, ariko hari abandi benshi bavuzweho ko bahanuraga, nubwo ubuhanuzi bwabo butanditswe. Nta burenganzira mwene Data Jones azatanga bw'uko ibyasomwe ahangaha byaturutse kuri uwo mugore byakwandukurwa mu mpapuro nyinshi ngo bikwirakwizwe mu bantu... [3UB291]

Ntabwo nshidikanya kuvuga ko ibyo bitekerezo bifitanye isano no guhanura icyari kuba cyiza ari uko bitari kuvugwa na gato. Bene ayo magambo ategurira inzira imigendekere y'ibintu Satani azuririraho nta kabuza kugira ngo yinjize ibikorwa by'ubushukanyi. Hariho akaga k'uko abantu badafite intekerezo zihamye atari bo gusa bazashorwa mu bwaka, ko ahubwo abantu b'incakura bazaca urwaho uko gutwarwa kugira ngo bagure imigambi ishingiye kuri kamere yabo bwite. [3UB292]

Yesu yavuze ijwi ry'imbuzi agira ati: "Mwirinde abahanuzi b'ibinyoma baza aho muri basa n'intama, ariko imbere ari amasega aryana. Muzabamenyera ku mbuto zabo. Mbese hari abasoroma imizabibu ku mugenge, cyangwa imbuto z'umutini ku gitovu?" (Matayo 7:15,16). "Uko ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga ati "Ntimukumvire amagambo abahanuzi babahanurira: Babigisha ibitagira umumaro bihimbwe n'imitima yabo bitavuye mu kanwa Davuga ibyo beretswe, (Yeremiya 23:16)."Icyo gihe umuntu nababwira ati 'Dore Kristo ari hano, cyangwa ati 'Dore ari

hariya' ntimuzabyemere, kuko hazaduka abiyita Kristo n'abahanuzi b'ibinyoma bakora ibimenyetso n'ibitangaza, kugira ngo babone uko bayobya n'intore niba bishoboka. Ariko mwebwe mwirinde, dore mbibabwiye byose bitaraba." (Mariko 13:21-23). -Letter 6a, 1894. [3UB292]

## IGICE CYA 50

## GUPFOBYA ABAVUGABUTUMWA BATUBANJIRIJE MU MURIMO

Birashoboka kuvuga ibyabayeho bifitanye isano n'iby'ubwoko bw'Imana bwanyuzemo mu gihe cyashize, ndetse bikavugwa mu buryo butuma ibyo baciyemo bihabwa isura isuzuguritse kandi inengwa. Si byiza gufata ibintu bimwe byaranze umurimo maze ukabitandukanya n'umurimo wose ukomeye wakozwe. Bigenze bityo habaho kugaragaza uruvange rw'ukuri n'ikinyoma, urwo abanzi bacu bakwifashisha cyane bakabangamira ukuri kandi bikabera imbogamizi umurimo w'Imana... [3UB293]

Mureke ntihakagire umuntu n'umwe mu bo dusangiye kwizera utekereza ko yaba ari gukora umurimo w'Imana igihe avuga inenge z'abantu bakoze umurimo mwiza, wagutse kandi ushimwa ubwo biyuhaga akuya kugira ngo babwire abantu bacumuye ubutumwa bw'imbabazi, bashishikajwe nagakiza k'ubugingo bw'abarimbuka. Reka tuvuge ko abo bene Data bari bafite intege nke zirangwa mu mico yabo barazwe na ba sekuruza babo nabo batari miseke igoroye, mbese izo nenge zijye zishakishwa zishyirwe ahagaragara kandi zikuririzwe? [3UB293]

Mbese abantu Imana yatoranyije ngo bakore ubugorozi bahinyuza ubupapa no gusenga ibigirwamana bazajya bagaragazwa mu buryo buhinyurwa? Ibendera ry'umutware w'isinagogi ya Satani ryarazamuwe rigezwa hejuru, kandi ikinyoma gisa n'icyiyereka cyizihiza intsinzi, kandi binyuze mu mpano Imana yahaye abagorozi, barwanye urugamba bararutsinda bahanganye n'ingabo z'umwijima. Neretswe ibyabaye mu mateka y'abagorozi. Nzi neza ko Umwami Yesu n'abamarayika be bitegerezanyije amatsiko menshi urugamba [abagorozi] barwanye [3UB293] bahanganye n'imbaraga za Satani wahurije hamwe ingabo ze n'abantu babi mu mugambi wo kuzimya burundu umucyo uva mu ijuru, ari wo muriro w'ubwami bw'Imana. Kubwa Kristo, barakobwe, barasuzugurwa kandi bangwa n'abantu batari bazi Imana. Bashinjwe ibinyoma ndetse baratotezwa kugeza no ku rupfu, bitewe n'uko batashoboraga kureka kwizera kwabo. Niba hari umuntu uhangara gufata abo bantu mu kiganza cye, kandi agashyira kwibeshya kwabo n'amakosa yabo imbere y'isi yose, mureke bene uwo muntu yibuke ko ibyo akora ari kubikorera Kristo binyuze mu bera be…..[3UB294]

**Gucyahwa k'Umwanditsi w'Umudiventisiti.** - Washyize ku karubanda amakosa n'inenge by'ubwoko bw'Imana, kandi kubwo kugenza utyo wubahutse Imana na Yesu Kristo. Kuri njye ntabwo mba narakoresheje ukuboko kwanjye kw'iburyo ngo mpe abatuye isi ibyo wanditse. Ntabwo wigeze utekereza kumpinduka umurimo wawe ushobora kuzabyara... [3UB294]

Ntabwo Uwiteka yaguhamagariye gushyira ibyo bintu ku karubanda nk'amateka atunganye y'abantu bacu. Umurimo wawe uzatuma biba ngombwa dukora umurimo wo kwerekana impamvu abo bene Data bagiye mu ruhande bahagazemo, kandi twibutse abantu uko ibintu byari bimeze kwateye abo inyandiko zawe zashyizeho urwikekwe no kugawa gukora uko bakoze. [3UB294]

**Watanze Isura Igoretse.** -Ntabwo wowe ubwawe wari mu byo abo wanditseho banyuzemo mu bihe bya mbere, ari nabo bahawe kwiruhukira imihati yabo. Icyo watanze gusa ni isura irangwamo kubogama; kubera ko utigeze werekana ko imbaraga z'Imana zakoranye n'imihati yabo, nubwo hari amakosa amwe bakoze. Washyize imbere y'abatuye isi amakosa ya bene Data dusangiye kwizera, ariko nta kintu wigeze ugaragaza cy'uko Imana hari icyo yakoze kugira ngo ikosore ayo makosa, kandi ngo ishyire ku murongo izo ngingo zakemangwaga. Abaturwanya bazanezezwa no gutubura ingingo bahawe n'abantu bacu. Wagaragaje neza amakosa y'intumwa za mbere, ugaragaza amakosa y'abantu bari ab'agaciro mu maso y' Uwiteka mu gihe Kristo yari hano ku isi. [3UB294]

Mu kugaragaza ibyemezo bikaze byagiye bifatwa n'intumwa z'Imana, mbese utekereza ko uzatera abantu kugirira icyizere umurimo w'Imana ukorwa muri iki gihe? Reka kubwo guhumekerwa n'Imana, Imana abe ari yo igaragaza amakosa y'ubwoko bwayo kugira ngo bwigishwe kandi bucyahwe; ariko ntihakagire iminwa y'abantu bapfa cyangwa amakaramu yabo bitinda ku bintu byaranzwe mu byo ubwoko bw'Imana bwanyuzemo bishobora kuzaganisha mu kujijisha no kwijimisha intekerezo. Mureke he kugira umuntu n'umwe wita ku makosa y'abantu umurimo wabo rusange wemewe n'Imana. Inyandiko watanze ntabwo ziteye ku buryo zasiga isura nyakuri kandi nziza mu ntekerezo z'abazisoma ku birebana n'umurimo wacu n'abakozi bacu... [3UB294]

Abana b'Imana ni ab'agaciro cyane mu maso yayo, kandi abantu bakoresha ikaramu yabo cyangwa ijwi ryabo bagaca intege n'iyo yaba uworoheje hanyuma y'abandi mu bizera Yesu Kristo, abo bantu bandikwa mu ijuru nk'abakomeretsa Kristo ubwe. "Ndababwira ukuri yuko ubwo mwabikoreye umwe muri bene Data aba boroheje bari hanyuma y'abandi, ari jye mwabikoreye." (Matayo 25:40). Dukeneye kwibuka ko twagombye kurinda intekerezo zacu, amarangamutima yacu, amagambo yacu n'ibikorwa byacu twigengesereye kugira ngo tudakomeretsa kandi tudatera imibyimba Umukiza binyuze mu bera be; kubera ko yatubwiye yeruye ko we ubwe yisanisha n'ikiremwamuntu kibabazwa. Nta muntu n'umwe wo mu bakiranutsi b'Imana uzahabwa icyubahiro cy'ikamba ry'ubugingo mu bwami bw'ubwiza ataranyuze mu ntambara n'ibigeragezo bikomeye. Umuntu wese utsinda mu marushanwa yo gusiganirwa guhabwa ikamba ritangirika, agomba kuzaba yarahatanye akurikiza amategeko ... [3UB295]

**Ntimukerekeze Intwaro Zanyu z'Intambara ku Basirikare ba Kristo.** -Tugomba kwerekeza intwaro zacu z'intambara ku banzi bacu, ariko ntitugomba kuzerekeza ku bari kugenda bakurikiza amabwiriza bahabwa n'Umwami w'abami kandi bari kurwana kigabo urugamba rw'Umwami w'abami. Mureke he kugira umuntu n'umwe urasa ku musirikare w'Imana izi neza, uwo Imana yohereje ngo ashyire isi ubutumwa bwihariye kandi ajye gukora umurimo wihariye. [3UB295]

Abasirikare ba Kristo ntibabasha kugaragaza ubutungane mu ntambwe zabo igihe cyose, ariko amakosa yabo ntakwiriye gutera bagenzi babo kuvuga amagambo azabaca intege, ahubwo bakwiriye kuvuga amagambo azabakomeza, kandi azabafasha kongera kwigarurira ibirindiro bari batakaje. Ntabwo bakwiriye gusuzuguza icyubahiro cy'Imana, kandi ngo bahe icyuho abanzi gica b'Umwami wabo. [3UB295]

Mureke he kugira abasirikare baba abacamanza b'intavumera kandi badashyira mu gaciro ba bagenzi babo, kandi ngo babe bakuririza inenge yose. Mureke be kugaragaza imico ya Satani

bahinduka abarezi ba bene se. Dushobora kuzisanga ubwacu ab'isi batuvuga uko tutari kandi batwita abanyabinyoma, nyamara dushikamye ku kuri kandi twerereza amategeko y'Imana yaribaswe. Ariko mureke he kugira umuntu n'umwe usuzuguza umurimo w'Imana akoresheje gushyira ku karubanda ikosa runaka abasirikare ba Kristo bashobora gukora, igihe iryo kosa rirebwa kandi rigakosorwa n'abantu bamaze kujya mu ruhande rutari urw'ukuri... [3UB295]

Abantu bakorana ubwenge buke bagashyira ku karubanda amakosa ya bagenzi babo basangiye kwizera Imana izababaraho icyaha gikomeye cyane kurusha icyo izabara ku muntu uteshuka inzira. Kunenga no guciraho iteka abavandimwe dusangiye kwizera bifatwa nko kunenga no guciraho iteka Kristo ubwe. -Letter 48, 1894. [3UB295]

## KUGIRA UMUCYO MWINSHI BITANGA INSHINGANO IRUSHIJEHO GUKOMERA

Muri iki gihe twahawe umucyo mwinshi n'amahirwe yagutse, bityo rero tubarwaho inshingano yo kurushaho kugaragaza uwo mucyo. Ibi bizagaragazwa n'ubutungane no kwitanga biruseho. Kuyoboka Imana kwacu gukwiriye kuba guhwanye n'umucyo utumurikira muri iki gihe. [3UB296]

Ariko kuba dufite umucyo mwinshi ntibiduha urwitwazo rwo gusesengura no gucira urubanza imico y'abantu Imana yahagurukije mu bihe bya kera ngo bagire umurimo bakora kandi ngo bacengere mu mwijima w'imicombonera y'ab'isi. [3UB296]

Mu bihe byashize abagaragu b'Imana bakiranaga n'abatware n'abafite ubushobozi n'abategeka iyi si y'umwijima, n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru, ari nako bimeze kuri twe abazamura ibendera ry'ukuri muri iki gihe. Ábo bantu bari inkoramutima z'Imana, ibikoresho byayo bizima yakoreragamo mu buryo butangaje. Bari bararagijwe ukuri mvajuru ku rwego rw'uko Uwiteka yabonye ko bakwiriye guhishurirwa ukuri isi yashoboraga kwihanganira kumva. Bamamaje ukuri igihe idini y'ikinyoma kandi yangiritse yigiraga igitangarirwa mu isi. [3UB296]

**Nta Gihe cyo Gupfobya cyangwa Gutangira Icyaha Urwitwazo.** - Nakwifuza ko umwenda ukingiriza wazingwa ugakurwaho, kandi ko abantu badafite amaso y'umwuka babona abo bantu nk'uko bagaragara mu maso y'Imana; kuko muri iki gihe bababona nk'ibiti bigenda. Bigenze bityo, ntibashyira ibitekerezo byabo bya kimuntu ku bunararibonye n'imirimo by'abantu birukanye umwijima mu nzira maze bagategurira inzira ibisekuru byari kuzakurikiraho. [3UB296]

Kuba turiho muri iki gisekuru cyacu, tubasha gucira urubanza abantu Imana yahagurukije kugira ngo bakore umurimo udasanzwe bakurikije umucyo bari barahawe mu gihe cyabo. Nubwo bashobora kuba baratsinzwe n'ibishuko, bihannye ibyaha byabo; ariko nta mahirwe twe twasigaranye yo gupfobya imico yabo cyangwa gutangira icyaha urwitwazo. Amateka yabo ni umunara w'imbuzi kuri twe, kandi werekana inzira itekanye dushobora kunyuramo niba tubishaka ariko tukirinda amakosa bakoze. Abo bantu b'abanyacyubahiro bisunze intebe y'imbabazi kandi bacishije bugufi imitima yabo imbere y'Imana. [3UB296]

Nimutyo amajwi yacu cyangwa inyandiko zacu bye kwerekana ko dukerensa amabwiriza n'imbuzi bikomeye Uwiteka atanga. Nimutyo he kugira umuntu n'umwe utesha agaciro abo Imana yatoranyije, barwanye kigabo urugamba rw'Uwiteka, bomatanyije umutima, ubugingo n'ubuzima bwabo n'umurimo w'Imana, bapfanye kwizera, kandi bakaba ari abaragwa b'agakiza gakomeye

twaronkewe binyuze mu Mukiza wacu uhebuje wikoreye ibyaha byacu kandi akaba ari we ubibabarira. [3UB296]

**Ntukavuge ku Makosa y'Abakiriho cyangwa Abapfuye.** - Nta muntu Imana yatumye kongera kugaragaza amafuti yabo, no kwereka amakosa yabo isi yibereye mu gukiranirwa, ndetse n'itorero rigizwe n'abantu benshi b'abanyantege nke mu kwizera. Nta bantu Uwiteka yakoreye umutwaro wo kwibukiriza amafuti n'amakosa y'abantu bariho cyangwa abapfuye. Uwiteka yifuza ko abakozi be bavuga ukuri kugenewe iki gihe. Ntukavuge iby'amakosa y'abo musangiye kwizera bakiriho, kandi ujye wicecekera we kuvuga amakosa yakozwe n'abamaze kwipfira. [3UB297]

Mureke amafuti n'amakosa yabo bigume aho Imana yabishyize -aho yabijugunye imuhengeri mu nyanja. Uko abavuga ko bizera ukuri bavuga bike cyane ku bijyanye n'amakosa n'amafuti byo mu gihe cyashize by'abagaragu b'Imana, ni ko bazarushaho kumererwa neza cyane kubw'ubugingo bwabo bwite, no kubw'ubugingo bw'abo Kristo yaguze amaraso ye. Nimutyo ijwi ryose ryamamaze amagambo y'uwa mbere akaba n'uw'imperuka, Alufa na Omega, itangiriro n'iherezo. Yohana yumvise ijwi rivuga riti, "Andika uti 'Uhereye none hahirwa abapfa bapfira mu Mwami wacu." Umwuka na we aravuga ati "Yee, ngo baruhuke imihati yabo, kuko imirimo yabo ijyanye na bo ibakurikiye." (Ibyahishuwe 14:13). -The Review and Herald, Nov. 30, 1897.75[3UB297]

---

*75 Iyi nama yandikiwe umukozi wari wasohoye inyandiko ebyiri mu kinyamakuru cy'Urwibutso Integuza (Ku ya 3 no ku ya 10 Mata, 1894) aziha umutwe uvuga ngo, 'Akaga gaterwa no Kwemera Ibitekerezo by'Ubuhezanguni."-Abakusanyije Inyandiko.*

# IGICE CYA 51

# IBITERO KURI ELLEN WHITE N'UMURIMO WE

## MBESE DUKWIRIYE GUCECEKA?

Iyo umuntu yibasiye bagenzi be, akanagaragaza mu mucyo uteye isoni abo Imana yahamagariye kuyikorera, turamutse twicecekeye ntitwaba tugaragarije ubutabera abazana ibyo birego ndetse n'abayobywa n'ibyo birego byabo, ngo tureke abantu batekereze ko bene Se na bashiki babo bari baragiriye icyizere noneho batagifite impamvu yo kuba babakunda kandi ngo basabane. Uyu murimo uri kuvuka hagati muri twe, kandi ukaba usa neza n'umurimo wa Kora, Datani na Abiramu, ni igitutsi ku Mana, kandi ukwiriye kurwanywa. Kandi kuri buri ngingo yose, abaregana" bakwiriye gusabwa gutanga igihamya bafite. Buri kirego cyose kigomba kwigwaho muburyo bwitondewe; ntabwo gikwiriye kurekwa mu buryo budasobanutse, ntabwo abantu bakagombye kurekerwa mu rujijo ngo batekereze uko bishobora kuba bimeze cyangwa uko bitameze. Abaregana bakwiriye gukora uko bashoboye kose ngo bakureho ikimenyetso cyose cyo kugaya kidafitiwe gihamya. [3UB298]

**Ntimukareke ngo Abantu Bizere Ikinyoma. -** Iki gikwiriye gukorwa mu birebana na buri torero. Kandi igihe hari umukozi w'Imana yatoranyirije gukora umurimo wihariye, kandi akaba amaze imyaka mirongo itanu ari umukozi wemewe, akorera abantu duhuje kwizera, kandi imbere y'abakozi b'Imana akaba afatwa nk'umwe Uwiteka yatoranyije; igihe ku mpamvu runaka umwe mu benedata aguye mu gishuko, bityo kubera ubutumwa bw'umuburo ahawe akumva ko yandagajwe, nk'uko abigishwa ba Kristo babigenje, bityo ntiyongere kugendana na Kristo. Iyo rero atangiye kurwanya ukuri, maze ibitamunyuze akabishyira ku karubanda, ibintu bitari ukuri akabitangaza nk'ukuri, ibyo bintu biba bigomba kurwanywa.

---

*76 Aya magambo yabwiwe abantu bamwe bareganaga bo muri Australia bari barabonye igihamya cyihariye cy'umurimo wa Ellen White. - Abakusanyije inyandiko.*

---

[3UB298] Abantu ntibakwiye kurekwa ngo bizere ibinyoma. Bagomba kutayobywa. Ubucocero bwanduye uwo mugaragu w'Imana yari yambaye bugomba gukurwaho. [3UB299]

Niba abakoze bene uyu murimo bitwikira ingingo ivuga ko bayobowe n'Umwuka Wera, biba bimeze nk'aho Satani yambaye imyambaro y'ubutungane yo mu ijuru, nyamara agikora ibijyanye n'imico ye. -Letter 98a,1897. [3UB299]

***Ibyitirirwa Kubusanya no Kuvuguzanya mu Bihamya.*** - Abahisemo kwikurikirira inzira yabo bwite batangiye gushyira hanze ibyo bita ibibusanya n'ibivuguruzanya, bavuga ko bifitanye isano n'Ibihamya. Kandi hari ibyo bavuga uko bitari bakoresheje amagambo yabo bwite aho gukoresha amagambo ari mu nyandiko zanjye. Ibi birego bigomba kurwanywa kugira ngo ukuri gusimbure ikinyoma. -Letter 162, 1906. [3UB299]

## KURWANYA IBINYOMA NO KUBIKOSORA

Nta makimbirane mfitanye na V. Umurimo ngomba gukora mu buzima bwanjye uri imbere y'isi yose. Ntabwo ari umurimo wanjye. Ni umurimo w'Uwiteka. Ntacyo njye ubwanjye nirata; kuko

Uwiteka azandokora akankura mu ntambara y'amagambo. "Muzabamenyera ku mbuto zabo." [3UB299]

Noneho rero bizaba ngombwa ko turwanya kandi tugakosora ibinyoma byakwirakwiye bivuye kuri mwenedata V. n'umugore we, kugira ngo abavandimwe bacu [dusangiye kwizera] bamenye aho byaturutse. Ngomba kumenya ibyo uriya mwenedata abarega. Kuvugira mu ruhame ijambo ryuzuye uburakari wibasiriye umugore ntabwo ari umusaruro uturuka ku murimo wa Mwuka Wera, ahubwo bituruka ku mwuka w'umwanzi, kandi ntituzawuha umwanya. Mbese tuzareka abantu banywere ku gikombe cy'ibishuko bitewe no kuvuga ibintu uko bitari? Oya, ntibizabaho. Ndamutse nkoze ibi naba mbaye igisonga gikiranirwa. Hakwiriye kubaho imvugo y'ukuri ishyirwa imbere y'abantu; maze umurimo wanjye ukaba ukozwe. Ntabwo njya ninjira mu kujya impaka, ariko sinshobora kwemera ko umurimo w'Imana (wereye imbuto imbere y'abantu hafi mu gihe cy'ubuzima bwanjye bwose), wakuburwa nk'inzu y'igitagangurirwa, na nde? Umuntu buntu, umuntu ushobora gushukwa, umuntu Satani ari kugosora nk'ingano. - Letter 65,1897. [3UB299]

## URUPAPURO RW'ITORERO RUKWIYE KUVUGA

### (Ubutumwa bwandikiwe uwari ushinzwe kunoza inyandiko mu 1883)

Maze igihe ntegereje ngo ndebe ibyo wakora ugira ikintu wandika ngo ushimangire ko hari uburenganzira. Wabonye igihe gihagije... [3UB299]

Kuki udakora ibyo ubutabera busaba mu izina ry'umugabo wanjye no kumenyekana kwe, kandi kuki muceceka rwose maze ukareka ikiyoka kigatontoma? [3UB300]

Kuri njye ntacyo bimbwiye, ntakimbuza amahoro yanjye. Gusa nita cyane ku barinzi Ímana yashyize ku nkike z'i Siyoni bagombye kuvuza impuruza. Wowe uko biri kose hari icyo wagombye gukora ku bwawe, ku bwa Kristo, no ku bw'ukuri. Kuki utareka ngo ukuri kugaragare? Kubera iki ukomeza kwicecekera nk'umuntu wapfuye? Mbese ubu nibwo buryo urwanirira ukuri?... [3UB300]

**Madamu White; Inyandiko ya Buri Wese Urwanya Kwizera.** -Ukuri kuzatsinda. Niteze ko ibitero shuma bizanyibasira kugeza ubwo Kristo azagaruka. Buri muntu urwanya ukwizera kwacu yandika ibivuga kuri madamu Ellen G. White. Bene abo bantu batangira barwanya ukuri hanyuma bakangabaho igitero. Ni iki nakoze, niba ari kibi, rero nimubareke bampamye ikibi..... [3UB300]

Nibyo, ibitabo" by'uwitwa Long n'uwitwa Green byarasohotse. Ni ibitabo byoroshye kandi bisuzuguritse hanyuma y'ibindi. Ndagutegereje wowe n'abandi ngo mubivugeho, kubera ko muri mu mwanya y'ubuyobozi mwakoze nk'abarinzi bo ku nkike z'i Siyoni kandi mukwiriye kuburira abantu. [3UB300]

**Uyu Muhati Wose wo Kundwanya ni uw'Iki?** Ibintu biragenda byihuta cyane; kandi hari iterambere ridasanzwe kandi ritangaje mu rukurikirane rwihuta. Turi kwegereza imperuka. Ndabaza nti: Kubera iki hariho uyu muhati wose wo kundwanya? Nakoze ibyo Imana yampaye gukora. Nta muntu n'umwe nakomerekeje. Nabwiye abayobye amagambo Imana yampaye. Birumvikana, ntabwo nashoboraga kubahatira kumva. Abagize amahirwe yo kugerwaho n'ibyiza Kristo yakoraga baramurakariye cyane baramurwanya nk'uko nanjye abanzi bandwanya. [3UB300]

Nakoze gusa inshingano yanjye. Navuze kubera ko nahatirwaga kuvuga. Ntabwo banyanze ahubwo banze uwantumye. Ni we wampaye umurimo wanjye... [3UB300]

Mpanzwe amaso, ijambo ryose nanditse rirajorwa, kandi intambwe yose ntera abantu bayivugaho..... [3UB300]

Ndeka umurimo wanjye n'umusaruro uwuturukaho kugeza igihe tuzahurira ku ntebe yera ya cyami. Mbese mubona Umwuka wa Kristo muri iri genzurwa, muri uko gukekeranya, no guhimba n'ibyo bibwira? Ni ubuhe burenganzira bafite bwo gukekeranya ku magambo yanjye, kuyibwiraho ibitari byo no kuyagoreka? Ndetse bakankosereza nk'uko babigenza?

---

*77 Ibi bitabo byanditswe n'itsinda ry'abahakanyi bari baritandukanyije n'itorero.*

---

Hari urwego rw'abantu bakunda ibyokurya nk'ibi. Ni abantu batungwa no gutoragura ibyo abandi bataye, ntibareba neza ngo babe babona ibyiza inyandiko zanjye n'ibihamya byanjye byakoze. Ahubwo nka Satani, umurezi wa benedata, bashakisha ikibi bashobora kubona, ngo barebe ikibi bashobora kubona, bakareba ijambo bashobora kugoreka, maze bakarishyiraho imvugo yabo mbi kugira ngo bahinduke umuhanuzi w'ibinyoma... [3UB301]

Ndabona umwuka wa Satani wigaragaza mu buryo bweruye kurusha uko wagaragaye mu myaka mirongo ine ishize. - Letter 3,1883. [3UB301]

**Byatangajwe nk'Igitubura.** Iyo Satani ashoboye guhagurutsa kunengana hagati mu bantu bavuga ko ari ubwoko bw'Imana, uko kunenga kugenda guhererekanywa nk'igitubura kuva ku muntu kujya ku wundi. Ntimugahe umwanya n'umwe umwuka wo kujorana no kunenga kubera ko ari ubuhanga bwa Satani. Mubyemere, kandi ko ibyo bikurikirwa n'igomwa, ishyari no gukekakekana ibibi. [3UB301]

"Mushyire hamwe", ni itegeko numva rivuye ku Mugaba w'agakiza kacu. Mushyire hamwe. Ahari ubumwe haba imbaraga. Abari ku ruhande rw'Uwiteka bose bazashyira hamwe. Mu bizera ukuri hakeneye kurangwa ubumwe buzira amakemwa ndetse n'urukundo, kandi ikintu cyose kiganisha ku macakubiri gituruka ku mubi. Uwiteka ashaka ko ubwoko bwe bwaba umwe nawe nk'uko amashami ari amwe n'umuzabibu. Ubwo ni bwo bazaba bamwe umuntu n'undi.- Letter 6, 1899. [3UB301]

**Kwitega kubona Urutonde Rurerure rw'Ingingo z'Ibinyoma.** - Ubu niteze ko hari urutonde rurerure rw'ingingo z'ibinyoma ruzagezwa ku batuye isi, kandi niteze ko ikinyoma ku kindi, n'amagambo agoretse ageretse ku yandi Satani yatangije mu ntekerezo z'abantu, bizemerwa na bamwe nk'ukuri. Ariko ndekeye ibyanjye mu maboko y'Imana, kandi n'abazi neza imigenzereze yanjye mu buzima bwanjye ntibazigera bakira ibinyoma bivugwa. -Letter 22, 1906 [3UB301]

# IGICE CYA 52

# UBUZIRANENGE N'AGAKIZA

## KWIVUGA UBUZIRANENGE[78]

Yohana avuga iby'umushukanyi ukora ibitangaza bikomeye, avuga ko azarema igishushanyo cya ya nyamaswa, kandi ko azahatira bose kwakira ikimenyetso cye. Nyabuneka mbese muzita kuri ibi bintu? Murondore mu Byanditswe murebe. Hari ububasha bukora ibitangaza buzagaragara: kandi ibyo bizabaho ubwo abantu bazaba bivugaho kwezwa, n'ubutungane, bishyira hejuru cyane kandi birata. [3UB302]

Murebe Mose n'abahanuzi; murebe Daniyeli na Yozefu ndetse na Eliya. Mwitegereze abo bantu maze munyereke nibura interuro imwe bavuze ko ari abaziranenge batagira icyaha. Umuntu ufitanye na Kristo umushyikirano wimbitse, akitegereza kwera kwe n'icyubahiro cye azagwa igihumure imbere ye akozwe n'isoni. [3UB302]

Daniyeli yari umuntu Imana yari yarahaye ubuhanga bwinshi no kujijuka, kandi igihe yiyirizaga ubusa marayika yaramugendereye maze aramubwira ati: "Yewe Daniyeli mugabo ukundwa." (Daniyeli 10:11). Daniyeli yararabiranye agwa imbere ya marayika. Ntabwo yavuze ati: "Mwami, nabaye indahemuka kuri wowe kandi nakoze ikintu cyose kugira ngo nguhe icyubahiro kandi ndwanire ijambo ryawe n'izina ryawe. Mwami, uzi uko nabaye indahemuka ku meza y'umwami, n'uko nakomeje gukiranuka kwanjye igihe najugunywaga mu mwobo w'intare." Mbese uko ni ko Daniyeli yasenze Imana? [3UB302]

Oya, yarasenze anatura ibyaha bye, aravuga ati: "Uwiteka tega amatwi yawe wumve, twavuye mu ijambo ryawe kandi twaracumuye." Kandi igihe yabonaga marayika, yaravuze ati: "Ubwiza bwanjye bwampindukiyemo ububore ndatentebuka." Ntiyashoboraga kureba mu maso ha marayika, kandi nta n'imbaraga yari afite kuko zose zari zamushizemo. Bityo rero,

---

*78 Iki ni igice cy'ikibwirizwa Ellen G. White yabwirije ahitwa Santa Rosa, muri Leta ya California, ku ya 7 Werurwe 1885.*

---

[3UB302] marayika yaramwegereye amuhagarika ku mavi ye, maze ntiyongera kumureba na none. Nyuma yaho marayika yamujeho afite ishusho nk'iy'umuntu. Ubwo ni bwo yashoboraga kwihanganira kumureba. [3UB303]

Abari kure ya Kristo Nibo Bonyine bivuga Ubuziranenge. - Kuki abantu benshi aka kageni bivuga kuba abera n'abaziranenge? Biterwa n'uko bari kure cyane ya Kristo. Ntabwo nigeze ntinyuka kwivugaho ikintu kimeze gityo. Kuva mfite imyaka cumi n'ine y'ubukuru, iyo namenyaga icyo Imana ishaka, nagiraga ubushake bwo kugikora. Ntabwo mwigeze munyumvana amagambo mvuga ngo ndi umuziranenge. Abarabutswe igikundiro n'imico ihebuje ya Yesu Kristo, uwera kandi washyizwe hejuru ndetse igishura cye kikuzura urusengero, ntabwo bazigera bavuga ko ari

abaziranenge. Nyamara tugomba kuzahura n'abantu bazavuga cyane cyane ibyo. -Manuscript 5, 1885. [3UB303]

## MUREKE IMANA ABE ARI YO IBIVUGA, SI ABANTU

Ndashaka kubwira umuntu wese Imana yahishuriye ikuzo ryayo nti, "Nta gatekerezo na gato uzigera ugira ko kuvuga uti: 'Ndi umuziranenge, Ndi uwejejwe."

Nyuma y'iyerekwa ryanjye rya mbere ubwo nabonaga ikuzo ry'Imana, sinashoboraga kureba umucyo urabagirana. Byaje gutekerezwa ko natakaje ubushobozi bwo kurebesha amaso, ariko igihe nari maze kwimenyereza ibintu byo kuri iyi si nashoboye kongera kureba. Iyi ni yo mpamvu mbabwira kutirata ngo muvuge muti, "Ndi umuziranenge, ndejejwe," kuko icyo ari igihamya kidakuka cy'uko mutazi neza Ibyanditswe cyangwa imbaraga Z'Imana. Mureke Imana ibyandike mu bitabo byayo niba ibishaka, ariko mwebwe ntimukwiriye kubivuga. [3UB303]

Ntabwo nigeze ntinyuka kuvuga ngo, "Ndi umuziranenge, nta cyaha ngira," ariko ibyo natekerezaga byose byari ubushake bw'Imana nageragezaga gukora n'umutima wanjye wose, kandi mfite amahoro y'Imana mu mutima wanjye. Nshobora kuragiza Imana Umuremyi wo kwizerwa ikibitsanyo cy'ubugingo bwanjye, kandi nkamenya ko izarinda icyo nayibikije. Ibyokurya n'ibyokunywa byanjye ni ugukora ibyo Databuja ashaka. - Manuscript 6a, 1886. [3UB303]

## NTIBISHOBOKA KUGEZA UBWO UYU MUBIRI WOKOJWE IKIBI UZAHINDURWA

Tugomba kubaka urwango rudatezuka hagati y'ubugingo bwacu n'umwanzi wacu; ariko tugomba gukingurira imitima yacu imbaraga no gukoreshwa na Mwuka Wera... Dushaka kuba abakabakabwa cyane n'imbaraga zera, kugira ngo kongorerwa na Yesu bucece kunyeganyeze ubugingo bwacu kugeza ubwo azaba muri twe, natwe tukaba muri We, tubeshejweho no kwizera Umwana w'Imana. [3UB303]

Dukeneye gutunganywa, tukezwaho imyanda yose y'isi kugeza ubwo tuzagaragaza ishusho y'Umukiza wacu, kandi bikadutera "gufatanya na kamere y 'Imana, tumaze guhunga no gukira kononekara kwazanywe mu isi no kwifuza." Ubwo ni bwo tuzanezezwa no gukora ibyo Imana ishaka, kandi Kristo ashobora kutujyana imbere ya Data n'abamarayika bera nk'ababa muri we, kandi ntazakorwa n'isoni zo kutwita bene se. [3UB304]

Ariko ntabwo tuzirata ukwera kwacu. Nitumara kubona neza ubuziranenge no gutungana kutagira akagero bya Kristo, tuzumva tumeze nk'uko Daniyeli yiyumvise igihe yitegerezaga ubwiza bw'Imana akavuga ati, "Ubwiza bwanjye bwampindukiye ububore." [3UB304]

Ntabwo dushobora kuvuga ngo, "Nta cyaha mfite," kugeza igihe uyu mubiri wokojwe ikibi uzahindurirwa maze ugashushanywa n'umubiri wa Yesu Kristo w'ubwiza. Ariko niba duhora dushaka gukurikira Yesu, ibyiringiro by'umugisha ni ibyacu byo kuzahagarara imbere y'intebe ya cyami y'Imana tudafite ikizinga cyangwa umunkanyari, cyangwa ikintu cyose gisa gityo. Muri Kristo tuzaba dushyitse, twambaye gukiranuka no kwera kwe. -Signs of Times, March 23, 1888. [3UB304]

## IGIHE INTAMBARA IZABA IRANGIYE

Ubwo igihe cy'ihembura kizaza giturutse ku Mwami Imana, ubwo ni bwo ibyaha by'umuntu wihannye wakiriye ubuntu bwa Kristo kandi akaba yaranesheshe amaraso y'Umwana w'intama bizakurwa mu nyandiko zo mu ijuru, maze bigerekwe kuri Satani, ihene yo koherwa, akaba na nyirabayazana w'icyaha, bityo ntibizongere kwibukwa ukundi bimubarwaho…..Igihe intambara y'ubuzima izaba irangiye, igihe intwaro zizaba zirambitswe ku birenge bya Yesu, igihe abera b'Imana bazaba bahawe ikuzo, ubwo nibwo bwonyine tuzaba dufte umutekano wo kuvuga ko dukijijwe, kandi ko turi abaziranenge. - Signs of Times, May 16, 1895. [3UB304]

## IBYIRINGIRO BY'AGAKIZA MURI IKI GIHE

Umunyabyaha uri mu nzira yo kurimbuka ashobora kuvuga ati: <<Ndi umunyabyaha wazimiye, nyamara Kristo yazanywe no gushaka no gukiza icyari cyazimiye. Yesu aravuga ati: "Sinazanywe no guhamagara abakiranuka keretse abanyabyaha." (Mariko 2:17). Ndi umunyabyaha kandi Yesu yapfiriye ku musaraba w'i Kaluvari kugira ngo ankize. Sinkeneye gukomeza kubaho ikindi gihe ntakijijwe. Kristo yarapfuye kandi arazuka kugira ngo ntsindishirizwe, kandi arankiza. Nemeye imbabazi yasezeranye." "Gutsindishirizwa kubwo Kwizera" (Agatabo gato kasohowe mu 1893), p7. Byongeye gucapwa mu Butumwa Bwatoranyijwe, Vol. 1, p. 451. (2016)." [3UB304]

Uwihana ibyaha bye kandi akakira impano y'ubugingo bw'Umwana w'Imana, ntashobora gutsindwa. Kubwo kwizera asingira kamere y'ubumana, ahinduka umwana w'Imana. Arasenga kandi akizera. Igihe ashutswe kandi ageragejwe, asaba guhabwa imbaraga Kristo yapfiriye ngo [3UB304] atange, maze akanesha ku bw'ubuntu bwe. Iki buri munyabyaha wese akeneye kucyumva. Agomba kwihana ibyaha bye, agomba kwizera ububasha bwa Kristo kandi akemera imbaraga ikiza ikanamurinda icyaha. Mbega uburyo dukwiye gushimira kubw'impano y'urugero Kristo yatanze!- The Review and Herald, Jan. 28, 1909. [3UB305]

## NTUKUKE UMUTIMA, IBYIRINGIRO BYAWE BIRI MURI KRISTO

Ubuzima muri Kristo ni ubuzima bw'umutuzo. Hashobora kuba nta byiyumviro by'ibinezeza, ariko hakagombye kuba ibyiringiro bituje kandi by'amahoro. Ibyiringiro ntabwo biri muri mwe ubwanyu; biri muri Kristo. Intege nke zanyu zunzwe n'imbaraga ze, ubuswa bwanyu ku bwenge bwe, ubuhanya bwanyu ku bushobozi bw'iteka ryose. [3UB305]

Kuba muri Kristo bizana kubaho kw'ihumure. Ahari nta munezero uhebuje mwabona, ariko rero mukwiye kugira ibyiringiro by'amahoro bitagira impinduka. Simwe mwitezeho amakiriro, ahubwo mwizigire Kristo. Mureke intege nke zanyu zifatanye n'imbaraga ye, ubujiji bwanyu bufatanye n'ubwenge bwe... [3UB305]

Ntabwo dukwiriye kwihugiraho n'ubwoba n'imitima ihagaze kuko bidutera gushidikanya ko tutazakira. Ibyo byose byibagiza imitima yacu Isoko y'imbaraga. [3UB305]

Mukundire Imana kurinda imitima yanyu, muyiringire. Mujye muganira, mutekereze Yesu, ngo ibye abe ari byo bibatwara umutima. Mureke gushidikanya kose; mureke ibibatera ubwoba. Muvuge nk'intumwa Pawulo, muti: "Ndiho nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye, ibyo nkora nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera Umwana w'Imana wankunze akanyitangira." (Abagalatiya 2:20). Muruhukire mu Mana. Ibasha kubarindira ibyo mwayibikije. Nimwirekere mu maboko yayo, kandi izabaganziriza ku bw'uwabakunze. Kugana Yesu, 2019; pp.73,74. [3UB305]

# IGICE CYA 53

# MWIGE IBIHAMYA

### UMUCYO UZACIRAHO ITEKA ABADAHITAMO KWIGA NO KUMVIRA

Amabwiriza y'agaciro kenshi yahawe abantu bacu mu bitabo nategetswe kwandika. Ni bangahe basoma kandi bakiga ibyo bitabo? Umucyo Imana yatanze ushobora kutitabwaho kandi ntiwizerwe, nyamara uyu mucyo uzaciraho iteka abantu bose batahisemo kuwakira no kuwumvira. -Letter 258, 1907. [3UB306]

### ELLEN G. WHITE AHABWA KURARIKIRA ABANTU KWIGA IBIHAMYA

Nahawe amabwiriza yo kubwira amatorero yacu ngo, 'Mwige Ibihamya." Byandikiwe kuduhugura no kudukomeza twebwe abasohoreweho n'imperuka y'isi. Ubwoko bw'Imana nibutiga ubu butumwa bwohererejwe uko ibihe byahaga ibindi, buzahamwa n'icyaha cyo kwanga umucyo. Imana iri kohereza ubwoko bwayo impuguro, umurongo ku murongo, itegeko ku itegeko, bike hano n'ibindi bike hariya. Mwite kandi mwumvire izo mpuguro; mukurikire umucyo. Uwiteka afitanye intambara n'ubwoko bwe kubera ko mu gihe cyashize butitaye ku mpuguro ze kandi ntibwakurikiye ubuyobozi bwe. [3UB306]

Nari ndi gusoma umuzingo wa gatandatu w'Ibihamya, nuko muri icyo gitabo gito mbonamo impuguro zizadufasha guhangana n'ibibazo byinshi by'urungabangabo. Ni abantu bangahe basomye muri iki gitabo ingingo ivuga iby' "Umurimo wo Kwamamaza Ubutumwa"? Ndatanga inama ko ayo mabwiriza n'imiburo ndetse n'ibikwiriye kwitonderwa byasomerwa abantu bacu igihe runaka bazaba bateraniye hamwe. Abatari bake mu bantu bacu batunze ibi bitabo. - Letter 292, 1907. [3UB306]

### KWIYIGISHA KWAGOMBYE GUSUBIZA IBIBAZO

Twakira amabaruwa aturuka kuri bene data na bashiki bacu bagisha inama ku ngingo zitandukanye. Iyaba biyigishaga Ibihamya byabandikiwe ubwabo, babona kumurikirwa bakeneye. Reka dushishikarize abantu bacu kwiga ibi bitabo, tunabikwirakwize. Mureke inyigisho zibirimo zikomeze kwizera kwacu. [3UB306]

Mureke twige Ijambo ry'Imana tubwitayeho. Bibiliya irasobanutse cyane kandi irumvikana ku buryo abantu bose babishaka bazayisobanukirwa. Nimutyo dushimire Imana jambo ryayo ry'agaciro kenshi, kandi tuyishimire ubutumwa bwa Mwuka wayo butanga umucyo mwinshi. Nahawe amabwiriza ko uko turushaho kwiga Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya, ari ko tuzarushaho gucengerwa n'ukuri mu ntekerezo zacu ko Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya bifitanye isano yimbitse cyane, kandi ko aribwo tuzahabwa igihamya gisumbyeho cy'uko yahumetswe n'Imana. Tuzabona neza ko asangiye Umwanditsi umwe. Kwiga iyi mizingo y'agaciro kenshi kuzaduhishurira imico ya Kristo. -Manuscripts 81, 1908. [3UB307]

### MWISOMERE IBIHAMYA UBWANYU

Rimwe na rimwe njya mbabara cyane iyo ntekereje ku mikoreshereze y'Ibihamya. Abagabo nabagore bavuga ikintu cyose kibarwanya cyangwa icyo bumva nk'igihamya cyavuye kuri madamu White mu gihe Ellen G. White we atigeze yumva bene icyo kintu... [3UB307]

Umutekano dufite wonyine ni ugushinga ibirenge byacu mu Ijambo ry'Imana no kwiga Ibyanditswe, tugahora dutekereza ku Íjambo ry'Imana. Nimubwire abantu kutagira ijambo ry'umuntu bemera ku byerekeye Ibihamya, ahubwo babisome kandi babyige ku giti cyabo, ubwo ni bwo bazamenya ko bahamanya n'ukuri. Ijambo ry'Imana ni ukuri. -Letter 132,1900. [3UB307]

## IBIHAMYA NI UBURINZI BWACU

Ndingingira bene data kugira ngo bimenyereze inyigisho ziboneka mu Bihamya. Imana yaduhaye umucyo tudashobora kwirengagiza cyangwa ngo tuwufate nk'utagira akamaro cyangwa ngo tuwusuzugure. Yatumye umucyo utumurikira binyuze mu kuducyaha no mu miburo kugira ngo, niba tubishaka, dushobore kuwukomeraho kandi dukire ibyago byibasiriye inzira tunyuramo. Igihe ibishuko bije, dushobora kurindwa kandi dushobora kubitahura kubera ko Uwiteka yabitweretse, kugira ngo tudashukwa. - Manuscripts 23, 1889. [3UB307]

Kwicisha bugufi kwera imbuto, kukuzuza umutima kumva ukabakabwa n'urukundo rw'Imana, kuzavugira uwagukunze mu munsi ukomeye igihe abantu bazagororerwa hakurikijwe imirimo bakoze. Hazanezerwa abazabwirwa ngo, "Ntabwo Umwuka w'Imana yakanguye umutima w'uyu muntu ku busa. Yakomeje urugendo ajya mbere kandi azamuka. Ntabwo inarijye yari yizingiye mu buzima bwe. [3UB307]

"Ubutumwa bwose bwo gukosora, bw'umuburo n'inama yabwakiriye nk'umugisha uturutse ku Mana. Uko ni ko yateguriwe inzira yo kwakira imigisha irushijeho gukomera, kubera ko Imana itamuvugishirije ubusa. Intambwe yose izamuka urwego rwo gutera imbere yamuteguriye kuzamuka hejuru kurutaho. Imyambi irabagirana y'ubwiza bw'Imana [3UB307] yamurasiraga iturutse ku mpera yo hejuru y'urwo rwego. Ntabwo yatekerezaga kuruhuka, ahubwo yahoraga ashaka kugera ku bwenge no ku gukiranuka bya Kristo. Yahoraga amaranira kugera aho dusiganirwa kugera, kugira ngo ahabwe ingororano yo guhamagara kw'Imana muri Kristo Yesu." [3UB308]

Iyi mibereho umuntu wese wakijijwe agomba kuyigira. Ku munsi w'urubanza, imibereho y'umuntu wagumanye ubuhanya n'inenge bya muntu ntizarengerwa. Uwo muntu nta mwanya azabona mu ijuru. Ntabwo ashobora kwishimira ubutungane bw'abera bazaba bari mu mucyo. Umuntu udafite kwizera gushyitse muri Kristo ngo yizere ko Kristo ashobora kumurinda gukora icyaha, bene uwo ntafite kwizera kuzamuhesha kwinjira mu bwami bw'Imana. -Manuscript 161, 1897. [3UB308]

# UMUGABANE WA X

# GUHURA N'UBWAKA

## IJAMBO RY'IBANZE

Itorero ry'Imana ryagiye kenshi ryibasirwa n'ubwaka n'ubuhezanguni bw'uburyo bumwe cyangwa ubundi. Uko ni ko byagenze mu gihe cy'Ubugorozi kandi ni nako byabaye mu gihe cy'itorero ryasigaye. Umugabane uvuga "Ubwaka n'Inyigisho Ziyobya" uri gitabo cya 2 cy'Ubutumwa Bwatoranijwe, urimo imiburo myinshi yatangwaga buri gihe ku bibazo biteye bityo. Nyamara, ibibazo bibiri bitashimangiwe mu buryo bwihariye muri uwo mugabane ni ukuvuga mu ndimi kw'ikinyoma, no gufatwa n'abadayimoni ndetse no kwirukana abadayimoni. [3UB309]

Mu mwaka wa 1908, bwana na madame Ralph Mackin bahamagaje Ellen White. Ubwo icyo gihe yatangaga inama ndetse no mu minsi yakurikiyeho, aba bantu bombi baje guhinduka ibimenyabose. Raporo y'ibiganiro n'iy'amabaruwa atanga inama yanditswe nyuma y'uko Ellen White aherewe mu iyerekwa amabwiriza kuri ibyo bibazo, byanditswe kandi bisohoka mu kinyamakuru cy'Urwibutso n'Integuza cyo mu 1972 (Review and Herald, August 10, 17, 24, 1972). Ibikigize by'ingenzi bikubiye muri uyu mugabane kugira ngo ibyo byanditswe bikiboneka bibe biri mu gitabo. - Abashinzwe Kurinda Inyandiko za Ellen White. [3UB309]

# IGICE CYA 54

# IKIBAZO CYA MACKIN

Ku wa gatanu mu gitondo, kuya 12 Ugushingo 1908, Ellen White yari mu rugo rwe rw'ahitwa Elmshaven ahugiye mu cyumba yandikiragamo. Aho niho umwana we w'umuhungu witwaga W. C. White yamusanze amubwira ko hari abantu babiri bari mu cyumba cy'uruganiriro cyo hasi bifuzaga kuvugana nawe. Ellen White yamanukanye nawe ingazi ajya kubonana na Ralph Mackin n'umugore we. Yabonye umugabo n'umugore we bari bambaye neza kandi basaga rwose n'abavugisha ukuri. Bari bafite imyaka mirongo itatu irengaho gato. Bidatinze madame Ellen White yamenye ko abo bashyitsi be bari abigishwa badakebakeba ba Bibiliya n'Ibihamya kandi bari baje muri Leta ya Kaliforoniya (California) bavuye bavuye muri Leta ya Ohiyo (Ohio) bafite umugambi wo kumenya niba ibyari biherutse kubabaho bidasanzwe mu mezi make yari ashize byaba byari byemewe n'Uwiteka. [3UB310]

Ikiganiro Ellen White yagiranye na Mackin n'umugore we cyandukuwe ubwo baganiraga bikorwa na Clarence C. Crisler, wari umukarane wa Ellen White.- Abakusanyije Inyandiko. [3UB310]

## RAPORO Y'IKIGANIRO

Mwenedata Mackin n'umugore we bavuze ko bari barumvise bahatwa n'Umwuka Wera ngo bakore urugendo rudasanzwe berekeza mu burengerazuba kugira ngo babaze Ellen White ku bintu bidasanzwe bari baragiye banyuramo. Mu gihe cy'icyumweru cyo gusenga mu myaka nk'itatu yari ishize mbere y'uko bifatanya n'abagize itorero rito ry'ahitwa Fayindile muri Leta ya Ohiyo (Findlay, Ohio), mu bihe byari byihariye byo gusaba Imana ngo ibasukire Umwuka Wera. [3UB310]

Bwana Ralph Mackin: Mu byigwaga mu cyumweru cyo gusenga cyabaye muri uriya mwaka, ingingo yose yabwiraga abantu gushaka gusukirwa Umwuka Wera. Mu rusengero rwacu ruto, twatoranyije iminsi itatu yo gusenga no kwiyiriza ubusa, kandi twabikoze iminsi itatu bivuze ko tudahora hamwe, ariko twe twiyumvisemo ko dukeneye umurimo wimbitse biruseho kandi twumva ko ari ngombwa ko tugira Umwuka w'Imana bisumbyeho. Guhera icyo gihe, twifashishije Bibiliya n'Ibihamya. Twatangiye kwiga ibyerekeye umurimo wa Mwuka Wera, kandi by'umwihariko twiga umuzingo wa 7 n'uwa 8, twiga Inyandiko z'Ibanze, [3UB310] ndetse n'akandi gatabo gato kagizwe n'urwunge rw'utunyamakuru duto twashyizwe hamwe maze kakitwa Ibihamya Byihariye ku Bagabura n'Abakozi. Aka gatabo twasanze ari ak'agaciro kenshi kuri twe. Kerekana uko mu bihe byashize abantu bari barahamagawe bafatwaga, ndetse n'ibindi. [3UB311]

Ubutumwa Uwiteka yampaye by'umwihariko bwari ubwo gukurikiza imibereho y'intumwa.... [3UB311]

Icyo gihe amasomo menshi yo mu Byanditswe yarasomwe, harimo na Luka 24 ahagana ku iherezo ry'icyo gice gisozanya amagambo agira ati: [3UB311]

"Nabo baramuramya basubirana i Yerusalemu umunezero mwinshi, baguma mu rusengero iteka bashima Imana." [3UB311]

Ubu rero, nigisha ko uyu mugisha ari umugisha wo kwezwa bakiriye, nkigisha ko ari umugisha Yesu yabasukiye; kandi ko igihe dusenze Imana- igihe turi abanyabyaha, kugeza igihe duhinduriwe; iyo duhindutse, ubwo ni bwo tuzamura isengesho dusaba imbaraga yo kwezwa

kugira ngo tugire imibereho yejejwe kandi itunganye. Atari uko ari umurimo w'akanya gato; atari ukuvuga ngo "iyo wejejwe uhora wera"; ibyo si ukuri. Áhubwo dukwiriye gusaba dushikamye kandi dukomeje kugira ngo duhabwe umugisha. Ibyo bifite imikorere nk'iyu mubiri kuri twe - (Yooo, dushaka guhimbaza Yesu, kandi ibyo bitugira abantu buje urukundo, bitonda kandi bagwa neza. Ariko tubona ko abigishwa ba Yesu batari biteguye kujyana uwo mugisha ngo bajye gukorera Umwami wabo. Yababwiye ko bakwiye gutegereza kugeza ubwo bazahabwa imbaraga ivuye mu ijuru. Natwe rero tuzamura amasengesho yacu kandi turashikama ku bwo kwizera, ndetse icyaduteye umuhati wo gukora ibyo cyari igice gifite umutwe "Igihe cy'Ishungura" kiboneka mu Nyandiko z'Ibanze)-Kubwo kwizera twahanze amaso hejuru kugeza igihe ibitonyanga binini by'ibyuya byaziye mu ruhanga rwacu. Kubwo kwizera ko ya mbaraga abigishwa bari bafite yari iyacu no muri iki gihe, twagize umuhati wo gukomeza. [3UB311]

**Ibyanditswe mu Byakozwe n'Intumwa 2 Bisubirwamo.** - Igihe uwo mugisha wasezeranwe watugeragaho ubwo twakomezaga gusenga Imana, twagize ibyatubayeho bisa n'ibiboneka mu Byakozwe n'Intumwa 2 byerekeranye n'intumwa. Ubwo iyo mbaraga yasezeranwe yatugeragaho twavuze mu zindi ndimi uko Umwuka yaduhaga kuzivuga. [3UB311]

Turi ahitwa Toledo, igihe twavugiraga ubutumwa bwacu mu nzira, umuntu wari Umukatorika w'Umunyapolonye yahagaraye ku muhanda igihe Madamu Mackin yavugaga; kandi ubwo Umwuka w'Imana yamuzagaho, kandi akamuvugiramo ababwira mu rundi rurimi we atashoboraga gusobanukirwa, uwo munyapolonye yaratangaye ati: "Nzi ibyo uriya mugore ari kuvuga. Ari kuvuga mu rurimi rwanjye iby'ibyago bigiye gusukwa kuri uyu mujyi." [3UB311]

**Ibyahamijwe ko Ari Ururimi rw'Amahanga.** - Mu bindi bihe, ubwo umuntu umwe yinjiraga muri uyu mugisha wo kuvuga indimi, Imana ishobora kumpa urwo rurimi avuga, bityo tugashobora kuganira mu rurimi Umwuka w'Imana ashobora kuba yaduhaye ngo turuvuganemo. Ndetse n'abantu batatu cyangwa bane bashobora kuganira, nyamara kandi urwo rurimi rukaba ari ururimi rw'amahanga kuri bo, kandi umwe agategereza undi igihe arangiriza kuvuga; bityo byose bikaba muri gahunda. Ibi ni ibyatubayeho hakurikijwe umugisha wasezeranwe.... [3UB312]

Niba turi mu buyobe, aho ni ho duhagaze nta kubeshya. Ariko niba ibi biturutse ku Mwuka w'Imana, dushaka kuwukurikira... [3UB312]

Uyu Mwuka atubwira kwiga Ijambo ry'Imana: atubwira kudakebakeba; kandi atubwira ko tugomba kwitondera ibyo turya; atubwira ibihwanye rwose n'ibyo wavuze. [3UB312]

**Kuvuga ko Afite Impano y'Ubuhanuzi.** - Ubungubu, Umwuka akorera mu mugore wanjye, kandi twizera ko iyi ari impano y'ubuhanuzi igomba gusukwa ku bantu bose. Uyu Mwuka atuyobora ku kugira neza no gutungana k'ubugingo, kandi ntidushobora kubisobanukirwa. Bitewe n'iki? Ni uko gusa Ijambo ry'Imana ryavuze ko ibyo bibaho ari umusaruro uturutse ku kwakira umugisha w'Umwuka w'Imana.... [3UB312]

**Ibyabereye mu Materaniro Makuru.** Mbere y'uko tujya aho amateraniro makuru yaberaga - (kugeza ku wa gatandatu twari tutaragenda) - umugore wanjye n'abandi babiri (mama n'undi mugore witwa Edwards, akaba ari muramukazi wa Perezida wa Konferance) - mbere y'uko tujya aho amateraniro yaberaga muri uyu mwaka, abo bagore uko ari batatu basengaga Imana bashimikiriye. Nari nagiye gutembera mu mujyi; maze Umwuka w'Imana abwira umugore wanjye (Madamu Mackin) kujya aho amateraniro yaberaga, yahagera akaririmba; kandi ubwo yari kuba ahageze Umwuka yari kumubwira icyo aririmba. [3UB312]

Yarize nk'umwana muto, kandi yasaga rwose n'utabyihanganira kubera ko Uwiteka yamweretse uko abantu bacu bateye - bidatinze ibyago byari bigiye kuza, kandi ntibari biteguye. Aho nta materaniro yari ahari, kandi Umwuka w'Imana yamujeho ubwo yageraga aho amateraniro yaberaga. Nuko arahindukira abwira Madamu Mackin [umugore we] ati: ubasha kumubwira amagambo waririmbye. [3UB312]

Madamu Mackin: Uwiteka yankoreye uyu mutwaro. Ntabwo nashoboraga kuwihanganira. Nashakaga kuwuvuga nabi cyane, kandi iyo ndirimbo nkayiririmba nabi. Ariko sinashoboraga kuwanga kugeza igihe mbikoreye. Mbwira umuvandimwe madame Edwards nti: "Senga"; nuko mpagarara mu materaniro, maze ndirimba ibyo Uwiteka yampaye kuririmba. Ibi ni byo naririmbye: [3UB312]

"Araje, araje; Umwami araje; [3UB312]

Mwitegure; Mwitegure." [3UB313]

Hanyuma hakurikiraho amagambo yo mu Nyandiko z'Ibanze avuga

ngo: [3UB313]

"Mbega abantu benshi nabonye bagera mu gihe cyo gusukwa kw'ibyago badafite aho kwikinga. Mwakire Umwuka Wera." Ayo ni yo magambo naririmbye. Nayaririmbye nyasubiramo kenshi. Abari aho amateraniro yaberaga bose bashoboraga kuyumva, maze barateranа; ariko mbere y'ibyo, Uwiteka yanyeretse uko bazipfumbata ubwo ibyago bizaba biri kugwa. Uwiteka ashobora kwerekana ikintu icyo ari cyo cyose mu kanya gato kurusha uko ishobora kukitubwira. Bityo rero Uwiteka yanyeretse uko bazipfumbata, kandi ko anshyizeho umutwaro uremeye ntigeze ngira. Ni ukuri, iki ni cya gihe [abashyinzwe umutekano] badufataga... [3UB313]

Igihe kuririmba bibaye bitunguranye utabiteguye (bitegetswe n'Umwuka) niho biba agahebuzo.

Niba hari umucyo ufite waduha.... [3UB313]

Ellen G. White: Ntabwo nzi ko hari ikintu kidasanzwe nshobora kuvuga. Hazabaho ibintu bizabaho twegereje cyane iherezo ry'amateka y'iyi si, ibyo narabyeretswe, kandi bisa rwose n'ibyo mumaze kumbwira; ariko ubu nta kintu nshobora kuvuga kuri izo ngingo. [3UB313]

R. Mackin: Mbese hari ikibazo, Mwenedata White, cyangwa ubu hari ikindi mwavuga? [3UB313]

W. C White: Ntabwo nzi niba hari ikindi kintu kirenze gusenga kugira ngo Uwiteka agire ijambo abwira Mama, noneho tugafata igihe kugira ngo turebe uko ibintu bigenda. Igihe hari ikintu icyo ari cyose mumubwira, ni byiza kuvuga ibyo ushaka kuvuga mu magambo make ndetse yumvikana, hanyuma ahari wenda mukazagirana ibindi biganiro nyuma. [3UB313]

R. Mackin: Twiyiriza ubusa kandi tugasenga. Niba turi mu buyobe, dushaka kubimenya, kimwe nk'uko twaba turi mu kuri. [3UB313]

Madamu Mackin: Nta kabuza abo dusengana batekereza ko turi mu buyobe. [3UB313]

Ellen G. White: Mbese aho hantu muvuga ni he, aho muvuga uko kuririmba kwabereye ni he? [3UB313]

R. Mackin: Mansifilidi, Ohiyo, mu materaniro makuru. [3UB313]

Ellen G. White: Y'abantu bacu- Abakomeza Isabato? [3UB313]

R. Mackin: Yego, mu bantu bacu. [3UB313]

W. C. White: Mbese ya ndirimbo Madamu Mackin yaririmbye mu ijoro ryashize yamujemo itunguranye atayizi cyangwa n'indirimbo izwi? [Mu materaniro yo gusenga yabereye mu nzu mberabyombi y'ibitaro mwenedata[3UB313] Mackin yari yatanze ubuhamya bwe muri gahunda yo gushima Imana kandi akurikirwa na Madamu Mackin, araririmba.] [3UB314]

Madame R. Mackin: Yooo, iyo yari imwe mu ndirimbo zacu zasohotse. Iri mu nshya ivuga Yesu mu Ndirimbo. [3UB314]

R. Mackin: Maze kumva ko mushobora kunguka igitekerezo cy'uko yaririmbye igihe amagambo aririmba ayahabwa na Mwuka Wera. Ikintu gitangaje cyane ni igihe aririmba "Singizwa!" Avuga ko igihe ayiririmba asa n'uri imbere ya Yesu, hamwe n'abamarayika. Asubiramo ijambo "Singizwa" inshuro nyinshi. Yagerageje guhererekeranya na piyano, kandi abacuranzi bavuga ko batajyana no kumanuka no kuzamuka akoresha. Ntabwo yashobora kubikora uretse gusa igihe aba asengera mu Mwuka kandi imbaraga idasanzwe ikamuzaho. [3UB314]

Madame Mackin: Ntabwo dufite iyi mbaraga, tuyigira gusa igihe turi kwambaza Yesu. [3UB314]

**Kwirukana Abadayimoni.** - R. Mackin: Mushiki wanjye White, Imana yaduhaye imbaraga yo kwirukana abadayimoni. Abantu benshi bafashwe n'abadayimoni. Ndibuka amagambo wanditse mu myaka mike ishize ko abantu benshi bari batewe nabadayimoni mu kuri nk'uko abantu bari bameze mu gihe cya Kristo. Igihe turi mu materaniro, abo badayimoni bashobora gutera abantu gukora ibintu bitagira agaciro. Nabonye muri Bibiliya igihe Yesu yari mu rusengero ko abadayimoni bagaragaye. [Yarategtse ati:] "Mumureke, mumusohokemo." Imana itubwira ngo turyamishe abantu hasi kugira ngo abadayimoni batabakubita hasi igihe baraba babasohotsemo. Mu itangira twabonye ko iyo dutangiye gucyaha abo badayimoni, kenshi bafunga amaso y'abo bantu, kandi rimwe na rimwe bakabatera kumoka nk'imbwa, bagasohora ururimi rwabo; ariko uko dukomeza kubacyaha, tubaza impamvu yabo, amaso yabo arahumuka bagatuza, nuko abadayimoni-- -[3UB314]

Nyine ni mu mbaraga ya Mwuka Umwami Imana atubwira ko abadayimoni bagiye, ndetse ko bose bagiye. By'umwihariko hari mugore umwe wari ufite abadayimoni batandatu, kandi yavuze ko yabumvaga igihe babaga bamuvamo- byari bimeze nko kubasosora mu bice byose by'umubiri. [3UB314]

Ariko benedata baravuga ngo ntibyababaho mu minsi y'imperuka; ariko tubona ko bimeze rwose n'ibyo Umukiza yavuze mu gice cya nyuma cya Mariko, muri ya nshingano ikomeye yatanze agira ati: "Kandi ibimenyetso bizagumana n'abizera ngibi: bazirukana abadayimoni mu izina ryanjye; bazavuga indimi nshya;" ugukomeza. [3UB314]

Madamu Mackin: Nyamara ntabwo ibi byose twabiherewe icyarimwe. [3UB314]

R. Mackin: Soma imirongo isigaye ya Mariko. "Kandi ibimenyetso bizagumana n'abizera ngibi: bazirukana abadayimoni mu izina ryanjye, bazavuga indimi nshya, bazafata inzoka, kandi nibanywa ikintu cyica nta[3UB314] cyo kizabatwara na hato, bazarambika ibiganza ku barwayi bakire." Nuko Úmwami Yesu amaze kuvugana na bo, ajyanwa mu ijuru yicara iburyo bw'Imana. Abo barasohoka bigisha hose, Umwami Yesu ari kumwe na bo abafasha, akomeresha ijambo rye ibimenyetso byagendanaga na ryo. Amena." Ibyatubayeho, uko tugenda dushobora kubisobanukirwa, bihamanya na Bibiliya. Hano hari ikintu nshaka gusoma [Aha mwenedata Mackin yasomye amagambo yavanwe mu ngingo yanditswe Ellen White mu kinyamakuru cy'Urwibitso n'Integuza cyo muri Mata 11, 1899, ifite umutwe uvuga ngo "Amateraniro Makuru yabereye i Niyukaso (Newcastle), hakubiyemo n'aya magambo akurikira: [3UB315]

"Mu ijoro ry'Isabato ya mbere y'amateraniro makuru yabereye Niyukaso (Newcastle), nasaga n'uri mu materaniro, nerekana impamvu n'akamaro byo kwakira Umwuka Wera. Uwo ni wo wari umutwaro w'umurimo wanjye - gukingurira imitima yacu Umwuka Wera." [3UB315]

[Nta kintu umukarani yanditse ku bijyana n'ahantu nyaho bwana Mackin yatangiriye asoma iyo ngingo ndetse n'aho yarangirije asoma; ariko nibura igice kigararaga cyarasomwe]. [3UB315]

**Igihamya ni Ikihe?** - R. Mackin: Ku bijyana no kwakira imbaraga iturutse mu ijuru hari ikibazo, nk'uko bingaragarira, ni ikibazo gikomeye muri iki gihe nk'uko byari bimeze mu minsi y'intumwa - Mbese igihamya ni ikihe? Niba twakira iyo mbaraga, mbese ntizagira ibyo ihindura kuri twe nk'uko yabigenje kera kuri bo? Umuntu ashobora kwitega ko tuzavuga nk'uko Umwuka azaduha amagambo yo kuvuga. [3UB315]

Ellen G. White: Mu bihe bizaza tuzagira ibimenyetso byihariye bigaragaza imbaraga ya Mwuka w'Imana- cyane cyane igihe abanzi bacu bazaba batwibasiriye cyane. Igihe kizagera ubwo tuzabona ibintu bimwe by'amayoberane; ariko se ni mu buhe buryo? Ntabwo nshobora kuvuga niba bizaba bisa na bimwe mu byabaye ku bigishwa ubwo bari bamaze kwakira Umwuka Wera ubwo Kristo yari amaze kuzamurwa mu Ijuru. [3UB315]

R. Mackin: Tuzakomeza dusenge Imana kubw'ibi, maze tuyisabe kuguha umucyo ku byerekeye ibi. Nuko rero mbasigiye aderesi yacu, kandi niba hari icyo ufite kutumenyesha nyuma y'ibi, tuzanezerwa ko kucyakira. [3UB315]

W. C White: Mushobora kumara iminsi mike hano, ntibishoboka? [3UB315]

R. Mackin: Umwuka Wera natubwira ko noneho umurimo wacu urangiye, tuzagenda; natubwira gutinda, tuzatinda. Ni we utuyobora. Ubwo namenyeshaga ubu butumwa amateraniro y'abantu atandukanye, Umwuka w'Imana yarabuhamije, kandi abantu benshi bararize maze baravuga bati: "Yooo, dukeneye imbaraga, dukeneye ubufasha, kandi iyi ni imbaraga yasezeranwe, bityo muze dushake Imana." [3UB315]

Madamu Mackin: Igipimo nyakuri ni Urukundo -1 Abakorinto 13. [3UB315]

R. Mackin: Satani arashaka kuburizamo uyu murimo. Twashizweho ikimenyetso na Mwuka Wera wasezeranywe. Mbivuze mbihereye mu Nyandiko z'Ibanze igihe abamarayika biteguye kurekura imiyaga ine, Yesu yitegerezanyije impuhwe abasigaye, maze azamura amaboko ararangurura ati: "Amaraso yanjye, Data, amaraso yanjye, amaraso yanjye, amaraso yanjye!" Abisubiramo kane; kubera ko ubwoko bwe butari bwashyirwaho ikimenyetso. Ategeka marayika kuguruka vuba ngo abwire abamarayika bane bafashe imiyaga ine ubu butumwa ngo: "Mufate! Mufate! Mufate! Mufate! kugeza ubwo imbata z'Imana zizaba zimaze gushyirwaho ikimenyetso mu ruhanga." Kandi ubwo navugiraga ibyo bintu imbere y'iteraniro, abanyakuri bamaramaje kandi bitanze nibo byabaye nk'ibikora ku mutima cyane. [3UB316]

**Ellen White Asubiramo Ibyabayeho Mbere**. - Nuko madamu Ellen White atangira kuvuga, kandi arakomeza amara hafi igice cy'isaha. Yavuze ibyabaye uko byagiye bikurikirana mu bijyana n'imirimo yakoze mu minsi ibanza nyuma gato yo kurangira kw'igihe mu mwaka wa 1844. Ubunararibonye bwe mu mashusho adasanzwe y'ubuyobe muri iyo minsi mu myaka yaherukaga byamuteye gutinya ikintu cyose kirangwaho umwuka w'ubwaka. [3UB316]

Ubwo Ellen White yakomezaga, yavuze ku bantu bamwe bagiye bagaragarwaho gukoresha umubiri wabo mu buryo budasanzwe ndetse n'abandi bari bayobowe cyane n'ibyo bibwiraga ubwabo. Abantu bamwe batekerezaga ko gukora ari bibi. Hari n'abandi bizeraga ko abakiranutsi bapfuye bamaze kuzurwa bagahabwa ubugingo buhoraho. Abandi nabo bashakaga kwihingamo

umwuka wo kwicisha bugufi bakuruza inda hasi nk'abana bato. Abandi nabo bashoboraga kubyina, no kuririmba ngo: "Singizwa, singizwa, singizwa, singizwa, singizwa, singizwa," bakabisubiramo kenshi. Rimwe na rimwe umuntu yashoboraga gusimbuka akanikubita hasi, azamuye amaboko, asingiza Imana; ibyo akabikomeza akamara nk'igice cy'isaha. [3UB316]

Mu bantu bagize uruhare muri ubwo bwaka budasanzwe harimo abari barigeze kuba abizerwa, benedata na bashiki bacu bubahaga Imana. Imyitozo y'amayoberane y'umubiri n'iy'intekerezo bakoraga yakozwe ku rugero rukabije ku buryo mu bice bimwe abayobozi ba Leta bumvise bahatwa kubahagarika babashyira muri gereza. Uko ni ko umurimo w'Imana wagiyeho igisuzuguriro kandi byafashe imyaka kugira ngo impinduka uko kwiyerekana k'ubwaka kwagize muri rubanda zibagirane. [3UB316]

Ellen G. White yakomeje avuga uburyo yagiye ahamagazwa kenshi kugira ngo ahangane mu buryo bwahuranije n'ubwo bwaka kandi abucyahe bikomeye mu izina ry'Uwiteka. Yashimangiye uburyo dufite umurimo ukomeye tugomba gukora muri iyi si, kandi ko imbaraga zacu mu bantu zishingiye mu mbaraga iherekeza kwamamaza Ijambo ry'Imana ihoraho mu buryo bwumvikana neza. Amategeko ya Yehova agomba kwererezwa [3UB316] kandi akubahwa; kandi ingingo zinyuranye zigize ubutumwa bwa marayika wa gatatu zigomba gushyirwa imbere y'abantu mu buryo bweruye kugira ngo abantu bose babashe kugira amahirwe yo kumva ukuri kugenewe iki gihe no gufata umwanzuro wo kumvira Imana aho kumvira abantu. [3UB317]

Niba twe nk'itorero duhaye umwanya ubwaka bw'uburyo ubwo ari bwo bwose, ibitekerezo by'abatizera byateshurwa ku Ijambo rizima bikayoboka ibyakozwe n'abantu bapfa, kandi hababo kwigaragaza kw'iby'abantu mu cyimbo cy'iby'Imana. Ikindi kandi, abantu benshi bazinurwa n'ibyo intekerezo zabo zasa n'izibona ko ari ibidasanzwe maze bakabogamira ku bwaka. Bityo rero kwamamaza ubutumwa bugenewe iki gihe kwakomwa mu nkokora mu buryo bubabaje cyane. Umwuka Wera akora mu buryo butera abantu kugira imyumvire myiza. [3UB317]

**Icyifuzo Giteye Amatsiko**. - Ubwo Ellen White yari ageze hagati avuga ibyo yanyuzemo mu bihe bya mbere ahanganye n'ubwaka, mwenedata Mackin yamuciye mu ijambo maze abaza ikibazo gikurikira: [3UB317]

R. Mackin: Mbese turamutse tugize umwuka wo gusenga, maze iyi mbaraga ikaza ku mugore wanjye, washobora kumenya niba ituruka ku Mana cyangwa atariho ituruka? [3UB317]

Ellen G. White: Ntacyo nashobora kukubwira kuri icyo kibazo. Ariko, ndi kubabwira imibereho twagize kugira ngo mumenye ibyo twanyuzemo. Twagerageje inzira zishoboka zose kugira ngo dukize itorero iki kibi. Twatangaje mu izina ry'Uwiteka Imana ya Isirayeli ko Imana itajya ikorera mu bana bayo mu buryo bushyira igisuzuguriro ku kuri, kandi buteza urwikekwe no guhangana gukomeye bitari ngombwa. Mu mikorerere yacu tugomba gufata inzira idakebakeba kandi tugashaka kugera ku bantu aho bari. [3UB317]

**Gucyaha Ubwaka.** - R. Mackin: Nibutse nsoma cyane ibijyana n'ibi mu muzingo wa mbere w'Ibihamya by'Itorero. Ibyakubayeho ucyaha ubwaka, ndetse n'ibyakubayeho mu murimo wakoreye mu Burasirazuba ubwo bashyiragaho igihe mu mwaka wa 1855, ndabyizera. [3UB317]

Ellen G. White: Abantu bamwe basimbukiraga hasi no hejuru baririmba ngo, "Singizwa, singizwa, singizwa, singizwa, singizwa." Rimwe na rimwe nariyicariraga kugeza igihe barangirije hanyuma nkabona guhaguruka nkavuga nti: Ubu sibwo buryo Imana ikora. Ntabwo yiyerekana gutya. Tugomba kwerekeza intekerezo z'abantu ku Ijambo ry'Imana kuko ari ryo shingiro ryo kwizera kwacu. [3UB317]

Icyo gihe nari umwana muto, nyamara kandi nagombaga gutanga ubuhamya bwanjye kenshi ndwanya iyo mikorere y'amayoberane. Kandi guhera icyo gihe nagiye nshaka kenshi uko naba maso cyane kugira ngo hatagira ikintu gisa n'icyo cyongera kugaruka mu bantu bacu. Ukwigaragaza [3UB317] kose k'ubwaka kujyana ibitekerezo by'abantu kure y'ibihamya by'ukuri - ari ryo Jambo ry'Imana ubwayo. [3UB318]

Mwagombye kuba mufata imikorere idahuzagurika, ariko abakururwa namwe bafata imikorere ihuzagurika cyane, kandi ingaruka yakurikiraho ni uko bidatinze twasanga mu biganza byacu huzuye ikintu cyatuma bisa n'aho bitadushobokera rwose ko duha abatizera isura nyayo y'ubutumwa bwacu n'umurimo wacu. Tugomba gusanga abantu tubashyiriye Ijambo ry'Imana rihamye; kandi igihe bakiriye iryo Jambo, Mwuka Wera ashobora kuza, ariko nk'uko nabivuze mbere, buri gihe aza mu buryo yiyumvikanisha mu bitekerezo by'abantu. Mu mivugire yacu, imiririmbire yacu, ndetse no mu byo dukora byose mu by'umwuka, tugomba kwerekana ubwitonzi n'icyubahiro no gutinya Imana gukoresha umwana w'Imana wese nyakuri. [3UB318]

**Ingorane Zitwibasiye Ubu**. - Hari ingorane idahinduka yo kwemerera ikintu kuza hagati mu twe dushobora gufata nk'aho ari umurimo wa Mwuka Wera, ariko mu by'ukuri ari imbuto y'umwuka w'ubwaka. Uko twemerera umwanzi w'ukuri kutuyobora mu nzira y'ubuyobe ntabwo dushobora kwiringira ko tuzageza ubutumwa bwa marayika wa gatatu ku bantu babanyakuri mu mitima. Tugomba kwereshwa kumvira ukuri. [3UB318]

Ntinya ikintu cyose cyashobora guteshura intekerezo z'abantu ku bihamya bitajegajega by'ukuri nk'uko byahishuwe mu Ijambo ry'Imana. Icyo kintu ndagitinya; ndagitinya rwose. Tugomba gushyira intekerezo zacu mu mbibi z'inyurabwenge, kugira ngo umwanzi atazinjirira maze ibintu byose akabishyira mu kajagari. Hari abantu benshi bagira amatwara yo gushorwa mu bwaka mu buryo bworoshye; kandi turamutse twemereye icyaricyo cyose kwinjira mu matorero yacu cyajyana bene abo bantu mu buyobe, bidatinze twabona ubwo buyobe bugera ku ntera ndende; kandi noneho kubera imikorere y'ibyo bintu by'akajagari, icyasha cyajya ku Badiventisiti b'Umunsi wa Karindwi bose. [3UB318]

Nahoze niga uburyo bwo gufata bimwe muri ibyo nabonye mu bihe byabanje kugira ngo mbisohore ku mpapuro na none, bityo ngo benshi mu bantu bacu babashe kubona amakuru; kubera ko namaze igihe kirekire nzi ko ubwaka buzongera kwigaragaza mu buryo butandukanye. Tugomba gukomeza ibirindiro by'uruhande duhagazemo tuba mu Ijambo ry'Imana, kandi twirinda ibintu byose n'imikorere bidasanzwe abantu bamwe bashobora kwihutira kwakira no gukora. Turamutse twemereye urudubi n'urujijo kwinjira mu bantu bacu, ntabwo twazasohoza umurimo wacu nk'uko dukwiriye kuwurangiza. Ubungubu turi kugerageza kuwusohoza mu nzira yose ishoboka. [3UB318]

Natekezaga ko ngomba kukurondorera ibi bintu. [3UB318]

R. Mackin: Ni byiza rwose, ibyo umaze kuvuga ntabwo bihuye n'ibyatubayeho. Twagiye twigengesera cyane muri iki kibazo, kandi turabona ko imibereho twanyuzemo, kandi twagerageje kugusobanurira [3UB318] muri make muri iki gitondo, ihura neza n'ibyabaye ku bagaragu b'Imana ba kera nk'uko byavuzwe mu Ijambo ry'Imana. [3UB319]

Ellen G. White: Mu myaka y'umurimo ya Yesu ku isi abagore bubahaga Imana bafashaga mu murimo Umukiza n'abigishwa be bakoraga. Iyo abarwanyaga uwo murimo bashobora kubona ikintu cyose gihabanye na gahunda yari isanzwe mu myifatire y'abo bagore, kiba cyarahise gihagarika uwo murimo. Ariko igihe abagore bakoranaga na Yesu n'intumwa, umurimo wose warakozwe ugera ku rwego ruhanitse ruri hejuru y'igicucu cy'urwikekwe. Nta mwanya w'ikirego

icyo ari cyo cyose washoboraga kuboneka. Intekerezo z'abantu bose zayobowe ku Byanditswe aho kwerekezwa ku bantu. Ukuri kwigishanyijwe ubwenge, kandi mu buryo bwumvikana neza ku buryo umuntu wese yashoboraga kugusobanukirwa. [3UB319]

Ubu ndatinya cyane ko habaho ikintu icyo ari cyose cyose cy'ubwaka cyakwinjizwa mu bantu bacu. Hari benshi, ndetse benshi cyane bagomba kwezwa; ariko bagomba kwereshwa kumvira ubutumwa bw'ukuri. Ndi kwandika kuri iyi ngingo muri iyi minsi. Muri ubu butumwa harimo kudahuzagurika guhebuje kugaragarira inyurabwenge. Ntabwo dushobora kwemera ibintu bitera abantu gusamara ngo byigaragarize muri twe mu buryo bishobora gusenya imbaraga ihindura dufite kubo twifuza kugezaho ukuri. Byadusabye imyaka myinshi ngo tuvaneho isura mbi abatizera bari bafite ku Badiventisiti bitewe n'uko bamenye iby'imikorere y'amayobera kandi mibi y'ibintu by'ubwaka byabonetse muri twe mu myaka yabanje mu kubaho kwacu nk'ishyanga ryihariye. [3UB319]

**Murarindwe- R.** Mackin: Ni byiza, rwose. None ibi uri kuduha byafatwa nk'ubuhamya buyobowe n'Umwuka, cyangwa ni inama gusa - yerekeranye no kuvuga íby'ubunararibonye bwawe? [3UB319]

Ellen G. White: Ndi kubabwira amateka. [3UB319]

R. Mackin: Ariko ntabwo uvuga ko ibyo birebana n'ikibazo cyacu ubu, kugeza ubwo uzagirira umucyo usumbyeho kuri cyo? [3UB319]

Ellen G. White: Sinabivuga; ariko bisa n'aho biri muri uwo murongo, nk'uko mbitinya. Bigaragara nk'ibiri muri uwo murongo w'ibyo nagiye mpura nabyo kenshi. [3UB319]

W. C White: Ubu noneho bigeze ku isaha ya saa sita. Ntimwakunda kuruhuka mbere yo gufata icyo kurya? [3UB319]

Ellen G. White: Nibyo, ntabwo nashoboboraga kubareka ngo mugende ntavuze icyo namaze kuvuga. Ndavuga nti: Murarindwe. Ntimugatume hari ikintu icyo ari cyo cyose kigaragara gitanga impumuro y'ubwaka, kandi n'abandi bashobora kwigana. Hari bamwe baba bafite akayihayiho ko kwigaragaza, kandi bazigana icyo ari cyo cyose mushobora gukora - cyaba icyo mu rwego rumwe n'icyo mukora cyangwa bitandukanye. Nagiye [3UB319] nigengesera cyane kugira ngo ntagira icyo mbyutsa gisa n'ikidasanzwe mu bantu bacu. [3UB320]

R. Mackin: Ariko ni ukuri ko Mwuka Wera naza, nk'uko byavuzwe mu nzandiko zawe, ko abantu benshi bazawurwanya, kandi bakavuga ko ari ubwaka? [3UB320]

Ellen G. White: Ni byo rwose bazawurwanya; kandi kubera iyo mpamvu tugomba kurindwa cyane. Mu Ijambo (atari amarangamutima, atari no mu gutwarwa) ni ho dushaka kuyobora abantu ku kumvira ukuri. Ku mugambi rw'Ijambo ry'Imana ni ho dushobora guhagarara dutekanye. Ijambo rizima ryuzuye ibihamya, kandi kwamamazwa kwaryo guherekezwa n'imbaraga itangaje. [3UB320]

R. Mackin: Ni byiza, ntabwo tugomba kukunaniza. [3UB320]

Madame R. Mackin: Imana ishimwe! [3UB320]

Ellen G. White: (arahaguruka abahereza ibiganza arabashimira): Ndifuza ngo Mwuka w'Imana abane namwe, na njye. Dukwiriye gusa nk'abana b'Imana bato. Imbaraga y'ubuntu bwayo ntikwiye kumvikana nabi. Tugomba kuyigira dufite ubugwaneza bwose, kwicisha bugufi kose ndetse no kwiyoroshya mu ntekerezo, kugira ngo Imana ibashe gukora ku ntekerezo z'abantu. Mfite ibyiringiro ko Uwiteka azabaha umugisha kandi akabaha urufatiro rukomeye, kandi urwo rufatiro ni Ijambo ry'Imana ihoraho. -Manuscript 115, 1908. [3UB320]

## UWITEKA YATANZE UMUCYO

Bwana Mackin na Madamu Ralph Mackin: [3UB320]

Bavandimwe nkunda: Vuba aha, mu iyerekwa rya nijoro, [kuwa 10 Ukuboza] hari ibintu byabumburiwe imbere yanjye ngomba kubamenyesha. Neretswe ko hari amakosa ababaje muri gukora. Übwo mwigaga Ibyanditswe n'Ibihamya mwageze ku myanzuro ipfuye. Muramutse mukomeje gukora nk'uko mwatangiye, umurimo w'Uwiteka wakumvikana nabi cyane. Mwashyize ubusobunuro butari bwo ku Ijambo ry'Imana no ku Bihamya byasohowe mu mpampuro. Hanyuma kandi mushaka gukomeza gukora umurimo w'inzaduka mukurikije uko mwitekerereza ku bijyana n'ubusobanuro bwabyo. Mwibwira ko ibyo mukora byose mubikora kubw'icyubahiro cy'imana, ariko muri kwishuka kandi mugashuka n'abandi. [3UB320]

Mu mvugo, mu ndirimbo ndetse no mu kwiyerekana kudasanzwe kutagira aho guhuriye n'umurimo nyakuri wa Mwuka Wera, umugore wawe ari gufasha mu kuzana igika cy'ubwaka cyazangiriza cyane umurimo w'Imana igihe bwaba buhawe umwanya uwo ari wo wose mu matorero yacu. [3UB320]

**Ku Bijyana no Kwirukana Abadayimoni.** - Mwageze n'aho muvuga ko mwahawe imbaraga yo kwirukana abadayimoni. Binyuze mu mbaraga ihindura mufite ku bwenge bw'abantu, abagabo n'abagore batewe kwizera ko batewe n'abadayimoni, kandi ko Uwiteka yabashiriyeho kuba ibikoresho bye byo kwirukana iyo myuka mibi. [3UB321]

Neretswe ko ibika nk'ibyo by'ubuyobe nk'ubwo nahatiwe guhangana nabwo mu bizera bari bategereje nyuma yo kurangira kw'igihe mu mwaka wa 1844 bizongera kwisubiramo muri iyi minsi y'imperuka. Mu byo twanyuzemo mu myaka ya mbere, byabaga ngombwa ko mva ahantu hamwe njya ahandi ngeza ubutumwa bugenda busimburana ku matsinda y'abizera bari bacitse intege. Ibihamya byaherekezaga ubwo butumwa bwanjye byari bikomeye ku buryo abanyakuri mu mitima bakiraga amagambo yabaga avuzwe bakayafata ko ari ukuri. Imbaraga y'Imana yigaragaje mu buryo bukomeye, kandi abagabo n'abagore babatuwe mu mbaraga y'ubwaka n'akajagari, maze bajyanwa mu bumwe bwo kwizera. - Manuscript 115, 1908 (Byasohotse mu Kinyamakuru "Urwibutso n'Integuza.[3UB321]

**Kurakirwa Guhagarika**: Bavandimwe, mbafitiye ubutumwa: muratangirira ku byiyumviro by'ibinyoma. Ibyo mutangaza bisobetsemo inarinjye nyinshi. Satani azinjirana imbaraga y'ubupfumu muri uko kwiyerekana. Igihe kirageze kugira ngo mubihagarike. Niba Imana yarabahaye ubutumwa budasanzwe mugomba kugeza ku bwoko bwayo, mwari mukwiriye kugendera no gukorera mu kwicisha bugufi kose- atari nk'aho mwaba muri aho bakinira ikinamico, ahubwo mu kwiyoroshya k'umuyoboke wa Yesu w'i Nazareti wicishaga bugufi byatuma muba umusemburo w'impinduka zitandukanye n'uko bisanzwe... Mwagombye kuba mushikamye kuri Rutare, ari we Kristo Yesu. [3UB321]

Basore nkunda, ubugingo bwanyu ni ubw'agaciro mu maso y'ijuru. Kristo yabaguze amaraso ye y'igiciro cyinshi, kandi simbifuriza gushimisha ibyiringiro bipfuye no gukorera mu byerekezo biyobya. Muri mu by'ukuri ubu mu nzira y'ubuyobe, kandi ndabinginze, ku bw'ubugingo bwanyu, kugira ngo mutongera gushyira mu kaga umurimo w'ukuri muri iyi minsi ya nyuma. Ku bw'ubugingo bwanyu, mutekereze ku buryo muri gukoramo butari ubw'umurimo w'Imana ugomba gujyanwamo imbere. Icyifuzo nyakuri cyo kugirira abandi neza kizayobora umukozi w'Umukristo kuzibukira igitekerezo cyose cyo kwinjiza mu butumwa bugenewe iki gihe inyigisho z'inzaduka ziyobora abagabo n'abagore mu bwaka. Muri iki gihe cy'amateka y'isi, tugomba kwigengesera cyane ku byerekeye iyi ngingo. [3UB321]

Ibihe bimwe munyuramo ntabwo bishyira mu kaga imitima yanyu gusa, ahubwo binateza akaga mu mitima y'abandi benshi, kubera ko mwifashisha amagambo ya Kristo y'agaciro kenshi ndetse mukanifashisha ibihamya kugira ngo muhamye ko ubutumwa bwanyu ari ukuri. Muyoba mwibwira

---

*79 The Review and Herald, Aug. 10, 17, 24, 1972.*

---

[3UB321] ko muyoborwa n'Ijambo ry'agaciro gakomeye, ari ryo kuri, ndetse n'Ibihamya Imana yahaye ubwoko bwayo. Mukoreshwa n'imbaraga mbi zibakoreramo, kandi mwishingikirije ku mvugo ziyobya. Mugerageza gutuma ukuri kw'Imana gushyigikira ibitekerezo by'ibinyoma ndetse n'ibikorwa bidatunganye bidafite ishingiro kandi by'ubwaka. Ibi bituma umurimo w'itorero wo gushyira abantu ukuri k'ubutumwa bwa marayika wa gatatu urushaho gukomera incuro cumi ndetse na makumyabiri. - Letter 358,1908 (Byasohotse no mu Butumwa Bwatoranyijwe, Vol.2; 2016, p.50). [3UB322]

## URUNDI RUGERO KU GUFATWA N'ABADAYIMONI

Mu ijoro ryakeye nahawe amabwiriza yo guha abantu bacu. Byasaga n'aho nari ndimu materaniro aho abantu bivovoteraga umurimo w'inzaduka wa mwene Data Mackin, n'umugore we. Namenyeshejwe ko uwo wari umurimo usa n'uwakozwe ahitwa Orrington, muri Leta ya Maine, ndetse n'ahandi henshi nyuma yo kurangira kw'ibihe byo mu mwaka wa 1844. Nategetswe kwamagana uyu murimo w'ubwaka ntajijinganya. [3UB322]

Neretswe ko Mwuka w'Imana atari we wamurikiraga mwene Data Mackin n'umugore we, neretswe ko ahubwo ari mwuka w'ubwaka uhora ushaka uko wakwinjira mu itorero ryasigaye. Uko bashyigikiza Ibyanditswe imikorere yabo idasanzwe ni ugukoresha Ibyanditswe mu buryo bubi. Umurimo wo kuvuga abantu bafashwe n'imyuka mibi maze hanyuma ugasengana nabo usa n'uwirukana imyuka mibi, ni ubwaka buzatuma itorero ryose ryemera uwo murimo ritiringirwa. [3UB322]

Neretswe ko tutagomba gushyigikira uko kwiyerekana, ko ahubwo tugomba kurinda abantu twifashishije ibihamya nyakuri tukabarinda ibishobora gushyira ikizinga ku izina ry'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi, kandi bigasenya ibyiringiro abantu bafite mu butumwa bw'ukuri bagomba kugeza ku batuye isi.. Pacific Union Recorder, Dec. 31, 1908. (Byongeye gusohoka mu Butumwa Bwatoranijwe, Vol. 2, 2016; pp. 50, 51). [3UB322]

---

*80 Amakuru menshi yatanzwe yerekeye ibya Mackin yasohotse mu Butumwa Bwatoranyijwe, Vol I. pp. 46-54 (2016)*

---

## UMUGABANE WA XI:

## IBIZABA MU MINSI Y'IMPERUKA

### IJAMBO RY'IBANZE

Hamwe n'uko Abadiventisiti bashimangira ukugaruka kwa Kristo, ibintu bikomeye bizabaho mu minsi iheruka bigendana no kugaruka kwe byabaye insanganyamatsiko yitabwaho cyane n'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi. Nta kundi byari kugenda kubera ko imyizerere y'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi yakomotse mu bantu barangwaga n'iby'iyobokamana, ari bo tsinda rya Mileri, ryashimangiraga ingingo zijyanye n'iherezo ry'isi ari zo umuzuko, urubanza ruheruka, kurimbura icyaha n'abanyabyaha. [3UB323]

Amayerekwa yahawe Ellen White mu ntangiriro z'umurimo we yashyize ahagaragara uburemere bw'Isabato y'Umunsi wa Karindwi nk'ukuri gushyira abantu ku gipimo, kuko mu minsi iheruka ari ukuri kuzagabanya abatuye isi mo amatsinda abiri: abubaha Imana kandi bazakizwa by'iteka ryose n'abasuzugura amategeko yayo bakazarimbuka by'iteka ryose. Uko buri muntu ku giti cye yitwara ku Isabato y'umunsi wa karindwi kuzaba icyangombwa nshingirwaho kigaragaza uruhande ajyamo. [3UB323]

Ibizabaho biheruka amateka y'iyi si bigaragazwa mu gitabo cy'Intambara Ikomeye (paji 429-444), kandi byagaragajwe ko ari ikibazo gikomeye cyane kandi gisoza mu ntambara ikomeye nk'uko bivugwa muri icyo gitabo. [3UB323]

Mbega uburyo Abadiventisiti biganye ubwitonzi ibice biheruka iki gitabo (Intambara Ikomeye), kandi bakaba barakozwe ku mutima n'ishusho yagaragajwe y'ibintu biri imbere y'itorero n'ab'isi bategereje! Mu bwuzu bwinshi, basesenguranye ubushibozi inyandiko zose zanditswe na Ellen G. White bashakashakamo amagambo y'ingenzi ashobora kugira umucyo yongera ku bivugwa bigiye kubaho. Muri uyu mugabane w'iki gitabo, turerekana bwa mbere amagambo atari make avuga ibyerekeye imperuka atari yarigeze ashyirwa hanze mu nyandiko, ari nayo afasha mu kuzuza ishusho igaragaza ibintu biheruka bizaba mu mateka y'isi. [3UB323]

Ubwo ibibazo by'itegeko ry'Icyumweru byiyongeraga ahagana mu mwaka wa 1900 kandi intugunda zijyana n'itegeko ry'Icyumweru ku rwego rw'igihugu muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika zikiyongera, Ellen White yanditse mu buryo burambuye iby' "Urugamba rwari Rwubikiriye" mu Biharya, umuzingo wa 5 (paje 711-718 mu Cyongereza), avuga ku buremere bw'ibibazo Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi bari barimo icyo gihe, avuga ko itorero ritari ryiteguye icyo kibazo, kandi anerekana ko kubw'igisubizo ku masengesho y'abana bayo, "Imana yanashoboraga kuburizamo imikorere y'abantu bahinduraga amategeko yayo ubusa" (Ibihamya by Itorero, Vol. 5, p.714 mu Cyongereza). [3UB324]

Ubwo amategeko yahamagariraga abantu kubahiriza Icyumweru muri zimwe muri Leta zo mu majyepfo ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika yashimangirwaga maze Abadiventisiti bagafatwa, bagafungwa, kandi bagahatirwa gukora imirimo y'agahato kubera kutubahiriza ayo mategeko, ikibazo cy'Isabato n'Icyumweru (Sunday) cyafashe intera ikomeye maze kizanwa mu Nama y'Inteko Nkuru Rusange yo 1889 kugira ngo cyigweho mu buryo bwitondewe. Amaze kongera

gusesengurana ubwitonzi amahame yagendeweho, Ellen White yatanze inama ko kwigengesera mu mwanzuro wose wafatwa n'intumwa zitabiriye inama. [3UB324]

Intugunda zijyana n'itegeko ry'Icyumweru zagiye zigabanya umurego buhoro buhoro, ariko mu myaka yakurikiyeho Ellen White yashyize imbere y'abayobozi b'itorero ibibazo by'urugamba ruheruka. Ku bijyana n'itotezwa nyakuri abantu bazira kubahiriza Isabato, kugeza ubu ibihe bishobora kuba byarahindutse, ariko ibibazo n'amahame ruzingiyeho biracyari bya bindi. Guhera igihe Ellen White yapfiriye, hagiye habaho izindi mpinduka, ariko twizera ko amahame n'ibibazo nk'iby'icyo gihe bizongera guhemburwa mu rugamba rugiye kuza. [3UB324]

Umugabane munini w'iki gice ukubiyemo amagambo avuga ku bizaba mu mperuka y'ibihe ari nabyo akenshi bigaragazwa biteganye n'ibivugwa mu Ntambara Ikomeye, ariko rimwe na rimwe byo bitanga amakuru mashya arambu ye n'ibitekerezo bishya. Izo nyandiko zagabanijwemo ibice bitatu by'ingenzi aribyo: [3UB324]

1. Amasomo yigiwe mu guhura n'akaga katewe n'itegeko ry'Icyumweru mu myaka ya 1880 no mu myaka ibanza ya 1890. [3UB324]

2. Inama rusange zikwiriye abantu begereje iherezo. [3UB324]

3. Ibirebana n' "urugamba rukomeye," rujyana n'ikibazo cy'Isabato n'Icyumweru nk'ingingo ikomeye. [3UB324]

Umusomyi azibonera ko, nubwo Ellen White adukangurira kwita ku bihe bishishana biri imbere yacu, bikubiyemo nta shiti kuzicwa kw'abantu bazira kwizera kwabo, kandi agahanura ubuhakanyi buzaboneka mubo dufatanyije kwizera, anahanura iby'abantu benshi bazinjira mu itorero [3UB324] kandi akanatanga ibyiringiro bitsika umutima by'ubuntu bukomeza buva mu Ijuru buzahabwa ubwoko bw'Imana buyinambaho. - Abashinzwe Kurinda Inyandiko za Ellen G. White. [3UB325]

# IGICE CYA 55

# AMASOMO YIGIWE MU GUHURA N'AKAGA KATEWE N'ITEGEKO RY'ICYUMWERU MU MYAKA IHERUKA YA 1880 NO MU MYAKA IBANZA YA 1890

## IBYIRINGIRO IGIHE IBICU BYABUDIKAGA MU MWAKA WA 1884

Imbere yacu hari ibintu bikomeye, bityo turashaka guhamagarira abantu kuva mu bunenganenzi barimo bakitegura......Ubu ntidukwiye kureka ibyiringiro byacu, ahubwo tugomba kugira ibyiringiro bishikamye, ndetse bikomeye cyane kurusha ibyo twigeze kugira. Kugeza ubu Imana yaradufashije, kandi izanadufasha kugeza ku mperuka. Tuzareba ku nkingi zitwibutsa, ari zo bimenyetso bitwibutsa ibyo Uwiteka yadukoreye, kugira ngo biduhumurize kandi bituvuvunure mu maboko y'umurimbuzi. [3UB326]

Dushobora kureba imbere tukabona ibihagarika umutima bishya bizaba mu rugamba rugiye kuza, ariko dushobora no kwitegeza neza ibyatambutse [3UB326] kimwe n'ibizaza maze tukavuga tuti: "Kugeza ubu Uwiteka yaratuzahuye" (1 Samweli 7:12). "Uko iminsi yawe ingana, niko intege zawe zizaba" (Guteg. 33:25). Ikigeragezo ntikizarenga imbaraga tuzahabwa ngo tubashe kucyihanganira. Nuko rero, nimutyo tujye ku murimo wacu aho tuwubonye, twe kuvuga ijambo na rimwe ryo kwinuba, tutibwira ko nta kintu gishobora kubaho, ahubwo twibwire ko tuzahabwa imbaraga zihwanye n'uko ibigeragezo bizaba bingana..... [3UB327]

Amahoro yacu muri iki gihe ntakwiriye guhungabanywa n'ibigeragezo byitezwe kuzabaho, kubera ko Imana itazigera ireka cyangwa ngo ihäne umuntu n'umwe uyiringira. Imana iturutira ubwoba tugira... [3UB327]

**Ntumukitize Amakuba Azaba mu Kaga K'Ahazaza.** -Abantu benshi bazakura amaso yabo ku nshingano bafite muri iki gihe, bayakure ku kumererwa neza kwa none ndetse n'imigisha bafite ubu, maze bitize amakuba agendanye n'akaga kahazaza. Ibi bizaba kuzana igihe cy'amakuba kandi igihe cyacyo kitaragera, kandi nta humure tuzahabwa kubw'ayo makuba twizaniye imburagihe..... Ubwo igihe cy'urugamba rukaze kizaba kigeze, tukazaba twaramaze kwiga isomo ryo kugira ibyiringiro byera n'isomo ryo kwizera, kandi tukazaba dufata mu biganza bya Kristo, ndetse ibirenge byacu tukabishinga kuri Rutare rw'Iteka, bityo rero tuzaba turinzwe umugaru n'umuyaga w'ishuheri. Tugomba gutegereza Umwami wacu. Yesu azaba umufasha utabura kuboneka igihe cyose tumukeneye. -Letter 11a, 1884. [3UB327]

Urabaza ibyerekeye inzira yagombye gukurikizwa kugira ngo abantu bacu babone uburenganzira bwo gusenga bakurikije ibyo umutimanama wacu utwemeza. Iki cyabereye umutwaro umutima wanjye mu bihe bitari bimwe, nibaza niba byaba guhakana kwizera kwacu ndetse n'igihamya cy'uko kwizera Imana kwacu kudashyitse. Ariko ndibuka ibintu byinshi Imana yanyeretse mu gihe cyashize birebana n'ibintu bisa bityo, nka rya tegeko [ryariho mu gihe cy'Intambara ya Gisivile yo muri Amerika] ndetse n'ibindi bintu. Nshobora kuvuga ndi mu gitinyíro cy'Imana ko nta kibi kirimo, ko dukwiriye gukoresha imbaraga zose uko dushoboye tugakuraho igitutu kiri gushyirwa ku bantu bacu... [3UB327]

Ntabwo twe tugomba gusembura abantu bahisemo kwemera isabato y'ikinyoma kandi mpimbano, yashyizweho n'Ubupapa, buyisimbuje Isabato yera y'Imana. Kuba badafite ingingo z'ibihamya bya

Bibiliya zibarengera bibatera kurakara cyane no kumaramaza kuzuza imbaraga z'ubushobozi bwabo mu mwanya w'ingingo batanga zidashingiye mu Ijambo ry'Imana. Imbaraga zakarengane zikurikira intambwe z'ikiyoka. Kubw'ibyo rero, hagomba gukoreshwa ubwitonzi bukomeye kugira ngo hatabaho ubushotoranyi. Kandi nanone, nk'ubwoko bw'Imana, nimutyo uko bishoboka kose tweze inkambi yacu ivemo kwiyanduza mu micombonera n'ibyaha bitwizingiraho.... [3UB327]

Amategeko yose yo mu isi ntashobora kuturokora ishungura riteye ubwoba, kandi imbaraga zose zashyirwaho n'ubutware bukomeye ntizizadukuraho igihano cy'Imana, bitewe gusa n'uko icyaha cyagundiwe. Niba twebwe nk'ishyanga tutagumye mu kwizera kandi, ntidukore ubuvugizi dushyigikira amategeko y'Imana mu nyandiko cyangwa mu magambo gusa, kandi ntituyakomeze yose nta kwica itegeko na rimwe tubizi, ubwo ni bwo intege nke no kurimbuka bizatuzaho.... [3UB328]

**Ubusabe Butazagira Icyo Bugeraho mu Gihe Mwuka Wera Ntacyo Akoze.** Intambara zose turwana tugeza ubusabe bwacu ku bayobozi bo mu nzego zo hejuru mu gihugu cyacu, uko ibyo dusaba byaba bifite ishingiro kose, bifite imbaraga kandi byumvikana rwose ngo biturengere, ntibizatugeza ku cyo twifuza, keretse gusa Uwiteka nakoreshereza Mwuka we Wera mu mitima y'abavuga ko bizera ukuri. Dushobora guhangana nk'umuntu w'umunyambaraga uri koga ahanganye n'umuvumba w'isumo rya Niagara, ariko tuzatsindwa keretse gusa Uwiteka naturengera. Imana izahabwa icyubahiro mu bwoko bwayo. Bugomba kuba butunganye, bugomba kwiyambura inarijye, bugahagarara mu byimbo bushikamye, kandi bugahora iteka bwitabira umurimo w'Uwiteka ari benshi. [3UB328]

**Amategeko yo Kwerereza Isabato y'Ikinyoma.** Tugomba kuba twiteguye kandi dutegereje amabwiriza y'Imana. Amahanga azakangarana imbere muri yo. Üburengezi buzavanwa ku bamamaza amahame ngenderwaho rukumbi yo gukiranuka, kandi akaba n'igipimo rukumbi kitibeshya cy'imico. Kandi abantu bose batazemera gucira bugufi itegeko ry'inama z'igihugu, kandi ngo bubahe amategeko y'igihugu yo kwerereza isabato yashyizweho n'umunyabugome basuzugura umunsi wera w'Imana, ntibazagerwaho gusa n'ububasha bukandamiza bw'ubupapa, ahubwo bazanagerwaho n'ububasha nk'ubwo bw'Ubuporotesitanti, ari bwo gishushanyo cy'inyamaswa..... [3UB328]

Akaga gakomeye kegereje kazashungura abo Imana itahaye inshingano kandi Imana izagira umurimo utunganye, umurimo w'ukuri kandi wejejwe wateguriwe imvura y'itumba.... [3UB328]

Ubugingo bushya buragenda buturuka mu bikoresho bya Satani kugira ngo bukorane imbaraga tutigeze twiyumvisha kugeza ubu. None se nta mbaraga nshya zizava mu ijuru ngo zuzure ubwoko bw'Imana? - Letter 55,1886. [3UB328]

Vuba aha tugomba kuzakirana n'abategeka b'igihugu, kandi dufite impamvu yose idutera gutinya ko ikinyoma cyazatsinda. Mu izina rya Yesu, tuzahamagarira amatorero yacu kurebera uru rugamba mu mucyo warwo nyakuri. Ni intambara hagati y'Ubukristo bushingiye ku Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya n'Ubukristo bushingiye ku migenzo y'abantu n'imigani ipfuye. [3UB328]

---

*81 Soma Ibihamya by 'Itorero, Vol.5, Igice kivuga "Urugamba Rwegereje." Abakusanyije Inyandiko. 328*

---

Iyi ntambara igomba kuzatanga umwanzuro niba ubutumwa bwiza butavangiye buzahabwa urubuga mu gihugu cyacu, cyangwa niba ubupapa bwo mu myaka yashize buzahabwa ukuboko kw'iburyo n'Ubuporotesitanti bagasabana, kandi ubu bubasha bugera ku ntego yo kubuzanya umudendezo w'idini...... Ubutumwa bugomba gutangazwa hose, kugira ngo abantu bagiye

bifatanya n'ubupapa mu buryo batiyumvishaga, ariko batazi ibyo bari gukora, babashe kumva. Bari gucudika n'ubupapa binyuze mu guhara ibintu bimwe bemeraga ndetse no kugira ibindi bemera kandi ibyo bigatungura abayoboke b'ubupapa.... [3UB329]

**Abana b'Imana mu Yandi Matorero**. - Imana ifite abana, ndetse benshi muri bo bari mu matorero ya Giporotesitanti, kandi ikagira n'umubare munini mu matorero y'Abagatolika b'abanyakuri rwose mu kumvira umucyo bazi, kandi b'abanyakuri mu gukora uko bashoboye kose bagakurikiza ibyo bazi kurusha umubare munini wo mu Badíventisiti bubahiriza Isabato batagendera mu mucyo. Uwiteka azatuma ubutumwa bw'ukuri bwamamazwa kugira ngo Abaporotesitanti babashe kuburirwa kandi bakangurirwe kumenya ibintu nk'uko biri mu kuri, kandi bite ku gaciro k'amahirwe y'umudendezo mu by'idini bamaze igihe kirekire bishimira. [3UB329]

**Ubugororangingo ku Cyumweru muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika.** Iki gihugu cyabaye ubuhungiro bw'abatotezwa, kiba ubuhamya bw'umudendezo w'umutimana ndetse n'izingiriro rikomeye ry'umucyo w'ibyanditswe. Imana yohereje intumwa82 zagiye ziga Bibiliya zazo kugira ngo zivumbure ukuri uko ari ko, kandi zize iby'imikorere y'abantu bari gukora uruhare rwabo mu gusohoza ubuhanuzi bazana ubugororangingo mu by'idini buhindura ubusa amategeko y'Imana, bityo bakimika umunyabugome. None se nta jwi rizavuga ngo ritange umuburo wahuranyije bityo rimenyeshe amatorero akaga arimo? Mbese tuzareka ibintu bidogere, kandi tureke Satani aneshe nta kumurwanya? Ntibikabeho.... [3UB329]

**Abenshi mu bo Tudasangiye Kwizera Bazaza ku Rugerero.** Hari abantu benshi bagomba kuva mu b'isi, bakava mu matorero, ndetse no mu Itorero Gatolika. Ni abantu bazagira umuhati urenze cyane uw'abigeze kuba mu ngabo z'Uwiteka kandi kuva ubwo baziyemeza kwamamaza ukuri. Kubw'iyo mpamvu, abakozi ba saa kumi n'imwe bazahabwa ibihembo byabo. Aba bazabona intambara itutumba kandi bazavuza impanda mu ijwi ryihariye. Igihe ibihe bishishana bizaba bitugezeho, ubwo ibihe by'amakuba bizaba bije, bazaza ku rugerero, batwaye intwaro zose z'Imana, berereze amategeko yayo, bayoboke kwizera Yesu, kandi bakomeze umurimo wo gushyigikira umudendezo mu by'idini abagorozi barwaniriraga biyushye akuya kandi batangiye n'ubuzima bwabo... [3UB329]

Ikibazo cy'Isabato y'Ikinyoma. Isabato y'ikinyoma yerekanwa ko igomba kubahirizwa bishimangiwe n'amategeko ahatira abantu kubahiriza

---

*82 A.T. Jones n'abandi.*

---

[3UB329] isabato Imana itigeze itegeka umuntu. Itotezwa ry'Abaporotesitanti ryakozwe na Roma, aho muri ryo iyobokamana rya Yesu Kristo ryendaga gukurwaho burundu. Ariko igihe Übuporotesitanti n'ubupapa bizahuriza imbaraga hamwe, itotezwa rizaba rikomeye mu buryo butagereranywa n'iryabaye kera.... [3UB330]

Igihugu cyacu kigomba guhinduka isibaniro ry'urugamba, ahagomba kubera urugamba rwo guharanira umudendezo w'idini kuramya Imana dukurikije ibyo umutimanama wacu utwemeza. None se ntidushobora kubona umurimo w'umwanzi ukomeza gusinziriza abantu bakagombye kuba bari maso, abantu bafite imbaraga ihindura itazabura kugira icyo ikora ahubwo bazaba bari ku ruhande rw'Uwiteka batizigamye? Mbese abantu bazarangurura ngo, 'Ubu hari amahoro n'umutekano, mu gihe kurimbuka gutunguranye kuri kwegera isi, igihe umujinya w'Imana ugiye gusukwa? -Manuscript 30, 1889. [3UB330]

## AMERIKA ISHOBORA GUHINDUKA AHANTU H'AMAKUBA ARUTA ANDI YOSE

Amerika, ..... ahantu umucyo mwinshi cyane uvuye mu ijuru warasiye abantu, ishobora guhinduka ahantu h'amakuba aruta andi yose n'umwijima ukaze kubera ko abantu badakomeza gukurikiza ukuri no kugendera mu mucyo.... [3UB330]

Uko tutushaho kwegera ibintu bizabaho bisoza amateka y'iyi si, ni ko umurimo wa Satani uzarushaho kwigaragaza. Ubushukanyi bw'ubwoko bwose buzafata uruhembe rw'imbere kugira ngo buteshure imitima y'abantu ku Mana binyuze mu bikoresho bya Satani. - Letter 23c, 1894. [3UB330]

## ISHUSHO YO HAMBERE IGARAGAZA UBUREMERE BW'ISABATO[83]

Nabonye ko twumvaga kandi twasobanukirwaga uburemere bw'Isabato gake cyane ugereranyije n'uko twagombye gusobanukirwa no kumenya uburemere bwayo n'icyubahiro cyayo. Nabonye ko tutari tuzi icyo kuzamuka ukajya aharengeye ho ku isi maze ukagaburirwa ku murage wa Yakobo bisobanuye. Ariko igihe imvura y'itumba ihembura izagwa ivuye ku Uwiteka n'icyubahiro cy'ububasha bwe, tuzamenya icyo kugaburirwa ku murage wa Yakobo no kuzamurwa ugashyirwa aharengeye ku isi bivuze. Ubwo nibwo tuzarushaho kubona Isabato mu buremere bwayo n'icyubahiro cyayo. [3UB330]

Ariko ntituzayibona mu cyubahiro cyayo n'uburemere bwayo bwose kugeza igihe ijwi ry'Imana rizavuga tugatangarizwa isezerano ry'amahoro, kandi n'inzugi z'imaragarita za Yerusalemu Nshya zigakingurirwa ku mapata yazo ashashagirana, bityo ijwi rya Yesu mwiza ry'ibyishimo n'umunezero rikumvikana neza kurusha indirimbo iyo ariyo yose yigeze yumvwa n'ugutwi k'umuntu upfa atubwira ngo twinjire. - Letter 3, 1851. [3UB330]

---

*83 Soma Inyandiko z'lbanze, 2019; pp.50-53. (Amayerekwa Yakurikiyeho).*

---

Tugomba gushikama mu birindiro kugira ngo tutazubahiriza umunsi wa mbere w'icyumweru nk'Isabato, kubera ko atari wo munsi wahawe umugisha kandi ngo wezwe na Yehova, kandi mu kubahiriza Icyumweru twaba twishyize mu ruhande rw'umushukanyi ukomeye. Urugamba rurebana n'Isabato ruzafungura ikigirwaho impaka ku bantu, kandi amahirwe azatangwa kugira ngo ibiranga Isabato y'ukuri bibashe kugaragazwa... [3UB331]

Abantu bubaha Imana kandi bagakomeza amategeko yayo bakwiriye kudakebakeba, atari mu masengesho gusa, ahubwo no mu bikorwa, kandi ibyo bizashyira ukuri imbere y'abatarigeze bakumva .... [3UB331]

Igihe amategeko y'Imana azaba yamaze guhindurwa ubusa, kandi ubuhakanyi bugahinduka icyaha cy'igihugu, Uwiteka azarwanira ubwoko bwe. Nibigera aho badashobora kugira indi ntambwe batera bizaba ari umwanya we wo kugira icyo akora. Uwiteka azerekana imbaraga ze kubw'itorero rye.... [3UB331]

**Igihe cyo Guhamya**. - Imana yaduhaye umucyo ku byerekeye ibigiye kuba ku isi kugira ngo tubashe kumurikira abandi, kandi ntituzabarwa ko nta cyaha dufite nitwiyicarira tugatuza, twipfumbase, tujya impaka gusa ku bintu by'umumaro muke... [3UB331]

Ntabwo abantu bagomba kurekwa ngo bagwaguze bagenda mu nzira y'umwijima, batazi ibiri imbere yabo, kandi bataniteguye ibibazo bikomeye bibasatiriye. Hari umurimo ugomba gukorwa muri iki gihe wo gutegurira abantu guhagarara mu munsi w'amakuba, kandi abantu bose bagomba gukora uruhare rwabo muri uyu murimo. Bagomba kuba bambaye gukiranuka kwa Kristo, kandi bagakomezwa n'ukuri kugira ngo batazemera ibinyoma bya Satani babifata nk'ukwigaragaza nyakuri kw'imbaraga y'Imana.... [3UB331]

Ni igihe kitoroshye ku bwoko bw'Imana, ariko nibuhagarara bwegereye urubavu rwa Yesu rwavushijwe amaraso, azababera igihome kibakingira. Azakingura inzira kugira ngo ubutumwa bw'umucyo bubashe kugera ku bantu bakomeye, ku banditsi n'abanyamategeko. Bazagira amahirwe mutigeze kurota, kandi bamwe muri bo bazarengera ibyo amategeko y'Imana yasuzuguwe asaba bashize amanga.... [3UB331]

**Ingamba za Satani mu Rugamba Ruheruka.** Ubu hari ubukene bw'abagabo n'abagore b'abanyamwete bazashakisha uko basohoza agakiza k'abantu, kubera ko Satani nk'umugaba w'ingabo ukomeye yamaze kwigarurira ibirindiro, kandi muri iki gihe gisigaye ari gukoresha uburyo bwose bushoboka ngo akinge urugi abantu be kubona umucyo Imana yifuza ko ugera ku bwoko bwayo. Ari gukuburira ab'isi bose mu ngabo ze, kandi bake cyane b'indahemuka kubyo Imana isaba nibo bonyine bashobora guhangana nawe bakamutsinda, nubwo ari bo ari kugerageza kunesha.... [3UB331]

Nimusange Imana ubwanyu; musengere kugira ngo mumurikirwe nayo bityo mube mwamenya ko muzi ukuri uko ari ko, kugira ngo igihe imbaraga ikomeye ikora ibitangaza izigaragariza, kandi umwanzi akaza nka marayika w'umucyo, muzashobore gutandukanya umurimo nyakuri w'Imana n'umurimo w'umwiganano cyangwa se imbaraga z'umwijima. [3UB332]

Isi igomba kuburirwa, kandi igihe ubutumwa bwa marayika wa gatatu buzavugwa mu ijwi rirenga, imitima y'abantu izategurirwa byuzuye gufata ibyemezo byaba kwemera ukuri cyangwa se kukwanga. Impinduka ikomeye igomba gukorwa na Satani n'abamarayika be babi, bafatanyije n'abantu babi bazashimangira iherezo ryabo binyuze mu guhindurira ubusa amategeko y'Imana imbere y'igihamya kibatsinda kiva mu Ijambo ryayo cyerekana ko aya mategeko adahinduka kandi ari ay'iteka ryose. [3UB332]

**Ijwi Rirenga ry'Ubutumwa bwa Marayika wa Gatatu.** - Igihe nyakuri umuhanuzi yanditse kizasohora, kandi ijwi rikomeye rya marayika wa gatatu rizumvikana mu isi, isi izamurikirwa n'ubwiza bwe, kandi ubutumwa buzatsinda, ariko abatagendera mu mucyo wabwo ntibazatsindana nabwo.... [3UB332]

Igihe gishishana cyamaze kugera ubwo abagabura bakagombye kuba baririra hagati y'irebe ry'umuryango n'igicaniro bataka bati: "Uwiteka we kiza ubwoko bwawe ntureke ab'umwandu wawe bashyinyagurirwa" (Yoweli 2:17). Aho kuzamura imitima yabo bumva ko bihagije, ni umunsi abagabura (ababwiriza) n'abizera bagombye kuba bari kwaturira ibyaha byabo imbere y'Imana kandi n'umuntu yaturira mugenzi we. [3UB332]

**Ingabo z'Abizera Zitsinda Ikigeragezo Giheruka**. Amategeko y'Imana ahindurwa ubusa, kandi no mu bashyigikira ibyo asaba harimo bamwe barenga ku byo ategeka byera. Bibiliya izabumburirwa inzu ku yindi, kandi abagabo n'abagore bazakirwa muri izo ngo, ndetse imitima y'abantu izakingukira kwakira Ijambo ry'Imana. Kandi ubwo igihe cy'akaga kizaba kigeze, benshi bazaba biteguye gufata imyanzuro mizima, nubwo bazaba bari imbere y'ingorane ziteye ubwoba bizazanwa icyo gihe binyuze mu bitangaza by'ubushukanyi bwa Satani. Nubwo abongabo bazahamya ukuri kandi bagahinduka abakozi bakorana na Kristo mu isaha ya saa kumi n'imwe,

bazahabwa ibihembo bingana n'ibya ba bandi bakoze umunsi wose. Hazabaho ingabo z'abizera bahagarara bashikamye nk'urutare mu kigeragezo giheruka.... [3UB332]

Umucyo mwinshi uzamurika ku kuri kwagutse k'ubuhanuzi, kandi uko kuri kuzagaragara ari gushya kandi kurabagirana kubera ko imirasire irabagirana ya Zuba ryo Gukiranuka izamurika hose... [3UB332]

Igihe marayika yari agiye guhishurira Daniyeli ubuhanuzi buteye amatsiko cyane twagombaga kwandikirwa twebwe ababona busohora, marayika yaravuze ati: "Komera, koko komera" (Daniyeli 10:19). Tugomba kwakira ubwiza bwa bundi Daniyeli yahishuriwe, kubera ko bwagenewe [3UB332] ubwoko bw'Imana muri iyi minsi iheruka kugira ngo bubashe kuvuza impanda mu ijwi ryihariye. - Manuscript 18,1888. [3UB333]

Igihe Kristo azaba agarutse, isi yose izaba igizwe n'amatsinda abiri, intungane n'abanyabyaha, abakiranutsi n'abakiranirwa. Mbere gato yo kuboneka kw'ikimenyetso gikomeye cyo kuza k'Umwana w'umuntu, mu ijuru hazaba ibimenyetso n'ibitangaza... [3UB333]

Ibitonyanga byo mu ducuma tw'umujinya w'Imana byamaze gusukwa ku butaka no mu nyanja, byangiza ibigize umwuka wo mu kirere. Intandaro y'iyo miterere irakorwaho ubushakashatsi, ariko bikaba iby'ubusa. [3UB333]

Ntabwo Imana yabujije imbaraga z'umwijima gukomeza umurimo wazo kirimbuzi wo kwangiriza umwuka wo mu kirere ikoresheje igihu gihumanye kandi kinuka kandi wa mwuka wo mu kirere ari umwe mu masoko y'ubuzima n'ibyokurya. Ntabwo ubuzima bw'ibimera ari bwo bwangiraka gusa, ahubwo n'umuntu ababazwa n'ibyorezo... [3UB333]

**Isi Igaragara n'iy'Iby'Idini Igomba Kunyeganyezwa.** Ibi bintu ni ingaruka z'ibitonyanga biva ducuma tw'umujinya w'Imana biri kuminjagirwa ku isi, ariko ni ingero zoroheje cyane z'ibizabaho vuba aha. [3UB333]

Imitingito yagiye yumvikana mu bice bitandukanye, ariko uko kwivumbagatanya kwagiye kugabanywa cyane... Ibishyitsi biteye ubwoba bizaba ku isi, maze amazu y'ibitabashwa yubatswe hatanzwe umutungo mwinshi cyane nta kabuza azahinduka ibirundo by'ibyavu n'amatongo. [3UB333]

Igice cy'inyuma cy'ubutaka bw'isi kizamenagurwa no guturitswa n'amahindure ahishwe mu nda y'isi. Igihe ayo mahindure azaba arekuwe, azatembana ibintu by'agaciro by'abantu barundanije imyaka myinshi kugira ngo bigwizeho ubutunzi bwinshi bagura n'abakozi babo babaha intica ntikize. [3UB333]

Isi y'iby'idini nayo, igomba kunyeganyezwa biteye ubwoba, kubera ko iherezo rya byose riri bugufi...... Umuryango mugari w'abantu wose uri kwigabanyamo amatsinda abiri, abumvira n'abatumvira .... [3UB333]

**Hazabaho Amategeko Agenga Umutimanama.** Isi yiyitirira Ubukristo igomba kuba urubuga ruberaho ibikorwa bikomeye kandi byahuranyije. Abantu bari mu myanya y'ubuyobozi bazashyira mu bikorwa amategeko agenga umutimanama, bakurikije urugero rw'ubupapa. Babuloni izanywesha amahanga yose ku nzoga y'umujinya w'ubusambanyi bwayo. Amahanga yose azaba arebwa n'ibi. Yohana umuhishuzi yavuze iby'icyo gihe agira ati: [3UB333]

"Abatunzi bo mu isi bagatungishwa n'ubwinshi bw'ubutunzi bwawo no kudamarara. Numva irindi jwi rivugira mu ijuru riti, "Bwoko bwanjye, nimusohokemo kugira ngo mwe gufatanya n'ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago bwawo. Kuko ibyaha byawo byarundajwe bikagera mu ijuru,

[3UB333] kandi Imana yibutse gukiranirwa kwawo. Muwiture ibihwanye n'ibyo wabagiriye, kandi muwusagirizeho kabiri ibikwiriye ibyo wakoze. Mu gikombe wafunguragamo, muwufunguriremo kabiri. Nk'uko wihimbazaga ukidamararira ukishima ibyishimo bibi, mube ari ko muwuha kubabazwa agashinyaguro no kuboroga, kuko wibwira uti "Nicara ndi umugabekazi sindi umupfakazi, ni cyo gituma nta gahinda nzagira na hato" (Ibyah. 18:3-7). [3UB334]

**Kwishyira Hamwe kw'Amahanga y'Isi Yose.** "Abo bahuje inama, baha ya nyamaswa imbaraga zabo n'ubutware bwabo. Bazarwanya Umwana w'Intama, ariko Umwana w'Intama azabanesha, kuko ari we Mutware utwara abatware n'Umwami w'abami, kandi abari hamwe na we bahamagawe baratonijwe bakiranutse nabo bazayinesha" (Ibyahishuwe 17:13, 14). [3UB334]

"Abo bahuje inama." Hazabaho kunga ubumwe kw'isi yose, habeho ubwumvikane bukomeye, habeho kwishyira hamwe kw'ingabo za Satani. "Bazaha ya nyamaswa imbaraga zabo n'ubutware bwabo." Uku ni ko ya mbaraga itegeka kandi ikandamiza ikarwanya umudendezo w'idini n'uburenganzira bwo kuramya Imana umuntu akurikije umutimanama we ikora, nk'uko iyo mbaraga yagaragajwe n'ubupapa, ubwo mu gihe cyashize bwarengagaa abatinyutse kwanga gukurikiza imigenzo n'imihango y'idini y'I Roma. [3UB334]

Mu rwego rwo kurwanya ubwoko bw'Imana, mu rugamba ruzabaho mu minsi ya nyuma hazabaho kwishyira hamwe kubutegetsi bwose bwahakanye bukareka kubaha amategeko ya Yehova. Muri uru rugamba, Isabato y'itegeko rya kane izaba izingiro rikomeye ry'ikibazo, kubera ko mu itegeko rivuga Isabato, Uwiteka Ukomeye watanze amategeko niho yigaragariza ko ari Umuremyi w'isi n'ijuru... [3UB334]

Mu Byahishuwe, tuhasoma ibivugwa kuri Satani ngo: "Kandi ikora ibimenyetso bikomeye, imanura umuriro uva mu ijuru ugwa mu isi mu maso y'abantu. Iyobesha abari mu isi ibyo bimenyetso yahawe gukorera imbere ya ya nyamaswa, ibabwira kurema igishushanyo cya ya nyamaswa yari ikomerekejwe n'inkota ikabaho. Ihabwa guha icyo gishushunyo cy'inyamaswa guhumeka, ngo kivuge kandi cyicishe abatakiramya bose. Itera bose aboroheje n'abakomeye, n'abatunzi n'abakene, n'ab'umudendezo n'ab'imbata, gushyirwaho ikimenyetso ku kiganza cy'iburyo cyangwa mu ruhanga, kugira ngo hatagira umuntu wemererwa kugura cyangwa gutunda, keretse afite icyo kimenyetso, cyangwa izina rya ya nyamaswa cyangwa umubare w'izina ryayo" (Ibyahishuwe 13:13-17).... [3UB334]

"Nuko mbona mu kanwa ka cya kiyoka no mu kanwa ka ya nyamaswa, no mu kanwa ka wa muhanuzi w'ibinyoma, havamo imyuka itatu mibi isa n'ibikeri, kuko ari yo myuka y'abadayimoni, ikora ibitangaza igasanga abami bo mu isi yose, ngo ibahururize kujya mu ntambara yo ku munsi ukomeye w'Imana Ishoborabyose. Dore nzaza nk'umujura. Hahirwa uba [3UB334] maso akarinda imyenda ye, kugira ngo atagenda yambaye ubusa bakareba isoni z'ubwambure bwe" (Ibyahishuwe 16:13-15).... [3UB335]

**Satani Azagaragara nk'Utsinze.** -Ibintu byose byo mu bidukikije no mu isi muri rusange birahangayitse ku buryo bukomeye. Afatanyije n'abamarayika be ndetse n'abantu babi, Satani azakoresha imbaraga zose kugira ngo arebe ko yabona intsinzi, kandi azagaragara nk'utsinze. Ariko iyi ntambara, ukuri no gukiranuka bizayivamo bibyina intsinzi. Abantu bizeye ikinyoma bazatsindwa, kubera ko iminsi y'ubuhakanyi izashyirwaho iherezo. Manuscript 24, 1891. [3UB335]

## INAMA IREBANA N'IBIBAZO BY'ITEGEKO RY'ICYUMWERU

Mu nama yacu havutse ibibazo bikeneye kwitabwaho byitondewe, abantu bibaza niba abubahiriza Isabato bo muri Leta zo mu Majyepfo, aho bashobora guhura n'ububasha bubakandamiza bw'amategeko ya Leta zabo baramutse bakoze ku Cyumweru. Mbese bazaruhuka ku Čyumweru kugira ngo birinde itotezwa bahura naryo baramutse bagize umurimo uwo ari wo wose bakora ku Cyumweru. Bamwe muri benedata basa n'abahagaritse umutima ko Inteko Nkuru Rusange yafata umwanzuro uha inama benedata bubahiriza Isabato bashobora gufungwa cyangwa gucibwa amande, ko bahagarika imirimo kuri uwo munsi. Imyanzuro nk'iyo ntikwiriye gushyirwa imbere y'iyi nama, ngo isabe kuyemeza. [3UB335]

Hari ibibazo icyiza cyane kuri byo ari ukwirinda kubivugaho cyane uko bishoboka kose ku ruhande urwo ari rwo rwose - kwaba kubishyigikira cyangwa kutabishyigikira... [3UB335]

**Imana Izatanga Umucyo n'Ubwenge Igihe Bizaba Bikenewe.** - Igihe ikibazo cyo kubahiriza Icyumweru kigizwe itegeko, ntihazabaho ingorane zikomeye zo gutera intambwe zitemewe n'ljuru..... bishingiye ko Uwiteka atanga umucyo n'ubwenge igihe bikenewe." [3UB335]

Mu gihe abubahiriza Isabato bose bababaye kandi bahagaritse umutima, bashaka gucengera mu bwiru bwo mu gihe kizaza, no kwiga ibyo bashobora byose ku birebana n'umurongo utunganye bazafata, mujye mwitonda kugira ngo bahabwe inama itunganye ku byerekeye kubahiríza Icyumweru .... Iteka hazajya habaho akaga ko kuba abahezanguni.... [3UB335]

Niba icyemezo gifashwe ko abantu bacu batazakora ku Cyumweru kandi ko benedata bo muri Leta zo mu Majyepfo bazitwara nk'abatavuguruzanya n'itegeko ry'Icyumweru, kubera impamvu y'akarengane, bizatwara igihe kingana iki mbere y'uko abari mu isi bose

---

*84 Inama y'Inteko Nkuru Rusange yo mu mwaka wa 1889 yabereye i Battle Creek kuva kuwa 18 Ukwakira kugeza kuya 5 Ugushyingo. Ku Isabato yo kuwa 2 Ugushyingo mu gitondo, Ellen White yavuze ku Byahishuwe 13, "agaragaza mu magambo yumvikana neza uruhande ubwoko bw'Imana buhagazemo kubw'iki gihe mu birebana n'amategeko agendanye no kubahiriza Icyumweru." Ku Isabato ku gicamunsi yasomye mu Bihamya asoma n'ibyavugiwe mu kibwirizwa cyabwiririjwe mu Nteko Nkuru Rusange mu mwaka wa 1883 cyavugaga ibijyanye n'iyi ngingo. Nta mvugonyandiko yakozwe kuri izo ngingo zombi. ABAKUSANYIJE INYANDIKO.*

---

[3UB335] [abantu bacu] bazaba mu bihe nk'ibi biri mu Majyepfo. Icyemezo kigomba kuba ikireba abantu bose. Nibiramuka pbibayeho umunsi umwe nk'uko bizajya bigenda mu nzego zitandukanye kandi hazabaho ibintu bizemezwa ndetse abubahiriza Isabato bagashyirwa mu bubata bwo kuramya igishushanyo cy'ikigirwamana, hazabaho kudohoka ku mahame kugeza ubwo bazatakaza byose. [3UB336]

Niba tubagiriye inama yo kutubaha isabato y'ikigirwamana yererejwe gusimbura Isabato y'Uwiteka Imana yacu, muri iki kibazo mubahe amabwiriza mu buryo butuje kandi ntimutere umwete uburyo ubwo ari bwo bwose bwo gusuzugura ububasha bw'amategeko haba mu magambo cyangwa mu bikorwa keretse gusa igihe bahamagarirwa kubikora kubw'icyubahiro cy'Imana bashyigikira amategeko yayo yasiribanzwe. Ntihakabeho igikorwa kitari ngombwa cyo kubyutsa umwuka w'ubushyamirane cyangwa uburakari bw'abaturwanya... [3UB336]

Ntihakwiriye kubaho ko abanzi bacu babona icyuho cyo kutugerekaho ibirego cy'uko tutubaha amategeko cyangwa ko tuyasuzugura biturutse ku kudashishoza ku ruhande rwacu.... [3UB336]

Ntihakwiriye kubaho kugaragaza kuvuza urusaku. Nimutyo tuzirikane uburyo ubushukanyi bwagize isi imbata buteye ubwoba kandi ari bubi bikabije bityo dukoreshe uburyo bwose uko dushoboye dushake uko tumurikira abanzi bacu gica. Niba hariho kwemera amahame ya Mwuka

Wera umukoreramo ugomba kubonereza Umukristo kuzaba mu ijuru, ntacyo azakora ahubutse cyangwa yigerejeho ngo atere abantu kurakarira Imana cyangwa kuyituka... [3UB336]

**Uko Mufata Ikibazo cy'Isabato nta Gukebakeba Kubirangwamo.** - Hari ubuhamya bukomeye bugomba gutangwa n'abakomeza Isabato bashize amanga maze amaherezo bakaba bagomba kwihanganira itotezwa rikomeye..... Reka he kugira imyanzuro ifatirwa aha izatera abantu gukora umurimo uvuye ku mutima witanze igice cyangwa ukoranywe ubwoba bagahisha umucyo dufite munsi y'intonga cyangwa munsi y'uburiri, kubera ko tuzageragezwa nta kabuza...... Mumenye neza ko Isabato ari ikibazo cy'ishungura, kandi ko uko mufata iki kibazo bibashyira ku ruhande rw'Imana cyangwa ku ruhande rwa Satani. Ikimenyetso cy'inyamaswa kigomba kugaragarizwa urwego urwo ari rwose ndetse na buri muntu wese mu ishusho runaka....... [3UB336]

Kuva mbere hose, intambwe yose Satani yateye yari intangiriro y'umurimo we wagombaga gukomeza kugeza ku iherezo kugira ngo yerereze ikitari ukuri maze gifate umwanya w'Isabato y'ukuri ya Yehova. N'ubu aracyabigambiriye kandi arushijeho kumaramaza kugenza atyo kuruta mbere hose. Yamanutse ku isi afite imbaraga nyinshi kugira ngo ashuke abatuye isi akoresheje ibinyoma bye. [3UB336]

Mu gihe rero tugeze aho rukomeye, amategeko y'Imana ahinduka ay'agaciro kenshi kurutaho, yera kurushaho, kandi uko arushaho guhindurwa ubusa no kwirengagizwa mu buryo bugaragara cyane, ni ko natwe dukwiriye kongera uburyo tuyumvira kandi tuyubaha.... [3UB337]

Mu kwihangana kw'Imana, iha igihe amahanga ngo yakire imbabazi zayo, ariko icyo gihe nikirangira, hari igihe Imana izabagenderera mu burakari bwayo. Izahana. Isi yagiye itera intambwe iva ku rwego rumwe rwo gusuzugura amategeko y'Imana ikagera ku rundi, ku buryo muri iki gihe isengesho rikwiriye rishobora kuba iri ngo: "Igihe gikwiriye cyo gukora cy' Uwiteka kirasohoye, kuko bahinduye ubusa amategeko yawe" (Zaburi 119:126)... [3UB337]

**Abantu Bagomba Gufata Inshingano.** -Ntihakagire umuntu n'umwe wirata, haba mu matwara ye cyangwa ku cyitegerezo atanga, ngo yerekane ko ari gusuzugura amategeko y'igihugu. Ntímukagire imyanzuro mufata ku bigendana n'ibyo abantu bo muri za Leta zitandukanye bakora cyangwa se ntibakore. Ntihakagire igikorwa ngo kigwabize inshingano y'umuntu ku giti cye. Bagomba guhagarara bagashikama ku Mana yabo cyangwa se bakagwa. Ntihakagire uwibwira ko afite inshingano yo kugira ibyo avugira imbere y'abantu bacu cyangwa imbere y'abanzi bacu gishobora kubyutsa ubushyamirane, kandi [mumenye ko] bafata amagambo yanyu mu buryo usanga muregwa ko muri ibyigomeke ku butegetsi, kubera ko ibyo biba bizakinga umuryango wari kwifashishwa ngo mugere ku bantu... [3UB337]

Nubwo tudashobora kunamira ubutegetsi ubwo ari bwo bwose ngo twerereze Icyumweru tugicira bugufi, nubwo kandi tutazigera twica Isabato kubera ko ubutegetsi bw'igitugu bubiduhatiye, tuzaba tugomba kuba abanyabwenge muri Kristo... Ntabwo tubomba kuvuga amagambo yatugirira nabi ubwacu, kubera ko ibyo byaba ari bibi cyane, ariko igihe muvuze amagambo n'igihe mukoze ibintu byo kwigerezaho bishyira umurimo w'Imana mu kaga, muba mukora umurimo w'ubugome, kuko muba muha Satani urwaho. Ntabwo dukwiye kuba ibihubutsi n'abadashishoza, ahubwo dukwiriye guhora twigira kuri Yesu uko dukwiye gukorera mu Mwuka we, twerekana ukuri nk'uko kuri muri Yesu.... [3UB337]

-

**Akaga Gaterwa n'Ibikorwa bya Hutihuti kandi Bitagiweho Inama Neza.** Mu kibazo gikomeye kizashyirwa imbere yacu, umuntu utagira ibanga, urakara vuba kandí w'intumva azateza akaga

kenshi. Ni ukuri, azasiga isura izatuma imbaraga zose z'Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi zitabasha kuvuguruza ibikorwa bye byo kwigerezaho kubera ko Satani, umushukanyi ruharwa n'icyigomeke kabuhariwe, ari kuyobya imitima y'abantu ngo batamenya ingingo nyakuri y'ikibazo gikomeye, ndetse n'ingaruka zacyo z'iteka ryose..... [3UB337]

Kubw'ibikorwa bya hutihuti kandi bitagiweho inama neza, hariho abazagambanira umurimo w'Imana bawutange mu maboko y'umwanzi. [3UB337]

Hazabaho abantu bazashaka guhorwa, ariko bazahinduka abahakanyi kandi bakagambanira Kristo bitwikiye umwambaro w'abera be. Bose bakeneye kwiga kwigengesera; nanone kandi ku rundi ruhande hari ingorane yo gutsimbarara, no guha umwanzi urwaho mu kugira ibintu byemerwa.... [3UB338]

Ikintu twakora cyose cyakwimika icyiganano mu mwanya w'Isabato y'ukuri, ni ukugomera Imana, kandi tugomba kugenda twigengesereye cyane kugira ngo tuterereza imyanzuro y'umunyabugome. Ntabwo tugomba kuba abantu badafite aho babogamiye kuri iki kibazo gifite uburemere bukomeye... [3UB338]

**Akarengane mu Ntambara Izaba Mbere y'Urugamba rwa nyuma Ruheruka.** - Imitwe ibiri y'ingabo izahagarara mu birindiro bitandukanye, kandi iri tandukaniro rizaba rigaragara cyane ku buryo abantu benshi bazemezwa ukuri bazaza ku ruhande rw'ubwoko bw'Imana bukomeza amategeko yayo. Ubwo uyu murimo ukomeye uzaba ukorwa mu gihe cy'urugamba ruzabanziriza urugamba ruheruka, benshi bazafungwa, abandi benshi bazahungisha ubuzima bwabo bava mu mijyi mito n'iminini, kandi benshi bazicwa bazira Kristo ubwo bazaba bahagaze ku rugamba bahagarariye ukuri...... Ntabwo muzigera mugeragezwa ibirenze ibyo mushobora kwihanganira. Yesu yihanganiye ibi byose ndetse n'ibirenzeho...... [3UB338]

**Umurimo w'Ibirura Byitwikiriye Uruhu rw'Intama.** Ndetse no hagati muri twe, hazabaho abagabo b'indarikwa n'ibirura byambaye uruhu rw'intama bazemeza bamwe mu bagize umukumbi w'Imana gutambira ibigirwamana ibitambo imbere y'Uwiteka.... Urubyiruko rudashikamye kandi rudashyinze imizi mu kuri, ruzagurirwa maze ruyobywe n'abayobozi b'impumyi zirandase izindi mpumyi; ndetse abatizera, abakerensa babaza ibibazo by'urudaca kandi barimbuka, ba bandi bakerensa Umukuru Nyiribihebyose, maze bakimika ikigirwamana, ikiremwa bitekerereje, ikiremwa kimeze nkabo, abo bakozi bazaba bari mu maboko ya Satani kugira ngo bangirize kwizera kw'abadashishoza.

### *Abarangwa no Kwinezeza Bahaza Irari ryabo Bazakwena Indahemuka*

Abantu bagiye barangwa no kwinezeza bahaza irari ryabo kandi biteguye gutwarwa n'ubwibone n'ibigezweho no kwiyerekana, bazaneguriza izuru abantu b'inyangamugayo, bakunda ukuri kandi bubaha Imana, ndetse muri uwo murimo wo kubaneguriza izuru, bazaba basuzugura Imana yo mu ijuru ubwayo..... [3UB338]

Mu izina ry'Uwiteka ndagira inama ubwoko bwayo bwose ngo bwiringire Imana kandi bwe gutangira ubu gutegura umwanya woroheje buzahagararamo kubw'ibihe by'ikubagahu bizatungurana mu gihe kizaza, ahubwo bareke Imana ibategurire kubw'iryo tungurana... [3UB338]

**Uko Iminsi Yacu Izangana ni ko n'Imbaraga Zacu Zizangana.** - Igihe Umukristo ahanze amaso inshingano n'ibigeragezo bikomeye atekereza ko bizamubaho bitewe n'uko ahamya ko afite imyizerere ya Gikristo, ibi bisanzwe ari ibya kameremuntu gutekereza ku ngaruka zazamubaho ndetse no gutinya ibishobora kuzabaho, ndetse ibyo ntibizabura kubaho mu gihe twegereje umusozo w'amateka y'isi. Dushobora gukomezwa n'uko ijambo ry'Imana ari ukuri, ko Kristo We

muyobozi wiringirwa atigeze atenguha abana be mu isaha y'ikigeragezo cyabo kubera ko dufite ibyanditswe bivuga ukuri by'abantu batotejwe n'imbaraga za Satani, ariko ko ubuntu bwa Kristo bwabagezeho hakurikijwe uko iminsi yabo yari iri. Imana ni iyo kwiringirwa ntizadukundira kugeragezwa ibiruta ibyo dushobora kwihanganira.... [3UB339]

Hashobora kubaho imisozi minini y'ibirushya ku byerekeye kuzuza ibyo Imana isaba ndetse no kudasuzugura amategeko ya Leta. Umwizera ntagomba kugira ibyo yiteganyiriza bihagije ngo yikingire ikigeragezo, kubera ko nta kindi ari cyo uretse kuba igikoresho cy'Imana. Agomba kujya mbere afite intego imwe rukumbi, intekerezo ze n'umutima we birinzwe umunsi ku munsi kugira ngo atazatatira ihame na rimwe ry'ubunyangamugayo bwe, ahubwo ye kuzirata, ngo agire ibikangisho atanga, cyangwa ngo avuge icyo azakora cyangwa atazakora kubera ko atazi icyo azakora kugeza igihe azageragezwa.... [3UB339]

**Ntabwo Tugomba Kurakaza Abaturanyi Bacu Bubahiriza Icyumweru.** -Birakwiriye ko duhora tugendera mu kwicisha bugufi kose. Ntíhakwiriye kubaho icyuho na gito cyatuma abanzi bacu baturega ko turi abantu batita ku mategeko kandi ko tuyasuzugura binyuze mu kutagira ubushishozi uko ari ko kose ku ruhande rwacu. Ntabwo dukwiriye kumva ko dushinzwe kurakaza abaturanyi bacu bagize Icyumweru ikigirwamana tubinyujije mu dukoresha imbaraga zose ngo dukorere imirimo imbere yabo kuri uwo munsi w'Icyumweru, dufite umugambi wo kwerekana ko dufite umudendezo. Ntabwo bashiki bacu bakwiriye gufata Icyumweru nk'umunsi wo kugaragaza ko bameshe imyenda. Ntihakagomye kubaho imyireko irangwamo urusaku. Nimutyo tuzirikane uburyo ubuyobe bwafatiye isi mu bubata buteye ubwoba kandi ari bubi bikabije, bityo dukoreshe ubushobozi bwose dufite mu mbaraga zacu dushake uko twamurikira abanzi bacu gica. Niba hariho kwemera amahame yo gukorerwamo na Mwuka Wera Umukristo agomba kuba afite ngo bimutunganyirize kuzaba mu ijuru, ntacyo azakora ahubutse cyangwa yigerejeho ngo atere abantu kugira umujinya no gutuka Imana. [3UB339]

**Ntawe Uzapfa mu Bwoko bw'Imana Ubwo Igihe cy'Imbabazi Kizaba Kirangiye.** -Ubwo Yesu azaba amaze guhaguruka ku ntebe y'ubuhuza, ikintu cyose kizaba cyarafatiwe umwanzuro, kandi icyo gihe gutotezwa n'urupfu bigera ku bwoko bw'Imana ntibizaba igihamya gishyigikira ukuri[3UB339]

Turabingingira kwita kuri aka kaga: Icyo tugomba gutinya kurenza ibindi ni Ubukristo bw'icyitiriro. Dufite abantu benshi bavuga ko bizera ukuri ariko bazatsindwa kubera ko batahuye n'Umwami Yesu Kristo ngo bamenyane. Ntibashobora gutandukanya ijwi rye n'ijwi ry'undi. Ntidukwiriye gutinya umuntu uwo ari we wese ushishikaye no mu buhakanyi bwabaye gikwira, kandi akaba afite ubunararibonye buzima mu kumenya Yesu Kristo Umwami n'Umukiza wacu. Iyo Yesu We byiringiro by'ubwiza aremwe mu muntu, injiji kimwe n'uwaminuje bashobora guhamya kwizera kwacu bavuga bati: "Nzi uwo nizeye uwo ari we?" Mu kujya impaka, bamwe ntibazashobora kwerekana aho uwo bahanganye yahushije ukuri, kubera ko batabonye amahirwe nk'ayo abandi bahawe, nyamara bene abo ntibatsindwa n'ubuhakanyi, kubera ko bafite igihamya mu mitima yabo ko bafite ukuri, bityo imitekerereze y'ubucakura bukaze ndetse n'ibitero bikomeye bya Satani ntibishobora kubakura mu byimbo by'ukuri bamenye, kandi ntibafite gushidikanya cyangwa ubwoba bw'uko bo ubwabo bari mu buyobe.... [3UB340]

Igihe kwiyandarika, inyigisho z'ubuyobe ndetse n'ubuhemu bizuzura mu gihugu, hazaba hari ingo zicishije bugufi aho amasengesho, ndetse amasengesho y'ukuri kandi avuye ku mutima azaba asengwa n'abantu batigeze bamenya ukuri, kandi hazabaho imitima myinshi izemera kwikorera umutwaro wo kurenganywa izira kwamagana gusuzugura Imana. Mu bitekerezo byacu tugarukira

hafi cyane, turi abacamanza b'abatindi, kubera ko benshi muri abo bantu bazemerwa n'Imana kuko bakunda cyane umwambi wose w'umucyo ubagezeho. - Manuscripts 6,1889. [3UB340]

**Muzigure Niba Byarokora Umuntu Akava mu Maboko y'Urenganya.** Abantu bakoreshwa na Satani ngo basohoze imigambi ye kurwanya Imana. Uwiteka yaravuze ati: "Ntimukabure kuziriza amasabato yanjye kuko ari ikimenyetso hagati yanjye namwe mu bihe byanyu byose" (Kuva 31:13). Nta muntu wagombye gusuzugura iri tegeko kugira ngo akunde akire gutotezwa. Ariko mureke abantu bose bazirikane amagambo yavuzwe na Yesu ngo: "Nibabarenganiza mu mudugugu umwe, muzahungire mu wundi" (Matayo 10:23). Niba kubyirinda byashoboka, ntimukishyire mu maboko y'abantu bakoreshwa n'umwuka wa Antikristo. Niba kwigura byazavana abantu bacu mu maboko y'ababarenganya, ibiguzi bizatangwe, aho kugira ngo umuntu azahatwe kandi akoreshwe imirimo ku munsi w'Isabato. Icyo twashobora gukora cyose cyagombye gukorwa kugira ngo abiteguye kurenganywa bazira ukuri babashe kurokorwa mu karengane n'ubugome....... [3UB340]

Igihe abantu basobanukiwe neza ariko bakanga umucyo, maze bagakurikira ibyo bararikira, kandi bagaha agaciro gushimwa n'abantu aho gushimwa n'Imana, baba bakora nk'uko benshi bakoze mu gihe Kristo yari ku isi... [3UB340]

**Amategeko Ntagomba Gusuzugurwa ngo Mukunde Mugubwe Neza.** -Kristo ni icyitegererezo cyacu. Uko Antikristo yiyemeje gukora ubwigomeke bwe yatangiriye mu ijuru kuzakomeza gukorera mu bana bo kutumvira. Igomwa n'urwango bagirira abumvira itegeko rya kane bizagenda birushaho kugwira. Ariko ubwoko bw'Imana ntibugomba guhisha ibendera ryabwo. Ntabwo bukwiriye gusuzugura amategeko y'Imana, kugira ngo bukunde bwumvikane n'imbaga y'inkozi z'ibibi. Bakwiriye kwigengesera kugira ngo badacira urubanza bene se mu kwizera bashikamye, batanyeganyezwa, bahora iteka basabye mu gukora umurimo w'Umwami... [3UB341]

Abareka Imana kugira ngo barengere ubugingo bwabo na Yo izareka. Mu gushaka kurengera ubugingo bwabo maze bagatatira ukuri, ibyo bizatuma babura ubugingo buhoraho. [3UB341]

Urukundo kamere abavandimwe n'inshuti bakundana ntirukwiriye gutera umuntu uwo ariwe wese ubona umucyo kuwanga, ngo asuzugure Imana Data na Yesu Kristo, umwana wayo w'ikinege. Inzitwazo zishoboka zose zo kutumvira zizashakwa n'abantu bahitamo gushimwa n'abantu mu cyimbo cyo gushimwa n'Imana nk'uko benshi bitwaye mu gihe cya Kristo. Úmuntu nahitamo umugore cyangwa abana, se cyangwa nyina kubarutisha Kristo, ayo mahitamo azaba ari ay'iteka ryose, ndetse n'uburemere bwose bw'iyo nshingano abazwa... [3UB341]

Umuntu wigeze kugira umucyo ku birebana n'Isabato y'Uwiteka, urwibutso Rwe rw'irema, maze kubwo kwikiza ingorane zajyaga kumubaho ndetse no gutukwa agahitamo kutumvira, yagambaniye Umwami we. Yasuzuguye izina rya Kristo. Yafashe ibirindiro mu ngabo za Antikristo; kandi ku munsi ukomeye uheruka azaba ari hamwe n'izo ngabo bari hanze y'umurwa w'Imana. Ntabwo azaba ari kumwe n'indahemuka, abanyakuri n'abakiranutsi mu bwami bwo mu ijuru. [3UB341]

Abantu bose bafite ukwizera nyakuri bazageragezwa kandi bashungurwe. Kubera kurwanywa kuzaba gukomeye cyane, bashobora kuzasabwa kuzibukira amazu yabo n'amasambu, ndetse n'abo bahuje umuryango. Kristo yaravuze ati: "Ariko nibabarenganiza mu mudugudu umwe, muzahungire mu wundi. Ndababwira ukuri ko mutazarangiza imidugudu yose ya Isirayeli Umwana w'umuntu ataraza." (Matayo 10:23). [3UB341]

**Antikristo. -Abishyirira Hejuru Kurwanya Imana- Bazagerwaho n'Umujinya Wayo.** -Uko imbaraga iganisha umuntu ku cyiza irushaho gukomera muri we kubwo kugengwa n'Umwuka w'Imana, ni ko n'umwanzi azarushaho gukaza umurego amugirira ishyari n'igomwa akoresheje kumutoteza mu by'idini. Ariko ijuru ryose riri ku ruhande rwa Kristo, ntiriri kurwa Antikristo. Abakunda Imana kandi bakaba bifuza gufatanya na Kristo mu mibabaro ye, Imana izabaha icyubahiro. Antikristo usobanura abantu bose bavuga ko bishyirira hejuru kurwanya ubushake bw'Imana [3UB341] n'umurimo wayo, igihe gikwiriye nikigera azagerwaho n'umujinya wa Kristo witanze kugira ngo batazarimbuka ahubwo babone ubugingo buhoraho. Abantu bose bihanganira mu kumvira, abantu bose batazagurisha ubugingo bwabo ngo babone amafaranga cyangwa ngo bashimwe n'abantu, Imana izabandika mu gitabo cy'ubugingo. - Manuscript 9, 1900. [3UB342]

# IGICE CYA 56

# IGIHE TWEGEREJE IMPERUKA

## UBUTUMWA BUYOBYA BUZEMERWA NA BENSHI

Genzura ikintu cyose mbere y'uko gishyikirizwa umukumbi w'Imana... Mu butumwa buvuga ko buvuye mu Ijuru, hari ibizavugwamo biyobya, kandi imbaraga y'ibyo bintu niyemerwa, izayobora abantu mu matsinda no mu migambi by'ubwaka bizazana ibintu neza neza Satani yakagombye kuba yarazanye ubwe ari byo: umwuka w'inzaduka, umwuka mubi witwikiriye imyambaro y'ubutungane; umwuka ufite imbaraga zo kwiganzura ibintu byose. Ubwaka buzinjira, kandi buzivanga ndetse bwisobekeranye rwose n'imirimo ya Mwuka w'Imana, ku buryo abantu benshi bazabwemera nk'aho buvuye ku Mana, kandi bazashukwa nabwo ndetse bubayobye. [3UB343]

Hari amagambo akomeye akunze kuvugwa n'abavandimwe bacu mu kwizera bageza ubutumwa bw'imbabazi n'imbuzi ku batuye isi yacu, kandi byaba byiza ayo magambo acecetswe.... Mureke he kugira ijambo na rimwe rivugwa ngo ribyutse umwuka wo kwihimura mu barwanya ukuri. Mureke he kugira icyo ari cyo cyose gikorwa cyabyutsa umwuka nk'uw'ikiyoka kubera ko uwo mwuka uzigaragaza ubwawo vuba bidatinze mu buryo buhagije ndetse no mu miterere yawo nk'ikiyoka, kandi uzahagurukira kurwanya abakomeza amategeko bakagira guhamya nk'ukwa Yesu.... [3UB343]

**Guhangana n'Amagambo Tutavuganye Ubushishozi.** - Igihe kizagera ubwo tuzahamagarirwa guhagarara imbere y'abami n'abategetsi, abacamanza n'abanyabubasha kugira ngo duhamye ukuri. Icyo gihe abo bahamya bazatungurwa no kubona ko imyanya yabo, amagambo yabo, imvugo nyazo bakoresheje ntacyo bitayeho cyangwa mu buryo budatekerejweho igihe bavugaga bibasira ikinyoma cyangwa bashyira ukuri ahagaragara (imvugo batigeze batekereza ko izibukwa), bizongera gusubirwamo, kandi bazahangana nabyo, ndetse abanzi babo bazabiganzura, bubakire kuri ayo magambo ubwabo bivugiye batayatekerejeho uko bikwiriye... [3UB343]

**Uko Satani Azakora ngo Ayobye.** - Hazaza ibintu byinshi bigendereye kutuyobya, birimo ibimenyetso bimwe biranga ukuri. Vuba aha bidatinze ibyo bintu bizerekanwa nk'imbaraga ikomeye y'Imana, Satani yiteguye rwose gusobekeranyamo ibyo yateguriye kuyobya imitima ngo ayivane mu kuri kugenewe iki gihe. [3UB344]

Bamwe bazemera kandi bazatangaza ikinyoma, kandi igihe gucyahwa kuzaza kugashyira ibintu mu mucyo nyakuri, abantu bafite ubunararibonye buke kandi badasobanukiwe imikorere ya Satani ihora yisubiramo kenshi, ibyari byarashyizwe imbere yabo ari ukuri bazabijugunyana n'imyanda y'ikinyoma. Uko ni ko umucyo n'imiburo Imana itanga kubw'iki gihe bizahíndurwa ubusa.... [3UB344]

**Ellen White Azashinjwa Ubutumwa bw'Ibinyoma**. Ubutumwa bwose bwahimbwe burimo buraza kugira ngo buharabike umurimo w'Imana, kandi buri gihe bugaragara nk'ubufite ikirango cy'ukuri ku ibendera ryabwo. Kandi abantu biteguye ikintu gishya icyo aricyo cyose kandi kijyana n'amatsiko n'amarangamutima atimbitse, bazafata ibyo bintu ku buryo abanzi bacu bazagereka ibintu byose birangwa no guhuzagurika no gukabya kuri madamu Ellen White, umuhanuzikazi...

Hazabaho ubutumwa bugoretswe buturutse ku bantu mu mpande zose. Abantu bazajya bahaguruka basimburana, bagaragara nk'aho bahumekewe, mu gihe nta guhumekerwa n'ijuru bafite, ahubwo bazaba bayobowe n'ubushukanyi bw'umwanzi. Abantu bose bazakira ubutumwa bwabo bazayobywa. Nuko rero, nimutyo tugende twigengesereye, kandi twe gukingurira umwanzi urugi ngo yinjire anyuze mu byiyumviro tugira, mu nzozi no mu mayerekwa. Imana iradufasha ngo mu kwizera turebe kuri Yesu, kandi ngo tuyoborwe n'amagambo ubwe yavuze - Letter 66, 1894. [3UB344]

## GUSHIKAMA KUTARI UBUTAGONDWA

Tugomba guhanga amaso yo kuzera kuri Yesu tudakebakeba. Igihe nikigera, kandi koko kizaza, ubwo amategeko y'Imana azahindurwa ubusa, umwete w'abanyakuri kandi b'indahemuka uzaba ukwiye kubyuka bwangu, kandi ushyushye kurushaho ndetse udakebakeba, kandi ubuhamya bwabo bukwiriye kuba ari bwiza ndetse buhamye. Ariko niba imitima yacu yariyeguriye Imana burundu, nta kintu na kimwe dukwiriye gukorana umwuka w'ubutagondwa... [3UB344]

**Umujinya Satani Afitiye Ubutumwa bw'Abamarayika Batatu.** Marayika wa gatatu agaragazwa aguruka aringanije ijuru, akaba ashushanya umurimo wabamamaza ubutumwa bwa malayika wa mbere, ubwa malayika wa kabiri n'ubwa malayika wa gatatu. Ubwo butumwa bwose buromatanye. Ibihamya by'ukuri kuriho kandi kuzahoraho iteka k'ubwo butumwa bukomeye busobanuye byinshi kuri twe, ndetse bwakanguye ukurwanywa gukomeye guturuka mu banyamadini yo mu isi, bene ibyo bihamya ntibyazimye. Satani ahora ashakisha ubutitsa gutwikiriza ubwo [3UB344] butumwa umwijima we w'ikuzimu kugira ngo ubwoko bw'Imana bwasigaye butazasobanukirwa agaciro kabwo neza (igihe cyabwo n'umwanya bufite) ariko buriho, kandi bugomba gukoresha imbaraga zabwo mu mibereho yacu y'iyobokamana mu gihe igihe kiri gushyira.... [3UB345]

Umuhishuzi aravuga ati: "Mbona malayika wundi amanuka ava mu ijuru afite ubutware bukomeye isi imurikirwa n'ubwuza bwe. Arangurura ijwi rirenga ati, 'Iraguye iraguye, Babuloni ikomeye!" (Ibyah. 18:1,2). Ubu ni bwa butumwa bumwe n'ubwatanzwe na malayika wa kabiri avuga ko Babuloni iguye, "Kuko yateretse amahanga yose inzoga ari zo ruba ry'ubusambanyi bwawo" (Ibyah. 14:8). Iyo nzoga ni iyihe? Ni inyigisho zayo z'ibinyoma. Babuloni yahaye isi isabato y'ikinyoma mu mwanya w'Isabato ivugwa n'itegeko rya kane, kandi yashimangiye ikinyoma Satani yabanje kubwira Eva muri Édeni ari cyo: kudapfa kubugingo. Babuloni yakwije ibinyoma by'amoko menshi hirya no hino, "yigisha inyigisho z'amategeko y'abantu." [3UB345]

**Irarikwa ry'Uburyo Bubiri Butandukanye Rigezwa ku Matorero.** -Igihe Yesu yatangiraga umurimo we mu ruhame, yejeje urusengero avanamo ibyaruhumanyaga. Hafi y'umurimo wose uheruka yakoze wari uwo kongera kweza urusengero. Bityo rero, mu murimo uheruka wo kuburira isi, irarika ry'uburyo bubiri butandukanye rigezwa ku matorero; [ni] ubutumwa bwa malayika wa kabiri, maze ijwi rikumvikanira mu ijuru rivuga riti: "Bwoko bwanjye nimuwusohokemo....... Kuko ibyaha byawo byarundanijwe bikagera mu ijuru, kandi Imana yibutse gukiranirwa kwayo" (Ibyahishuwe 18:4,5). [3UB345]

Nk'uko Imana yahamagariye abana ba Isirayeli kuva muri Egiputa kugira ngo babashe kubahiriza Isabato, ni nako ihamagara ubwoko bwayo ngo buve muri Babuloni kugira ngo butaramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo. Umunyabugome, watekereje guhindura ibihe n'amategeko, wishyize hejuru y'Imana aha abatuye isi iyi sabato y'ikinyoma. Isi ya Gikristo yemeye uyu mwana

w'Ubupapa, iramukikira kandi iramugaburira, nuko isuzugura Imana ikuraho urwibutso rwayo maze ishyiraho isabato ihanganye n'iy'Imana. [3UB345]

**Umuhati Umaramaje wo Kwerereza Icyumweru.** - Nyuma y'uko ukuri kuzaba kumaze gutangazwa ngo kubere ubuhamya amahanga yose, ari nako muri icyo gihe imbaraga z'umwanzi zishoboka zose zizaba zikora, igihe intekerezo z'abantu zizaba ziri mu rujijo rutewe n'amajwi menshi asakuza ngo, "Dore, Yesu ari hano," "Dore, Yesu ari hariya," "Uku ni ukuri," "Mfite ubutumwa buvuye ku Mana," "Yantumye impaye umucyo ukomeye," kandi hariho ivanwaho ry'ibyapa, no kugerageza gusenya inkingi zo kwizera kwacu ubwo ni bwo umwete umaramaje uzakoreshwa mu kwerereza isabato y'ikinyoma, no gushyira igisuzuguriro ku Mana ubwayo binyuze mu gukuraho umunsi yahaye umugisha kandi ikaweza. [3UB345]

**Mu Gihe Satani Akora, Malayika wo mu Byahishuwe 18 Atangaza Ubutumwa Bwe.** Iyi sabato y'ikinyoma igomba guhabwa imbaraga n'itegeko ry'agahato. Satani n'abamarayika be barakangutse rwose kandi barakorana umwete, bakorana imbaraga no kwihangana bakorera mu bikoreshobantu kugira ngo basohoze umugambi we wo gusibanganya kumenya Imana. Mu gihe Satani ari gukoresha ibitangaza by'ibinyoma, igihe cyari cyaravuzwe mu Byahishuwe kirageze, ubwo malayika ukomeye umurikishiriza isi ubwiza bwe atangaza kugwa kwa Babuloni akanahamagarira ubwoko bw'Imana kuyisohokamo... [3UB346]

**Abaziba Icyuho**. Ubwo iherezo ryegereza, ubuhamya bw'abagaragu b'Imana buzarushaho kuba budakebakeba kandi bufite imbaraga, bumurike umucyo w'ukuri ku rwunge rw'imikorere y'ikinyoma n'akarengane imaze igihe kirekire iganje. Uwiteka yatwoherereje ubutumwa bukwiranye n'iki gihe kugira ngo twubakire Ubukristo ku rufatiro rw'iteka ryose, kandi abantu bose bizera ukuri kw'iki gihe bagomba guhaguruka, ntibahagarare mu bwenge bwabo, ahubwo bahagarare mu Mana; maze bazamure urufatiro rwashinzwe mu bisekuru byinshi. Abongabo bazandikwa mu bitabo byo mu ijuru ko ari abaziba icyuho, abasubizaho inzira zo kubamo. Imbere yo kurwanywa gukaze, tugomba gukomera ku kuri kubera ko ari ukuri. [3UB346]

Ibigeragezo bizatugeraho. Gukiranirwa kuganje n'aho utajyaga kukwitega na gato. Hazakinguka ibikorwa byijimye ndetse biteye ubwoba bikomeye kugira ngo bitsikamire ubugingo; ariko ntidukwiriye gutsindwa cyangwa gucika intege mu gihe tuzi neza ko umukororombya w'isezerano uri hejuru y'intebe ya cyami y'Imana. [3UB346]

Tuzagerwaho n'ibigeragezo biremereye, kurwanywa gukaze, gupfusha n'umubabaro; ariko tuzi ko ibyo byose Yesu yabinyuzemo. Ibyo tuzanyuramo ni iby'agaciro kuri twe. Ibyiza byabyo ntibigarukira rwose kuri ubu buzima bugufi. Biragenda bikagera mu bihe bidashira... [3UB346]

Ubwo dusatira iherezo ry'amateka y'iyi si, turushaho kugenda dutera imbere twihuta mu gukura kwa Gikristo, cyangwa se turasubira inyuma bikomeye - Letter 1f, 1890. [3UB346]

## ABADIVENTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI BASUBIYE INYUMA BAZIFATANYA N'ABATIZERA

Satani ubwe ni umwanzi wa Kristo..... Hashize igihe kirekire ayobya inyokomuntu, kandi afite ububasha bukomeye ku muryango wa muntu; ndetse umujinya afitiye ubwoko bw'Imana uriyongera iyo abonye ko kumenya ibyo Imana isaba kugenda kwaguka kukagera mu bice byose by'isi, kandi ko umucyo w'ukuri kugenewe iki gihe umurikira abamaze igihe kirekire biyicariye mu mwijima... [3UB346]

Ijambo ry'Imana... rigomba kutubera intwaro idukingira igihe Satani akoresha ibitangaza nk'ibinyoma kugira ngo ayobye n'intore niba bishoboka. [3UB346] Muri iki gihe ni ho

abatarashikamye ku kuri bazifatanya n'abatizera bakunda kubeshya kandi bakabikora. Igihe ibyo bitangaza bizakorwa, igihe abarwayi bakizwa n'ibindi bitangaza bigakorwa, bene abo bantu bazayobywa. Mbese twiteguye ibihe by'amakuba bitwegereye? Cyangwa duhagaze aho tuzagwa mu mitego ya Satani bitworoheye? - Manuscript 81, 1908. [3UB347]

## UBUHANGA BWAHIMBWE NA SEKIBI

Ni iki kigiye kutugeraho vuba aha? Imyuka y'ubushukanyi iri kwinjira. Niba Imana yarigeze kumvugiramo, bidatinze muzumwa iby'ubuhanga butangaje -ubuhanga bwahimbwe na Sekibi. Intego yabwo ni iyo gutesha agaciro Imana na Yesu Kristo uwo yatumye. Bamwe bazasingiza ubu buhanga bupfuye, kandi Satani azabakoreramo ashake uko ahindura ubusa amategeko y'Imana. Ibitangaza bikomeye bizakorerwa mu maso y'abantu mu izina ry'ubwo buhanga butangaje. - Letter 48, 1907. [3UB347]

**Igihe cy'Ubuhakanyi Kitugezeho**

Iherezo rya byose riregereje. Ibimenyetso birasohora byiyungikanya, ariko bigaragara ko abantu bake ari bo babona ko umunsi w'Umwami uje wihuta, mu buryo bwa bucece, nk'uko umujura aza nijoro. Abantu benshi bari kuvuga bati: "Ni amahoro, ni amahoro." Keretse gusa nibaba maso kandi bagategereza Umwami, naho ubundi bazafatwa mu mutego... [3UB347]

"Ariko Umwuka avuga yeruye ati, 'Mu bihe bizaza bamwe bazagwa bave mu byizerwa, bite ku myuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni" (1Timoteyo 4:1). Iki gihe cy'ubuhakanyi tukigezemo. Hazakoreshwa imbaraga zishoboka zose kugira ngo gushidikanya gusakare mu birindiro tumaze imyaka isaga mirongo itanu duhagazemo... [3UB347]

**Umuriro Uturutse mu Ijuru.** - Abarebera ku bitangaza nk'ikimenyetso cy'ubuyobozi bw'Imana bari mu kaga gakomeye ko kuyoba. Byanditswe mu Ijambo ry'Imana ko Umwanzi azakorera mu bakozi be bavuye mu byo kwizera, kandi bazakora ibisa n'ibitangaza, kugeza n'aho bamanura umuriro uturutse mu ijuru mu maso y'abantu. Yifashishije “ibitangaza by'ibinyoma" Satani ashobora kuzayobya n'intore bibaye bishobotse. - Letter 410, 1907. [3UB347]

**Abamarayika Bazafata Imiyaga Ine Kugeza Gushyirwaho Ikimenyetso Birangiye. -** Abamarayika bafashe imiyaga ine, bagereranywa n'ifarashi irakaye ishaka guca ikiziriko, ngo yiruke mu isi yose, ijyanye kurimbura n'urupfu mu nzira inyuramo... [3UB347]

Ndababwira mu izina ry'Uwiteka Imana ya Isirayeli ko imbaraga zose zangiza, kandi z'ibicantege zifashwe n'amaboko ataboneshwa amaso ya marayika, kugeza ubwo umuntu wese ukorera mu gitinyiro n'urukundo by'Imana ashyiriweho ikimenyetso mu ruhanga. - Letter 138, 1897. [3UB347]

## SATANI N'ABAMARAYIKA BE BIVANGA N'ABAHAKANYI

Satani n'abamarayika be bazagaragara ku isi bameze nk'abantu, kandi bazivanga n'abo Ijambo ry'Imana rivugaho ngo, "Bamwe bazagwa bave mu byizerwa, bite ku myuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni" (1Timoteyo 4:1). Letter 147, 1903. [3UB348]

## UMURIMO W'ABIGISHA BIGENGA

Mpereye kubyo Uwiteka yanejejwe no kunyereka, mu gihe cyose hazabaho abantu bazahaguruka, kandi benshi cyane bo muri bo, bazaba bavuga ko bafite umucyo mushya, uzaba ikibazo cyo

kwirema ibice, n'icyuho cyo kwitandukanya. Kwaguka kwawo kuziyongera kugeza ubwo hazavuka icyuho kizashyirwa hagati y'abemera ibyo bitekerezo n'abizera ubutumwa bwa marayika wa gatatu. [3UB348]

Ibyo bitekerezo bishya nibiba bimaze kwemerwa, hazabaho kwitandukanya n'abantu Imana yakoresheje muri uyu murimo, kubera ko umutima utangira gushidikanya kandi ukavanwa ku bayobozi, ngo kubera ko Imana yabashyize ku ruhande maze igatoranya abantu "baciye bugufi kurutaho" ngo bakore umurimo wayo. [3UB348]

Ubu ni bwo busobanuro bwonyine bashobora guha iki kibazo, nk'aho abayobozi batabona uyu mucyo w'ingenzi. [3UB348]

Imana iri guhagurutsa itsinda ry'abantu ngo rivuge ijwi rirenga ry'ubutumwa bwa marayika wa gatatu... Ni intego ya Satani guhagurutsa inyigisho nshya kugira ngo ateshure abantu ku murimo nyakuri n'ubutumwa nyabwo bugenewe iki gihe. Satani ahagurutsa abantu ngo batange ubusobanuro bupfuye bw'Ibyanditswe Byera, ngo bavuge ijwi rirenga ry'iryiganano, kugira ngo ubutumwa nyakuri nibuza bwe kugira icyo bukora. Iki ni kimwe mu bihamya bikomeye cyane by'uko ijwi rirenga rizumvikana vuba bidatinze kandi isi izamurikirwa n'ubwiza bw'Imana. - Letter 20, 1884. [3UB348]

## ABAMARAYIKA BABI BAZAKORERA HAGATI MURI TWE MU ISHUSHO Y'ABIZERA

Neretswe ko abamarayika babi bambaye ishusho y'abizera bazakorera hagati muri twe kugira ngo binjize umwuka ukomeye wo kutizera. Nimutyo n'ibi ubwabyo ntibizabace intege, ahubwo muzane umutima muzima wo gufasha Umwami mu kurwanya imbaraga z'ibikoresho bya Satani. [3UB348]

Izo ngabo z'umubi zizitabira amateraniro yacu, atari ukugira ngo zihabwe umugisha, ahubwo zizanwe no kuvuguruza imbaraga ihindura y'Umwuka Wera w'Imana. Ntimukite ku gitekerezo bashobora gutanga,

---

*85 Ibi bireba ibitekerezo bimwe bijyana n'ubuhanuzi byari bifitwe na "mwenedata D" (Testimonies, vol. 5, pp.289-297), uruhande rurwanya Umwuka w'Ubuhanuzi ahagazemo, ndetse n'uburyo atari afitiye icyizere ubuyobozi bw'Inteko Nkuru Rusange. -Abakusanyije Inyandiko.*

---

[3UB348] ahubwo musubiremo amasezerano y'agahozo y'Imana, avuga ngo "ye" na "Amena" muri Kristo Yesu. [3UB349]

Ntabwo tugomba na rimwe gusubiramo amagambo umuntu ashobora kuvuga ngo dushyigikire abamarayika babi mu murimo wabo, ahubwo dukwiriye gusubiramo amagambo ya Kristo. Kristo ni we wari Umwigisha mu materaniro y'abo bamarayika mbere y'uko bagwa bakava mu buturo bwabo bwo mu ijuru. - Letter 46, 1909. [3UB349]

Dufite ukuri gukomeye kandi gufite icyubahiro tugomba kugeza ku batuye isi, kandi uko kuri gukomba kwamamazwa nta mususu, nta kugwaguza. Impanda igomba kuvuga ijwi ryihariye. Abantu bamwe bazaza kumva ubutumwa bw'inzaduka babitewe n'amatsiko; abandi nabo baze bafite inyota yo kunguka ubumenyi nyakuri, babaza ikibazo ngo, "Nkore nte ngo mbone kuragwa ubugingo buhoraho?" (Mariko 10:17)." [3UB349]

Uko ni ko abantu bazaga kuri Kristo. Kandi abamarayika babi mu ishusho y'abantu bivangaga n'ababaga baje kumwumva, bagatanga ibitekerezo byabo, bagahinyura, bakagoreka, kandi bagasobanura nabi amagambo y'umukiza...... [3UB349]

Muri iki gihe abamarayika babi mu ishusho y'abantu bazaganira n'abazi ukuri. Bazasobanura nabi kandi bagoreke amagambo avugwa n'intumwa z'Imana... [3UB349]

Mbese Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi bibagiwe umuburo watanzwe mu gice cya 6 cy'Abefeso? Turi ku rugamba turwana n'ingabo z'umwijima. Keretse gusa nidukurikira Umuyobozi wacu tumuri hafi cyane, naho ubundi nibitaba bityo Satani azadutsinda. - Letter 140, 1903. [3UB349]

## UBUHAKANYI BUZADUTUNGURA

Nk'uko byagenze mu gihe cyashize, mu gihe kizaza tuzabona habaho gukura kw'imico y'ubwoko bwose. Tuzabona ubuhakanyi bw'abantu twagiriraga icyizere, abo twiringiraga, abo twibwiraga ko bakomeye nk'icyuma mu kudahemuka ku mahame kwabo. [3UB349]

Hari ikigiye kuza kubagerageza, kandi bazarindimuka. Bene abo bantu nibagwa, bamwe bazavuga bati: "Ninde twakwiringira?" Ibi ni ibishuko Satani azana kugira ngo arimbure ibyiringiro by'abahirimbanira kunyura mu nzira ifunganye. Mu by'ukuri abagwa bamaze kwanduriza inzira yabo imbere y'Uwiteka, kandi ni ibyapa by'imbuzi byigisha abahamya ko bizera ukuri ko Ijambo ry'Imana ryonyine ari ryo rishobora kurinda abantu bagashikama mu nzira yo kwera, cyangwa ríkababakura mu cyaha ..... [3UB349]

Reka umuntu wese, aho yaba akorera hose, amenye neza ko ukuri kwacengejwe mu mutima we n'imbaraga y'Umwuka Wera w'Imana. Nibitaba bityo, ababwiriza Ijambo ry'Imana bazatatira icyizere cyera bagiriwe. [3UB349] Abaganga bazageragezwa maze kwizera kwabo kurohame. Abanyamategeko, abacamanza n'abasenateri, bazamungwa na ruswa biyegurire kwakira impongano, baziyemeza kugurwa no kugurishwa. - Manuscript 154, 1898. [3UB350]

## ABAHAKANYI BAZAKORESHA KUGUSHA ABANTU IKINYA

Igihe cyarageze ubwo no mu itorero ndetse no mu bigo byacu, abantu bamwe bazareka kwizera, bumvire imyuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni. Ariko Imana izarinda ikibitsanyo twayibikije. Nimutyo tuyegere, kugira ngo nayo itwegere. Nimutyo dutange ubuhamya bweruye kandi bwumvikana kuri iyi ngingo, twerekane ko kugusha abantu ikinya biri gukoreshwa n'abantu bavuye mu murongo wo kwizera, kandi ko tutagomba kwifatanya nabo. Imbaraga z'umwanzi zizakorera mu batandukira bakareka kwizera kugira ngo ziyobye n'abandi. -Letter 237, 1904. [3UB350]

## "MUFATANYE, MUFATANYE"

Intambara ikomeye iheruka iri imbere yacu, ariko abakunda Imana kandi bakumvira amategeko yayo bose bazahabwa ubufasha, kandi isi yose, nayo izamurikirwa n'ubwiza bw'Imana. "Marayika wundi" agiye kumanuka ava mu ijuru. Uyu mumarayika ashushanya kuvuga ijwi rirenga, rigomba guturuka mu bantu bari kwitegura kurangurura cyane mu ijwi rikomeye bagira bati: "Iraguye, iraguye, Babuloni ikomeye! Thindutse icumbi ry'abadayimoni, aharindirwa imyuka mibi yose y'ibisiga byose bihumanye kandi byangwa" (Ibyahishuwe 18:1, 2). [3UB350]

Dufite ubutumwa bw'ishungura tugomba gutanga, kandi nategetswe kubwira abantu bacu ngo, "Mufatanye, Mufatanye." Ariko ntabwo tugomba gufatanya n'abitandukanya no kwizera maze bakita ku myuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni. Tugomba kujya kwamamaza ubutumwa

imitima yacu inezerewe, yuje ineza n'ukuri, kandi ntitwite ku bayobya abandi babavana ku kuri. Manuscript 31, 1906. [3UB350]

## IGICE CYA 57

## URUGAMBA RUKOMEYE RUHERUKA

Nahaswe na Mwuka w'Uwiteka ngo nandike cya gitabo [cy'Intambara Ikomeye]...... Nari nzi ko igihe ari kigufi, kandi ko ibyajyaga kubaho bikisukiranya kuri twe bidatinze amaherezo byajyaga kuza bitunguranye cyane kandi byihuta cyane, nk'uko byavuzwe mu magambo y'Ibyanditswe Byera ngo, "Kuko ubwanyu muzi neza yuko umunsi w'Umwami wacu uzaza nk'uko umujura aza nijoro" (1Abatesalonike 5:2). [3UB351]

Uwiteka yanshize imbere ibintu byihutirwa birebana n'iki gihe, kandi bigera no mu gihe kizaza..... Nahamirijwe ko nta gihe kiriho cyo gupfusha ubusa. Irarika n'imbuzi bigomba gutangwa. Amatorero yacu akwiye gukangurwa kandi agomba kwigishwa kugira ngo [abayagize] babashe kugeza ubutumwa bw'imbuzi ku bantu bose bashobora kugeraho, batangaze ko inkota ije, kandi ko umujinya w'Uwiteka ugomba gusukwa ku isi yashayishije utazabura kuza nta kabuza. Neretswe ko abantu benshi bazumva uwo muburo. Imitima yabo yagombye gutegurirwa gusobanukirwa neza ibyo iyo miburo ibabwira." [3UB351]

Neretswe...... ko umuburo ugomba kugera aho intumwa nzima [z'Imana] zitashoboraga kugera, kandi ko uzakangurira intekerezo za benshi kwita ku buremere bw'ibintu bigomba kubaho mu bikorwa bizasoza amateka y'iyi si. [3UB351]

**Ellen White Yeretswe Ibigiye Kuzabaho.** - Ubwo nashyirwaga imbere uko itorero n'isi bimeze, kandi nkitegereza ibintu bishishana bizabaho biri imbere yacu, nakangaranyijwe no kubyitereza; kandi ijoro ku rindi, mu gihe abo mu nzu bose babaga basinziriye, nanditse ibintu Imana yampishuriye. Neretswe inyigisho z'ubuyobe zigomba kwaduka, ubushukanyi buzaba buganje, ndetse n'imbaraga ya Satani ikora ibitangaza (abiyita Kristo bazaduka) izayobya itsinda rinini cyane, ndetse mu isi [3UB351] y'iby'iyobokamana (abasenga Imana), kandi niba bishoboka iyo mbaraga izayobya n'intore... [3UB352]

Imiburo n'inyigisho biri muri iki gitabo bikenewe n'abantu bose bavuga ko bizera ukuri kugenewe iki gihe, kandi iki gitabo cyanditswe mu buryo kigomba kugezwa no ku batuye isi yose kugira ngo gikangurire intekerezo zabo kwita ku bigiye kuba imbere yacu. Letter 1, 1890. [3UB352]

### AMAKUBA ARI IMBERE

**Abarenganya Bazemererwa Kunesha Agahe Gato**. Uwiteka ari kureba ubwoko bwe bugeragezwa afite imbabazi, impuhwe, igishyika n'ineza nyinshi. By'agahe gato, abarenganya bazemererwa kunesha abazi amategeko yera y'Imana. Bose bazahabwa amahirwe amwe n'ayahawe icyigomeke cya mbere gikomeye kugira ngo bagaragaze umwuka ubakoresha. Ni umugambi w'Imana ko buri wese azageragezwa kandi agapimwa kugira ngo harebwe niba azumvira cyangwa niba azagomera amategeko agenga ingoma y'ijuru. Kugera ku musozo, Imana yemerera Satani ngo ahishure imico ye ko ari umunyakinyoma, umurezi n'umwicanyi. Noncho intsinzi iheruka y'ubwoko bw'Imana izarushaho kugaragazwa, yuje icyubahiro giheranije, ishyitse kandi yuzuye rwose.... [3UB352]

Ubwoko bw'Imana bukwiriye guhaguka rwose, ntibwiringire ubwenge bwabo bwite, ahubwo bukiringira rwose ubwenge bw'Umuyobozi wabwo. Bwagombye gushyiraho iminsi yihariye yo kwiyiriza ubusa no gusenga... [3UB352]

**Twegereje Akaga**. - Twegereje akaga gakomeye cyane katigeze kaba ku isi. Niba tudakangutse cyane kandi ngo tube maso, aka kaga kazadutungura nk'umujura. Satani ari gutegura gukorera mu bantu b'ibikoresho bye mu ibanga... [3UB352]

Tugomba kumenya impamvu zo kwizera kwacu. Uburemere no gukomera kw'ibigiye kubera imbere yacu bisaba ko tumenya izo mpamvu, kandi ntibikwiriye ko dushyigikira umwuka wo kwitotomba... [3UB352]

Twagombye gusaba dushimikiriye turi imberey'inamanshingamategeko, duharanira uburenganzira bwo gukoresha umutimanama wacu utavogerwa, duharanira gusenga Imana dukurikije uko umutimanama wacu utubwira. Muri ubwo buryo, Imana mu buntu bwayo yateganyije ko ibyo amategeko yayo yera asaba bizagezwa imbere y'abantu bo mu nzego zo hejuru. Ariko mu gihe dukora uko dushoboye kose nk'abagabo n'abagore batayobewe imitego ya Satani, ntabwo tugomba kugaragaza uburakari bw'amarangamutima. Tugomba guhora dusaba ubufasha butangwa n'Imana. Imana yonyine ni yo ishobora gufata imiyaga ine kugeza ubwo abamarayika bazaba bamaze gushyira ikimenyetso mu ruhanga rw'imbata zayo. [3UB352]

**Umwete Udakebakeba wa Satani**. Uwiteka azakora umurimo ukomeye mu isi. Satani akoresha umwete udakebakeba kugira ngo ace ibice [3UB352] kandi atatanye ubwoko bw'Imana. Azana ibibazo bidafite aho bihuriye kugira ngo ateshure imitima ku ngingo z'ingirakamaro intekerezo zacu zagombye kuba zihugiyeho... [3UB353]

Abantu benshi bafatishije ukuri imitwe y'intoki zabo gusa. Bagiye bahabwa umucyo mwinshi n'amahirwe menshi. Ku biregana n'umucyo n'amahirwe bagize, bahawe isumbwe nka Kaperinawumu. Mu gihe cyo gushungurwa no kugeragezwa cyegereje, bazahinduka abahakanyi keretse gusa nibazibukira ubwibone bwabo no kumva ko bihagije, keretse kandi nibaba bahindutse mu mico burundu. Letter 5, 1883. [3UB353]

## ITEGEKO RY'IBIHUGU RIZATERA ABANTU KWICA AMATEGEKO Y'IMANA

Abashaka gushyiraho amategeko y'ibihugu azatera abantu kwica amategeko y'Imana Uwiteka azabacira imanza akurikije imirimo yabo. Igihano cyabo kizaba kingana n'icyaha cyabo. - Letter 90, 1908. [3UB353]

## ISI MU BWIGOMEKE

**Kugambanira Kristo no Kumubamba Bizongera Bikorwe.** - Ibyabaye mu kugambanira Kristo, kumwanga no kumubamba byongeye gukorwa kandi bizongera bisubirwemo ku rwego rukomeye. Abantu bazuzura imico ya Satani. Ibinyoma by'umwanzi gica w'Imana n'abantu bizagira imbaraga ikomeye. Aberekeje urukundo rwabo ku muyobozi uwo ari we wese utari Kristo (umubiri, ubugingo n'umwuka) bategekwa n'imbaraga ireshyareshya ku buryo kubw'ububasha bwayo abantu bazareka kumva ukuri bakizera ikinyoma. Baratezwe kandi bafatwa mu mutego, kandi muri buri gikorwa cyose bakora baba basakuza bati: "Tubohorere Baraba, ariko ubambe Kristo." [3UB353]

Mu matorero yateshutse ku kuri no gukiranuka hari guhishurirwa icyo kamere muntu izaba n'icyo izakora igihe urukundo rw'Imana atari ryo hame rishinze imizi mu mutima. Ntabwo dukwiriye gutangazwa n'ikintu icyo ari cyose gishobora kuba muri iki gihe. Ntidukwiye gutangazwa no kwiyongeranya uko ari kose kw'amakuba. Abaribatira amategeko y'Imana munsi y'ibirenge byabo

byanduye bafite umwuka umwe n'uwari mu bantu batutse Yesu kandi bakamugambanira. Nta kwicuza na guke bafite mu mutimanama wabo, bazakora imirimo ya se ari we Sekibi... [3UB353]

Abahitamo Satani ngo abayobore bazagaragaza umwuka wa shebuja bahisemo, we wagushije ababyeyi bacu ba mbere mu cyaha. Kubwo kwanga Umwana w'Imana we wabaye kwigaragaza kw'Imana imwe y'ukuri, wari wuzuye ubuntu n'imbabazi, n'urukundo rudacogora, uwari ufite umutima wahoraga ukorwagaho n'umubabaro ugera ku kiremwamuntu, kandi abantu bakaba barahisemo umwicanyi mu cyimbo cye, abo bantu berekanye icyo kamere muntu ishobora gukora kandi ízakora igihe Umwuka w'Imana ukumira ibibi azaba akuweho maze abantu bakayoborwa n'umuhakanyi [3UB353] ukomeye. Nibigera kuri urwo rugero ubwo umucyo uzaba wanzwe cyangwa uretswe ni ho hazabaho imitekerereze n'imyumvire ipfuye. Abanga Kristo bagahitamo Baraba bazakorera mu bushukanyi burimbura. Kugoreka no gutanga ubuhamya bw'ibinyoma biziyongeranya byigaragarize mu bwigomeke bweruye... [3UB354]

**Kwihuriza mu Bucuti Burimo Akaga**. - Kristo yerekana ko umuntu adafite imbaraga imuyobora ya Mwuka w'Imana, bene uwo muntu yaba imbaraga iteye ubwoba ikora ikibi. Kutizera no kwanga gucyahwa bizabyutsa imbaraga za Satani. Abatware n'abafite ubushobozi, n'abategeka iyi si y'umwijima, n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru, bazihuriza mu bucutí burimo akaga. Bazishyirira hamwe kurwanya Imana barwanya abera bayo. Binyuze mu kugoreka ndetse n'ibinyoma, bazaca intege abagabo n'abagore bagaragara ko bizera ukuri. Abahamya b'ibinyoma ntibazabura muri uyu murimo uteye ubwoba.... [3UB354]

Ubwo yari amaze kuvuga iby'imperuka y'isi, Yesu yagarutse kuri Yerusalemu, umurwa wari wicaye mu bwibone no kwishyira hejuru maze aravuga ati: "Nicara ndi umugabekazi sindi umupfakazi, nicyo gituma nta gahinda nzagira na hato." (Ibyahishuwe 18:7). Ubwo ijisho rye rya gihanuzi ryitegerezaga Yerusalemu, Yesu yabonye isi nayo izarekwa ikarimbuka nk'uko Yerusalemu yaretswe ikarimbuka. Ibyabaye mu irimbuka rya Yerusalemu bizasubirwamo kuri wa munsi ukomeye kandi uteye ubwoba w'Uwiteka, ariko mu buryo buteye ubwoba kurutaho... [3UB354]

Ubwo abantu bazakuraho ibyabatangiraga byose, kandi ubwabo bagahindura ubusa amategeko y'Imana maze bagashyiraho amategeko yabo agoretse, ndetse bakagerageza guhatira imitimanama y'abubaha Ímana bakanakomeza amategeko yayo kugira ngo baribatire amategeko y'Imana munsi y'ibirenge byabo, bazabona ko imbabazi bakerensheje zirangiye..... [3UB354]

**Ibyago Bigiye Kuza.** - Isi yagaragajwe mu kurimbuka kwa Yerusalemu, kandi umuburo watanzwe na Kristo icyo gihe ugaruka usubiramo ya magambo ku b'igihe cyacu ngo: "Kandi hazaba ibimenyetso ku zuba no ku kwezi no ku nyenyeri, kandi no hasi amahanga azababara, bumirwe bumvise inyanja n'umuraba bihorera." (Luka 21:25). Nibyo, [inyanja n'umuraba] bizarenga imbibi zabyo, kandi kurimbuka kuzabikurikira. Bizarengera amato agenda ku mazi yabyo magari, kandi hamwe n'imitwaro bitwaye, abantu bazihutishwa bagana mu rupfu nta kubona igihe cyo kwihana. [3UB354]

Hazaba ibyago ku butaka no ku nyanja, "abantu bazagushwa igihumura n'ubwoba no kwibwira ibyenda kubaho mu isi, kuko imbaraga zo mu ijuru zizanyeganyega. Ubwo nibwo bazabona Umwana w'umuntu aje mu gicu, afite imbaraga n'ubwiza bwinshi." (Luka 21: 26,27). Nk'uko Yesu yazamutse ajya mu ijuru ni ko azagaruka kuri iyi si yacu. "Nuko ibyo nibitangira[3UB354] kubaho muzararame, mwubure imitwe yanyu, kuko gucungurwa kwanyu kuzaba kwenda gusohora" (Luka 21:28). - Manuscript 40, 1897. [3UB355]

**Isenyuka ry'umuryango Mugari.** - Kubera ko abari mu isi baramaze gutakaza icyabahuzaga n'Imana, bari gukoresha umwete urimo ubwihebe n'ubusazi kugira ngo buri wese akurure yishyira. Ibi bibatera kutizerana, nabyo bigakurikirwa n'ibyaha by'urugomo n'ubwicanyi. Ubwami bwo ku isi buzicamo ibice bihangana hagati yabyo. Bake cyane nibo bazahinduka nk'imigozi yuje urugwiro ihuriuza umuntu na mugenzi we mu isano y'ubuvandimwe. Ukwikunda kamere k'umutima w'umuntu kuzakorerwamo na Satani. Azakoresha ubushake bw'umuntu atagenzura ubwe n'amarangamutima y'urugomo bitegeze byegurirwa gutegekwa n'ubushake bw'Imana... [3UB355]

Ukuboko k'umuntu wese azakubangurira kurwanya mugenzi we. Abavandimwe baba abagabo n'abagore bazahagurukirana, ababyeyi bahagurukire abana babo, n'abana barwanye ababyeyi. Bose bazaba mu rujijo. Abahuje umuryango bazagambanirana. Hazabaho kugambanirana mu ibanga kugira ngo bahitane ubuzima bw'abantu. Kurimbuka, imibabaro n'urupfu bizaboneka impande zose. Abantu bazakurikiza kamere itagira kwitangira barazwe n'ababyeyi babo kandi bakurikize na kamere mbi bimenyereje... [3UB355]

**Imanza zo Guhora kw'Imana Zerekanwa mu Iyerekwa**. - Imana ifite ububiko burimo imanza zo guhora, yemera ko zigera ku bakomeje kwibera mu cyaha kandi barabonye umucyo ukomeye. Nabonye ibintu bihenze cyane mu mazu yubatswe kandi byafatwaga ko bidashobora gufatwa n'umuriro. Kandi nk'uko Sodomu yarimbutse ikagurumana kubwo guhora kw'Imana, ni nako izo nyubako z'ibitangarirwa zizahinduka umuyonga. Nabonye amato yatwaye amafaranga menshi cyane ari guhangana n'amazi afite imbaraga, ashaka uko yahangana n'imiraba izikuka. Ariko hamwe n'imitungo ya zahabu n'ifeza yari muri ayo mato, ndetse n'abantu bose barimo yararohamye ajya ikuzimu. Ubwibone bw'umuntu buzahambanwa n'ubutunzi yarundanyije mu nzira z'uburiganya. Imana izahorera abapfakazi n'imfubyi bamutakiye bashonje kandi babuze icyo bambara bamusaba ngo abafashe abakure mu gukandamizwa no guhohoterwa. [3UB355]

Igihe kiraje vuba ubwo mu isi hazaba umubabaro udashobora gukizwa n'amavuta yomora yakozwe n'umuntu. Ibibumbano byo kwishyeshya bigaragaza ubuhangage bw'abantu bizahinduka umukungungu na mbere y'uko kurimbuka gukomeye guheruka kugera ku isi... [3UB355]

Dushobora gukira amateka agiye gusukwa ku isi binyuze gusa mu kwambara ikanzu yo gukiranuka kwa Kristo. - Letter 20, 1901. [3UB355]

## ABANA BENSHI BAZASINZIRA

Vuba aha bidatinze tuzajyanwa ahantu hafunganye kandi h'ibigeragezo, kandi ku bw'imbabazi [z'Imana] abana benshi bazanwe mu isi bazajyanwa basinzire mbere yuko igihe cy'umubabaro kigera. -Manuscript 152, 1899. (Reba igitabo Child Guidance pp. 565,566; Testimonies to Ministers, p.375). [3UB356]

## URUGAMBA RUHERUKA RUZABA RUGUFI ARIKO RUTEYE UBWOBA

Dusatiriye ibintu bikomeye kandi bikura umutima bigiye kuzabaho. Ubuhanuzi burimo burasohora. Uruganba ruheruka ruzaba rugufi, ariko ruzaba ruteye ubwoba. Intambara zo hambere zizongera zihemburwe. Intambara nshya nazo zizabyuka. Dufite umurimo ukomeye tugomba gukora. Umurimo wacu w'ibwirizabutumwa ntugomba guhagarara. Imiburo iheruka igomba guhabwa isi. Gushyira ahagaragara ukuri muri iki gihe birimo imbaraga yihariye. Mbese ibyo bizamara igihe kingana iki? Ni agahe gato cyane... [3UB356]

Icyo umuntu wese yagombye kwibaza ni iki ngo: "Ndi uwande? Ni nde nkwiriye kubaha? Mbese umutima wanjye wahinduwe mushya? Mbese ubugingo bwanjye bwaravuguwe? Mbese ibyaha byanjye byarababariwe? Cyangwa se bizahanagurwa ubwo igihe cyo guhemburwa kizaba kigeze? [3UB356]

**Abahanuzi Banditse Ibirebana n'Igihe Cyabo n'Icyacu.** Ibitabo biheruka by 'Isezerano rya Kera bitwereka abakozi bavanwe mu bahinzi bo mu murima. Abandi bari abantu bafite ubushobozi bukomeye kandi bize cyane, ariko Imana yabahaye amayerekwa, ibaha n'ubutumwa. Abo bantu bo mu Isezerano rya Kera bavuze ku bintu byarebanaga n'igihe cyabo, kandi Daniyeli, Yesaya na Ezekiyeli ntibavuze ku bintu byabarebaga nk'ukuri kw'icyo gihe gusa, ahubwo amaso yabo yarebaga kure no mu gihe kizaza, kandi babonye n'ibyajyaga kuzabaho muri iyi minsi ya nyuma. -*Letter 132, 1898.* [3UB356]

## NIBABARENGANYA MUZAHUNGIRE AHANDI HANTU

Ahantu hamwe hatangarijwe kurwanya intumwa z'Imana, icyo gihe ubuzima bwazo bushobora kujya mu kaga. Igihe bimeze bityo rero, ni amahirwe yabo gukurikiza urugero rwa Shebuja bakajya ahandi hantu. - Letter 20, 1901. [3UB356]

## GUTOTEZWA KW'ABANTU BAZIRA KWIZERA IMANA NI UBURYO IMANA IKORESHA IZANA BENSHI KU KURI

Abahamya nyabo banze kuramya igishushanyo cy'izahabu bajugunywe mu itanura ry'umuriro ugurumana, ariko Kristo yari kumwe nabo muri uwo muriro kandi umuriro ntacyo wabatwaye... [3UB356]

Ubu noneho benshi muri twe bashobora kugezwa mu igeragezwa rikomeye cyane None se tuzumvira amategeko y'abantu cyangwa [3UB356] tuzumvira amategeko y'Imana? Iki ni ikibazo abantu benshi bazabazwa. Icyiza cyane kuri twe ni ukomatana n'Imana cyane, bityo niyemera ko twicwa tuzira ukuri, bishobora kuba uburyo bwo kuzana abandi bantu benshi ku kuri. - Manuscript 83, 1886. [3UB357]

## KRISTO AHAGAZE MU RUHANDE RW'ABERA BARENGANYWA

Nta na rimwe Umukiza akunda cyane umuntu uteraganwa kurusha igihe ari gutotezwa azira ukuri. Igihe umwizera ahagaze imbere y'inkiko zikiranirwa azira ukuri, Kristo amuhagarara iruhande. Ibitutsi byose bitukwa umwizera bigera kuri Kristo ubwe mu ishusho y'abera be. Yesu yaravuze ati: "Nanjye nzamukunda mwiyereke" (Yohana 14:21). Kristo acirwa urubanza kenshi mu ishusho y'abigishwa be bamwizera. [3UB357]

Kubwo kuzira ukuri, igihe umwizera afungiranwe mu gihome cya gereza, Kristo aramwiyereka, maze umutima we ugasabwa n'urukundo rwa Kristo. Igihe yishwe azira Kristo, Kristo aramubwira ati: "Bashobora kwica umubiri, ariko ntibashobora kwica ubugingo." "Komera, uhumure nanesheje isi." "Barambambye, kandi niba bakwishe, baba bambambye na none mu ishusho y'abera banjye." [3UB357]

Gutotezwa nta kindi kwazana kirenze urupfu, ariko ubugingo bubikiwe ikuzo n'ubugingo buhoraho. Ubutware butoteza bushobora guhagarara mu mwanya wabwo, maze bugategeka abigishwa ba Kristo guhakana kwizera kwabo, ngo bite ku myuka iyobya n'inyigisho

z'abadayimoni bahindura ubusa amategeko y'Imana. Ariko abigishwa ba Kristo bashobora kubaza bati: "Kuki nakora ibyo? Nkunda Yesu, kandi sinzigera nihakana izina Rye." Igihe ubwo butware buvuze ngo, "Turabita abahungabanya amahoro." Abigishwa ba Kristo bashobora gusubiza bati: "Ni uko bise Yesu, wari ukuri, ubuntu n'amahoro." - Letter 116, 1896. [3UB357]

## ABACURUZI BAKOMEYE N'IBIKOMANGOMA BAZAHITAMO URUHANDE BAHAGARARAMO

Abantu bamwe babarizwa mu bacuruzi bakomeye no mu bikomangoma baziyemeza kumvira ukuri. Ijisho ry'Imana ryagiye riba kuri abo bantu ubwo bakoraga ibihuje n'umucyo bamenye, bagakomera ku bunyangamugayo bwabo. Koruneliyo, umuntu wari mu mwanya wo hejuru, yashikamaga ku mibereho ye y'iby'idini, akagenda adakebakeba akurikije umucyo yari yarakiriye. Imana yaramwitegerezaga, maze ituma marayika wayo ngo amugezeho ubutumwa. Intumwa y'ijuru yanyuze ku biyitaga abakiranutsi iza kuri Koruneliyo maze imuhamagara mu izina rye... [3UB357]

Ibi byandikiwe kubera inyungu z'abariho muri iyi minsi ya nyuma. Abantu benshi bahawe umucyo mwinshi ntibawuhaye agaciro cyangwa ngo bawukoreshe neza nk'uko byari amahirwe yabo kubigenza batyo. Ntabwo bashyize ukuri mu bikorwa. Kandi kubera ibyo, Uwiteka azazana abashyize mu bikorwa umucyo wose bahawe mu mibereho yabo. Kandi [3UB357] abagize amahirwe yihariye yo gusobanukirwa ukuri ariko ntibabe barumviye amahame yako, bazatwarwa n'ibishuko bya Satani kugira ngo abagenze uko yishakiye. Bazahakana amahame y'ukuri mu migirire yabo kandi batukishe umurimo w'Imana. [3UB358]

Kristo avuga ko azaruka bene abo, kandi akabareka ngo bakurikire imigirire yabo bityo bitandukanye nawe. Iyo migirire ibahindura ibirangirire nk'abagaragu bakiranirwa Shebuja yasigiye urugo rwe. [3UB358]

Igipimo cy'Imana cy'Abagendera mu Mucyo Bamenye. - Uwiteka azaha ubutumwa bwe abantu bagendera mu mucyo bahawe, kandi azabemera nk'abanyakuri n'abizerwa hakurikijwe igipimo cye bwite. Aba bantu bazafata umwanya w'abahawe umucyo kandi bakawumenya ariko ntibagendere mu nzira y'Uwiteka, ahubwo bakaba barikurikirije ibyo bitekererezaga mu mitima yabo itejejwe. [3UB358]

Ubu turi mu minsi ya nyuma, igihe ukuri kugomba kuvugwa, igihe ukuri kunyuze mu magambo yo gucyaha n'imbuzi kugomba kubwirwa abatuye isi hatitawe ku ngaruka bishobora guteza. Niba hari abantu bamwe bazumva bakozwe mu jisho maze bagatera ukuri umugongo, tugomba kuzirikana ko no mu gihe cya Kristo hari abakoze batyo.... [3UB358]

**Ingabo z'Uwiteka Ntizizagabanuka.** - Ariko hariho abantu bazakira ukuri, kandi abo bazafata imyanya yasigayemo ubusa bitewe n'abantu bumvise bakozwe mu jisho maze bakitandukanya n'ukuri.... Uwiteka azakora ku buryo abatarahindutse bazatandukanywa n'abanyakuri kandi b'indahemuka.... Ingabo z'Uwiteka ntizizagabanuka. Abazaba bashikamye kandi b'abanyakuri bazuzuza imyanya yasigayemo ubusa ivuyemo abumvise bakozweho maze bakaba abahakanyi... [3UB358]

Abantu benshi bazaha agaciro ubwenge bw'Imana baburutishe inyungu z'iby'isi, kandi bazumvira Ijambo ry'Imana nk'urugero ngenderwaho ruhebuje izindi. Abo bantu bazayoborwa ku mucyo mwinshi. Bazamenya ukuri, kandi bazashaka uko bageza uyu mucyo w'ukuri ku bo bazi ko bagira ubwuzu bwo kwakira ukuri nkabo. -Manuscript 97, 1898. [3UB358]

## BURI MUNTU AZABA MU NGABO ZA KRISTO CYANGWA MUZA SATANI

Turi kwegereza iherezo ry'amateka y'iyi si, ubwo impande ebyiri gusa ari zo zishobora kubaho, kandi buri mugabo, buri mugore, na buri mwana azaba muri umwe muri iyi mitwe y'ingabo. Yesu azaba Umugaba w'umutwe umwe w'ingabo; Satani nawe azaba umuyobozi w'urundi ruhande rurwanya urwa Yesu. Abantu bose bica amategeko y'Imana kandi bakigisha n'abandi kugenza batyo, kandi ari yo rufatiro rw'ingoma yayo mu ijuru no mu isi, bari munsi y'umutware ukomeye, ubayobora ngo barwanye ubutegetsi bw'Imana. Kandi "abamarayika batarinze ubutware bwabo ahubwo abakareka ubuturo bwabo (Yuda 6) ni ibyigomeke ku mategeko y'Imana, [3UB358] kandi ni abanzi b'abubaha kandi bagakunda amategeko yayo. Abongabo hamwe n'umuyobozi wabo Satani bazakoresha uburyo bushoboka bwose maze bakoranyirize abandi bantu mu ngabo zabo, kugira ngo bakomeze ingabo za Satani kandi bashimangire ibyo yigamba. [3UB359]

Bishobotse Satani yayobya n'intore akoresheje ibishuko n'ubuhendanyi bye. Ntabwo ubushukanyi bwe bworoheje. Azashaka uko abuza amahwemo, asebye, aharabike, arege kandi agaragaze nabi abantu bose adashobora guhatira kumuha icyubahiro no kumufasha mu murimo we. Kugera ku ntego kwe gukomeye gushingiye mu gukomereza abantu mu rujijo no kutamenya imitego ye, kuko iyo bigenze bityo aba ashobora kuyobora abatari maso nk'uyobora impumyi... [3UB359]

**Isabato Niyo Kibazo mu Rugamba Ruheruka**. Isabato ni yo kibazo gikomeye cy'ishungura. Ni yo murongo utandukanya abubaha b'abanyakuri n'abigometse kandi batumvira. Iyi ni Isabato Imana yategetse, kandi abavuga ko bakomeza amategeko y'Imana, kandi bizera ko ubu bari kuvuga ubutumwa bwa marayika wa gatatu, bazabona uruhande rw'ingenzi Isabato ivugwa n'itegeko rya kane ifite muri ubwo butumwa. Isabato ni ikimenyetso cy'Imana ihoraho. Ntibazoroshya ibyo Isabato isaba kugira ngo bihuze n'ibyo bibwira ko bikwiriye. - Manuscript 34, 1897. [3UB359]

Yohana mu gitabo cy'Ibyahishuwe yanditse ibyo kunga ubumwe kw'abatuye ku isi kugira ngo bahindure ubusa amategeko y'Imana. Yaranditse ati: "Abo bahuje inama, baha ya nyamaswa imbaraga zabo n'ubutware bwabo. Bazarwanya Umwana w'Intama, ariko Umwana w'Intama azabanesha, kuko ari we Mutware utwara abatware n'Umwami w'abami, kandi abari hamwe n'abo bahamagawe batoranijwe bakiranutse nabo bazayinesha" (Ibyahishuwe 17: 13,14). "Nuko mbona mu kanwa ka cya kiyoka no mu kanwa ka ya nyamaswa, no mu kanwa ka wa muhanuzi w'ibinyoma, havamo imyuka itatu isa n'ibikeri" (Ibyahishuwe 16:13). [3UB359]

Abantu berereza kandi baramya isabato y'ikigirwamana, umunsi Imana itahaye umugisha, bafasha umwanzi n'abamarayika be bakoresheje imbaraga zose bahawe n'Imana, bagoretse ngo zikoreshwe mu buryo bubi. Bahumekewe n'undi mwuka uhindura impumyi ubushishozi bwabo, ntibashobora kubona ko kwerereza Icyumweru ari gahunda yashyizweho rwose n'Itorero Gatolika... [3UB359]

**Isabato ni Ingingo Igabanya Isi.** - Uwiteka nyir'ijuru yemerera abatuye isi guhitamo uwo bazemerera kubabera umuyobozi. Mureke abantu bose basome bitonze igice cya cumi na gatatu cy'Ibyahishuwe, kubera ko kireba umuntu wese, yaba ukomeye n'uworoheje. Umuntu wese agomba gufata uruhande ahereramo rwaba urw'Imana y'ukuri ihoraho, Yo yahaye isi urwibutso rw'Irema arirwo Sabato y'umunsi wa karindwi, cyangwa akajya mu ruhande rw'isabato y'ikinyoma, yashizweho n'abantu bishyize hejuru y'icyitwa Imana cyose, cyangwa igisengwa cyose, kandi bishyizeho ibiranga [3UB359] Satani barenganya abubaha b'abanyakuri bakomeza amategeko y'Imana. Ubu butware butoteza buzahatira abantu kuramya inyamaswa bushimangira gukomeza isabato bwashyizeho. Nuko rero atuka Imana, "yicara mu rusengero rw'Imana, yiyerekana ko ari Imana" (2Abatesalonike 2:4). [3UB360]

**Ibihumbi Ijana na Mirongo ine na bine Batabonetseho Ikinyoma.** -kimwe mu birango bikomeye byagaragaye ku bantu ibihumbi ijana na mirongo ine na bine (144 000) ni uko mu kanwa kabo hatabotsemo ikinyoma. Uwiteka yaravuze ati: "Hahirwa umuntu ..... mu mutima we utabamo uburiganya." Bahamya ko ari abana b'Imana, kandi bagaragazwa nk'abakurikira Umwana w'intama aho ajya hose. Tubagaragarizwa nk'abahagaze ku musozi wa Siyoni, bakenyereye gukora umurimo wera, bambaye imyenda yera, ari yo gukiranuka kw'abera. Ariko abakurikira Umwana w'Intama bose mu ijuru bagomba kuzaba barabanje kumukurikirira ku isi, bamwumvira bamwiringiye, bamukunda kandi babishaka, batamukurikira bagwaguza cyangwa bahuzagurika, ahubwo bafite ishema kandi bakomeje nk'uko umukumbi ukurikira umwungeri... [3UB360]

**Satani Akoresha Imbaraga ze Ziheruka ngo Arebe ko Yanesha.** - Isi ifatanyije n'amatorero yiyita ko ari aya Gikristo mu guhindura ubusa amategeko ya Yehova. Amategeko y'Imana yashyizwe ku ruhande, kandi aribatirwa munsi y'ibirenge; kandi ubwoko bw'Imanabwosebw'indahemuka buzasenga isengesho rizamuka rijya mu ijuru busenga buti: "Igihe gikwiriye cyo gukora cy Uwiteka kirasohoye, kuko bahinduye ubusa amategeko yawe." (Zaburi 119:126). Satani ari gukoresha imbaraga ze ziheruka kandi zikomeye cyane kugira ngo arebe ko yigarurira ubutware. Ni rwo rugamba rwe ruheruka arwanya amahame y'amategeko y'Imana. Ubuhemu bwihandagaje bugwiriye hose. [3UB360]

Nyuma y'ibyo Yohana yavuze mu Byahishuwe 16 yerekana iby'iyo mbaraga ikora ibitangaza yagombaga gukoranyiriza isi yose kujya mu rugamba rukomeye ruheruka, ibimenyetso byarasutswe maze ijwi ry'impanda ryumvikana mu ijwi ryihariye. "Dore ndaza nk'umujura. Hahirwa uba maso akarinda imyenda ye, kugira ngo atagenda yambaye ubusa bakareba isoni z'ubwambure bwe." (Ibyahishuwe 16:15). - Manuscript 7a, 1896. [3UB360]

## KRISTO YIVANGA N'INGABO ZE MU RUGAMBA RUHERUKA

Umurimo w'Umwuka Wera ni ukwifatanya n'imbaraga ya muntu kandi ijuru ryose riri gukora umurimo wo gutegurira ubwoko [bw'Imana] guhagarara bushikamye muri iyi minsi ya nyuma. Therezo riri bugufi kandi turashaka guhanga amaso isi izaza... [3UB360]

Muri uru rugamba ruheruka Umugaba w'ingabo z'Uwiteka [Yosuwa 5:15] ayoboye ingabo zo mu ijuru kandi yivanga n'ingabo bityo akaturwanira intambara. Tuzagira abahakanyi, turabizi neza. "Bazava muri twe, icyakora ntibari abacu by'ukuri, kuko iyo baba abacu bagumanye na twe" (reba [3UB360]1 Yohana 2:19). "Igiti cyose Data wo mu ijuru adateye, kizarandurwa" (Matayo 15:13). [3UB361]

Wa mumarayika, marayika ukomeye uvuye mu ijuru, agomba kumurikishiriza isi ubwiza bwe (Ibyahishuwe 18:1), ari nako avuga n'ijwi rirenga ati: "Iraguye, iraguye Babuloni ikomeye" (umurongo wa 2). Íyo tutaba dushyigikiwe n'imbaraga y'Imana, twatakaza kwizera n'ubutwari muri iyo ntambara. [3UB361]

**Ibibi by'ubwoko bwose bigomba kwaduka bikorana umwete mwinshi.** Abamarayika babi bahuza imbaraga zabo n'abanyabyaha, kandi kubera ko bamaze igihe kirekire bari ku rugamba rudatuza ndetse bakaba baragwije ubunararibonye mu buryo bwiza cyane bwo gushukana no kurwana, ndetse bakaba baragwije imbaraga mu binyejana byinshi, ntabwo bazavirira urugamba rukomeye ruheruka hatabaye intambara y'ubwiyahuzi, kandi isi yose izaba ku ruhande rumwe cyangwa urundi rw'ikibazo. [3UB361]

Intambara ya Harimagedoni izarwanwa, kandi icyo gihe nta n'umwe muri twe kizasanga asinziriye. Tugomba guhora turi maso, tumeze nk'abakobwa b'abanyabwenge bafite amavuta mu mperezo zacu dufite n'amatara yacu. Imbaraga y'Umwaka Wera igomba kuba kuri twe, kandi Umugaba w'ingabo z'Uwiteka azahagarara ayoboye abamarayika bo mu ijuru kugira ngo ayobore urugamba. Ibihe bikomeye biri imbere. Impanda zigomba kuvuzwa zungikanya; kandi uducuma [tw'umujinya] tugenda dusukwa ku batuye isi dukurikiranye. Hazabaho ibintu bitangaza ndetse bigiye kutugeraho kandi ibyo bintu bizaba ari ibimenyetso ndakuka byerekana ko Kristo ari kumwe natwe, We wayoboye mu bihe byose bikomeye cyane, We waherekezaga urugendo rw'umurimo We ibihe byose, kandi warahiriye kubana n'ubwoko bwe mu ntambara zabwo zose kugeza ku mperuka y'isi. Azahagararira ukuri kwe. Azatuma ukuri kwe gutsinda. Yiteguye guha abamunambaho impamvu n'imbaraga mu mugambi bagira, akabatera ibyiringiro, ubutwari no kwikomeza mu murimo urushaho kwiyongera uko igihe kigenda kidusatira. [3UB361]

**Urugamba Rumwe Ruheruka kandi Rukaze**. - Ubushukanyi, ubuyobe n'ubuhendanyi biziyongera. Urusaku ruzumvikana impande zose ngo: "Dore nguyu Kristo! Dore, nguriya Kristo!" Ariko Kristo yaravuze ati: "Ntimukajyeyo.... ntimukabakurikire" (Luka 28:8). Hazaba urugamba rumwe rukaze mbere y'uko umunyabugome afungirwa kuri iyi si... [3UB361]

Mu gihe ubuporotesitanti buri kugwa neza imbere y'umunyabugome kandi bukanamukunda (2Abatesalonike 2:3), mbese ubwoko bw'Imana ntibwagombye gufata ibirindiro byabwo nk'abasirikare ba Yesu Kristo bashiritse ubwoba kandi b'intwari bugahangana n'ikibazo kigomba kuza, ndetse ubugingo bwabo bukaba buhishanwe na Kristo mu Mana? Babuloni y'amayoberane ntiyagiye igira uwo irokora mu kumena amaraso y'abera, none ntitwakanguka tukaba maso kugira ngo dufate imyambi y'umucyo [3UB361] wakomeje kurasa uva ku mucyo wa marayika ugomba kumurikishiriza isi ubwiza bwe? - Letter 112,1890. [3UB362]

## UBUGINGO BWACU NO KWITEGURA GUHERUKA

**Imana Izatugerageza.** - Mbere yo kuduha umubatizo w'Umwuka Wera, Data wa twese wo mu ijuru azatugerageza kugira ngo arebe ko dushobora kubaho tutamusuzugura. - Letter 22,1902. [3UB362]

**Ikintu Cyose Kidatunganye Kizazibukirwa.** - Igihe imirimo yacu yo ku isi izaba írangiye, maze Kristo akaza kujyana abana be bamunambaho, icyo gihe tuzarabagirana nk'izuba mu bwami bwa Data. Ariko mbere y'uko icyo gihe kigera, ikintu cyose kidatunganye muri twe kizaba cyaramaze kugaragazwa kandi cyararetswe. Igomwa ryose n'ishyari no kuvuga ibibi ndetse n'imigambi yose yo kwikanyiza bizaba byaramaze gucibwa mu bugingo. Letter 417, 1907. [3UB362]

**Igihe Gutungana kw'Imico Kugerwaho**. - Mbese twaba turi kurwana dukoresheje imbaraga zose Imana yaduhaye kugira ngo tugere ku gihagararo cy'abagabo n'abagore muri Kristo? Mbese turi gushaka kuzura kwa Kristo, tugahora tugera ku rugero rusumbyeho, tugerageza kugera ku gutungana kw'imico? Igihe abagaragu b'Imana bazagera kuri urwo rwego, bazashyirwaho ikimenyetso mu ruhanga. Marayika wandika azavuga ati: "Birarangiye." Bazaba bashyitse muri we, kuko ari abe kubw'iremwa no gucungurwa. -Manuscripts 148, 1899. [3UB362]

**Tuzahabwa Akamero ko mu Rwego rwo Hejuru.** - Kristo nagaruka, azajyana aberesheje ubugingo bwabo kumvira ukuri... Uyu mubiri upfa uzambikwa kudapfa, kandi iyi mibiri ibora, yokamwe n'indwara, izahindurwa yambikwe kudapfa. Icyo gihe tuzahabwa akamero ko mu rwego rwo hejuru. Imibiri y'abantu bose beresha ubugingo bwabo kumvira ukuri izambikwa ubwiza. Bazaba rwose barakiriye Yesu kandi baramwizeye. - Manuscript 36, 1906. [3UB362]

## IPICA IKORA KU MUTIMA Y'IBIGIYE KUBAHO

Ku Gatandatu [Ku wa 18 Mutarama 1884] nijoro abantu benshi bumvise ijwi ryanjye ntangara ngira nti: "Reba, Reba!" Niba nari mu nzozi cyangwa mu iyerekwa sinabona icyo navuga. Nari ndyamye jyenyine. [3UB362]

**Igihe cy'amakuba cyari kitugezeho**. Nabonye abantu bacu bari mu mubabaro ukomeye, barira kandi basenga, basaba gusohorezwa amasezerano adakuka y'Imana, mu gihe abanyabyaha bo bari badukikije impande zose badukwena, kandi badukangisha kuturimbura. Bakinnye ku mubyimba intege nke zacu, badukoba baseka umubare wacu muto, kandi badukangisha bakoresheje amagambo yateguwe kuducengera mu mutima. Batugerekagaho icyaha cyo kuba mu ruhande rwigenga rwitandukanyije n'isi yose. Bari bahagaritse ibyo twakenera byose kugira ngo twe kubasha kugura cyangwa kugurisha, kandi baganiraga iby'ubukene bwacu bukabije [3UB362] n'imibereho ibabaje cyane turimo. Ntibashoboraga kubona uburyo dushobora kubaho tutishingirije ku isi. Twakeneraga ibyo ku isi, bityo rero tugomba kwemera imigenzo yayo, imigirire yayo n'amategeko y'isi, bitaba ibyo tukayivamo. Niba ari twe bantu twenyine ku isi Uwiteka yagiriraga neza, twari dutumbiriwe mu buryo buteye ubwoba. [3UB363]

Bavugaga ko bafite ukuri, ko ibitangaza bikorerwa muri bo; ko abamarayika bavuye mu ijuru bavuganaga nabo kandi bakagendanaga nabo, ndetse ko ububasha bukomeye n'ibimenyetso n'ibitangaza byakorerwaga muri bo, bityo ko icyo ari ikinyagihumbi bari barategereje igihe kirekire. Isi yose yarahindutse kandi ntibusanye n'itegeko ry'Icyumweru, maze iri tsinda rito ry'irinyantege nke rihagarara ritumvira amategeko y'igihugu n'amategeko y'Imana, kandi ryavugaga ko ari ryo ryonyine ritunganye ku isi... [3UB363]

**"Murarame, Murarame!"-** Ariko igihe umubabaro wari ku ndahemuka n'abanyakuri batashoboraga kuramya inyamaswa cyangwa igishushanyo cyayo kandi ngo bemere cyangwa ngo bubahe isabato y'ikigirwamana, Úmwe yaravuze ati: "Murarame! Murarame!" Bose bubuye amaso, maze ijuru risa niryizinga nk'igihe bazinga umuzingo w'igitabo, kandi nk'uko Sitefano yitegereje mu ijuru, natwe twatumbiriye mu ijuru. Abakobanyi baradukangishaga kandi badukwena, birata ibyo bari bagambiriye kudukorera niba dukomeje kwifata tugashikama ku kwizera kwacu. Ariko icyo gihe twasaga n'abatari kubumva; twari dutumbiriye ibyabaga byaduteye kutita ku kindi kintu icyo ari cyo cyose. [3UB363]

**Nuko intebe y'ubwami y'Imana irahishurwa.** Yari ikikijwe n'uduhumbi n'iduhumbagiza, kandi iruhande rw'iyo ntebe y'ubwami hari abahowe Imana. Muri bo nabonyemo abari baherutse guca mu makuba akomeye, abo isi itigeze imenya, abo isi yangaga kandi yasuzuguraga. [3UB363]

Ijwi ryaravuze riti, "Yesu, wicaye ku ntebe y'ubwami, yakunze umuntu cyane bituma atanga ubugingo bwe ho igitambo kugira ngo amucungure amukure mu butware bwa Satani, kandi ngo amuzamure amugeze ku ntebe ye y'ubwami. Uri hejuru y'ubutware bwose, Ufite ubutware buhebuje mu ijuru no mu isi, Uwo umuntu wese akesha ineza yose yagiriwe, yari umugwaneza, yiyoroheje mu mutima, uwera, uzira ikibi kandi utunganye mu bugingo. [3UB363]

"Yagandukiye amategeko yose ya Se. Ubugome bwuzuye ku isi; kandi isi ihumanijwe n'abaturage bayo. Mu myanya yo hejuru y'ubutware bwo ku isi handujwe na ruswa no gusenga ibigirwamana kubi bikabije, ariko igihe kirageze ngo gukiranuka guhabwe amashami y'imikindo y'intsinzi no kunesha. Abo ab'isi bafataga nk'abanyantege nke kandi nta gaciro bafite, abatari bafite

uwabarengera ngo abakize ubugome bw'abantu, bazahabwa ikamba ry'abanesheje ndetse barushishweho kunesha" [Ibyahishuwe 7:9-17]. [3UB363]

Bari imbere y'intebe y'ubwami bishimira ubwiza bw'umunsi uhoraho iteka ryose butarangwamo umucyo w'izuba, batameze nk'abatatanye b'abanyantege nke, bagomba kubabazwa n'ubugome bwa Satani bw'ab'isi bigometse kandi bagaragaza amarangamutima, inyigisho n'inama zabadayimoni. [3UB364]

**Noneho Abera Ntacyo Batinya**. - Abatware barangwa no gukiranirwa bahindutse abanyambaraga kandi bateye ubwoba mu isi iyoborwa na Satani, ariko Uwiteka Imana ucira Babuloni urubanza ni umunyambaraga. Noneho abakiranutsi nta kintu bagifite bashobora gutinya gituruka mu mbaraga n'uburiganya kubera ko ari indahemuka n'abanyakuri. Ufite ububasha buruta ubw'umuntu w'igihangage wikwije intwaro yiteguye kubarengera. Ubutware bwose no gukomera n'imico y'agahebuzo bizahabwa abazaba barizeye kandi bahagaze mu byimbo bakarwanira ukuri, bahagaze kandi bashikamye bakarengera amategeko y'Imana. [3UB364]

Undi wo mu ijuru yavuze mu ijwi rikomeye kandi ryirangira ati: "Bavuye mu mubabaro ukomeye. Banyuze mu itanura ry'umuriro ugurumana mu isi, ryacaniriwe cyane n'ubugome bw'abantu bashakaga kubahatira kuramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo, babahatiraga guhemukira Imana yo mu ijuru. [3UB364]

"Bavuye mu misozi, mu bitare, mu myobo no mu buvumo byo ku isi, mu twumba twa kasho, mu magereza, mu nama zaberaga mu bwihisho, mu byumba byakorerwagamo iyicarubozo, mu tuzu tw'ivundi no mu nzu zituzuye. Banyuze mu mubabaro ukomeye, mu kwiyanga no kubura ibyo babaga biteze. Ntabwo bakiri ibikinisho n'ibishungero by'abanyabyaha. Ntabwo bagomba kuzongera kuba abanyagisuzuguriro n'abanyamubabaro imbere y'ababasuzugura. [3UB364]

"Nimubambure imyambaro y'ubushwambagara abanyabyaha bashimishijwe no kubambika. Mubahe indi myambaro, ndetse mubambike amakanzu yera yo gukiranuka, kandi mubambike igitambaro cyiza ku mitwe yabo." [3UB364]

**Bari Bahagaze Aho Ari Abaneshi mu Ntambara Ikomeye.** Bari bambaye amakanzu y'igiciro cyinshi atarigeze yambarwa n'abo ku isi. Bari batamirijwe amakamba y'icyubahiro abantu batigeze kubona. Ibihe by'umubabaro, byo gutukwa, by'ubukene n'inzara ntibizongera kubaho ukundi; kurira kurashize. Nuko baterura indirimbo mu ijwi rirenga, ryumvikana kandi riyunguruye. Bazunguza amashami y'imikindo yo kunesha, maze baravuga bati: "Agakiza ni ak'Imana yacu yicaye ku ntebe, n'ak'Umwana w'intama" (Ibyahishuwe 7:10). [3UB364]

Ooo, Imana itwuzuze Mwuka wayo, kandi iduhe gukomerera mu mbaraga zayo! Muri wa munsi ukomeye wo kunesha guheruka kandi guhebuje bizagaragara ko abakiranutsi bari bakomeye kandi ko gukiranirwa uko kwigaragaza kose ndetse n'ubwibone bwako bwose bwari ugutsindwa [3UB364] kurangwa n'intege kandi kubabaje. Tuzomatana na Yesu, tuzamwizera, tuzashaka Ubuntu bwe n'agakiza ke gakomeye. Tugomba kwihisha muri Yesu, kuko ari ubwihisho bw'umugaru, umufasha utabura mu bihe by'amakuba. - Letter 6, 1884. [3UB365]

**Imirongo Ibiri y'Abamarayika Bashagaye Abera Bagana mu Rurembo**. Umutangabugingo aje kumenagura iminyururu y'igituro. Agomba gukuramo abagizwe imbohe maze agatangaza ati: "Ni njye kuzuka n'ubugingo." Ingabo nyinshi z'abazutse zari zihagaze aho. Igitekerezo cya nyuma cyari icy'urupfu n'umubabaro warwo. Ibitekerezo bya nyuma bari baragize byari iby'imva n'igituro, ariko ubungubu noneho bateye hejuru bati: "Wa rupfu we urubori rwawe ruri he, wa rupfu we

kunesha kwawe kuri he?" (1 Kor. 15:55). Umubabaro w'urupfu niwo kintu cya nyuma bumvishe... [3UB365]

**Igihe bari bakangutse kuribwa kose kwari kwashije.** "Wa kuzimu we, kunesha kwawe kuri he?" Ngaba aho bahagaze kandi bambikwa kudapfa nuko barazamurwa bajya gusanganira Umwami wabo mu kirere. Inzugi z'umurwa w'Imana zikaragiye ku mapata yazo zirakinguka, maze amahanga yarinze ukuri arinjira. [3UB365]

Hari imirongo y'abamarayika ku mpande zombi, maze abacunguwe n'Imana banyura hagati y'abakerubi n'abaserafi. Kristo abaha ikaze kandi abaha umugisha agira ati: "Nuko nuko mugaragu mwiza ukiranuka, wakiranutse mu bike.... injira mu munezero wa Shobuja." (Matayo 25:21). Mbega ibyishimo! Yesu abonye ibiturutse mu bise by'ubugingo bwe biramunyura. Ibyo nibyo dukorera. [3UB365]

**Nguyu wa muntu, wa wundi twaraye ijoro dusenga Imana kubwe**. Hari n'uwo twaganirije ubwo yari ku gisasiro cye agiye gupfa, kandi yerekeje ubugingo bwe bwari butentebutse rwose kuri Yesu. Nguyu uwari umusinzi ruharwa. Twagerageje gukebura amaso ye ngo ayahange ku Ushobora gukiza kandi twamubwiye ko Kristo ashobora kumuha intsinzi. Ngaya amakamba y'icyubahiro cyo kudapfa ku mitwe yabo, maze abacunguwe barambika amakamba yabo arabagirana ku birenge bya Yesu; nuko umutwe w'abaririmbyi babamarayika utera indirimbo yo kunesha, maze ba bamarayika bari ku mirongo ibiri bikiriza iyo ndirimbo, kandi n'imbaga y'abacunguwe yungamo amajwi yabo nk'aho bari baramenyereye kuririmbira iyo ndirimbo ku isi. [3UB365]

**Indirimbo yo mu Ijuru.** - Ooo, mbega indirimbo! Nta jwi ryo gusobanya riyirimo. ljwi ryose riravuga riti: "Umwana w'Intama watambwe niwe ukwiriye" (Ibyahishuwe 5:12). Abonye ibiturutse mu bise by'ubugingo bwe kandi aranyuzwe. Mbese utekereza ko hari umuntu n'umwe uzafata igihe cyo kuvuga ku bigeragezo yahuye nabyo n'ingorane yanyuzemo? "Ibya kera ntibizibukwa kandi ntibizatekezwa" (Yesaya 65:17). "Imana izahagura amarira yose ku maso yabo" (Ibyahishuwe 21:4). -Manuscript 18, 1894. [3UB365]

